Ellen G. White

Abahanuzi n'Abami

Ibirimo

Iriburiro 4
Ijambo Ry'ibanze- Uruzabibu Rw'Imana 6
Igice Cya 1 - Salomo 12
Igice Cya 2 - Ingoro No Kwegurirwa Imana Kwayo 18
Igice Cya 3 - Ubwibone Buterwa No Kugubwa Neza (Pride Of Prosperity) 27
Igice Cya 4 - Ingaruka Zo Gucumura/Kutumvira (Transgression) 34
Igice Cya 5 - Kwihana Kwa Salomo 43
Igice Cya 6 - Ubwami Bugabanywa Mo Kabiri 51
Igice Cya 7 - Yerobowamu 58
Igice Cya 8 - Ubuhakanyi Bw'ishyanga 63
Igice Cya 9 - Eliya W'i Tishibi 69
Igice Cya 10 - Ijwi Ryo Gucyaha Gukomeye/ The Voice Of Stern Rebuke 75
Igice Cya 11 - Karumeli 85
Igice Cya 12 - Kuva I Yezereli Ukagera I Horebu 92
Igice Cya 13 - "Urakora Iki Aho?" 100
Igice Cya 14 - "Mu Mwuka N'imbaraga Bya Eliya" 107
Igice Cya 15 - Yehoshafati 115
Igice Cya 16 - Kurimbuka Kw'inzu Ya Ahabu 124
Igice Cya 17 - Guhamagarwa Kwa Elisa 133
Igice Cya 18 - Guhumanurwa Kw'amazi 141
Igice Cya 19 - Umuhanuzi W'amahoro 145
Igice Cya 20 — Namani 151
Igice Cya 21 - Umurimo Usoza Wa Elisa 156
Igice Cya 22 - "Nineve, Wa Murwa Munini" 163
Igice Cya 23 - Kujyanwa Bunyago Na Ashuri 172
Igice Cya 24 - "Kurimburwa Kubwo Kubura Ubwenge" 181
Igice Cya 25 - Guhamagarwa Kwa Yesaya 186
Igice Cya 26 - "Dore Imana Yanyu!" 192
Igice Cya 27 - Ahazi 198
Igice Cya 28 - Hezekiya 204
Igice Cya 29 - Intumwa Ziturutse I Babuloni 209
Igice Cya 30 - Gukizwa Ashuri /Kurokorwa Ashuri 216
Igice Cya 31 - Ibyiringiro Ku Bapagani 228
Igice Cya 32 - Manase Na Yosiya 236
Igice Cya 33 - Igitabo Cy'amategeko 244

Igice Cya 34 - Yeremiya 253
Igice Cya 35 - Amakuba Yegereje 262
Igice Cya 36 - Umwami Wa Nyuma W'ubuyuda.. 273
Igice Cya 37 - Kujyanwa I Babuloni Ari Imbohe 281
Igice Cya 38 - Umucyo Mu Mwijima... 288
Igice Cya 39 - Mu Rugo Rw'ibwami Bw'i Babuloni 295
Igice Cya 40 - Inzozi Za Nebukadinezari 303
Igice Cya 41 - Itanura Rigurumana... 312
Igice Cya 42 - Gukomera Nyakuri... 319
Igice Cya 43 - Uwitegerezaga Utaraboneshwaga Ijisho 324
Igice Cya 44 - Daniyeli Mu Rwobo Rw'intare 335
Igice Cya 45 - Kugaruka Kw'abari Barajyanwe Mu Bunyage 341
Igice Cya 46 - "Abahanuzi b'Imana Babafasha" 350
Igice Cya 47 - Yosuwa Na Marayika... 360
Igice Cya 48 - "Si Kubw'amaboko Kandi Si Kubw'imbaraga" 367
Igice Cya 49 - Mu Gihe Cy'umwamikazi Esiteri 371
Igice Cya 50 - Ezira, Umutambyi N'umwanditsi 375
Igice Cya 51 - Ububyutse Mu By'umwuka 382
Igice Cya 52 - Umugabo Wakoresheje Neza Amahirwe Yari Afite 389
Igice Cya 53 - Abubatsi B'inkike 393
Igice Cya 54 - Gucyaha Kwereye Kwaka Inyungu Irenze Urugero................. 400
Igice Cya 55 - Ubugambanyi Bw'abapagani.. 405
Igice Cya 56 - Bigishwa Amategeko y'Imana.. 410
Igice Cya 57 - Ubugorozi/Ivugurura (Reformation)... 414
Igice Cya 58 - Ukuza K'umucunguzi (Umurengezi) Deliverer........................ 421

IRIBURIRO

Igitabo kivuga "***Igitekerezo cy'Abahanuzi n'Abami***" ni cyo gitabo cya kabiri mu bitabo bitanu by'ingenzi bisobanura amateka yera. Nyamara ni cyo cyanditswe bwa nyuma muri ibyo, kandi ni nacyo cyaherutse ibindi mu bitabo byinshi byanditswe na Ellen G. White wari ufite impano yo kwandika. Mu gihe cy'imyaka 70 yamaze yigisha kandi yandikira muri Amerika n'ahandi, Ellen G. White yagiye amenyesha abantu ubusobanuro bwagutse bw'ibyagiye biba mu mateka, agahishura ko mu biba mu bantu hagomba kugaragaramo imbaraga zitagaragara zo gukiranuka n'iz'ikibi ari zo: *ukuboko* kw'Imana n'*ibikorwa* by'umwanzi gica. {AnA 5.1}

Uyu mwanditsi wari usobanukiwe byimbitse n'imirimo y'ubuntu [bw'Imana], akingura umwenda ukingirije maze agahishura imyumvire ku byerekeye amateka, ayo ibyabaye mu gihe cyashize bishingiraho ubusobanuro buhoraho. Ellen G. White asobanura iyo myumvire muri ubu buryo: {AnA 5.2}

"Ntabwo imbaraga z'amahanga n'iz'abantu ku giti cyabo ziboneka mu mahirwe n'ibibunganira/ibibafasha (facilities) bisa n'ibibatera kuba abantu badatsindwa; nta nubwo ziboneka mu gukomera kwabo birata. Ikintu cyonyine gishobora kubagira abakomeye ni imbaraga n'umugambi by'Imana. Uko bitwara ku mugambi w'Imana bituma ubwabo bifatira umwanzuro ku iherezo ryabo. {AnA 5.3}

"Amateka ya muntu asobanura ibyo yagezeho, intsinzi yagezeho mu ntambara, intsinzi ye mu kuzamuka mu ntera agana ku gukomera kw'isi. Amateka y'Imana asobanura umuntu nk'uko ijuru rimubona." {AnA 5.4}

Iki gitabo cy'*Abahanuzi n'Abami*, gitangira kivuga inkuru y'ingoma y'agahebuzo ya Salomo ategeka Isiraheli. Yari ingoma ishyize hamwe, ifite ingoro ya Yehova, kandi iyi ngoro ni yo yari ihuriro ryo kuramya nyakuri. Muri iki gitabo harimo impinduka zitari zitezwe zabaye ku bwoko bwari bwaratoneshejwe bugatoranywa, kandi bwari hagati yo kubaha Imana no gukorera ibigirwamana by'amahanga yari abazengurutse. Binyuze mu gihe gikomeye cy'amateka y'iyi si, muri iki gitabo kandi hagaragaramo cyane ibihamya bikomeye byerekana intambara iri hagati ya Kristo na Satani yibasiye imitima y'abantu no kumvira kwabo. Iki gitabo kandi cyuzuyemo ibyigisho biteye amatsiko bivuga ku bantu batandukanye barimo: umunyabwenge Salomo wari ufite ubwenge ariko ntibumubuze gucumura; umwami Yerobowamu wari umugabo wishakira inyungu ze bwite ndetse n'ingaruka mbi zakurikiye ingoma ye; Eliya wari umunyambaraga kandi wari ushiritse ubwoba; Elisa umuhanuzi w'amahoro no gukira; Ahazi wari uteye ubwoba kandi akaba inkozi y'ibibi; Hezekiya wumviraga Imana kandi akagira umutima mwiza; Daniyeli,

ukundwa n'Imana; Yeremiya, umuhanuzi w'umubabaro; Hagayi, Zekariya, na Malaki bahanuye ibyo gukomorerwa (restoration). Hejuru y'abo bose hari Umwami wagombaga kuza mu ikuzo, uwo ni Ntama w'Imana, Umwana w'Imana w'ikinege, uwo ibitambo byose byashushanywaga byaje kuzuriramo. {AnA 5.5}

Igitabo " *Abakurambere n'Abahanuzi*," ari cyo gitabo cya mbere muri ibi, kivuga amateka y'isi uhereye mu irema ukageza ku iherezo ry'ingoma ya Dawidi. Igitabo cya gatatu ari cyo "Uwifuzwa Ibihe Byose" kivuga iby'ubuzima n'umurimo bya Kristo. Iki gitabo usoma ubu "Abahanuzi n'Abami" kiri hagati y'ibi bibiri. Igitabo cya kane muri uru rwunge ari cyo "Ibyakozwe n'Intumwa" cyo kivuga amateka y'itorero rya Gikristo rya mbere. Igitabo giheruka ibindi muri uru rwunge ari cyo " *Intambara Ikomeye*" kivuga amateka y'intambara mu gihe cyacu kigakomeza mu murongo wa Gihanuzi kikageza igihe isi izagiririrwa nshya. {AnA 6.1}

Kuva iki gitabo kivuga "Igitekerezo cy'*Abahanuzi n'Abami*" cyasohoka ubwa mbere cyagiye gikundwa aho cyageraga hose bityo bigatuma gicapwa cyane hagahindurwa ingano yacyo ariko amagambo yo ntiyigere ahinduka. {AnA 6.2}

Icyifuzo kivuye ku mutima w'abanditsi n'inama ishinzwe kurinda umurage w'inyandiko za Ellen G. White ni uko, iki gitabo n'ibyigisho bikirimo bikungahaye mu kwizera Imana n'Umwana wayo, Umukiza w'isi, ndetse n'inkuru zirimo zivuga iby'ubuntu bw'Imana bwagiye bugaragarira mu mibereho y'abagabo n'abagore bakomeye bo mu Isezerano rya Kera, byashimangira imibereho yo kwizera kandi bikamurikira intekerezo z'abantu bose bagisoma. {AnA 6.3}

IJAMBO RY'IBANZE - Uruzabibu rw'Imana

Ubwo Imana yahamagaraga Aburahamu ngo ave muri bene wabo basengaga ibigirwamana maze ikamutegeka kujya gutura mu gihugu cy'i Kanani, byari mu mugambi wo kugeza ku batuye isi yose impano zihebuje izindi ijuru ritanga. Imana yaravuze iti: "Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha." (Itangiriro 12:2). Aburahamu yahamagariwe kugira icyubahiro gikomeye ari cyo cyo kuba umubyeyi w'ubwoko bwagombaga kuba abarinzi n'ababungabunga ukuri kw'Imana ku isi mu myaka amagana menshi. Ubwo bwoko ni bwo amahanga yose yo ku isi yagombaga guhererwamo umugisha binyuze mu kuza kwa Mesiya wasezeranywe. {AnA 8.1}

Abantu bari bari hafi yo kwibagirwa Imana nyakuri. Intekerezo zabo zari zarijimishijwe no gusenga ibigirwamana. Amategeko y'Imana "yera, akiranuka kandi meza" (Abaroma 7:12), abantu bashishikariraga kuyasimbuza amategeko ahuje n'imigambi y'imitima yabo yari yuzuye ubugome no kwikanyiza. Ariko Imana mu buntu bwayo ntiyabarimbuye. Imana yagambiriye kubaha amahirwe yo kumenyana nayo ibinyujije mu itorero ryayo. Imana yagambiriye ko amahame yahishuwe binyuze mu bwoko bwayo yazaba inzira yo kugarura ishusho y'Imana mu muntu. {AnA 8.2}

Amategeko y'Imana agomba guhabwa agaciro gakomeye, ubutware bwayo bugomba gushimangirwa; kandi uyu murimo ukomeye ndetse w'icyubahiro wahawe inzu ya Isirayeli. Imana yabatandukanyije n'abandi bantu bo ku isi kugira ngo ibahe inshingano yera. Yabaragije amategeko yayo, kandi yagambiriye ko binyuze muri bo abantu bose bakomeza kuyimenya. Bityo rero, umucyo wo mu ijuru wagombaga kumurikira isi igoswe n'umwijima, kandi ijwi ryagombaga kumvikana rirarikira abantu bose kuzibukira gusenga ibigirwamana ahubwo bagakorera Imana nzima. {AnA 9.1}

Imana yakuje "imbaraga nyinshi n'amaboko menshi," (Kuva 32:11) ubwoko yitoranyirije mu gihugu cya Misiri. "Atuma Mose umugaragu we, na Aroni yatoranije. Bashyira hagati yabo ibimenyetso bye, bakorera ibitangaza mu gihugu cya Hamu." "Ihana Inyanja Itukura, irakama: Nuko ibacisha imuhengeri nko mu butayu." Zaburi 105:26, 27; 106:9. {AnA 9.2}

Imana yarabarokoye ibakura mu bubata kugira ngo ibajyane mu gihugu cyiza, icyo mu kugira neza kwayo yari yarabateguriye ngo bagihungiremo ababisha babo. Yarabizaniye maze ibagotesha amaboko yayo ahoraho iteka, bityo kubw'ineza n'ubuntu byayo nabo bagombaga kwerereza izina ryayo kandi bakarihesha ikuzo mu isi yose. {AnA 9.3}

"Kuko ubwoko bw'Uwiteka ari bwo gakondo ye, aba Yakobo ari bo mugabane w'umwandu we. Ubwo bwoko yabubonye mu gihugu kidaturwamo, mu butayu butarimo abantu iwabo w'inyamaswa zihuma; arabugota, arabukuyakuya, aburinda nk'imboni y'ijisho rye. Nk'uko

ikizu gikangura ibyana byacyo, kigahungiriza amababa hejuru yabyo. Kigatanda amababa, kikabijyana, kikabiheka ku mababa yacyo: Ni ko Uwiteka yari umuyobora wabwo wenyine, nta mana y'inyamahanga yari kumwe nabwo." (Gutegeka 32:9-12). Uko ni ko Imana yizaniye Abisirayeli irabishyira kugira ngo bibere mu gicucu cy'Isumbabyose. Mu buryo bw'igitangaza, barinzwe ibyago bahuraga nabyo igihe bazereraga mu butayu, kandi nk'ishyanga ryatoranyijwe, amaherezo baje gutuzwa mu Gihugu cy'Isezerano. {AnA 9.4}

Umuhanuzi Yesaya yifashishije umugani, yavuganye impuhwe nyinshi iby'igitekerezo cyo guhamagarwa kw'Abisirayeli no guhugurirwa guhagarara mu isi bagahagararira Yehova, kandi bakera imbuto z'imirimo myiza yose: {AnA 10.1}

"Reka ndirimbire umukiza wanjye indirimbo y'uruzabibu rwe. Umukunzi wanjye yari afite urutoki rw'uruzabibu ku musozi urumbuka. Ararutabirira, arurimburamo amabuye, aruteramo insina y'umuzabibu y'ubwoko bwiza cyane, arwubakamo inzu y'amatafari ndende, acukuramo n'urwina; nuko yiringira ko ruzera inzabibu, ariko rwera indibu." Yesaya 5:1, 2. {AnA 10.2}

Imana yari ifite umugambo wo kugeza umugisha ku bantu bose ibinyujije mu ishyanga ryatoranyijwe. Umuhanuzi yaravuze ati: "kuko urutoki rw'Uwiteka Nyiringabo, ari inzu ya Isirayeli, n'Abayuda ni insina yishimiraga." Yesaya 5:7. {AnA 10.3}

Ubu bwoko bwaragijwe Ibyanditswe byera by'Imana. Bwari bugoteshejwe amahame y'amategeko y'amategeko yayo, ari yo mahame ahoraho iteka ryose yerekeye ukuri, ubutabera n'ubutungane. Kumvira ayo mahame byari kubarinda, kuko yari kubakiza kuba barimburana hagati yabo ubwabo kubw'imikorere yuzuye icyaha. Nk'inzu y'amatafari ndende, Imana kandi yashyize ingoro yayo yera hagati mu Bisirayeli. {AnA 10.4}

Kristo ni we wari umwigisha wabo. Nk'uko yabanye nabo mu butayu, ni ko yagombaga gukomeza kubabera umwigisha n'umuyobozi. Mu ihema ry'ibonaniro no mu ngoro yayo, ikuzo ry'Imana ryabaga muri Shekina yera yari hejuru y'intebe y'imbabazi. Imana yahoraga ibagaragariza ubutunzi bw'urukundo rwayo no kwihangana kwayo. {AnA 10.5}

Binyuze kuri Mose, Abisirayeli bamenyeshejwe umugambi w'Imana kandi ibyagombaga gutuma bagubwa neza birasobanurwa. Yarababwiye ati: "kuko muri ubwoko bw'Uhoraho Imana yanyu yitoranyirije. Yabahisemo mu yandi mahanga yose yo ku isi, kugira ngo mumubere ubwoko bw'umwihariko." Ivugururamategeko 7:6 (Bibiliya Ijambo ry'Imana). {AnA 11.1}

"Uyu munsi mwiyemereye ko Uhoraho ari Imana yanyu kandi ko muzamuyoboka mukitondera amateka n'amabwiriza ye, mukubahiriza ibyemezo yafashe. Uhoraho nawe

yabasezeranyije ko muzamubera ubwoko bw'umwihariko, bukurikiza amabwiriza ye yose. Azahatonesha kuruta andi mahanga yose yaremye, abaheshe icyubahiro n'ikuzo n'ishema. Nuko rero muzamubere ubwoko bwe bwite yitoranyirije nk'uko yabisezeranye." Ivugururamategeko 7:6; 26:17-19. {AnA 11.2}

Abana ba Isirayeli bagombaga gutura aho Uwiteka yabageneye hose. Amahanga yose yaretse kuramya no gukorera Imana nyakuri yagombaga kumeneshwa. Ariko umugambi w'Imana wari uko kubwo guhishurira imico yayo mu Bisirayeli, abantu bagombaga kuyigarukira. Isi yose yagombaga kugezwaho irarika ry'ubutumwa bwiza. Binyuze mu nyigisho zatangirwaga mu murimo wo gutamba ibitambo, Kristo yagombaga kwererezwa imbere y'amahanga, kandi abari kumurebaho bose bakabaho. Nk'uko byagendekeye Rahabu, Umunyakananikazi cyangwa Rusi, Umumowabukazi, abantu bose baretse kuyoboka ibigirwamana maze bakaramya Imana nyakuri bagombaga kwifatanya n'ubwoko bwayo bwatoranyijwe. Uko Abisirayeli biyongeraga, bagombaga kwagura imbibi kugeza igihe ubwami bwabo bukwiye isi yose. {AnA 11.3}

Ariko Isirayeli ya kera ntiyasohoje umugambi w'Imana. Uwiteka yaravuze ati: "Nari narakubuze uruzabibu rwiza cyane, umubyare utunganye rwose: none se wahindutse ute ukambera nk'igiti cy'ingwingiri cy'uruzabibu ntazi?" "Isirayeli ni uruzabibu rurumbuka, rwera imbuto zarwo." "Yemwe mwa baturage b'i Yerusalemu mwe, namwe bagabo b'i Buyuda, nimudukize jyewe n'uruzabibu rwanjye. Ikintu nari nkwiriye gukorera uruzabibu rwanjye nasize ni ikihe? Ko nari niringiye ko ruzera inzabibu, ni iki cyatumye rwera indibu? Noneho rero reka mbabwire ibyo ngiye gukorera urutoki rwanjye. Nzasenya uruzitiro rwarwo, maze rwonwe rwose; nsenye n'inkike yarwo, runyukanyukwe; kandi nzarurimbura; ntiruzicirwa, ntiruzahingirwa; ahubwo ruzameramo imifatangwe n'amahwa; kandi nzategeka ibicu bye kurugushamo imvura. Kuko . . . yabiringiragamo imanza zitabera, ariko abasangamo kurenganya; yabiringiragamo gukiranuka; ariko abasangamo umuborogo." Yeremiya 2:21; Hoseya 10:1; Yesaya 5:3-7. {AnA 11.4}

Imana ibinyujije muri Mose, yari yareretse ubwoko bwayo ingaruka yo kutumvira. Kubwo kwanga kubahiriza isezerano ryayo, bari kuba bitandukanyije n'ubugingo bw'Imana, kandi imigisha yayo ntiyashoboraga kubageraho. Rimwe na rimwe bumviraga iyo miburo maze imigisha myinshi ikagera ku ishyanga ry'Abayuda kandi kubwabo ikagera no ku mahanga abakikije. Ariko akenshi mu mateka yabo bibagirwaga Imana kandi ntibazirikane amahirwe akomeye bafite nk'abayihagarariye. Bateshutse ku murimo yari yarabasabye gukora, kandi ntibaba abayobozi mu by'umwuka ba bagenzi babo ndetse ntibababera n'urugero rwera. Bishakiraga kwikubira imbuto z'uruzabibu bari barahawe gucunga nk'ibisonga. Kurarikira n'umururumba byabateye gusuzugurwa n'abapagani ubwabo. Uko ni ko Abanyamahanga

babonye urwaho rwo gusobanura nabi imico y'Imana n'amategeko y'ingoma yayo. {AnA 12.1}

N'umutima wa kibyeyi, Imana yihanganiye ubwoko bwayo. Yagiye ibinginga kubw'ubuntu bagiye bagirirwa n'ubwo bagiye bamburwa. Yabagaragarije ibyaha byabo kandi irabihanganira igategereza ko bazirikana ibyo ibakorera. Yohereje abahanuzi n'intumwa kugira ngo basabe abahinzi umusaruro w'uruzabibu; ariko aho kubakira neza, abo bantu bari bafite ubushishozi n'imbaraga y'umwuka babafashe nk'abanzi. Abahinzi bo mu ruzabibu batoteje kandi bica izo ntumwa n'abahanuzi. Imana yongeye kohereza izindi ntumwa nazo zagenjwe nk'iza mbere, ariko noneho abahinzi berekanye urwango rurushijeho gukomera. {AnA 13.1}

Gukurwago gutoneshwa n'Imana byabayeho mu gihe cyo kujyanwa mu bunyage byateye benshi kwihana, ariko bamaze kugaruka mu Gihugu cy'Isezerano, ubwoko bw'Abayahudi bwongeye gukora amakosa yakozwe n'abakurambere babo bituma bikururira amakimbirane ya politiki hagati yabo n'amahanga abakikije. Abahanuzi Imana yohereje kugira ngo bakosore ibibi byari biganje bakiranwe urwikekwe no gusuzugurwa byari byaragiriwe intumwa zari zaraje mu bihe bya kera; kandi muri ubwo buryo uko imyaka yahitaga indi igataha, ni ko abari abarinzi b'uruzabibu bongeraga icyaha cyabo. {AnA 13.2}

Uruzabibu rwiza rwatewe ku misozi ya Palesitina n'Umuhinzi wo mu ijuru rwasuzuguwe n'Abisirayeli kandi amaherezo baza kujugunywa hanze y'inkike zarwo. Bararukandagiye bararuribata maze bizera ko barurimbuye by'iteka ryose. Nyiri uruzabibu yarukuyeho maze ntibongera kurubona. Nyiri uruzabibu yongeye kurutera, ariko noneho arutera mu rundi ruhande rw'inkike aho ububiko bw'inzabibu butashoboraga kugaragara. Amashami anagana hejuru y'inkike, kandi andi mashami ashobora guterwaho, ariko igishyitsi ubwacyo cyashyizwe aho abantu batashobora kugera cyangwa ngo bacyangize. {AnA 13.3}

Ubutumwa butanga inama kandi bucyaha bwatanzwe bunyujijwe ku bahanuzi bashyize ahagaragara umugambi uhoraho Imana ifitiye inyokomuntu, bufite agaciro kihariye ku bagize itorero ry'Imana ku isi muri iki gihe kuko ari bo barinzi b'uruzabibu rwayo. Urukundo Imana ikunda abantu n'umugambi ibafitiye w'agakiza kabo byahishuwe neza mu nyigisho z'abahanuzi. Igitekerezo cyo guhamagarwa kw'Abisirayeli, kunesha kwabo ndetse no gutsindwa, gukomorerwa kwabo bakongera guhabwa ubuntu bw'Imana, uko banze Nyir'uruzabibu, ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ry'umugambi w'ibihe byose bikozwe n'abasigaye bakiranuka bagomba gusohorezwa amasezerano yose yatanzwe; ibi ni byo byabaye insanganyamatsiko intumwa z'Imana zabwiraga itorero ryayo mu myaka amagana menshi yashize. No muri iki gihe cyacu, ubutumwa Imana igeza ku itorero ryayo (ku

bacunga uuzabibu rwayo nk'abahinzi bakiranuka), ntabwo butandukanye n'ubwavugiwe mu bahanuzi ba kera: {AnA 14.1}

"*Nimuririmbire uruzabibu rwa vino. Jyewe Uwiteka ni jye ururinda nzajya ndwuhira ibihe byose, nzarurinda ku manywa na nijoro, ngo hatagira urwangiza.*" Yesaya 27:2, 3. {AnA 14.2}

Mucyo Isirayeli yiringire Imana. Ubu Umutware nyir'uruzabibu ari gukoranyiriza hamwe imbuto z'agaciro kenshi azikuye mu bantu b'amahanga yose n'amoko yose amaze igihe kirekire ategereje. Vuba bidatinze azaza mu be; kandi kuri uwo munsi w'ibyishimo, amaherezo umugambi uhoraho w'Imana ku nzu ya Isirayeli uzasohora. "Iminsi izaza Yakobo azashinga imizi, Isirayeli azapfundika arabye ururabyo; kandi bazakwiza isi yose imbuto." Yesaya 27:6. {AnA 14.3}

UMUGABANE WA I- KUVA MU MBARAGA UKABA UMUNYANTEGE NKE

“Uwiteka avuga atya ati: ‘Umunyabwenge ye kwirata ubwenge bwe, n’intwari ye kwirata ubutwari bwayo, umutunzi ye kwirata ubutunzi bwe, ahubwo uwirata yirate ibi yuko asobanukiwe, akamenya yuko ari jye Uwiteka ugirira imbabazi no kutabera no gukiranuka mu isi, kuko ibyo ari byo nishimira.’ Ni ko Uwiteka avuga.” Yeremiya 9:23, 24.

IGICE CYA 1 - SALOMO

Mu gihe cy'ubwami bwa Dawidi n'ubwa Salomo, Isirayeli yabaye igihugu gikomeye mu bindi bihugu kandi cyari gifite amahirwe menshi yo kugaragaza ubushobozi bukomeye ku ruhande rw'ukuri no gutungana. Izina ry'Imana ryaheshejwe ikuzo n'icyubahiro, kandi umugambi Abisirayeli bari barashyiriwe mu Gihugu cy'Isezerano wasaga rwose n'ugiye gusohora. Inzitizi zakuweho, kandi abazaga gushaka ukuri bavuye mu bihugu by'abapagani ntibaburaga gusubira iwabo banyuzwe. Habayeho guhinduka kandi itorero ry'Imana ku isi riraguka kandi rigubwa neza. {AnA 16.1}

Salomo yasizwe amavuta kandi yimikwa mu mpera z'imyaka yo kubaho kwa se Dawidi weguye maze akamuraga ubwami. Imyaka ye ya mbere ari ku ngoma yaranzwe no kurabagiranishwa n'amasezerano, kandi byari umugambi w'Imana ko agenda arushaho kugwiza imbaraga n'icyubahiro, akagira imico ijya usa n'iy'Imana, kandi kubw'ibyo agatera ubwoko bwe gusohoza inshingano yabwo yera nk'ababikijwe ukuri kw'Imana. {AnA 17.1}

Dawidi yari azi ko umugambi mukuru Imana ifitiye Abisirayeli uzagerwaho gusa ari uko abayobozi n'ubwoko bwose babaye maso udacogora bagashaka kugera ku rugero bari barahawe. Dawidi yari azi ko kugira ngo umuhungu we Salomo asohoze inshingano Imana yari yarashimishijwe no kumuha, ntabwo uwo mwami wari ukiri umusore yagombaga kuba umurwanyi ukomeye , umuyobozi w'ikirenga n'umwami gusa, ahubwo yagombaga kuba umuntu ukomeye, w'umutima mwiza, umwigisha w'ubutungane kandi akaba intangarugero mu kuba indahemuka. {AnA 17.2}

Dawidi yuje umutima w'ineza kandi amaramaje, yingingiye Salomo guhagarara kigabo, kuba inyangamugayo, kurangwa n'imbabazi n'ubugwaneza bwuje urukundo agaragariza abo ategeka, kandi mu mikoranire ye yose n'amahanga yo ku isi akajya yubahisha Imana akayihesha ikuzo ndetse akagaragaza ubwiza bw'ubutungane. Ibigeragezo byinshi n'ibintu bikomeye Dawidi yari yaranyuzemo mu mibereho ye byari byaramwigishije agaciro k'imico y'ubupfura kandi mu ipfa rye bimutera kubwira umuhungu we yeruye agira ati: "Utegekesha abantu gukiranuka agatwara yubaha Imana, azahwana n'umuseke utambitse w'izuba rirashe, n'igitondo kitagira igicu; igihe ubwatsi bushya bwarukiye mu butaka ku bw'itangaze ry'umuhituko w'imvura." 2 Samweli 23:3,4. {AnA 17.3}

Mbega amahirwe Salomo yari afite! Iyo akurikiza amabwiriza se yamuhaye ayabwirijwe n'ijuru, ubwami bwe bwajyaga kuba ubw'ubutungane nk'ubuvugwa muri Zaburi ya Zaburi 72. {AnA 18.1}

“Uhe umwami guca imanza kwawe,
Uhe umwana w’umwami kutabera kwawe.
Azacira abantu bawe imanza zitabera,
N’abanyamubabaro bawe azabacira imanza z’ukuri,…
Azamera nk’imvura imanuka,
Ikanyagira ibyasi biciwe,
Nk’ibitonyanga bitonyangira ubutaka.
Mu minsi ye, abakiranutsi bazashisha,
Kandi hazabaho amahoro menshi,
Kugeza aho ukwezi kuzashirira.
Azatwara ahereze ku nyanja, ageze ku yindi nyanja,
Kandi ahereye kuri rwa ruzi, ageze ku mpera y’isi.
Abami b’i Tarushishi n’abami bo ku birwa bazazana amaturo.
Abami b’i Sheba n’abami b’i Seba bazazana ikoro.
Abami bose bazamwikubita imbere,
Amahanga yose azamukorera.
Kuko azakiza umukene, ubwo azataka;
N’umunyamubabaro utagira gitabara.
Bazamusabira iteka, bamusabira umugisha umunsi wire.
Izina rye rizahoraho iteka ryose;
Izina rye rizahoraho, izuba rikiriho:
Abantu bazisabira umugisha wo guhwana na we,
Amahanga yose azamwita umunyehirwe.
Uwiteka Imana, niyo Mana y’Abisirayeli, ihimbazwe; Ni yo yinyine ikora ibitangaza:
Izina ryayo ry’icyubahiro rihimbazwe iteka;
Isi yose yuzure icyubahiro cyayo.
Amen, kandi Amen.” {AnA 18.2}

Mu busore bwe, Salomo yakurikiye inzira se yari yarahisemo, kandi yamaze imyaka myinshi agenda atunganye. Ubuzima bwe bwaranzwe no kubaha amategeko y’Imana adakebakeba. Mu myaka ya mbere y’ubwami bwe, yajyanaga n’abajyanama be i Gibeyoni ahari ihema ry’ibonaniro ryari ryarubakiwe mu butayu, maze akahahurira n’abajyanama be b’inkoramutima, ari bo: “abatware batwara ibihumbi, n’abatwara amagana, n’abacamanza”, “n’ibikomangoma byose byo mu Isirayeli hose” “n’abatware b’amazu ya ba sekuruza,“. Bafatanyirijwe hamwe gutambira Imana ibitambo ndetse no kwiyegurira burundu gukora umurimo w’Uwiteka (2 Ngoma 1:2). Kubera gusobanukirwa n’ubugari bw’inshingano zijyana n’umwanya we nk’umwami, Salomo yumvaga ko niba abafite ishingano zikomeye

bashaka gusohoza inshingano zabo, bagomba gushaka Isoko y'Ubwenge ikabayobora. Ibyo byamuteye gushishikariza abajyanama be kwifatanya nawe n'umutima wose mu kuzirikana neza ko Imana ibemera. {AnA 19.1}

Umwami Salomo yifuje ubwenge n'ubushishozi kugira ngo akore umurimo Imana yari yaramuhaye gukora, kandi ibyo abirutisha ibyiza byose byo ku isi. Yifuje kugira intekerezo zibangutse, umutima ujijutse ndetse n'umwuka w'ubugwaneza. Iryo joro Uwiteka yabonekeye Salomo mu nzozi maze aramubwira ati: "Nsaba icyo ushaka nkiguhe." Mu gisubizo yatanze, uyu mwami wari ukiri muto kandi nta bunararibonye afite, yagaragaje uko yumva ari umunyantege nke ndetse n'uko akeneye ubufasha. Yaravuze ati: "Wagiriye data Dawidi ineza nyinshi, kuko yagendanaga ukuri no gukiranuka imbere yawe, agutunganiye mu mutima we, kandi wamugeneye kumugirira iyi neza ikomeye, umuha umwana we ngo yicare ku ntebe y'ubwami bwe, nk'uko biri none. Nuko none, Uwiteka Mana yanjye, wimitse umugaragu mu cyimbo cya data Dawidi, ariko ndi umwana muto; sinzi iyo biva n'iyo bijya. Kandi umugaragu wawe ndi hagati y' abantu bawe watoranyije b'ubwoko bukomeye butabarika. Nuko rero uhe umugaragu wawe umutima ujijutse, ngo nshobore gucira abantu bawe imanza, kugira ngo menye gutandukanya ibyiza n'ibibi. Mbese ni nde washobora gucira ubu bwoko bwawe bukomeye imanza? {AnA 19.2}

"Maze ayo magambo anezeza Uwiteka, kuko ari yo Salomo yamusabye. Imana iherako ibwira Salomo iti: "Kuko ibyo ari byo usabye, ukaba udasabye kurama, ntusabe n'ubutunzi cyangwa ko abanzi bawe bapfa; ahubwo ukisabira ubwenge bwo kumenya guca imanza zitabera; nuko nkugiriye uko unsabye; dore nguhaye umutima w'ubwenge ujijutse; mu bakubanjirije cyangwa mu bazakurikira ntawe uzahwana nawe. Kandi nguhaye n'ibyo utansabye, ubutunzi n'icyubahiro, bizatuma nta mwami n'umwe wo mu bandi bami uzahwana nawe iminsi yose yo kubaho kwawe. {AnA 20.1}

"Nuko kandi, nugendera mu nzira zanjye ukitondera amateka n'amategeko yanjye, nk'uko so Dawidi yazigenderagamo, nzakongerera kurama." 1Abami 3:5-14; 2 Ngoma 1:7-12. {AnA 20.2}

Nuko Uwiteka asezerana ko azabana na Salomo nk'uko yabigenjereje Dawidi. Igihe umwami yari kugendera imbere y'Uwiteka atunganye, agakora ibyo Imana yari yaramutegetse, intebe y'ubwami bwe yari gukomera kandi ingoma ye yari kuba uburyo buhesha Isirayeli ikuzo nk' "ishyanga rikomeye, ubwoko bw'ubwenge n'ubuhanga", ndetse ikaba umucyo umurikira amahanga ayikikije. Gutegeka kwa kabiri 4:6. {AnA 20.3}

Imvugo Salomo yakoresheje igihe yasengeraga imbere y'igicaniro cy'i Gebeyoni, yerekana kwicisha bugufi kwe ndetse n'uko yifuzaga cyane kubaha Imana. Umwami yasanze ko

adafashijwe n’Imana, yari kuba ari umunyantege nke nk’umwana muto ntashobore kuzuza inshingano ashinzwe. Yari azi ko adafite ubwenge bwo gushishoza, kandi kumva ubukene bukomeye yari afite ni byo byamuteye gusaba Imana ubwenge. Mu mutima we ntiharimo icyifuzo cyo kwizirikana ubwe ashaka ubwenge buzamusumbisha abandi. Yifuzaga gusohoza inshingano ze akiranutse, bityo ahitamo impano yashoboraga kuba inzira ibashisha ingoma ye guhesha Imana ikuzo. Salomo ntiyigeze agira ubukire cyangwa ngo abe umunyabwenge ndetse ngo akomere nk’igihe yatuye akavuga ati: “Ndi umwana muto; sinzi iyo biva n’iyo bijya.” 1Abami 3:7. {AnA 21.1}

Muri iki gihe, abantu bari mu myanya y’ubuyobozi bakwiriye gushaka uko biga isomo ryigishwa n’isengesho rya Salomo. Uko umuntu afite umwanya wo ku rwego rwo hejuru, ni ko inshingano agomba gusohoza irushaho gukomera, ni nako impinduka ateza zirushaho kwaguka, ndetse ni nako aba akeneye cyane kwishingikiriza ku Mana. Uwo muntu akwiriye guhora yibuka ko guhamagarirwa kugira icyo akora bijyana no guhamagarirwa kugendana ubushishozi imbere y’abantu bagenzi be. Agomba guhagarara imbere y’Imana afite umutima w’umwigishwa. Ntabwo umwanya umuntu afite umuha kwera kw’imico. Kubaha Imana no gukurikiza amategeko yayo ni byo bibashisha umuntu gukomera by’ukuri. {AnA 21.2}

Imana dukorera ntirobanura ku butoni. Iyahaye Salomo umutima w’ubushobozi n’uyu munsi ishaka guha abana bayo uwo mugisha. Ijambo ryayo riravuga riti: “Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana, iha abantu bose itimana, itishama, kandi azabuhabwa.” (Yakobo 1:5). Iyo umuntu ufite inshingano yifuje ubwenge akaburutisha kwifuza ubutunzi, imbaraga cyangwa kuba igihangange, ntazakorwa n’isoni. Bene uwo muntu azigira ku Mwigisha Mukuru. Ntabwo azamwigiraho icyo agomba gukora gusa ahubwo azamwigiraho n’uko agomba kugikora mu buryo Imana yemera. {AnA 21.3}

Igihe cyose umuntu Imana yahaye umutima w’ubushishozi n’ububasha akomeje kuyiyegurira, ntabwo azigera agaragaza umwuka wo kwifuza umwanya wo hejuru, kandi ntabwo azashaka gutegeka cyangwa kugenga abandi. Ntagushidikanya abantu bagomba kugira inshingano; ariko aho kumaranira ikuzo, umuyobozi nyakuri azasabira kugira umutima w’ubwenge wo gutandukanya icyiza n’ikibi. {AnA 22.1}

Inzira y’abayobozi ntiyoroshe. Ariko ingorane zose bahura nazo bagomba kuzibonamo guhamagarirwa gusenga. Ntibakwiriye na mba kunanirwa kugisha inama Isoko ikomeye y’ubwenge bwose. Nibakomezwa kandi bakamurikirwa n’Umukoresha Mukuru, bazabashishwa guhagaraga bashikamye batsinde imbaraga mbi, kandi batandukanye ukuri n’ikinyoma, icyiza n’ikibi. Bazemeza icyo Imana yemera, kandi bazarwanya kwinjira kw’amahame y’ibinyoma mu murimo wayo bivuye inyuma. {AnA 22.2}

Uwiteka yahaye Salomo ubwenge yifuje aburutishije ubutunzi, icyubahiro no kurama. Isengesho rye asaba umutima w'ubwenge no kujijuka, n'umwuka w'ubugwaneza ryarasubijwe. "Nuko Imana iha Salomo ubwenge n'ubuhanga bwinshi cyane n'umutima wagutse bitagira akagero nk'umusenyi wo mu kibaya cy'inyanja utabarika. Ubwenge bwa Salomo bwarutaga ubw'abanyabwenge bose b'iburasirazuba n'aba Egiputa bose. Yarushaga abandi bantu bose ubwenge . . . yamamara atyo mu mahanga yose amukikije." 1 Abami 4:29-31(5:9-11). {AnA 22.3}

"Nuko Abisirayeli bose bumvise uko umwami yaciye urwo rubanza, baramutinya, kuko babonye ko ubwenge bw'Imana bwari muri we bwo guca imanza zitabera." (1Abami 3:28). Imitima y'abantu yayobotse Salomo nk'uko bari barayobotse Dawidi, kandi bamwubahaga muri byose. "Nuko Salomo mwene Dawidi akomezwa mu bwami bwe, Uwiteka Imana ye ibana na we, iramukuza cyane." 2 Ngoma 1:1. {AnA 22.4}

Mu gihe cy'imyaka minshi, ubuzima bwa Salomo bwaranzwe no kuyoboka Imana, n'ubutungane no kudakebakeba, kandi yumvira amategeko y'Imana atazuyaza. Yayoboye igihugu cye mu mishinga y'ingenzi kandi ibijyana n'ubwami byose abiyoborana ubwenge. Ubutunzi bwe n'ubwenge bwe, inyubako z'ibitangaririrwa n'ibindi bikorwa by'igihugu yubatse mu myaka ibanza y'ingoma ye, umuhati, ubutungane, ubutabera n'ubugwaneza yagaragaje mu magambo no mu bikorwa, byatumye abaturage be bamuyoboka kandi atangaririrwa ndetse yubahwa cyane n'abami b'ibihugu byinshi. {AnA 23.1}

Mu gice cya mbere cy'ingoma ya Salomo, izina ry'Uwiteka ryarubashywe cyane. Ubwenge n'ubutungane umwami yagaragazaga byahamirije amahanga yose ko ugukomera kw'imico y'Imana yakoreraga. Hashize igihe Isirayeli ari umucyo w'isi, ugaragaza gukomera kwa Yehova. Ntabwo ikuzo nyakuri ry'imyaka ibanza yo ku ngoma ya Salomo ryari rishingiye ku bwenge bwe bw'indengakamere, ku bukungu butangaje, ku gukomera kwe kutagereranywa ndetse no kwamamara kwe. Ahubwo ryari rishingiye ku cyubahiro yahesheje izina ry'Imana ya Isirayeli binyuze mu gukoresha neza impano Ijuru ryamuhaye. {AnA 23.2}

Uko imyaka yagendaga ihita n'ubwami bwa Salomo bukarushaho gukomera, ni ko yaharaniraga kubaha Imana yongera imbaraga z'ubwenge n'iz'iby'umwuka, kandi agakomeza kugeza ku bandi imigisha yabonaga. Nta wundi muntu wari usobanukiwe kurusha Salomo ko ubuntu bwa Yehova ari bwo yakeshaga gukomera, ubwenge n'ubuhanga, kandi ko izo mpano yari yaraziherewe kugira ngo amenyekanishe Umwami w'abami ku isi. {AnA 23.3}

Salomo yakundaga by'umwihariko kwiga amateka y'ibyaremwe, ariko ubushakashatsi bwe ntibwibandaga mu ishami rimwe gusa ry'ubumenyi. Binyuze mu kwiga ibyaremwe byose abishimikiriye, byaba ibifite ubugingo n'ibibitabugira, Salomo yabashije gusobanukirwa Umuremyi neza. Haba mu mbaraga ziba mu byaremwe, mu biba munsi y'ubutaka, mu nyamaswa ndetse no ku giti cyose n'utwatsi twose n'indabo, yabibonagamo guhishurwa k'umwenge bw'Imana; kandi uko yaharaniraga kumenya ibiruseho, kumenya Imana kwe n'urukundo ayikundwa byarushagaho kwiyongera. {AnA 24.1}

Ubwenge Salomo yari yarahawe n'Imana bugaragarira mu ndirimbo z'ibisingizo n'imigani myinshi. "Yahimbye imigani ibihumbi bitatu n'indirimbo igihumbi n'eshanu. Kandi yari azi gusobanura ibiti, uhereye ku myerezi y'i Lebanoni ukageza kuri ezobu imera ku mazu; yari azi gusobanura inyamaswa n'ibisiga n'ibikururuka n'amafi." 1 Abami 4:32, 33. {AnA 24.2}

Mu migani ya Salomo hagaragaramo amahame aranga imibereho itunganye n'umuhati ukomeye. Ni amahame akomoka mu ijuru kandi atera kuyoboka Imana, ni amahame akwiriye kuyobora icyo umuntu akora cyose mu buzima. Gukwirakwiza ayo mahame no kuzirikana ko Imana ari yo ikwiriye gusingizwa kose n'icyubahiro, ni byo byatumye imyaka ibanza y'ingoma ya Salomo iba igihe cyo guteza imbere imico mbonera ndetse no kugubwa neza mu by'ubutunzi. {AnA 24.3}

"Hahirwa umuntu ubonye ubwenge, n'umuntu wiyungura kujijuka. Kubugenza biruta kugenza ifeza kandi indamu yabwo iruta iy'izahabu nziza. Buruta amabuye ya marijani kandi mu byo wakwifuza byose nta na kimwe cyabuca urugero. Mu kuboko kwabwo kw'iburyo bufite kurama; no mu kw'ibumoso bufite ubutunzi n'icyubahiro. Inzira zabwo ni inzira z'ibinezeza; kandi imigendere yabwo yose ni iy'amahoro. Ababwakira bubabera igiti cy'ubugingo; kandi ubukomeza wese aba agira umugisha." Imigani 3:13-18. {AnA 24.4}

"Ubwenge muri byose ni bwo ngenzi; nuko rero shaka ubwenge; ndetse ibyo utunze byose ubishakishe ubuhanga." (Imigani 4:7). "Kubaha Uwiteka ni ishingiro ry'ubwenge." (Zaburi 111:10). "Kubaha Uwiteka ni ukwanga ibibi; ubwibone n'agasuzuguro n'inzira y'ibibi n'akanwa k'ubugoryi ni byo nanga." Imigani 8:13. {AnA 25.1}

Iyaba Salomo mu myaka yaherutse yarumviye ayo magambo atangaje y'ubwenge! Iyaba uwari warigeze kuvuga ati: "Ururimi rw'umunyabwenge rwamamaza ubuhanga," (Imigani 15:7), kandi ubwe akaba yari yarigishije abami bo ku isi guha Umwami w'abami ikuzo bifuzaga guha umutegeka wo ku isi, atarigeze "avugana agasuzuguro" "ubwibone n'ubwirasi," ngo yihe ikuzo rikwiriye Imana yonyine! {AnA 25.2}

IGICE CYA 2 - INGORO NO KWEGURIRWA IMANA KWAYO

Umugambi Dawidi yari amaze igihe kirekire afite wo kubakira Uhoraho inzu, washizwe mu bikorwa na Salomo. I Yerusalemu hamaze imyaka irindwi huzuye abakozi bashishikariye mu gusiza ahantu hari haratoranyijwe, bubaka inkuta ndende, bashinga imfatiro ngari, (bakoresha amabuye manini y'igiciro cyinshi, amabuye abajwe), baconga ibiti binini byavaga mu mashyamba y'i Lebanoni kandi bubaka ubuturo bwera bwiza cyane. 1Abami 5:17. {AnA 26.1}

Muri icyo gihe kandi abakozi banatunganyaga imbaho n'amabuye, kandi uwo murimo wakorwaga n'abantu ibihumbi byinshi. Gukora ibintu byo kurimbisha ingoro y'Imana byagendaga neza biyobowe na Hiramu w'i Tiro, wari "umugabo w'umuhanga, uzi kwitegereza, . . . umuhanga w'imirimo y'izahabu n'ifeza n'imiringa n'ibyuma n'amabuye n'ibiti n'imyenda y'imihengeri n'iy'imikara ya kabayonga n'iy'igitare cyiza n'iya kamurari." 2 Ngoma 2:13, 14. {AnA 26.2}

Nuko, ubwo inyubako yo ku musozi Moriya bayubakishaga "amabuye yatunganirijwe mu nganzo; nta nyundo cyangwa intorezo cyangwa ikindi kintu cyose cy'icyuma cyumvikanye muri iryo yubaka ryayo," ibikoresho byiza byo muri yo (ibintu byose byari mu nzu y'Imana) nabyo byatunganyijwe hakurikijwe icyitegererezo umwami Dawidi yari yarahaye umuhungu we Salomo. (1 Abami 6:7; 2 Ngoma 4:19). Ibyo bikoresho byarimo icyotero cy'imibavu, ameza y'imitsima yo kumurikwa, igitereko cy'amatara n'amatara, n'ibindi bikoresho by'urusengero byifashishwaga mu murimo abatambyi bakoreraga ahera, ibyo byose byari bikozwe mu "izahabu nziza itunganyijwe." (2 Ngoma 4:21). Ibikoresho by'umuringa ari byo: igicaniro cy'ibitambo bikongorwa, igikarabiro kidendeje n'inka cumi n'ebyiri zari munsi yacyo, n'ibikarabiro bito n'ibindi bikoresho, "umwami yabiremeshereje mu kibaya cya Yorodani mu rubumba hagati y'i Sukoti n'i Sereda." (2 Ngoma 4:17). Ibyo bikoresho byatanzwe ari byinshi cyane ku buryo nta byajyaga kuzabura. {AnA 26.3}

Inyubako ya cyami Salomo n'abafasha be bubakiye Imana no kugira ngo ijye ihasengerwa yari ifite ubwiza n'ikuzo bihebuje kandi bitagereranywa. Yari itatsweho amabuye y'igiciro, ikikijwe n'urubaraza rugari kandi inkuta zayo zari zometsweho imbaho z'imyerezi ziyagirijweho izahabu itunganye. Iyo nzu n'imitako yari iyiriho ndetse n'ibikoresho byiza kandi by'igiciro byari biyirimo, yari ikimenyetso gikwiriye kigaragaza itorero rizima ry'Imana ku isi, imaze imyaka myinshi yubaka hakurikijwe icyitegererezo cyo mu ijuru, kandi rikubakishwa ibikoresho bisa "n'izahabu cyangwa ifeza, cyangwa amabuye y'igiciro cyinshi," "bibajwe nk'uko babaza amabuye arimbisha inyumba." 1 Abakorinto 3:12; Zaburi 144:12. Ku byerekeye uru rusengero rw'umwuka, Kristo ni we "buye rikomeza imfuruka.

Muri we inzu yose iteranijwe neza, irakura ngo ibe urusengero rwera mu mwami Yesu." Abefeso 2:20, 21. {AnA 27.1}

Amaherezo urusengero Umwami Dawidi yari yagambiriye, rukaza kubakwa n'umuhungu we Salomo rwaje kuzura. "Ibyo Salomo yari yaribwiye mu mutima we ko azakora mu nzu y'Uwiteka, yabisohoje neza." (2 Ngoma 7:11). Noneho rero kugira ngo ingoro yari ku musozi Moriya ibashe guturwamo "n'Uwiteka Imana, atari abantu" (1 Ngoma 29:1) nk'uko Dawidi yari yarabyifuje cyane, hari hasigaye umuhango ukomeye wo kuyegurira Yehova na gahunda yo kumuramya. {AnA 27.2}

Aho iyi ngoro yai yubatswe hari hamaze igihe kirekire hafatwa ko ari ahantu hejejwe. Aho ni ho Aburahamu, umubyeyi w'abizera, yari yaragaragarije ubushake bwe bwo gutamba umwana we w'ikinege kubwo kumvira icyo Yehova yari yamutegetse. Aho ni ho Imana yavugururiye isezerano ry'umugisha yari yarasezeraniye Aburahamu, kandi ryari rikubiyemo isezerano ry'agahebuzo rya Mesiya ryari ryarahawe abantu ryo kubacungura binyuze mu gitambo cy'Umwana w'Imana isumba byose. Soma Itangiriro 22:9, 16-18. Aho ni ho ubwo Dawidi yatambaga ibitambo byoswa n'ibitambo by'ishimwe yuko bari amahoro kugira ngo ahoshe inkota ya malayika murimbuzi, Imana yamusubirishije umuriro uvuye mu ijuru. 1 Ngoma 21. Na none kandi abasenga Yehova bari bateraniye aho kugira ngo basanganire Imana yabo kandi bavugurure indahiro zabo zo kumuyoboka. {AnA 27.3}

Igihe cyatoranyijwe cyo kwegurira Imana iyo ngoro cyari igihe cyiza cyane: Hari mu kwezi kwa karindwi, igihe abantu baturutse mu mpande zose z'ubwo bwami bari bafite akamenyero ko guteranira i Yerusalemu kugira ngo bizihize Iminsi mikuru y'Ingando. Uwo munsi mukuru wari usanzwe ari igihe cyo kwishima. Imirimo yo gusarura yabaga irangiye kandi imiruho y'imirimo y'umwaka mushya yabaga itaratangira, abantu babaga badahangayitse kandi bashoboraga kwirundurira muri icyo gihe cyera kandi cyuzuye umunezero. {AnA 28.1}

Igihe cyagenwe kigeze, imbaga y'Abisirayeli n'intumwa zivuye mu bihugu byinshi by'amahanga zambaye imyenda y'agaciro, bose bateraniye mu rugo rw'urusengero. Ibyabereye aho byari byiza bidasanzwe. Salomo n'abakuru b'Abisirayeli n'abakomeye bo mu Bisirayeli, bari baturutse mu kandi gace k'umurwa, aho bari bakuye isanduku y'isezerano. Baturuka mu mpinga z'i Gibeyoni ahari ubuturo bwera maze bazana "ihema ry'ibonaniro n'ibintu byera byose byari birimo" (2Ngoma 5:5); nuko ibyo byera byibutsaga ibyabaye ku Bisirayeli mu gihe cya kera ubwo bazereraga mu butayu ndetse bikabibutsa n'uko batsinze i Kanani noneho bibona aho bibikwa hahoraho muri ya nzu itangaje cyane yari yarubakiwe gusimbura ihema ryagendanwaga. {AnA 28.2}

Igihe Salomo yazanaga mu rusengero isanduku irimo ibisate bibiri by'amabuye Imana yandikishijeho urutoki rwayo amategeko cumi, yakurikiye urugero rwa se Dawidi. Salomo yateraga intambwe esheshatu agatamba ibitambo. Abatambyi bacyuye isanduku y'isezerano ry'Uwiteka ahantu hayo, mu nzu ahavugirwa, ahera cyane (2 Ngoma 5:7) abantu baririmba kandi bacuranga ndetse haba umunsi mukuru ukomeye. Bavuye ahera, bahagaze mu myanya yari ibagenewe. Abalewi b'abaririmbyi bari bambaye imyenda y'igitare myiza, bafite ibyuma bivuga na neberu n'inanga, bahagaze iruhande rw'icyotero rw'iburasirazuba bari kumwe n'abatambyi ijana na makumyabiri bavuza amakondera. (2 Ngoma 5:12). {AnA 29.1}

"Ubwo abavuzaga amakondera n'abaririmbaga bahuza amajwi, bumvikanishije ijwi rihuye bahimbaza bashima Uwiteka, kandi barangurura amajwi yabo n'amakondera n'ibyuma bivuga n'ibintu bicurangwa, bahimbaza Uwiteka bati: 'Uwiteka ni mwiza kandi imbabazi ze zihoraho iteka ryose.' Nuko muri uwo mwanya inzu iherako yuzura igicu, ni yo nzu y'Uwiteka. Bituma abatambi batakibasha guhagarara ngo bakore ku bw'igicu; kuko icyubahiro cy'Uwiteka cyuzuye inzu y'Imana." 2 Ngoma 5:13, 14. {AnA 29.2}

Salomo abonye ubusobanuro bw'icyo gicu aherako aravuga ati: "Uwiteka yavuze ko azaba mu mwijima w'icuraburindi. Ariko nakubakiye inzu yo kubamo, aho uzatura iteka ryose." 2 Ngoma 6:1, 2. {AnA 29.3}

"Uwiteka ari ku ngoma;
amahanga ahinze umushitsi:
Yicaye ku Bakerubi: isi iranyeganyega.
Uwiteka muri Siyoni arakomeye;
Kandi ari hejuru y'amahanga yose.
Bashime izina ryawe rikomeye riteye ubwoba:
Ni we wera.
Imbaraga z'umwami zikunda imanza zitabera, Ni wowe ukomeza ibitunganye.
Imanza zitabera no gukiranuka, . . .
Mushyire hejuru Uwiteka Imana yacu,
Kandi musengere imbere y'intebe y'ibirenge bye.
Ni we wera." {AnA 29.4}

Zaburi 99:1-5.

"Salomo yari yarakoresheje uruhimbi mu muringa rungana na metero ebyiri n'igice z'uburebure na metero ebyeri n'igice z'ubugari na metero imwe n'igice z'ubuhagarike, barushyira mu rugo rw'Ingoro." Nuko Salomo ahagarara kuri urwo ruhimbi, maze arambura

amaboko ayerekeje hejuru asabira umugisha imbaga y'Abisirayeli bari aho. "Abisiraheli bari bakoranye bahagaze aho." 2 Ngoma 6:13, 3. (BII) {AnA 30.1}

Salomo yaravuze ati: "Uwiteka Imana ya Isirayeli ihimbazwe, ni yo yivuganiye n'umukambwe wanjye Dawidi mu kanwa kayo, ikabisohoresha amaboko yayo iti: . . . ntoranije i Yerusalemu, kugira ngo abe ari ho izina ryanjye riba." 2 Ngoma 6: 4-6. {AnA 30.2}

Nuko Salomo apfukama kuri rwa ruhimbi, maze avuga abantu bose bamwumva asenga isengesho ryo kwegurira Imana iyo ngoro. Igihe abantu bari bubamye, umwami yazamuye amaboko ye ayatunga ku ijuru maze arasenga ati: "Uwiteka Mana ya Isirayeli, nta mana ihwanye nawe mu ijuru cyangwa mu isi, ikomeza gusohoreza isezerano abagaragu bawe no kubagirira ibambe, bagendera imbere yawe n'umutima wose. . . ." {AnA 30.3}

"Ariko se ni ukuri koko, Imana izaturana n'abantu bo mu isi? Dore ijuru ndetse ni ijuru risumba ayandi, nturikwirwamo; nkaswe iyi nzu nubatse. Ariko wite ku gusenga k'umugaragu wawe nkwinginga, Uwiteka Mana yanjye, wumve gutakamba no gusenga umugaragu wawe nkusengera imbere, kugira ngo uhore ushyize amaso kuri iyi nzu ku manywa na nijoro, n'ahantu wavuze ko uzashyira izina ryawe, ngo ubone uko ujya wumva gusenga umugaragu wawe nzajya nsenga nerekeye aha. Nuko ujye wumva kwinginga k'umugaragu wawe n'ukw'abantu bawe b'Abisirayeli, uko bazajya basenga berekeye aha hantu; ni koko ujye wumva uri mu buturo bwawe ni bwo ijuru; kandi uko uzajya wumva, ubabarire. {AnA 30.4}

"Abantu bawe b'Abisirayeli nibirukanwa n'ababisha bazira ko bagucumuyeho, nyuma bakaguhindukirira bakerura izina ryawe, bagasenga bingingira imbere yawe muri iyi nzu; nuko ujye wumva uri mu ijuru, ubabarire abantu bawe b'Abisirayeli igicumuro cyabo, ubagarurire mu gihugu wabahanye na ba sekuruza. {AnA 31.1}

"Ijuru, nirikingwa, imvura ntigwe, kuko bagucumuyeho, nyuma bagasenga berekeye aha, bakubaha izina ryawe, bakareka igicaniro cyabo, kuko uzaba ubahannye, nuko ujye wumva uri mu ijuru, ubabarire abagaragu bawe n'abantu bawe b'Abisirayeli igicumuro cyabo, uzabigishe kugendana ingeso nziza, uvubire igihugu cyawe imvura, icyo wahaye abantu bawe ho gakondo. {AnA 31.2}

"Inzara nitera mu gihugu cyangwa mugiga cyangwa kurumbya cyangwa gikongoro cyangwa inzige cyangwa kagungu; cyangwa ababisha nibabagotera mu gihugu kirimo imidugudu yabo, nubwo hatera ibyago cyangwa indi ndwara yose; maze umuntu wese nagira icyo asaba cyose yinginze cyangwa abantu bawe b'Abisirayeli bose, uko umuntu wese azajya yimenyaho indwara ye n'umubabaro we ku bwe, akarambura amaboko ye yerekeye

iyi nzu; nuko ujye wumva uri mu ijuru ni ryo buturo bwawe, ubabarire, witure umuntu wese, ukurikije ibyo yakoze byose, wowe uzi umutima we (kuko ari wowe wenyine uzi imitima y'abantu); kugira ngo bakubahe bagendere mu nzira zawe, iminsi bazamara yose mu gihugu wahaye ba sogokuruza bakiriho. {AnA 31.3}

"Kandi iby'umunyamahanga, utari uwo mu bwoko bwawe bwa Isirayeli, naza aturutse mu gihugu cya kure, azanywe n'izina ryawe rikuru, n'amaboko yawe akomeye, n'ukuboko kwawe kwagirije; nibaza basenga berekeye iyi nzu, nuko ujye wumva uri mu ijuru, ni ryo buturo bwawe, umarire uwo munyamahanga ibyo agutakambira byose, bitume amoko yose yo mu isi amenya izina ryawe, akubahe, nk'uko ubwoko bwawe bwa Isirayeli bukubaha, kandi bamenye yuko iyi nzu nubatse, yitwa iy'izina ryawe. {AnA 32.1}

"Abantu bawe nibatabara bakajya kurwana n'ababisha, mu nzira zose uzabagabamo, maze bakagusenga berekeye uyu murwa watoranije n'inzu nubakiye izina ryawe; nuko ujye wumva gusenga kwabo no kwinginga kwabo uri mu ijuru, ubarengere mu byo bazaba barwanira. {AnA 32.2}

"Nibagucumuraho (kuko ari nta muntu udacumura) ukabababarira, ukabahana mu babisha babo, bakabajyana ari imbohe mu gihugu cya kure cyangwa icya hafi, ariko bakisubiriramo mu gihugu bajyanywemo ari imbohe, bagahindukira bakagutakambira bari mu gihugu banyagiwemo, bavuga bati: 'Twaracumuye, tugira ubugoryi, dukora nabi'; nibakugarukira n'umutima wose n'ubugingo bwabo bwose, bari mu gihugu bari banyagiwemo, aho bajyanywe ari imbohe, bagasenga berekeye igihugu cyabo wahaye ba sekuruza, n'umurwa watoranyije, n'inzu nubakiye izina ryawe, nuko ujye wumva gusenga kwabo no kwinginga kwabo uri mu ijuru, ni ryo buturo bwawe, ubabarire abantu bawe bagucumuyeho, ubakiranurire ibyabo. {AnA 32.3}

"Nuko Mana yanjye, ndakwinginze, amaso yawe arebe, n'amatwi yawe yumve isengesho ryose rizasengerwa aha. Nuko rero none, Uwiteka Mana, haguruka winjire mu buruhukiro bwawe; wowe ubwawe n'isanduku y'icyubahiro cyawe: abatambyi bawe, Uwiteka Mana, bambikwe agakiza, abakunzi bawe banezererwe amahirwe. Uwiteka Mana, ntiwime uwo wimikishije amavuta; ujye wibuka imbabazi wagiriye umugaragu wawe Dawidi." 2 Ngoma 6:14-42. {AnA 32.4}

Nuko Salomo amaze gusenga, "umurimo umanuka uva mu ijuru, wotsa igitambo cyo koswa n'ibindi bitambo." Abatambyi ntibabasha kwinjira mu nzu y'Uwiteka, kuko "icyubahiro cy'Uwiteka cyuzuye inzu y'Uwiteka." "Abisirayeli bose babonye uko umuriro wamanutse, icyubahiro cy'Uwiteka kikaba ku nzu, barunama bubika amaso hasi ku mabuye ashashwe,

bararamya, bahimbaza Uwiteka bati: ‘Uwiteka ni mwiza, imbabazi ze zihoraho iteka ryose.’” {AnA 33.1}

“Maze umwami n’abantu bose batambira ibitambo imbere y’Uwiteka.” “Uko ni ko umwami n’abantu bejeje inzu y’Imana.” (2 Ngoma 7:1-5). Nuko icyo gihe Salomo agira ibirori by’iminsi irindwi hamwe n’Abisirayeli bose, bari iteraniro rinini cyane, baturutse mu gihugu cyose uhereye aharasukirwa, i Hamati ukageza ku kagezi ka Egiputa. Icyumweru cyakurikiyeho bakimaze bari mu iteraniro rinini rinejeje bizihiza Iminsi mikuru y’Ingando. Ibirori byo kwishima no kongera kwiyegurira Imana bisoje, abantu basubiye iwabo “banezerewe kandi bishimiye mu mitima yabo ibyo Uwiteka yari yeretse Dawidi na Salomo n’ubwoko bwe bwa Isirayeli.” 2 Ngoma 7:8,10. {AnA 33.2}

Umwami yari yarakoze uko ashoboye kose kugira ngo ashishikarize abantu kwiyegurira Imana burundu n’umurimo we, no guhesha ikuzo izina ryayo ryera. Hanyuma nanone nk’uko byamugendekeye i Gibeyoni mu myaka ibanza y’ingoma ye, umwami w’Abisirayeli yongera guhabwa ikimenyetso cy’uko Imana imwemeye kandi ko imuhaye umugisha. Mu iyerekwa rya nijoro Uwiteka yiyereka Salomo amuzaniye ubutumwa buvuga buti: “Numvise gusenga kwawe; maze nitoraniriza aha hantu ngo habe inzu yo gutambiramo ibitambo. Nindamuka nkinze ijuru, imvura ntigwe, cyangwa nintegeka inzige ngo zone igihugu, cyangwa ninohereza mugiga mu bantu banjye; maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nuko nanjye nzumvva ndi mu ijuru, mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu. Uhereye none amaso yanjye azajya areba, n’amatwi yanjye azajya yumva gusenga kuzasengerwa aha hantu. Kuko ubu ntoranije iyi nzu nkayereza kugira ngo izina ryanjye riyiberemo iteka ryose; n’amaso yanjye n’umutima wanjye bizayihoramo iminsi yose.” 2Ngoma 7:12-16. {AnA 33.3}

Iyo Abisirayeli bakomeza kuba indahemuka ku Mana, iyo nzu y’Uwiteka y’igitangaza yari kubaho iteka ikaba ikimenyetso gihoraho cy’ubuntu budasanzwe Imana yagiriye ubwoko bwayo bwatoranyijwe. Imana yaravuze iti: “Kandi abanyamahanga bahakwa ku Uwiteka bakamukorera bakunze izina rye, bakaba abagaragu be, umuntu wese akeza isabato ntayice, agakomeza isezerano ryanjye, abo nabo nzabageza ku musozi wanjye wera, mbanezereze mu nzu yanjye y’urusengero; ibitambo byabo byoswa n’amaturo yabo bizemerwa bitambirwe ku gicaniro cyanjye; kuko inzu yanjye izitwa inzu yo gusengerwamo n’amahanga yose.” Yesaya 56:6, 7. {AnA 34.1}

Ku bijyanye n’uko guhamirizwa ko yemewe, Uwiteka yasobanuye neza inzira umwami agomba gukurikiza. Uwiteka yaramubwiye ati: “Kandi nawe, nugendera imbere yanjye nk’uko so Dawidi yagendaga, ugakora ibyo nagutegetse byose, ukitondera amategeko

n'amateka yanjye; nanjye nzakomeza ingoma yawe, nk'uko nasezeranye na so Dawidi, nkamubwira nti: 'Ntabwo uzabura umuntu wo gutegeka Abisirayeli.'" 2 Ngoma 7:17, 18. {AnA 34.2}

Iyo Salomo akomeza gukorera Uwiteka yicishije bugufi, ubutegetsi bwe bwari kuba bwarateje ingaruka zikomeye ziganisha ku cyiza mu bihugu byari bimukikije kandi byari byaranyuzwe n'ingoma ya se Dawidi ndetse n'amagambo yuje ubwenge n'ibikorwa bitangaje Salomo yari yarakoze mu myaka ye ya mbere ari ku Ngoma. Imana yarebye ibishuko bikomeye bijyana no kugubwa neza ndetse n'icyubahiro cy'isi maze iburira Salomo kwirinda ibibi bizanwa no guhakana Imana kandi inamubwira ingaruka z'icyaha ziteye ubwoba. Uwiteka yamubwiye ko ndetse n'ingoro nziza cyane yari yamaze kumwegurirwa yari kuzahinduka "iciro ry'imigani n'agashinyaguro mu mahanga yose" igihe Abisirayeli bari kwimura "Uwiteka Imana ya ba sekuruza" bakinangirira mu gusenga ibigirwamana. 2 Ngoma 7:20, 22. {AnA 34.3}

Salomo amaze gukomezwa kandi ashimishijwe cyane n'ubutumwa buturutse mu ijuru bumubwira ko isengesho yasabiye Abisirayeli ryumviswe, noneho yatangiye igihe kinejeje bihebuje cy'ubutegetsi bwe, ubwo "abami bo mu isi bose bashakaga kureba Salomo ngo bamenye ubwenge Imana yashyize mu mutima we." 2 Ngoma 9:23. Benshi bazaga kureba uko ubutegetsi bwe bukora kandi bakamwigiraho ibyerekeye uko agenza ibintu bikomeye. {AnA 35.1}

Uko abo bantu basuraga Salomo ni ko yabigishaga ko Imana ari Umuremyi wa byose, maze bagasubira iwabo basobanukiwe neza Imana ya Isirayeli ndetse n'urukundo ikunda inyokomuntu. Noneho urwo rukundo n'ihishurirwa y'imico y'Imana bashaboraga kubibona mu byaremwe; kandi benshi byababateye kuyiramya nk'Imana yabo. {AnA 35.2}

Kwicisha bugufi kwa Salomo igihe yatangiraga kuyobora igihugu, ubwo yavugiraga imbere y'Imana ati: "Ndi umwana muto" (1 Abami 3:7), urukundo rutangaje yakundaga Imana, uko yubahaga bikomeye ibyerekeye Imana, kutiyiringira kwe ndetse n'uko yahaye ikuzo Umuremyo wa byose, iyo mico yose ikwiriye gushimwa yagaragariye mu mihango yerekeye kuzuzwa k'urusengero, igihe yapfukamaga yicishije bugufi asenga isengesho ryeguriraga Imana iyo ngoro. Muri iyi minsi, abayoboke ba Kristo bagomba kwirinda icyabatera kubura umwuka wo kubaha no gutinya Imana. Ibyanditse byera byigisha abantu uko bakwiriye kwegera Umuremyi wabo — bicishije bugufi kandi bahinda umushitsi, kubwo kwizera Umuhuza wacu wo mu ijuru. Umunyezaburi yaravuze ati: {AnA 35.3}

"Kuko Uwiteka ari Imana ikomeye
Ni Umwami ukomeye usumba ibigirwamana byose…

Nimuze tumuramye twunamye,
Dupfukamire Uwiteka, Umuremyi wacu.” {AnA 36.1}

Zaburi 95:3, 6.

Haba muri gahunda yo kuramya mu ruhame cyangwa mu rwiherero, ni amahirwe yacu gupfukama imbere y’Imana igihe tuyisaba. Yesu we cyitegerezo cyiza, “yarapfukamye arasenga.” Luka 22:41. Abigishwa be na bo bavugwaho ko “bapfukamye bagasenga.” Ibyakozwe 9:40. Pawulo nawe yaravuze ati: “Ni cyo gituma mpfukamira Data wa twese” Abefeso 3:14. Igihe yaturiraga ibyaha by’Abisirayeli imbere y’Imana, Ezira yarapfukamye. Soma Ezira 9:5. Daniyeli “yapfukamaga gatatu mu munsi asenga Imana ye, akayishimira.” Daniyeli 6:10. {AnA 36.2}

Kubaha Imana by’ukuri guturuka ku kumva ugukomera kwayo kutagerwa no gusobanukirwa ko iri kumwe nawe. Kubw’uko kuzirikana Itabonwa, umuntu wese yagombye gukorwa ku mutima mu buryo bwimbitse. Igihe cyo gusenga n’ahantu hasengerwa ni ibyera, kuko Imana iba ihari. Kandi iyo kubaha kugaragarijwe mu myifatire n’imyitwarire, umwuka utera uko kubaha uzarushaho kwimbika. Umuhimbyi wa Zaburi aravuga ati: “Izina rye ni iryera n’iryo kubahwa.” (Zaburi 111:9). Iyo abamarayika bavuze iryo zina bitwikira mu maso. Mbega icyubahiro twebwe abanyabyaha bacumuye twari dukwiriye kugaragaza igihe tuvuga iryo zina! {AnA 36.3}

Byaba byiza abato n’abakuze batekereje ku magambo y’Ibyanditswe Byera yerekana uko ahantu Imana iba mu buryo bwihariye hakwiriye gufatwa. Ubwo Mose yari ahagaze ku gihuru cyaka kidakongoka Imana yaramutegetse iti: “Kwetura inkweto mu birenge byawe, kuko aho uhagaze aho ari ahera” Kuva 3:5. Yakobo amaze kwerekwa umumarayika mu nzozi yaravuze ati: “Ni ukuri Uwiteka ari aha hantu; nanjye nari ntabizi… Aha hantu nta kindi, ni inzu y’Imana, aha ni ho rembo ry’ijuru” Itangiriro 28:16, 17. {AnA 37.1}

Mu magambo yavugiwe mu muhango wo kwegurira Imana urusengero, umwami Salomo yashakaga gukura mu ntekerezo z’abari aho imyumvire yerekeye Umuremyi ariko ishingiye ku bupfumu yari yarijimishije intekerezo z’abapagani. Imana yo mu ijuru itandukanye n’ibigirwamana by’abapagani biba mu ngoro abantu babyubakiye; nyamara Imana yifuzaga guhura n’ubwoko bwayo kubw’Umwuka wayo igihe bari guteranira mu nzu yerejwe kugira ngo isengerwemo. {AnA 37.2}

Nyuma y’imyaka amagana menshi, Pawulo nawe yigishije uko kuri muri aya magambo: “Imana yaremye isi n’ibiyirimo byose, Iyo kuko ari yo Mwami w’ijuri n’isi, ntiba mu nsengero zubatswe n’abantu; kandi ntikorerwa n’amaboko y’abantu, nk’ugira icyo akennye, kuko ari yo yahaye bose ubugingo no guhumeka n’ibindi byose. . . . kugira ngo bashake

Imana, ngo ahari babashe kuyibona bakabakabye; kandi koko ntiri kure y'umuntu wese muri twe, kuko ari muri yo dufite ubugingo bwacu, tugenda, turiho." Ibyakozwe n'Intumwa 17:24-28. {AnA 37.3}

Umuhimbyi wa Zaburi aravuga ati: {AnA 37.4}

"Hahirwa ishyanga rifite Uwiteka ho Imana yaryo; Ubwoko yitoranirije kuba umwandu we.
Uwiteka arebera mu ijuru,
Areba abana b'abantu bose.
Ari mu buturo bwe, areba
Ababa mu isi bose."

"Uwiteka yakomeje intebe ye mu ijuru:
Ubwami bwe butegeka byose."

"Mana, inzira yawe iri ahera;
Ni nde mana ikomeye, ihwanye n'Imana Rurema?
Ni wowe Mana ikora ibitangaza;
Wamenyekanishije imbaraga zawe mu mahanga." {AnA 37.5}

Zaburi 33:12-14; 103:19; 77:13, 14.

Nubwo Imana idatuye mu nsengero zubatswe n'amaboko y'abantu, yubahiriza kuba mu materaniro y'ubwoko bwe. Yasezeranye ko igihe bazateranira hamwe baje bayigana, bakicuza ibyaha byabo kandi bagasabirana, izaza aho bari kubw'Umwuka wayo. Ariko abantu bateranywa no kuyiramya bakwiriye kuzibukira ikibi cyose. Keretse gusa nibayisenga mu mwuka, mu kuri no mu butungane, naho ubundi guterana kwabo nta gaciro kuzagira. Bene abo Uwiteka abavugaho ati: "Ubu bwoko bunshimisha iminwa, ariko imitima yabo imba kure." Matayo 15:8, 9. Abasenga Imana bagomba kuyisenga "mu Mwuka no mu kuri; kuko Data ashaka ko bene abo ari bo bamusenga." Yohana 4:23. {AnA 38.1}

"Ariko Uwiteka ari mu rusengero rwe rwera, isi yose iturize imbere ye." Habakuki 2:20. {AnA 38.2}

IGICE CYA 3 - UBWIBONE BUTERWA NO KUGUBWA NEZA /KWIRATA UBUKIRE (PRIDE OF PROSPERITY)

Mu gihe cyose Salomo yubahaga amategeko y'ijuru, Imana yabanye na we kandi ahabwa ubwenge bwo kuyobora Isirayeli atabogama kandi yuzuye impuhwe. Ku ikubitiro, ubwo yatangiraga kugira ubukungu n'icyubahiro cy'isi, yakomeje kwicisha bugufi, kandi impinduka yatezaga zikaba nyinshi. "Nuko Salomo ategeka ibihugu byose, uhereye kuri rwa ruzi [Ufurate], ukageza ku gihugu cy'Abafilisitiya no ku rugabano rwa Egiputa." "Nuko yategekega igihugu cyose . . . Yari afite amahoro impande zose. Abayuda n'Abasirayeli baridendereza iminsi ya Salomo yose, umuntu wese ku muzabibu we no ku mutini we." 1 Abami 4:21, 24, 25. {AnA 39.1}

Ariko nyuma y'igitondo cy'amasezerano akomeye, ubuzima bwe bwijimishijwe n'ubuhakanyi. Amateka agaragaza ikintu kibabaje cy'uko uwari wariswe "Yedidiya" (2 Samweli 12:25), uwari warahawe icyubahiro n'Imana ikamuha ibimenyetso by'uko ahiriwe n'ijuru ku rwego rugaragara ku buryo ubwenge bwe n'ubutungane bwe byamuhesheje kwamamara ku isi, uwari warateye abandi kubaha Imana ya Isirayeli, uwo ni we waretse kuramya Imana Yehova maze akajya apfukama imbere y'ibigirwamana by'abapagani. {AnA 40.1}

Imyaka amagana menshi mbere y'uko Salomo yima ingoma, Uwiteka yabonaga akaga kajyaga kuzugariza abari kuzatoranywa ngo bayobore Isirayeli maze iha Mose amabwiriza azabayobora. Hatanzwe amabwiriza y'uko umuntu uzima ingoma ya Isirayeli akwiriye "kuziyandikira aya mategeko mu gitabo, ayakuye mu gifitwe n'abatambyi b'Abalewi." Uwiteka yaravuze ati: "Icyo gitabo azakibane, ajye agisomamo iminsi yose akiriho: kugira ngo yige kubaha Uwiteka Imana ye, no kwitondera amagambo yose y'ibi byategetswe n'aya mategeko, no kuyumvira: umutima we utishyira hejuru ya bene wabo, adateshuka iburyo cyangwa ibumoso ngo ave muri aya mategeko; ahubwo ngo arame mu bwami bwe, we n'urubyaro rwe, hagati mu Bisirayeli." Gutegeka 17:18-20. {AnA 40.2}

Ku byerekeranye n'aya mabwirizwa, Uwiteka yabwiye by'umwihariko uzasigwa amavuta ngo abe umwami "kutazishakira abagore benshi kugira ngo umutima we udahinduka, ukava ku Uwiteka: kandi ye kuzarushaho kwishakira ifeza n'izahabu byinshi." Gutegeka 17:17. {AnA 40.3}

Salomo yari azi neza iyo miburo kandi yamaze igihe ayumvira. Icyifuzo cye kiruta ibindi cyari icyo kubaho kandi akayobora akurikije amategeko yatangiwe kuri Sinayi. Uburyo yayoboraga iby'ubwami bwari buhabanye cyane n'imico y'ibihugu by'icyo gihe bitubahaga Imana, kandi n'abatware babyo bakaribata amategeko yayo yera. {AnA 40.4}

Mu rwego rwo gushaka uko yakomeza umubano yagiranaga n'ubwami bukomeye bwari mu majyepfo ya Isirayeli, Salomo yigerejeho ajya ku rubuga rwabuzanyijwe. Satani yari azi umusaruro uva mu kumvira; kandi mu myaka ibanza y'ingoma ya Salomo (imyaka yari inejeje bitewe n'ubwenge, ubugwaneza n'ubutungane bw'umwami), Satani yagerageje kwinjiza imbaraga zajyaga kugwabiza buhoro buhoro uko Salomo yubahirizaga amategeko y'Imana kandi akamutera kwitandukanya na Yo. Ibyanditswe bitumenyesha ko umwanzi yageze ku ntego ye muri aya magambo: "Salomo yuzura na Farawo Umwami wa Egiputa, arongora umukobwa we, amuzana mu murwa wa Dawidi." 1 Abami 3:1. {AnA 41.1}

Nubwo ubwo bukwe bwari bunyuranyije n'inyigisho z'amategeko y'Imana, mu mirebere ya kimuntu bwasaga n'ubuzazana umugisha kubera ko umugore w'umupagani wa Salomo yahindukiye akihana agafatanya nawe gusenga Imana nyakuri. Ikigeretse kuri ibyo, Farawo yafashije cyane Isirayeli binyuze mu kwigarurira i Gezeri, "yica Abanyakanani bari bahatuye, abaha umukobwa we muka Salomo ho indongoranyo." (1 Abami 9:16). Salomo yasannye uwo mujyi maze akomeza cyane ubwami bwe mu karere ko nkengero za Meditarane. Ariko mu kwifatanya n'ishyanga ry'abapagani, ndetse no gushimangira ayo masezerano arongora umwamikazi usenga ibigirwamana, Salomo yarahubutse maze asuzugura inama nziza Imana yari yaratanze kugira ngo ubwoko bwayo bukomeze kugira ukwera kwabwo. Kwizera ko umugore we ukomoka muri Egiputa ashobora guhinduka byari urwitwazo rushyigikira icyaha kandi rurangwa n'intege nke. {AnA 41.2}

Mu gihe runaka, Imana mu mbabazi zayo zuje impuhwe, yarwanyije iri kosa rikomeye; kandi umwami nawe kubw'ubushishozi yashoboraga nibura ku rwego rukomeye guhagarika imbaraga z'ikibi zari zaratangijwe no kudashishoza kwe. Ariko Salomo yari yaratangiye kwibagirwa Isoko y'imbaraga n'icyubahiro yari afite. Ubwo amarangamutima ye yaganzaga ubwenge bwe, kwiyemera kwariyongereye maze Salomo ashaka gusohoza umugambi w'Imana mu nzira yihitiyemo. Yibwiye ko kugirana umubano mu bya politiki n'ubucuruzi n'ibihugu bimukikije bishobora kuzabitera kumenya Imana nyakuri; maze agenda agirana umubano utejejwe n'ibihugu bitari bimwe. Akenshi uwo mubano wajyaga ushimangirwa no gushyingirwa ibikomangomakazi by'abapagani. Amategeko y'Imana yarirengagijwe asimbuzwa imigenzo y'amahanga yari akikije Isirayeli. {AnA 42.1}

Salomo yirariraga ko ubwenge bwe n'imbaraga z'icyitegererezo atanga bizakura abagore be mu gusenga ibigirwamana bakaramya Imana nyakuri, kandi ko umubano yagiranaga n'amahanga amukikije wajyaga kuyegereza Isirayeli bakaba incuti magara. Ibyo byiringiro byari iby'ubusa! Ikosa Salomo yakoze yibwira ko akomeye bihagije ku buryo byamubashisha kudakururwa n'abapagani yifatanyije nabo ryari ikosa kirimbuzi. Ukundi kwibeshya kw'injyanamuntu ni ukwamuteye kwiringira ko nubwo we yasuzuguye

amategeko y'Imana, abandi bo bazabasha kubaha no kumvira amategeko yayo yera. {AnA 42.2}

Amasezerano Salomo yagiranye n'amahanga y'abapagani ndetse n'umubano mu by'ubukungu byamuzaniye ishema no kwamamara, icyubahiro n'ubukire by'iyi si. Yashoboye kugira ubukire bwinshi bw'izahabu azikuye Ofiri n'ifeza z'i Tarushishi. "Kandi i Yerusalemu umwami ahagwiriza ifeza n'izahabu bitekerezwa ko ari nk'amabuye n'ibiti by'imyerezi atuma bingana n'imivumu yo mu bibaya ubwinshi." 2 Ngoma 1:15. Mu gihe cya Salomo, ubutunzi n'ibishuko bijyana na bwo bwariyongeraga mu bantu, ariko imico myiza yagereranywa na zahabu yagendaga yangirika kandi igahindana. {AnA 42.3}

Guhakana Imana kwa Salomo kwagendaga gukura uko Atari yarigeze abitekereza mbere, yari yaragiye kure y'Imana. Mu buryo bwasaga n'ubutagaragara, yatangiye kudohoka ku kwiringira ubuyobozi bw'Imana n'imigisha yayo, maze icyizere agishyira mu mbaraga ze bwite. Buhoro buhoro yaretse kwa kwiringira Imana adacogora kandi ari ko kwajyaga gutera Isirayeli kuba ishyanga ry'umwihariko ridasanzwe, maze arushaho kugenda akurikiza imigenzo y'amahanga yari akikije Isirayeli. Yakiriye ibishuko bitewe no kugera ku byo yifuza ndetse n'umwanya w'icyubahiro yari afite, maze yibagirwa Isoko yo kugubwa neza kwe. Kubw'inyungu ze bwite, inyota yo gushaka kurusha andi mahanga yose imbaraga no gukomera yamuteye gukoresha nabi impano ijuru ryamuhaye yari asanzwe akoresha kubw'ikuzo ry'Imana. Amafaranga yagombaga kuba yarashyizwe mu bubiko bwera ngo azunganire abakene bayakwiriye kandi ngo akoreshwe mu gusakaza amahame y'imibereho itunganye mu isi yose, yashyiriye mu mishinga yari ararikiye yarimo kwikunda. {AnA 43.1}

Kubera gutwarwa intekerezo n'icyifuzo gikomeye cyo gushaka kuruta andi mahanga mu bigaragarira amaso, umwami Salomo ntiyitaye ku kuba akeneye kugira imico myiza kandi itunganye. Mu gushaka kwihesha ikuzo imbere y'abatuye isi bose, yatakaje icyubahiro n'ubupfura bwe. Inyungu nyinshi cyane zavaga mu bucuruzi yagiranaga n'amahanga menshi ziyongeragaho imisoro ihanitse yakaga. Uko ni ko ubwibone, kurarikira, gusesagura, no kwikanyiza byabyaye ubugome n'ubwambuzi. Umwuka wo gushyira mu gaciro no kuzirikana wari wararanze uko yagenzerezaga abaturage be mu myaka ibanza y'ingoma ye noneho wari warahindutse. Yavuye ku kuba umunyabwenge n'umunyampuhwe uhebuje abandi bayobozi maze arasyigingira ahinduka umuntu utwaza igitugu. Uwahoze ari umunyampuhwe, umurinzi wa rubanda wubaha Imana, yaje guhinduka ukandamiza n'umunyagitugu. Abantu bakwaga imisoro y'ikirenga kugira ngo haboneke amikoro yo gushyigikira ibwami harangwaga ubuzima bwo gusesagura. {AnA 43.2}

Abantu batangiye kwivovota. Kubaha umwami wabo no kumwishimira byari byarabaranze byaje guhindukamo urwango no kumuzinukwa. {AnA 44.1}

Mu rwego rwo kwirinda kwishingikiriza ku mbaraga z'umubiri, Uwiteka yari yaraburiye abajyaga kuzahamagarirwa kuyobora Isirayeli ko birinda kugira amafarashi. Ariko mu kwirengagiza iri tegeko bikomeye, "amafarashi Salomo yari atunze, yavaga mu Egiputa." "Kandi bazaniraga Salomo amafarashi avuye mu Egiputa no mu bihugu byose." "Salomo akoranya amagare y'intambara n'amafarasi. Yari afite amagare igihumbi na magana ane, n'amafarasi ibihumbi cumi na bibiri. Amagare n'amafarasi amwe ayasigarana iwe i Yerusalemu, andi bayajyana mu mijyi yagombaga kubamo." 2 Ngoma 1:16; 9:28; 1 Abami 10:26(BII). {AnA 44.2}

Umwami Salomo yagendaga arushaho kubona ko ibintu by'agaciro kanini, kwinezeza no gutoneshwa n'isi ari byo bimenyetso byo gukomera. Bamuzaniraga abagore beza b'uburanga baturukaga mu Egiputa, Fowenisiya, Edomu, Mowabu n'ahandi henshi. Abo bagore babarirwaga mu magana. Idini ryabo ryari iryo gusenga ibigirwamana, kandi bari barigishijwe gukora imigenzo irangwamo ubugome bukabije kandi itesha umuntu agaciro. Umwami yatwawe n'uburanga bw'abo bagore maze yirengagiza inshingano afite ku Mana no ku bwami bwe. {AnA 44.3}

Abo bagore baramuhinduye bikomeye kandi bagenda bamuganza buhoro buhoro agera aho yifatanya nabo gusenga ibigirwamana. Salomo yari yarasuzuguye amabwiriza Imana yari yaratanze ngo abe uruzitiro rumurinda guhakana Imana, ariko ubu noneho we ubwe yari yarirunduriye mu gusenga ibigirwamana. "Salomo amaze gusaza, abagore be bamutwara umutima, akurikiza izindi mana, bituma umutima we utagitunganira Uwiteka Imana ye, nk'uko uwa se Dawidi wari umeze; kuko Salomo yakurikiye Ashitoreti imanakazi y'Abasidoni, na Milikomu, ni yo kizira cy'Abamoni." 1Abami 11:4, 5. {AnA 45.1}

Ku kanunga kerekeye mu majyepfo ko ku musozi wa Elayono, ahateganye n'umusozi Moriya wariho ingoro y'agahebuzo y'Uwiteka, Salomo yahubatse amazu menshi yagombaga gusengerwamo ibigirwamana. Kugira ngo ashimishe abagore be, yashyizemo ibishushanyo binini bikozwe mu ibiti n'amabuye mu misozi y'imihadasi n'ibiti by'amavuta. Aho, imbere y'ibicaniro by'ibigirwamana by'abapagani ari byo "Kemoshi, ikizira cy'Abamowabu; na Moleki ikizira cy'Abamoni," haberaga imigango y'urukozasoni ya gipagani. 1 Abami 11:7. {AnA 45.2}

Imyitwarire ya Salomo ntiyabuze kumuzanira igihano. Kwitandukanya n'Imana kwe binyuze mu gukorana n'abasenga ibigirwamana byabaye kwirimbura. Ubwo yarekaga kubaha Imana, yananiwe kwitegeka. Ubushobozi bwe bwo gushishoza bwarashize. Imyumvire ye myiza yaragwabiye, kandi umutimanama we urinangira. Wa wundi mu myaka ibanza y'ingoma ye wari waragaragaje ubwenge bukomeye n'impuhwe akarengera umugore wari ugiye kubura umwana we, (Soma 1 Abami 3:16-28), yaje gusigingira cyane

kugeza ubwo yemeye kubaka ikigirwamana cyatambirwaga abana bazima ho ibitambo. Uwari warahawe ubwenge no gushishoza mu busore bwe, kandi igihe yari igikwerere akaba yarabashishijwe kwandika ati: “Hariho inzira itunganiye umuntu, ariko iherezo ryayo ni inzira z’urupfu” (Imigani 14:12), mu myaka iheruka yaje gutandukana n’ubutungane cyane, ashyigikira imihango y’ubusambanyi iteye ishozi yajyaniranaga no gusenga ibigirwamanakazi Kemoshi na Ashitoreti. Uwari warabwiye ubwoko bwe mu gihe cy’iyezwa ry’inzu y’Uwiteka ati: “Nuko imitima yanyu ibe itunganiye Uwiteka Imana yacu, mugendere mu mateka yayo, mwumvire amategeko yayo, nk’uko mubigenjeje uyu munsi” (1 Abami 8:61), we ubwe yaje kwica ayo mategeko haba mu mutima no mu mibereho ye, ahakana amagambo yivugiye. Yitiranije umudendezo wo gukora ibyo ufitiye uburenganzira no kwishyira ukizana. Yagerageje guhuza umucyo n’umwijima, ikibi n’ikiza, ubutungane n’ibyanduye, Kristo na Beliyali (Satani). {AnA 45.3}

Umwami Salomo yavuye mu kuba umwe mu bami bakomeye bigeze bahabwa inkoni y’ubwami maze ahinduka umuntu utarangwa n’imico mbonera, aba igikoresho n’imbata y’abandi. Imico ye yari isanzwe ari myiza kandi ari iya kigabo, yaje guhinduka iradohoka aba umuhehesi. Kwizera Imana kwe kwaje gusimburwa no gushidikanya by’abahakanamana. Kutizera kwangije umunezero we, kugwabiza amahame yagenderagaho n’ubuzima bwe. Ubutabera n’ubugwaneza bwaranze imyaka ibanza y’ingoma ye bwahindutse ingoma y’igitugu kandi ikandamiza. Mbega uko kamere muntu ari inyantege nke! Imana ishobora gukorera bike cyane abantu bareka kuyishingikirizaho. {AnA 46.1}

Muri iyo myaka y’ubuhakanyi, gusubira inyuma mu by’umwuka kw’Abisirayeli kwateye imbere bikabije. Mbese byari kugenda ukundi bite mu gihe umwami wabo yari yarunze ubumwe n’abakozi ba Satani? Umwanzi yakoreraga muri abo bakozi be kugira ngo intekerezo z’Abisirayeli zijijwe n’ibyerekeye kuramya Imana k’ukuri n’ukw’ibinyoma, bityo bahinduka umuhigo we bimworoheye. Gukorana ubucuruzi n’andi mahanga kwatumye bamenyana cyane n’abatarakundaga Imana, kandi urukundo Abisirayeli ubwabo bayikundaga ruracogora bikomeye. Uko bari basobanukiwe neza n’imico yera y’Imana kwaragwabiye. Kubera kwanga kugendera mu nzira yo kumvira Imana, noneho bayobotse umwanzi w’ubutungane. Byaje kugera aho gushyingirana n’abasenga ibigirwamana biba ibisanzwe, maze mu buryo bwihuse Abisirayeli ntibaba bacyanga urunuka gusenga ibigirwamana. Kurongora abagore benshi byaje kwemerwa. Abagore basengaga ibigirwamana bareraga abana babo babatoza gukurikiza imihango ya gipagani. Mu mibereho ya bamwe, gahunda itunganye y’iby’iyobokamana yari yarashyizweho n’Imana yaje gusimbuzwa gusenga ibigirwamana guteye ishozi. {AnA 46.2}

Abakristo bagomba kwitandukanya n'isi, n'umwuka uyiranga n'imbaraga ikoresha. Imana ishoboye rwose kuturindira mu isi, ariko ntitugomba kuba ab'isi. Urukundo rw'Imana si urwo gushidikanyaho kandi ntiruhinduka. Ihora yitaye ku bana bayo, kandi ibitaho bitagerwa. Nyamara kandi ibasaba kuyiyoboka n'umutima wose. "Ntawe ucyeza abami babiri; kuko yakwanga umwe agakunda undi, cyangwa yaguma kuri umwe agasuzugura undi. Ntimubasha gukorera Imana n'ubutunzi." Matayo 6:24. {AnA 47.1}

Salomo yari yarahawe ubwenge butangaje, ariko isi yamutandukanyije n'Imana. Muri iki gihe abantu ntibakomeye kurusha Salomo. Nabo bashobora kumvira imbaraga zamuteye kugwa. Nk'uko Imana yaburiye Salomo ku kaga yari agiye guhura nako, ni ko no muri iki gihe iburira abana bayo kudashyira ubugingo bwabo mu kaga bifatanya n'ab'isi. Imana yinginga abana bayo igira iti: "Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye, ... kandi ntimugakore ku kintu gihumanye; nanjye nzabakira, kandi nzababera so, namwe muzambere abahungu n'abakobwa; ni ko Uwiteka Ushoborabyose avuga." 2 Abakorinto 6:17, 18. {AnA 47.2}

Igihe cyo kugubwa neza kiba cyihishemo akaga. Mu myaka myinshi yahise, ubutunzi n'icyubahiro byagiye bizana akaga ko gutakaza iby'umwuka no kwicisha bugufi. Ntabwo gutwara igikombe kirimo ubusa ari byo bidukomerera; ahubwo igikombe gisendereye ni cyo kigomba gutwaranwa ubwitonzi. Umubabaro n'ingorane bishobora gutera agahinda, ariko kugubwa neza ni ko guteza akaga gakomeye mu mibereho y'iby'umwuka. Keretse gusa umuntu nakomeza kumvira ubushake bw'Imana ubudacogora, akereshwa ukuri, naho ubundi kugubwa neza kuzabyutsa kamere iganisha ku gushidikanya. {AnA 48.1}

Mu kwicisha bugufi, aho abantu bishingikiriza ku Mana kugira ngo ibigishe kandi iyobore intambwe zabo zose, ni ho hari umutekano. Ariko abantu bahagarara ku kanunga, kandi kubw'umwanya bafite bakaba bitezweho kugira ubwenge bwinshi, bene abo bari mu kaga gakomeye cyane. Keretse gusa nibishingikiriza ku Mana, nibitaba bityo bazagwa nta kabuza. {AnA 48.2}

Ahantu hose ubwibone no kurarikira bihawe intebe, ubuzima burangirika, kuko ubwibone, ari ko kumva ko ntacyo ukennye bikinga umutima w'umuntu ntiwakire imigisha itabarika iva mu Ijuru. Umuntu wikuza kubw'imigambi ye azisanga atakirangwaho ubuntu bw'Imana kandi muri bwo ari ho habonerwa ubutunzi nyakuri n'ibyishimo bihebuje. Ariko umuntu uha wegurira Kristo byose kandi ibyo akora byose akabikora kubwe, azasohorezwa iri sezerano ngo: "Umugisha Uwiteka atanga uzana ubukire; kandi nta mubabaro yongeraho." Imigani 10:22. Kubwo gukorwaho n'ubuntu, Umukiza yirukana kudatuza n'imigambi mibi mu bugingo, agahindura urwangano mo urukundo no kutizera akaguhinduramo ibyiringiro. Igihe Umukiza abwiye umuntu ati: "Nkurikira," umwuka wo gutwarwa n'iby'isi uvaho. Iyo

Umukiza avuze, umwuka w’umururumba no kurarikira urahunga ukava mu mutima maze abantu bagahaguruka, babohorewe kumukurikira. {AnA 48.3}

IGICE CYA 4 - INGARUKA ZO GUCUMURA/KUTUMVIRA (Transgression)

Impamvu iza ku ruhembe rw'imbere mu mpamvu z'ingenzi zateye Salomo kwaya umutungo no gukandamiza, ni uko yaretse gukomeza no gushimangira umwuka wo kwitanga. {AnA 49.1}

Igihe Mose yabwiriraga Abisirayeli itegeko ry'Imana munsi y'umusozi wa Sinayi ati: "Kandi bandemere ubuturo bwera, nture hagati muri bo," igisubizo cy'Abisirayeli kuri iri tegeko cyaherekejwe n'impano zari zikenewe. "Haza umuntu wese utewe umwete n'umutima we, uwemejwe na wo wese, bazana amaturo batura Uwiteka." (Kuva 25:8; 35:21). Inyubako y'ubuturo bwera yasabaga imyiteguro ikomeye kandi myinshi. Hari hakenewe ibikoresho bihenze kandi by'agaciro, ariko Uwiteka yemeye gusa amaturo atanganwe ubushake. Itegeko Mose yasubiriyemo iteraniro ry'Abisirayeli ni iri ngo: "Bwira Abisirayeli banture amaturo; umuntu wese wemezwa n'umutima we azaba ari we mwakira ituro antura." (Kuva 25:8). Kwiyegurira Imana ndetse n'umwuka wo kwitanga ni byo byari byasabwaga bwa mbere kugira ngo hubakwe ubuturo bw'Imana Isumbabyose. {AnA 49.2}

Irarika nk'iryo rihamagarira abantu kwitanga ryabayeho igihe Dawidi yeguriraga umuhungu we Salomo inshingano yo kubaka inzu y'Uwiteka. Dawidi yabajije imbaga y'abantu bari bateranye ati: "Nuko rero uyu munsi ni nde wemeye kwitanga ku Uwiteka?" (1Ngoma 29:5). Uko guhamagarirwa kwitanga no gukorera ubushake byagombaga guhora bizirikanwa n'abakoraga umurimo wo kubaka ingoro y'Imana. {AnA 50.1}

Kugira ngo ihema ry'ibonaniro ryo mu butayu ryubakwe, abantu batoranyijwe bahawe n'Imana ubushobozi n'ubwenge bwihariye. "Mose abwira Abisirayeli ati: 'Dore, Uwiteka yahamagaye mu izina Besaleli . . . wo mu muryango wa Yuda; amwuzuza umwuka w'Imana ngo agire ubwenge bwo guhimba n'ubwo gutora n'ubuhanga n'ubukorikori bwose, ... kandi yamushyize mu mutima kwigisha abandi, we na Ohodiyabu mwene Ahisamaki, wo mu muryango wa Dani. Abo yujuje imitima yabo ubuhanga bwo gukora ubukorikori bwose bw'umukebyi w'amabuye n'ubw'umukozi w'umunyabwenge n'ubwo kudoda amabara y'imikara ya kabayonga n'ay'imihengeri n'ay'imihemba n'ay'ibitare byiza n'ubwo kubohesha imyenda ubudodo bw'igiterane cy'izo nzigo n'ubw'abakoresha ubuhanga bwose n'ubw'abahimba imirimo myiza yose. Besaleli na Oholiyabu bakorane n'umuhanga wese Uwiteka yashizemo ubuhanga n'ubwenge bwo kurema ibikoreshwa imirimo y'ubwo butoro bwera byose, bareme ibyo Uwiteka yategetse byose." Kuva 35:30-35; 36:1. Intumwa z'ijuru zakoranye n'abahanga Imana ubwayo yari yatoranyije. {AnA 50.2}

Abakomoka kuri abo bahanga nabo barazwe kuri izo mpano zahawe abakurambera babo ku rwego rukomeye. Hashize igihe kirekire abo Bisirayeli bo mu muryango wa Yuda n'uwa

Dani aria bantu bicisha bugufi kandi batikanyiza; ariko buhoro buhoro ndetse mu buryo butagaragara baje gutakaza komatana n'Imana n'ubushake bwo kuyikorera batikanyiza. Basabaga ibihembo bihanitse ku mirimo bakoraga bitewe n'ubuhanga bwabo buhanitse bari bafite mu bukorikori. Rimwe na rimwe ibyo basabaga barabihabwaga, ariko akenshi babonaga akazi mu mahanga yari abakikije. Mu mwanya wo kurangwa n'umwuka mwiza w'ubwitange waranze ba sekuruza, bakujije umwuka wo kwifuza, no kurarikira byinshi biruseho. Kugira ngo bahaze ibyifuzo byabo kwikubira, bakoreshaga ubuhanga bahawe n'Imana mu mirimo bakoreraga abami b'abapagani, ndetse bagakoresha impano zabo mu kunoza imirimo yasuzuguzaga Umuremyi wabo. {AnA 51.1}

Abo bantu ni bo Salomo yashatsemo umunyabukorikori mukuru wo guhagarikira inyubako y'ingoro y'Imana ku musozi Moriya. Ubusobanuro buhagije bwahawe Umwami mu nyandiko ku birebana n'umugabane wose w'inyubako yera; kandi yagombye kuba yarashatse Imana afite kwizera akayisaba abafasha bitanze bajyaga guhabwa ubuhanga budasanzwe bwo gukora umurimo wasabwaga uko bikwiriye. Ariko Salomo ntiyakoresheje aya mahirwe ngo yizere Imana. Yatumye ku mwami w'i Tiro ati: "Nuko none unyoherereze umugabo w'umuhanga, uzi gukora iby'izahabu n'ifeza n'imiringa n'ibyuma n'imyenda y'imihengeri . . . kugira ngo abane n'abagabo b'abahanga turi kumwe i Buyuda n'i Yerusalemu." 2 Ngoma 2:7. {AnA 51.2}

Umwami w'i Fowenisiya yamusubije yohereza uwitwa Hiramu, "umwana w'umugore wo muri bene Dani, na se yari umugabo w'i Tiro." (2 Ngoma 2:14). Ku ruhande rwa nyina umubyara, Hiramu yakomokaga mu muryango wa Oholiyabu, kandi hari hashize imyaka amagana menshi uyu Oholiyabu ahawe n'Uwiteka ubwenge bwihariye bwo kubaka ihema ry'ibonaniro igihe ryubakwaga. {AnA 52.1}

Uko ni ko ku isonga ry'abakozi ba Salomo hashyizwe umuntu utarateraga umwete n'icyifuzo kidashingiye ku kwikanyiza cyo gukorera Imana. Yakoreraga Mamuni, imana y'iyi isi. Ubuzima n'imibereho ye yose byari bigizwe n'amahame yo kwikunda. {AnA 52.2}

Ubuhanga bwa Hiramu budasanzwe bwatumye ahembesha umushahara wo hejuru, kandi amahame mabi yari amurimo yaje kwemerwa na bagenzi be buhoro buhoro. Uko bakoranaga nawe buri munsi, baje gutwarwa n'igitekerezo cyo kugereranyaga ibihembo bye n'ibyabo, maze batangira gutakaza kamere yera y'umurimo wabo. Umwuka wo kwitanga wabavuyemo maze bimika kurarikira. Ingaruka yaje kuba gusaba kongerwa ibihembo, maze birakorwa. {AnA 52.3}

Uwo mwuka mubi wakoraga waje kwinjira mu mashami yose y'umurimo w'Imana, kandi ukwira hose mu bwami. Ibihembo byo hejuru abakozi basabaga kandi bakabihabwa byateye

benshi kubaho mu buzima buhenze basesagura kandi baya. Abakire bakandamizaga abakene; umwuka wo kwitanga wari hafi gushira mu bantu. Mu ngaruka zaje gukurikiraho nyuma zivuye kuri iyo mikorere harimo imwe mu mpamvu z'ingenzi z'ubuhakanyi bukomeye bwa Salomo wigeze kubarwa mu banyabwenge bahebuje abandi bigeze kuba mu isi. {AnA 52.4}

Itandukaniro rikomeye riri hagati y'umwuka n'impamvu byakoreshaga abantu bubatse ihema ryo mu butayu n'abubatse urusengero rwa Salomo bifite icyigisho cyimbitse bitwigisha. Kwishakira inyungu kwaranze abubatsi b'urusengero kugaragarira mu kwikunda kuganje mu isi muri iki gihe. Umwuka wo kurarikira no kwifuza umwanya wo hejuru n'umushahara munini uboneka hose. Gukorana ubushake no kwitanga unezerewe byaranze abakozi bubatse ihema ry'ibonaniro bigaragara hake cyane. Nyamara uyu ni wo mwuka wagombye gukoresha abayoboke ba Yesu Kristo. Umwami wacu wo mu ijuru yatanze urugero rw'uburyo abigishwa be bagomba gukora. Abo yategetse ati: "nimunkurikire, nzabagire abarobyi b'abantu" (Matayo 4:19), ntiyabasezeraniye umushahara runaka nk'igihembo ku murimo bagombaga gukora. Bagombaga gufatanya nawe kwiyanga no kwitanga. {AnA 53.1}

Ntitugomba gukora kubera umushahara duhabwa. Impamvu idutera gukorera Imana ntikwiriye kurangwamo kwishakira inyungu. Kwiyanga no kwitanga byahoze kandi bizahora ari icyangombwa cy'ikubitiro kiranga umuntu ukora umurimo wemerwa [n'Imana]. Umwami n'Umukiza wacu ntashaka ko hagira n'akadodo na kamwe ko kwikanyiza (kwikunda) gakoreshwa mu murimo we. Mu mirimo yacu, tugomba gukoresha ubwenge, ubuhanga n'ubushishozi nk'ubwo Imana yasabye ku bubatsi b'ihema ry'ibonaniro. Ariko mu byo dukora byose tugomba kwibuka ko impano zihebuje izindi cyangwa imirimo ihebuje indi byemerwa n'Imana igihe gusa inarinjye ishyizwe ku gicaniro, ikaba igitambo kizima gikongorwa. {AnA 53.2}

Ukundu kuyoba umwami Salomo yagize atandukiriye amahame atunganye kandi kwateje kugwa kwe, ni ukwemerera igishuko cyamujyanye ku kwiha ikuzo rikwiriye Imana yonyine. {AnA 53.3}

Guhera umunsi Salomo yahabwaga umurimo wo kubaka ingoro y'Imana ukageza igihe yuzuriye, umugambi nyakuri yari afite wari uwo "kubakira izina y'Uwiteka Imana ya Isirayeli inzu." 2 Ngoma 6:7. Uyu mugambi wazirikaniwe imbere y'imbaga y'Abisirayeli yari iteranye igihe beguriraga Uwiteka ingoro. Mu isengesho rye, umwami Salomo yazirikanye ko Uwiteka yari yaravuze ati: "niho nzashyira izina ryanjye" (2Abami 21:4). {AnA 54.1}

Umwe mu migabane ikora ku mutima yo mu isengesho Salomo yasenze yegurira Imana Ingoro yayo, ni aho yatakambiye Uwiteka asabira abanyamahanga bajyaga guturuka mu bihugu bya kure bazanywe no kumenya byinshi ku Mana yari yaramamaye mu mahanga. Umwami yarasenze ati: “Kuko batazabura kumva bavuga izina ryawe rikuru n’amaboko yawe akomeye, n’ukuboko kwawe kwagirije.” Salomo yasabiye umunyamahanga wese uzaza kuramya Uwiteka ati: “Nuko ujye wumva, . . . umarire uwo munyamahanga ibyo agutakambira byose, bitume amoko yose yo mu isi amenya izina ryawe, akubahe nk’uko ubwoko bwawe bwa Isirayeli bukubaha, kandi bamenye yuko iyi nzu nubatse yitwa iy’izina ryawe” 1Abami 8:42,43. {AnA 54.2}

Mu kurangiza uwo muhango, Salomo yakanguriye Abisirayeli kuba indahemuka n’abanyakuri ku Mana, “kugira ngo amoko yose yo mu isi amenye ko Uwiteka ari we Mana nta yindi.” 1Abami 8:60. {AnA 54.3}

Ukomeye kuruta Salomo ni we wari warakoze igishushanyombonera cy’urusengero; kandi ubwenge n’ikuzo by’Imana byagaragaye muri rwo. Abatari babisobanukiwe, bashimaga Salomo bakanamusingiza bibwira ko ari we watekereje kandi akubaka urwo rusengero; ariko umwami we nta cyubahiro icyo ari cyo cyose yiyerekezagaho ko ari we warutekereje cyangwa ngo arwubake. {AnA 54.4}

Uko ni ko byari bimeze ubwo Umwamikazi w’i Sheba yazaga gusura Salomo. Uwo mwamikazi yumvise ubwenge bwa Salomo n’ubwiza butangaje bw’ingoro yubatse, yiyemeje kuza “azanywe no kumubaza ibinaniranye, amugererageza” no kugira ngo yirebere imirimo itangaje ye. Yakoze urugendorurerure aje i Yerusalemu aza ashagawe n’abagaragu benshi cyane bafite ingamiya zihetse “imibavu n’izahabu nyinshi cyane n’amabuye y’igiciro cyinshi.” “Ageze kuri Salomo, amurondorera ibyari mu mutima we byose.” Bavuganye iby’amayobera ari mu byaremwe; maze Salomo amwigisha iby’Imana yaremye ibiriho, Umuremyi ukomeye utuye mu ijuru risumba ayandi kandi utegeka bose. “Salomo amusobanurira ibyo yamubajije byose, nta kintu cyasobye Salomo atamusobanuriye.” 1Abami 10:1-3; 2 Ngoma 9:1, 2. {AnA 55.1}

“Nuko umugabekazi w’i Sheba abonye ubwenge bwa Salomo bwose n’inzu yubatse, . . . arumirwa, bimukura umutima. Abwira umwami ati: ‘Inkuru numviye mu gihugu cyanjye z’ibyo wakoze n’iz’ubwenge bwawe zari iz’ukuri. Ariko sinabyemera kugeza ubwo niyiziye, nkabyibonera n’ayanjye maso; kandi nsanze ibyo batambwiye birenze ibyo bambwiye, ubwenge bwawe n’ubutunzi bwawe bisumba uko nabyumvise. Hahirwa abantu bawe, aba bagaragu bawe barahirwa, bakwibera imbere iminsi yose, bakumva ubwenge bwawe.” 1Abami 10:4-8; 2 Ngoma 9:3-6. {AnA 55.2}

Umugabekazi w'i Sheba arangije gusura yari yamaze kwigishwa rwose na Salomo ibyerekeye isoko y'ubwenge bwe no kugubwa neza kwe ku buryo byamuteye noneho kudasingiza umuntu ahubwo aravuga ati: "Uwiteka Imana yawe ihimbazwe, yakwishimiye ikakwicaza ku ntebe y'ubwami bwa Isirayeli; kuko Uwiteka yakunze Abisirayeli iteka ryose, ni cyo cyatumye akwimika, ngo uce imanza zitabera." 1Abami 10:9. Icyo ni cyo Imana yashakaga ko abantu bose bamenya. Kandi igihe "abami bo mu isi bose bashakaga kureba Salomo ngo bamenye ubwenge Iman yashyize mu mutima we" (2Ngoma 9:23), Salomo yamaze igihe yubahisha Imana abinyujije mu kubereka ko ari Yo Muremyi w'isi n'ijuru, Umutegeka w'isanzure, akaba na Nyirubwenge bwose. {AnA 55.3}

Iyo Salomo akomeza kwicisha bugufi mu mutima we agakura intekerezo z'abantu kuri we ahubwo akazerekeza ku Mana yamuhaye ubwenge, ubutunzi n'icyubahiro, mbega uburyo byari kumuhesha amateka meza! Ariko nubwo ibyanditswe bivuga imico myiza yamuranze, binatanga ubuhamya nyakuri ku kugwa kwe. Amaze kuzamurwa akagera ku rwego ruhebuje izindi gukomera ndetse akikijwe n'impano z'ubukungu, Salomo yararenzwe, atakaza gukomera maze aragwa. Kubera guhora asingizwa n'abantu b'isi, amaherezo ntiyashoboye gutsinda uko gushimagizwa. Ubwenge yari yarahawe kugira ngo aheshe ikuzo uwabumuhaye, bwaje kumwuzuza ubwibone. Amaherezo yaje kwemerera abantu kumwamamaza ko ari we ukwiriye gusingirizwa ubwiza butagerwa bw'inyubako yari yaratekerejwe kandi ikubakirwa icyubahiro cy' "izina ry'Imana ya Isirayeli." {AnA 56.1}

Uku ni ko ingoro ya Yehova yaje kumenyekana mu mahanga yose ko ari "ingoro y'umwami Salomo." Umuntu yari yarihaye ikuzo rifitwe n'Imana "Isumba abakuru ubukuru." Umubwiriza 5:8. Ndetse n'uyu munsi ingoro Salomo ubwe yavuzeho ati: "iyi nzu nubatse, yitwa iy'izina ryawe" (2Ngoma 6:33), akenshi abantu ntibavuga ko ari ingoro ya Yehova ahubwo bavuga ko ari iya Salomo. {AnA 56.2}

Nta kundi umuntu yagaragaza intege nke bikomeye kurenza kwemerera abantu kumuha ikuzo kubw'impano Ijuru ritanga. Umukristo nyakuri azagira Imana nyambere mu buzima bwe ndetse ibe ihebuje muri byose. Nta migambi yo kurarikira izacogoza urukundo akunda Imana; ahubwo adakebakeba kandi adacogora azatuma icyubahiro gihabwa Se wo mu ijuru. Igihe turi indahemuka mu kwerereza izina ry'Imana, ni ho imbaraga zidukoresha zigengwa nayo, maze tukabashishwa gukuza imbaraga z'iby'umwuka n'iz'ubwenge. {AnA 56.3}

Yesu, Umwami wavuye mu ijuru, yahoraga yerereza izina rya Se wo mu ijuru. Yigishije abigishwa se gusenga atya ati: "Data wa twese uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe." (Matayo 6:9). Kandi ntibagombaga kwibagirwa aya magambo ngo "kuko ubwami n'ubushobozi n'icyubahiro ari ibyawe" (Matayo 6:13). Uko ni ko Umuvuzi w'ikirenga yigengesereye agakura intekerezo z'abantu kuri we ubwe ahubwo akazerekeza ku Isoko y'imbaraga ze, ku

buryo ubwo iyo mbaga yari itangaye yabonaga “ibiragi bivuga, ibirema ari bizima, abacumbagira bagenda, n’impumyi zireba,” ntibamuhimbaje ahubwo “bahimbaje Imana y’Abisirayeli.” Matayo 15:31. {AnA 57.1}

Mu isengesho ritangaje Kristo yasenze mbere y’uko abambwa, yaravuze ati: “Nakubahishije mu isi.” Yaringinze ati: “Ubahiriza Umwana wawe, ngo Umwana akubahishe.” “Data ukiranuka, ab’isi ntibakumenye, ariko jyewe narakumenye, n’aba na bo bamenye ko ari wowe wantumye. Nabamenyesheje izina ryawe, kandi nzaribamenyesha ngo urukundo wankunze rube muri bo, nanjye mbe muri bo.” Yohana 17:1, 4, 25, 26. {AnA 57.2}

“Uwiteka avuga atya ati: ‘Umunyabenge ye kwirata ubwenge bwe, n’intwari ye kwirata ubutwari bwayo, umutunzi ye kwirata ubutunzi bwe; ahubwo uwirata yirate ibi, yuko asobanukiwe, akamenya yuko ari jye Uwiteka, ugirira imbabazi no kutabera no gukiranuka mu isi: kuko ibyo ari byo nishimira. Ni ko Uwiteka avuga.” Yeremiya 9:23, 24. {AnA 57.3}

“Nzashimisha izina ry’Imana indirimbo:
Nzayihimbarisha ishimwe ry’ibyo yankoreye.” {AnA 57.4}

“Mwami wacu, Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n’ubutware koko . . .” {AnA 57.5}

“Mwami, Mana yanjye,
Nzagushimisha umutima wanjye wose,
Nzahimbaza izina ryawe iteka ryose.”

“Mufatanye nanjye guhimbaza Uwiteka,
Dushyirane hejuru izina rye.” {AnA 58.1}

Zaburi 69:31; Ibyahishuwe 4:11, Zaburi 86:12; 34:4.

Kwinjizwa kw’amahame ateshura abantu ku mwuka wo kwitanga kandi akaganisha ku kwiha ikuzo, kwaje gukurikirwa n’ukundi kugoreka umugambi Imana yari ifitiye Isirayeli mu buryo bukomeye. Umugambi w’Imana wari uko ubwoko bwayo buba umucyo w’isi. Umucyo w’amategeko yayo wagombaga kumurika ubaturutseho ugaragarira mu byo bakoraga mu mibereho yabo. Kugira ngo uyu mugambi usohozwe, Imana yari yaratumye ishyanga ryatoranyijwe ritura ku mahuriro y’inzira zavaga mu mahanga yose yo ku isi. {AnA 58.2}

Mu gihe cya Salomo ubwami bwa Isirayeli bwaragutse buva i Hamati mu majyaruguru bugera ku gihugu cya Egiputa mu majyepfo, kandi buhera ku Nyanja ya Mediterane bugera ku ruzi rwa Efurate. Ako karere kose k’ubwami bwa Isirayeli kari kanyuzemo inzira ngari

nyinshi zakoreshwaga n'abacuruzi, kandi abacuruzi bakoreshaga ingamiya bavuye mu bihugu bya kure bahoraga banyuranamo muri ako karere. Uko ni ko Salomo n'abaturage be bahawe amahirwe yo guhishurira abantu bo muhanga yose imico y'Umwami w'abami, no kubigisha kumwubaha no kumwumvira. Ubwo bumenyi bwagombaga kugezwa ku batuye isi bose. Kubwo kwigisha gahunda y'ibitambo, Kristo yagombaga kwererezwa imbere y'amahanga kugira ngo abantu bose bari kumwizera babeho. {AnA 58.3}

Kubera gushyirwa ku buyobozi bw'ishyanga ryari ryarashyiriweho kuba umuco umurikira amahanga yariarikikije, Salomo yagombye kuba yarakoresheje ubwenge n'ubushobozi Imana yamuhaye agashyiraho kandi akayobora gahunda ikomeye yo kumurikira abatari bazi Imana n'ukuri kwayo. Iyo biba bityo, imbaga y'abantu benshi iba yarayobowe ku kumvira amategeko y'Imana, Isirayeli iba yararinzwe ibibi byakorwaga n'abapagani, kandi Umwami nyiri ikuzo aba yarubashywe bikomeye. Ariko Salomo yateshutse rwose ku mugambi we ukomeye. Yananiwe gukoresha neza amahirwe atangaje yari afite yo kumurikira abantu bahoraga banyura mu gihugu cye cyangwa bagatinda mu mijyi minini. {AnA 58.4}

Umwuka w'ivugabutumwa Imana yari yarashyize mu mutima wa Salomo ndetse no mu mitima y'Abisirayeli bose nyakuri wasimbuwe n'umwuka w'ubucuruzi. Amahirwe yatangwaga no gukorana n'amahanga menshi yakoreshejwe mu kwishakira gukomera. Salomo yashatse uko akomeza umwanya we mu bya politiki akoresheje kubaka imijyi ikomeye ku marembo y'inzira abacuruzi banyuramo. Yasannye umujyi wa Gezeri, wari hafi y'i Yopa kandi wari ku muhanda wahuzaga Misiri na Siriya. Yanasanye Beteroni yari iherereye mu burengerazuba bwa Yerusalemu kandi yanyuragamo inzira ngari yaturukaga muri Yudeya rwagati ikerekeza i Gezeri ikagana ku nkengero z'inyanja. Yasannye Megido yari iherereye ku nzira y'amafarashi yavaga i Damasiko yerekeza mu Misiri, n'iyavaga i Yerusalemu yerekeza mu majyaruguru, kandi "yubaka n'i Tadumori mu butayu" (2Ngoma 8:4), ku nzira y'abagenzi bavaga mu burasirazuba. Iyo mijyi yose yari yubakitse bikomeye. Inyungu nyinshi mu by'ubucuruzi bwakorerwaga mu isoko ryari ku mpera ya ruguru y'Inyanja Itukura zaje kongerwa binyuze mu "kubakisha amato muri Esiyoni-Geberi . . ., icyambu cyo ku Nyanja Itukura, mu gihugu cya Edomu." Abasare batojwe neza bavuye i Tiro n'abakozi ba Salomo ni bo batwaraga ayo mato mu rugendo "bakajya mu gihugu cya Ofiri bakahakura izahabu," "bakahavana n'ibiti by'indobanure n'amabuye y'agaciro." 1Abami 9:26, 28; 10:11. {AnA 59.1}

Inyungu z'umwami ndetse na benshi mu byegera bye zariyongereye cyane, ariko se byari byatwaye ikiguzi kingana gite! Bitewe n'umururumba no kutareba kure by'abari bararagijwe amagambo y'ubwenge avuye ku Mana, abantu batabarika banyuraga mu nzira nyabagendwa [zo mu bwami bwa Salomo] ntibababashishijwe kumenya Yehova. {AnA 60.1}

Ibyo Salomo yakoze bihabanye cyane n'ibyo Yesu yakoze igihe yari kuri iyi si. Nubwo Umukiza yari afite "ububasha bwose," ntabwo yigeze akoresha ubu bubasha ngo yiheshe ikuzo no gukomera. Nta gitekerezo cyo kwigarurira isi n'icyo gukomera kw'ab'isi cyigeze cyangiza ugutungana k'umurimo Yesu yakoreraga inyokomuntu. Ubwe yaravuze ati: "Ingunzu zifite inyobo, n'ibiguruka mu kirere bifite ibyari, ariko Umwana w'umuntu ntafite aho kurambika umusaya." (Matayo 8:20). Abitabye irarika ryo muri iki gihe maze bakaba barinjiye mu murimo wa Kristo, Umukoresha Mukuru, bakwiriye kwiga neza uburyo yakoreshaga. Yakoreshaga amahirwe yo kuba mu mihanda migari nyabagendwa. {AnA 60.2}

Mu ngendo yakoraga ajya hirya no hino, Yesu yabaga i Kaperinawumu haje kumenyekana ko ari ho "iwabo." Matayo 9:1. Kaperinawumu yari iherereye ku nzira nyabagendwa yaturukaga i Damasiko yerekeza i Yerusalemu no mu Misiri ndetse ikagera ku Nyanja ya Mediterane. Kaperinawumu yari izwi neza ko ari yo cyicaro cy'umurimo w'Umukiza. Abantu baturutse mu bihugu byinshi banyuraga muri uwo mudugudu cyangwa bakawutindamo baharuhukira. Aho niho Yesu yahuriraga n'abantu bo mu mahanga yose, bo mu nzego zose, bityo inyigisho ze zikajyanwa mu bindi bihugu ndetse no mu miryango myinshi. Kubera gukoresha ubwo buryo abantu bakangukiye kwiga ubuhanuzi bwerekezaga kuri Mesiya, maze intekerezo z'abantu bazihanga Umukiza, bityo umurimo we ugezwa ku batuye isi. {AnA 60.3}

Muri iki gihe cyacu, amahirwe yo guhura n'abagabo n'abagore bo mu nzego zose ndetse no mu bihugu byinshi ni menshi cyane ugereranyije no mu gihe cy'Abisirayeli. Imihanda migari nyabagendwa yiyongereye incuro zisaga igihumbi. {AnA 61.1}

Nk'uko Kristo yabigenzaga, muri iki gihe intumwa z'Imana Isumbabyose zikwiriye gukorera cyangwa guhagarara muri iyo mihanda migari nyabagendwa, aho zishobora guhura n'imbaga y'abantu benshi bagenda bava mu turere twose tw'isi. Izi ntumwa zizahisha inarinjye mu Mana, maze nk'uko Kristo yabigenzaga zibibe imbuto y'ubutumwa bwiza, zigeze ku bandi ukuri kw'agaciro kenshi kw'Ibyanditswe Byera ari ko kuzashinga imizi mu bwenge n'umutima, maze kwere ubugingo buhoraho. {AnA 61.2}

Hari ibyigisho bikomeye twigira ku gutsindwa kw'Abisirayeli mu myaka y'igihe umuyobozi wabo ndetse na rubanda bateshukaga ku mugambi wabo ukomeye bari barahamagariwe gusohoza. Uko baba ari abanyantege nke kose, ndetse kugeza ubwo baba baratsinzwe, Isirayeli y'Imana muri iki gihe, abahagarariye ijuru ari bo bagize itorero nyakuri rya Kristo, bagomba kugira imbaraga, kuko ari bo bahawe inshingano yo kurangiza umurimo wahawe umuntu, ndetse no guteguriza umunsi w'ingororano ziheruka. Nyamara kandi imbaraga zarwanyije Isirayeli igihe Salomo yari ku ngoma zigomba kurwanywa no

muri iki gihe. Imbaraga z'umwanzi wo gukiranuka ziratugose bikomeye; nyamara dushobora kugera ku ntsinzi gusa kubw'imbaraga y'Imana. Urugamba ruri imbere yacu rudusaba gukoresha umwuka wo kwiyanga, rudusaba kutiyiringira ndetse no kwishingikiriza ku Mana yonyine, no gukoresha neza amahirwe yose tugira yo gukiza imitima. Imigisha y'Imana izagera ku bagize itorero ryayo igihe bazajya mbere bashyize hamwe, bagahishurira isi yibereye mu mwijima w'ikinyoma ubwiza bw'ubutungane nk'uko bugaragarira mu mwuka wo kwitanga nk'uwa Kristo, mu guhesha ikuzo Imana aho kuriha umuntu, ndetse no mu murimo wuje urukundo no kudacogora bakorera abantu bakeneye cyane imigisha ikomoka mu butumwa bwiza. {AnA 61.3}

IGICE CYA 5 - KWIHANA KWA SALOMO

Ku ngoma ya Salomo, Uwiteka yamubonekeye kabiri amuzaniye amagambo amugaragariza ko amwemeye kandi amugira inama. Ubwa mbere ni igihe yamubonekeraga mu nzozi nijoro i Gibewoni, ubwo isezerano ryo guhabwa ubwenge, ubutunzi n'icyubahiro ryaherekezwaga n'umuburo yahawe ngo akomeze kwicisha bugufi kandi kandi yumvire. Ubwa kabiri ni igihe yeguriraga Imana ingoro yayo, ubwo nanone Uwiteka yamwihanangirizaga kuba indahemuka. Imiburo Salomo yahawe yarumvikanaga, kandi ahabwa n'amasezerano atangaje. Nyamara uwagaragaraga ko haba mu miterere y'ibintu, mu mico ndetse no mu mibereho ye afite ibihagije kugira ngo yumvire amabwiriza kandi akore ibihuje n'ibyo Ijuru ryari ryiteze, yaje kwandikwaho aya magambo ngo: "Umutima we warahindutse uyoba Imana ya Isirayeli yari yaramubonekeye kabiri, ikamutegeka imwihanangirije kuko atazakurikira izindi mana; ariko ntiyumvira icyo Uwiteka yamutegetse." 1Abami 11:9, 10. Bityo uko ubuhakanyi bwe bwarushagaho kugwira ni ko umutima we warushagaho kwinangira mu kugoma ku buryo ibye byaje gusa n'ibitagifite igaruriro. {AnA 62.1}

Salomo yaretse ibyishimo yakuraga mu gusabana n'Imana maze ahindukirira gushakira ibimunyura mu binezeza umubiri. Avuga kuri ibyo yanyuzemo agira ati: {AnA 63.1}

"Nikoreye imirimo ikomeye, niyubakiye amazu, nitereye inzabibu, nihingiye imirima, n'imirima y'uburabyo izitiwe, nyiteramo ibiti by'amoko yose y'imbuto ziribwa, . . . Niguriye abagaragu n'abaja babyarira abandi mu rugo rwanjye, kandi ngira ubutunzi bwinshi bw'amashyo y'inka n'imikumbi y'intama, ndusha abambanjirije i Yerusalemu bose. Nirundaniriza ifeza n'izahabu, n'ubutunzi buherereye ku bami buvuye mu ntara zose, nishakiye abaririmbyi b'abagabo n'ab'abagore n'ibinezeza abantu, n'ibicurangwa by'uburyo bwose. Nuko ndakomera kandi ndusha abambanjirije i Yerusalemu . . . {AnA 63.2}

"Kandi sinimye amaso yanjye icyo yifuza cyose, nta n'umunezero wose nimye umutima wanjye, kuko umutima wanjye wishimiraga imirimo yanjye yose. Ibyo ni byo byari ingororano z'imirimo yanjye yose. Maze nitegereje imirimo yose y'amaboko yanjye n'imiruho yose niruhije nkora, nsanga byose ari ubusa, ari nko kwiruka inyuma y'umuyaga, kandi nta gifite umumaro kiri munsi y'ijuru. {AnA 63.3}

Nisubiramo ngo ndebe ubwenge n'ubusazi n'ubupfapfa. Mbese uzasimbura umwami azabasha gukora iki? Keretse ibisanzwe bikorwa. Nuko mbona ko ubwenge buruta ubupfapfa nk'uko umucyo uruta umwijima. Amaso y'umunyabwenge ari mu mutwe we, na we umupfapfa agenda mu mwijima atabona, nyamara nabonye ko amaherezo ya bose ari amwe. Ni ko kwibwira mu mutima nti "Ibiba ku mupfapfa ni byo bizambaho. None se

kumurusha Ubwenge byamariye iki?" Ni ko kwibwira mu mutima nti "Ibyo na byo ni ubusa." . . . Ni ko kwanga ubugingo, kuko imirimo ikorerwa munsi y'ijuru yamereye nabi. Byose ni ubusa, ni nko kwiruka inyuma y'umuyaga. Maze nanga imiruho yanjye yose naruhiye munsi y'ijuru, kuko nzayisigira umuntu uzansimbura." Umubwiriza 2:4-18. {AnA 63.4}

Kubw'ibyo yanyuzamo bibabaje, Salomo yamenye ko ubuzima bushakishiriza ibyiza bihebuje mu by'isi ari ubusa. Salomo yubakiye ibicaniro ibigirwamana by'abapagani ari ukugira gusa ngo amenye uko isezerano ryo gutuza biha ubugingo ari ubusa. Ibitekerezo byijimye kandi bimuremerera byamubuzaga amahoro ku manywa na nijoro. Kuri we, nta bindi byishimo mu buzima cyangwa amahoro y'umutima yari asigaje, kandi ahazaza hari hijimishijwe no kubura ibyiringiro. {AnA 64.1}

Nyamara nubwo byari bimeze bityo, Imana ntiyamuhannye. Kubwo kumwohorereza ubutumwa bwo kumucyaha ndetse no kumuhana ibihano bikomeye, Imana yashakaga ko umwami asobanukirwa ko ibyo akora ari icyaha. Imana yamukuyeho uburinzi bwayo maze yemerera abanzi kubuza amahwemo no guca integer ubwami bwa Salomo. "Bukeye Uwiteka ahagurukiriza Salomo Umwanzi ari we Hadadi w'Umwedomu, . . . Hanyuma Imana yingera guhagurukiriza Salomo undi mwanzi, ni we Rezoni . . . umutware w'umutwe w'ingabo," waje kwanga Abisirayeli urunuka, kandi agatwara i Siriya. Na Yerobowamu, . . . umugaragu wa Salomo," "Yerobowamu uwo yari umugabo w'amaboko w'intwari," nawe ahagurukira kurwanya umwami Salomo. 1Abami 11:14-28. {AnA 64.2}

Amaherezo Uwiteka abinyujije mu muhanuzi, yohereje Salomo ubutumwa buteye ubwoba buvuga buti: "Kuko wakoze ibyo, ntiwitondere isezerano ryanjye n'amategeko yanjye nagutegetse, ni ukuri nzakunyaga ubwami bwawe mbugabire umugaragu wawe. Ariko kuko ngiriye so Dawidi sinzabikora ukiriho, ahubwo nzabunyaga umwana wawe." 1Abami 11:11,12. {AnA 64.3}

Salomo akanguwe nk'uwari uri mu bitotsi n'iri teka ry'urubanza Imana yari imuciriye we n'inzu ye, yahise atangira kubona ubupfapfa bwe nk'uko buri koko. Yumvise atsinzwe mu bugingo bwe, ubwenge n'umubiri bicika intege, maze areka guhangayikira no kugirira inyota ibitenga bitobotse by'isi, ahubwo yifuza kongera kunywa ku isiko y'ubugingo. Kuri we, amaherezo igihano cy'umubabaro cyari cyarangije umurimo wacyo. Yari amaze igihe abuzwa amahoro no gutinya kurimbuka gukomeye bitewe no kutabasha guhindukira ngo ave mu bupfapfa bwe; ariko noneho ubutumwa yari atumweho abubonamo umwambi w'ibyiringiro. Ntabwo Imana yari yaramuciye burundu, ahubwo yari icyiteguye kumukura mu bubata bubi kuruta igituro, kandi ubwe ntiyari agifite imbaraga zo kwikura muri ubwo bubata. {AnA 64.4}

Mu gushima kwe, Salomo yazirikanye ububasha n'ineza yuje urukundo by'Imana "Isumba abakuru ubukuru" (Umubwiriza 5:8). Mu kwihana kwe, yaratangiye yongera kureba intambwe yari yarateye ngo agere ku rwego rwo hejuru rwo kwera n'ubutungane aho yari yaravuye maze akagwa. Ntiyashoboraga kwiringira ko azakira ingaruka z'icyaha, ntiyashoboraga gukura mu ntekerezo ze uko yibukaga inzira yo kwinezeza yari ayarakurikiye, ariko yashoboraga gukora uko ashoboye n'umuhati wose akabuza abandi gukurikira ubupfapfa. Yashoboraga kwatura ubuyobe bw'inzira ze yicishije bugufi kandi agatera hejuru atanga imiburo kugira ngo abandi batazazimira buheriheri bitewe n'imbaraga zikururira mu bibi yari yarahaye urwaho. {AnA 65.1}

Umuntu wihana by'ukuri ntareka kwibuka ibyaha bye by'igihe cyashize. Akimara kubona amahoro, ntabwo yumvise atakirebwa n'amakosa yakoze. Atekereza ku bantu bashowe mu cyaha n'imikorere ye, kandi akagerageza uko ashoboye kose kubagarura mu nzira nyakuri. Uko umucyo yinjiyemo urushaho kumurika ni ko nawe arushaho kugira icyifuzo cyo kugarura ibirenge by'abandi mu nzira nyakuri. Ntabwo inzira yari yarahisemo ayiha agaciro gake, ngo ibibi bye abihindure ikintu cyoroheje, ahubwo ashyira hejuru umuburo uvuga iby'akaga kariho kugira ngo abandi baburirwe. {AnA 65.2}

Salomo yazirikanye ko "imitima y'abantu yuzuyemo ibibi, ndetse mu mitima yabo bakiriho harimo ibisazi." Umubwiriza 9:3. Na none yaravuze ati: "Kuko iteka ry'umurimo mubi rituzura vuba, ni cyo gituma imitima y'abantu ishishikarira gukora ibibi. Nubwo umunyabyaha acumura incuro ijana ariko akaramba, nzi rwose yuko abubaha Imana bari imbere yayo ari bo bazamererwa neza. Ariko umunyabyaha we ntazamererwa neza no kuramba ntazaramba, ndetse n'iminsi ye izaba nk'igicucu gihita, kuko atubaha Imana ari imbere yayo." Umubwiriza 8:11-13. {AnA 66.1}

Kubw'umwuka wo guhishurirwa, umwami Salomo yandikiye ab'ibisekuru byajyaga gukurikiraho abamenyesha amateka y'imyaka yapfushije ubusa ndetse n'ibyigisho by'imbuzi biyirimo. Kandikubw'ibyo, nubwo imbuto yabibye zasaruwe n'abo yayoboraga mu musaruro w'ibibi, ibyo yakoze mu mibereho ye ntibyibagiranye byose. Mu mutima w'ubugwaneza no kwicisha bugufi, mu myaka yaherutse ubuzima bwe "yakomeye kwigisha abantu ubwenge, ni ukuri, yaratekereje, agenzura ibintu, aringaniza imigani myinshi." "Umubwiriza yashatse kumenya amagambo akwiriye y'ibyanditswe bitunganye, iby'amagambo y'ukuri." "Amagambo y'abanyabwenge ameze nk'igihosho; n'amagambo y'abakuru b'amateraniro ameze nk'imbereri zishimangiwe cyane, yatanzwe n'umwungeri umwe." Umubwiriza 12:9-12. {AnA 66.2}

Yaranditse ati: "Iyi ni yo ndunduro y'ijambo, byose byarumviswe. Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo, kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese. Kuko Imana izazana

umurimo wose mu manza, n'igihishwe cyose ari icyiza cyangwa ikibi" Umubwiriza 12:13, 14. {AnA 66.3}

Nk'uko nawe yarushijeho kubibona ububi bw'ibyo yakoze, ibyo Salomo yaje kwandika nyuma bigaragaza ko yitaye ku buryo budasanzwe ku kuburira urubyiruko kugira ngo rwirinde kugwa mu makosa yari yaramuteye gupfusha ubusa impano zihebuje izindi Ijuru ryari ryaramuhaye. Yicujije afite agahinda n'ikimwaro, avuga ko ubwo yari amaze gukura, igihe yagombaga kubona ko Imana ari yo humure rye, gukomezwa kwe ndetse n'ubugingo bwe, yateye umugongo umucyo wo mu Ijuru n'ubwenge bw'Imana, maze gusenga Uwiteka abisimbuza gusenga ibigirwamana. Noneho amaze gusobanukirwa neza binyuze mu bintu bibi yanyuzemo mu bupfapfa bw'iyo mibereho, icyifuzo gikomeye yari afite cyari icyo kurokora abandi ntibinjire muri iyo mibereho ibabaje nawe yari yaranyuzemo. {AnA 67.1}

N'intimba nyinshi, yanditse ibyerekeye amahirwe n'inshingano biri imbere y'urubyiruko mu murimo w'Imana agira ati: {AnA 67.2}

"Ni ukuri umucyo uranezeza, kandi kureba izuba bishimisha amaso. Ni ukuri umuntu narama imyaka myinshi akwiriye kuyinezezererwamo yose, ariko ntakibagirwe iminsi y'umwijima kuko izaba myinshi. Ibibaho byose ni ubusa. Wa musore we, ishimire ubusore bwawe n'umutima wawe ukunezeze mu minsi y'ubuto bwawe, kandi ujye ugenda mu nzira umutima wawe ushaka no mu mucyo wo mu maso yawe, ariko menya yuko ibyo byose bizatuma Imana igushyira mu rubanza. Nuko rero ikure umubabaro mu mutima wawe, kandi utandukanye umubiri wawe n'ibibi bikube kure, kuko ubuto n'ubusore ari ubusa" Umubwiriza 11:7-10. {AnA 67.3}

"Ujye wibuka Umuremyi wawe mu minsi y'ubusore bwawe,
Iminsi mibi itaraza n'imyaka itaragera,
Ubwo uzaba uvuga uti "Sinejejwe na byo."
Izuba n'umucyo n'ukwezi n'inyenyeri bitarijimishwa,
N'ibicu bitaragaruka imvura ihise, N'igihe abarinzi b'inzu bazahinda umushyitsi
Kandi intwari zikunama,
N'abasyi bakarorera kuko babaye bake,
N'abarungurukira mu madirishya bagahuma
Kandi imiryango yerekeye ku nzira igakingwa,
N'ijwi ry'ingasire rigaceceka
Kandi umuntu akabyutswa n'ubunyoni,
N'abakobwa baririmba bose bagacishwa bugufi,
Ni ukuri bazatinya ibiri hejuru bafatirwe n'ubwoba mu nzira,
Kandi igiti cy'umuluzi kizarabya,

N’igihōre kizaba kiremereye kandi kwifuza kuzabura,
Kuko umuntu aba ajya iwabo h’iteka,
Abarira bakabungerera mu mayira,
Akagozi k’ifeza kataracika n’urwabya rw’izahabu rutarameneka,
N’ikibindi kitaramenekera ku isōko n’uruziga rutaravunikira ku iriba
N’umukungugu ugasubira mu butaka uko wahoze,
N’umwuka ugasubira ku Mana yawutanze.” {AnA 67.4}

Umubwiriza 12:1-7.

Ntabwo imibereho ya Salomo yuzuye imiburo ku basore gusa, ahubwo inatanga umuburo ku bakuze, ndetse no kuri ba bandi bari kumanuka umusozi w’ubuzima berekeza ku izuba rirenga. Tubona kandi tukumva ibyo guhindagurika mu gihe cy’ubusore, aho umusore aba akozwa hirya no hino hagati y’ikibi n’icyiza, ndetse n’imbaraga z’ibyifuzo bibi bigaragara ko bifite imbaraga cyane kuri bo. Ku bageze myaka y’ubukuru, ntabwo tubasangamo bene uku guhuzagurika no kutaba abiringirwa; tuba twiteze ko imico yabo iba ihamye, ndetse n’amahame [bagenderaho] akaba yarashinze imizi. Ariko ibi ntabwo ari ko biba bimeze buri gihe. Igihe mu mico ye Salomo yagombye kuba nk’igiti gishimangiye, imbere y’imbaraga y’igishuko yaraguye ava ku gushikama kwe. Igihe imbaraga ze zagombye kuba zidakurwa mu byimbo, Salomo yaje gusangwa ari umunyantege nke kurusha abandi. {AnA 68.1}

Duhereye kuri izo ngero, twagombye kumenya ko ahantu honyine abato n’abakuze bafite amakiriro ari mu kuba maso no gusenga. Ntabwo umutekano uri mu kugira umwanya w’isumbwe n’amahirwe akomeye. Umuntu ashobora kumara imyaka myinshi afite imibereho nyakuri ya Gikristo, ariko aba akiriaho Satani ashobora kumugabaho ibitero. Mu rugamba yarwanaga n’icyaha cy’imbere ndetse n’ibigeragezo by’inyuma, na Salomo w’umunyabwenge n’umunyambaraga yaratsinzwe. Gutsindwa kutwigisha ko uko umuntu yaba ari umunyabwenge kose, ndetse n’uko yaba yarabaye indahemuka kose mu gukorera Imana mu gihe cyashize, ntabwo akwiriye na rimwe kwiringira ubwenge n’ubupfura bwe ngo atekane. {AnA 69.1}

Mu bisekuru byose byabayeho ndetse no mu bihugu byose, urufatiro n’icyitegererezo nyakuri byo kubaka imico ntibihinduka. Itegeko ry’Imana rivuga ngo: “Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, . . . kandi ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda,” ari ryo hame rikomeye ryagaragaye mu mico n’ubuzima by’Umukiza wacu, ni ryo rufatiro rukomeye kandi ni ryo muyobozi nyakuri. Luka 10:27. “Mu bihe byawe hazabaho gukomera n’agakiza gasaze n’ubwenge no kujijuka.” (Yesaya 33:6). Ubu bwenge no kujijuka bishobora gutangwa n’ijambo ry’Imana ryonyine. {AnA 69.2}

Ibi biracyari ukuri nk'uko byari biri igihe amagambo yabwiraga Isirayeli kubaha Imana n'amategeko yayo yavugwaga ngo: "Mujye mubyitondera mubikurikize, bizatuma abanyamahanga bababonamo ubwenge n'ubushishozi." Ivug. 4:6 (Gutegeka kwa Kabiri 4:6). Aha ni ho honyine hari uburinzi bw'ubutungane bw'umuntu ku giti cye, ubw'umuryango, imibereho myiza y'umuryango mugari w'abantu, cyangwa gutekana kw'igihugu. Hagati y'ibihangayikisha byose mu buzima, akaga n'ibivugwa bivuguruzanya, itegeko rimwe ririmo amahoro kandi ritunganye ni ni uukora ibyo Imana ivuze. "Amategeko y'Uwiteka atungana rwose," "ugenza atyo ntabwo azanyeganyezwa." Zaburi 19:8; 15:5. {AnA 69.3}

Abantu bumvira umuburo uva ku buhakanyi bwa Salomo bazirinda intambwe ya mbere y'ibyo byaha byamutsinze. Ikizarinda umuntu ubuhakanyi ni ukumvira ibyo Ijuru risaba gusa. Imana yahaye umuntu umucyo ukomeye n'imigisha myinshi; nyamara keretse gusa uyu mucyo n'iyi migisha nibyakirwa, nibitaba bityo, ntibishobora kurinda umuntu kutumvira n'ubuhakanyi. Igihe abantu Imana yahaye ikuzo ikabashyira mu myanya yo hejuru bayiteshutseho bagahindukirira ubwenge bw'umuntu, umucyo bari barahawe ubahindukira umwijima. Ubushobozi bahawe buhinduka umutego. {AnA 70.1}

Kugeza igihe intambara izarangirira, hazahoraho abantu bazajya bitandukanya n'Imana. Satani azashyiraho ibihe [byiza cyangwa bibi], ku buryo nitutarindwa n'imbaraga y'Imana, mu buryo busa n'ubutagaragara ibyo bihe bizaca intege ibihindizo bikomeza ubugingo. Kuri buri ntambwe yose dutera dukeneye kubaza tuti: "Mbese iyi ni yo nzira y'Uwiteka?" Igihe cyose umuntu azaba akiriho, hazabaho gukenera kurinda imbaraga zimutera gukunda no kugira ibyo ararikira afite umugamb uhamye. Ntidusobora kuba amahoro n'umwanya na muto keretse gusa twishingikirije ku Mana, kandi ubugingo bwacu bukaba buhishwe muri Kristo. Kuba maso no gusenga ni byo birinda ubutungane. {AnA 70.2}

Abantu bose binjira mu Murwa w'Imana bazanyura mu irembo rifunganye, bakoresha umuhati baniha; kuko "muri rwo hatazinjiramo ikintu gihumanya." Ibyahishuwe 21:27. Nyamara nta muntu wacumuye ukeneye gucika integer ngo yihebe. Abantu bageze mu zabukuru bigeze guhabwa ikuzo n'Imana, bashobora kuba baranduje ubugingo bwabo bazibukira ubutungane bakabutamba ku gicaniro cy'irari. Ariko nibihana, bakazibukira icyaha maze bakagarukira Imana, haracyari ibyiringiro kuri bo. Uvuga ati: "Ujye ukiranuka ugeze ku gupfa: nanjye nzaguha ikamba ry'ubugingo," ni na we urarika ati: "umunyabyaha nareke ingeso ze, ukiranirwa areke ibyo yibwira; agarukire Uwiteka, na we aramugirira ibambe; kuko izamubabarira rwose pe." Ibyahishuwe 2:10; Yesaya 55:7. Imana yanga icyaha, ariko igakunda umunyabyaha. "Nzakiza gusubira inyuma kwabo, nzabakunda urukundo rutagabanije . . . " Hoseya 14:4. {AnA 70.3}

Kwihana kwa Salomo kwari kuvuye ku mutima; ariko icyasha cyari cashyizweho n'urugero rwe rwo gukora ikibi nticyashoboraga guhanagurwa. Mu gihe cy'ubuhakanyi bwe, mu bwami bwe harimo abantu bakomeje kuba indahemuka mwanya bashyizwemo, bakomera ku butungane bwabo no kuba indahemuka. Ariko abenshi bateshuwe inzira bityo imbaraga z'umubi zatangijwe no kwinjiza gusenga ibigirwamana n'imigenzo y'ab'isi ntizashoboraga guhagarikwa mu buryo bworoshye n'uwo mwami wihannye. {AnA 71.1}

Ububasha bwe bwo kwerekeza abantu ku cyiza bwari bwaracogoye cyane. Abantu benshi bashidikanyije kwiringira rwose ubuyobozi bwe. Nubwo umwami Salomo yihannye icyaha cye kandi kubw'inyungu z'abo mu bisekuru byajyaga kuzakurikiraho akandika iby'ubupfapfa yagiyemo n'uko yihannye, ntiyashoboraga kwizera rwose ko azakuraho isura mbi y'ibikorwa bye bibi. Kubera gutwarwa n'ubuhakanyi bwe, abantu benshi bakomeje gukora ibibi gusa. Kandi mu kugwa kwa benshi mu bayobozi bamukurikiye ushobora gusangamo umusemburo ubabaje w'ubusambanyi yakoresheje imbaraga Imana yari yaramuhaye. {AnA 71.2}

Afite intimba nyinshi kubwo gutekereza ku bibi yakoze, byabaye ngombwa ko avuga ati: "Ubwenge buruta intwaro z'intambara; ariko umunyabyaha umwe arimbura ibyiza byinshi." "Hariho ikibi nabonye munsi y'ijuru, ni cyo gicumuro gikorwa n'umutegetsi: abapfapfa bashyirwa imbere." {AnA 71.3}

"Isazi zipfuye zituma amadahano yoshejwe n'abosa anuka nabi; ni ko ubupfapfa buke bwonona ubwenge n'icyubahiro." Umubwiriza 9:18; 10:5, 6,1. {AnA 72.1}

Mu byigisho byinshi bitangwa n'imibereho ya Salomo, nta na kimwe gishimangirwa cyane kuruta imbaraga zihindurira ku cyiza cyangwa ku kibi. Uko aho twaba tugera haba ari hato kose, uko byamera kose hari impinduka duteza zihesha umugisha cyangwa umuvumo birenze uko twabimenya cyangwa uko twabitegeka. Iyo mbaraga iteza impinduka ishobora kuba iremerejwe n'umwijima wo kutanyurwa no kwikanyiza, cyangwa se ikaba ifite ubumara bwica buva ku cyaha umuntu yiziritseho; cyangwa se ishobora kuba yuzujwe imbaraga yo kwizera itanga ubugingo, ubutwari n'ibyiringiro, ndetse n'umubavu uhumura neza w'urukundo. Nyamara byanze bikunze iyo mbaraga ifite ubushobozi bwo kuzana icyiza cyangwa ikibi. {AnA 72.2}

Kuba impinduka duteza yaba impumuro y'urupfu izana urupfu, ni igitekerezo giteye ubwoba, nyamara ibi birashoboka. Ni nde wabara igihombo cyo kuyobywa k'umuntu umwe, maze akabura ibyishimo by'iteka ryose! Nyamara igikorwa kimwe gihubukiyeho, ijambo rimwe ritatekerejweho, ku ruhande rwacu bishobora guteza impinduka yimbitse ku buzima

bw’undi muntu kugeza ubwo bizarimbuza ubugingo bwe. Agatotsi kamwe mu mico y’umuntu gashobora guteshura abantu benshi kuri Kristo. {AnA 72.3}

Uko imbuto yabibwe year umusaruro, maze uyu musaruro nawe ukongera ukabibwa, ni ko noneho umusaruro uushaho kwiyongera. Iri tegeko ni ukuri mu mibanire yacu n’abandi. Igikorwa cyose n’ijambo ryose ni imbuto ibibwe iba izera. Igikorwa cyose cy’ubugwaneza buvuye ku kuzirikana, igikorwa cyose cyo kumvira, kwiyanga kizongera kigaragarire mu bandi, kandi bizanyura muri abo bantu maze cyongere nanone kigaragarire no mu bandi. Kubw’ibyo rero, igikorwa cyose cy’ishyari, igomwa cyangwa amacakubiri ni akabuto kazakura kagashinga umuzi wo gusharira aho abantu benshi bazahumana. Abaheburayo 12:15. Mbega uburyo abo bantu hari abandi bantu benshi cyane bazaroga! Uko ni ko kubiba imbuto y’icyiza n’ikibi bigenda muri iki gihe no mu bihe bihoraho. {AnA 72.4}

IGICE CYA 6 - UBWAMI BUGABANYWA MO KABIRI

"Nuko Salomo aratanga, asanaga ba sekuruza, bamuhamba mu mudugudu wa se Dawidi; maze umuhungu we Rehobowamu yima ingoma ye."1Abami 11:43. {AnA 73.1}

Hashize igihe gito yimye ingoma, Rehobowamu yagiye i Shekemu, aho Abisirayeli bo mumiryango yose bagombaga kumwimikira nk'umwami wabo. "Rehobowamu ajya i Shekemu, kuko ariho Abisirayeli bose bari bagiye kumwimikira." 2Ngoma 10:1. {AnA 73.2}

Mu bari baje i Shekemu harimo Yerobowamu mwene Nebati. Uyu Yerobowamu ni we mu gihe cy'ingoma ya Salomo wari waramenyekanye ko ari "umugabo w'amaboko w'intwari," kandi ni nawe umuhanuzi Ahiya w'i Shilo yari yaragejejeho ubutumwa buteye ubwoba buvuga buti: "Dore nzatanyaguza ubwami mbukuye mu maboko ya Salomo, nguhe imiryango cumi." 1Abami 11:28, 31. {AnA 74.1}

Imana ibinyujije mu muhanuzi wayo yari yarabwiye Yerobowamu yeruye, imubwira ko bizaba ngombwa ubwami bukagabanywamo kabiri. Imana yari yaravuze ko iri gabanywa rigomba kubaho muri aya magambo ati: "Kuko banyimūye bakaramya Ashitoreti ikigirwamanakazi cy'Abasidoni, na Kemoshi ikigirwamana cy'Abamowabu, na Milikomu ikigirwamana cy'Abamoni, ntibagendere mu nzira zanjye, ngo bakore ibitunganye mu maso yanjye, bitondera amateka n'amategeko yanjye nk'uko se Dawidi yagenzaga." 1Abami 11:33. {AnA 74.2}

Yerobowamu yari yarabwiwe ko ubwami butagombaga kugabanywa mbere y'uko ingoma ya Salomo ihanguka. Uwiteka yari yaravuze ati: "Ariko sinzamunyaga ubwami bwose, ahubwo nzamukomeza abe umwami iminsi yose akiriho, kuko ngiriye umugaragu wanjye Dawidi nitoranyirije, kandi yitonderaga amateka n'amategeko yanjye. Ariko nzanyaga umuhungu we ubwo bwami mbuguhe, ari bwo miryango cumi." 1Abami 11:34, 35. {AnA 74.3}

Nubwo Salomo yari yarifuje gutegura intekerezo za Rehobowamu (uwo yari yarahisemo ngo azmusimbure ku ngoma) kugira ngo azakoreshe ubwenge mu guhangana n'akaga kari kavuzwe n'umuhanuzi w'Imana, ntiyigeze ashobora gucengeza imbaraga iganisha ku cyiza mu ntekerezo z'umuhungu we kuko uburere bwe akiri umwana muto bwari bwarirengagijwe cyane. Rehobowamu yari yarahawe na nyina w'Umwaminikazi ikimenyetso cy'imico ihuzagurika. Incuro nyinshi yaharaniraga gukorera Uwiteka maze muri icyo gihe akagubwa neza; nyamara ntiyari ashikamye, kandi amaherezo yaje kwiyegurira imbaraga y'ikibi zari zaramukikije kuva mu bwana bwe. Mu makosa Rehobowamu yakoze mu buzima bwe ndetse

no mu guhakana Imana kwe kwaherutse, hagaragaramo ingaruka ziteye ubwoba zavuye ku kuba Salomo yararongoye abagore b'abapagani. {AnA 74.4}

Imiryango y'Abisirayeli yari imaze igihe kirekire yarababajwe n'ibibi byatewe na gahunda z'ikandamiza zari zarashyizweho na Salomo. Gusesagura umutungo kwabayeho ku ngoma ya Salomo igihe yari yarayobotse ibigirwamana kwari kwaramuteye kwaka abaturage imisoro y'ikirenga no kubakoresha imirimo myinshi y'agahato. Mbere yo gukora umuhango wo kwimika umuyobozi mushya, abatware bomu miryango y'Abisirayeli biyemeje kubanza kureba niba umuhungu wa Salomo afite umugambi wo korohereza Abisirayeli iyo miruho. "Baramutumira; nuko Yerobowamu n'Abisirayeli bose baraza babwira Rehobowamu bati: "So yadushyizeho uburetwa butubabaza, nuko none utworohereze iyo mihakire ya so yatubabazaga n'uburetwa bukomeye yadushyizeho, natwe tuzagukorera." {AnA 75.1}

Kuberagushaka kujya inama abajyanama be mbere y'uko atangaza gahunda y'imiyoborere ye, Rehobowamu yarasubije ati: "Nimugende mumare iminsi itatu muzaze munyitabe. Nuko abantu baragenda. {AnA 75.2}

"Maze Umwami Rehobowamu agisha inama abasaza bahagararaga imbere ya se Salomo akiriho, arababaza ati: 'Murangira nama ki nzasubiza abo bantu?' Baramusubiza bati: 'Nugirira neza abo bantu ukabanezeza, ukababwira amagambo meza, bazakubera abagaragu iteka ryose.' 2Ngoma 10:3-7. {AnA 75.3}

Rehobowamu atanyuzwe, yahindukiriye abasore bari incuti ze akiri umusore ndetse atangiye no kuba mukuru maze arababaza ati: "Murangira nama ki, turi busubize abo bantu bambwiye ngo 'Nimborohereze uburetwa data yabakoreshaga'?" 1Abami 12:9. Abo basore bamugiriye inama ko arushaho gukandamiza abaturage be kandi akababwira yeruye ko uhereye mu itangira ry'ingoma ye atazigera yihanganira ikintu cyose kizabusanya n'ubushake bwe. {AnA 76.1}

Kubera gushaka gukoresha ububasha bw'ikirenga, Rehobowamu yiyemeje kutita ku nama z'abasaza bo ku ngoma no kugira abasore abajyanama be. Nuko umunsi wari wavuzwe ugeze "Yerobowamu n'abantu bose basanga Umwami Rehobowamu nk'uko yabategetse," maze ku ijambo ryerekeye gahunda yari agiye gukurikiza, Rehobowamu "abasubizanya inabi nyinshi, . . . ati: 'Data yabakoresheje uburetwa bukomeye, ariko jyewe nzabarushirizaho. Data yabakubitishaga ibiboko, ariko jyeweho nzabakubitisha sikorupiyo." 1Abami 12:12-14. {AnA 76.2}

Iyaba Rehobowamu n'abajyanama be batari bafite ubunararibonye barasobanukiwe ubushake bw'Imana ku ishyanga rya Isirayeli, baba barumviye icyo abantu basabaga cyo gukora impinduka zikomeye mu muyoborere y'igihugu. Ariko mu gihe bari babonye

amahirwe mu iteraniro ryabereye I Shekemu, bananiwe gutekereza impamvu y'ibintu n'ingaruka bizazana, bityo baca intege by'iteka ryose ububasha bari bafite ku bantu batabarika. Icyemezo bafashe cyo gukaza no kongera ikandamizwa ryari ryaratangiye ku ngoma ya Salomo, cyari gihanganye rwose na gahunda Imana yari ifitiye Isirayeli, kandi cyahaye abantu uburyo bwo gushidikanya ukuri kwari mu mpamvu zabateye gusubiza batyo. Muri uko kugerageza gukoresha ububasha kutarimo ubwenge, umwami n'abajyanama yari yarahisemo bagaragaje ubwibone buterwa n'umwanya n'ububasha [umuntu ahawe]. {AnA 76.3}

Ntabwo Uwiteka yemereye Rehobowamu gushyira mu bikorwa gahunda y'imiyoborere yari yatanze. Mu miryango y'Abisirayeli harimo abantu ibihumbi byinshi bari barababajwe cyane nagahunda z'ikandamiza zabayeho ku ngoma ya Salomo, maze noneho abo bantu babonako nta kindi bakora uretse kwigomeka ku nzu ya Dawidi. "Maze Abisirayeli bose babonye yuko umwami yanze kubumvira, basubiza umwami bati "Duhuriye he na Dawidi? Kandi rero nta no kuragwa dufite kuri mwene Yesayi, nimusubire mu mahema yanyu, yemwe Bisirayeli. None Dawidi, urimenyere ibyawe n'umuryango wawe." Nuko Abisirayeli basubira mu ngo zabo."1Abami 12:16. {AnA 77.1}

Icyuho cyatewe n'amagambo ahubukiyeho ya Rehobowamu ntcyashoboraga gusibwa. Kuva icyo gihe imiryango cumin'ibiri y'Abisirayeli yarigabanyije maze umuryango wa Yuda n'uwa Benjamini irema ubwami bw'amajyepfo ari bwo bw'Ubuyuda bityo buyoborwa na Rehobowamu. Imiryango icumi yo mu majyaruguru yo yakoze ubutegetsi bwihariye, bwiswe ubwami bwa Isirayeli bwahise buyoborwa na Yerobowamu. Uko ni ko ibyo umuhanuzi yari yaravuze byerekeye kwigabanya k'ubwami byaje gusohora. "Byari byaraturutse ku Uwiteka" 1Abami 12:15. {AnA 77.2}

Igihe Rehobowamu yabonaga ko imiryango cumi iretse kumuyoboka, yahise akangukira kugira icyo akora. Akoresheje umwe mu bakomeye bo mu bwami bwe witwaga Adoramu wakoreshaga ikoro, yakoze uko ashoboye kugira ngo abagarure biyunge. Ariko uko iyo ntumwa y'amahoro yakiriwe n'ibyo yagiriwe byababaye igihamya cy'uko Abisirayeli bari barazinutswe Rehobowamu. "abisirayeli bose bamutera amabuye, arapfa." Atewe ubwoba n'icyo gihamya cyo gukmera k'ubwigomeke, "Umwami Rehobowamu abyumvise, arahuta yurira ajya mu igare rye, ngo ahungire i Yerusalemu." 1Abami 12:18. {AnA 77.3}

"Robowamu ageze i Yeruzalemu, atoranya mu muryango wa Yuda n'uwa Benyamini, abagabo ibihumbi ijana na mirongo inani b'abarwanyi kabuhariwe, kugira ngo bajye kurwanya Abisiraheli bo mu majyaruguru, bagarurire ubwami Robowamu mwene Salomo." 1Abami 12:21 (BII). "Maze ijambo ry'Imana riza kuri Shemaya umuntu w'Imana riti: "Bwira Rehobowamu mwene Salomo, umwami w'Abayuda n'umuryango wa Yuda wose,

n'uwa Benyamini n'abandi bantu bose uti: 'Uwiteka avuze ngo: Ntimuzatabare kandi ntimuzarwanye bene wanyu Abisirayeli. Musubireyo Umuntu wese ajye iwe, kuko ibyo ari jye byaturutseho.' " Nuko bumvira Ijambo ry'Uwiteka baritahira, nk'uko Uwiteka yavuze." 1Abami 12:21-24. {AnA 78.1}

Rehobowamu yamaze imyaka itatu agerageza kugira icyo yiyungura ahereye ku bintu bibaje yari yahuye nabyo mi itangira ry'ingoma ye. "Maze Rehobowamu aba i Yerusalemu, yubaka i Buyuda imidugudu y'ibihome." "Kandi akomeza ibihome, abishyiramo abatware, abikamo n'ibyokurya n'amavuta na vino." Yarabyitondeye yubaka iyo midugudu arayikomeza cyane. 2Ngoma 11:5, 11,12. Ariko ibanga ryo kugubwa neza k'ubwami bw'Ubuyuda mu myaka ibanza y'ingoma ya Rehobowamu ntikwari gushingiye kuri izo ngamba yafashe. Kuzirikana ko Imana ari yo Mutware wabo w'ikirenga ni byo byatumye umuryango wa Yuda n'uwa Benyamini igira isumbwe. Baje kwiyongeraho abantu benshi bubahaga Imana baturukaga mu miryango yo mu bwami bw'amajyaruguru. Ibyanditswe biravuga biti: "Maze bakurikirwa n'abari bafite umwete wo gushaka Uwiteka Imana ya Isirayeli bo mu miryango ya Isirayeli yose, bajya i Yerusalemu gutambira Uwiteka Imana ya ba sekuruza. Nuko bamara imyaka itatu bakomeje ubwami bw'Abayuda, bakomeza na Rehobowamu mwene Salomo, kuko muri iyo myaka itatu bagendanaga ingeso nziza za Dawidi n'iza Salomo." 2Ngoma 11:16, 17. {AnA 78.2}

Mu gukomeza iyo migirire ni ho Yerobowamu yari afite amahirwe yo gukosora mu buryo bukomeye amakosa yari yarakoze mu gihe cyashize, kandi akongera kwigarurira icyizere ku by'ubushobozi bwe bwo kuyoborana ubuhanga. Nyamara ibyanditswe byagaragaje amateka mabi y'uwasimbuye Salomo maze bivuga ko yananiwe guteza impinduka zikomeye ziganisha ku kuyoboka Uwiteka. Nubwo ubusanzwe yari intumva, akiyemera, ntagirwe inama kandi akayoboka ibigirwamana, iyo aza kwiringira Imana atizigamye, aba yaragize imbaraga z'imico, akagira ukwizera kudacogora ndetse akumvira ibyo Imana isaba. Ariko uko igihe cyahitaga, umwami Rehobowamu yashyize ibyiringiro bye mu bushobozi [umwanya w'ubwami yariho wari ufite] ndetse no mu bihome yari yarubatse akabikomeza. Yaje guha icyuho intege nke za kamere buhoro buhoro kugeza ubwo imbaraga ze yazeguriye mu ruhande rwo gusenga ibigirwamana. "Hanyuma Rehobowamu amaze gukomeza ubwami bwe, areka amategeko y'Uwiteka hamwe n'Abisirayeli bose." 2Ngoma 12:1. {AnA 79.1}

Mbega uburyo aya magambo ngo: "hamwe n'Abisirayeli bose" ababaje kandi akaba yuzuye ubusobanuro bukomeye! Ubwoko Imana yari yaratoranyirije kubera umucyo amahanga yari abukikije bwateraga umugongo Isoko yabwo y'imbaraga maze bugashaka gusa n'amahanga abakikije. Nk'uko byagenze kuri Salomo, ni ko byagenze no kuri Rehobowamu. Imbaraga

z'urugero rubi batanze zayobeje benshi. Kandi nk'uko byabagendekeye, ni ko no muri iki gihe, haba ku rwego ruto cyangwa runini, umuntu wese wiyemeza gukora ikibi, ingaruka zo gukora ikibi ntizigera ku muntu wagikoze gusa. Nta muntu uriho kubwe wenyine. Nta muntu urimbukira mu bugome bwe wenyine. Imibereho yose umuntu agira ni umucyo urabagirana kandi ukamurika mu nzira abandi banyuramo, cyangwa se ni imbaraga y'umwijima ndetse irimbura iganisha ku bwihebe no kurimbuka. Tuyobora abandi tubazamura berekeza ku munezero n'ubugingo budapfa, cyangwa se tukabamanura tubajyana mu gahinda n'urupfu rw'iteka ryose. Kandi niba kubw'ibyo dukora twongera imbaraga imikorere y'imbaraga mbi ziba mu badukikije, tuba dufatanyije icyaha nabo. {AnA 79.2}

Imana ntiyemeye ko ubuhakanyi bw'umwami w'Ubuyuda bukomeza kubaho adahannwe. "Nuko mu mwaka wa gatatu ku ngoma ya Rehobowamu, Shishaki umwami wa Egiputa atera i Yerusalemu kuko bacumuye ku Uwiteka. Yari afite amagare igihumbi na magana abiri, n'abagendera ku mafarashi inzovu esheshatu, n'abantu batabarika bavanye na we muri Egiputa, . . . Atsinda imidugudu y'Abayuda igoswe n'inkike, arongera atera i Yerusalemu. {AnA 80.1}

"Nuko umuhanuzi Shemaya asanga Rehobowamu n'abatware b'Abayuda, bari bateraniye i Yerusalemu bahunze Shishaki arababwira ati: "Uko ni ko Uwiteka avuga 'Mwarantaye, ni cyo gitumye mbahana mu maboko ya Shishaki.'" 2Ngoma 12:2-5. {AnA 80.2}

Ntabwo abantu bari barageze kure cyane mu buhakanyi ku buryo basuzuguye iteka ry'Imana. Mu rupfu rw'abantu benshi rwatewe n'ibitero by'umwami Shishaki, babibonyemo ukuboko kw'Imana maze bamara igihe runaka bicishije bugufi. Baravuze bati: "Uwiteka arakiranuka." {AnA 80.3}

"Uwiteka abonye ko bicishije bugufi ijambo rye riza kuri Shemaya riti: 'Bicishije bugufi sinzabarimbura, ahubwo nzabakiza ariko si rwose, n'uburakari bwanjye ntibuzasandara kuri Yerusalemu buzanywe n'ukuboko kwa Shishaki. Ariko rero bazaba abagaragu be, kugira ngo bamenye ubuhake bwanjye n'ubuhake bw'abami b'ibindi bihugu. {AnA 80.4}

"Nuko Shishaki Umwami wa Egiputa atera i Yerusalemu, anyaga ubutunzi bwo mu nzu y'Uwiteka n'ubwo mu nzu y'umwami, arabijyana byose. Ajyana n'ingabo z'izahabu Salomo yacurishije. Umwami Rehobowamu aherako acurisha ingabo z'imiringa ngo zisubire mu byimbo byazo, azibitsa abatware b'abarinzi barindaga urugi rw'inzu y'umwami . . . Nuko yicishije bugufi, uburakari bw'Uwiteka bumuvaho bituma atamurimbura rwose, kandi n'i Buyuda hari hakirimo ibyiza." 2Ngoma 12:6-12. {AnA 81.1}

Ariko ukuboko kwabahanaga kuvuyeho maze igihugu kikongera kugibwa neza, abantu benshi bibagiwe ubwoba bari bafite maze bongera gusubira mu gusenga ibigirwamana. Muri

bo harimo n'umwami Rehobowamu ubwe. Nubwo yari yaracishijwe bugufi n'ibyago yari yaragezemo, yananiwe gufata ibyo byakubayeho ngo bimubere intambwe ihindura imibereho ye. Yibagiwe ibyigisho Imana yari yarakoze uko ishoboye kose ngo imwigishe, maze yisubirira mu byaha byari byaratumye igihugu gicirwaho iteka. Nyuma y'imyaka mike y'imibereho y'urukozasoni aho atakiranukaga "kuko atagiraga umwete wo gushaka Uwiteka," "Nuko Rehobowamu aratanga asanga ba sekuruza, ahambwa mu mudugudu wa Dawidi maze umuhungu we Abiya yima ingoma ye." 2Ngoma 12:14,16. {AnA 81.2}

Ubwami bucyigabanyamo kabiri mu myaka ibanza y'ingoma ya Rehobowamu, icyubahiro cya Isirayeli cyatangiye kugenda butazongera kugaruka ngo cyuzure nk'uko byahoze. Incuro nyinshi mu myaka amagana menshi yakurikiyeho, intebe y'ubwami ya Dawidi yagiye yicarwaho n'abantu bafite imico ikwiriye ndetse n'intekerezo zireba kure, kandi ku ngoma z'abo bami imigisha yageraga ku baturage b'Ubuyuda yarongewe maze iraguka igera no mu mahanga akikije Ubuyuda. Inshuro nyinshi izina rya Yehova ryashyirwaga hejuru y'ibigirwamana, kandi amategeko ye akubahwa. Uko ibihe byahaga ibindi, abahanuzi bakomeye bahagurutswaga no gukomeza amaboko y'abayobozi ndetse no gushishikariza rubanda gukomeza kuba indahemuka ku Mana. Nyamara imbuto z'ikibi zari zaratangiye kumera igihe Rehobowamu yajyaga ku ngoma ntizashoboraga kurandurwa burundu; ndetse incuro nyinshi ubwoko bw'Imana bwari bwaratoneshejwe bwaragwaga bugahenebera kugeza ubwo buhindutse iciro ry'imigani mu bapagani. {AnA 81.3}

Nyamara nubwo habayeho kwinangira kw'abayobotse imihango yo gusenga ibigirwamana, Imana mu buntu bwayo yakoraga ibishoboka byose mu bubasha bwayo kugira ngo irinde ubwo bwami bwigabanyije kurimbuka burundu. Uko imyaka yahitaga kandi umugambi wayo kuri Isirayeli ugasa n'ugwabijwe rwose n'abantu bakoreshwaga n'ingabo za Satani, Imana yakomeje kugaragaza imigambi yayo y'ubugiraneza ibinyujije mu kujyana mu bunyage ishyanga yatoranyije ndetse yagera aho ikabagarura. {AnA 82.1}

Kwigabanya k'ubwami kwari intangiriro y'amateka atangaje agaragazwamo ukwihangana n'imbabazi n'impuhwe by'Imana. Ubwo babaga bavuye mu bigeraezo by'umubabaro bagombga kunyuramo bitewe na kamere bavukanye n'iyo bitoje yabaganishaga mu bibi, amaherezo abo Imana yashakaga kwiyereza nga bayibere ubwoko bw'umwihariko, bugira ishyaka ry'imirimo myiza, bagombaga kuzirikana aya magambo ngo: {AnA 82.2}

"Nta wuhwanye nawe Uwiteka, urakomeye kandi n'izina ryawe Rikomeranye imbaraga. Ni nde udakwiriye kukubaha, Mwami w'amahanga we? . . . mu banyabwenge bo mu mahanga bose no mu bwami bwabo bwose, nta wuhwanye nawe." "Ariko Uwiteka ni we Mana nyamana, ni Imana ihoraho, ni Umwami w'ibihe byose." Yeremiya 10:6,7, 10. {AnA 82.3}

Kubw'ibyo, amaherezo abasengaga ibigirwamana bagombaga kwiga icyigisho ko ibigirwamana bidafite ubushobozi bwo kuzahura umuntu no kumukiza. "Imana zitaremye ijuru n'isi, zizacibwa ku isi no munsi y'ijuru." Yeremiya 10:11. Mu kuyoboka Imana nzima konyine, Umuremyi wa bose n'Umutware wa bose, ni ho umuntu ashobora kubonera ikiruhuko n'amahoro. {AnA 83.1}

Bafatanyirije hamwe, abahanwe kandi nabo bakisubiraho bo mu bwami bwa Isirayeli n'ubw'Ubuyuda amaherezo bagombag kuvugurura isezerano bagiranye n'Uwiteka Nyiringabo, Imana ya ba sekuru; kandi bakayivugaho aya magambo ngo: {AnA 83.2}

"Imana ni yo yaremye isi n'imbaraga zayo,
si n'abayirimo yayikomeresheje ubwenge bwayo,
Ijuru yaribambishije ubuhanga bwayo.

"Iyo iranguruye ijwi mu ijuru haba guhōrera kw'amazi,
Ituma ibihu bizamuka biva ku mpera z'isi.
Iremera imirabyo kugusha imvura,
Izana umuyaga iwukuye mu bubiko bwayo.

"Umuntu wese ahindutse nk'inka nta bwenge agira,
Umucuzi w'izahabu wese yakojejwe isoni n'igishushanyo yicuriye,
kuko igishushanyo cye cyayagijwe ari ibinyoma kandi nta mwuka
ubirimo.

"Ni iby'ubusa, ni umurimo w'ubushukanyi,
ku munsi wo guhanwa kwabyo bizarimbuka.
Ibera Yakobo gakondo ntimeze nk'ibyo,

"Kuko ari yo Banze ry'ibintu byose, kandi Isirayeli ni umuryango w'umwandu wayo.
Uwiteka Nyiringabo ni ryo zina rye." {AnA 83.3}

Yeremiya 10:12-16.

IGICE CYA 7 - YEROBOWAMU

Ashyizwe ku ngoma n'imiryango cumi y'Abisirayeli yari yarigometse ku nzu ya Dawidi, Yerobowamu wari warigeze kuba umugaragu wa Salomo, yari mu mwanya wo guteza impinduka nziza haba mu by'ubutegetsi busanzwe ndetse no mu by'idini. Ku ngoma aya Salomo, Yerobowamu yari yarerekanye ubushobozi n'ibitekerezo; kandi ubwenge yari yarungutse mu myaka yamaze akorana ubudahemuka bwamubashishije kuyoborana ubuhanga. Nyamara Yerobowamu yananiwe kwiringira Imana. {AnA 84.1}

Ubwoba bukomeye Yerobowamu yagize bwari ubw'uko igihe kimwe mu bihe bizaza imitima y'abo yayoboraga ishobora kuzayoboka umwami wari wicaye ku ntebe ya Dawidi. Yibwiye ko imiryango cumi niyemererwa kujya ijya gusura kenshi icyicaro cya kera cy'umwami w'Abaheburayo ari naho imihango yo mu ngoro y'Imana yari igikorerwa nk'uko yari bimeze ku ngoma ya Salomo, abantu benshi bajyaga kumva bagomba kongera kuyoboka ubutegetsi bwari bufite icyicaro i Yerusalemu. Yerobowamu agishije inama abajyanama be, yiyemeje adatindiganyije kugabanya ingorane zose z'uko habaho kwigomeka ku butegetsi bwe. Ibyo yajyaga kubigeraho kubwo gushyira amahuriro abiri yo gusengeraho muri ubwo bwami bushya bwari bwashinzwe. Rimwe muri aya mahuriro yarishyize i Beteli irindi rikaba i Dani. Iyo miryango icumi yajyaga kurarikirwa guteranira aho hantu hombi mu mwanya wo kujya gusengera Imana i Yerusalemu. {AnA 84.2}

Mu gutegura iyo gahunda yo kubuza abantu kujya i Yerusalemu, Yerobowamu yatekereje gukora ku ntekerezo z'Abisirayeli akoresheje gushyira imbere yabo ibishushanyo bigaragara byerekena ko Imana itagaragara iri aho hantu. Kubw'uwo mugambi, yacurishije ibishushanyo by'inyana bibiri mu izahabu, maze bishyirwa ku tununga twari twarateganyirijwe kuzajya dusengerwaho. Muri uwo muhati wo gushaka kugaragaza Imana, Yerobowamu yishe itegeko ry'Imana ryumvikana neza rivuga riti: "Ntukiremere igishushanyo kibajwe, ... ntukabyikubite imbere ntukabikorere." Kuva 20:4, 5. {AnA 85.1}

Icyifuzo cya Yerobowamu cyo kubuza imiryango cumi kujya i Yerusalemu cyari gikomeye cyane ku buryo cyatumye atabona neza intege nke zari muri uwo mugambi we. Yananiwe kuzirikana akaga gakomeye yashyiragamo Abisirayeli abashyira imbere ibishushanyo bisengwa by'ibigirwamana abakurambere babo bari baramenyereye mu myaka amagana menshi y'ubunyage bamaze mu Misiri. Igihe gito cyari gishize Yerobowamu aba mu Misiri gishobora kuba ari cyo cyamwigishije ubupfapfa bwo gushyira imbere y'abantu ibyo bishushanyo bya gipagani. Ariko uwo mugambi we wo kurehereza imiryango yo mu majyaruguru kudakomeza kujya gusura Umurwa Wera (Yerusalemu) uko umwaka utashye,

wamuteye gufata ingamba adatekerejeho. Yaravuze ati: “Byabarushya kujya muzamuka mujya i Yerusalemu. Wa bwoko bw’Abisirayeli mwe, ngizo inama zawe zagukuye mu gihugu cya Egiputa!” 1Abami 12:28. {AnA 85.2}

Uko ni ko bararikiwe gupfukama imbere y’ibishushanyo by’izahabu no kuyoboka imihango y’inzaduka yo gusenga. {AnA 85.3}

Kubera ko Abalewi bamwe babaga mu bwami bwe, umwami yagerageje kubakangurira kuba abatambyi bakorera kuri bya bicaniro bishya yari yubatse i Beteli n’i Dani, ariko, yaje kutagera ku ntego muri uwo muhati we. Byabaye ngombwa ko akuza abantu bamwe akabagira abatambyi abakuye muri rubanda rwa giseseka. 1Abami 12:31. Abantu benshi b’inyangamugayo, harimo n’umubare munini w’Abalewi, batangajwe n’uwo mugambi, bahise bahungira i Yerusalemu aho bagombaga gusengera mu buryo buhuje n’amabwiriza y’Imana. {AnA 86.1}

“Yerobowamu ategeka ko haba ibirori by’iminsi mikuru mu kwezi kwa munani ku munsi wa cumi n’itanu, ngo bise n’iby’I Buyuda, nuko arazamuka ajya ku gicaniro. N’i Beteli yabigenzaga atyo atambirira izo nyana yaremye. I Beteli ahashyira abatambyi baba mu ngoro yubatse.” 1Abami 12:32. {AnA 86.2}

Gusuzugura k’umwami yihandagaje ubwo yirengagizaga gahunda zashyizweho n’Imana, ntikwirenagijwe adacyashywe. Ndetse n’igihe yosaga imibavu ubwo yatahaga icyo gicaniro kidasanzwe yari yubatse i Beteli, imbere ye haje umuntu w’Imana avuye mu bwami bw’Ubuyuda, azanwe no kumwaturira ibibi yakoraga agerageza gushyiraho uburyo bushya bwo gusenga. Umuhanuzi “atera hejuru avugira kuri icyo gicaniro ijambo ry’Imana ati: “Wa gicaniro we, wa gicaniro we, Uwiteka avuze atya ngo ‘Mu nzu ya Dawidi hazavuka umwana witwa Yosiya, nuko kuri wowe ni ho azatambira abatambyi bo mu ngoro bajya bakoserezaho imibavu, kandi kuri wowe ni ho bazatwikira amagufwa y’abantu. {AnA 86.3}

“Uwo munsi yerekana ikimenyetso cyabyo ati: “Iki ni cyo kimenyetso Uwiteka atanze. Iki gicaniro kiri busadukemo kabiri, ivu ryacyo riseseke.” Ako kanya “igicaniro na cyo gisadukamo kabiri ivu ryacyo riraseseka, nk’uko ikimenyetso uwo muntu w’Imana yatanze cyari kiri, agiheshejwe n’ijambo ry’Imana.” 1Abami 13:2,3, 5. {AnA 86.4}

Yerobowamu abonye ibyo yahize yuzura umwuka wo gusuzugura Imana maze agerageza gucecekesha uwo muhanuzi wari utanze ubwo butumwa. N’umujinya mwinshi, Yerobowamu ahagaze ku gicaniro atunga ukuboko uwo muhanuzi aravuga ati: “Nimumufate.” Igikorwa cye cy’ubuhubutsi yahise agicyahirwa. Ukuboko yarambuye agutunga intumwa y’Uwiteka kwahise gucika intege kandi kuranyunyuka, bityo ntiyashobora kukugarura. {AnA 87.1}

Afashwe n'ubwoba, umwami yinginze uwo muhanuzi kumwingingira Imana. Yaramwinginze ati: "Inginga Uwiteka Imana yawe, unsabire kuboko kwanjye gukire. Nuko uwo muntu w'Imana yinginga Uwiteka, ukuboko k'umwami kurakira gusubira uko kwari kuri." 1Abami 13:4, 6. {AnA 87.2}

Umuhati wa Yerobowamu wo gutahana icyubahiro gikomeye icyo gicaniro kidasanzwe wabaye uw'ubusa. Kubaha icyo gicaniro byajyaga gutera abantu gusuzugura gusengera Yehova mu rusengero rw'i Yerusalemu. Ubwo butumwa bw'uwo muhanuzi, bwagombye gutera umwami w'Abisirayeli kwihana no kureka imigambi ye mibi yakuraga abantu ku kuramya Imana mu buryo nyakuri. Nyamara yinangiye umutima maze yiyemeza gukurikira inzira yihitiyemo. {AnA 87.3}

Igihe cy'ibirori byabereye i Beteli, imitima y'Abisirayeli yari itarinangira burundu. Abantu benshi bari bagifite umutima wo kumvira Umwuka Wera. Uwiteka yashatse ko abihutiraga kujya mu buhakanyi bakomwa mu nkokora amazi atararenga inkombe. Imana yohereje intumwa yayo kugira ngo iburizemo gahunda zo gusenga ibigirwamana ndetse no kugaragariza umwami na rubanda icyari kuzaba ingaruka z'ubwo buhakanyi. Gusaduka kw'icyo gicaniro kwari ikimenyetso cy'uko Imana itanejejwe n'ibyo bizira byari biri kwinjizwa muri Isirayeli. {AnA 87.4}

Uwiteka ashaka gukiza, ntabwo ashaka kurimbura. Yishimira gukiza abanyabyaha. "Umwami Uwiteka aravuga ati: 'Ndirahiye, sinezezwa no gupfa k'umunyabyaha; ahubwo nezezwa n'uko umunyabyaha ahindukira, akava mu nzira ye, maze akabaho. . . '" Ezekiyeli 33:11. Imana ikoresha imiburo no kwinginga, maze igahamagarira impabe kureka ibibi zikora, zikayigarukira bityo zikabaho. Imana iha gushira amanga kwera intumwa zayo yitoranyirije kugira ngo abazumva babashe gutinya kandi bibatere kwihana. Mbega uburyo umuntu w'Imana yacyashye umwami Rewobowamu ashikamye! Kandi uko gushikama kwari ngombwa kuko nta bundi buryo ibibi byariho byajyaga gucyahwa. Uwiteka yahaye umugaragu gushira amanga kugira ngo abarumva uko gucyaha bakorwe ku mutima. Intumwa z'Uwiteka ntizikwiriye na hato gutinya amaso y'umuntu, ahubwo zigomba guhagararira ukuri zidakebakeba. Igihe cyose ziringira Imana, ntizikwiriye kugira ubwoba kuko uwazihaye iyo nshingano anaziha ibyiringiro by'uko azabitaho akabarinda. {AnA 88.1}

Umuhanuzi amaze gutanga ubutumwa bwe, noneho yari agiye kwigendera maze Yerobowamu aramubwira ati: "Ngwino tujyane mu rugo uruhuke kandi nkugororere." Umuhanuzi yarasubije ati: "Naho wampa igice cya kabiri cy'ibintu byo mu nzu yawe, ntabwo twajyana iwawe. Sindira ino, kandi simpanywa n'amazi, kuko ari ko ijambo

ry'Uwiteka ryanyihanangirije ngo 'Ntugire icyo urya ntunywe n'amazi, kandi ntusubize inzira yakuzanye.'" 1Abami 13:7-9. {AnA 88.2}

Biba byaragendekeye neza uyu muhanuzi iyo aza gushikama ku mugambi we wo kugaruka mu Buyuda adatindiganyije. Igihe yari mu nzira agarutse iwe anyuze indi nzira, haje umusaza wavugaga ko ari umuhanuzi kandi abeshya umuntu w'Imana avuga ati: "Nanjye ndi umuhanuzi nkawe, kandi marayika utumwe n'Uwiteka avuganye nanjye ati 'Jya kumugarura umujyane iwawe, arye kandi anywe.'" 1Abami 13:18. Uwo musaza yakomeje kumusubiriramo icyo kinyoma kandi akaomeza kumurarika kugeza ubwo umuntu w'Imana yaje kwemera gusubira inyuma. {AnA 89.1}

Kubera ko umuhanuzi nyakuri yemeye gukora ibihabanye n'umurongo yari yabwiwe gukurikiza, Imana yemeye ko agerwaho n'igihano cy'igicumuro cye. Igihe umuhanuzi w'Imana n'uwari umurarikiye kugaruka i Beteli bari bicaye basangira, ihishurirwa riturutse ku Ushoborabyose ryaje ku muhanuzi w'ibinyoma, maze "Atera hejuru abwira uwo muntu w'Imana waturutse i Buyuda ati "Umva uko Uwiteka avuze ati 'Ubwo wanze kumvira ijambo ry'Uwiteka, ntiwitondere itegeko Uwiteka Imana yawe igutegetse, ariko ukagaruka, ukarīra aho yakubujije, ukahanywera kandi yarabikubujije, nuko rero umurambo wawe ntuzagera mu gituro cya ba sogokuruza.'" 1Abami 13:18-22. {AnA 89.2}

Bidatinze ubu buhanuzi buvuga akaga bwahise busohora nk'uko byavuzwe. "Nuko uwo muhanuzi bagaruye amaze kurya no kunywa, wa wundi wamugaruraga amushyirira amatandiko kuri ya ndogobe. Aragenda ahura n'intare iramwica, intumbi ye irambarara mu nzira, indogobe iyihagarara iruhande, intare na yo ihagarara iruhande rw'intumbi. Nuko abantu bahanyuze babona iyo ntumbi irambaraye mu nzira, babibwira abo mu mudugudu aho uwo muhanuzi w'umusaza yabaga. Uwo muhanuzi wamugaruriye mu nzira abyumvise aravuga ati: 'Ni wa muntu w'Imana utumviye ijambo ry'Uwiteka. Ni cyo gitumye Uwiteka amugabiza intare iramutanyagura, iramwica nk'uko Uwiteka yari yamubwiye.'" 1Abami 13:23-26. {AnA 89.3}

Igihano iyo ntumwa itarumviye yahawe cyakomeje kuba igihamya cyerekana ukuri kuri mu buhanuzi bwahanuriwe igicaniro. Iyo nyuma yo kutumvira ijambo ry'Uwiteka uwo muhanuzi arekwa akagenda amahoro, umwami Yerobowamu yajyaga kuboneraho maze akagerageza kwerekana ko nta kibi kiri mu kutumvira kwe. Mu kubona igicaniro gisaduka, mu kunyunyuka ukuboko, ndetse no mu rupfu rubi rw'umuhanuzi wahangaye kutumvira itegeko ry'Uwiteka, Yerobowamu yagombye kubibonamo ko Imana itishimiye gusuzugurwa, kandi ibyo byagombye kuba byaramuburiye ngo ye gukomeza gutsimbarara mu gukora ibibi. Nyamara aho kugira ngo Yerobowamu yihane "arongera atoranya mu bantu bandi bose abagira abatambyi bo mu ngoro zo ku tununga. Uwabishakaga wese,

yaramwezaga, kugira ngo habeho abatambyi bo muri izo ngoro." Muri ubwo buryo, ntuyacumuye wenyine ahubwo "atera n'Abisirayeli gucumura;" kandi "icyo kibera inzu ya Yerobowamu ikigusha, gituma icibwa irimburwa ku isi." 1Abami 13:33, 34; 14:16. {AnA 90.1}

Ahagana ku iherezo ry'ingoma ya Yerobowamu yamaze imyaka 22 kandi ntirangwe n'amahoro, uyu mwami yaje gutsindwa uruhenu mu ntambara yarwanaga na Abiya waje gusimbura Rehobowamu. "Kandi Yerobowamu ntiyongera kugira imbaraga ku ngoma ya Abiya. Bukeye Uwiteka amuteza indwara aratanga." 2Ngoma 13:20. {AnA 90.2}

Ubuhakanyi bwatangijwe ku ngoma ya Yerobowamu bwaje kurushaho kwiyongera, kugeza ubwo amaherezo bwaje kubyara kurimbuka gukomeye k'ubwami bwa Isirayeli. Na mbere y'urupfu rwa Yerobowamu, umuhanuzi Ahiya wari utuye i Shilo kandi wari ugeze mu za bukuru ndetse akaba ari na we wari warahanuye kwima ingoma kwa Yerobowamu, yaravuze ati: "Kuko Uwiteka azakubita Isirayeli abe nk'urufunzo runyeganyegera mu mazi, akarandura Isirayeli muri iki gihugu cyiza yahaye ba sekuruza, abatatanirize hakurya y'uruzi *Ufurate,* kuko biremeye Asherimu bakarakaza Uwiteka. Kandi Abisirayeli abahoye ibyaha Yerobowamu yakoze, n'ibyo yoheje Abisirayeli ngo bacumure." 1Abami 14:15, 16. {AnA 91.1}

Nyamara ntabwo Uwiteka yahānnye (yaretse) Abisirayeli atabanje gukora ibishoboka byose ngo abagarure ku kumwubaha no kumwumvira. Mu myaka myinshi y'umwijima ubwo abami basimburanaga ariko bagakomeza gushinga amajosi basuzugura Imana ndetse bagatuma Abisirayeli barushaho kwimbika mu gusenga ibigirwamana, Imana yajyaga yoherereza intumwa zitandukanye ubwoko bwayo bwababaga bwarasubiye inyuma. Ibinyujije mu bahanuzi bayo, Imana yabahaye amahirwe yose yajyaga guhagarika gusakara k'ubuhakanyi bityo bakabasha kuyigarukira. Mu myaka yajyaga gukurikira kwigabanya k'ubwami, Eliya na Elisa bagombaga kubaho kandi bagakora umurimo wabo, ndetse ukwinginga kwa Hoseya, Amosi na Obadiya kwagombaga kumvikanira mu gihugu.Ntabwo ubwami bwa Isirayeli bwagombaga kurekwa ngo bubeho butagezwaho ubuhamya bukomeye bwerekana imbaraga ikomeye y'Imana ikura abantu mu cyaha. Ndetse no mu bihe by'umwijima w'icuraburindi, abantu bamwe bajyaga gukomeza kuba indahemuka ku Mana, kandi nubwo babaga bari hagati y'abasenga ibigirwamana, bajyaga kubaho batarangwaho ikizinga na gito mu maso y'Imana yera. Bene abo bantu b'indahemuka babarizwaga mu basigaye bakiranuka, abo amaherezo umugambi uhoraho w'Uwiteka wagombaga gusoherezwamo. {AnA 91.2}

IGICE CYA 8 - UBUHAKANYI BW'ISHYANGA

Guhera igihe Yerobowamu yapfiriye ukageza igihe Eliya yajyaga imbere y'umwami Ahabu, Abisirayeli bagize gusubira inyuma mu by'umwuka gukomeye. Kubera kuyoborwa n'abantu batubahaga Uwiteka kandi bashishikarizaga abantu uburyo budasanzwe bwo kuramya, umubare munini w'abantu wahise uteshuka ku nshingano yawo yo gukorera Imana nzima maze bemera imyinshi mu migenzo yo gusenga ibigirwamana. {AnA 92.1}

Nadabu mwene Yerobowamu yicaye ku ntebe y'ubwami bwa Isirayeli mu gihe cy'amezi make gusa. Ubukozi bw'ibibi bwe bwahagaritswe bitunguranye n'ubugambanyi bwari buyobowe na Basha, wari umwe mu batware be b'ingabo, washakaga kwigarurira ubutegetsi. Nadabu yarishwe kandi yicanwa n'abo mu muryango we bose bashoboraga kumusimbura ku ngoma "nk'uko Uwiteka yavugiye mu kanwa k'umugaragu we Ahiya w'i Shilo, abahoye ibyaha Yerobowamu yakoze, n'ibyo yoheje Abisirayeli ngo bacumure, n'uko yarakazaga Uwiteka Imana ya Isirayeli" 1 Abami 15:29,30. {AnA 92.2}

Uko ni ko inzu ya Yerobowamu yazimye. Gusenga ibigirwamana kwatangijwe nawe kwari kwarazaniye ibihano by'Imana abakubotse; nyamara abami bamukurikiye ari bo Basha, Ela, Zimuri na Omuri, bakomeje gukora ibibi nk'ibya Yerobowamu akandi ibyo bimara igihe kijya kungana n'imyaka mirongo ine. {AnA 93.1}

Umugabane munini w'iki gihe cy'ubuhakanyi muri Isirayeli Asa yawumaze ari ku ngoma mu Buyuda. Mu gihe cy'imyaka myinshi Asa yakoze ibyiza bishimwa n'Uwiteka Imana ye "kuko yakuyeho ibicaniro by'ibinyamahanga n'ingoro, agasenya inkingi z'amabuye bubatse, agatema kandi agatsinda ibishushanyo bya Ashera bibajwe, maze ategeka Abayuda gushaka Uwiteka Imana ya ba sekuruza, no kwitondera amategeko yayo n'ibyo yategetse. Kandi akura mu midugudu y'i Buyuda yose ingoro n'ibishushanyo by'izuba, ubwami buturiza imbere ye. Kandi yubaka i Buyuda imidugudu igoswe n'inkike, kuko igihugu cyari gituje kandi muri iyo myaka nta ntambara yarwanye, kuko Uwiteka yari yamuhaye ihumure." 2Ngoma 14:2-5. {AnA 93.2}

Ukwizera kwa Asa kwageragejwe bikomeye igihe Zera w'Umunyetiyopiya yateraga igihugu afite ingabo agahumbagiza n'amagare magana atatu. 2Ngoma 14:9. Ntabwo muri ako kaga Asa yashyize ibyiringiro bye mu midugudu y'Ubuyuda igoteshejwe inkike yari yarubatse ndetse no ku nzugi z'amarembo zikomezwa n'ibihindizo, cyangwa ngo abishyire ku bagabo b'intwari zifite imbaraga babarizwaga mu ngabo ze zari zaratojwe neza. (2Ngoma 14:6-8). Ibyiringiro by'umwami byari ku Uwiteka nyiringabo, uwo Abisirayeli ba kera bari baracunguriwe bitangaje mu izina rye. Yashyize ingabo ze ku rugamba maze atakambira Imana ngo ibafashe. {AnA 93.3}

Noneho ingabo zo ku mpande zombie zihagarara ku rugamba zihanganye. Cyari igihe igihe cy'ikigeragezo ku bakoreraga Uwiteka. Mu ntekerezo z'abayobozi harimo ibibazo nk'ibi ngo: "Mbese icyaha cyose cyaba cyicujijwe? Mbese Abayuda baba biringiye rwose ububasha bw'Imana ko irabakiza?" Mu mirebere ya kimuntu, ingabo zitabarika zari zivuye mu Egiputa zajyaga gutsemba ikintu cyose cyari imbere yazo. Nyamara mu gihe cy'amahoro, ntabwo Asa yahugiye mu kwishimisha n'ibimunezeza; ahubwo yahugiye mu kwitegura ibyaba bitunguranye. Yari afite ingabo zatorejwe urugamba; kandi yari yarashishikariye kuyobora abaturage be kugirana amahoro n'Imana. Kandi nubwo ingabo ze zari nke cyane ugereranyije n'iz'abanzi, icyizere yari afitiye uwo yiringiraga nticyigeze gicogora. {AnA 94.1}

Kubera ko umwami Asa yashatse Uwiteka mu gihe yari aguwe neza, noneho yashoboraga kumwishingikirizaho mu munsi yari atewe n'ibyago. Isengesho yasenze ryagaragaje ko atari umushyitsi ku mbaraga itangaje y'Imana. Yatakambye agira ati: "Uwiteka, nta mutabazi utari wowe, uvuna abanyantegenke ku bakomeye. Udutabare Uwiteka Mana yacu kuko ari wowe twiringira, kandi duteye iki gitero mu izina ryawe. Uwiteka ni wowe Mana yacu, ntiwemere ko waneshwa n'umuntu." 2Ngoma 14:11. {AnA 94.2}

Isengesho Asa yasenze ni rimwe mu masengesho Umukristo wese wizera akwiriye gusenga. Mu ntambara turwana, ntiturwana n'abafite umubiri n'amaraso, ahubwo turwana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru. Abefeso 6:12. Mu ntambara turwana mu buzima, tugomba guhangana n'abarwanya ubutungane. Ntabwo ibyiringiro byacu biri mu muntu, ahubwo biri mu Mana ihoraho. Dukwiriye kwiringira dufite icyizere cyuzuye ko kubw'ikuzo ry'izina ryayo izahuza ububasha bwayo bushobora byose n'umuhati w'umuntu. Twambaye intaro zo gukiranuka kwayo, dushobora kunesha umwanzi wese. {AnA 94.3}

Ukwizera k'umwami Asa kwaragororewe bikomeye. "Maze Asa n'abari kumwe na we barabakurikirana babageza i Gerari, mu Banyetiyopiya hapfamo benshi cyane bituma batabasha kwiyungana, kuko barimburiwe imbere y'Uwiteka n'ingabo ze. Abayuda banyaga iminyago myinshi. Hanyuma batsinda imidugudu ihereranye n'i Gerari yose kuko Uwiteka yateye abaho ubwoba. Barayinyaga yose, hariho iminyago myinshi" 2Ngoma 14:12, 13. {AnA 95.1}

Igihe ingabo zo mu muryango wa Yuda n'uwa Benyamini zari zinesheje urugamba zagarukaga i Yerusalemu, "Umwuka w'Imana aza kuri Azariya mwene Odedi, ajya gusanganira Asa aramubwira ati: 'Nimunyumve, Asa namwe Bayuda n'Ababenyamini mwese, Uwiteka ari kumwe namwe nimuba kumwe na we. Nimumushaka muzamubona,

ariko nimumuta na we azabata.' 'Ariko mwebwe mukomere, amaboko yanyu ye gutentebuka kuko imirimo yanyu izagororerwa." 2 Ngoma 15:1, 2,7. {AnA 95.2}

Asa akomejwe cyane n'ayo magambo, bidatinze yaje gukora ivugurura rya kabiri mu Buyuda. Nuko Asa "akura ibizira mu gihugu cyose cy'i Buyuda n'i Bubenyamini, no mu midugudu yahindūye yo mu gihugu cy'imisozi ya Efurayimu, asubiriza icyotero cy'Uwiteka cyari imbere y'ibaraza ry'Uwiteka. Bukeye ateranya Abayuda n'Ababenyamini bose n'abaturanaga na bo, baturutse mu gihugu cya Efurayimu no mu cy'Abamanase no mu cy'Abasimeyoni, kuko benshi bamukeje baturuka mu Bwisirayeli, babonye yuko Uwiteka Imana ye iri kumwe na we. Nuko bateranira i Yerusalemu mu kwezi kwa gatatu ko mu mwaka wa cumi n'itanu, ku ngoma ya Asa. Kuri uwo munsi batambira Uwiteka inka magana arindwi n'intama ibihumbi birindwi, babikuye mu minyago bazanye. Maze basezerana isezerano, ryo gushakisha Uwiteka Imana ya ba sekuruza imitima yabo yose n'ubugingo bwabo bwose." "Abayuda bose bishimira iyo ndahiro kuko bari barahiye n'imitima yabo yose, bagashakana Uwiteka umwete wabo wose bakamubona, maze Uwiteka abaha ihumure impande zose." 2Ngoma 15:8-12, 15. {AnA 95.3}

Amateka maremare y'umurimo Asa yakoranye ubudahemuka yaje gushyirwamo agatotsi n'amakosa amwe yakoze incuro nyinshi igihe yananirwaga kwiringira Imana byuzuye. Igihe kimwe ubwo umwami w'Abisirayeli yinjiraga mu Buyuda maze akigarurira umudugudu witwaga Rama wari ugoteshejwe inkike kandi wari ku birometero nka 8 uvuye i Yerusalemu, Asa yashatse uko yatabarwa akoresheje kwifatanya ba Benihadadi umwami wa Siriya. Uku kunanirwa kwiringira Imana yonyine mu gihe yari mu kaga yagucyahiwe bikomeye n'umuhanuzi Hanani waje agasanga umwami Asa amuzaniye ubutumwa buvuga buti: {AnA 96.1}

"Kuko wiringiye umwami w'i Siriya ntiwiringire Uwiteka Imana yawe, ni cyo kizatuma ingabo z'umwami w'i Siriya zigukira. Mbese Abanyetiyopiya n'Abalubimu ntibari ingabo nyinshi bikabije, bafite amagare n'abagendera ku mafarashi byinshi cyane? Ariko kuko wiringiye Uwiteka arabakugabiza. Kandi amaso y'Uwiteka ahuta kureba isi yose impande zose, kugira ngo yerekane ko ari umunyamaboko wo kurengera abafite imitima imutunganiye. Mu byo wakoze ibyo wabibayeho umupfu, uhereye none uzajya ubona intambara." 2Ngoma 16:7-9. {AnA 96.2}

Aho kugira ngo yicishe bugufi imbere y'Imana bitewe n'ikosa yari yakoze, "Asa aherako arakarira bamenya amushyira mu nzu y'imbohe, amurakariye kuri iryo jambo. Muri icyo gihe Asa yarenganyaga abantu bamwe." Umurongo wa 10. {AnA 97.1}

“Mu mwaka wa mirongo itatu n’icyenda ku ngoma ya Asa, arwara ibirenge, indwara iramukomereza cyane. Ariko arwaye ntiyashaka Uwiteka, ahubwo ashaka abavuzi.” 2Ngoma 16:12. Umwami Asa yatanze mu mwaka wa mirongo ine n’umwe w’ingoma ye maze asimburwa n’umuhungu we Yehoshafati. {AnA 97.2}

Imyaka ibiri mbere y’urupfu rwa Asa, Ahabu yatangiye gutegeka ubwami bwa Isirayeli. Uhereye mu itangira ryayo, ingoma ya Ahabu yaranzwe n’ubuhakanyi budasanzwe kandi bukomeye. Se witwaga Omuri wari watashinze umurwa wa Samariya, yari ‘yarakoze ibibi mu maso y’Uwiteka, ndetse arusha abamubanjirije bose’ (1Abami 16:25); ariko ibyaha Ahabu yakoze byari bikomeye cyane kurusha ibya se. “Kandi yiremera Ashera, ndetse Ahabu uwo arusha abandi bami b’Abisirayeli bamubanjirije bose kurakaza Uwiteka Imana ya Isirayeli” akora nk’aho “bimubereye bito kugendera mu byaha bya Yerobowamu mwene Nebati, ariyongeranya arongora Yezebeli umukobwa wa Etibāli umwami w’Abasidoni, aragenda akorera Bāli arayiramya” 1Abami 16:33,31. Atanejejwe no gushishikariza abantu gukurikiza imihango y’iby’iyobokamana yakurikizwaga i Beteli n’i Dani, yarihandagaje ajyana abantu mu bupagani bukabije abinyujije mu kureka gusenga Uwiteka abisimbuza gusenga Bali. {AnA 97.3}

Kubera ko yari yarongoye “Yezebeli umukobwa wa Etibāli umwami w’Abasidoni” kandi akaba yari n’umutambyi mukuru wa Bali, byatumye Ahabu “akorera Bāli arayiramya. Yubakira Bāli icyotero mu nzu ya Bāli yari yubatse i Samariya.” Umurongo wa 31, 32. {AnA 98.1}

Ntabwo Ahabu yinjije gusenga Bali mu murwa mukuru gusa, ahubwo kubw’ubuyobozi bwa Yezebeli, Ahabu yubatse ibicaniro byinshi by’abapagani ku “tununga twinshi,” maze mu dushyamba twabaga tuhakikije abatambyi n’abandi bantu bakoraga ibijyanye n’imihango iyobya yo gusenga ibigirwamana bakahakorera ibibi biyobya, kugeza ubwo byageze aho hafi y’Abisirayeli bose bayoboka Bali. “Nta wigeze gusa na Ahabu wiguriye gukora ibyangwa n’Uwiteka, yohejwe n’umugore we Yezebeli. Nuko yajyaga akora nabi cyane, akurikira ibishushanyo bisengwa nk’uko Abamori babigenzaga kose, abo Uwiteka yirukanye imbere y’Abisirayeli.” 1Abami 21:25, 26. {AnA 98.2}

Ahabu yari umunyantege nke mu byerekeye imbaraga z’iby’imico mbonera. Gushyingiranwa n’umugore wasengaga ibigirwamana kandi wari ufite imico mibi akaba n’ingare byaje kubyara akaga gakomeye kuri we ubwe ndetse no ku ishyanga ry’Abisirayeli. Kubera guhuzagurika kwe no kutagira amahame ngenderwaho akomeye yo gukora ibitunganye, imico ya Ahabu yahinduwe mu buryo bworoshye na Yezebeli wari umaramaje. Kamere ya Ahabu yo kwikanyiza ntiyashoboye guha agaciro ubuntu bw’Imana ya Isirayeli

ndetse n'inshingano ze ubwe nk'umurinzi n'umuyobozi w'ubwoko bwatoranyijwe. {AnA 98.3}

Kubera imbaraga irimbura yakomokaga ku buyobozi bwa Ahabu, Abisirayeli bahabiye kure y'Imana ihoraho ndetse banduza inzira zabo imbere yayo. Bamaze imyaka myinshi bagenda batakaza umutima wo kubaha no gutinya Imana; noneho bimera nk'aho nta muntu n'umwe wahangaye gushyira imibereho yabo ku karubanda akoresheje kwihandagaza agahaguruka maze akamagana gusuzugura Imana kwari kuganje. Umwijima w'icuraburindi w'ubuhakanyi watwikiriye igihugu cyose. Ibishushanyo bya Balimu na Ashitoreti byari ahantu hose kugira ngo abantu babibone. Ingoro z'ibigiwamana ndetse n'udushyamba twatoranyijwe ari naho hasengerwaga imirimo y'intoki z'abana b'abantu, byarongewe bigirwa byinshi mu gihugu. Umwuka wo mu kirere wahumanijwe n'umwotsi w'ibitambo byaturwaga ibigirwamana. Imisozi n'ibibaya byirangiraga urusaku rw'abatambyi babaga basinze batambiraga izuba, ukwizi n'inyenyeri ibitambo. {AnA 99.1}

Bitewe na Yezebeli ndetse n'abatambyi be batubahaga Iman, rubanda rwigishijwe ko ibigirwamana byari byarashinzwe ari imana zitegeka ibigize isi, umuriro n'amazi zikoresheje ububasha bwazo bw'amayobera. Imigisha yose Ijuru ritanga kubw'ubuntu: utugezi dutemba, amasoko y'amazi, ikime no kugwa kw'imvura yahemburaga ubutaka kandi igatera imirima kurumbuka; ibyo byose byitirirwaga Bali na Ashitoreti, aho kugira ngo bavuge ko bituruka kuri Rugaba rw'impano yose nziza kandi itunganye. Abantu bibagiwe ko imisozi n'ibibaya, amasoko n'imigezi byari mu kiganza cy'Imana ihoraho, ndetse bibagirwa ko ari Yo itegeka izuba, ibicu byo mu kirere ndetse n'imbaraga zose zo mu byaremwe. {AnA 99.2}

Uwiteka akoresheje intumwa zikiranuka yoherere imiburo myinshi uwo mwami w'umuhakanyi ndetse na rubanda, nyamara iyo miburo yabaye impfabusa. Kuba intumwa zishorewe n'Imana zarahamije ko Uwiteka [Yehova] ari we ufite uburenganzira bwo kuba Imana rukumbi y'Abisirayeli nabyo byabaye iby'ubusa. Ndetse no kuba izo ntumwa zaributsaga Abisirayeli amategeko Imana yabahaye nabyo byabaye iby'ubusa. Kubera gutwarwa no kwiyerekana gushimishije ndetse n'imihango ikurura intekerezo yakorwaga mu gusenga ibigirwamana, rubanda rwakurikije urugero rw'umwami n'abo mu ngoro ye, maze rwirundurira mu binezeza byangiza kandi bikojeje isoni byakorwaga mu gusanga kwarangwaga no gushimisha irari ry'umubiri. Mu bupfapfa bwabo bwuzuye ubuhumyi, bahisemo kureka Imana ndetse no kuyiramya. Umucyo bari barahawe wari warahindutse umwijima. Izahabu nziza yari yarahindutse inkamba. {AnA 100.1}

Mbega uko ikiuzo rya Isirayeli ryashize! Ntabwo mbere y'icyo gihe ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe bwari bwarigeze bugwa mu buhakanti bene ako kageni. "Abahanuzi ba Bāli

bari magana ane na mirongo itanu," biyongeraho "n'abahanuzi ba Ashera basangirira ku meza ya Yezebeli, uko ari magana ane." 1Abami 18:19. {AnA 100.2}

Nta kintu na kimwe giturutse ku mbaraga ikora ibitamgaza y'Imana cyashoboraga kurinda ishyanga rya Isirayeli kurimbuka gukomeye. Isirayeli yari yarihitiyemo kwitandukanya n'Uwiteka, nyamara Uwiteka we mu mpuhwe ze yari agifitiye impuhwe abari barashowe mu cyaha, kandi yari hafi kubohereza umwe mu bahanuzi be bakomeye cyane. Kubw'uwo muhanuzi, abantu benshi bajyaga kugarurwa ku kumvira Imana ya ba sekuruza. {AnA 100.3}

UMUGABANE WA II - ABAHANUZI BO MU BWAMI BW'AMAJYARUGURU

"Uzi ubwenge wese ni we uzitegereza ibyo, uwitonda wese ni we uzabimenya, kuko inzira z'Uwiteka zitunganye, kandi abakiranutsi bazazigenderamo, ariko abacumura bazazigwamo."

Hoseya 14:9

IGICE CYA 9 - ELIYA W'I TISHIBI

Mu gihe cy'umwami Ahabu, mu misozi y'i Galeyadi, ahagana mu burasirazuba bwa Yorodani, hari hatuye umugabo wari ufite kwizera kandi wasengaga, ndetse umurimo yakoraga ashiritse ubwoba wari ugamije gukoma mu nkokora ubuhakanyi bwakwiraga byihuse muri Isirayeli. Kubera ko atabaga mu mujyi w'ikimenyabose ndetse mu buzima busanzwe ntabe yari afite umwanya wo hejuru, nyamara Eliya w'i Tishibi yinjiye mu murimo we yiringiye umugambi w'Imana wo kumutegurira inzira no kumuha kugera ku ntego mu buryo gukomeye. Amagambo yo kwizera n'imbaraga ni yo yabaga mu kanwa ke, kandi imibereho ye yose yari yarayeguriye umurimo w'ubugorozi. Ijwi rye ryari iry'urangururira mu butayu acyaha icyaha kandi arwanya gusakara kw'ikibi. Kandi nubwo yasanze abantu acyaha icyaha, ubutumwa bwe bwatangaga umuti uvuye i Galeyadi womora imitima yokamwe n'icyaha y'abantu bose bifuzaga gukira. {AnA 104.1}

Igihe Eliya yabonaga Isirayeli irushaho kwimbika mu gusenga ibigirwamana, yagize agahinda kenshi kandi biramurakaza cyane. Imana yari yarakoreye ubwoko bwayo ibikomeye. Yari yarabukuye mu bubata kandi ibuha "ubutaka bw'abanyamahanga, . . . kugira ngo bitondere amategeko ye, bakurikiza ibyo yategetse." Zaburi 105:44, 45. Nyamara imigambi myiza y'Uwiteka noneho yasaga nk'iri hafi kwibagirana. Ukutizera kwagendaga gutandukanya ubwoko bwatoranyijwe n'Isoko y'imbaraga zabwo vuba vuba. Eliya yitegererezaga ubu buhakanyi ari aho yari yibereye mu misozi maze asabwa n'agahinda. Eliya afite intimba nyinshi mu mutima, yinginze Imana kugira ngo ikumire ubwo bwoko bwari bwarahiriwe mu nzira zabwo mbi, kandi ngo niba ari ngombwa ibugenderere ibuhane kugira ngo bubashe kubona neza uko bwatandukanye n'Ijuru nk'uko biri koko. Eliya yifuzaga cyane kubona Abisirayeli bagaruka bakihana mbere y'uko bajya kure mu gukora ibibi kugeza ubwo bateza Uwiteka kubarimbura bikomeye. {AnA 104.2}

Isengesho rya Eliya ryarasubijwe. Amararika menshi yasubirwagamo, gucyaha ndetse n'imiburo byari byarananiwe gutera Absirayeli kwihana. Igihe cyari kigeze ngo Imana ivugane nabo ikoresheje kubahana ibihano. Kubera ko abaramyaga Bali bavugaga ko ubukungu bw'ijuru burimo ikime ndetse n'imvura, budaturuka ku Uwiteka, ko ahubwo buturuka ku mbaraga zitegeka ibyaremwe, ndetse ko ari ko imbaraga irema ituruka ku zuba ari yo ituma ubutaka bukunguhara ndetse bukarumbuka cyane, umuvumo w'Imana wagombaga kugera bikomeye ku butaka bwahumanye. Imiryango y'Abisirayeli yari yarahakanye Imana yagombaga kwerekwa ubupfapfa bwayo bwo kwiringira ko imbaraga za Bali ari zo ikesha imigisha. Igihe cyose Abisirayeli bari batarahindukirira Imana bihana kandi ngo bazirikane ko ari yo soko y'imigisha yose, nta kime cyangwa imvura byajyaga kugwa mu gihugu. {AnA 105.1}

Eliya yahawe inshingano yo kugeza kuri Ahabu ubutumwa buvuga iby'urubanza rw'ijuru. Eliya ubwe ntiyashakaga kuba intumwa y'Uwiteka uretse ko ijambo ry'Uwiteka ryamujeho gusa. Kandi kubera ko yari afitiye ishyaka icyubahiro cy'Imana, ntabwo yashidikanyije kumvira irarika ry'Imana nubwo kumvira byasaga no guhamagara kurimbuka kwihuse k'umwami w'inkozi y'ibibi. Umuhanuzi Eliya yahise ahaguruka maze agenda amanywa n'ijoro kugeza ubwo agereye i Samariya. Ageze ibwami ntiyigeze avunyisha cyangwa ngo ategereze ko bavuga ko haje umuntu ushaka umwami nk'uko byari umugenzo. Yari yambaye impu zidakannye kuko ubusanzwe ariko abahanuzi b'icyo gihe bambaraga, maze aratanya anyura ku barinzi basaga n'abataramubonye nuko ahita ahagarara imbere y'umwami wari wumiwe. {AnA 106.1}

Ntabwo Eliya yigeze asaba imbabazi z'uko kuboneka imbere y'umwami mu buryo butunguranye. Ukomeye kuruta umwami w'Abisirayeli ni we wari wamutumye ngo agende avuge. Nuko Eliya arambura amaboko ye ayatunga ku ijuru maze avuga mu izina ry'Imana ihoraho ko ibihano by'Isumbabyose bigiye gusukwa kuri Isirayeli. Yaravuze ati: "Ndahiye Uwiteka Imana ya Isirayeli ihoraho, iyo nkorera iteka, yuko nta kime cyangwa imvura bizagwa muri iyi myaka, keretse aho nzabitegekera." 1Abami 17:1. {AnA 106.2}

Kwizera imbaraga y'ijambo ry'Imana idatsindwa konyine ni ko kwabashishije Eliya gutanga ubutumwa bwe. Iyo aba atiringiye rwose uwo yakoreraga, ntabwo aba yaragiye imbere ya Ahabu. Ubwo Eliya yari mu nzira yerekeje i Samariya, yagiye anyura ku masoko atemba, ku misozi itwikiwe n'ibyatsi byiza ndetse n'amashyamba yasaga n'atahangarwa n'amapfa. Ikintu cyose amaso yabonaga cyabaga gitatse ubwiza. Eliya ashobora kuba yaribajije uburyo amasoko y'amazi atarigeze areka gutemba yakama, cyangwa uko imisozi n'ibibaya byahindurwa ubukuna n'amapfa. Nyamara Eliya ntiyigeze aha gushidikanya umwanya. Yizeraga rwose ko Imana izacisha bugufi Isirayeli yari yarahakanye Imana ndetse ko ibihano bizabatera kwihana. Itegeko ry'Ijuru ryari ryamaze gutangwa; ijambo ry'Imana ntiryashoboraga guhera kandi noneho Eliya ashyira ubugingo bwe mu kaga maze asohoza inshingano ye adatinya. Ubutumwa buvuga iby'igihano cyari kigiye kubaho bwageze mu matwi y'umwami w'inkozi y'ibibi Ahabu bumeze nk'inkuba zivanze n'imirabyo. Ariko Ahabu atarava muri uko kumirwa, cyangwa ngo ashakishe igisubizo, Eliya yahise abura bitunguranye nk'uko yari yaje atabanje gutegereza ngo abone ibirava mu butumwa bwe. Nuko Uwiteka amugenda imbere amucira inzira anyuramo. Umuhanuzi Eliya yari yategetswe ngo: "Va hano ugende werekere iburasirazuba, wihishe iruhande rw'akagezi kitwa Keriti, ahateganye na Yorodani. Uzajye unywa amazi yako, kandi ntegetse ibikona kujya bikugemurirayo." 1Abami 17:1, 2. {AnA 106.3}

Umwami yaramushakishije bikomeye ariko Eliya ntibamubona. Umwamikazi Yezebeli warakajwe cyane n'ubwo butumwa bwakinze ubutunzi bw'ijuru, ntiyatindiganyije kujya inama n'abatambyi ba Bali bifatanyije na we kuvuma Eliya ndetse no gusuzugura uburakari bw'Imana. Nyamara nubwo bashakaga kubona Eliya wari wavuze ubutumwa bw'umuvumo, bajyaga byanze bikunze guhura n'urucantege. Ntabwo kandi byajyaga guhisha abandi ko bazi iteka ryaciwe bitewe n'ubuhakanyi bwari buganje. Inkuru ivuga uko Eliya yamaganye ibyaha bya Isirayeli ndetse n'iy'ubuhanuzi bwe bwavugaga iby'igihano gikomeye cyari kigiye kuza, yahise ikwira mu gihugu hose. Abantu bamwe bagize ubwoba, ariko muri rusange ubutumwa buvuye mu ijuru bwakiranwe gukoba n'agasuzuguro. {AnA 107.1}

Amagambo y'umuhanuzi yahise atangira gusohora. Abahise btangira gukoba no guseka igitekerezo cyavugaga iby'amakuba, bidatinze babonye umwanya wo gutekereza bikomeye; kuko nyuma y'amezi make, ubutaka butahemburwaga n'ikime cyangwa imvura bwarimahaye kandi ibimera nabyo biraraba. Uko igihe cyahitaga, amasoko y'imigezi atari yarigeze akama yatangiye gukama buhoro buhoro, kandi n'imigezi itangira gukama. Nyamara rubanda rwakomeje gushishikarizwa n'abatware kwiringira ububasha bwa Bali no kutita ku magambo y'ubuhanuzi bwa Eliya. Abatambyi bakomezaga gushimangira ko ububasha bwa Bali ari bwo butera imvura kugwa. Babwiraga abantu bati: 'Ntimutinye Imana ya Eliya cyangwa ngo muhindishwe umushyitsi n'amagambo ye, kuko Bali ari yo itanga umusaruro ku gihe cyawo kandi akaba ari yo ibeshaho umuntu n'inyamaswa.' Ubutumwa Imana yatumye kuri Ahabu bwahaye Yezebeli n'abatambyi be ndetse n'abandi bayoboke ba Bali na Ashitaroti amahirwe yo kugenzura ububasha bw'ibigirwamana byabo, ndetse byaba bishoboka, bakagaragaza uburyo amagambo ya Eliya atari ukuri. Ubuhanuzi bwa Eliya bwari bwonyine buhanganye n'ibyiringiro byatangwaga n'abatambyi bakoreraga ibigirwamana. Nubwo hari ibyo umuhanuzi yari yavuze, iyo Bali ishobora gukomeza kugusha ikime n'imvura kandi igatera amasoko gukomeza gutemba n'ibyatsi gutoha, umwami w'Abisirayeli yagombaga kuramya Bali ndetse na rubanda rukavuga ko Bali ari Imana. {AnA 108.1}

Kubera ko bari biyemeje gukomeza gufatira abantu mu buyobe, abatambyi ba Bali bakomeje gutura ibiirwamana byabo ibitambo no kubyinginga amanywa n'ijoro ngo kugira ngo bihembure ubutaka. Abatambyi bagerageragezaga gucubya uburakari bw'imana zabo bazitura amaturo y'agaciro kenshi. Bagendagendag bazenguruka ibicaniro byabo by'abapagani kandi bagasenga babikuye ku mutima basaba imvura bafite ubwira no kwihangana nk'abakorera ukuri. Buri joro muri icyo gihugu cyose cyari cyokamwe n'umuvumo, humvikanaga gutaka no kwinginga kw'abo batambyi. Nyamara ku manywa nta gicu cyigeraga kiboneka ngo gihishe izuba ryotsaga. Nta kime cyangwa imvura

yahemburaga ubutaka bwari bwukagaye. Jambo ry'Uwiteka ntiryigeze rihindurwa n'ikintu icyo ari cyo cyose abatambyi ba Bali bashoboraga gukora. {AnA 108.2}

Umwaka warashize ariko imvura ntiyagwa. Ubutaka bwabaga bwumagaye nk'ubucanyweho umuriro. Ubushyuhe bwinshi bw'izuba bwatsembye ibyatsi bike byari byaragiye birokoka. Amasoko y'amazi yarakamye, kandi imikubi n'amashyo byazereraga hirya no hino byabuze amahwemo. Imirimo yari isanzwe itoshye yaje guhinduka nk'umusenyi wotsa wo mu butayu. Udushyamba twari twareguriwe gusengeramo ibigirwamana twasigaye dukokotse; ibiti byo mu mashyamba bisigara ari inkokore ku buryo nta gicucu byashoboraga gutanga. Ikirere cyabaga cyumagaye ndetse gishyuhiranye; imiyaga y'ishuheri yatumaga abantu batareba ndetse ikajya kubabuza guhumeka burundu. Imijyi n'imidugudu yari isanzwe iguwe neza yaje guhinduka ahantu ho kuririra. Inzara n'inyota byari byibasiye abantu n'amatungo byica mu buryo buteye ubwoba. Amapfa n'ibyago byose azana, yarushijeho kwibasira igihugu. {AnA 109.1}

Nubwo hari ibyo bihamya by'ububasha bw'Imana, Isirayeli ntiyigeze yihana kandi ntiyiga n'icyigisho Imana yashakaga ko biga. Ntabwo babonye ko uwaremye ibibaho ari we ugenga amategeko yabyo kandi ashobora kubigira ibikoresho bizana umugisha cyangwa kurimbuka. Bari buzuye umutima w'ubwibone kandi baratwawe no gusenga ibigirwamana ku buryo batashakaga kwicisha bugufi munsi y'ukuboko gukomeye kw'Imana, bityo batangira gushakisha impamvu bitirira iyo mibabaro yabo. {AnA 109.2}

Yezebeli yanze rwose kwemera ko amapfa ari gihano giturutse ku rubanza rw'Imana. Kubwo gutsimbarara ku cyemzo cye cyo gusuzugura Imana yo mu ijuru, Yezebeli ndetse n'Abisirayeli hafi ya bose bafatanyije kwamagana Eliya bavuga ko ari we ntandaro y'akaga kose barimo. Mbese Eliya ntiyari yararwanyije imisengere yabo? Yezebeli yibwiraga ko uwakwikiza Eliya, umujinya w'ibigirwamana byabo wahosha, bityo n'akaga barimo kagashira. {AnA 110.1}

Abihatiwe n'umwamikazi, umwami Ahabu yashyizeho uburyo bukmeye bwo gushakisha aho umuhanuzi Eliya yari yihishe. Yohereje intumwa mu bihugu bikikije Isirayeli, yohereza izindi hafi na kure kugira ngo zijye gushaka uwo muntu yangaga, ariko kandi yatinyaga. Muri uko guhagarikwa umutimano gushakisha Eliya uko bishoboka kose, umwam Ahabu yasabye ubwami bumukikije ndetse n'ibihugu kumurahirira ko batazi irengero ry'uwo muhanuzi. Barashakishije ariko biba iby'ubusa ntibamubona. Umuhanuzi Eliya yarinzwe ubugome bw'umwami wari ufite ibyaha byari byaratumye cyibasirwa n'Imana yari yarasuzuguye. {AnA 110.2}

Amaze gutsindwa mu muhati wose yari afite wo guhiga Eliya, Yezebeli yiyemeje kwihimura akoresheje kwica abahanuzi b'Uwiteka bose muri Isirayeli. Abo bahanuzi bose bagombaga gutsembwa ntihasigare n'umwe. Uwo mugore wari wazabiranyijwe n'uburakari yasohoje imigambi ye yica benshi mu bagaragu b'Uwiteka. Nyamara nubwo yari afite uwo mugambi, ntabwo bose bishwe. Uwitwa Obadiya wari umunyarugo kwa Ahabu ariko akubaha Uwiteka, yashyize ubugingo bwe mu kaga maze "yafashe abahanuzi ijana, maze abahisha mirongo itanu mirongo itanu mu buvumo bubiri, akajya abagaburiramo umutsima n'amazi yo kunywa." 1Abami 18:4. {AnA 110.3}

Umwaka wa kabiri w'amapfa warashize ariko n'ubundi ijuru ntiryatanga ikimenyetso cy'imvura. Amapfa n'inzara byakomeje kuyogoza Isirayeli yose. Ababyeyi b'abagabo n'abagore ntibari bashoboye kumara imibabaro y'urubyaro rwabo bityo barubonaga rupfa. Nyamara nubwo byari bimeze bityo, Abisirayeli bari barahakanye Imana banze gucisha bugufi imitima yabo imbere y'Imana kandi bakomeza kwivovotera Eliya wari waravuze amagambo yari yarabazaniye ibyo bihano bishishana. Basaga n'abadashobora kubona ko muri uwo mubabaro wabo no guhagarika umutima harimo irarika ribahamagarira kwihana, ndetse ko harimo no kugoboka kw'Imana kugira ngo ibakize gutera intambwe ibajyana mu kaga gakomeye ndetse hirya y'aho imbabazi z'Ijuru zigarukira. {AnA 111.1}

Guhakana Imana kwa Isirayeli kwari ikibi gikabije birenze imibabaro yose yatejwe n'inzara. Imana yashakaga kugobotora Abisirayeli mu buyobe bwabo kandi ikabatera gusobanukirwa inshingano bafite ku Uwiteka bakeshaga ubuzima bwabo ndetse n'ibindi bintu byose. Imana yageragezaga kubafasha kugarura ukwizera kwabo bari baratakaje, kandi biba ngombwa ko ibateza umubabaro ukomeye. {AnA 111.2}

"Muragira ngo nishimira ko umunyabyaha apfa? Ni ko Umwami Uwiteka abaza. Ikiruta si uko yahindukira akava mu nzira ye mbi, akabaho?" "Nimute kure ibicumuro byanyu byose, ibyo mwakoze, mwiremememo umutima mushya n'umwuka mushya. Kuki mwarinda gupfa, mwa b'inzu ya Isirayeli mwe? Erega sinishimira ugiye gupfa ko yapfa, nuko nimuhindukire mubeho." Ni ko Umwami Uwiteka avuga." "Nimuhindukire, mugaruke muve mu nzira zanyu mbi. Kuki mwarinda gupfa mwa ab'inzu ya Isirayeli mwe?" Ezekiyeli 18:23, 31, 32; 33:11. {AnA 111.3}

Imana yari yarohereje Isirayeli intumwa zibararikira guhindukira bakayubaha. Iyo bumvira iryo rarika bagahindukira bakareka Bali bakayoboka Imana ihoraho, ubutumwa bwa Eliya bwerekeye urubanza rw'Imana ntibuba bwaratanzwe. Nyamara imiburo yagombye kuba yarabaye impumuro y'ubugingo itanga ubugingo yaje kubabera impumuro y'urupfu izana urupfu. Ubwibone bwabo bwakozweho, kandi umujinya wabo wari warabyukirijwe kwibasira intumwa z'Imana, ariko noneho umuhanuzi Eliya we

bamwangaga urunuka. Iyo baza kumufata, bari kumushyira Yezebeli bishimye cyane nk'aho kumucecekesha byajyaga guhagarika gusohora kw'amagambo ye! Igihe bari bagihanganye n'ayo makuba bakomeje gushikama mu gusenga ibigirwamana. Uko ni ko bongeraga ibibi ku cyaha cyari cyarazanye ibihano by'Ijuru ku gihugu. {AnA 112.1}

Isirayeli yari yibasiwe n'ibyago yari ikeneye kwemera umuti umwe gusa ari wo: guhindukira bakava mu byaha byabo byari byaratumye ukuboko kw'Imana Ishoborabyose kubahana. Uko kugarukira Uwiteka kwagombaga kuba kuvuye ku mutima. Bari bariringijwe ngo: "Nindamuka nkinze ijuru imvura ntigwe, cyangwa nintegeka inzige ngo zone igihugu, cyangwa ninohereza mugiga mu bantu banjye, maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu." 2Ngoma 7:13,14. Imana yakomeje kwima Abisirayeli ikime n'imvura kugeza ubwo habaho ivugurura rikomeye ari ukugira ngo izabone noneho uko ibaha uyu mugisha. {AnA 112.2}

IGICE CYA 10 - IJWI RYO GUCYAHA GUKOMEYE/ The Voice of Stern Rebuke

Eliya yamaze igihe yihishe mu misozi irihande rw'akagezi ka Kereti. Aho yahamaze amezi menshi ahagaburirwa ibyokurya mu buryo bw'igitangaza. Nyuma yaho, ubwo ako kagezi kakamaga bitewe n'amapfa yakomeje kuzahaza igihugu, Imana yategetse umugaragu wayo guhungira mu gihugu cy'abapagani. Imana yaramutegetse iti: "Haguruka ujye i Sarefati h'Abasidoni abe ari ho uba, hariyo umugore w'umupfakazi ni we ntegetse kugutunga." {AnA 113.1}

Uyu mugore ntiyari Umwisirayelikazi. Ntabwo yari ayarigeze agira amahirwe n'imigisha nk'ibyo ubwoko bw'Imana bwari bwarahawe; ariko yubahaga Imana nyakuri kandi yari yaragendeye mu mucyo wose warasiraga mu nzira ye. Noneho ubwo nta bundi buhungiro Eliya yari afite mu gihugu cya Isirayeli, Imana yamwohereje kuri uyu mupfakazi kugira ngo abe ari ho abona ubwihisho. {AnA 113.2}

"Nuko arahaguruka ajya i Sarefati. Ageze ku irembo ry'umudugudu, ahasanga umugore w'umupfakazi utoragura udukwi. Eliya aramuhamagara aramubwira ati: "Ndakwinginze, nzanira utuzi two kunywa mu gacuma." Nuko ajya kuyazana. Akigenda aramuhamagara ati: "Ndakwinginze unzanire n'agatsima mu ntoki." 1Abami 17:10, 11. {AnA 113.3}

Inzara yarushagaho guca ibintu muri uru rugo rwari rukennye cyane, kandi utwokurya tw'ubusabusa twarimo twasaga n'udushize. Kuba Eliya yaraje ku munsi uriya mupfakazi yari afite ubwoba ko agomba kuerekera aho kwita ku buzima maze akipfira, byagerageje bikomeye uko yizeraga ububasha bw'Imana nzima bwo kumuha ibyo akennye. Nyamara no muri ayo mage akomeye yarimo yahamije ukwizera kwe yemera icyifuzo cy'uwo muntu yari atazi wamusabaga kumuha ku twokurya duke cyane yari asigaranye. {AnA 114.1}

Ku busabe bwa Eliya washakaga ibyokurya n'ibyo kunywa, uwo mupfakazi yaravuze ati: "Nkurahiye Uwiteka Imana yawe ihoraho, nta gatsima mfite keretse urushyi rw'agafu nsigaje mu giseke, n'uturanguzwa tw'amavuta mu mperezo. Ubu dore ndatoragura udukwi tubiri, kugira ngo nsubire mu nzu nkivugire n'umwana wanjye, ngo tukarye twipfire." Eliya aramubwira ati: "Witinya genda ubigenze uko uvuze, ariko banza umvugireho akanjye ukanzanire hano, maze ubone kwivugira n'umwana wawe, kuko Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuze itya ngo: 'Icyo giseke ntabwo kizaburamo ifu, n'amavuta ntabwo azabura muri iyo mperezo, kugeza ku munsi Uwiteka azavubira isi imvura." 1Abami 17:12-14. {AnA 114.2}

Nta kigeragezo cyo kwizera gikomeye kuruta iki cyigeze gisabwa. Kuva mbere hose kugeza ubwo, uwomupfakazi yari yaragiye agirira neza abantu bose atazi kandi akabagirira n'ubuntu abafungurira. Ariko noneho ubu ntiyitaye ku mibabaro yajyaga kumugeraho we n'umwana we, maze kubwo kwiringira ko Imana ya Isirayeli izamumara ubukene bwose,

yatsinze iki kigeragezo gikomeye cyo kwakira umushyitsi akora “nk’uko Eliya yamubwiye.” {AnA 114.3}

Urugwiro umuhanuzi w’Imana yeretswe n’uyu mugore wo muri Foweniki rwari rutangaje, kandi ukwizera no kugira ubuntu kwe byaragorerewe bitangaje. “Kandi uwo mugore na Eliya n’abo mu rugo rwe bamara {AnA 115.1}

Iminsi babirya. Icyo giseke nticyaburamo ifu, n’amavuta ntiyabura muri iyo mperezo, nk’uko Uwiteka yavugiye mu kanwa ka Eliya. {AnA 115.2}

“Hanyuma y’ibyo, umwana w’uwo mugore nyir’urugo ararwara, indwara ye iramukomereza kugeza aho yamumariyemo umwuka. Nyina abwira Eliya ati: “Mpfa iki nawe, wa muntu w’Imana we? Wazanywe no kwibukiriza icyaha cyanjye, unyiciye umwana! {AnA 115.3}

“Eliya aramubwira ati “Mpa umwana wawe.” Nuko amumukura mu gituza agenda amuteruye, amwurirana mu cyumba cyo hejuru yari acumbitsemo, amurambika ku buriri bwe. Aherako atakambira Uwiteka ati: “Ayii, Uwiteka Mana yanjye! Uyu mupfakazi wancumbikiye na we umuteje ibyago, umwicira umwana?” Maze yubarara ku mwana gatatu, atakambira Uwiteka ati: “Ayii, Uwiteka Mana yanjye! Ndakwinginze, ubugingo bw’uyu mwana bumusubiremo.” Uwiteka yumvira Eliya, ubugingo bw’uwo mwana bumusubiramo arahembuka. {AnA 115.4}

“Eliya yenda uwo mwana amukura mu cyumba cyo hejuru, aramumanukana amushyira nyina. Eliya aramubwira ati: “Nguyu umwana wawe, ni muzima.” Uwo mugore abwira Eliya ati: “Noneho menye ko uri umuntu w’Imana koko, kandi ko ijambo ry’Uwiteka uvuga ko ari iry’ukuri.” {AnA 115.5}

Umupfakazi w’i Sarefati yasangiye na Eliya utwokurya duke yari asigaranye, maze ku bw’ibyo ubugingo bwe n’ubw’umwana we burarindwa. Bityo rero mu gihe cyo kugeragezwa n’ubukene, abantu bose bagirira impuhwe kandi bagafasha abandi bari mu mage kubarusha, Imana yasezeranye kubaha umugisha mwinshi. Imana ntiyigeze ihinduka. Ntabwo ububasha bwayo ari buke ugereranyije n’uko bwari buri mu gihe cya Eliya. Ntabwo Isezerano Umukiza yatanze ryataye agaciro ugereranyije n’igihe yaritangaga agira ati: “Uwemera umuhanuzi kuko ari umuhanuzi azahabwa ingororano y’umuhanuzi, kandi uwemera umukiranutsi kuko ari umukiranutsi azahabwa ingororano y’umukiranutsi.” Matayo 10:41. {AnA 115.6}

“Ntimukirengagize gucumbikira abashyitsi: kuko bamwe bacumbikiye abamarayika batabizi.” Abaheburayo 13:2. Uko igihe cyagiye gihita, aya magambo ntiyigeze atakaza na gato imbaraga zayo. Data wo mu ijuru aracyakomeje gushyira amahirwe mu nzira y’abana

be, kandi ayo mahirwe ni imigisha iba yiyoberayije. Abakoresha neza ayo mahirwe bibonera umunezero mwinshi. "Ukihotorera umushonji ugahaza umunyamubabaro, umucyo wawe uzaherako uvire mu mwijima, kandi urwijiji rwawe ruzatamuruka habe amanywa y'ihangu. Uwiteka azajya akuyobora, azahaza ubugingo bwawe mu bihe by'amapfa, azakomeza amagufwa yawe. Uzamera nk'urutoki rwuhirwa, kandi uzaba nk'isōko y'amazi idakama." Yesaya 58:10, 11. {AnA 116.1}

Muri iki gihe Kristo abwira abagaragu be b'indahemuka ati: "Ubakira ni jye aba yakiriye kandi unyakora aba yakiriye uwantumye." Nta gikorwa cy'ubugwaneza gikozwe mu izina rye kitazibukwa kandi ngo kigororerwe. Muri uko kuzirikana n'umutima w'ubugwaneza, Kristo ashyiramo abanyantege nke ndetse n'aboroheje hanyuma y'abandi bo mu muryango w'Imana. Kristo aravuga ati: "Kandi uzanywesha umwe muri aba bato - (abameze nk'abana mu kwizera kwabo ndetse no mu kumenya Kristo)-ku gacuma k'amazi akonje gusa, kuko ari umwigishwa wanjye, ndababwira ukuri yuko atazabura ingororano ye." Matayo 10:40, 42. {AnA 116.2}

Muri iyo myaka myinshi y'amapfa n'inzara, Eliya yasenganaga umwete asaba ngo imitima y'Abisirayeli ihindukire ive mu gusenga ibigirwamana maze yubahe Imana. Umuhanzi Eliya yategereje yihanganye mu gihe ukuboko k'Uwiteka kwari kwibasiye igihugu. Ubwo yabonaga ibigaragaza imibabaro n'ubukene byiyongera hirya no hino, umutima wuzuraga agahinda maze akifuza ko habaho ububasha bwateza ivugurura mu buryo bwihuse. Nyamara Imana ubwayo yashyiraga mu bikorwa umugambi wayo, kandi ibyo umugaragu wayo yashoboraga gukora gusa ni ugusengana ukwizera no gutegereza igihe hazagira igikorwa. {AnA 117.1}

Ubuhakanyi bwari buganje mu gihe cya Ahabu bwari ingaruka z'ibyabaye mu myaka myinshi yo gukora ibibi. Buhoro buhoro, uko umwaka wahitaga undi ugataha, Isirayeli yari yaragiye iva mu nzira itunganye. Uko ibisekuru byagendaga bisimburana, Abisirayeli bari baranze kunyura mu nzita itunganye maze amaherezo umugabane munini w'abaturage wiyegurira kuyoborwa n'imbaraga z'umwijima. {AnA 117.2}

Hari hashize hafi imyaka ijana ubwo ku ngoma y'umwami Dawidi Abisirayeli bari barafatanyirije hamwe mu byishimo baririmba indirimbo zo gusingiza Isumbabyose mu gihe bazirikanaga ko ari Yo yonyine bakesha ineza bagiririrwa buri munsi. Nimwumve amagambo yabo yo kuramya ubwo baririmbaga bati: {AnA 117.3}

"Mana y'agakiza kacu, . .
Uvugisha impundu ab'aho igitondo gitangariza,
N'ab'aho umugoroba ukubira.

Ugenderera isi ukayivubira,
Uyitungisha cyane uruzi rw'Imana rwuzuye amazi.

Ni wowe uha abantu amasaka, Umaze gutunganya ubutaka utyo.
Uvubira impavu zo muri bwo imvura nyinshi,
Uringaniza imitabo yo muri bwo.

Ubworohesha ibitonyanga,
Uha umugisha kumeza kwabwo.
Wambika umwaka kugira neza kwawe nk'ikamba,
Inkōra z'igare ryawe zigusha umwero.

Imvura igwa ku rwuri rwo mu butayu,
Imisozi igakenyera ibyishimo.

Urwuri rukagatirwa n'imikumbi,
Ibikombe bitwikīrwa n'amasaka,
Biranguruzwa n'ibyishimo bikaririmba." {AnA 117.4}

Zaburi 65:6, 9-14.

Icyo gihe Isirayeli yazirikanaga ko Imana ari yo "yashinze imfatiro z'isi." Abisirayeli bagaragaje ukwizera kwabo baririmba bati: {AnA 118.1}

"Wayambitse inyanja nk'umwenda,
Amazi atwikīra imisozi miremire.
Ahungishwa no guhana kwawe,
Yirukishwa no guhinda kw'inkuba
yawe,
(Imisozi ishyirwa hejuru, ibikombe birīka),
Agera ahantu wayategekeye.

Wayategekeye ingabano atabasha kurenga,
Kugira ngo atagaruka akarengera isi.
Yohereza amasōko mu bikombe,
Imigezi itemba hagati y'imisozi." {AnA 118.2}

Zaburi 104:6-10.

Ibigize ibyaremwe, byaba ibyo ku isi, ibyo mu nyanja n'ibyo mu kirere byose birindirwa mu mbibi zabyo kubw'ububasha bukomeye bw'Imana ihoraho. Kandi bene ibyo ibikoresha kubw'umunezero w'ibiremwa byayo. "Ububiko bwe bwiza" bukingurirwa ubuntu kugira "ngo ajye akuvubira imvura mu bihe byayo, ahe umugisha imirimo yose" y'amaboko y'abantu. Gutegeka kwa kabiri 28:12. {AnA 119.1}

"Yohereza amasōko mu bikombe,
Imigezi itemba hagati y'imisozi.
Inyobwa n'inyamaswa zose zo mu ishyamba,
Imparage na zo zishira inyota.
Inyoni n'ibisiga byo mu kirere biba kuri iyo migezi,
Bijwigirira mu mashami.

Ivubira imisozi imvura ivuye ku nsenge ze,
Ubutaka buhazwa n'imbuto z'imirimo yawe.
Amereza inka ubwatsi,
Ameza imboga zo kugaburira abantu,
Kugira ngo abakurire umutsima mu butaka,
Na vino yishimisha imitima y'abantu,
Ngo aboneranishe mu maso habo amavuta,
Kandi ngo umutsima uhe imitima y'abantu gukomera . . .

"Uwiteka, erega imirimo yawe ni iy'uburyo bwinshi!
Yose wayikoresheje ubwenge,
Isi yuzuye ubutunzi bwawe.
Dore iriya nyanja nini ngari,
Irimo ibigenda bitabarika,
Inyamaswa ntoya n'inini.
Ni ho inkuge zigenda,
Ni ho Lewiyatani iri waremeye kuyikiniramo. Ibyo byose bigutegerereza,
Kugira ngo ubigaburire ibyokurya byabyo igihe cyabyo.
Biyora ibyo ubihaye,
"Upfumbatura igipfunsi cyawe bigahaga ibyiza." {AnA 119.2}

Zaburi 104:10-15, 24-28.

Isirayeli yaragize igihe gihagije cyo kwishima. Igihugu Uwiteka yari yarabazanyemo cyari igihugu gitemba amata n'ubuki. Igihe bazereraga mu butayu, Imana yari yarabasezeraniye

ko ibayoboye ibajyana mu gihugu batazongera kubura imvura. Imana yari yarababwiye iti: “Kuko igihugu ujyanwamo no guhindūra kidahwanye n’igihugu cya Egiputa mwavuyemo, mwabibagamo imbuto zanyu zikavomerwa n’umuruho w’ibirenge byanyu, nk’uko umuntu yuhira umurima w’imboga. Ahubwo igihugu mujyanwamo no guhindūra kirimo imisozi n’ibikombe, kinywa amazi y’imvura. Ni igihugu Uwiteka Imana yawe yitaho, kandi Uwiteka Imana yawe ihora igihanze amaso, ihereye ku itangiriro ry’umwaka ikageza ku iherezo ryawo.” {AnA 120.1}

Isezerano ry’uko imvura yari kuzajya iba nyinshi ryari ryaratanzwe ariko hari ikigomba kuzuzwa ari cyo kumvira. Uwiteka yari yaravuze ati: “Nimugira umwete wo kumvira amategeko yanjye mbategeka uyu munsi, ngo mukunde Uwiteka Imana yanyu, muyikoreshereze imitima yanyu yose n’ubugingo bwanyu bwose, nzavubira igihugu cyanyu imvura mu bihe bikwiriye, imvura y’umuhindo n’iy’itumba, kugira ngo musarure imyaka yanyu y’impeke, na vino yanyu n’amavuta ya elayo yanyu. Kandi nzamereza amatungo yanyu ubwatsi mu nzuri zanyu, muzarya muhage.” {AnA 120.2}

Uwiteka yari yarihanangirije ubwoko bwe ati: “Mwirinde imitima yanyu itoshywa mugateshuka, mugakorera izindi mana mukazikubita imbere, mukikongereza uburakari bw’Uwiteka akaziba ijuru, akica imvura ubutaka ntibwere imyaka yabwo, mukarimbuka vuba mukava mu gihugu cyiza Uwiteka abaha” Gutegeka kwa kabiri 11:10-17. {AnA 120.3}

Abisirayeli bari baraburiwe ngo “Ariko nutumvira Uwiteka Imana yawe, ngo witondere amategeko yayo y’uburyo bwose ngutegeka uyu munsi, . . . Ijuru ryo hejuru y’umutwe wawe rizahinduka umuringa, n’ubutaka uhagazeho buzahinduke icyuma. Mu cyimbo cy’imvura Uwiteka azasuka mu gihugu cyawe umukungugu, n’umusenyi muto nk’ifu y’ingezi, bizava mu ijuru bikugweho bigeze aho uzarimbukira.” Gutegeka kwa kabiri 28:15, 23, 24. {AnA 121.1}

Izo ni zimwe mu nama nziza Uwiteka yari yaragiriye Isirayeli ya kera. Uwiteka yari yarategetse ubwoko bwe yatoranyije ati: “Nuko mubike ayo magambo yanjye mu mitima yanyu no mu bugingo bwanyu, muyahambire ku maboko yanyu ababere ikimenyetso, muyashyire mu mpanga zanyu hagati y’amaso yanyu. Mujye muyigisha abana banyu, mujye muyavuga mwicaye mu mazu yanyu, n’uko mugenda mu nzira n’uko muryamye n’uko mubyutse.” Gutegeka kwa kabiri 11:18, 19. Ayo mategeko yarumvikanaga neza, ariko uko imyaka yahitaga maze ibisekuru bigasimburana byibagirwa ibyiza bahawe kugira ngo kugira ngo bagubwe neza mu by’umwuka, imbaraga kirimbuzi z’ubuhakanyi zagendaga zikuraho imbibi zose ubuntu bw’Imana bwari bwarashyizeho. {AnA 121.2}

Noneho gihe cyarageze maze Imana ihanisha ubwoko bwayo ibihano bikomeye cyane. Ibyo Eliya yari yaraanuye hyasohoraga mu buryo bukomeye. Hashize imyaka itatu Eliya ashakishwa mu mijyi n'imidigudu yose ndetse no mu bihugu byose. Kubw'itegeko Ahabu ayari yatanze, abategetsi benshi bari bararahiriye ko uwo muhanuzi w'inzaduka adashobora kubineka aho batwara. Nyamara gushakisha Eliya byarakomeje kubera ko Yezebeli n'abahanuzi ba Bali bangaga Eliya urunuka, kandi ntacyo batakoze kugira ngo bamufate. Ariko kandi nta mvura yaguye. {AnA 121.3}

Amaherezo "hashize iminsi myinshi," ijambo ry'Uwiteka rigera kuri Eliya rigira riti: "Genda wiyereke Ahabu, nanjye nzavubira isi imvura." {AnA 122.1}

Eliya yumviye iri tegeko maze aragenda ajya kwiyereka Ahabu. Igihe umuhanuzi Eliya yafataga urugendo yerekeje i Samariya, Ahabu yari yarasabye Obadiya wari umunyarugo we ko bashakisha neza imigezi n'amasoko y'amazi. Bari biringiye ko barabona urwuri rw'amashyo n'imikumbi yabo yicwaga n'inzara. Ndetse n'ibwami ubwaho hari haramaze kugera ingaruka z'amapfa yari amaze igihe kirekire. Umwami Ahabu ahangayikishijwe cyane n'abo urugo rwe, ubwe yafashe umwanzuro wo gufatanya n'umugaragu we gushaka ahantu haba hakiri utwatsi tw'amatungo. "Nuko bagabana igihugu kugira ngo bakigende cyose; Ahabu anyura iye nzira, Obadiya na we anyura iyindi." {AnA 122.2}

"Obadiya akiri mu nzira, Eliya arahamusanga; Obadiya aramumenya, amwikubita imbere yubamye, aramubwira ati: 'Mbega ni wowe, Eliya databuja?'" {AnA 122.3}

Mu gihe cy'ubuhakanyi bwa Isirayeli, Obadiya we yakomeje gukiranukira Imana. Umwami shebuja yari yarananiwe kumuteshura ku kubaha Imana ihoraho kwe. Noneho yahawe icyubahiro ubwo Eliya yatumaga ati: "Genda ubwire shobuja uti: 'Eliya ari hano.'" {AnA 122.4}

Obadiya yagize ubwoba bwinshi maze aravuga ati: "Nagucumuye iki, gituma ungabiza Ahabu ngo anyice?" Gushyira Ahabu ubutumwa nk'ubu kwari ukwihamagarira urupfu. Obadiya yasobanuriye umuhanuzi Eliya ati: "Nkurahiye Uwiteka Imana yawe ihoraho, yuko nta shyanga cyangwa igihugu databuja atakwijemo abantu bo kugushaka. Babahakaniye ko utariyo, arahiza abo bami cyangwa amahanga ko bakubuze koko. None ngo ningende mbwire databuja ko Eliya ari hano! Ariko nimara gutandukana nawe, umwuka w'Uwiteka arakujyana ahandi ntazi. Nuko ningerayo nkabibwira Ahabu, akaza ntakubone yanyica." 1 Abami 18:7-12. {AnA 122.5}

Obadiya yinginze umuhanuzi Eliya ngo ye kumwohereza. Yaramwinginze ati: "Kandi ndakubwira ko uhereye mu buto bwanjye umugaragu wawe nubahaga Uwiteka. Mbese ntibabwiye databuja icyo nakoze ubwo Yezebeli yicaga abahanuzi b'Uwiteka, ko nahishe

abahanuzi b'Uwiteka ijana mu buvumo bubiri mirongo itanu mirongo itanu, nkajya mbagaburira umutsima n'amazi yo kunywa? None urambwira ngo ningende mbwire databuja ngo Eliya ari hano, ntuzi ko yanyica?" {AnA 123.1}

Eliya yarahiriye Obadiya akomeje kandi amusezeranira ko ubwo butumwa amwohorejemo butaraba imfabusa. Yaramubwiye ati: "Nkurahiye Uwiteka uhoraho nyir'ingabo, uwo nkorera iteka, ko nza kumwiyereka uyu munsi rwose." Amaze gusezeranirwa atyo, "Obadiya ajya kubonana na Ahabu, arabimubwira; Ahabu aherako aza guhura na Eliya." {AnA 123.2}

Mu kumirwa kwinshi kuvanze n'ubwoba, umwami Ahabu yateze amatwi ubutumwa buvuye ku muntu yatinyaga kandi akamwanga, ndetse akaba yari amaze igihe amushaka ubudatuza. Ahabu yari azi ko Eliya atashyira ubuzima bwe mu kaga ashaka guhura na we. Mbese byajyaga gushoboka ko umuhanuzi yaba agiye kuvuma Isirayeli undi muvumo? Umutima w'umwami Ahabu wafashwe n'ubwoba bwinshi. Yibutse uko ukuboko kwa Yerobowamu kwanyunyutse ubwo yagutungaga umuhanuzi. Ntabwo Ahabu yari kwanga kumvira irarika rya Eliya, kandi ntiyari guhangara kurambura ukuboko kwe ngo yibasire intumwa y'Imana. Nuko Ahabu aherekezwa n'abasirikare bamurindaga maze agenda ahinda umushyitsi ajya guhura n'umuhanuzi Eliya. {AnA 123.3}

Nuko umwami Ahabu n'umuhanuzi Eliya bahagararana imbona nkubone. Nubwo Ahabu yari yuzuye urwango rukomeye, ubwo yageraga imbere ya Eliya yabaye nk'ubuze uko yifata, kandi aratentebuka. Mu magambo yavuze atengurwa ati: "Mbega ni wowe, n'umuruho wateye Isirayeli?"; yagaragaje ibyari mu mutima we atabizi. Ahabu yari neza ko ijambo ry'Imana ari ryo ryateye ijuru guhinduka nk'umuringa, nyamara yashatse kwitirira uwo muhanuzi ibyo bihano biremereye byari ku gihugu. {AnA 124.1}

Birasanzwe ko inkozi y'ibibi igereka ku ntumwa z'Imana akaga n'amakuba biba byateye nyamara ari ingaruka zo kuva mu nzira y'ubutungane. Abishyira mu maboko ya Satani ntibashobora kubona ibintu nk'uko Imana ibibona. Iyo indorerwamo y'ukuri ishyizwe imbere yabo, barakazwa n'uko gucyahwa bahawe. Kubera guhindurwa impumyi n'icyaha, banga kwihana; bibwira ko abagaragu b'Imana babahagurukiye ndetse ko bagomba kurwanywa bikomeye. {AnA 124.2}

Mu butungane bwe yari yiyiziho, Eliya yahagaze imbere ya Ahabu maze ntiyagerageza kwihohora cyangwa ngo ashimagize umwami. Nta nubwo yashatse kwikiza uburakari umujinya umwami yari amufitiye ngo amubwire inkuru nziza ko amapfa agiye gushira. Nta mbabazi yasabaga. Arakaye cyane kandi afitiye ishyaka icyubahiro cy'Imana, ibyo Ahabu yari yamushinje ni we yabigaruyeho maze abwira umwami ashize amanga ko *ibyaha bye*

ubwe [Ahabu] , ndetse n' *iby'inzu* ya se ari byo byazaniye Isirayeli umuvumo ukomeye. Eliya yahamije ashize amanga ati: "Erega si jye wateye Isirayeli umuruho, ahubwo ni wowe n'inzu ya so, kuko mwaretse amategeko y'Uwiteka, mugakurikira Bali." {AnA 124.3}

Muri iki gihe hakenewe ijwi ryo gucyaha gukomeye; kuko ibyaha bibabaje cyane byatandukanyije abantu n'Imana. Ubuhemu buragenda buhinduka ikintu kigezweho mu buryo bwihuta. Abantu ibihumbi bitabarika baravuga bati: "Uyu ntidushaka ko adutegeka." Luka 19:14. Ibibwirizwa bidashenjagura imitima bibwirizwa kenshi ntibitera impinduka ziramba. Ntabwo impanda ivuga ijwi ry'impuruza. Ntabwo abantu bakomeretswa imitima n'ukuri kw'ijambo ry'Imana kumvikana kandi gutyaye. {AnA 125.1}

Iyaba bashoboraga kuvuga uko biyumva, Hariho Abakristo gito benshi bavuga bavuga bati: 'Mbese kuvuga beruye bene aka kagenzi birakenewe?' Na none kandi babaza bati: 'Kuki Yohana Umubatiza yabwiye Abafarisayo ati: 'Mwa bana b'inshira mwe, ni nde wababwiye ngo muhunge umujinya uzatera?'' Luka 3:7. Kuki Yohana Umubatiza yabyukije umujinya wa Herodiya abwira Herode ko amategeko atamwemerera kubana n'umugore w'umuvandimwe we? Integuza ya Kristo yatakarije ubuzima bwayo mu kuvuga yeruye [adaca ku ruhande]. Kuki atabyirengagije ngo ye kwishyiraho kutishimirwa n'abantu biberaga mu byaha? {AnA 125.2}

Uko ni ko abantu bari bakwiriye guhagaraga nk'abarinzi bakiranuka b'amategeko y'Imana bagiye bajya impaka kandi batanga n'inzitwazo kugeza ubwo kwigengesera kwasimbuye ubudahemuka n'ubunyangamugayo bityo icyaha kigahabwa intebe ntigicyahwe. Mbese ni ryari ijwi ryo gucyaha kudakebakeba rizongera kumvikana mu itorero? {AnA 125.3}

"Erega uwo mugabo ni wowe." 2Samweli 12:7. Amagambo yahuranyije nk'aya umuhanuzi Natani yabwiye Dawidi yumvikana gake cyane ku ruhimbi rw'ahantu henshi muri iki gihe, ndetse akanagaragara incuro nke cyane mu bitangazamakuru bikoreshwa n'abantu muri rusange. Iyaba bena aya magambo atari inkehwe bene ako kageni, twagombye kubona imbaraga y'Imana irushaho kwigaragariza mu bantu. Intumwa z'Uwiteka ntizikwiriye kwitotombera ko umuhati wazo nta musaruro utanga zitarihana gukunda kwemerwa ndetse no kwifuza gushimwa n'abantu ari nabyo biganisha ku kwirengagiza ukuri. {AnA 125.4}

Abo bagabura bashimisha abantu, kandi bavuga bati: 'Ni amahoro, ni amahoro' kandi Imana itaravuze iby'amahoro, bakwiriye gucishiriza bugufi imitima yabo imbere y'Imana, bagasaba imbabazi kubwo kutavugusha ukuri kwabo ndetse no kubura ubutwari mu by'imico mbonera. Ntabwo urukundo bafitiye umuturanyi wabo ari rwo rutuma boroshya ubutumwa bahawe, ahubwo biterwa n'uko bakunda kwinezeza n'ubuzima buborohereza. Urukundo nyakuri ruharanira kubaha Imana mbere ya byose n'agakiza k'abantu. Abantu

bafite bene uru rukundo ntibazigera bakikira ukuri kugira ngo bakire ingaruka zo kuvugisha ukuri beruye. Igihe abantu bari mu kaga ko kurimbuka, ntabwo abagabura bashyizweho n'Imana bazita ku narinjye, ahubwo bazavuga ijambo batumwe kuvuga, bange gutanga urwitwazo ku kibi cyangwa kucyoroshya. {AnA 126.1}

Iyaba umugabura wese yazirikinaga ukwera k'umwanya yahawe n'uk'umurimo we, kandi akerekana ubutwari nk'ubwo Eliya yerekenye! Nk'intumwa zashyizweho n'Imana, abagabura bari mu mwanya w'inshingano ikomeye cyane. Bagomba "guhana, gutesha, guhugura, bafite kwihangana kose no kwigisha." 2Timoteyo 4:2. Bagomba gukora mu cyimbo cya Kristo bakaba ibisonga by'ubwiru bw'ijuru, bagatera umwete abumvira naho abatumvira bakababurira. Kuri bo imikorere y'iby'isi nta gaciro afite. Ntibagomba guteshuka ngo bave mu nzira Yesu yabategetse kunyuramo. Bagomba kujya mbere bafite kwizera, bibuka ko bakikijwe n'imbaga y'abahamya. Ntabwo bagomba kuvuga amagambo yabo bwite, ahubwo ni amagambo Ukomeye kuruta abatware bo ku isi yabategetse kuvuga. Ubutumwa bwabo bugomba kuba ubu ngo: "Uku ni ko Uwiteka avuga." Imana irashaka abantu bameze nka Eliya, Natani na Yohana Umubatiza — irashaka abantu bazavuga ubutumwa bwayo uko buri, kandi batitaye ku ngaruka [bwabagiraho]; abantu bazavuga ukuri bashize amanga nubwo byabasaba kubura ibyo bafite byose. {AnA 126.2}

Mu gihe cy'akaga, igihe imbaraga n'ubutwari bya bose bikenewe, Imana ntishobora gukoresha abantu bagira ubwoba bwo guhagararira ukuri badakebakeba. Irahamagara abantu bazarwanya ikibi bakiranutse, bahangane n'ibinyabutware n'ibinyabushobozi, n'ibihangange bitegeka iyi si y'umwijima, ari byo za ngabo zigira nabi ziba ahantu ho mu ijuru. 3 Abantu nk'abo ni bo Imana izabwira aya magambo ngo: "Nuko, nuko, mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike, nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa shobuja." Matayo 25:23. {AnA 127.1}

IGICE CYA 11 - KARUMELI

Eliya yahagaze imbere ya Ahabu maze asaba ko Abisirayeli bose bateranira nawe ndetse n'abahanuzi ba Bali na Ashitaroti ku musozi w'i Karumeli. Yarategetse ati: "Nuko none ntumirira Abisirayeli bose, bateranire ku musozi w'i Karumeli, kandi abahanuzi ba Bali uko ari magana ane na mirongo itanu, n'abahanuzi ba Ashera, basangirira ku meza ya Yezebeli, uko ari magana ane." {AnA 128.1}

Iri tegeko ryatanzwe n'umuntu wasaga n'uhagaze imbere y'Uwiteka; bityo umwami Ahabu ahita yumvira nk'aho umuhanuzi Eliya ari umwami w'abami naho Ahabu akaba umugaragu we. Mu gihugu hose hahise hoherezwa intumwa zihuta cyane zihamagarira abantu gusanga Eliya n'abahanuzi ba Bali na Ashitoreti. Abantu bo mu mijyi n'imidugudu yose biteguye kujya ahateganyijwe ku gihe cyagenwe. Ubwo bari mu nzira berekeje aho hantu, imitima ya benshi yari yuzuyemo gutekereza ibibi bigeye kubaho. Hari ikintu kidasanzwe kigiye kubaho; niba atari ko biri se kuki bari bahamagariwe guteranira i Karumeli? Ni ibihe byago bishya bindi byari bigiye kuba ku bantu no ku gihugu? {AnA 128.2}

Mbere y'uko amapfa atera, umusozi Karumeli wari ahantu heza. Utugezi twawuturukagamo twavaga mu masoko adakama, kandi utubande twawo twarumbukaga twari dutwikiriwe n'indabo nziza n'udushyamba dutoshye. Ariko ubu noneho ubwiza bwawo bwari bwaravuyeho bitewe n'umuvumo wateye ibyatsi n'ibiti kuma. Ibicaniro byari byarubakiwe gutambiraho Bali na Ashitoreti ibitambo byari bisigaye bihagaze hagati y'ibiti bitagira amababi. Mu mpinga za kamwe mu tununga twari aho hari igicaniro cy'Uwiteka cyari cyarasenyutse bihabanye na biriya bicaniro byari bihagaze. {AnA 129.1}

Karumeli yari yitegeye akarere kanini k'igihugu. Abantu bo mu duce twinshi tw'ubwami bwa Isirayeli babonaga uburebure bw'uwo musozi. Mu ntangiriro z'uwo musozi hari ahantu hagiye hirengeye umuntu yashoboraga guhagarara maze akabasha kwitegereza byinshi mu byaberaga mu mpinga zawo. Imana yari yarasuzuguwe bikomeye kubwo gusenga ibigirwamana kwaberaga mu tubande twawo twari dutwikiriwe n'ibiti; maze Eliya ahitamo ko aka gasozi ari ko kaba ahantu hirengeye hagomba kugaragarizwa ububasha bw'Imana kandi n'icyubahiro cy'izina ryayo kikererezwa. {AnA 129.2}

Mu gitondo cya kare ku munsi wari warumvikanweho, imbaga y'Abisirayeli bari barahakanye Imana iteranira hafi y'impinga y'uwo musozi ishimishijwe n'ibiri bube. Abahanuzi ba Yezeberi baza bashinjagira bamabaye imyenda y'agatangaza. Umwami na we aza mu cyubahiro cye nuko ajya mu mwanya we arangaza imbere ba batambyi, maze abo bantu basengaga ibigirwamana batera hejuru bamwakira. Nyamara imitima y'abo batambyi igira ubwoba kubwo kwibuka ko ijambo ry'umuhanuzi Eliya ari ryo ryatumye igihugu cya

Isirayeli kimara imyaka itatu kitarangwamo ikime habe n'imvura. Bumvaga byanze bikunze hari ikintu giteye ubwoba kigiye kuba. Ibigirwamana bari bariringiye ntibyari byarashoboye kugaragaza ko Eliya ari umuhanuzi w'ibinyoma. Ibyo basengaga ntibyari byaritaye ku gutakamba kwabo, amasengesho yabo, gukorwa n'isoni kwabo, iminsi yo kwibabaza kwabo ndetse n'ibitambo byabo by'agaciro kenshi kandi bitasibaga. {AnA 129.3}

Nuko Eliya ahagarara imbere ya Ahabu n'abahanuzi b'ibinyoma, ndetse yari akikijwe n'Abisirayeli bose bari bateranye. Eliya ni we wenyine wari waje guhagararira no guharanira icyubahiro cy'Uwiteka. Uwo ishyanga ryose ryashiinjaga kuba intandaro y'umuvumo wari uriremereye noneho yari imbere yabo, agaragara ko kirengera afite imbere y'umwami w'Abisirayeli, abahanuzi ba Bali, intwari ku rugamba ndetse n'abantu ibihumbi bitabarika bari babakikije. Nyamara mu by'ukuri Eliya ntiyari wenyine. Haba hejuru ye ndetse n'ahamukikije hari ingabo z'ijuru zimurinze ari zo bamarayika bafite imbaraga z'indengakamere. {AnA 130.1}

Umuhanuzi Eliya yahagaze imbere y'iyo mbaga nta kimwaro afite ndetse nta n'ubwoba. Yari asobanukiwe neza n'inshingano ye yo gushyira mu bikorwa icyo Imana imutegeka. Mu maso he harabagiranaga ubwiza buhebuje. Abantu bategereje ko Eliya agira icyo avuga bafite amatsiko menshi. Nuko Eliya abanza kwitegereza igicaniro cy'Uwiteka cyari cyarasenyutse, maze arangije yitegereza imbaga yari aho maze avuga mu ijwi rirenga ryirangira nk'iry'impanda ati: "Muzageza he guhera mu rungabangabo? Niba muzi ko Uwiteka ari we Mana, nimumukurikire; kandi niba ari Bali, abe ari we mukurikira." 1Abami 18:21. {AnA 130.2}

Nuko abantu ntibagira ijambo na rimwe bamusubiza. Nta muntu n'umwe muri iyo mbaga wahangaye kugaragaza ko ayobotse Uwiteka. Icyo gihe ubuyobe n'ubuhumyi byari byarakwiriye muri Isirayeli nk'igicu cy'umwijima. Ntabwo ubu buhakanyi bukomeye bwafashe abantu bose icyarimwe, ahubwo byaje buhoro buhoro, maze uko iminsi yahitaga indi igataha bananirwa kumvira amagambo y'umuburo no gucyaha Uwiteka yabohererezaga. Intambwe yose bateraga bareka gukora ibitunganye no kwanga kwihana k'uburyo bwose, byari byaratumye icyaha cyabo kirushaho gukomera kandi birushaho kubatandukanya n'Ijuru. Ariko kandi no muri icyo gihe gikomeye bari barimo, bakomeje kwanga kujya mu ruhande rw'Imana. {AnA 130.3}

Imana yanga urunuka kutagira icyo umuntu yitaho no kutayibera indahemuka mu gihe cy'ingorane zibaye mu murimo wayo. Isanzure ryose rirebana amatsiko atavugwa ibiba biheruka mu ntambara ikomeye iri hagati y'icyiza n'ikibi. Ubwoko bw'Imana bwegereye imipaka y'isi izahoraho. None se ni iki cyabagirira umumaro cyane cyabarutira kuba indahemuka ku Mana yo mu ijuru? Mu bige byose byabayeho, Imana yagiye igira abantu

b'intwari batunganye kandi n'ubu irabafite. Abo ni abameze nka Yozefu na Eliya na Daniyeli, badakorwa n'isoni zo kwigaragaza ko ari ubwoko bwayo bwihariye. Imigisha yayo yihariye iherekeza imirimo y'abantu bafata ibyemezo, abantu batazateshurwa ngo bave mu murongo utunganye w'inshingano, ahubwo ni abazaba buzuye imbaraga y'Imana maze bakabaza bati: "Ni nde uri ku ruhande rw'Uwiteka?" (Kuva 32:26). Ni abantu batazahagararira kuri iki kibazo gusa ahubwo bazanasaba ko abahisemo kwifatanya n'ubwoko bw'Imana batera intambwe kandi bakagaragaza bakomeje ko bayobotse Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware. Bene abo bantu bemera ko ubushake bwabo n'imigambi yabo byumvira amategeko y'Imana. Kubwo gukunda Imana, bemera no guhara ubuzima bwabo. Umurimo wabo ni ukwakira umucyo uturuka kuri Jambo maze bakawumurikishiriza isi ufite imirasire iboneye kandi itunganye. Kuba indahemuka ku Mana ni yo ntero yabo. {AnA 131.1}

Nubwo ku muzosi wa Karumeli Abisirayeli bashidikanyije kandi bagahera mu rungabangabo, ijwi rya Eliya ryongeye kumvikanira muri iyo mbaga yari icecetse ivuga riti: "Ni jye jyenyine muhanuzi w'Uwiteka usigaye, ariko abahanuzi ba Bali ni Magana ane na mirongo itanu. Nuko nibaduhe imfpizi ebyiri bahitemo iyabo, bayitemaguremo ibice ibice babigereke hejuru y'inkwi ariko be gucanamo, nanjye ndatunganya iya kabiri nyigereke hejuru y'inkwi, ne gucanamo. Muhereko mutakambire izina ry'Imana yanyu, nanjye ndatakambira izina ry'Uwiteka. Maze iri budusubirishe umuriro, iraba ari yo Mana." 1Abami 18:22-24. {AnA 132.1}

Igitekerezo Eliya yatanze cyari kiri mu kuri ku buryo batashoboraga kucyirwanya, bityo babona ubutwari bwo gusubiza bati: "Ibyo uvuze ni byiza." Abahanuzi ba Bali ntibahangaye guterura ijwi ngo bamuvuguruze, maze Eliya abaha amabwiriza agira ati: "Ngaho nimuhitemo iyanyu mfizi, abe ari mwe mubanza kubaga kuko muri benshi, maze mutakambire izina ry'imana yanyu, ariko ntimucanemo." {AnA 132.2}

N'ubwibone bwinshi bwagaragaraga inyuma n'agasuzuguro ariko bivanze n'ubwoba bwari mu mitima yabo yabashinjaga icyaha, abahanuzi b'ibinyoma bubatse igicaniro, bakirambikaho inkwi n'imfizi batunganyije maze batangira gutakamba. Ubwo batabazaga izina ry'imana yabo, amajwi yo gutakamba kwabo yumvikanaga yirangira mu dushyamba twari aho ndetse no mu dusozi twari tuhakikije. Baravugaga bati: "Nyamuna Bali, twumvire." Abatambyi ba Bali bakikiza igicaniro cyabo, maze binginga imana yabo biterera hejuru, bigaragura mu mukungugu, baboroga, bipfura umusatsi ndetse bikebesha n'ibyuma kugira Bali ibumvire ibagoboke. {AnA 132.3}

Igitondo cyararangiye maze bigera ku manywa y'ihangu, nyamara ntihaboneka igihamya cy'uko Bali yumva gutakamba kw'abayoboke bayo bari barayobye. Nta jwi na rimwe cyangwa igisubizo cyumvikanye kuri ayo masengesho basengaga bakotsoye. {AnA 133.1}

Ubwo abo bahanuzi bakomezaga gusenga basakuza cyane, abahanuzi b'abanyamayere bakomezaga kugerageza gutekereza uburyo bakoresha kugira ngo babashe gukongeza umuriro kuri icyo gicaniro bityo batere abantu kwizera ko uwo muriro uturutse kuri Bali. Nyamara Eliya yakurikiranaga ibyo bakora byose; kandi abo bahanuzi bakomeza kwiringira ko barabona uburyo bashuka abantu, bityo bakomeza imihango yabo y'ubupfapfa. {AnA 133.2}

"Bagejeje ku manywa y'ihangu Eliya arabashinyagurira ati "Erega nimutere hejuru kuko ari imana! Yenda ubu iriyumvīra cyangwa hari aho igannye, cyangwa se yazindutse cyangwa irasinziriye, ikwiriye gukangurwa." Barongera batera hejuru, bikebesha ibyuma n'intambi nk'uko basanzwe babigenza, kugeza aho amaraso yabereye imyishori kuri bo. Maze ku gicamunsi barakotsora bageza igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba, ariko ntihagira ijwi ryumvikana cyangwa usubiza cyangwa wabitaho n'umwe. " 1Abami 18:27-29. {AnA 133.3}

Satani aba yaranejejwe cyane no kuza gufasha abo yari yarayobeje kandi bari baritangiye kumukorera. Aba yaranejejwe cyane no kohereza umurabyo maze ugakongeza igitambo cyabo. Ariko Uwiteka yari yahagaritse ububasha bwa Satani, kandi amayere yose umwanzi yajyaga gukoresha ntiyari gutuma hari n'ikirimi cy'umuriro kimwe kigera ku gicaniro cya Bali. {AnA 133.4}

Amaherezo abo bahanuzi basarazwa no gusakuza cyane, imyambaro yabo yuzuraho amaraso aturutse ku bikomere byo kwikebagura, maze abo

batambyi batakaza ibyiringiro. Nuko barushaho gukotsora maze noneho gusaba no kwinginga kwabo babyungikanya no kuvuma bikomeye ikigirwamana cyabo cy'izuba, kandi Eliya na we akomeza kubitegereza abitayeho kubera ko yari azi neza ko abo batambyi nibagira amayeri ayo ari yo yose bakoresha bakabasha gukongeza umuriro wo ku gicaniro cyabo; yajyaga guhita atemagurwa. {AnA 133.5}

Noneho buba butangiye kwira. Abahanuzi ba Bali bari bananiwe, bacitse intege kandi bayobewe icyo bakora. Umwe muri bo yatangaga igitekerezo, undi na we agatanga ikindi kugeza ubwo amaherezo barekeye aho gukoresha umwete wose bari bafite. Gutera hejuru no kwivuma kwabo ntibyongeye kumvikana ku musozi Karumeli. Bahagaritse ibyo bakoraga bacitse intege kandi bihebye. {AnA 134.1}

Uwo munsi wose rubanda rwari rwiriwe rwitegereza ibyo abo bahanuzi bari babuze epfo na ruguru bakoraga. Bari babonye uko bitereraga hejuru basakuza bakikije igicaniro cya Bali nk'aho bashaka gusimbuka ngo bafate imirasire yaka y'izuba bityo bayikoreshe mu mugambi wabo. Rubanda rwari rwitegerezanyije ubwoba bwinshi ukwikebagura guteye ubwoba kw'abo batambyi, bityo rubanda rwari rwabonye umwanya wo gutekereza ku bupfapfa bwo gusenga ibigirwamana. Abantu benshi mu mbaga yari aho bahise barambirwa uko kugaragaza gusenga abadayimoni maze noneho bategerezanya amatsiko menshi cyane ibyo Eliya ari bukore. {AnA 134.2}

Igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba cyari kigeze, maze Eliya abwira abantu ati: "Nimunyegere." Igihe abantu bamwegeraga bahinda umushyitsi, yarahindukiye yerekeza ku gicaniro cyari cyarasenyutse, aho abantu bari barigeze kuramiriza Imana yo mu ijuru, maze asana icyo gicaniro. Kuri Eliya ikirundo cy'ibyasenyutse kuri icyo gicaniro cyarushaga agaciro ibicaniro byose birimbishijwe cyane by'abapagani. {AnA 134.3}

Ubwo yongeraga kubaka iki gicaniro cya kera, Eliya yagaragaje uko yubaha isezerano Uwiteka yagiranye n'Abisirayeli igihe bambukaga Yorodani berekeje mu Gihugu cy'isezerano. "Nuko afata amabuye cumi na abiri ari wo mubare w'imiryango ya Yakobo . . . Ayo mabuye ayubakisha urutambiro rweguriwe Uhoraho." (1Abami 18:31,32 [BII]). {AnA 135.1}

Ba bahanuzi ba Bali imana yabo yari yananiwe gusubiza baciwe intege n'uko bakoresheje imbaraga byinshi ariko bikaba iby'ubusa, noneho barategereje ngo barebe icyo Eliya we ari bukore. Banze umuhanuzi Eliya bitewe n'uko yatanze ikigeragezo cyaje kugaragaza intege nke no kutagira umumaro kw'ibigirwamana byabo; ariko kandi batinye ububasha bwe. Rubanda rwari aho narwo rwari rufite ubwoba, kandi rusa n'aho rwananiwe guhumeka kubwo kwitega ibigiye kiba kandi rwitegereza igihe Eliya yakomezaga imyiteguro ye. Gutuza no gukomera byagaragaraga kuri Eliya kwari guhabanye cyane n'umwuka w'ubwaka no gutwarwa bitarimo gushishoza warangaga abayoboke ba Bali. {AnA 135.2}

Eliya amze gusana icyo gicaniro, iruhande rwacyo ahacukura umwobo maze ashyira inkwi ku gicaniro, abaga ya mpfizi, inyama azirambika hejuru y'inkwi maze ategeka abantu gusuka amazi menshi cyane kuri icyo gitambo no ku gicaniro bikarengerwa. Yarababwiye ati: "Nimwuzuze amazi ibibindi bine, muyasuke ku gitambo noku nkwi. Barabikora yongera kubabwira ati: 'Nimubigenze mutyo incuro ya kabiri.' Babigenza batyo. Arababwira ati: 'Nimwongere ubwa gatatu' Barabikora. Bityo basuka amazi ku mpande zose z'urutambiro, maze rwa rwobo ruruzura." 1Abami 18:34, 35. [BII] {AnA 135.3}

Eliya yibukije abantu ubuhakanyi bamazemo igihe kirekire kaba ari na bwo bwababahamagariye umujinya w'Uwiteka, maze ararikira abantu kwicisha bugufi mu mitima yabo maze bakagarukira Imana ya ba sekuruza kugira ngo umuvumo wagwiririye igihugu cya Isirayeli ubone gukurwaho. Nuko Eliya yicisha bugufi yunama imbere y'Imana itaboneshwa amaso, maze arambura amaboko ye ayatunga ku ijuru asenga yoroheje. Abatambyi ba Bali bari bakotsoye biterera hejuru kandi bavuza induru bahera mu gitondo bageza bujya kwira; ariko ubwo Eliya we yasengaga, nta magambo y'amatakaragasi arimo kuvuza induru yumvikaniye mu mpinga y'umusozi wa Karumeli. Eliya yasenze nk'aho yari azi ko Uwiteka ari ho iruhande rwe, yitegereza ibiri kubera aho kandi ateze amatwi ibyo amusaba. Abahanuzi ba Bali bari basenze bakotsora kandi bacuga amagambo atagiye umujyo umwe. Eliya we yasenze mu buryo bwiriheje kanid abikuye ku mutima, maze asaba Imana kugaragaza ko ifite ububasha busumba ubwa Bali kugira ngo Abisirayeli babashe kuyigarukira. {AnA 135.4}

Umuhanuzi Eliya yasenze yinginga agira ati: "Uwiteka Mana ya Aburahamu na Isaka na Isirayeli, uyu munsi bimenyekane ko ari wowe Mana mu Bisirayeli kandi ko ndi umugaragu wawe, nkaba nkoze ibyo kubw'ijjambo ryawe. Nyumvira Uwiteka nyumvira kugira ngo aba bantu bamenye ko ari wowe Mana, kandi ko ari wowe ugarura imitima yabo." {AnA 136.1}

Abantu bose baracecetse haba ho utuza gukomeye. Abatambyi ba Bali bahinze umushyitsikubera ubwoba. Kubera ko bari bazi ko bahamwa n'icyaha, bategereje igihano cyihuse kigiye kubageraho. {AnA 136.2}

Eliya atararangiza gusenga ibirimi by'umuriro bishashairana nk'umurabyo byari byamaze kumanuka biva mu ijuru bijya kuri cya gicaniro yari yubatse, bikongora igitambo, bikamya amazi yari muri rwa rwobo kandi bitwika n'amabuye y'igicaniro. Kurabagirana kw'ibyo birimi by'umuriro kwamurikiye umusozi wa Karumeli wose kandi gutuma amaso y'abari aho atabasha kureba. Mu bibaya byari hepfo y'uwo musozi aho imbaga y'abantu yari iteraniye yitegereza ikiri buve mu biri kubera mu mpinga y'umusozi. Iyo mbaga yabonye neza kumanuka kw'umuriro uva mu ijuru maze abantu bose batangazwa n'ibyo babonye. Uwo muriro wasaga n'inkingi y'umuriro yatandukanyije Abisirayeli n'ingabo z'Abanyegiputa ku Nyanja itukura. {AnA 136.3}

Kubera ubwoba no gutangara, abantu bari ku musozi bikubita imbere y'Imana itaboneshwa amaso. Ntabwo abantu bahangaye gukomeza kureba umuriro Ijuru ryari ryohereje. Batinye ko na bo uwo muriro ushobora kubakongora; kandi bemera inshingano bafite y'uko bakwiriye kwizera ko Imana ya Eliya ari yo Mana ya ba sekuruza ndetse ko ari yo bakwiriye kubaha. Barangururiye icyarimwe bati: "Uwiteka ni we Mana, Uwiteka ni we Mana." Ayo majwi yumvikaniye kuri uwo musozi maze yirangira mu kibaya cyari hepfo yawo.

Amaherezo Isirayeli yarakanguwe, ntiyongera gushukwa maze irihana. Abantu baje kubona neza uko bari barasuzuguye Imana. Abantu bahishuriwe mu buryo bwuzuye uburyo kuramya Bali bihabanye cyane n'uko Imana nyakuri ibasaba kuyikorera babikuye ku mutima. Abantu basobanukiwe ubutabera bw'Imana n'ubuntu igira bigaragarira mu kuba yarimanye ikime n'imvura kugeza babashije kwatura ko bemeye Uwiteka. Noneho bari biteguye kwemera ko Imana ya Eliya isumba ibigirwamana byose. {AnA 137.1}

Abahanuzi ba Bali babonye ukwigaragaza gukomeye k'ububasha bw'Uwiteka bumiwe. Nyamara no muri uko gukorwa n'ikimwaro kwabo kandi bari n'imbere y'ikuzo ry'Imana, banga kwihana ibibi bakoraga. Bashatse gukomeza kuba abahanuzi ba Bali. Uko ni ko bagaragaje ko igihe cyabo kigeze ngo barimburwe. Kugira ngo Abisirayeli bari bamaze kwihana barindwe gutwarwa umutima n'abari barabigishije gusenga Bali, Uwiteka yategetse Eliya kurumbura abo bigishabinyoma. Abantu bari bamaze kuzabiranywa n'uburakari bari barakariye abayobozi babo bari barabateye gucumura ku Mana; maze igihe Eliya yategekaga ati: "Nimufate abahanuzi ba Bali, ntihasimbuke n'umwe," abantu bari biteguye kumwumvira. Abantu bafata abatambyi maze barabamanukana babajyana ku kagezi ka Kishoni, maze umunsi wabaye intangiriro y'ubugorozi bukomeye utararangira, abahanuzi ba Bali bose bicirwa aho. Nta n'umwe warokowe. {AnA 137.2}

IGICE CYA 12 - KUVA I YEZERELI UKAGERA I HOREBU

Kubwo kwica abahanuzi ba Bali, inzira yari ikinguwe kugira ngo umurimo w'ubugorozi bukomeye mu by'umwuka ukomezwe mu miryango icumi yo mu bwami bw'amajyaruguru. Eliya yari yagaragarije abantu ubuhakanyi bwabo; yari yabahamagariye kwicisha bugufi mu mitima yabo kandi bakagarukira Uwiteka. Urubanza rw'Imana rwari rwamaze gushyirwa mu bikorwa; abantu bari bihanye ibyaha byabo, kandi bari bemey ko Imana ya ba sekuruza ari yo Mana ihoraho. Kubw'ibyo rero, umuvumo w'ijuru wari ku gihugu wagombaga gukurwaho, kandi n'imigisha imara igihe gito babonaga mu buzima bwabo ikongera igatangwa. Igihugu cyagombaga guhemburwa n'imvura. Maze Eliya abwira Ahabu ati: "Haguruk aufungure kuko numva haza kugwa imvura y'impangukano." Amaze kumubwira atyo, umuhanuzi arazamuka ajya mu mpinga y'umusozi ajyanwe no gusenga. {AnA 138.1}

Ntabwo Eliya yabwiranye ishema Ahabu kwitegura imvura igiye kugwa abitewe n'uko hari igihamya kigaragara cy'uko hari ibitonya byendaga kugwa. Umuhanuzi Eliya ntiyabonaga igicu na kimwe mu kirere kandi nta no guhinda kw'inkuba yari yumvise. Icyo yakoze gusa ni ukuvuga amagambo Umwuka w'Uwiteka yari amuteye kuvuga ariko kandi bitewe no kwizera kwe kwari gukomeye. Muri uwo munsi wose yari yakoze ibyo Imana ishaka ashize amanga kandi yari yagaragaje uko yiringira ubuhanuzi bw'ijambo ry'Imana atazuyaza. Noneho ubwo yari amaze gukora ibyo yari ashoboye gukora byose, yari azi ko nta kabuza Ijuru riratanga imigisha yasezeranwe. Ya Mana yari yarohereje amapfa ni nayo yari yarasezeranye ko haragwa imvura nyinshi nk'ingororane iturutse ku gukora ibitunganye. Noneho Eliya yategereje kugwa kwa ya mvura yasezeranwe. Yicishije bugufi maze "yicara hasi yubika umutwe mu maguru" maze yinginga Uwiteka mu cyimbo cy'Abisirayeli bari bihannye. {AnA 139.1}

Eliya yohereje umugaragu we incuro nyinshi mu mpinga y'umusozi ahari hitegeye inyanja ya Mediterane kugira ngo areba niba hari ikimenyetsi kigaragara cyerekana ko Imana yumvise gusenga kwe. Incuro yose yamwoherezaga, uwo mugaragu yagarukanaga igisubizo kimwe ngo: "Ntacyo mbonye." Ntabwo umuhanuzi Eliya yarambiwe gutegereza cyangwa ngo atakaze kwizera, ahubwo yakomeje gusaba yinginga. Umugaragu yagarutse incuro esheshatu amuzaniye igisubizo kivuga ko nta kimenyetso cy'imvura abonye mu kirere. Eliya yongeye kumwohereza ku ncuro ya karindwi nta bwoba afite; maze kuri iyi ncuro umugaragu we agarukana ijambo rivuga ngo: "Dore mbonye igicu gito kingana n'ikiganza cy'umuntu kiva mu nyanja." {AnA 139.2}

Ibyo byari bihagiye. Ntabwo Eliya yategereje ko ijuru ribanza kwijima. Kubwo kwizera, ako gacu gato yakabonyemo imvura nyinshi; maze akora ibihuje no kwizera kwe, ahita

atuma umugaragu we kuri Ahabu ngo agende amubwire ati: "Itegure igare ryawe umanuke imvura itakubuza." {AnA 140.1}

Kubera ko Eliya yari umuntu ufite kwizera gukomeye byatumye Imana ibasha kumukoresha muri icyo gihe cy'akaga gakomeye mu mateka ya Isirayeli. Ubwo yasengaga, ukwizera kwe kwarazamutse maze asingira amasezerano y'Imana, akomeza gusenga kugeza ubwo gusaba kwe kwasubijwe. Ntabwo yategereje igihamya gishyitse cy'uko Imana yamwumvise, ahubwo yari afite ubushake bwo kwiyemeza gukora ibintu byose ashingiye ku kimenyetso gito cyane cy'ubuntu bw'Imana. Kandi ibyo Eliya yabashishijwe n'Imana gukora bishobora gukorwa n'abantu bose aho baba bakorera hose mu murimo w'Imana kuko umuhanuzi wo mu misozi y'i Gileyadi yavuzweho ibi ngo: "Dore Eliya yari umuntu umeze nka twe asaba cyane ko imvura itagwa, imvura imara imyaka itatu n'amezi atandatu itagwa." Yakobo 5:17. {AnA 140.2}

Ukwizera nk'uku kurakenewe muri iyi si ya none: ni ukwizera kuzafata amasezerano y'ijambo ry'Imana kukayakomeza kandi ntikwemere kuyarekura kugeza igihe Ijuru ryumvise. Bene uku kwizera kutwomatanya n'Ijuru, kandi kutuzanira imbaraga zitubashisha guhangana n'imbaraga z'umwijima. Kubwo kwizera, abana b'Imana "baheshejwe gutsinda abami, no gukora ibyo gukiranuka no guhabwa ibyasezeranyijwe, no kuziba iminwa y'intare, no kuzimya umuriro ugurumana cyane, no gukira ubugi bw'inkota no gukurwa mu ntege nke bagahabwa imbaraga nyinshi, no kuba intwari mu ntambara no kunesha ingabo z'abanyamahanga." Abaheburayo 11:33,34. Kandi kubwo kwizera, uyu munsi tugomba kugera ku rwego rwo hejuru rw'umugambi Imana idufitiye. "Byose bishobokera uwizeye." Mariko 9:23. {AnA 140.3}

Ukwizera ni ikintu cy'ingenzi kiranga isengesho ritsinda. "Ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza, kuko uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho, ikagororera abayishaka." "Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka, kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi n'uko duhawe ibyo tumusabye." Abaheburayo 11:6; 1Yohana 5:14, 15. Dukwiriye kubwira Data wa twese ibyo twifuza, dusaba ibyo yasezeranye byose kandi dufite ukwizera kudacogora nk'ukwa Yakobo no kwihangana kutadohoka nk'ukwa Eliya. Data asigarana umurimo wo gusohoza ijambo rye kubwo kurengera icyubahiro cy'intebe ye y'ubwami. {AnA 141.1}

Igihe Ahabu yiteguraga kumanuka umwijima wa nimugoroba wari utangiye kubudika ku musozi Karumeli. "Hashize umwanya muto, ijuru ririhinduriza ryuzura ibicu n'umuyaga, hagwa imvura ya rukokoma. Nuko Ahabu yurira igare rye ajya i Yezereli." Ubwo yerekezaga mu murwa ibwami muri uwo mwijima n'imvura y'umugaru, Ahabu ntiyashoboraga kubona mu nzira imbere ye. Eliya umuhanuzi w'Imana wari wakoreje

Ahabu isoni uwo munsi imbere ya rubanda ategeka kandi akica abatambyi ba Ahabu basengaga ibigirwamana, yari akizirikana ko Ahabu ari umwami w'Abisirayeli; noneho yakoze igikorwa cyo kubaha umwami kandi ahawe imbaraga n'ubushobozi bw'Imana, yiruka imbere y'igare ry'umwami Ahabu, aramuyobora amugeza ku irembo ry'ibwami. {AnA 141.2}

Muri iki gikorwa cy'impuhwe intumwa y'Imana yakoreye umwami w'umunyabyaha hari icyigisho gihabwa abantu bose bavuga ko ari abagaragu b'Imana, nyamara bakaba bishyira hejuru bakikuza. Hariho abantu bumva bafite icyubahiro ku buryo batakora igikorwa babona ko gicishije bugufi kuri bo. Bahera mu rungabangabo rwo gukora n'umurimo wari ukenewe babitewe no gutinya ko abantu bababona bakora umurimo w'umugaragu. Bene abo bafite byinshi bagomba kwigira ku rugero rwa Eliya. Kubw'ibyo Eliya yari yaravuze, ubutaka bwari bwarimwe ku butunzi buva mu ijuru. Eliya yari yarubahishijwe n'Imana mu buryo bukomeye cyane igihe ubwo yasengeraga ku musozi Karumeli umuriro waturutse mu ijuru ugakongora igitambo. Ubwo Eliya yicaga abahanuzi basengaga ibigirwamana, amaboko ye yari yarashyize mu bikorwa iteka Imana yari yaciye. Ikindi kandi, Eliya yari yasabye ngo imvura igwe maze isengesho rye rirasubizwa maze imvura iragwa. Nyamara kandi na nyuma y'intsinzi zikomeye aho Imana yari yanejejwe no guhesha icyubahiro umurimo Eliya yakoreye mu ruhame, Eliya yari agifite ubushake bwo gukora umurimo w'umugaragu wo ku rwego rwo hasi. {AnA 141.3}

Bageze ku irembo ry'i Yezereli, Eliya na Ahabu baratandukana. Umuhanuzi Eliya ahitamo kwigumira hanze y'inkike z'ibwami maze yizingazinga mu mwitero we, yiryamira hasi. Nuko umwami yinjira mu marembo maze bidatinze agera mu nzu ye, ahageze atekerereza umugore we Yezebeli ibintu bitangaje byabaye uwo munsi n'uko ndetse n'uko ubushobozi bw'Imana bwigaragaje bikomeye bikereka Abisirayeli ko Uwiteka ari we Mana nyakuri kandi Eliya na we akaba ari intumwa yayo yitoranyirije. Ubwo Ahabu yabwiraga umwamikazi ibyo kwicwa kw'abahanuzi ba Bali, Yezebeli wari winangiye umutima kandi atihana azabiranywa n'uburakari bukaze. Yanze kwemera ko mu byabereye i Karumeli harimo ukwigaragaza k'ububasha bukomeye bw'Imana, bityo akomeza gusuzugura, arihandagaza avuga ko Eliya agomba gupfa. {AnA 142.1}

Muri iryo joro intumwa iragenda ikangura umuhanuzi wari unaniwe cyane maze imubwira ibyo Yezebeli yavuze agira ati: "Ubugingo bwawe nintabuhwanya n'ubwabo ejo nk'iki gihe, imana zizabimpore ndetse bikabije." {AnA 142.2}

Byagaragaraga ko nyuma yo kwerekana ubutwari nta mususu, nyuma yo gutsinda uruhenu umwami Ahabu, abatambyi ba Bali ndetse na rubanda rwose, nyuma yaho Eliya ntiyajyaga na rimwe kwemera gucika intege cyangwa kugira ubwoba. Nyama Eliya wari waragize

umugisha wo kubona ibihamya byinshi byo kwitabwaho n'Imana kuje urukundo ntiyabuze kugira intege nke za muntu maze muri iyo saha ukwizera n'ubutwari bye bimuvamo. Abuze uko agenza, ahita abyuka vuba vuba. Imvura yagwaga ari nyinshi kandi umwijima wari ugose impande zose. Eliya yibagirwa ko mu myaka itatu yari ishize Imana yari yaramuyoboye ikamugeza aho yihisha urwango rwa Yezebeli ndetse n'uko umwami Ahabu yamushakishaga, maze noneho Eliya arahunga kugira ngo akize ubuzima bwe. Ageze i Berisheba "aba ari ho asiga umugaragu we. Ariko agenda wenyine urugwndo rw'umunsi umwe mu ishyamba." {AnA 143.1}

Ntabwo Eliya yagombaga guhunga ngo ave aho yakoreraga umurimo we. Yagombaga guhangana n'iterabwoba rya Yezebeli agasaba Uwiteka wari wamutumye guharanira icyubahiro cye kumurinda. Yagombaga kubwira iyo ntumwa imubwiye uko Yezebeli yavuze ko Imana yiringira iramurinda urwango rukomeye rw'umwamikazi. Hari hashize amasaha make gusa amaze kubona kwigaragaza gukomeye k'ububasha bw'Imana, kandi ibi byagombaga kumuha icyizere cy'uko noneho Imana itazamutererana. Iyo aza kwigumira aho yari ari, iyo agira Imana ubuhungiro bwe n'imbaraga ze maze agahagararira ukuri ashikamye, aba yarakingiwe kugirirwa nabi. Imana yajyaga kumuha indi ntsinzi ikomeye ikoresheje kohereza ibihano byayo kuri Yezebeli; kandi uburyo umwami na rubanda bajyaga gukorwa ku mutima byajyaga guteza ivugurura rikomeye muri Isirayeli. {AnA 143.2}

Eliya yari yariteze ko hazabaho ibintu byinshi bitewe n'igitangaza cyakorewe ku musozi Karumeli. Yari yariringiye ko nyuma y'uko kwigaragaza k'ububasha bw'Imana, Yezebeli atazongera na mba kugira ububasha ku ntekerezo za Ahabu, ndetse ko muri Isirayeli hose haraba ivugurura ryihuse. Umunsi wose yamaze mu mpinga ya Karumeli, yari yakoze cyane nyamara ntiyagira icyo arya. Ariko nubwo uwo munsi yari yakoresheje imbaraga nyinshi, n'igihe yayoboraga igare rya Ahabu aryerekeza ku marembo y'i Yezereli, yari agifite imbaraga. {AnA 144.1}

Nyamara Eliya yagize imyitwarire akenshi ikunze gukurikira ukwizera gukomeye n'intsinzi ihebuje. Yatinye ko ivugurura ryatangiriye ku musozi Karumeli ridashobora kumara igihe; bityo afatwa no kwiheba. Eliya yari yaherewe ikuzo mu mpinga za Pisiga ariko noneho ubu yari mu kibaya. Igihe yakoraga ibyo abwirijwe n'Ishoborabyose yari yarabashije gutsinda ikigeragezo cyo kwizera gikomeye cyane; ariko muri iki gihe cyo gucika intege, ubwo ibikangisho bya Yezebeli byumvikanaga mu matwi ya Eliya kandi uko byagaragaraga Satani na we akaba yarakoreraga mu migambi mibisha y'uyu mugore w'umunyabyaha, ibyo byatumye Eliya atakaza gushikama ku Mana kwe. Eliya yari yarahawe ikuzo birenze urugero kandi yari yarabyitwayemo neza cyane. Ariko Eliya yibagirwa Imana maze afata urugendo arahunga ajya kure kugeza ubwo yisanze mu ishyamba ry'inzitane ari wenyine.

Kubera kunanirwa cyane, Eliya yicara munsi y'igiti cy'umurotemu kugira ngo aruhuke. Ubwo yari yicaye aho, araterura yisabira gupfa ati: "Uwiteka, ndarambiwe. Icyabimara ni uko ubu wakuraho ubugingo bwanjye, kuko ntaruta ba sogokuruza ubwiza." Eliya wari wahunze ari kure cyane y'aho abantu batuye, umutima we waremerewe cyane no gucika integer gukomeye, bityo yifuza kutazongera kureba mu maso y'abantu. Amaherezo ubwo yari atentebutse, agwa agacuho arasinzira. {AnA 144.2}

Mu byo abantu bose banyuramo hajya habaho ibihe byo kubura ibyo bari biteze no gucika intege gukomeye: iyo aba ari iminsi y'umubabaro, kandi biba bikomeye cyane kwizera ko Imana ikiri icyita ku bana bayo bari ku isi. Aba ari ibihe akaga kibasira ubugingo kugeza ubwo kugeza ubwo bisa naho gupfa biruta kubaho. Icyo gihe ni ho abantu benshi bareka kwiringira Imana maze bakabatwa no gushidikanya, bagafatwa mu ngoyi yo kutizera. Iyaba muri ibyo bihe twabashaga kurebesha amaso y'umwuka maze tukamenya ubusobanuro bw'ubuntu bw'Imana, twabona abamarayika baharanira kudukiza kwirwanirira, bakora uko bashoboye kose kugira ngo bashinga ibirenge byacu ku rufatiro rushikamye kurusha imisozi y'iteka ryose, kandi ukwizera gushya n'ubugingo bushya byakongera kubabamo. {AnA 145.1}

Ubwo Yobu wari indahemuka yari mu bihe b'umubabaro ukomeye n'umwijima yaravuze ati: {AnA 145.2}

"Umunsi navutseho urimburanwe
N'iryo joro havuzwe ngo mama yasamye inda y'umwana w'umuhungu."
"Ayii, iyaba umubabaro wanjyewashobora kugerwa,
N'ibyago byose bigashyirwa ku bipimo!"

"Icyampa nkabona icyo nsaba,
Imana ikampa icyo nifuza.
Ni ukugira ngo yemere kumpondagura,
Ikareka ukuboko kwayo kukampuhura.
Ubwo mba ngifite ikimpumuriza."

"Ni cyo gitumye ntiyumanganya,
Mvuze mbitewe n'agahinda,
Ndaganya amaganya mbitewe
n'ishavu riri mu mutima wanjye." "Bigatuma umutima wanjye ushaka kwiyahura no gupfa,
Bikandutira guhora mpururwa muri izi ngingo.

Kubaho kwanjye ndakuzinutswe sinshaka kurama,
Ndekera ukwanjye kuko iminsi yanjye ari ubusa.” {AnA 145.3}

Yobu 3:3; 6:2, 8-10; 7:11, 15, 16.

Nyamara nubwo Yobu yari aremerewe n’ubuzima, ntiyemerewe gupfa. Yeretswe ko kubaho mu gihe kiri imbere bishoboka, kandi ahabwa ubutumwa bw’ibyiringiro bugira buti: {AnA 146.1}

“Ni ukuri ni ho uzubura amaso yawe udafite ikizinga,
Uzakomera kandi ntabwo uzatinya,
Kuko uzibagirwa umubabaro wawe,
Uzawibuka nk’amazi amaze gutemba.
Kandi ubugingo bwawe buzarabagirana kurusha amanywa y’ihangu,
Naho haba umwijima hazatambika umuseke.
Kandi uzaba amahoro kuko hariho ibyiringiro,
Ni ukuri uzakebuka ibigukikije, wiruhukire mu mahoro.
Uzaryama he kugira ugutera ubwoba,
Ni ukuri benshi bazaguhakwaho.
Ariko amaso y’abanyabyaha aziheba,
Kandi ntibazabona aho guhungira,
N’ibyiringiro byabo bizaba guheza umwuka.” {AnA 146.2}

Yobu 11:15-20.

Yobu yavuye mu gucika intege gukomeye no kubura ibyiringiro maze agera ku rwego rwo hejuru rwo kwiringira imbabazi z’Imana n’imbaraga yayo ikiza adakebakeba. Yavuganye intsinzi agira ati: {AnA 146.3}

“Naho yanyica napfa nyiringira . .
Nubwo bimeze bityo,
inzira zanjye nzazikomeza imbere yayo.
Ibyo na byo bizambera agakiza.” {AnA 146.4}

“Ariko jye ubwanjye nzi yuko
Umucunguzi wanjye ariho,
Kandi ko amaherezo azahagarara mu isi.
Kandi uruhu rwanjye nirumara kubora,
Nzareba Imana mfite umubiri.
Nzayireba ubwanjye,

Amaso yanjye azayitegereza si ay'undi.
Nuko umutima wanjye umarwa
n'urukumbuzi." {AnA 147.1}

Yobu 13:15,16; 19:25-27.

"Nuko Uwiteka asubiriza Yobu muri serwakira" (Yobu 38:1), maze ahishurira umugaragu we ugukomera k'imbaraga ze. Igihe Yobu yarabukwaga Umuremyi we, yarizinutswe kandi yihanira mu mukungugu no mu ivu. Noneho icyo gihe Uwiteka yashoboraga kumuhira cyane kandi imyaka isigaye mu kubaho kwe ikaba iy'agahebuzo mu buzima bwe. {AnA 147.2}

Ibyiringiro n'ubutwari ni ingenzi kugira ngo umuntu agire icyo akorera Imana. Izo ni imbuto zo kwizera. Gucika intege ni icyaha kandi nta gushishoza kubirimo. Imana irashoboye kandi ifite ubushake bwo "kurushaho kugaragariza abaragwa ibyasezeranijwe" (Abaheburayo 6:17) kugira ngo ahe abagaragu be imbaraga bakeneye zo gutsinda ibigeragezo n'ibishuko. Imigambi y'abanzi b'umurimo w'Imana ishobora kugaragara ko iteguwe nezandetse ihamye, ariko Imana ishobora guhindura ubusa ikomeye cyane muri yo. Ibyo ni byo ikora ku gihe cyayo no mu buryo bwayo igihe ibonye ko ukwizera kw'abagaragu bayo kwageragejwe bihagije. {AnA 147.3}

Hari umuti wizewe ku bacitse integer kandi babuze ibyiringiro. Uwo muti ni ukwizera, gusenga no gukora. Ukwizera no gukora bizatera umuntu kugira ibyiringiro no kunyurwa bizajya byiyongera uko bukeye n'uko bwije. Mbese waba ugeragereshwa no gutwarwa no gutekereza akaga gakomeye kakugarije cyangwa gucika intege? Mu minsi y'umwijima w'icuraburindi, igihe ibigaragara byerekana akaga kakuri imbere, witinya. Izere Imana. Imana izi ibyo ukeneye kandi ifite ububasha bwose. Urukundo rwayo n'imbabazi zayo bitagerwa ntibyigera bicogora. Ntuzigere utinya ko Imana izananirwa gusohoza isezerano ryayo. Ni inyakuri kw'iteka ryose. Ntabwo izigera ihindura isezerano yagiranye n'abayikunda kandi abagaragu bayo bayikiranukira izabaha urugero ruhagije ruhuje n'ibyo bakeneye. Intumwa Pawulo yarabihamije ati: "Ariko arampakanira ati "Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho integer nke ziri ari ho imbaraga zanjye zuzura." Nuko nzanezerwa cyane kwirata intege nke zanjye, ngo imbaraga za Kristo zinzeho. Ni cyo gituma ku bwa Kristo nzishimira intege nke zanjye no guhemurwa, nzishimira n'imibabaro no kurenganywa n'ibyago. Kuko iyo mbaye umunyantege nke ari ho ndushaho kugira imbaraga." 2Abakorinto 12:9,10. {AnA 147.4}

Mbese Imana yigeze itererana Eliya mu isaha yo kugeragezwa kwe? Oya rwose! Igihe Eliya yumvaga Imana yamuhannye ndetse n'abantu ubwabo, Imana yari ikimukunda nk'uko

yamukundaga igihe yasengaga maze ikamusubirisha kumanura umuriro uvuye mu ijuru ukamurika mu mpinga y'umusozi Karumeli. Noneho igihe Eliya yari asinziriye, yumva umukozeho mu buryo butuje kandi yumva n'ijwi ryoroheje rimukangura. Akangukira hejuru afite ubwoba, nk'aho yahunze, atinya ko umwanzi we yavumbuye aho ari. Nyamara uwari uhagaze hejuru ye ntiyari umwanzi ahubwo yari incuti. Imana yari yohereje umumarayika uvuye mu ijuru azaniye umugaragu wayo ibyokurya. Umumarayika yarambwiye ati: "Byuka urye." "Arakanguka abona umutsima utaze ku makara, n'agacuma k'amazi biri ku musego we." {AnA 148.1}

Eliya amaze kurya no kunywa ku byo yari yateguriwe ngo agarure ubuyanja arongera ariryamira. Maze marayika aragaruka aho ari, akora kuri uwo mugabo wari waguye agacuho, nuko amubwiza ijwi ryuje imbabazi ati: "Byuka urye kuko urugendo ari runini rugukomereye." "Nuko arabyuka ararya aranywa;" kandi bitewe n'imbaraga yari atewe n'ibyo ariye abasha gukora urugendo rw'iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine, agera i Horebu ku musozi w'Imana," aba ari ho abona ubwihisho mu buvumo. {AnA 149.1}

IGICE CYA 13 - "URAKORA IKI AHO?"

Nubwo Eliya yari aho yari yihereye ku musozi Horebu nta muntu umubona, Imana yo yari ihazi; kandi uwo muhanuzi wari unaniwe ndetse acitse intege ntiyaretswe ngo ngo we ubwe wenyine ahangane n'imbaraga z'umwijima zari zimwibasiye. Imana yavuganiye na Eliya mu muryango w'ubuvumo yari yihishemo ikoresheje umumarayika wayo ukomeye woherejwe ngo amwunganire mu byo yari akaneye kandi amusobanurire umugambi Imana ifitiye Isirayeli. {AnA 150.1}

Ntabwo Eliya yajyaga kurangiza umurimo yagombaga gukorera abari barayobejwe bagasenga Bali atariga kwiringira Imana atizigamye. Intsinzi ikomeye yari yabereye mu mpinga y'umusozi Karumeli yari yarakinguriye amarembo izindi ntsinzi zikomeye; nyamara Eliya yari yateye umugongo amahirwe atangaje yari amaze kumushyirwa imbere abitewe n'ibikangisho bya Yezebeli. Eliya umuntu w'Imana yagombaga kubashishwa gusobanukirwa intege nke ze kubw'aho yari ari ugereranyije n'umwanya wo hejuru kandi ukomeye Uwiteka yashakaga ko abamo. {AnA 150.2}

Imana yasanze umugaragu wayo wari uri mu kigeragezo maze iramubaza iti: "Eliya we, urakora iki aho?" Nakohereje ku kagezi ka Kereti maze nyuma yaho nkohereza ku mupfakazi w'i Sarefati. Naragutumye ngo ngo ugende usubire muri Isirayeli maze uhagarare imbere y'abatambyi b'ibigirwamana ku musozi Karumeli, kandi nagukenyeje imbaraga kugira ngo uyobore igare ry'umwami Ahabu umugeze ku marembo y'i Yezereli. Ariko se ni nde wakohereje muri uru rugendo rwa huti huti rwakunyujije mu butayu? Aha uri wahatumwe na nde kuhakora iki? {AnA 151.1}

Kubera umubabaro wari mu mutima we, Eliya avugana agahinda ibimubabaje agira ati: "Nagize ishyaka ryinshi ry'Uwiteka Imana Nyiringabo, kuko Abisirayeli bavuye mu isezerano ryawe bagasenya ibicaniro byawe, kandi bicishije abahanuzi bawe inkota. Ni jye jyenyine usigaye, nanjye baragenza ubugingo bwanjye ngo banyice." {AnA 151.2}

Nuko marayika ahamagara uwo muhanuzi ngo ave muri ubwo buvumo, maze amutegeka guhagarara imbere y'Uwiteka ku musozi, agatega amatwi ngo yumve icyo Uwiteka amubwira. "Uwo mwanya Uwiteka amucaho, maze umuyaga mwinshi wa serwakira uraza usatura imisozi, umenagurira ibitare imbere y'Uwiteka, ariko Uwiteka yari atari mu muyaga. Umuyaga ushize habaho igishyitsi cy'isi, ariko Uwiteka yari atari muri icyo gishyitsi. Hanyuma y'igishyitsi hakurikiraho umuriro, ariko Uwiteka yari atari mu muriro. Hanyuma y'umuriro haza ijwi ryoroheje ry'ituza. Eliya amaze kuryumva yitwikira umwitero we mu maso, arasohoka ahagarara mu muryango w'ubuvumo." {AnA 151.3}

Ntabwo Imana yahisemo kwihihurira umugaragu wayo binyuze mu kugaragaza imbaraga zayo mu buryo bukomeye, ahubwo yamwihishuriye mu ijwi ryoroheje ry'ituza. Imana yashakaga kwigisha Eliya ko umurimo utuma habaho kwiyerekana gukomeye atari wo iteka ugera ku ntego yawo cyane mu gusohoza umugambi wayo. Igihe Eliya yari ategereje ko Uwiteka amwihishurira, hahushye umuyaga mwinshi wa serwakira, habaho igishyitsi cy'isi, imirabyo irarabya ndetse hakurikiraho n'umuriro ukongora; ariko Imana ntiyari muri ibyo byose. Ibyo birangiye haje ijwi ryoroheje ry'ituza, maze umuhanuzi yitwikira umwitero we mu maso imbere y'Uwiteka. Uburakari Eliya yari afite bwarahoshe, umutima we uracururuka kandi uratuza. Noneho amenya ko kwiringira Imana mu ituza no kuyishingikirizaho atajegajega ari byo biramuhesha ubufasha akeneye muri icyo gihe. {AnA 151.4}

Ntabwo iteka kwigisha ukuri kw'Imana mu buryo bwuzuye ubwenge buhanitse ari byo byemeza umutima kandi bikawutera guhinduka. Ntabwo imitima y'abantu ikorwaho kubera ubutyoza cyangwa ubuhanga mu mitekerereze [y'uwigisha], ahubwo imitima ikorwaho kubw'imbaraga zituje za Mwuka Wera ukora bucece ariko ntagwabire mu guhindura no gukuza imico. Ijwi rituje kandi ryoroheje rya Mwuka w'Imana ni ryo rifite ububasha bwo guhindura umutima. {AnA 152.1}

Rya jwi ryabajije Eliya riti: "Eliya we, urakora iki aho?" Maze Eliya yongera gusubiza ati: "Nagize ishyaka ryinshi ry'Uwiteka Imana Nyiringabo, kuko Abisirayeli bavuye mu isezerano ryawe bagasenya ibicaniro byawe, kandi bicishije abahanuzi bawe inkota. Ni jye jyenyine usigaye, nanjye baragenza ubugingo bwanjye ngo banyice." {AnA 152.2}

Uwiteka yasubije Eliya ko inkozi z'ibibi muri Isirayeli zitazabura guhanwa. Hari abantu bagombaga gutoranywa by'umwihariko kugira ngo basohoze umugambi w'Imana mu guhana ishyanga ryasengaga ibigirwamana. Hari umurimo ukomeye wagombaga gukorwa kugira ngo abantu bose bahabwe amahirwe yo guhitamo kujya mu ruhande rw'Imana nyakuri. Eliya ubwe yagombaga gusubira muri Isirayeli maze agafatanya n'abandi umutwaro wo kuzana ubugorozi cyangwa ivugurura. {AnA 152.3}

Uwiteka ategeka Eliya ati: "Genda usubize inzira yose y'ubutayu ujye i Damasiko, nugerayo uzimikishe Hazayeli amavuta abe umwami w'i Siriya na Yehu mwene Nimushi na we uzamwimikishe amavuta abe umwami w'Abisirayeli, kandi na Elisa mwene Shafati wo muri Abeli Mehola, uzamusukeho amavuta abe umuhanuzi mu cyimbo cyawe. Nuko uzaba yarokotse inkota ya Hazayeli, Yehu azamwica, uzarokoka iya Yehu, Elisa azamwica." {AnA 153.1}

Eliya yari yaratekereje ko ari we wenyine usenga Imana nyakuri muri Isirayeli. Nyamara usoma imitima y'abantu bose yahishuriye uwo muhanuzi ko hari abandi benshi bakomeje kunamba ku Uwiteka mu myaka myinshi y'ubuhakanyi. Imana yaravuze iti: "Ariko rero . . . nsigaranye abantu ibihumbi birindwi muri Isirayeli batapfukamiye Bali, ntibamusome." {AnA 153.2}

Hari ibyigisho byinshi twakura muri ibyo Eliya yanyuzemo muri iyo minsi ye yo gucika intege n'igisa no gutsindwa. Ni ibyigisho by'ingirakamaro cyane ku bagaragu b'Imana muri iki gihe muri rusange kirangwa no kuteshuka inzira itunganye. Ubuhakanyi buganje muri iki gihe busa n'ubwari bwarabaye gikwira muri Isirayeli mu gihe cy'umuhanuzi Eliya. Abantu batabarika muri iki gihe bakurikiye Bali binyuze mu guha umuntu ikuzo akarutishwa Imana, mu gusingiza abayobozi bakunzwe, mu kuramya mamoni (amafaranga, ubutunzi), ndetse no mu kurutisha inyigisho z'ubuhanga (siyansi) ukuri ko mu byahishuwe. Gushidikanya no kutizera birateza impinduka mbi cyane mu ntekerezo n'imitima by'abantu, kandi abantu benshi basimbuza amateka yera y'Imana inyigisho z'abantu. Byigishwa ku mugaragaro ko twageze mu gihe imitekerereze y'umuntu ikwiriye kurutishwa inyigisho z'Ijambo ry'Imana. Amategeko y'Imana, ari na yo rugero rw'ubutungane Imana yashyizeho, abantu bavuga ko ntacyo amaze. Umwanzi w'ukuri kose akorana ububasha bushukana kugira ngo atere abagabo n'abagore gufata ibyo abantu bihimbiye bakabishyira aho Imana yagombye kuba, kandi bakibagirwa ibyerejwe guhesha umuntu umunezero n'agakiza. {AnA 153.3}

Nyamara ubu buhakanyi bwabaye gikwira nk'uko bigaragara, ntabwo bwafashe umuntu wese. Ntabwo abantu bose ku isi badakurikiza amategeko kandi ngo babe abanyabyaha; ntabwo abantu bose bagiye mu ruhande rw'umwanzi. Imana ifite abantu ibihumbi byinshi batigeze bapfukamira Bali, abantu benshi bifuza cyane gusobanukirwa ibya Kristo n'amategeko mu buryo bwuzuye, abantu buzuye ibyiringiro by'uko Yesu agiye kugaruka bidatinze agashyira iherezo ku ngoma y'icyaha n'urupfu. Kandi hari abantu benshi bagiye baramya Bali nyamara batabizi, ariko Umwuka w'Imana akaba akibinginga. {AnA 154.1}

Bene abo bakeneye gufashwa mu buryo bwihariye n'abamenye Imana n'imbaraga y'ijambo ryayo. Mu gihe nk'iki, umwana w'Imana wese akwiriye gushishikarira kugira uruhare mu gufasha abandi. Igihe abasobanukiwe ukuri kwa Bibiliya bagerageza gushakisha abagabo n'abagore bifuza cyane kubona umucyo, abamarayika b'Imana bazajyana na bo. Kandi aho abamarayika bagiye, nta muntu n'umwe ukwiriye gutinya gutera intambwe ajya mbere. Umwete wuzuye ubudahemuka w'abakozi bejejwe uzatanga umusaruro w'uko abantu benshi bazahindukizwa bakava mu gusenga ibigirwamana maze bakaramya Imana ihoraho.

Abantu benshi bazareka guha icyubahiro ibyashyizweho n'umuntu, kandi bazajya mu ruhande rw'Imana n'amategeko yayo bashiritse ubwoba. {AnA 154.2}

Ibintu byinshi bishingiye ku murimo udacogora w'abumvira Imana bakayibera indahemuka, kandi kubw'iyi mpamvu Satani akora uko ashoboye kose kugira ngo agwabize umugambi w'Imana ugomba gusohorezwa mu bayumvira. Satana atera abantu bamwe kutita ku nshingano ikomeye kandi yera bahawe maze bakanyurwa n'ibinezeza byo muri ubu buzima. Abatera kwicara bakadamarara, cyangwa se kubwo gushaka inyungu z'iby'isi ziruseho akabatera kwimuka aho bagombye kuba imbaraga ihindurira abandi gukunda icyiza. Abandi mu gucika intege kwabo abatera guhunga inshingano bafite bitewe no kurwanywa cyangwa gutotezwa. Nyamara abo bose Ijuru ribarebana impuhwe nyinshi. Umwana w'Imana wese wacecekeshejwe n'umwanzi w'ubugingo abazwa iki kibazo ngo: "Urakora iki aho?" Nagutumye kujya mu isi yose kubwiriza ubutumwa bwiza, no gutegurira abantu umunsi w'Imana. Kuki uri aha? Ni nde wakohereje? {AnA 154.3}

Ibyishimo byari imbere ya Kristo, ari na byo byamukomeje mu gitambo yatanze n'imibabaro yanyuzemo, byari ibyishimo byo kubona abanyabyaha bakizwa. Ibi kandi ni byo bikwiriye kuba ibyishimo by'umuyoboke we wese, bikaba imbaraga imusunika mu migambi ye. Abantu bumva icyo gucungurwa gusobanuye kuri bo ndetse no kuri bagenzi babo, n'iyo haba ku rwego ruto, bazagira urwego runaka basobanukirwaho ubukene bukomeye bw'ikiremwa muntu. Nibabona ubuhanya mu mico mbonera no mu by'umwuka bw'abantu ibihumbi byinshi batwikiriwe n'akaga gateye ubwoba, imitima yabo izuzura impuhwe kuko imibabaro yabo yo ku mubiri izahinduka ubusa nibayigereranya n'ako kaga abandi barimo. {AnA 155.1}

Imiryango ndetse n'abantu ku giti cyabo barabazwa iki kibazo ngo: "Murakora iki aho?" Mu matorero menshi hari imiryango myinshi isobanukiwe neza ukuri kw'ijambo ry'Imana. Abagize iyo miryango bari bakwiriye kwagura urubuga rw'aho impinduka bateza zigera bakoresheje kujya aho umurimo bashoboye gukora ukenewe. Imana ihamagarira imiryango y'Abakristo kujya mu turere two ku isi twijimye maze igakorana ubwenge no kwihangana yita ku babohewe mu mwijima mu by'umwuka. Kwitabira iri rarika bisaba kwitanga. Mu gihe abantu benshi bategereje ko inzitizi zose zikurwaho, abantu bari gupfa badafite ibyiringiro ndetse badafite n'Imana. Kubwo gushaka inyungu z'iby'isi no kubwo gushaka kunguka ubwenge mu by'ubuhanga, abantu bafite ubushake bwo kwigerezaho bakajya mu turere turangwamo akaga gakomeye ndetse n'ubwo kwihanganira imiruho no kwigomwa. Mbese abafite ubushake bwo gukora bene ibyo kubwo kubwira abandi iby'Umukiza bari hehe? {AnA 155.2}

Niba mu bihe by’ibigeragezo ubwo abantu bafite imbaraga mu by’umwuka basumbirijwe birenze urugero maze bagacika intege bityo bagata ibyiringiro, iyo inshuro nyinshi nta kintu na kimwe babona cyakwifuzwa mu buzima kugira ngo ab ari cyo bahitamo, muri ibi nta kintu kidasanzwe cyangwa se ikintu gishya kiba kirimo. Nimutyo abo bose bibuke ko umwe mu bahanuzi bakomeye cyane yahunze kugira ngo akize amagara ye bitewe n’ umugore wari ufite uburakari bukaze. Iyo mpunzi yari inaniwe, yaciwe intege n’urugedo yari yakoze kandi umutima we ushengurwa no kutabona ibintu bigenda uko yari abyiteze, yasabye ko ibyiza ari uko yakwipfira. Nyamara igihe yari yatakaje ibyiringiro kandi umurimo yakoraga mu buzima bwe usa n’aho ugiye gutsindwa, ni ho yize kimwe mu byigisho bikomeye cyane mu buzima bwe. Mu isaha yo kugaragara ho intege kwe gukomeye cyane yamenye ko kwiringira Imana mu bihe bikomeye cyane bikenewe kandi ko bishoboka. {AnA 156.1}

Abantu bagera mu kigeragezo cyo gutakaza icyizere n’ibyiringiro mu gihe bakoreshaga imbaraga z’ubugingo bwabo mu murimo wo kwitanga, bashobora gukura ibibatera ubutwari mu byabaye kuri Eliya. Kwitabwaho n’Imana, urukundo rwayo n’ububasha bwayo bigaragarizwa by’umwihariko abagaragu bayo bagira umuhati nyamara umuhati wabo ugafatwa nabi ndetse ntiwishimirwe; inama batanga no gucyaha kwabo birasuzugurwa, kandi imbaraga bakoresha kugira ngo habeho ivugururwa baziturwa urwango no kurwanywa. {AnA 156.2}

Igihe cyo gucika intege gukomeye ni ho Satani yibasira umuntu akoresheje ibigeragezo bikomeye cyane. Uko ni ko yari yiringiye gutsinda Umwana w’Imana kuko kubwo gukoresha ubu buryo Satani yari yarabashije gutsinda abantu incuro nyinshi. Igihe imbaraga z’ubushake zagiye zicogozwa kandi kwizera kukabura, ni ho abantu bamaze igihe kirekire barwanirira ukuri bashize ubwoba bagiye batsindwa n’ikigeragezo. Mose waremerejwe n’imyaka mirongo ine yo kuzerera no kutizera [kw’Abisirayeli], yagize akanya gato ko guteshuka ku Mana Nyirububasha butarondoreka. Yatsindiwe ku mbibi z’Igihugu cy’Isezerano. Ni nak byagendekeye Eliya. Uwari warakomeje kwiringira Uwiteka mu gihe cy’imyaka y’izuba ryinshi n’amapfa, uwari yarahagaze imbere ya Ahabu nta mususu, uwari warahagaze imbere y’ishyanga ry’Abisirayeli ari we muhamya wenyine w’Imana nyakuri muri wa munsi wo kugeragezwa wabereye ku musozi Karumeli, ni we mu gihe cyo kuremererwa wemereye ubwoba bwo gutinya urupfu kwiganzura kwizera Imana kwe. {AnA 157.1}

Uko ni nako biri muri iki gihe. Igihe tugoswe no gushidikanya, tubujijwe amahwemo n’ibitubaho, cyangwa tuzahajwe n’ubukene cyangwa guhagarika umutima, Satani ashaka uko ahungabanya ibyiringiro dufite ku Uwiteka. Icyo gihe ni ho ashyira amakosa yacu

imbere yacu kandi akatugeragerasha kutiringira Imana, no gushidikanya urukundo rwayo. Satani aba yiringiye guca intege umuntu no kudutesha komatana n'Imana. {AnA 157.2}

Abantu bahagaze ku ruhembe rw'imbere mu ntambara, kandi bakaba basunikirwa na Mwuka Wera gukora umurimo wihariye, igihe ibibibasiye bikuweho akenshi bazumva hari icyo bakora. Gucika intege gushobora guhungabanya ukwizera kw'intwari ihebuje izindi kandi kugacogoza ubushake bushimikiriye. Nyamara Imana irabisobanukiwe neza kandi iracyari inyambabazi ndetse yuje urukundo. Imana isoma impamvu n'imigambi byo mu mutima. Icyigisho abayobozi mu murimo w'Imana bakeneye kwiga ni ugutegereza bihanganye no kwiringira Imana igihe ibintu byose bisa n'ibyijimye. Ntabwo ijuru rizabatererana mu munsi w'amakuba yabo. Nta kintu na kimwe kigaragara ko ari impezamajyo nyamara kandi kidashobora gutsindwa nk'umuntu wumva ntacyo ari cyo ahubwo akishingikiriza ku Mana rwose. {AnA 157.3}

Icyigisho cy'ibyabaye kuri Eliya cyerekeye kongera kwiga uburyo bwo kwiringira Imana mu gihe cy'ikigeragezo ntikigenewe abantu bari mu myanya y'inshingano zikomeye gusa. Uwari imbaraga za Eliya afite ubushobozi bwo kuzahura umwana We wese uri mu kaga uko yaba ari umunyantege nke kose. Yiteze ko buri wese amubera indahemuka, kandi aha buri wese imbaraga akurikije ubukene bwe. Mu mbaraga za muntu ku giti cye, ni umunyantege nke; ariko mu bubasha bw'Imana ashobora kugira imbaraga zo gutsinda ikibi kandi agafasha n'abandi gutsinda. Satani ntashobora na rimwe gutsinda umuntu ugira Imana umurinzi we. "Hariho uzambwira ati: 'Mu Uwiteka honyine ni ho hari gukiranuka n'imbaraga.'" Yesaya 45:24. {AnA 158.1}

Bavandimwe Bakristo, Satani azi intege nke zanyu; bityo rero nimwomatane na Yesu. Kubwo gushikama mu rukundo rw'Imana, mubasha gutsinda ikigeragezo cyose. Gukiranuka kwa Kristo konyine ni ko gushobora kubaha imbaraga zo guhagarika umuraba w'ibibi ugenda wararika isi. Mushyire ukwizera mu byo muhura na byo. Ukwizera koroshya umutwaro wose kandi kukaruhura umuruho. Ibyo mubona ubu by'amayobera mushobora kubikemura kubwo gukomeza kwiringira Imana. Kubwo kwizera mugendere mu nzira Imana iberetse. Ibigeragezo bizaza ariko mukomeze mujye mbere. Ibi bizakomeza ukwizera kwanyu kandi bibatunganyirize gukora umurimo. Ibyabayeho mu mateka yera biranditswe, nyamara atari ukugira ngo tubashe kubisoma no kubitangarira gusa, ahubwo byandikiwe kugira ngo ukwizera kwakoreraga mu bantu b'Imana ba kera kubashe no gukorera muri twe. Igihe cyose hariho imitima y'abantu bafite ukwizera bagomba kuba imiyoboro yo kugaragarizamo ububasha bwayo, ntabwo muri iki gihe Imana izakora mu buryo buciye munsi y'uko yakoraga. {AnA 158.2}

Nk'uko byabwiwe Petero, natwe turabwirwa ngo: "Dore Satani yabasabye kugira ngo abagosore nk'amasaka; ariko weho ndakwingingiye ngo kwizera kwawe kudacogora." (Luka 22:31, 32). Ntabwo Kristo azigera atererana abo yapfiriye. Dushobora kumuvaho maze tukibasirwa n'ikigeragezo ariko Kristo ntashobora na mba gutera umugongo uwo yishyuriye inshungu atanze ubugingo bwe bwite. Iyaba amaso yacu mu by'umwuka yahumukaga, twabona abantu batsikamiwe no gukandamizwa kandi baremerewe n'intimba, batsikamiwe nk'imodoka ipakiye imitwaro iremereye cyane kandi bagiye gupfira mu gucika intege no kutagira ibyiringiro. Twabona abamarayika baguruka bihuta cyane bajya gufasha abo bantu bageragezwa, basubiza inyuma ingabo z'umubi zibagose kandi bagashyira ibirenge byabo ku rufatiro rw'ukuri. Urugamba ruhinanye hagati y'izo ngabo z'impande ebyiri zihanganye ni urugamba rufatika nk'ururwanwa n'ingabo zo kuri iyi si, kandi amaherezo [y'abantu] y'iteka ryose ashingiye kuri icyo kibazo cy'intambara mu by'umwuka. {AnA 159.1}

Mu iyerekwa umuhanuzi Ezekiyeli yagize yabonye amaboko yari munsi y'amababa y'umukerubi. Ibi byabereyeho kwigisha abagaragu b'Imana ko ububasha bw'Imana ari bwo butanga gutsinda. Abantu Imana ikoresha nk'intumwa zayo ntibakwiriye kwibwira ko umurimo wayo ari bo ushingiyeho. Ibiremwa bifite iherezo ntibyahariwe kwikorera uyu mutwaro w'iyi nshingano. Udasinzira, wa wundi ukora ubudasiba kugira ngo asohoze imigambi ye, ni we uzateza imbere umurimo we. Azagwabiza imigambi y'ababi kandi azasobanya inama z'abagambanira ubwoko bwe. Umwami Uwiteka nyiringabo wicaye hagati y'abakerubi kandi akaba hagati y'amakimbirane n'imyivumbagatanyo by'amahanga, ni we urinze abana be. Igihe ibihome by'abami bizasenyerwa, igihe imyambi y'umujinya izahuranya imitima y'abanzi be, ni ho ubwoko bwe buzaba amahoro buri mu maboko Ye. {AnA 159.2}

IGICE CYA 14 - “MU MWUKA N’IMBARAGA BYA ELIYA”

Mu myaka amagana menshi yahise uhereye igihe cya Eliya, ibyanditswe bigaragaza ibyo yakoze mu kubaho kwe byagiye bitera gutekereza n’ubutwari mu bantu bagiye bahamagarirwa guhagararira ukuri bakikijwe n’ubuhakanyi. Kandi no kuri twe “abasohoreweho n’imperuka y’ibihe” (1Abakorinto 10:11), ibyo bifite icyo bisobanuye cyihariye. Amateka agenda yisubiramo. Muri iki gihe, isi ifite ba Ahabu ndetse na ba Yezebeli bayo. Igihe turimo ni igihe kirangwa no gusenga ibigirwamana nk’uko igihe Eliya yabayemo cyari kimeze rwose. Bishoboka ko nta hantu ho usengera ibigirwamana hagaragara wabona; bishoboka kandi ko nta gishushanyo kiriho amaso yatumbira; nyamara abantu ibihumbi byinshi bagenda bayoboka imana z’iyi si: bakurikira ubutunzi, kumenyekana, ibinezeza ndetse n’inkuru mpimbano zishimisha kandi zitera umuntu kuyoboka ibikurura umutima utaragizwe mushya. Abantu batabarika basobanukiwe nabi Imana n’ibiyiranga, kandi mu by’ukuri bakorera ibigirwamana nk’uko byari bimeze ku basengaga Bali. Ndetse na benshi mu bavuga ko ari Abakristo bifatanyije n’imbaraga zirwanya Imana n’ukuri kwayo. Uko ni ko bashorwa mu gutera Imana umugongo no guha umuntu ikuzo. {AnA 160.1}

Umwuka uganje muri iki gihe cyacu ni uw’ubuhemu (infidelity) n’ubuhakanyi. Ni umwuka wo kumurikirwa kwemerwa bitewe no kumenya ukuri, nyamara mu by’ukuri ari umwuka wo kwizera ibidafite ishingiro wuzuyemo ubuhumyi bukomeye cyane. Inyigisho z’abantu zihabwa ikuzo kandi zigashyirwa aho Imana n’amategeko yayo byagombye kuba. Satani ashukisha abagabo n’abagore kutumvira, kandi akabasezeranira ko muri uko kutumvira bazagira ukwishyira ukizana n’umudendezo bizabagira nk’imana. Hagaragara umwuka wo kurwanya ijambo ry’Imana ryumvikana, umwuka wo guha ikuzo ubwenge bwa muntu bugahinduka ikigirwamana ndetse bukarutishwa ibyo Imana yahishuye. Abantu bemereye intekerezo zabo kubundukirwa n’umwijima bene ako kageni kandi zikajijishwa no gukurikiza imigenzo y’ab’isi n’amatwara yabo ku buryo basa n’abatakaje ubushobozi bwose bwo gutandukanya umucyo n’umwijima, ukuri n’ibinyoma. Batandukiriye inzira y’ukuri ku buryo bafashe ibitekerezo by’ingirwabakurabwenge bake maze bafata ko ari ibyo kwiringirwa cyane kuruta ukuri kwa Bibiliya. Ukwinginga n’amasezerano byo mu ijambo ry’Imana, uko rirwanya kutumvira no gusenga ibigirwamana, ibyo byose bisa n’aho bibaye ubusa ku buryo bitakoroshya imitima yabo. Bafata ukwizera kwagaragajwe na Pawulo, Petero na Yohana nk’ibintu bitagezweho, amakabyankuru ndetse ko nta bwenge bw’abahanga bagezweho bubirimo. {AnA 161.1}

Mu itangiriro Imana yahaye umuntu amategeko yayo ngo amubere uburyo bumugeza ku munezero n’ubugingo buhoraho. Ikintu kimwe rukumbi Satani yiringiye cyatuma agwabiza

umugambi w'Imana ni ugutera abagabo n'abagore gusuzugura amategeko aya mategeko y'Imana, kandi umuhati we udacogora wabaye uwo kugoreka inyigisho z'amategeko y'Imana no gupfobya akamaro kayo. Intego ye ikomeye yagiye iba iyo kugerageza guhindura amategeko ubwayo kugira ngo batere abantu kurenga ku mabwiriza yayo nyamara bavuga ko bayumvira. {AnA 162.1}

Umwanditsi umwe yagereranyije kugerageza guhindura amategeko y'Imana n'igikorwa cyo kwangiriza cyabagaho kera maze icyapa kiyobora abagenzi cyabaga cyarashinzwe mu mahuriro y'imihanda ibiri kigahindurirwa icyerekezo. Guhagarika umutima n'umuruho byatezwaga n'iyo mikorere byababaga bikomeye cyane. {AnA 162.2}

Icyapa kiyobora abagenzi cyahinzwe n'Imana gishyiriweho abagenda muri iyi si. Icyami rimwe ry'iki cyapa ryerekanaga kumvira Umuremyi mu bushake nk'inzira igana ku munezero n'ubugingo, mu gihe irindi shami ryerekanaga kutumvira nk'inzira igana mu makuba n'urupfu. Inzira igana ku munezero igaragazwa neza cyane nk'uko inzira yerekezaga mu mudugudu w'ubuhungiro yari iri mu gihe cy'ishanga ry'Abayuda. Nyamara mu gihe kibi cyane mu kubaho kw'ikiremwamuntu, umwanzi gica w'ibyiza byose yaje guhindura icyerekezo cy'icyapa maze bituma imbaga y'abantu batabarika iyoba inzira. {AnA 162.3}

Uwiteka abinyijije muri Mose yaravuze ati: "Kandi ubwire Abisirayeli uti: 'Ntimukabure kuziririza amasabato yanjye, kuko ari yo kimenyetso hagati yanjye namwe mu bihe byanyu byose, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka ubeza. Nuko mujye muziririza isabato kuko ari iyera kuri mwe, uyiziruye ntakabure kwicwa. Umuntu wese uzagira umurimo akora kuri yo azakurwe mu bwoko bwe. Mu minsi itandatu abe ari mo imirimo ijya ikorwa, ariko uwa karindwi ni isabato yo kuruhuka yerejwe Uwiteka. Uzagira umurimo akora ku munsi w'isabato ntakabure kwicwa. Nuko Abisirayeli baziririze isabato, bajye bayitondera mu bihe byabo byose, ibe isezerano ridakuka. Ni ikimenyetso cy'iteka ryose hagati yanjye n'Abisirayeli, kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi, ku wa karindwi akarorera, akaruhuka.'" Kuva 31:13-17. {AnA 163.1}

Muri aya magambo Uwiteka yasobanuye neza ko kumvira ari inzira igana mu Murwa w'Imana; ariko umunyabugome yahinduye icyapa kiyobora abagenzi maze akirebesha mu cyerekezo kibi. Satani yashyizeho isabato y'ikinyoma kandi yateye abagabo n'abagore gutekereza ko igihe bauhutse kuri iyo sabato y'ikinyoma baba bumvira itegeko ry'Umuremyi. {AnA 163.2}

Imana yavuze ko umunsi wa karindwi ari Isabato y'Uwiteka. "Ijuru n'isi n'ibirimo byinshi byose birangira kuremwa," maze Imana yubahisha uyu munsi wibutsa umurimo wayo wo

kurema. “Ku munsi wa karindwi Imana irangiza imirimo yakoze yose: iruhuka ku munsi wa karindwi imirimo yayo yose yakoze. Imana iha umugisha umunsi wa karindwi, iraweza.” Itangiriro 2:1-3. {AnA 163.3}

Igihe cyo kuva mu Misiri, ubwoko bw’Imana bwibukijwe bikomeye Isabato. Igihe bari bakiri mu bubata, ababakoreshaga uburetwa bari baragerageje kubahatira gukora ku munsi w’Isabato babinyujije mu kobongerera imirimo basabwaga gukora mu cyumweru. Imiterere y’akazi yagiye ikazwa kenshi kandi ikarushaho kuruhanya. Nyamara Abisirayeli babatuwe mu bubata maze bajyanwa ahantu bashoboraga kubahiriza amategeko yose y’Uwiteka nta nkomyi bafite. Amategekoyavugiwe kuri Sinayi; kandi inyandiko yayo yari ku bisate bibiri by’amabuye, “yandikwa n’urutoki rw’Imana” maze ibyo bisate bihabwa Mose. Kuva 31:18. Mu myaka ijya kugera kuri mirongo ine yo kuzerera mu butayu, Abisirayeli bahoraga bibutswa umunsi wo kuruhuka Imana yashyizeho binyuze mu kutabohererereza manu buri munsi wa karindwi ndetse no kubohererereza incuro ebyiri za manu mu buryo bw’igitangaza ku munsi wo kwitegura Isabato. {AnA 163.4}

Mbere yuko Abisirayeli binjira mu Gihugu cy’Isezerano, Mose yabihanangirije “kuziririza umunsi w’Isabato no kuweza.” Gutegeka kwa kabiri 5:12. Uwiteka yari yaragennye ko kubwo kubahiriza itegeko ry’Isabato badakebakeba, Abisirayeli bajyaga guhora bibutswa inshingano bafite imbere y’Imana nk’Umuremyi n’Umucunguzi wabo. Igihe bajyaga kubahiriza Izabato uko bikwiriye, gusenga ibigirwamana ntibyajyaga kubaho; nyamara ubwo amabwiriza yo mu mategeko cumi yajyaga kwirengagizwa nk’aha atakibagenga, Umuremyi yajyaga kwibagirana maze abantu bakaramya izindi mana. Imana yaravuze iti: “Maze kandi mbaha n’amasabato yanjye, ngo abe ikimenyetso hagati yanjye nabo, kugira ngo bamenye ko ari njye Uwiteka ubeza.” Nyamara “banze amategeko yanjye ntibagendera mu mategeko yanjye, n’amasabato yanjye barayazirura: ahubwo imitima yabo yakurikiye ibigirwamana byabo.” Mu irarika ryayo ibahamagarira kuyigarukira, Imana yongeye kurarikira intekerezo zabo kurangamira akamaro ko kweza Isabato. Imana yaravuze iti: “Ndi Uwiteka Imana yanyu: mujye mugendera mu mategeko yanjye, kandi muyakurikize; kandi mujye mweza amasabato yanjye; abe ikimenyetso hagati yanjye namwe, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka Imana yanyu.” Ezekiyeli 20:16,19,20. {AnA 164.1}

Mu guhwiturira abari batuye Ubuyuda kuzirikana ibyaha byabo byari byarabateye kujyanwa mu bunyage i Babuloni, Uwiteka yaravuze ati: “Wasuzuguye ibyera byanjye, uzirura n’amasabato yanjye.” “Ni cyo cyatumye mbasukaho uburakari bwanjye bukaze; mbakongeresha umuriro w’umujinya wanjye: maze imigenzereze yabo nyiherereza ku mitwe yabo.” Ezekiyeli 22:8, 31. {AnA 165.1}

Ubwo basanaga Yerusalemu mu gihe cya Nehemiya, habayeho gucyaha gukomeye cyane kwerekeye kwica Isabato. Nehemiya yarabacyashye ati: “Ese ba sokuruza banyu si uko babigenje bigatum Aimana yacu ituzanaho ibi byago no kuri uyu murwa? None namwe mugiye kongerera Abisirayei uburakari, muzira gusuzuguza isabato.” Nehemiya 13:18. {AnA 165.2}

Ubwo yakoreraga umurimo we ku isi, Kristo yashimangiye amabwiriza yerekeye Isabato. Mu nyigisho ze, yagaragaje kubaha gahunda ubwe yari yaratanze. Mu minsi Yesu yari ku isi, Isabato yari yaragoretswe cyane ku buryo kuyubahirizaga byagaragazaga imico y’abantu bikanyiza kandi bizirikana ubwabo aho kugaragaza imico y’Imana. Kristo yirengagije imyigishirize y’ibinyoma abavugaga ko bazi Imana bari barakoresheje bayerekana uko itari. Nubwo yahigwaga bukware n’abigishamategeko, ntabwo yigeze agaragaza ko ashaka gukurikiza amabwiriza yabo, ahubwo ntiyateshutse ku kubahiriza Isabato nk’uko amategeko y’Imana abisaba. {AnA 165.3}

Akoresheje imvugo yahuranyije yahamije uko afata amategeko y’Uwiteka. Yaravuze ati: “Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohoza. Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n’isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira. Nuko uzica rimwe ryo muri ayo mategeko naho ryaba ryoroshye hanyuma y’ayandi, akigisha abandi kugira batyo, mu bwami bwo mu ijuru azitwa mutoya rwose. Ariko uzayakora akayigisha abandi, mu bwami bwo mu ijuru azitwa mukuru.” Matayo 5:17-19. {AnA 165.4}

Mu gihe cyo gusakara k’Ubukristo, umwanzi gica w’umunezero w’umuntu yibasiye byihariye Isabato yo mu itegeko rya kane. Satani aravuga ati: “Nzavuguruza imigambi y’Imana. Nzabashisha abayoboke banjye kwirengagiza urwibutso rw’Imana, ari rwo Sabato yo ku munsi wa karindwi. Muri ubwo buryo nzereka abatuye isi ko umunsi Imana yejeje kandi igaha umugisha wahinduwe. Uwo munsi ntuzongera kuba mu ntekerezo z’abantu. Nzawusibanganya mu bwenge bw’abantu. Mu mwanya wawo, nzawusimbuza umunsi utemewe n’Imana, umunsi udashobora kubaikimenyetso hagati y’Imana n’ubwoko bwayo. Nzatera abemera uyu munsi kuwuha ikwera Imana yahaye umunsi wa karindwi. {AnA 166.1}

“Nziha ikuzo mbinyujije mu musimbura wanjye. Umunsi wa mbere [w’icyuweru] uzahabwa ikuzo, kandi Abaporotesitanti bazakira iyi sabato y’icyiganao nk’aho ari iy’ukuri. Kubwo kutubahiriza Isabato Imana yashyizeho, nzatuma amategeko yayo asuzugurwa kangi yangwe. Amagambo ngo; ‘ikimenyetso hagati yanjye na mwe mu bihe byanyu byose’ nzayakoresha mu gushyigikira isabato nishyiriyeho. {AnA 166.2}

“Uko ni ko isi izahinduka iyanjye. Nzaba umutegetsi w’isi, umwami w’isi. Nzitegekera intekerezo z’abantu nyobora ku buryo Isabato y’Imana izaba igisuzugurwa mu buryo bwihariye. Ikimenyetso? Nzatuma kubahiriza umunsi wa karindwi biba ikimenyetso cyo kutumvira abayobozi b’isi. Amategeko yashyizweho n’abantu azahabwa agaciro gakomeye ku buryo abagabo n’abagore batazahangara kubahiriza Isabato yo ku munsi wa karindwi. Kubwo gutinya kuba babura ibyokurya n’imyambaro, bazifatanya n’ab’isi kwica amategeko y’Imana. Isi yose izaba munsi y’ubutware bwanjye.” {AnA 166.3}

Binyuze mu gushyiraho Isabato y’ikinyoma, umwani yatekereje uhindura ibihe n’amategeko. Ariko se mu by’ukuri yaba yarageze ku ntego ye mu guhindura amategeko y’Imana? Amagambo ari mu gice cya 31 cy’igitabo cyo Kuva ni igisubizo kuri iki kibazo. Uri uko yari ari ejo hashize, Udahinduka, kandi akaba ari ko azahora iteka ryose yavuze iby’Isabato y’umunsi wa Karindwi agira ati: “Kuko [Isabato] ari yo kimenyetso hagati yanjye namwe mu bihe byanyu byose.” “Ni ikimenyetso cy’iteka ryose.” Kuva 31:13,17. Icyapa kiyobora abagenzi cyahinduriwe icyerekezo ubu cyerekeza mu nzira itari iy’ukuri, ariko Imana yo ntiyahindutse. Iracyari Imana ikomeye ya Isirayeli. “Dore amahanga ameze nk’igitonyanga kiri mu kibindi, agereranywa n’umukungugu ufashe ku minzani. Dore aterura ibirwa nk’uterura akantu gato cyane. I Lebanoni ntihaba inkwi zo gucana zihagije, kandi n’inyamaswa zaho ntizashyika kuba igitambo cyoswa. Mu maso ye amahanga yose ni nk’ubusa, kuri we abarwa nk’ubusa ndetse ari hanyuma y’ubusa.” Yesaya 40:15-17. Muri iki gihe Imana irakiranuka kandi ifuhira amategeko yayo nk’uko byari bimeze mu gihe cya Ahabu na Eliya. {AnA 167.1}

Mbega uburyo amategeko y’Imana asuzugurwa! Nimwitegereze uburyo isi ya none yigomeka ku Mana ku mugaragaro. Mu by’ukuri iki ni igisekuru cy’abantu batagonda ijosi, buzuye kudashima, kurangwa n’imihango y’ibigaragara gusa, uburyarya, ubwibone no guhakana Imana. Abantu basuzugura Bibiliya kandi bakanga ukuri. Yesu abona amategeko ye yarirengagijwe, urukundo rwe rwarasuzuguwe kandi intumwa ze zihabwa agaciro gake. Imana yagiye ivuga binyuze mu buntu igirira abantu ariko ubwo buntu ntibwagiye bwitabwaho; yagiye ivugira mu miburo ariko iyo miburo ntiyumviwe. Ibikari by’urusengero rw’umutima w’umuntu byahinduwe ahantu hanyuzwa ibyanduye. Kwikanyiza, igomwa, ubwibone n’ubugome byose byahawe icyicaro. {AnA 167.2}

Abantu benshi ntibashidikanya guha ijambo ry’Imana urw’amenyo. Abantu bizera iryo jambo nk’uko riri barasuzugurwa. Hariho gusuzugura amategeko na gahunda kugenda gukura, ariko gufitanye isano ya bugufi no kwica amategeko atunganye y’Uwiteka. Urugomo n’ubugome ni byo musaruro uva ku guteshuka inzira yo kumvira. Mwitegereze

ubuhanya no kubura amajyo by'imbaga y'abantu basengera mu ngoro z'ibigirwamana kandi bashakisha umunezero n'amahoro nyamara batabasha kubibona. {AnA 168.1}

Nimwitegereze gusuzugura itegeko ry'Isabato kwenda kuba gikwira ku isi yose. Nimwitegereze na none kugomera Imana kwihandagaje kw'abantu mu gihe bavuga ko bashyira mu bikorwa ibyo amategeko asaba kugira ngo barinde icyo bita kwera kw'umunsi wa mbere, ku rundi ruhande bari gushyiraho amategeko yemerera abantu gucuruza ibisindisha byo ku rwego rwo hejuru. Ibirenze ibyanditswe, bagerageza guhata intekerezo z'abantu, ari na ko bemera ikibi kibuza amahoro kandi kikaribura abantu baremwe ku ishusho y'Imana. (p. 186) Satani ubwe ni we soko y'ayo mategeko. Azi neza ko umuvumo w'Imana uzagera ku bantu bubaha amategeko yashyizweho n'umuntu bakayarutisha ay'Imana, kandi akora uko ashoboye kose kugira ngo ayobore abantu mu nzira ngari irangirira mu kurimbuka. {AnA 168.2}

Abantu bamaze igihe kirekire baramya ibitekerezo by'umuntu ndetse n'ibyashyizweho n'umuntu ku buryo isi hafi ya yose yayobotse ibigirwamana. Kandi Satani wakoranye umwete kugira ngo ahindure amategeko y'Imana ubu akoresha uburyo bw'ubuhendanyi bwose kugira ngo atere abagabo n'abagore kurwanya Imana n'ikimenyetso kiranga abakiranutsi. Ariko Uwiteka ntazareka ngo abantu bice amategeko yayo kandi bayasuzugure iteka badahanwe. Igihe kigiye kugera ubwo "agasuzuguro k'abantu kazacishwa bugufi, n'ubwibone bw'abantu buzashyirwa hasi, uwo munsi Uwiteka ni we uzogezwa wenyine." Yesaya 2:11. Umwuka w'ubuhakanyi ushobora gufata ibyo amategeko y'Imana asaba ukabigira urw'amenyo, ukabikwena kandi ukabyanga. Umwuka wo gutwarwa n'iby'isi ushobora kwanduza benshi kandi ugategeka bake, umurimo w'Imana ushobora gushinga imizi binyuze gusa mu gukorana umwete mwinshi no kwitanga ubudacogora, nyamara amaherezo ukuri kuzatsinda bihebuje. {AnA 168.3}

Mu murimo uheruka Imana izakora ku isi, amahame ngenderwaho y'amategeko yayo azongera yererezwe. Imyizerere y'ikinyoma ishobora kuganza, icyaha n'ubugome bishobora kugwira, urukundo rwa benshi rushobora gukonja, umusaraba w'i Kaluvari ushobora kwirengagizwa, kandi umwijima umeze nk'igicucu cy'urupfu ushobora gukwira isi yose; imbaraga zose z'ibiriho zishobora kurwanya ukuri; hashobora gucurwa imigambi mibisha ubutitsa kugira ngo ubwoko bw'Imana burimburwe; ariko mu isaha yo kurimbuka gukomeye cyane Imana ya Eliya izahagurutsa abantu bazatanga ubutumwa butazigera bucecekeshwa. Mu mijyi ituwe cyane yo ku isi, ndetse n'ahantu abantu bageze kure cyane bavuga amagambo arwanya Isumbabyose, ijwi ryo gucyaha gukomeye rizumvikana. Abantu bashyizweho n'Imana bazamagana ubumwe bw'itorero n'isi bashize amanga. Bazavuga bakomeje bahamagarire abagabo n'abagore kureka kubahiriza gahunda yashyizweho

n'abantu ahubwo bakubahiriza Isabato nyakuri. Bazabwira amahanga yose bati: "Nimwubahe Imana, muyihimbaze; kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye; muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko. . . . Umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga, ni yo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo." Ibyahishuwe 14:7-10. {AnA 169.1}

Ntabwo Imana izica isezerano ryayo, kandi nta nubwo izigera ihindura icyasohotse mu kanwa kayo. Ijambo ryayo rizahora rihamye iteka nk'uko intebe yayo y'ubwami itigera ihinduka. Mu rubanza, iri sezerano ryayo rizazanwa imbere y'abantu, ryanditswe neza n'urutoki rw'Imana, kandi abatuye isi bazagezwa imbere y'Ubutabera bw'Imana ihoraho kugira ngo bacirwe urubanza. {AnA 170.1}

Muri iki gihe nk'uko byari bimeze mu gihe cya Eliya, umurongo utandukanya abantu bakurikiza amategeko y'Imana n'abaramya ibigirwamana urashushanyijwe mu buryo bugaragara. Eliya yararanguruye ati: "Muzageza he guhera mu rungabangabo? Niba muzi ko Uwiteka ari we Mana, nimumukurikire; kandi niba ari Bali, abe ari we mukurikira." 1Abami 18:21. Kandi ubutumwa bugenewe iki gihe turimo ni ubu ngo: "Iraguye, iraguye Babuloni ikomeye. . . Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo, kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo. Kuko ibyaha byawo byarundanyijwe bikagera mu ijuru kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo." Ibyahishuwe 18:2, 4, 5. {AnA 170.2}

Ntibigitinze ngo ikigeragezo kigere ku muntu wese. Tuzahatirwa kubahiriza Isabato y'ikinyoma. Intambara izaba iri hagati y'amategeko y'Imana n'amategeko y'abantu. Abantu bagiye biyegurira ni ruto ni ruto ibyo isi isaba kandi bagakurikiza imigenzo y'isi, icyo gihe bazayoboka imbaraga…….(will then yield to the powers that be, rather than subject themselves to derision, insult, threatened imprisonment, and death. P.188) Icyo gihe izahabu izatandukanywa n'inkamba. Ukubaha Imana k'ukuri kuzatandukanywa rwose no kwishushanya cyangwa ishusho yako igaragagara inyuma gusa. Icyo gihe inyenyeri nyinshi twagiye twishimira kurabagirana kwazo zizasohoka zijye mu mwijima. Abantu bagiye bahabwa inshingano bakarimbishwa imirimbo y'ubuturo bwera nyamara batambaye gukiranuka kwa Kristo, icyo gihe bazagaragara bakozwe n'isoni z'ubwambure bwabo. {AnA 170.3}

Mu bantu batuye batataniye mu bigugu byose, harimo batarigeze bapfukamira Bali. Nk'uko inyenyeri zo mu kirere ziboneka nijoro gusa, abo bakiranutsi bazamurika igihe umwijima uzatwikira isi kandi umwijima w'icuraburindi ukabundikira abantu. Mu turere twa Afurika turangwamo ubupagani, mu bihugu by'Abagatulika byo mu Burayi n'ibyo muri Amerika

y’amajyepfo, mu Bushinwa, mu Buhindi, mu birwa byo mu Nyanja, ndetse no mu mpfuruka zijimye z’isi, Imana ihizigamiye abatoranyijwe bazamurika hagati mu mwijima, bakazagaragariza neza isi yahakanye Imana imbaraga ihindura iri mu kumvira amategeko ya Yo. Ndetse no muri iki gihe baboneka mu bihugu byose, mu ndimi zose n’amoko yose; kandi mu gihe cy’ubuhakanyi bukomeye cyane, igihe Satani azakoresha imbaraga z’indengakamere kugira ngo atere “bose, aborohoje n’abakomeye, abatunzi n’abakene, n’ab’umudendezo n’ab’imbata” kwakira ikimenyetso cyo kuyoboka umunsi w’ikiruhuko w’ikinyoma, ba bandi b’indahemuka ‘batabaho umugayo cyangwa uburyarya, abana b’Imana batagira inenge,’ ‘bazamurika nk’imuri zimurikira isi.” Ibyahishuwe 13:16; Abafilipi 2:15. Uko ijoro rizarushaho kwijima, ni ko na bo bazarushaho kurabagirana. {AnA 171.1}

Mbega umurimo utangaje Eliya aba yarakoze mu kubara Abisirayeli igihe ibihano by’Imana byageraga ku bantu bari barasubiye inyuma! Eliya yajyaga kubara umuntu umwe uri ku ruhande rw’Uwiteka. Ariko igihe yavugaga ati: “Ni jye jyenyine usigaye, nanjye baragenza ubugingo bwanjye ngo banyice,” ijambo ry’Uwiteka ryaramutangaje ngo “Ariko rero nzaba nsigaranye abantu ibihumbi birindwi mu Isirayeli, batapfukamiye Bali, ntibamusome.” 1Abami 19:14, 18. {AnA 171.2}

Nimutyo he kugira umuntu ugerageza kubara Abisirayeli muri iki gihe, ahubwo mureke umuntu wese agire umutima utuje wuje impuhwe, umutima umeze nk’uwa Kristo, umutima witanga kubw’agakiza k’isi yazimiye. {AnA 172.1}

IGICE CYA 15 - YEHOSHAFATI

Kugeza igihe yagiriye ku ngoma afite imyaka mirongo itatu n'itanu y'ubukuru, Yehoshafati yari afite imbere ye icyitegererezo cy'umwami mwiza Asa wari "warakoze ibitunganye mu maso y'Imana" mu ngorane hafi ya zose yahuye na zo. (1Abami 15:11). Mu gihe cy'imyaka makumyabiri n'itanu yamaze ku ngoma aguwe neza, Yehoshafati "yagendanaga ingeso za se Asa zose, ntiyazivamo ngo azireke." 1Abami 22:43. {AnA 172.2}

Mu mwete yakoreshaga kugira ngo ayoborane ubwenge, Yehoshafati yaharaniye kumvisha abo yayoboraga kurwanya imigirire yo gusenga ibigirwamana badakebakeba. Abantu benshi mu bwami bwe "baturaga kandi bakosereza imibavu ku tununga." Ntabwo umwami yahise asenya izo ngoro zari ku tungunga; ahubwo kuva mu itangiriro ry'ingoma ye yagerageje kurinda ubwami bw'Ubuyuda ibyaha byarangaga ubwami bw'amajyaruguru bwari buyobowe na Ahabu bayoye igihe kimwe imyaka myinshi. Yehoshafati ubwe yari indahemuka ku Mana. "Ntiyaraguzaga Bali. Ahubwo yambazaga Imana ya se, akagendera mu mategeko yayo ntagenze nk'uko Abisirayeli bagenzaga." Bitewe n'ubupfura bwe, Uwiteka yabanye na we, kandi "amukomereza ubwami." 2Ngoma 17:3-5. {AnA 173.1}

"Abayuda bose bamutura amaturo, agira ubutunzi bwinshi n'icyubahiro gikomeye. Umutima we wogezwa mu nzira z'Uwiteka." Uko igihe cyahitaga, hakorwaga ivugurura, maze umwami "akuraho n'ingoro na Asherimu byari i Buyuda." (2Ngoma 17:5, 6). "Kandi abatinganyi barokotse bari basigaye bakiriho ku ngoma ya se Asa, arabohera abakura mu gihugu." 1Abami 22:47. Uko ni ko abaturage b'Ubuyuda bagiye bakizwa akaga kenshi kagiye kadindiza bikomeye iterambere ryabo mu by'umwuka. {AnA 173.2}

Mu bwami bwose bw'Ubuyuda, abantu bari bakeneye kwigishwa amategeko y'Imana. Umutekano no kugubwa neza byari bishingiye mu gusobanukirwa aya mategeko; kandi kubwo gukurikiza ibo asaba mu mibereho yabo, bajyaga kuba indahemuka ku Mana no ku bantu. Kubera ko ibi Yehoshafati yari abizi neza, yateye intambwe yo guhaza abo yayoboraga ubwenge buhamye bwo mu Byanditswe Byera. Ibikomangoma byari bishinzwe uturere dutandukanye tw'ubwami bwe byahawe amabwiriza yo gutegura umurimo utunganye wo kwigisha abatambyi. Bamaze gushyirwaho n'umwami, abo bigisha bakoraga bagenzurwa n'ibikomangoma mu buryo butaziguye, maze "bagenda imidugudu y'i Buyuda yose bigisha abantu." 2Ngoma 17:7-9. Kandi kubw'uko abantu benshi baharaniraga gusobanukirwa ibyo Imana ibasaba no kwitanduakanya n'icyaha, habayeho ububyutse. {AnA 173.3}

Ukwinshi mu kugubwa neza Yehoshafati yagize nk'umuyobozi, yagukesheje uyu mugambi w'ubwenge wo gukemura ubukene mu by'umwuka bw'abo yayoboraga. Hari inyungu

ikomeye iva mu kumvira amategeko y'Imana. Mu kumvira ibyo Imana isaba habamo imbaraga ihindura izana amahoro n'umutima mwiza mu bantu. Iyaba inyigisho z'ijambo ry'Imana zagirwaga imbaraga igenga abantu mu mibereho y'umugabo n'umugore wese, iyaba ubwenge n'umutima byagengwaga n'imbaraga ikumira y'ijambo ry'Imana, ibibi bibaho muri iki gihe muri rusange no mu mibanire y'abantu ntibyabona umwanya. Buri muryango wose wasohokamo imbaraga ituma abagabo n'abagore bakomera mu by'umwuka kandi bakagira imbaraga mu by'imico mbonera, bityo ibihugu ndetse n'abantu ku giti cyabo bagashyirwa ku mwanya wo hejuru. {AnA 174.1}

Yehoshafati yamaze imyaka myinshi ariho mu mahoro, atabuzwa amahwemo n'amahanga yari akikije ubwami bwe. "Uwiteka ateza ubwoba abami b'ibihugu bihereranye n'i Buyuda byose, bituma batarwanya Yehoshafati." (2 Ngoma 17:10). Abafilisitiya bamuzaniye amaturo, n'ifeza z'ikoro; Abarabu na bo bamuzanira imikumbi y'intama n'ihene. "Maze Yehoshafati akomeza kugwiza icyubahiro cyane; yubaka mu Buyuda ibihome n'imidugudu y'ububiko. . . . akagira n'abantu b'ingabo bakomeye b'intwari, . . . bakoreraga umwami, udashyizemo abo umwami yashyize mu midugudud igoswe n'inkike mu Buyuda bwose." (2Ngoma 17:12-19). "Yehoshafati yari atunze cyane, afite icyubahiro gikomeye," yabashishijwe kuzana impinduka nziza zikomeye mu byerekeye ukuri n'ubutungane. 1Ngoma 18:1. {AnA 174.2}

Nuko hashize imyaka Yehoshafati ari ku ngoma, ubwo yari aguwe neza cyane, yaje kwemera ko umuhungu we Yehoramu arongora Ataliya umukobwa wa Ahabu na Yezebeli. Kubwo gushyingirana, hagati y'ubwami bw'Ubuyuda n'ubwa Isirayeli hari habaye ubufatanye butari bwemewe n'Imana kandi mu gihe cy'akaga uko kwifatanya kwazaniye akaga umwami na benshi muri rubanda yayoboraga. {AnA 175.1}

Igihe kimwe Yehoshafati yagiye gusura umwami w'Abisirayeli i Samariya. Uwo mushyitsi wari uturutse i Yerusalemu yakiranwe icyubahiro cyihariye cy'umwami, kandi mbere y'uko asoza urwo rugendo yaje kwemera gufatanya n'umwami w'Abisirayeli mu ntambara yo kurwanya Abasiriya. Ahabu yari yiringiye ko kubwo gufatanya ingabo ze n'iz'Ubuyuda azabasha kwigarurira umwe mu byahoze ari imidugudu y'ubuhungiro witwaga Ramoti, kuko yayirwaniraga avuga ko ari uw'Abisirayeli mu buryo bwemewe. {AnA 175.2}

Nubwo mu kanya ko kugira integer nke Yehoshafati yari yasezeranye ahubutse ko yemeye gufatanya n'umwami w'Abisirayeli mu ntambara yo kurwana Abasiriya, nyamara yasubije agatima impembero maze bimutera gushaka kumenya ubushake bw'Imana kuri uwo mugambi bari bafashe. Yasabye Ahabu ati: "Ndakwinginze, ubu banza ugishe ijambo ry'Uwiteka inama." Mu rwego rwo kubahiriza icyifuzo cya Yehoshafati, Ahabu yahamagaje abahanuzi magana ane bo mu bahanuzi b'ibinyoma babaga i Samariya, maze arababaza ati:

“Dutabare i Ramoti Galeyadi, cyangwa se ndorere?” Baramusubiza bati: “Zamuka kuko Uwiteka azahagabiza umwami.” 2Ngoma 18:4,5. {AnA 175.3}

Yehoshafati atanyuzwe, ashaka kumenya neza ubushake bw’Imana. Maze yongera kubaza ati: “Mbese nta wundi muhanuzi w’Uwiteka uri hano ngo tumuhanuze?” (Umurongo wa 6). Ahabu aramusubiza ati: “Hasigaye undi mugabo tubasha kugishisha inama z’Uwiteka. Ariko ndamwanga, kuko atampanurira ibyiza keretse ibibi gusa, uwo ni Mikaya mwene Imula” 1Abami 22:8. Yehoshafati yakomeye kuri uko gusaba kwe ko umuntu w’Imana yahamagazwa; maze ubwo Mikaya yari ageze imbere yabo kandi ubwo yari amaze kurahizwa na Ahabu ko nta kindi ari buvuge uretse ukuri mu izina ry’Uwiteka, Mikaya araterura aravuga ati: “Nabonye Abisirayeli bose batataniye ku misozi miremire, nk’intama zidafite umwungeri: Uwiteka ni ko kuvuga ati: ‘Bariya ni impehe zitagira shebuja; nibasubireyo umuntu wese atahe iwe amahoro.’” 2 Ngoma 18:16, 17. {AnA 176.1}

Aya magambo ‘umuhanuzi yagombye kubaahagije kugira ngo yereke aba bami bombi ko umugambi wabo utemewe n’Ijuru, nyama nta n’umwe muri abo bategetsi waciye bugufi ngo yumvire uwo muburo. Ahabu yari yamaze kumaramaza mu mugambi we, kandi yari yiyemeje kuwukurikira. Yehoshafati yari yamaze kuvuga ijambo rye ry’umunyacyubahiro agira ati: “tuzatabarana muri iyo ntambara;” kandi nyuma yo gusezerana iryo sezerano, ntiyashakaga kuba yakura ingabo ze muri iyo ntambara. 2Ngoma 22:2. “Bukeye umwami w’Abisirayeli na Yehoshafati umwami w’Abayuda baratabara batera i Ramoti y’i Galeyadi.” 1Abami 22:29. {AnA 176.2}

Mu rugamba rwakurikiyeho, Ahabu yarashwe n’umwambi maze bugiye kwira aratanga. “Izuba rigiye kurenga, bararangurura mu ngabo bati: ‘Umuntu wese niyisubirire mu mudugudu w’iwabo no mu gihugu cyabo.’” (umurongo wa 36). Uko ni ko ijambo ry’umuhanuzi Mikaya ryasohoye. {AnA 176.3}

Yehoshafati yavuye muri urwo rugamba rwari rukomeye maze agaruka i Yerusalemu. Ubwo yari ageze hafi y’umurwa, umuhanuzi Yehu yaramusanganije aya magambo yo kumucyaha ati: “Hari n’aho watabaye abanyabyaha, ugakunda abanga Uwiteka? Icyo ni cyo gitumye Uwiteka akurakarira. Icyakora hariho ibyiza bikubonekaho, kuko wakuye ibishushanyo bya Ashera mu gihugu, ukagambirira mu mutima gushaka Imana.” 2Ngoma 19:2, 3. {AnA 177.1}

Imyaka yaherutse y’ingoma ya Yehoshafati yaranzwe no gukomeza uburinzi ku gihugu no kubaka ibihindizo by’iby’umwuka mu Buyuda. “bukeye arongera arasohoka arambagira mu bantu be, ahera i Bērisheba ageza mu gihugu cy’imisozi cya Efurayimu, abagarura ku Uwiteka Imana ya ba sekuruza.” Umurongo wa 4. {AnA 177.2}

Imwe mu ntambwe z'ingenzi zatewe n'umwami Yehoshafati yabaye iyo gushyiraho no gukomeza inkiko zitanga ubutabera bukwiriye. "Ashyira abacamanza mu gihugu, bakwira imidugudu y'i Buyuda yose igoswe n'inkike, imidugudu yose umwe umwe. Abo bacamanza arabategeka ati: "Muramenye ibyo mugiye gukora kuko atari abantu mucirira imanza, ahubwo ni Uwiteka kandi ni we uri kumwe namwe muca imanza. Ariko mujye mwubaha Uwiteka mwirinde mu byo mukora, kuko ku Uwiteka Imana yacu nta gukiranirwa cyangwa kwita ku cyubahiro cy'umuntu cyangwa guhongerwa." 2Ngoma 19:5-7. {AnA 177.3}

Gahunda y'ubucamanza yanogejwe no gushyinga urukiko rw'ubujurire i Yerusalemu, aho Yehoshafati "yashyize bamwe b'Abalewi n'abatambyi, n'abatware b'amazu ya ba sekuruza b'Abisirayeli ngo bajye baca imanza z'iby'Uwiteka, bakiranure abantu mu byo bapfa." umurongo wa 8. {AnA 177.4}

Umwami yasabye abo bacamanza kuba inyangamugayo. Yarabihanangirije ati: ""Muzajye mugenza mutyo mwubashye Uwiteka, mwiringirwa, mufite umutima utunganye. Kandi bene wanyu batura mu midugudu yabo, nibababazanira imanza zose z'ubwicanyi cyangwa z'iby'itegeko, cyangwa amategeko cyangwa ibyategetswe cyangwa amateka, mujye mubahugura ngo batagibwaho n'urubanza ku Uwiteka, uburakari bukabageraho no kuri bene wanyu. Mujye mugenza mutyo, ntimuzagibwaho n'urubanza. Kandi dore Amariya umutambyi mukuru ni we uzabatwara mu by'Uwiteka byose, na Zebadiya mwene Ishimayeli umutware w'umuryango wa Yuda ni we uzabatwara mu by'umwami byose, kandi Abalewi bazaba abatware muri mwe. {AnA 178.1}

"Mushire amanga mukore, Uwiteka abane n'ukiranuka." Imirongo ya 9-11. {AnA 178.2}

Muri uku kurinda uburenganzira n'umudendezo by'abaturage ayobora, Yehoshafati yashimangiye agaciro Imana nyirubutungane kandi itegeka bose, iha umuntu wese mu muryango wa muntu. "Imana ihagarara mu iteraniro ryayo; icira abigira 'imana' urubanza." Kandi abashyiriweho kuba abacamanza bakorera munsi y'ukuboko kwayo bagomba "guca imanza zikwiriye uworoheje n'impfubyi;" bagomba "gutabara uworoheje n'umukene," bakabakiza "amaboko y'abanyabyaha." Zaburi 82: 1, 2. {AnA 178.3}

Ahagana ku iherezo ry'ingoma ya Yehoshafati ubwami bw'Ubuyuda bwatewe n'ingabo kandi kuza kwazo kwatumye abatuye Ubuyuda bahinda umushyitsi. "Hanyuma y'ibyo Abamowabu n'Abamoni hamwe n'Abamewunimu batera Yehoshafati, bajya kumurwanya." Inkuru z'icyo gitero zageze ku mwami binyuze ku ntumwa yamuzaniye amagambo ateye ubwoba agira ati: "Haje ingabo nyinshi ziguteye ziturutse i Siriya hakurya

y'inyanja, kandi dore bageze i Hasasonitamari (ari ho Enigedi)" 2Ngoma 20:1,2. {AnA 178.4}

Yehoshafati yari umugabo w'intwari kandi w'umunyambaraga. Yamaze imyaka myinshi akomeza ingabo ze ndetse n'imidugudu igoteshejwe inkuta. Yari yiteguye neza guhangana hafi n'umwanzi uwo ari we wese; nyamara muri ayo makuba yari amwibasiye, ntabwo yiringiye intwaro z'umubiri. Yashoboraga kwiringira gutsinda abo bapagani birataga imbaraga zabo ko zirabashoboza gucisha bugufi Ubuyuda imbere y'amahanga atabikesheje ingabo zatojwe neza cyangwa imidugudu igotesheje inkike, ahubwo yari yiringiye gutsinda kubwo kwizera kuzima yizeraga Imana ya Isirayeli. {AnA 179.1}

"Yehoshafati aratinya yihata gushaka Uwiteka, ategeka Abayuda bose kwiyiriza ubusa. Abayuda bose baraterana ngo basabe Uwiteka kubatabara, baturuka mu midugudu y'i Buyuda yose bazanywe no gushaka Uwiteka." 2Ngoma 20:3,4. {AnA 179.2}

Yehoshafati ahagarara mu rugo rw'ingoro y'Imana imbere y'iteraniro ry'Abayuda, maze ibimuri ku mutima byose abisuka imbere y'Uwiteka mu isengesho, asaba Imana kubasohoreza ibyo yasezeranye kandi yatura ko Abisirayeli badafite uko bagira. Yarasenze ati: "Uwiteka Mana ya ba sogokuruza bacu, ese si wowe Mana yo mu ijuru kandi si wowe utegeka abami bose b'abanyamahanga? Mu kuboko kwawe harimo ububasha n'imbaraga, bituma ntawagutanga imbere. Mana yacu, si wowe wirukanye abaturage bari muri iki gihugu imbere y'ubwoko bwawe bw'Abisirayeli, ukagiha urubyaro rw'incuti yawe Aburahamu ngo kibe icyabo iteka ryose? Maze bakakibamo, kandi bakaba bubakiyemo izina ryawe ubuturo bagasenga bati: 'Nitugerwaho n'ibyago, ari inkota cyangwa igihano cyangwa mugiga ndetse n'inzara, tuzajya duhagarara imbere y'iyi nzu n'imbere yawe (kuko izina ryawe riri muri iyi nzu), tugutakambire uko tuzaba tubabaye nawe uzumva utabare?' "Nuko none dore Abamoni n'Abamowabu n'abo ku musozi Seyiri, abo wabujije Abisirayeli ko babatera ubwo bavaga mu gihugu cya Egiputa, ahubwo bakanyura hirya ntibabarimbure, dore uko batwituye kuza kutwirukana muri gakondo yawe waduhaye kuhazungura. Mana yacu, ntiwakwemera kubahana? Nta mbaraga dufite zarwanya izo ngabo nyinshi ziduteye, kandi tubuze uko twagira ariko ni wowe duhanze amaso" 2Ngoma 20:6-12. {AnA 179.3}

Yehoshafati yavuganye ibyiringiro abwira Uwiteka ati: "Ni wowe duhanze amaso." Yari yaramaze imyaka myinshi yigisha abantu kwiringira Imana yari yaragiye igoboka mu bihe bya kera igakiza ubwoko yatoranyije kurimbuka gukomeye; kandi noneho igihe ubwami bw'Ubuyuda bwari buri mu makuba, Yehoshafati ntiyahagaze wenyine; ahubwo "Abayuda bose bahagarara imbere y'Uwiteka, bari kumwe n'abana babo batoya n'abagore babo n'abana babo bakuru." 2Ngoma 20:13. Bafatanyirije hamwe biyiriza ubusa, barasenga; basaba Uwiteka guca igikuba mu banzi babo kugira ngo izina ry'Uwiteka rihabwe ikuzo. {AnA 180.1}

“Mana, ntuceceke,
Mana, ntuhore ntiwirengagize,
Kuko abanzi bawe bagira imidugararo,
Abakwanga babyukije umutwe.
Bagambirira imigambi y’uburiganya ngo bagirire nabi ubwoko bwawe,
Bagire inama abo urindira mu rwihisho.
Baravuze bati; “Nimuze tubarimbure bataba ishyanga,
Kugira ngo izina ry’Abisirayeli ritibukwa ukundi.”
Kuko bahuje umutima wo kujya inama,
Ni wowe basezeraniye.
Ni bo banyamahema ba Edomu n’Abishimayeli,
Kandi n’Abamowabu n’Abahagari,
N’Abagebalu n’Abamoni n’Abamaleki,
N’Abafilisitiya n’abatuye i Tiro. Abashuri na bo bafatanije na bo, batabaye bene Loti.
Sela.
Ubagirire nk’ibyo wagiriye Abamidiyani,
Nk’ibyo wagiriye Sisera na Yabini ku mugezi Kishoni.
Barimbukiye Endoru, bahindutse ifumbire ry’ubutaka.
Uhindure abatware babo nka Orebu na Zēbu,
zabo zose uzihindure nka Zeba na Zalumuna,
Kuko zavuze ziti; “Twiyendere Ubuturo bw’Imana.”
Mana yanjye, ubahindure nk’umukungugu ujyanwa na serwakira,
Nk’umurama utumurwa n’umuyaga.
Nk’uko umuriro utwika ishyamba,
Nk’uko ibirimi by’umuriro bitwika imisozi,
Abe ari ko ubahigisha umuyaga wawe,
ubwoba umuyaga wawe w’ishuheri.
Wuzuze mu maso habo ipfunwe ry’igisuzuguriro,
Kugira ngo bashake izina ryawe, Uwiteka.
Bakorwe n’isoni batinye iteka ryose,
Bamware barimbuke,
Kugira ngo bamenye yuko uwitwa UWITEKA,
Ko ari wowe wenyine Usumbabyose utegeka isi yose.” {AnA 180.2}

Zaburi 83.

Ubwo abantu bafatanyaga n'umwami wabo kwicisha bugufi imbere y'Imana kandi bayisaba kubagoboka, Mwuka w'Uwiteka yaje kuri Yahaziyeli "Umulewi wo muri bene Asafu," maze aravuga ati: {AnA 181.1}

"Nimwumve yemwe Bayuda mwese, namwe baturage b'i Yerusalemu nawe Mwami Yehoshafati, uku ni ko Uwiteka avuze 'Mwitinya kandi mwe gukurwa umutima n'izo ngabo nyinshi, kuko urugamba atari urwanyu ahubwo ni urw'Imana. Ejo muzamanuke mubatere. Dore barazamuka ahaterera hajya i Sise, muzabasanga aho ikibaya giherera mu butayu bw'i Yeruweli. Muri iyo ntambara ntimuzagomba kurwana, uzahagarare mwireme inteko gusa, mwirebere agakiza Uwiteka azabaha yemwe Bayuda n'ab'i Yerusalemu. Mwitinya kandi mwe kwiheba, ejo muzabatere kuko Uwiteka ari kumwe namwe.' " {AnA 181.2}

"Maze Yehoshafati yubika amaso hasi, Abayuda bose n'ab'i Yerusalemu bikubita hasi imbere y'Uwiteka baramuramya. Abalewi bo muri bene Kohati n'abo mu Bakōra, bahagurutswa no guhimbaza Uwiteka Imana ya Isirayeli n'ijwi rirenga cyane." {AnA 181.3}

Bukeye bwaho bazinduka kare mu gitondo bajya mu butayu bw'i Tekowa. Bagisohoka arahagarara aravuga ati: "Nimunyumve yemwe Bayuda namwe abatuye i Yerusalemu, mwizere Uwiteka Imana yanyu mubone gukomezwa, mwizere n'abahanuzi bayo mubone kugubwa neza." "Nuko amaze kujya inama n'abantu, ashyiraho abo kuririmbira Uwiteka, bagahimbaza ubwiza bwo gukiranuka kwe." 2Ngoma 20:14-21. Abo baririmbyi barangaje imbere y'ingabo, bavuga n'ijwi rirenga basingiriza Imana isezerano ryo kunesha yari yabahaye. {AnA 182.1}

Gusingiza Uwiteka baririmba, no kwerereza Imana ya Isirayeli ni bwo bwari uburyo bwabo rukumbi bwo kujya ku rugamba guhangana n'ingabo z'abanzi. Iyo ni yo yari indirimbo yabo yo ku rugamba. Bari bafite ubwiza bwo gukiranuka. Iyaba muri iki gihe habagaho gusingiza Uwiteka kuruseho, ibyiringiro, ubutwari no kwizera byakwiyongera cyane. Mbese ibi ntibyakomeza amaboko y'abasirikari b'intwari bahagaze barengera ukuri muri iki gihe? {AnA 182.2}

"Batangiye kuririmba no guhimbaza, Uwiteka ashyiraho abo gucira igico Abamoni n'Abamowabu, n'abo ku musozi Seyiri bari bateye i Buyuda, baraneshwa. Kuko Abamoni n'Abamowabu bahagurukijwe no gutera abaturage bo ku musozi Seyiri ngo babice babarimbure rwose, nuko bamaze gutsemba ab'i Seyiri baherako barahindukana, bararimburana. {AnA 182.3}

"Hanyuma Abayuda bageze ku munara w'abarinzi wo mu butayu, basanga ingabo zose zabaye imirambo irambaraye hasi, ari nta n'umwe wacitse ku icumu." 2 Ngoma 20:22-24. {AnA 182.4}

Imana ni yo yari imbaraga y'Ubuyuda muri ayo makuba, kandi ni na Yo mbaragaz'ubwoko bwayo muri iki gihe. Ntabwo tugomba kwiringira abami n'ibikomangoma cyangwa ngo dushyire abantu mu mwanya w'Imana. Tugomba kwibuka ko abantu bibeshya kandi bakosa, kandi ko Ufite ububasha bwose ari We munara wacu ukomeye wo kudukingira. Igihe cyose hakenewe kugobokwa byihuse, tugomba kumva ko urugamba ari urwe. Ubushobozi bwe ntibugira imbibe, kandi ahubwo ibigaragara ko bidashoboka bizatuma intsinzi ikomera cyane. {AnA 182.5}

"Mana y'agakiza kacu, udukize."
Utubumbire hamwe udukuye mu mahanga,
Kugira ngo dushime izina ryawe ryera,
Twishimire ishimwe ryawe" {AnA 183.1}

1Ngoma 16:35.

Ingabo z'Ubuyuda zagarutse zikoreye iminyago myinshi maze "basubira i Yerusalemu banezerewe kuko Uwiteka yabahaye kwishima hejuru y'ababisha babo. Baza i Yerusalemu bafite nebelu n'inanga n'amakondera, bajya ku nzu y'Uwiteka." 2Ngoma 20:27, 28. Impamvu yabateraga kwishima yari ikomeye. Mu rwego rwo kumvira itegeko ryari ryatanzwe ngo: "Mwitinya, kandi mwe kwiheba, ejo muzabatere kuko Uwiteka ari kumwe namwe, . . . ntimuzagomba kurwana, muzahagarare mwireme inteko gusa, mwirebere agakiza Uwiteka azabaha," ibyiringiro byabo byose bari babishyize mu Mana, kandi Imana yari yagaragaje ko ari yo gihome cyabo n'umurengezi wabo. (Umurongo wa 17). Ubu noneho bashoboraga kuririmba basobanukiwe neza indirimbo Dawidi yahimbye amurikiwe n'umwuka ati: {AnA 183.2}

"Imana ni yo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu,
Ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba.
Ni cyo gituma tutazatinya naho isi yahinduka,
Naho imisozi yakurwa ahayo ikajya imuhengeri,
Naho amazi yaho yahorera akībirindura,
Naho imisozi yatigiswa no kwihinduriza kwayo.
Sela.
Hariho uruzi, imigende yarwo ishimisha ururembo rw'Imana, Ni rwo Hera hari amahema y'Isumbabyose.
Imana iri hagati muri rwo ntiruzanyeganyezwa,
Imana izarutabara mu museke
Abanyamahanga barashakuje,
Ibihugu by'abami byagize imidugararo,

Ivuga ijwi ryayo isi irayaga.
Uwiteka Nyiringabo ari kumwe natwe,
Imana ya Yakobo ni igihome kirekire kidukingira.
Sela.
Nimuze murebe imirimo y'Uwiteka,
Kurimbura yazanye mu isi.
Akuraho intambara kugeza ku mpera y'isi,
Avunagura imiheto, amacumu ayacamo kabiri,
Amagare ayatwikisha umuriro.
"Nimworoshye mumenye ko ari jye
Mana, Nzashyirwa hejuru mu mahanga,
Nzashyirwa hejuru mu isi."
Uwiteka Nyiringabo ari kumwe natwe,
Imana ya Yakobo ni igihome kirekire
kidukingira." {AnA 183.3}

Zaburi 46.

"Mana, nk'uko izina ryawe riri,
Ni ko ishimwe ryawe riri ukageza ku mpera y'isi,
Ukuboko kwawe kw'iburyo kuzuye gukiranuka.
Umusozi wa Siyoni unezerwe,
Abakobwa ba Yuda bishimishwe n'imanza zawe zitabera.
Muzenguruke Siyoni muwugote,
Mubare ibihome byawo.
Mwitegereze cyane inkike zawo,
Mutekereze inyumba zaho,
Kugira ngo muzabitekerereze ab'igihe kizaza." {AnA 184.1}

Zaburi 48:10-14. {AnA 184.2}

Kubwo kwizera k'umwami w'Ubuyuda n'ukw'ingabo ze "igitinyiro cy'Imana kiba ku bami bose bo muri ibyo bihugu, ubwo bumvaga ko Uwiteka yarwanije ababisha b'Abisirayeli. Nuko igihugu cya Yehoshafati kiratuza, kuko Imana ye yamuhaye ihumure impande zose." 2Ngoma 20:29, 30. {AnA 184.3}

IGICE CYA 16 - KURIMBUKA KW'INZU YA AHABU

Ibibi Yezebeli yari yaragiye atoza Ahabu uhereye mbere hose byaje gukomeza no mu myaka yaje gukurikiraho y'ubuzima bwe kandi byera imbuto mu bikorwa by'urukozasoni n'urugomo bitakunze kugira ibyo bias nabyo mu mateka yera. "Nta wigeze gusa na Ahabu wiguriye gukora ibyangwa n'Uwiteka, yohejwe n'umugore we Yezebeli." 1Abami 21:25. {AnA 185.1}

Ubusanzwe Ahabu wari ufite umutima wo kurarikira, akomejwe kandi ashyigikiwe mu gukora ibibi n'umugore we Yezebeli, yari yarakurikije ibyo umutima we mubi wamubwiraga kugeza ubwo yaje gutegekwa rwose n'umwuka wo kwikanyiza n'umururumba. Ntiyashoboraga kwihanganira umuntu uwo ari we wese wanze kubahiriza ibyifuzo bye; ibintu yifuzaga yumvaga rwose afite uburenganzira ko bikwiriye kuba ibye. {AnA 186.1}

Iyi mico yari yaraganje muri Ahabu kandi ikaza kwangiza umutungo w'ubwami bwa Isirayeli mu gihe cy'abamusimbuye, igaragarira mu bintu byigeze kubaho igihe Eliya yari akiri umuhanuzi muri Isirayeli. Hafi y'ibwami kwa Ahabu hari uruzabibu rw'uwitwa Naboti w'i Yezereli. Nuko Ahabu agambirira mu mutima we gutunga urwo ruzabibu, maze ashaka kurugura cyangwa gutanga indi sambu ikaba inguranwa yarwo. Yabwiye Naboti ati: "Mpa uruzabibu rwawe, kugira ngo ndugire igihambo cy'imboga, kuko ari hafi y'urugo rwanjye, nzaguhe urundi ruzabibu rururuta ubwiza; cyangwa washaka, naguha ibiguzi byarwo ku ifeza." {AnA 186.2}

Naboti yahaye agaciro gakomeye uruzabibu rwe kuko rwari gakondo ya ba sekuruza, bityo yanga kuruhara. Nuko Naboti abwira Ahabu ati: "Biragatsindwa n'Uwiteka kuguha gakondo ya ba sogokuruza banjye." Nk'uko amategeko y'Abalewi yabigenaga, nta sambu yashoboraga kugurishwa burundu cyangwa ngo iguranwe. Umuntu wese mu Bisirayeli yagombaga "yagumanaga akaramata gakondo yo mu muryango wa ba sekuruza." Kubara 36:7. {AnA 186.3}

Kwanga kwa Naboti kwateye uyu mwami wikanyizaga kurwara. "Maze Ahabu ataha afite agahinda n'uburakari, kubw'ijambo Naboti w'i Yezereli yamubwiye . . . Nuko aryama ku gisasiro cye yerekeye ivure, yanga kugira icyo afungura." {AnA 186.4}

Bidatinze Yezebeli amenya ibyabaye, maze arakajwe n'uko hari umuntu wanze kubahiriza icyo umwami yasabye, ni ko kubwira Ahabu ngo ashire agahinda n'umubabaro. Yezebeli yaravuze ati: "Dorere, ntutegeka ubwami bwa Isirayeli? Byuka ufungure, ushire agahinda. Ni jye uzaguha urwo ruzabibu rwa Naboti w'i Yezereli." {AnA 187.1}

Ahabu ntiyitaye ku buryo umugore we azakoresha kugira ngo asohoze icyo yifuza, maze Yezebeli ahita atangira gushyira mu bikorwa umugambi we mubisha. Nuko yandika inzandiko mu izina ry'umwami, azishyiraho kashi y'umwami maze azohererereza abatware n'imfura bo mu murwa Naboti yari atuyemo. Izo nzandiko zaragiraga ziti: "Nimutegeke abantu biyirize ubusa, maze mushyire Naboti imbere yabo; imbere ye muhashyire abagabo babiri b'ibigoryi, bamushinje bati: 'Watutse Imana n'umwami.' Nuko muhereko mumujyane, mujye kumutera amabuye mumwice." {AnA 187.2}

Iryo tegeko ryarubahirijwe. "Nuko abatware bo mu murwa n'ab'imfura b'abanyarurembo babigenza uko Yezebeli yabatumyeho, nk'uko yanditse muri izo nzandiko yabohererereje." Maze Yezebeli asanga umwami amusaba guhaguruka agafata rwa ruzabibu Naboti yari yaramwimye. Maze Ahabu utari yitaye ku ngaruka bizazana, akurikiza inama y'umugore we mu buhumyi nuko aramanuka yihgarurira rwa ruzabibu yifuzaga. {AnA 187.3}

Ntabwo umwami yemerewe kwishimira ibyo yari abonye binyuze mu buriganya no kumena amaraso adacyashwe. "Ubwo ijambo ry'Uwiteka rigera kuri Eliya w'i Tishubi riti: "Haguruka umanuke usange Ahabu Umwami w'Abisirayeli utuye i Samariya, ubu ari mu ruzabibu rwa Naboti yagiye kuruzungura, umubwire uti 'Uwiteka aravuze ngo: Ni uko urishe urazunguye?" Kandi Uwiteka yongera guha amabwiriza Eliya yo kumubwira ibyago bikomeye bizamubaho. {AnA 187.4}

Umuhanuzi yihutiye gusohoza itegeko ry'Imana. Uwo mwami wahamwaga n'icyaha ahuriye n'intumwa y'Uwiteka muri rwa ruzabibu, yavuze amagambo agaragaza ubwoba yari afite agira ati: "Urambonye ga, wa mwanzi wanjye we?" {AnA 188.1}

Eliya wari utumwe n'Uwiteka ntiyatindiganya maze aramusubiza ati: "Ndakubonye koko, kuko wiguriye gukora ibyangwa n'Uwiteka. Umva nzakuzanira ibyago ngutsembe rwose, nzamara umuhungu wese kuri Ahabu." Nta mpuhwe zagombaga kugaragazwa. Inzu ya Ahabu yose yagombaga gutsembwa burundu. Uwiteka yavugiye mu mugaragu we ati: "Nzahindura inzu yawe nk'iya Yerobowamu mwene Nebati, kandi nk'iya Basha mwene Ahiya kuko wandakaje, ukoshya Abisirayeli ngo bacumure." {AnA 188.2}

Kandi ibya Yezebeli Uwiteka arabihamya ati: "Imbwa zizarira Yezebeli ku nkike z'i Yezereli. Uwa Ahabu wese uzagwa mu mudugudu azaribwa n'imbwa; uzagwa ku gasozi azaribwa n'inkongoro." {AnA 188.3}

Nuko umwami yumvise ubu butumwa buteye ubwoba, "atanyaguza imyambaro ye, yambara ibigunira, yiyiriza ubusa, yirirwa aryamye ku bigunira, akagenda abebera. {AnA 188.4}

“Hanyuma ijambo ry’Uwiteka rigera kuri Eliya w’i Tishubi riramubwira riti: “Ubonye uko Ahabu yicishije bugufi imbere yanjye? Kuko yicishije bugufi imbere yanjye sinzamuteza ibyo byago ku ngoma ye, ahubwo nzabiteza inzu ye ku ngoma y’umuhungu we.” {AnA 188.5}

Hashize imyaka idasaga itatu, umwami Ahabu aratanga, agwa mu maboko y’Abasiriya. Umuhungu we Ahaziya wamusimbuye “akora ibyangwa n’Uwiteka, agendana ingeso za se n’iza nyina n’iza Yoramu mwene Nebati, woheje Abisirayeli ngo bacumure. Akorera Bāli akamuramya, akarakaza Uwiteka Imana ya Isirayeli, akurikije ibyo se yakoraga byose” 1Abami 22:52,53. Ariko kubera ibyaha by’umwami Ahaziya wigomekaga, haje gukurikiraho ibihano. Habayeho intambara ikomeye hagati y’Abamowabu n’Abisirayeli muri iyo ntambara ahagirira impanuka yashyize ubugingo bwe mu kaga kandi ihamya uburyo Imana yari yaramurakariye. {AnA 188.6}

Ahaziya yahanutse mu idirishya ry’insobekerane ry’icyumba cye cyo hejuru maze arakomereka bikomeye. Agize ubwoba bw’ibishobora kuzamubaho, yohereza bamwe mu bagaragu be kujya kumuraguriza Balizebubi, ikigirwamana cy’ahitwa Ekuroni, ngo bamenye niba azakira cyangwa atazakira. Abantu bizeraga ko ikigirwamana cya Ekuroni gishobora gutanga amakuru yerekeye iby’ahazaza kibinyujije mu batambyi bacyo. Abantu batabarika bajyaga kukiraguzaho; ariko iby’ahazaza byahavugirwaga n’amakuru yahatangirwaga byababaga mu by’ukuri biturutse ku mwami w’umwijima. {AnA 189.1}

Abagaragu ba Ahazi bahuye n’umuntu w’Imana maze ababwira gusubira ku mwami zimushyiye ubutumwa bukurikira: “Mbese icyatumye mujya kuraguza Bālizebubi ikigirwamana cya Ekuroni, ni uko nta Mana iri muri Isirayeli?’ Icyo ni cyo gitumye Uwiteka avuga ngo ‘Ntuzabyuka ku gisasiro uryamyeho, ahubwo uzapfa nta kibuza.” Umuhanuzi amaze kuzibwira ubwo butumwa yahise yigendera. {AnA 189.2}

Abo bagaragu bari bumiwe bihutiye gusubira ku mwami, maze bamusubiriramo amagambo y’umuntu w’Imana. Umwami yarabajije ati: “Uwo mugabo muhuye ubabwiye ayo magambo, arasa ate?” Baramusubiza bati: “Ni umugabo w’impwempwe nyinshi, kandi yari akenyeje umushumi w’uruhu.” Ahaziya ni ko gutera hejuru ati: “Uwo ni Eliya w’i Tishubi.” Ahaziya yamenye ko niba uwo muntu wahuye n’intumwa ze ari Eliya koko, ibyago byavuzwe bitazabura gusohora. Ashatse uko yahagarika iryo teka yari yaciriwe niba bishoboka, yiyemeje gutuma ku muhanuzi Eliya. {AnA 189.3}

Ahaziya yohereje umutwe w’ingabo mirongo itanu inshuro ebyiri kugira ngo bitere umuhanuzi ubwoba, ariko umujinya w’Imana ugera kuri izo ngabo incuro ebyiri zirarimbuka. Itsinda rya gatatu ry’abasirikare ryicishije bugufi imbere y’Imana; maze ubwo

umutware wabo yegeraga intumwa y'Uwiteka, "apfukama imbere ya Eliya, aramwinginga ati: 'Yewe muntu w'Imana ndakwinginze, amagara yanjye n'ay'abantu bawe uko ari mirongo itanu akubere ay'igiciro cyinshi.'" {AnA 190.1}

"Maze marayika w'Uwiteka abwira Eliya ati: "Genda umanukane na we, we kumutinya." Nuko arahaguruka amanukana na we, asanga umwami. Aramubwira ati: "Uwiteka avuze ngo mbese icyatumye wohereza intumwa kujya kuraguza Bālizebubi ikigirwamana cya Ekuroni, ni uko nta Mana iri muri Isirayeli wagisha inama? Nuko ntuzabyuka ku gisasiro uryamyeho, uzapfa nta kibuza." {AnA 190.2}

Mu gihe cy'ingoma ya se Ahabu, Ahaziya yari yarabonye ibikorwa bitangaje by'Isumbabyose. Yari yarabonye ibihamya biteye ubwoba Imana yari yarahaye Isirayeli yahakanye Imana byereka uburyo Imana ifata abantu birengagiza amahaame yo mu mategeko yayo. Ahaziya yari yarakoze nk'aho uko kuri guteye ubwoba nta kindi kuri cyo uretse kuba imigani idafite ishingiro. Aho kugira ngo acishe umutima we imbere y'Uwiteka, yari yarakurikiye Bali kandi amaherezo yari yarirunduriye muri ibi bityo bimubera igikorwa gikomeye cyo kwihandagaza mu gukora ibibi. Ahazi yaguye mu kwigomeka no kutihana, maze aratanga nk'uko ijambo ry'Uwiteka yavugiye muri Eliya ryari riri." {AnA 190.3}

Amateka y'icyaha cy'umwami Ahazi ndetse n'igihano yahawe birimo umuburo umuntu uwo ari we wese atakwirengagiza ngo abure guhanwa. Muri iki gihe abantu bashobora kudapfukamira ibigirwamana by'abapagani, nyamara abantu ibihumbi byinshi basengera mu ngoro za Satani nk'uko umwami w'Abisirayeli yabigenzaga. Umwuka wo gusenga ibigirwamana wabaye gikwira muri iyi si muri iki gihe, nubwo kubw'imbaraga z'ubuhanga buhanitse (siyanse) n'uburezi uwo mwuka wafashe ishusho irushijeho gutunganywa kandi ikurura cyane kurusha uko byari bimeze igihe umwami Ahaziya yajyaga kuraguza ikigirwamana cya Ekuroni. Umunsi wose uje wongera igihamya kibabaje cy'uko kwizera ijambo ry'ubuhanuzi rihamye bigenda bigabanuka kanid mu mwanya w'uko kwizera imyizerere ipfuye n'ubupfumu bwa satani bigenda byigarurira intekerezo z'abantu benshi. {AnA 190.4}

Muri iki gihe amayobera yo gusenga kwa gipagani yasimbuwe n'imiryango ikora mu ibanga n'uburyo bwo kuvugana n'abapfuye ndetse no gukora ibitangaza binyuze mu nzira zo gukorana n'imyuka y'abadayimoni. Gushyirwa ahagaragara k'ubwo buryo kwakiranwa ubwuzu n'abantu ibihumbi bitabarika banga kwemera umucyo w'ijambo ry'Imana cyangwa umucyo unyuzwa kuri Mwuka Wera. Abizera ibyo gukorana n'imyuka bashobora gukwena abapfumu n'abamaji bo mu gihe cya kera, nyamara igihe bayoboka ubucakura bwe bwitwikiriye indi sura, umushukanyi ukomeye asekana intsinzi. {AnA 191.1}

Hariho abantu benshi bagira ubwoba bagahinda umushyitsi kubwo gutekereza inzira zikoreshwa mu gukorana n'imyuka, nyamara bene abo bantu bakaba bakururwa n'inzira nyinshi zishimishije zo gukorana n'imyuka y'abadayimoni. Abandi bayobywa n'inyigisho z'ubuhanga bwa siyansi ya Gikristo kandi bakayobywa n'inyigisho zo gutwarwa no kwerekwa byo mu myizerere yemera Imana yubakiye ku bwenge ndetse n'andi madini yo mu burasirazuba bw'isi. {AnA 191.2}

Intumwa zo mu myizerere hafi ya yose ishingiye ku gukorana n'imyuka y'abadayimoni zivuga ko zifite ububasha bwo gukiza indwara. Bavuga ko ubwo bubasha babukomora ku mashanyarazi, ku mbaraga rukuruzi cyangwa ku mbaraga zihishwe ziri mu ntekerezo z'umuntu. Kandi no muri iki gihe cya Gikristo hariho abantu batari bake bajya kuri abo bapfumu aho kwiringira ububasha bw'Imana nzima n'ubuhanga bw'abaganga babyigiye. Umubyeyi umwe uri iruhande rw'uburiri bw'umwana we urwaye aravuga ati: "Nta kindi nakora. Mbese nta muganga uhari wakiza umwana wanjye?" Uwo mubyeyi ni ko kubwirwa ibyo gukiza gutangaje kwakoze n'umwe muri ba bavuzi berekwa cyangwa bakoresha imbaraga rukuruzi, maze uwo mubyeyi agashyira ako kana ke bene uwo muvuzi, agashyira rwose uwo mwana mu biganza bya Satani nk'aho ahagaze iruhande rwe. Akenshi imibereho y'ahazaza y'uwo mwana itegekwa n'imbaraga ya Satani kandi biba bisa n'aho bidashoboka ko iyo mbaraga yasenywa. {AnA 192.1}

Imana yari ifite impamvu yo kutishimira ubukozi bw'ibibi bwa Ahaziya. Mbese ni iki Imana itari yarakoze kugira ngo yigarurire imitima y'Abisirayeli kanid ngo ibatere kuyiringira? Mu myaka myinshi Imana yagiye iha ubwoko bwayo ibihamya bitagereranywa by'ineza n'urukundo rwayo. Uhereye mu itangiriro, Imana yari yaragiye yerekana ko inezezwa no kubana n'abantu. (Imigani 8:31). Imana yagiye ibera umufasha utabura abantu bose bayishakana umutima wose. Nyamara ubwo umwami w'Abisirayeli yateraga Imana umugongo akajya gushakira ubufasha ku mwanzi gica w'ubwoko bwe, yagaragarije abapagani ko yiringira cyane ibigirwamana byabo kurusha uko yiringira Imana yo mu ijuru. Muri ubwo buryo, abagabo n'abagore basuzuguza Imana igihe bayete umugongo Soko y'imbaraga n'ubwenge bakajya gushakira ubufasha n'inama ku mbaraga z'umwijima. Niba umujinya w'Imana warakongejwe bitewe n'igikorwa cya Ahaziya, mbese yaba ifata ite abantu umucyo mwinshi nyamara bagahitamo gukurikira inzira nk'iya Ahaziya? {AnA 192.2}

Abantu birundurira mu bupfumu bwa Satani bashobora kwiratana inyungu zikomeye bakuyemo; ariko se ibi ni byo bihamya ko ibyo bakora bikwiriye kandi birimo amahoro? Byagenda bite ubuzima buramutse burambye? Byagenda bite inyungu z'igihe gito zibaye zigezweho? Mbese ibyo ku iherezo byazaba ubwishyu bwo kuba umuntu yarirengagije

ubushake bw'Imana? Amaherezo inyungu zose zigaragara nk'izo zizaba igihombo gikomeye cyane. Ntabwo dushobora kurenga ku ruzitiro na rumwe Imana yashyiriyeho kurinda ubwoko bwayo imbaraga za Satani ngo tubure guhanwa. {AnA 193.1}

Kubera ko Ahaziya atari afite umwana w'umuhungu yaje gusimburwa ku ngoma n'umuvandimwe we Yehoramu, wategetse imiryango cumi mu gihe cy'imyaka cumi n'ibiri. Muri iyo myaka yose, nyina Yezebeli yari akiriho kandi yakomeje kujya yinjiza ibibi bye mu mitegekere y'igihugu. Imigenzo yo gusenga ibigirwamana yari igikorwa n'abantu benshi. Umwami Yehoramu ubwe "akora ibyangwa n'Uwiteka, icyakora ntiyari ahwanye na se na nyina, kuko yashenye inkingi ya Bāli se yari yarubatse. Ariko yakomezaga ibyaha Yerobowamu mwene Nebati yoheje Abisirayeli ngo bacumure, ntabivemo." 2Ngoma 3:2, 3. {AnA 193.2}

Igihe Yehoramu yari ku ngoma muri Isirayeli ni ho Yehoshafati yatanze maze umuhungu wa Yehoshafati, na we witwaga Yehoramu, (2Abami 1:17) 8 yima ingoma mu bwami bw'Ubuyuda. Kubwo kurongora umukobwa wa Ahabu na Yezebeli, Yehoramu wo mu Buyuda yari afitanye umubano ukomeye n'umwami w'Abisirayeli; bityo ku ngoma ye akurikira Bali nk'uko "ab'inzu ya Ahabu babigenzaga." "Ubwe yari yarubakishije ahasengerwa ibigirwamana ku misozi y'u Buyuda, bityo atuma abantu b'i Yerusalemu no mu Buyuda bagomera Imana." 2Amateka 21:6,11. (2Ngoma 21:6,11). {AnA 193.3}

Umwami w'u Buyuda ntiyemerewe gukomeza ubuhakanyi bwe bukomeye adacyashwe. Umuhanuzi Eliya yari atarajyanwa mu ijuru, bityo rero ntiyari gukomeza guceceka mu gihe ubwami bw'u Buyuda bwakoraga ibibi nk'ibyari byarateje ubwami bw'amajyaruguru guhinduka amatongo. Nuko umuhanuzi Eliya yandikira Yehoramu umwami w'u Buyuda urwandiko maze muri rwo uwo mwami w'inkozi y'ibibi asomamo aya amagambo ateye ubwoba: {AnA 194.1}

"Uku ni ko Uwiteka Imana ya sogokuruza Dawidi ivuze, ngo 'Kuko utagendanye ingeso nziza za so Yehoshafati n'iza Asa umwami w'Abayuda, ahubwo ukagendana ingeso z'abami b'Abisirayeli, ugasambanisha Abayuda n'abaturage b'i Yerusalemu nk'uko ab'inzu ya Ahabu bagenjeje, kandi ukaba warishe abo muva inda imwe mu nda ya so bakurushaga kuba beza, none Uwiteka azateza ibyago bikomeye abantu bawe, n'abana bawe n'abagore bawe n'ibintu byawe byose. Kandi nawe uzarwara indwara ikomeye mu mara, izatuma uzana amagara kuko uzahora uyirwaye." {AnA 194.2}

Mu rwego rwo usohoza ubwo buhanuzi "Uwiteka ahagurukiriza imitima y'Abafilisitiya, n'Abarabu baringaniye n'Abanyetiyopiya kwanga Yoramu. Batera i Buyuda barahasandara, banyaga ibintu byose basanze mu nzu y'umwami n'abahungu be n'abagore be, ntiyasigarana

n’umwana w’umuhungu n’umwe, keretse Yehohahaziya w’umuhererezi mu bana be. {AnA 194.3}

“Hanyuma y’ibyo byose Uwiteka amuteza indwara itavurwa yo mu mara. Nuko hashira iminsi, yari amaze imyaka ibiri arwaye indwara ye imuzanisha amagara, aratanga atangishijwe n’indwara mbi zikomeye. Ariko abantu be ntibamwosereza imibavu, nk’uko boserezaga ba sekuruza be.” “Nuko Yoramu [Yehoramu] aratanga asanga ba sekuruza, bamuhamba hamwe na bo mu mudugudu wa Dawidi, maze umuhungu we Ahaziya [Yehohahaziya] yima ingoma ye” 2Ngoma 21:12-19; 2Abami 8:24. {AnA 194.4}

Yehoramu mwene Ahabu yari akiri ku ngoma mu bwami bwa Isirayeli ubwo mwishwa we Ahaziya [Yehohahaziya] yimaga ingoma mu bwami bw’u Buyuda. Ahaziya [Yehohahaziya] yategetse umwaka umwe gusa, kandi muri icyo gihe kubwo gukoreshwa na nyina Ataliya, “wamugiraga inama yo gukora ibibi” “yagendanaga ingeso z’ab’inzu ya Ahabu, agakora ibyangwa n’Uwiteka, nk’uko ab’inzu ya Ahabu bagenzaga.” 2Ngoma 22:3,4; 2Abami 8:27. Nyirakuru Yezebeli yari akiriho, kandi Ahaziya [Yehohahaziya] arihandagaza yifatanya rwose na Yehoramu umwami w’Abisirayeli kandi akaba na nyirarume. {AnA 195.1}

Bidatinze Ahaziya [Yehohahaziya], umwami w’u Buyuda agira iherezo riteye ribababaje cyane. Abari barasigaye bo mu muryango wa Ahabu ni bo “bamugiraga inama zo kumurimbuza, se amaze gupfa.” 2Ngoma 22:3,4. Igihe Ahaziya [Yehohahaziya] yari yagiye gusura nyirarume i Yezereli, umuhanuzi Elisa yahawe amabwiriza n’Imana yo kohereza umwe mu bana b’abahanuzi akajya i Ramotigileyadi maze agasuka amavuta kuri Yehu, akamwimika ngo abe umwami wa Isirayeli. Muri icyo gihe ingabo z’Abayuda n’Abisirayeli zari zifatanyije mu rugamba rwo kurwanyiriza Abasiriya i Ramotigileyadi. Yehoramu yari yakomereye mu ntambara, kandi yari yagarutse i Yezereli maze asiga Yehu ari we ushinzwe kuyobora ingabo. {AnA 195.2}

Ubwo Yehu yasukwagaho amavuta, iyo ntumwa yari yoherejwe na Elisa yaravuze iti: “Nkwimikishije amavuta ngo ube umwami w’Abisirayeli, ubwoko bw’Uwiteka.” Amaze kumubwira atyo, yihanangiriza Yehu amugezaho inshingano idasanzwe ahawe n’ijuru. Uwiteka yavugiye mu kanwa k’uwo muhanuzi ati: “Kandi uzice ab’inzu ya shobuja Ahabu, kugira ngo mpore Yezebeli amaraso y’abagaragu banjye b’abahanuzi, n’abandi bagaragu b’Uwiteka bose. Ab’inzu ya Ahabu bose bazarimburwa.” 2Abami 9:6-8. {AnA 195.3}

Ingabo zose zimaze kuvuza amakondera ko Yehu ari we mwami, Yehu yahutiye kujya i Yezereli ari naho yatangiriye umurimo we wo kwica abari barahisemo gukomeza gukora ibyaha kandi bakabishoramo n’abandi. Yehoramu umwami w’Abisirayeli, Ahaziya [Yehohahaziya] umwami w’u Buyuda na Yezebeli nyina w’umwami, ndetse “n’abari

basigaye mu b'inzu ya Ahabu bose bari i Yezereli, abakuru be bose n'incuti ze z'amagara n'abatambyi be" bose yarabishe ntiyasigaza n'umwe. "Abahanuzi ba Bali bose n'abamuramyaga bose n'abatambyi be bose," babaga ku cyicaro Bali yasegerwagaho hafi y'i Samariya, bose bicishijwe inkota. Ibigirwamana byose byaramenaguwe kandi biratwikwa, ndetse n'ingoro ya Bali igirwa icyavu. "Uko ni ko Yehu yarimbuye Bali amukura muri Isirayeli." 2Abami 10:11,19,28. {AnA 196.1}

Inkuru ivuga iby'ubu bwicanyi bukomeye yageze kuri Ataliya, umukobwa wa Yezebeli, wari ugifite ijambo mu bwami bw'u Buyuda. Ubwo Ataliya yabonaga ko umwana we, umwami w'u Buyuda, apfuye, "arahaguruka arimbura urubyar rwose rw'umwami w'inzu y'Abayuda." Muri ubwo bwicanyi bakozwa na Ataliya, abakomoka kuri Dawidi bose bashoboraga kwima ingoma baratsembwe, uretse umwe wari umwana muto cyane witwaga Yowasi, uwo Yehoshabeyati muka Yehoyada umutambyi mukuru yahishe ibwami mu cyumba kirarwamo cy'ubuturo bwera. Uwo mwana yamaze imyaka itandatu ahishwe mu nzu y'Imana kandi Ataliya ni we wari ku ngoma muri icyo gihugu. 2Ngoma 10:11,19,28. {AnA 196.2}

Icyo gihe kirangiye, "Abalewi n'Abayuda bose" (2Ngoma 23:8) bifatanya na Yehoyada umutambyi mukuru bambika umwana Yowasi ikamba ry'ubwami bamusiga n'amavuta ndetse baramusingiza nk'umwami wabo. "Maze bakoma mu mashyi baravuga bati: 'Umwami aragahoraho.'" 2Abami 11:12. {AnA 197.1}

"Ataliya yumvise urusaku rw'abantu birukanka kandi bahimbaza umwami asanga abantu mu nzu y'Uwiteka." 2Ngoma 23:12. "Yitegereje abona umwami ahagaze ku nkingi y'umwami mu muryango, n'abatware n'abavuza amakondera begereye umwami, n'abaririmbyi nab o bacuranga ibintu bivuga, batera indirimbo z'ishimwe." {AnA 197.2}

"Nuko Ataliya ashishimura imyambaro ye, avuza induru ati: 'Ubugome! Ubugome!'" 2Abami 11:14. Ariko Yehoyada ategeka abatware gufata Ataliya ndetse n'abamukurikiira bose bakabasohora mu nzu y'Uwiteka maze bakabajyana aho babicira. {AnA 197.3}

Uko ni ko umuntu uheruka wo mu nzu ya Ahabu yarimbutse. Ibibi bikomeye byari byarakozwe bitewe no kwifatanya na Yezebeli byaje gukomeza kugeza ubwo umuntu wa nyuma mu bamukomotseho yarimburiwe. Ndetse no mu bwami bw'u Buyuda aho gusenga Imana nyakuri kutari kwarigeze kwirengagizwa ku mugaragaro, Ataliya yari yarageze ku ntego yo gushuka benshi. Ataliya umwamikazi wari waranze kwihana akimara kwicwa "abantu bose baherako bajya mu ngoro ya Bali barayisenya; ibyotero bye n'ibishushanyo bye barabimenagura rwose; Matani umutambyi wa Bali bamwicira imbere y'ibyotero." 2Ngoma 23:18. {AnA 197.4}

Haje gukurikiraho ivugurura. Abagize uruhare mu gukomera amashyi umwami Yowasi bari basezeranye isezerano rikomeye ko “bazaba abantu b’Uwiteka.” Noneho ubwo ibibi byazanwaga n’umukobwa wa Yezebeli byari bimaze gukurwa mu bwami bw’u Buyuda, kandi n’abatambyi ba Bali bamaze kwicwa n’ingoro yabo imaze gusenywa, “abantu bose bo mu gihugu baranezerwa; umurwa uratuza.” 2Ngoma 23:16, 21. {AnA 197.5}

IGICE CYA 17 - GUHAMAGARWA KWA ELISA

Imana yari yarategetse Eliya gusiga undi muntu amavuta akaba umuhanuzi mu cyimbo cye. Imana yari yaravuze iti: “Kandi na Elisa mwene Shafati . . . uzamusukeho amavuta, abe umuhanuzi mu cyimbi cyawe.” (1Abami 19:16). Mu kumvira iri tegeko, Eliya yagiye gushaka Elisa. Ubwo Eliya yerekezaga mu majyaruguru, mbega uburyo ibintubyari byarahindutse ugereranyije n’uko byaribimeze mu gihe gito cyari gishize! Mu gihe cyari gishize igihugu cyri cyarumagaye, uturere duhingwa tutarangwamo imyaka kuko nta kime cyangwa imvura byari byarigeze bigwa mu gihe cy’imyaka itatu n’igihe. Ariko noneho, ibyatsi byari biri kumera mu mpande zose nk’aho bishaka gusiba icyuho cy’igihe cy’amapfa n’inzara. {AnA 198.1}

Se wa Elisa yari umuhinzi-mworozi w’umukungu. Umuryango we wabarizwaga mu miryango itarigeze ipfukamira Bali mu gihe cy’ubuhakanyi bwasaga n’ubwabaye gikwira. Umuryango wari ahantu Imana yubahirwaga kandi kubahiriza ukwizera kwa Isirayeli ya kera ni byo byagengaga imibereho yabo ya buri munsi. Imyaka y’ubuto bwa Elisa yayimaze mu muryango umeze utyo. Muri ubwo buzima bw’icyaro butuje, aho yigishirizwaga n’Imana ndetse n’ibyaremwe kandi agatozwa ikinyabupfura no kugira imirimo y’ingirakamaro akora, yabashije gutozwa imico yo kwicisha bugufi no kumvira ababyeyi be n’Imana bityo ibyo bimufasha kuba umuntu ukwiriye gukora inshingano yo hejuru yajyaga kuzakora hanyuma. {AnA 198.2}

Guhamagarirwa kuba umuhanuzi kwa Elisa kwamugezeho igihe yari kumwe n’abagaragu ba se ari mu murima ahinga. Yahingaga umurima wari hafi cyane y’iwabo. Yari afite ubushobozi bwo kuba umuyobozi w’abandi bantu kandi akagira kwicisha bugufi k’umuntu witeguye gukorera abandi. Nyamara nubwo yari umunyambaraga kandi ushikama [ku murimo], yari afite umwuka wo gutuza n’ubugwaneza. Yari inyangamugayo, impfura, umwizerwa kandi yakundaga Imana ndetse akayubaha. Muri iyo mirimo icishije bugufi yakoraga buri munsi yahakuye imbaraga zo kugira umugambi uhamye ndetse n’imico itunganye, agahora yunguka ubuntu no kumenya. Igihe yafatanyaga na se mu nshingano z’ubuzima bwo mu rugo, yagendaga yiga gukorana n’Imana. {AnA 199.1}

Kubwo kuba inyangamugayo mu bintu byoroheje, Elisa yiteguraga guhabwa inshingano zikomeye. Binyuze mu byo yahuraga na byo buri munsi, yabashije kuba umuntu ukwiriye gukora umurimo wagutse ndetse ukomeye. Yize gukorera abandi; kandi mu kwiga ibyo, yamenye no gutanga amabwiriza ndetse no kuyobora. Ubuzima bwe ni icyigisho ku bantu bose. Nta muntu n’umwe wamenya umugambi Imana imufitiye mu byo imunyuzamo, ariko abantu bose bashobora kumenya badashidikanya ko kuba indahemuka mu bintu bito ari

igihamya cy'uko umuntu akwiriye gukora inshingano zikomeye kurutaho. Ikintu cyose umuntu akora mu buzima gihishura imico ye, kandi umuntu wigaragariza mu tuntu duto ko ari "umukozi udakwiriye kugira ipfunwe" ashobora guhabwa icyubahiro n'Imana agahabwa inshingano yo hejuru. (2Timoteyo 2:15). {AnA 199.2}

Umuntu wibwira ko gukora inshingano nto ntacyo bimaze aba yigaragaje ubwe ko adakwiriye gukora mu mwanya uruseho w'icyubahiro. Ashobora kwitekereza ko yujuje ibyangombwa rwose byo gukora inshingano zagutse; ariko Imana yo ireba kure birenze ibigaragara inyuma. Nyuma yo kugenzurwa no kugeragezwa, bene uwo muntu yandikirwa uru ngo: "Wapimwe mu gipimo usangwa udashyitse." Kutaba inyangamugayo kwe ni we kugarukaho. Ntabwo ashobora kubona ubuntu, ubushobozi n'imbaraga by'imico kuko bibonerwa mu kwitanga utizigamye. {AnA 200.1}

Bitewe n'uko baba ntaho baba bahurira mu buryo butaziguye n'imirimo y'iby'iyobokamana, abantu benshi bibwira ko imibereho yabo ntacyo imaze, ndetse ko nta cyo bakora kubwo guteza imbere ubwami bw'Imana. Iyaba babashaga gukora ikintu gikomeye mbega uburyo bagikora bishimye! Nyamara bitewe n'uko bashobora kugira icyo bakora mu bintu bito gusa, bibwira ko bafite urwitwazo rwo kutagira icyo bakora. Muri ibyo baribeshya. Umuntu ashobora kuba akora umurimo w'Imana rwose kandi yibereye mu mirimo isanzwe, mu nshingano ze za buri munsi: atema ibiti, akubura imbuga cyangwa ahinga. Umubyeyi urerera umwana mu nzira ya Kristo aba akorera Imana rwose kimwe n'umugabura uri ku ruhimbi. {AnA 200.2}

Abantu benshi bifuza kugira impano idasanzwe bakoresha umurimo utangaje mu gihe birengagiza inshingano ziri imbere yabo kandi kuzisohoza byajyaga gutuma ubuzima buba nk'umubavu uhumura neza. Nimutyo bene abo bantu bakore inshingano ziri imbere yabo. Ntabwo kugera ku cyo ugambiriye bishingiye cyane ku mpano ufite nko ku muhati n'ubushake ukorana. Ntabwo kugira impano z'agatangaza ari byo bitubashisha gukora umurimo ushimwa, ahubwo tubibashishwa no gukora inshingano zacu za buri munsi tuzishyizeho umutima, tunezerewe, tutabihatiwe kandi tugamije kugubwa neza kw'abandi. Mu murimo ucishije bugufi cyane hashobora kuboneka kuba ikirangirire nyakuri. Inshingano zoroheje zisanzwe kandi zikoranwe ubunyangamugayo bwuzuye urukundo, ni nziza mu maso y'Imana. {AnA 200.3}

Ubwo Eliya yayoborwaga n'Imana gushaka umusimbura, yanyuze ku murima Elisa yahingagamo maze aramusanga anaga umwitero we ku ntugu z'uwo musore. Mu gihe cy'amapfa, umuryango wa Shafati (se wa Elisa) wari uzi neza umurimo n'inshingano bya Eliya, maze noneho Umwuka w'Imana yumvisha umutima wa Elisa icyo igikorwa

cy'umuhanuzi gisobanuye. Kuri Elisa yumvise ko icyo ari ikimenyetso cy'uko Imana imuhamagariye gusimbura Eliya. {AnA 201.1}

"Maze Elisa asiga inka aho, arirukanka akurikira Eliya, aramubwira ati: 'Ndakwinginze reka mbanze njye guhoberana na data na mama, mbone kugukurikira.'" Eliya ni ko kumusubiza ati: "Subirayo, hari icyo ngutwaye?" Ntabwo uko kwari ukumwirukana ahubwo cyari ikigeragezo cyo kwizera. Elisa yaombaa kureba icyo bimusaba- akihitiramo kwemera cyangwa kwanga iryo hamagarwa. Iyo ibyifuzo bye byomatana n'umuryango we n'ibyiza awufitemo, yari afite umudendezo wo kwigumira iwabo. Nyamara Elisa yasobanukiwe neza icyo iryo hamagarwa risobanuye. Yari azi neza ko iryo hamagara riturutse ku Mana, bityo ntiyashidikanya kuryumvira. Nta nyungu n'imwe y'iby'isi yajyaga kumutera kwanga amahirwe yo kuba intumwa y'Imana cyangwa ngo acikwe n'amahirwe yo kwifatanya n'umugaragu wayo Eliya. Nuko "yenda inka ebyiri arazica, atekesha inyama ibiti by'imitambiko yazo, agaburira abantu, bararya. Aherako arahaguruka, akurikira Eliya, akajya amukorera." 1Abami 19:21. Nta gushidikanya, yahise asiga umuryango yari akunzwemo cyane, ajya gufasha umuhanuzi mu buzima atari azi aho bwerekeza yabagamo. {AnA 201.2}

Iyo Elisa abaza Eliya icyo yitezweho gukora, (umurimo itezweho kuzakora), Eliya aba yaramusubije ati: 'Imana ni Yo ibizi; izabikumenyesha. Nutegreza Uwiteka, azasubiza ibibazo wibaza byose. Niba ubona ufite igihamya cy'uko Imana yaguhamagaye, ushobora kujyana nanjye. Menya ubwawe ko Imana ari yo inshoreye, kandi ko ijwi ryayo ari ryo wumva. Niba ubona ko ibintu byose nta gaciro bifite kugira ngo uhabwe ubuntu bw'Imana, ngwino.' Igisubizo Kristo yahaye umusore w'umutware wamubajije ati: "Mwigisha mwiza, nkore cyiza ki, ngo mpabwe ubugingo buhoraho," gihwanye n'umuhamagaro wageze kuri Elisa. Kristo yasubije wa musore ati: "Nushaka kuba utunganye rwose, genda ugurishe ibyo utunze, maze uhe abakene, ni bwo uzagira ubutunzi mu ijuru, uhere ko uze unkurikire." Matayo 19:16,21. {AnA 202.1}

Elisa yemeye irarika ryo gukora umurimo, ntiyigera asubiza amaso inyuma ngo arebe ibinezeza n'ibyiza yari asize. Igihe wa musore w'umutware yumvaga amagambo y'Umukiza yagiye "afite agahinda; kuko yari afite ubutunzi bwinshi." Matayo 19:22. Ntabwo uyu musore yashakaga kwitanga. Urukundo yakundaga ubutunzi bwe rwarutaga urwo yakundaga Imana. Kubwo kwanga kureka byose kubwa Kristo, yagaragaje ubwe ko adakwiriye umwanya mu mu murimo w'Umukiza. {AnA 202.2}

Guhamagarirwa gushyira byose ku gicaniro kubw'umurimo w'Imana kugera ku muntu wese. Ntabwo twese duhamagarirwa gukora nk'uko Elisa yakoze, kandi nta nubwo twese dutegekwa kugurisha ibyo dufite byose; ahubwo Imana idusaba gushyira umurimo wayo ku

mwanya wa mbere mu buzima bwacu, ntitugire umunsi twemera ko wira tutagize icyo dukora giteza imbere umurimo wayo ku isi. Ntabwo Imana yiteze ko abantu bose bayikorera umurimo umwe. Umuntu umwe ashobora guhamagarirwa kuvuga ubutumwa mu gihugu cy'amahanga; undi ashobora gusabwa gutanga ku mutungo we kugira ngo ashyigikire umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Imana yemera ituro rya buri wese. Icy'ingenzi ni ukwitanga k'ubugingo n'ibyo burangamira byose. Abitanga muri ubu buryo bazumva kandi bumvire ihamagara ry'ijuru. {AnA 202.3}

Umuntu wese ugabana ku buntu bwe Uwiteka amuha umurimo agomba gukorera abandi. Buri wese ku giti cye agomba guhagarara mu mwanya we avuga ati: "Ndi hano, ntuma." Umuntu yaba umugabura w'Ijambo ry'Imana, yaba umuganga, yaba umucuruzi cyangwa umuhinzi-mworozi, yaba umunyamwuga cyangwa umukanishi, afite inshingano yahawe. Umurimo we ni ukugaragariza abandi ubutumwa bwiza bw'agakiza kabo. Ikintu cyose akora gikwiriye kuba uburyo butuma agaragariza abandi ubutumwa bwiza bw'agakiza kabo. {AnA 203.1}

Ku ikubitiro, ntabwo Elisa yasabwe gukora umurimo ukomeye; inshingano zoroheje zisanzwe ni zo yakomeje gukora. Avugwaho ko yasukaga amazi mu biganza bya shebuja Eliya. Yari afite ubushake bwo gukora ikintu cyose Uwiteka ategetse, kandi ku ntambwe yose yigaga ibyigisho byo kwicisha bugufi no gukora. Nk'umuntu wihariye wunganiraga umuhanuzi, Elisa yakomeje kugaragaza ubudahemuka mu tuntu duto ari na ko kubwo kugira umugambi umwongera imbaraga, yitangiye gukora inshingano Imana yamuhaye. {AnA 203.2}

Ntabwo ubuzima bwa Elisa amaze kwifatanya na Eliya bwabuze guhura n'ibigeragezo. Yahuye n'ibigeragezo byinshi cyane; ariko igihe cyose habaga hari ibikomeye byihutirwa cyane yishingikirizaga ku Mana. Yageragereshejwe gutekereza ku muryango yari yarasize, nyamara ntiyigeze yita kuri icyo kigeragezo. Ubwo yari amaze gutangira uwo murimo, yiyemeje kudasubira inyuma, kandi mu bishuko n'ibigeragezo yagaragaje kuba indahemuka ku cyizere yagiriwe. {AnA 203.3}

Ubugabura bukubiyemo ibirenze kubwiriza ijambo ry'Imana. Busobanuye gutoza abasore nk'uko Eliya yatoje Elisa, ukabakura mu mirimo yabo isanzwe maze ukabaha inshingano bagomba gukora mu murimo w'Imana. Ku ikubitiro ubaha inshingano nto, maze uko bagwiza imbaraga n'ubunararibonye ukabaha inshingano zagutse. Mu murimo w'Imana hari abantu bafite kwizera kandi basenga bashobora kuvuga bati: "Uwahozeho uhereye mbere na mbere, uwo twumvise, uwo twiboneye n'amaso yacu, kandi uwo twitegereje, intoki zacu zikamukoraho, ni we Jambo ry'ubugingo; . . . Ibyo twabonye tukabyumva, ni byo tubabwira." 1Yohana 1:1-3. Abakozi b'abasore bataragira uburambe bakwiriye gutorezwa

mu mirimo isanzwe bakorana n'abagaragu b'Imana bafite ubunararibonye. Nibakorana batyo, abasore baziga kwikorera imitwaro. {AnA 204.1}

Abantu biyemeza gutoza aba bakozi bakiri bato baba bakora umurimo mwiza cyane. Uwiteka ubwe afatanya n'imihati yabo. Kandi abasore babwiwe ijambo ryo kwitanga, kandi bagize amahirwe yo yo gukorana mu buryo bwa bugufi n'abakozi bitanze kandi bubaha Imana, bakwiriye kungukira byinshi cyane muri ayo mahirwe baba bafite. Imana yabahaye icyubahiro ubwo yabatiranyirizaga gukora umurimo wayo kandi ikabashyira ahantu bashobora kunguka ibyangombwa bituma baba bakwiriye uwo murimo, ndetse bakwiriye kwicisha bugufi, bakaba abiringirwa, bakumvira kandi bakagira ubushake bwo kwitanga. Iyo bumviye ubushake bw'Imana, bagakurikiza amabwiriza yayo kandi bagahitamo ko abagaragu bayo bababera abajyanama, bazakuza ubutungane, babe abantu bafite amahame ahanitse bagenderaho kandi bashikamye, abo Imana ishobora guha inshingano. {AnA 204.2}

Ubutumwa bwiza nibwamamazwa mu butungane bwabwo, abantu bazahamagarwa bave mu buhinzi no mu mirimo isanzwe y'ubucuruzi itwara intekerezo z'abantu cyane kandi bazigishwa kubwo gukorana n'abafite ubunararibonye. Igihe bazaba biga gukora nk'uko bikwiriye, bazamamazanya ukuri imbaraga. Kubw'ibikorwa bitangaje by'ubuntu bw'Imana, imisozi y'ibigoranye izakurwaho itabwe mu nyanja. Ubutumwa busobanuye byinshi ku batuye isi buzumvikana kandi busobanuke. Abantu bazamenya icyo ukuri ari cyo. Umurimo uzarushaho kujya mbere kugeza ubwo isi yose izaba imaze kuburirwa maze imperuka ihereko ize. {AnA 205.1}

Nyuma yo ghamagarwa kwa Elisa, yakoranye na Eliya imyaka myinshi, kandi buri munsi uwo musore yagendaga arushaho kunguka kwitegura umurimo we. Eliya yari yarabaye igikoresho cy'Imana cyo kurimbura ibibi bikomeye. Gusenga ibigirwamana kwari kwarashyigikiwe na Ahabu ndetse n'umupaganikazi Yezebeli kandi kwari kwaraushije ishyanga ryose, kwari kwararimbuwe. Abahanuzi ba Bali bari barishwe. Abisirayeli bose bari barakangaranye bikomeye, kandi benshi bagendaga bagaruka kuri gahunda yo kuramya Imana. Nk'umusimbura wa Eliya, kubwo kwigishanya ubwitonzi no kwihangana, Elisa yagombaga gushishikarira kuyobora Isirayeli mu nzira nziza. Gukorana na Eliya (umuhanuzi ukomeye cyane wabayeho kuva mu gihe cya Mose) kwe kwamuteguriye gukora umurimo yari agiye gukomeza gukora wenyine. {AnA 205.2}

Muri iyo myaka Elisa yari afatanyije umurimo na Eliya, uko ibihe byahaga ibindi Eliya yajyaga ahamagarirwa kurwanya ibibi akabyamagana mu buryo bukomeye. Igihe Ahabu wari inkozi y'ibibi yigaruriraga uruzabibu rwa Naboti, ijwi rya Eliya ni ryo ryahanuye akaga kazagwira Ahabu ndetse no kurimbuka kw'ab'inzu ye. Nyuma y'urupfu rwa se Ahabu ubwo

Ahaziya yateraga Imana ihoraho umugongo akayoboka Balizebubi, ikigirwamana cya Ekuroni, ijwi rya Eliya ni ryo ryongeye kumvikana arwanya ibyo mu buryo bukomeye. {AnA 205.3}

Mu gihe cy'ubuhakanyi bwa Isirayeli amashuri y'abahanuzi yari yarashinzwe na Samweli yari yarahagaze arasenyuka. Eliya ni we wongeye kubyutsa ayo mashuri, ategurira abasore uburyo bwo kubona uburere bwajyaga kubageza ku kwerereza amategeko y'Imana no kuyubahisha. Atatu muri ayo mashuri ni yo avugwa. Rimwe ryari i Gilugali, irindi ryari i Beteli naho irindi rikaba i Yeriko. Mbere y'uko Eliya ajyanwa mu ijuru, we na Elisa basuye ayo mashuri. Ubwo yasuraga ayo mashuri, uwo muhanuzi w'Imana yabasubiriragamo ibyigisho yabaga yarabigishije ubushize. By'umwihariko, yabigishaga ibyerekeye amahirwe yabo akomeye yo gukoemza kubaha Imana yomu ijuru bakayibera indahemuka. Ikindi kandi, yacengezaga mu ntekerezo zabo akamaro ko kureka kwiyorishya kukaranga ikintu cyose cyo mu burere bwabo. Muri ubu buryo honyine ni ho bashoboraga kwakira imico y'ijuru kandi bakajya gukora bakurikije inzira z'Uwiteka. {AnA 206.1}

Ubwo Eliya yabonaga ibyagerwagaho kubera ayo mashuri umutima we warishimaga cyane. Ntabwo umurimo w'ubugorozi wari urangiye, ariko Eliya yashoboraga kubona mu gihugu cyose igihamya cyemeza ibyo Uwiteka yari yaravuze ati: "Ariko rero nzaba nsigaranye abantu ibihumbi birindwi mu Isirayeli, batapfukamiye Bali, ntibamusome." 1Abami 19:18. {AnA 206.2}

Ubwo Elisa yaherekezaga umuhanuzi Eliya igihe yajyaga gusura ayo mashuri ava kuri rimwe ajya ku rindi, ukwizera kwe n'icyemezo yari yarafashe byongeye kugeragezwa. Ubwo bari I Gilugali, ndetse n'I Beteli n'I Yeriko, umuhanuzi Eliya yasabye Elisa gusubira inyuma. Eliya yaramubwiye ati: "Ndakwinginze sigara hano kuko Uwiteka antumye i Beteli." Ariko mu mirimo yakoraga mbere yo kuyobora inka zihinga, Elisa yari yarize kutarambirwa cyangwa ngo acike intege, bityo noneho kuba yari yariyemeje gukora izindi nshingano, ntiyashoboraga guteshurwa ku mugambi we. Ntiyajyaga gutandukanywa na shebuja igihe cyose yari agifite amahirwe yo kugira ibindi amwungukiraho bituma yuzuza ibyangombwa bimubashisha umurimo we. Ihishurwa ry'uko Eliya agiye kuzamurwa mu ijuru ryari ryamenyeshejwe abigishwa be bo mu mashuri y'abana b'abahanuzi, ndetse by'umwihariko bimenyeshwa Elisa ariko Eliya we ntiyari abizi. Noneho uwo mugaragu w'umuntu w'Imana wari ugerageresheje gusigara, yakomeje kuba hafi ya shebuja. Inshuro zose yasabwaga gusigara yarasubizaga ati: "Nkurahiye Uwiteka uhoraho n'ubugingo bwawe, sinsigara." {AnA 206.3}

"Nuko barajyana bombi . . . . ariko ubwabo bombi bageze kuri Yorodani, barahagarara. Eliya yenda umwitero we, arawuzinga awukubita amazi yigabanyamo kabiri, amwe ajya ukwayo

ayandi ukwayo, bombi bambukira ahumutse. Bageze hakurya Eliya abwira Elisa ati “Nsaba icyo ushaka cyose, ndakigukorera ntaratandukanywa nawe” {AnA 207.1}

Ntabwo Elisa yasabye icyubahiro cy’isi, cyangwa ngo asabe umwanya wo hejuru mu bakomeye bo ku isi. Icyo yifuje cyane cyari urugero runini rwa Mwuka Imana yari yarasesekaje ku wari ugiye kubahishwa kujyanwa mu ijuru. {AnA 207.2}

Elisa yari azi ko uretse Mwuka w’Imana wenyine, nta kintu cyajyaga kumubashisha kuba umuntu ukwiriye gukora mu mwanya Imana yari yaramuhamagariye kuzuza muri Isirayeli, ni ko gusaba ati: “Ndakwinginze ngada imigabane ibiri y’umwuka wawe.” {AnA 207.3}

Kuri uko gusaba kwa Elisa, Eliya yaramusibije ati: “Uransaba ikiruhije cyane. Icyakora numbona nkigukurwaho birakubera bityo, ariko nutambona si ko biri bube.” Bakigenda baganira haboneka igare ry’umuriro n’amafarashi y’umuriro, irabatandukanya. Nuko Eliya ajyanwa mu ijuru muri serwakira.” Soma 2Abami 2:1-11. {AnA 207.4}

Eliya ahagarariye abera bazaba bakiri bazima ku isi ubwo Kristo azaba agarutse, kandi “bazahindurwa mu kanya nk’ako guhumbya, ubwo impanda y’imperuka izavuga,” bakajyanwa mu ijuru badasogongeye urupfu. (2Abakorinto 15:51,52). Hafi y’iherezo ry’umurimo wa Kristo ku isi, Eliya yemerewe guhagararana na Mose iruhande rw’Umukiza ku musozi Yesu yahindukiyeho ishusho irabagirana, kugira ngo ahagararire abazajyanwa mu ijuru nkawe badasogongeye urupfu. Abo bari barahawe ikuzo abigishwa bababonyemo ishusho nto igaragaza uko ubwami buzabamo abacunguwe buzaba bumeze. Babonye Yesu yambaye umucyo w’ijuru; kandi bumvise “ijwi rivugira mu gicu” (Luka 9:35), rihamya ko Yesu ari Umwana w’Imana. Babonye Mose wari uhagarariye abazazurwa ubwo Kristo azaba agarutse; kandi aho hari hahagaze na Eliya wari uhagarariye abazahindurwa bakamburwa umubiri upfa bakambikwa kudapfa ndetse bakajyanwa mu ijuru batigeze bapfa ku iherezo ry’amateka y’isi. {AnA 208.1}

Ubwo yari mu butayu yigunze ari wenyine kanid yacitse intege, Eliya yari yaravuze ko arambiwe kubaho kandi asaba ko ibyiza ari uko yakwipfira. Nyamara Imana mu mbabazi zayo ntiyakurikije ibyo avuze. Hari hakiri umurimo ukomeye Eliya yagombaga gukora; kandi igihe umurimo we wari urangiye, ntiyagombaga gupfira mu bwigunge no gucika intege. Ntabwo icyo yari agenewe kwari ukumanuka ajya mu gituro, ahubwo kwari ukuzamukana n’abamarayika b’Imana akajya imbere y’ikuzo ryayo. {AnA 208.2}

“Elisa abibonye arataka ati: “Data, data, wabereye Isirayeli amagare n’amafarashi!” Nuko ntiyongera kumubona ukundi. Maze afata umwambaro we awutanyaguramo kabiri. Atoragura n’umwitero Eliya ataye asubirayo, ageze ku nkombe ya Yorodani arahagarara. Yenda wa mwitero Eliya ataye awukubita amazi, aravuga ati: “Uwiteka Imana ya Eliya iri

he?” Amaze gukubita amazi, yigabanyamo kabiri amwe ajya ukwayo, ayandi ukwayo. Elisa aherako arambuka. Maze ba bana b’abahanuzi b’i Yeriko bari bamwitegeye, bamubonye baravuga bati: “Umwuka wa Eliya ari muri Elisa.” Nuko baza kumusanganira, bamugezeho bamwikubita imbere.” 2Abami 2:12-15. {AnA 208.3}

Iyo mu buntu bwayo Imana ibonye ko bikwiriye ko ikura mu murimo wayo abo yahaye ubwenge, ifasha kandi igakomeza ababasimbura igihe bayisanze ngo ibafashe kandi bakagendera mu nzira zayo. Bashobora no kuba abanyabwenge cyane kurusha abo basimbuye kuko bashobora kungukira ku byababayeho kandi bakigira ku makosa bakoze. {AnA 209.1}

Kuva ubwo Elisa ajya mu mwanya wa Elisa. Uwari warabaye umwizerwa mu bintu byoroheje yagombaga kugaragaza ko ari indahemuka no mu byinshi. {AnA 209.2}

IGICE CYA 18 - GUHUMANURWA KW'AMAZI

Mu bihe by'abakurambere ikibaya cyo ku ruzi rwa Yorodani cyari "kinese hose hose … kandi cyari kimeze nka ya ngobyi y'Uwiteka." Muri icyo kibaya cyiza ni ho Loti yahisemo gutura ubwo yashingaga ihema rye ahateganye n'i Sodomu. Itangiriro 13:10,12. Igihe imijyi yo muri icyo kibaya yarimburwaga, akarere kagikikije kaje guhinduka ikidaturwa, kandi kuva ubwo haza kuzaba umugabane umwe w'ubutayu bwa Yudeya. {AnA 209.3}

Igice kimwe cy'icyo kibaya cyaje gusigara kirimo amasoko n'utugezi dutuma haba ibinyabuzima kugira ngo binezeze umuntu. Muri iki kibaya cyari gikungahaye kirimo imirima y'ibinyampeke n'amashyamba y'ibiti by'ingazi binini n'ibindi biti byera imbuto, ni ho ingabo z'Abisirayeli zari zarabambye amahema yazo nyuma yo kwambuka Yorodani, kandi ni ho zari zaraganuriye bwa mbere ku mbuto zera mu Gihugu cy'Isezerano. Imbere yabo hari hahagaze inkike z'i Yeriko. Yeriko yari igihome gikomeye cy'abapagani kandi akaba ari ho hari ihuriro ryasengerwagaho ikigirwamana Ashitoreti. Mu gusenga iki kigirwamana hakorwaga imihango mibi cyane kandi y'urukozasoni irenze indi yakorwaga yose mu Banyakanani. Bidatinze inkike za Yeriko zaje gusenywa kandi abayituriye baricwa, ndetse igihe yasenyukaga hatanzwe itangazo rikomeye cyane Abisirayeli bose bumva ryagiraga riti: "Umuntu uzahaguruka akajya kubaka uyu mudugudu w'I Yeriko, avumwe imbere y'Uwiteka. Igihe azubaka urufatiro rwaho, azapfushe imfura ye; n'igihe azahaterera inzugi z'amarembo azapfushe umuhererezi." Yosuwa 6:26. {AnA 210.1}

Hashize imyaka magana atanu. Aho hantu hakomeje kuba amatongo kuko hari haravumwe n'Imana. Ndetse n'amasoko yatembaga muri icyo gice cy'icyo kibaya yagezweho n'ingaruka z'uwo muvumo. Nyamara mu gihe cy'ubuhakanyi bw'umwami Ahabu, ubwo binyuze mu mbaraga za Yezebeli gusenga Ashitoreti byongeye kubyutswa, Yeriko, wa murwa wasegengerwagamo Ashitoreti kera waje gusanwa ariko umwubatsi wawo bimutwara ikiguzi giteye ubwoba. Uwitwa Hiyeli w'i Beteli "yubaka i Yeriko. Igihe yubakaga urufatiro, apfusha umwana we w'imfura witwaga Abiramu; ashinze ibikingi by'amarembo, apfusha umuhererezi we witwaga Segubu, nk'uko Uwiteka yari yavuze, abivugiye mu kanwa ka Yosuwa mwene Nuni." 1Abami 16:34. {AnA 210.2}

Hafi y'I Yeriko, hagati mu dushyamba tw'ibiti byera imbuto, hari rimwe mu mashuri y'abahanuzi, kandi nyuma yo kujyanwa mu ijuru kwa Eliya ni ho Elisa yagiye. Igihe Elisa yari agicumbitse aho, abatuye muri uwo mudugudu basanze umuhanuzi maze baramubwira bati: "Dore uyu mudugudu uburyo uri heza, nk'uko ubireba databuja; ariko amazi yahoo ni mabi, kandi muri iki gihugu imyaka irarumba." Isoko mu myaka yashize yajyaga itanga

amazi meza ahembura ubugingo, kandi yari yaragize uruhare runini mu guha amazi uwo mujyi n'ahawukikije, yari itakiifite umumaro. {AnA 211.1}

Mu gusubiza ubusabe bw'abo baturage b'i Yeriko, Elisa yaravuze ati: "Nimunzanire urwabya rushya mushyiremo umunyu." Bamaze kurumuzanira, "Elisa ajya ku isoko y'amazi ajugunyamo uwo munyu aravuga ati: 'Uhoraho agize ati: 'Mpumanuye aya mazi. Ntazongera kwicana kandi n'ubutaka ntibuzongera kurumba'" 2Abami 2:19-21. {AnA 211.2}

Guhumanurwa kw'amazi y'i Yeriko ntikwakozwe kubw'ubwenge ubwe ari bwo bwose bw'umuntu, ahubwo ni kubw'igitangaza cy'Imana. Abantu bari barasanye uwo mujyi bakoraga ibinyuranye n'ubushake bw'Ijuru; nyamara wa wundi "utegeka izuba rye kurasira ababi n'abeza, kandi abakiranuka n'abakiranirwa akabavubira imvura," yabonye ko binyuze muri icyo kimenyetso, icyo gihe gikwiriye ko agaragaza impuhwe ze n'ubushake afite bwo gukiza Isirayeli indwara zayo z'iby'umwuka. Matayo 5:45. {AnA 211.3}

Ayo mazi yarahumanutse burundu. "Nuko amazi arahumanuka na bugingo n'ubu nk'uko Eliya yabivuze." (2Abami 2:22). Uko imyaka yagiye ishira indi igataha, amazi yakomeje kujya atemba, akanetesha igice cy'icyo kibaya kikirangwamo ubwiza buhebuje. {AnA 211.4}

Muri uku guhmanurwa kw'amazi hakurwamo ibygisho byinshi mu by'umwuka. Urwabya rushya, umunyu n'isoko, byose bifite icyo bishushanya ku rwego rukomeye. {AnA 212.1}

Mu kujugunya umunyu mu isoko y'amazi yaruraga, Elisa yigishije icyigisho cy'iby'umwuka gisa rwose n'icyo Umukiza yaje kwigisha abigishwa be mu myaka amagana nyuma yaho ubwo yababwiraga ati: "Muri umunyu w'isi." (Matayo 5:13). Umunyu wavanzwe mu isoko yahumanye wahumanuye amazi yayo kandi uzana ubuzima n'umugisha ahantu hari hasanzwe kurimbura n'urupfu. Igihe Imana igereranyije abana bayo n'umunyu, iba ishaka kubigisha ko umugambi wayo mu kubagezaho ubuntu bwayo ari uko bahinduka ibikoresho mu gukiza abandi. Umugambi w'Imana mu guhitamo abantu mu gitoranya ishyanga mu isi yose ntabwo awari uwo kugira ngo ibahindure abahungu n'abakobwa yabo gusa, ahubwo kwari no kugira ngo binyuze kuri bo, isi yose ibashe kwakira ubuntu buhesha agakiza. Igihe Imana yatoranyaga Aburahamu, ntabwo byari ukugira ngo ahinduke incuti yihariye y'Imana gusa, ahubwo kwari no kugira ngo abe igikoresho kinyuzwaho imigisha yihariye Uwiteka yifuzaga gusesekaza ku mahanga yose. {AnA 212.2}

Isi ikeneye ibihamya bigaragaza Ubukristo nyakuri. Uburozi bw'icyaha burakorera mu mitima y'abantu bagize umuryango mugari w'abantu. Imirwa minini n'imijyi yasayishije

mu cyaha no kwangirika kw'imico mbonera. Isi yuzuye uburwayi, imibabaro no gukiranirwa. Hafi na kure hari abantu bari mu bukene no guhagarika umutima, baremerewe cyane no kumva bafite umutima ubashinja icyaha kandi bari kurimbuka kubwo kutabona icyabakiza. Ubutumwa bwiza bw'ukuri buri imbere yabo, nyamara ntibabura gupfa bitewe n'uko urugero rw'abagombye kubabera impumuro y'ubugingo izana ubugingo ahubwo ari impumuro y'urupfu. Ubugingo bwabo bunywa ibisharira bitewe n'uko amasoko arimo uburozi mu gihe yagombye kuba isoko y'amazi adudubiza kugeza ku bugingo buhoraho. {AnA 212.3}

Umunyu ugomba kuvangwa n'ibyo ushyizwemo; ugomba kubyinjiramo, ukivanga na byo kugira ngo bibashe kurindwa bibikwe igihe kirekire. Uko ni nako bigenda binyuze mu guhura ndetse n'umubano wihariye ku buryo abantu bagerwaho n'imbaraga ikiza y'ubutumwa bwiza. Ntabwo abantu bakizwa muri rusange (mu kivunge), ahubwo ni buri muntu ku giti cye. Impinduka umuntu ateza ku giti cye ni imbaraga. Iyo mbaraga igomba gukorana ububasha bwa Kristo, ikazahura aho Kristo azahura, igatanga amahame atunganye kandi igahagarika iterambere ryo gusayisha kw'abatuye isi. Iyo mbaraga igomba gusakaza hose bwa buntu Kristo wenyine ashobora gutanga. Igomba kuzahura, gutuma imibereho n'imico by'abandi bibamo uburyohe kubw'imbaraga z'urugero rutunganye rukomatanye n'ukwizera n'urukundo bitajegajega. {AnA 213.1}

Uwiteka yari yaravuze ibya ya soko yahumanye y'i Yeriko agira ati: "Mpumanuye aya mazi. Ntazongera kwicana kandi n'ubutaka ntibuzongera kurumba." Isoko yahumanye ishushanya ubugingo bwatanrukanye n'Imana. Ntabwo icyaha kitujyana kure y'Imana gusa ahubwo cyinjira mu bugingo bw'umuntu maze kikarimbura icyifuzo n'ubushobozi bwo kumenya Imana. Kubera icyaha, umubiri w'umuntu wose uta umurongo, kandi n'ubwenge bugateshuka, intekerezo zigahumana; kandi ubushobozi bw'ubugingo bugasigingira. Ntihababo iyobokamana ritunganye ndetse n'ubutungane bw'umutima. Imbaraya ihindura y'Imana ntiyigera igira ico ikora mu guhindura imico. Ubuingo bugira integer nke, kandi kubwo kutagira imbaraga yo kunesha, ubugingo burahumana kandi bugasigingira. {AnA 213.2}

Ku mutima wahumanuye, ibintu byose birahinduka. Guhinduka kw'imico ni igihamya kigaragariza abatiye isi ko Kristo ari mu muntu. Mwuka w'Imana ubyara ubugingo bushya mu muntu, ugatera intekerezo n'ibyifuzo kumvira ubushake bwa Kristo; bityo umuntu w'imbere agahindurwa mushya agahabwa ishusho y'Imana. Abagabo n'abagore b'abanyantege nke kandi babasha gukosa bereka bereka abatiye isi ko imbaraga ikiza y'ubuntu ishobora gutera imico irimo inenge gutungana no kwera imbuto. {AnA 213.3}

Umutima wakira ijambo ry'Imana ntabwo ari nk'ikidendezi cy'amazi ahinduka umwuka, ntabwo ari nk'ikigega kimenetse kigenda gitakaza ibikirimo. Uwo mutima umeze nk'akagezi ko mu misozi gasukwamo amazi n'amasoko adakama afite amazi akonje y'urubogobogo ava mu rutare, akamara inyota abananiwe, abafite inyota n'abaremerewe. Uwo mutima kandi umeze nk'uruzi ruhora rutemba kandi uko rugenda rukarushaho kwimbika no kuba rugari kugeza ubwo amazo yaryo atanga ubugingo akwiriye ku isi yose. Akagezi gatemba karirimba mu nzira y'iyo soko gasiga inyuma yako impano yako y'ibyatsi bitoshye n'uburumbuke. Ibyatsi byo ku nkengero z'ako kagezi birushaho gutoha, ibiti byaho nabyo biratoshye kandi indabo nazo ni nyinshi cyane. Igihe ubutaka butarangwaho akatsi ndetse bwaratukuye bitewe n'izuba ry'igikatu ryo ku mpeshyi, umurongo w'ibyatsi n'ibiti bitoshye ugaragaza aho akagenzi kanyura. {AnA 214.1}

Uko ni nako bimera ku mwana w'Imana wese nyakuri. Idini ya Kristo yigaragaza ubwayo ko ari ihame ritanga ubugingo kandi risakara hose; ni imbaraga nzima, ikora kandi y'umwuka. Igihe umutima ukingukiye imbaraga y'ukuri n'urukundo iva mu ijuru, ayo mahame azongera asakare nk'amasoko yo mu butayu, atere imbuto kuboneka ahari urupfu ntiharangwa n'uburumbuke. {AnA 214.2}

Igihe abantu bejejwe kandi batunganijwe binyuze mu mu kumenya ukuri kwa Bibiliya birunduriye n'umutima wose mu murimo wo gukiza imitima, bazarushaho guhinduka impumuro y'ubugingo itanga ubugingo. Igihe bazajya banywa ku isoko idakama y'ubuntu no kumenya buri munsi, bazabona ko imitima yabo yuzuye ndetse isendereye Mwuka wa Shebuja, kandi ko kubw'umurimo bakora batikanyiza, abantu benshi babiboneramo inyungu mu buryo bw'umubiri, ubw'ubwenge n'ubw'umwuka. Abananiwe barahemburwa, abarwayi bagakira bakagira ubuzima bwiza, kandi abaremerewe n'icyaha bakaruhurwa. Mu bihugu bya kure humvikanira amagambo yo gushima ava mu minwa y'abo imitima yabo yakuwe mu gukorera icyaha maze bakayoboka ubutungane. {AnA 214.3}

"Mutange, namwe muzahabwa;" kuko ijambo ry'Imana ari iri ngo: "uri iriba ryo hagati y'imirima, uri isoko y'amazi abeshaho, n'imigezi itemba ituruka i Lebanoni." Luka 6:38; Indirimbo ya Salomo 4:15. {AnA 215.1}

IGICE CYA 19 - UMUHANUZI W'AMAHORO

Umurimo umuhanuzi Elisa yakoze hari ingingo zimwe na zimwe wari utandukanyeho cyane n'uwa Eliya. Eliya yari yarahawe ubutmwa bwo guca iteka n'urubanza. Ijwi rye ryumvikanishaga amagambo yo gucyaha nta bwoba afite, ahamagarira umwami na rubanda guhindukira bakava mu nzira zabo mbi. Nyamara umurimo wa Elisa wari uw'amahoro cyane; umurimo we wari uwo kubaka no gukomeza umurimo Eliya yari yaratangiye; akigisha abantu inzira y'Uwiteka. Ibyanditswe bigaragaza ko yaje maze ubwe akajya yibanira n'abantu, akajya akikizwa n'abana b'abahanuzi, kandi kubw'ibitangaza n'umurimo yakoraga akazana gukira no kwishima. {AnA 216.1}

Elisa yari umuntu ufite umutima utuje kandi w'ineza; ariko kandi kuba yarashoboraga kugira igitsure bigaragarira mu byo yakoze ubwo yerekezaga I Beteli maze urubyiruko rw'abahungu bari bavuye mu mudugudu kandi batubahaga Imana bakamukwena. Urwo rubyiruko rwari rwarumvise ibyo kujyanwa mu ijuru kwa Eliya, maze icyo kintu gitangaje cyabayeho rukigira intandaro yo gukoba Elisa bavuga bati: "Zamuka wa munyaruhara we! Zamuka wa munyaruhara we!" Uwo muhanuzi yumvise amagambo yo kumukwena arakebuka arabareba, maze kubwo kubwirizwa n'Ishoborabyose arabavuma. Urubanza ruteye ubwiba rwakurikiyeho rwari ruvuye ku Mana. "Nuko haza idubu ebyiri z'ingore zivuye mu ishyamba, zitemagura abahungu mirongo ine na babiri bo muri bo." 2Abami 2:23, 24. {AnA 216.2}

Iyo Elisa yemera ko uko gukwena kubaho ntikwitabweho, yajyaga gukomeza gusuzugurika kandi akajya acyocyorwa n'abantu bityo umurimo we wo kwigisha no gukiza yakoraga mu gihe cy'akaga gakomeye igihugu cyarimo ntiwajyaga kugera ku ntego. Iki gikorwa kimwe cyo guhana gukomeye cyane cyari gihagije kugira ngo gitume yubahwa mu buzima bwe bwose. Yamaze imyaka mirongo itanu yinjira kandi asohoka mu marembo y'I Beteli, kandi akagendagenda hose mu gihugu, ava mu mujyi umwe ajya mu wundi, agaca mu mbaga y'abasore b'inkorabusa, abanyangeso mbi kandi basayisha mu bibi; nyamara nta n'umwe wamukwenaga cyangwa ngo apfobye umurimo we nk'umuhanuzi w'Ishoborabyose. {AnA 216.3}

Ubugwaneza na bwo bukwiriye kugira urubibi bugarukiraho. Ubutware [umuntu afite] bugomba gushyigikirwa n'igitsure gikomeye, nibitaba bityo abantu benshi bazajya babukwena kandi babusuzugure. Igisa n'ubugwaneza, kubembereza no gutetesha birenze urugero ababyeyi n'abarezi bagirira urubyiruko, ni kimwe mu bibi bikomeye cyane bishobora kubageraho. Kudakebakeba, gufata ibyemezo no kugira ibisabwa byiza umuntu agomba kuzuza ni ngombwa mu muryango wose. {AnA 217.1}

Kubaha, ari na ko ruruya rubyiruko rwakwennye Elisa rwaburaga, ni impano ikwiriye gusigasirwa mu bushishozi. Umwana wese akwiriye kwigishwa kugaragaza kubaha Imana nyakuri. Ntibikwiriye ko izina ryayo rivuganwa agaciro gake cyangwa umuntu atabyitayeho. Iyo abamarayika bavuze izina ryayo bipfuka mu maso. Mbega ukubaha twebwe abantu bacumuye kandi b'abanyabyaha dukwiriye kugira igihe tuvuga iryo zina! {AnA 217.2}

Abahagarariye Imana na bo bakwiriye kubahwa. Abo ni abagabura, abigisha n'ababyeyi bahamagariwe kuvuga no gukora mu cyimbo cyayo. Iyo bubashywe Imana ihabwa icyubahiro. {AnA 217.3}

Umutima wo korohera abandi na wo ni imwe mu mpano za Mwuka kandi abantu bose bakwiriye guharanira kuwugira. Bene uwo mutima ufite imbaraga zo koroshya kamere z'abantu ku buryo utabayeho izo kamere zarushaho kwinangira no kuba mbi. Abantu bavuga ko ari abayoboke ba Kristo ariko bakaba batoroheje mu mutima, atari abagwaneza ndetse batorohera abandi, bene abo ntibigeze bigira kuri Yesu. Kuvugisha ukuri kwabo gushobora kudashidikanywaho kandi kudakebakeba kwabo ntikugirweho impaka; ariko kuvugisha ukuri no kudakebakeba ntibizatwikira kutarangwa n'ubugwaneza no korohera abandi. {AnA 217.4}

Umwuka w'ubugwaneza warangagaga Elisa wamubashishije guteza impinduka zikomeye mu mibereho ya benshi muri Isirayeli, ugaragarira mu gitekerezo cy'ubucuti yari afitanye n'umuryango wari utuye i Shunemu. Mu ngendo yakoraga ajya hirya no hino mu bwami bwa Isirayeli, bwarakeye Elisa "arahaguruka ajya i Shunemu. Hariyo umugore w'umukire, aramuhata ngo ajye iwe gufungura. Nuko uhereye ubwo, iyo yahanyuraga hose, yajyagayo gufungura." Uwo mugore w'umukire yabonye ko Elisa yari "umuntu wera w'Imana," maze abwira umugabo we ati: "None ndakwinginze, twubake akumba hejuru y'inzu, tumushyiriremo uburiri n'ameza n'intebe n'igitereko cy'itabaza; maze uko azajya aza kudusura, ajye acumbikamo." Elisa yajyaga aza aho hantu ho rukira kenshi, akanezezwa n'uko hari hatuje. Ntabwo Imana yirengagije kugira neza k'uwo mugore. Nta kana yari yarabyaye; ariko noneho Uwiteka yaje kumugororera kubwo kwakira abashyitsi kwe maze amuha kubyara umwana w'umuhungu. {AnA 218.1}

Imyaka yarahise indi irataha. Wa mwana yarakuze kugeza ubwo yabashaga kujyana n'abasaruzi mu murima. Umunsi umwe yaje gufatwa no guhinda umuriro araremba, maze atakira se ati: "Umutwe we! Umutwe we!" Se yabwiye umugaragu guterura uwo mwaka akamushyira nyina. "Nuko aramujyana amushyikiriza nyina, nyina amwicaza ku bibero; agejeje ku manywa y'ihangu, arapfa. Amaze gupfa, nyina aramwurirana, amurambika ku buriri bwa wa muntu w'Imana, aramukingirana, arisohokera." {AnA 218.2}

Mu gahinda kenshi yarimo, uwo Mushunemukazi yiyemeje kujya gushaka Elisa ngo amufashe. Icyo gihe umuhanuzi yari ku musozi Karumeli, maze uwo mugore aherekejwe n'umugaragu we ahita afata inzira ajyayo. "Umuntu w'Imana amwitegeye akiri kure, abwira umugaragu we Gehazi ati: 'Nguriya wa Mushunemukazi. Ndakwinginze irukanka muhure umubaze uti 'Ni amahoro? N'umugabo wawe araho? N'umwana wawe?'" Gehazi yakoze nk'uko yari ategetswe, ariko ataragera kuri Elisa, uwo mugore wari ushenguwe n'intimba yahise agaragaza impamvu y'agahinda ke. Elisa yumvise iby'urupfu rwa wa mwana, yategetse Gehazi ati: "Cebura wende inkoni yanjye ugende, kandi nuhura n'umuntu wese ntumuramutse. Ukuramutsa ntumusubize, maze iyi nkoni uyijyane uyirambike ku maso y'umwana." {AnA 218.3}

Nyamara uwo mubyeyi ntiyanyuzwe kugeza ubwo Elisa ubwe yemeye kujyana na we. Uwo mugore yaravuze ati: "Nkurahiye Uwiteka uhoraho, n'ubugingo bwawe, singusiga. Nuko arahaguruka aramukurikira. Ariko Gehazi abacaho ajya imbere. Agezeyo arambika inkoni ku maso y'umwana, ntiyakoma kandi ntiyumva. Aherako aragaruka, ngo ahure na we aramubwira ati: "Umwana ntakangutse." {AnA 219.1}

Bageze mu rugo, Elisa ajya muri cya cyumba wa mwana wari wapfuye yari aryamishijwemo, "arinjira yikingirana n'uwo mwana bombi, atakambira Uwiteka. Arurira yubama kuri uwo mwana, umunwa ku wundi amaso ku maso, amaboko ku yandi, amurambararaho intumbi y'umwana irashyuha. Elisa arabyuka yigenzagenza muri iyo nzu, akubita hirya aragaruka, arongera arurira amurambararaho, umwana yitsamura karindwi arambura amaso." {AnA 219.2}

Nuko Elisa ahamagara Gehazi amutuma kujya guhamagara nyina w'umwana. "Ahageze aramubwira ati: 'Terura umwana wawe.' Nuko araza, arunama amugwa ku birenge; maze aterura umwana we, arasohoka." {AnA 219.3}

Uko ni ko ukwizera k'uwo muire kwagororewe. Kristo we Mutangabugingo ukomeye, ni we wamuzuriye uwo mwana we. Uko ni nako ubwo azaba agarutse, abamubereye indahemuka bazagororerwa, ubwo urupfu rutazaba rugifite urubori rwarwo ndetse n'igituri kikamburwa intsinzi cyihaye. Icyo gihe ni bwo Kristo azagarurira abagaragu be abana babo bari barambuwe n'urupfu. "Ijwi ryumvikaniye i Rama ry'umuborogo no kurira gushavuye: ni irya Rasheli yaririraga abana be, yanga guhozwa ku bwabo kuko batakiriho." Uku ni ko Uwiteka avuga ati: "Hoza ijwi ryawe we kuboroga, n'amaso yawe ye gushokamo amarira kuko umurimo wawe uzaguhesha ingororano, ni ko Uwiteka avuga, kandi bazagaruka bave mu gihugu cy'ababisha. Kuko hariho ibyiringiro by'amaherezo yawe, kandi abana bawe bazagaruka mu rugabano rwabo. Ni ko Uwiteka avuga." Yeremiya 31:15-17. {AnA 220.1}

Yesu aduhumuriza igihe dushavujwe n'abacu bapfuye atubwira ubutumwa bw'ibyiringiro bitagira iherezo avuga ati: "Nzakugura, ngukureho amaboko akujyana ikuzimu; nzabacungura mbakize urupfu. Wa rupfu we, ibyago watezaga biri he? Nyamunsi we, kurimbura kwawe kuri he?" Hoseya 13:14. "Kandi ndi Uhoraho. Icyakora nari narapfuye, ariko none dore mporaho iteka yose, kandi mfite imfunguzo z'urupfu n'iz'ikuzimu." Ibyahishuwe 1:18. "Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka, maze natwe abazaba bakiriho basigaye duhereko tujyananwe na bo, tuzamuwe mu bicu gusanganirira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose." 1Abatesalonike 4:16, 17. {AnA 220.2}

Nk'uko Umukiza w'inyokomuntu yagenzaga, ari na we yacureraga, mu murimo Elisa yakoraga mu bantu yakomatanyaga umurimo wo gukiza no kwigisha. Mi mihati ye yamaragamo igihe kirekire kandi ikagera ku musaruro, Elisa yakoranaga ubudahemuka kandi adacogora agaharanira gushimangira no guteza imbere umurimo w'ingenzi wo kwigisha wakorwaga n'amashuri y'abahanuzi. Ku matsinda y'abasore babaga bamaramaje bateraniye [muri ayo mashuri], kubw'ubuntu bw'Imana amagambo ye yo kwigisha yashimangirwaga n'imbaraga ikomeye ya Mwuka Wera, kandi inshuro nyinshi agashimangirwa n'ibindi bihamya bidashidikanywaho by'ububasha bwe nk'umugaragu w'Uwiteka. {AnA 220.3}

Igihe kimwe ubwo yongeraga gusuraga ishuri ryari i Gilugali ni ho yahumanuye inkono y'imboga. "Icyo gihe hari hateye inzara hariho ubwo abana b'abahanuzi bari bamwicaye imbere, abwira umugaragu we ati "Shyira inkono ivuga ku ziko utekere aba bana b'abahanuzi imboga." Umwe muri abo arasohoka ajya ku gasozi gusoroma, ahasanga umutanga awusoromaho intanga, arēka umwenda we azuzuzamo, araza azikekera muri ya nkono batetsemo imboga kuko batari babizi. Bahishije barurira abagabo ngo barye. Bakirya izo mboga, baraboroga bati: "Yewe muntu w'Imana, mu nkono harimo uburozi." Ntibarushya bayiryaho. Aravuga ati: "Nimunzanire ifu." Aragenda ayijugunya mu nkono aravuga ati: "Nimwarurire abantu birire." Nuko basanga nta kibi kikiri mu nkono." {AnA 221.1}

Aho i Gilugali kandi, igihe inzara yari ikiri mu gihugu, Elisa yagaburiye abagabo ijana ibyo kurya yari azaniwe n'umugabo wari uturutse i Balishalisha. "Bukeye haza umugabo uturutse i Bālishalisha, azanira uwo muntu w'Imana Imitsima y'imiganura ya sayiri. Yose yari makumyabiri n'isaho ye yuzuye amahundo y'ingano mabisi. Nuko Elisa aravuga ati "Nimubihe abantu babirye." Umugaragu we aramusubiza ati "Dorere, utu ngutu ntugaburire abagabo ijana?" Na we aramusubiza ati "Pfa kubaha babirye, kuko Uwiteka avuze ngo

barabirya babisigaze.” Nuko abibashyira imbere, bararya barabisigaza nk’uko Uwiteka yavuze.” {AnA 221.2}

Mbega kwicisha bugufi Kristo yagize abinyujije mu ntumwa ye maze agakora iki gitangaza kugira ngo ahaze abashonje! Inshuro nyinshi kuva icyo gihe, nubwo bitabagaho igihe cyose ndetse mu buryo bukoemye kandi bugaragara, Umwami Yesu yagize ibyo akora kugira ngo akemure ubukene bw’abantu. Iyaba twagiraga gusobanukirwa kuruseho mu by’umwuka, twabona ibyo Imana ikorera abana b’abantu birangwamo imbabazi kuruta uko tubibona ubu. {AnA 222.1}

Ubuntu bw’Imana bwashyizwe ku byokurya bike ni bwo butuma bihaza bose. Ukuboko kw’Imana gushobora gutubura [ibyo byokurya] inshuro ijana. Imana ikoze mu butunzi bwayo, ishobora gutunganya ameza magari mu butayu. Kubw’ikiganza cyayo, ishobora gutubura utwokurya duke cyane igatuma duhaza abantu bose. Imbaraga zayo ni zo zatuburiye imitsima na sayiri mu biganza by’abana b’abahanuzi. {AnA 222.2}

Mu minsi ibanza y’umurimo Kristo yakoze hano ku isi, ubwo yakoraga igitangaza nk’icyo agahaza imbaga y’abantu, hagaragaye kutizera nk’ukwagaragajwe n’abakoranaga n’umuhanuzi wa kera. Umugaragu wa Elisa yaravuze ati: “Dorere, utu ngutu ntugaburire abagabo ijana?” Kandi n’igihe Yesu yategekaga abigishwa be kugaburira imbaga y’abantu, abigishwa baramusubije bati: “Dusigaranye imitsima itanu n’ifi ebyiri, keretse twagenda tukagurira aba bantu bose ibyokurya.” Luka 9:13. Mbese ibi bimaze iki ku bantu benshi bangana batya? {AnA 222.3}

Aha hari icyigisho ku bana b’Imana bo mu bihe byose. Iyo Uwiteka atanze umurimo ugomba gukorwa, nimutyo he kugira umuntu n’umwe uhagarara ngo yibaze ku gushyira mu gaciro kuri muri iryo tegeko cyangwa ngo yibaze ku musaruro ushobora kuva mu muhati wo kumvira iryo tegeko. Ibiri mu biganza byabo bishobora kuba bidahagije ngo bikemure ubuneke buhari; ariko mu biganza by’Uwiteka bizagaragara ko ari byinshi ndetse birenze urugero. Nuko umugaragu “abibashyira imbere, bararya, barabisigaza nk’uko Uwiteka yavuze.” {AnA 222.4}

Ubukene bukomeye cyane itorero rifite muri iki gihe ni ubwo gusobanukirwa byuzuye isano n’umubano Imana ifitanye n’abo yaguze impano y’Umwana wayo. Ni ukwizera gukomeye cyane k’uko hazabaho iterambere ry’umurimo wayo ku isi. Nimutyo he kugira umuntu n’umwe uta igihe cye ababazwa n’ubuke bukabije bw’ibyo afite bigaragarira amaso. Iby’inyuma bigaragarira amaso bishobora kudatanga icyizere, ariko imbaraga no kwiringira Imana bizatubura ibihari. Impano izaniwe Imana umuntu agushima kandi asenga asaba

umugisha wa Yo, izayitubura nk'uko yatubuye ibyokurya byahawe abana b'abahanuzi ndetse n'ibyahawe imbaga y'abantu bari bananiwe kandi bashonje. {AnA 223.1}

IGICE CYA 20 — NAMANI

“Namani umugaba w’ingabo z’umwami w’i Siriya yari umutoni kuri shebuja kandi w’umunyacyubahiro, kuko ari we Uwiteka yaheshaga Abasiriya kunesha; yari umugabo w’umunyamaboko w’intwari, ariko yari umubembe.” {AnA 224.1}

Benihadadi umwami w’I Siriya yari yaratsinze ingabo z’Abisrayeli mu rugamba rwahitanye Ahabu. Kuva icyo gihe Abasiriya bari barakomeje kujya batera Abisirayeli, kandi muri kimwe muri ibyo bitero bari barajyanye bunyago umukobwa muto, bamujyana iwabo i Siriya maze aba “umuja wa muka Namani.” Nubwo uwo mukobwa yari umuja kandi ari kure y’iwabo, yari umwe mu bahamya b’Imana, agasohoza umugambi Imana yari yaratoranyirije Isirayeli nk’ubwoko bwayo nyamara atabizi. Ubwo uwo mukobwa yakoreraga muri urwo rugo rw’abapagani, yaje kugirira impuhwe shebuja; kandi yibutse ibitangaza bikomeye byo gukiza byakoreshwaga Elisa, abwira nyirabuja ati: “Icyampa databuje agasanga umuhanuzi w’i Samariya! Yamukiza ibibembe.” Uyu muja yari azi ko imbaraga yo mu Ijuru iri kumwe na Elisa kandi yizeraga ko kubw’iyo mbaraga y’Ijuru Namani ashobora gukira. {AnA 224.2}

Imico y’uwo muja wari waratwawe bunyago, uko yitwaraga muri urwo rugo rw’abapagani ni igihamya gikomeye kigaragaza imbaraga z’uburere bw’ibanze butangirwa mu muryango. Nta nshingano ihanitse iruta iyahawe ababyeyi b’abagabo n’abagore mu kwira no kurera no gutoza abana babo. Ababyeyi bagomba kwita cyane ku mfatiro z’imyitwarire n’imico. Ahazaza h’abana babo hashingiye cyane ku rugero babaha n’inyigisho babigisha. {AnA 225.1}

Ababyeyi bafite imibereho igaragaza rwose imico y’Imana barahirwa, kugira ngo amasezerano n’amategeko y’Imana bikangure gushima no kwicisha bugufi mu mwana. Ababyeyi bafite kwiyoroshya, ubutabera no kwihangana bigaragariza umwana urukundo, ubutabera no kwihangana by’Imana, kandi kubwo kwigisha umwana kubakunda, kubiringira no kubumvira, bene abo babyeyi baba bigisha uwo mwana gukunda, kwiringira no kumvira Se wo mu ijuru. Ababyeyi baraga umwana bene iyo mpano baba bamuhaye ubutunzi burusha agaciro ubutunzi bw’ibihe byose, baba bamuhaye ubutunzi buzaramba iteka ryose. {AnA 225.2}

Ntabwo tuzi aho abana bacu bashobora guhamagarirwa gukora. Bashobora kumara ubuzima bwabo bwose imuhira; bashobora kujya mu mirimo isanzwe yo mu buzima cyangwa bakajya kwigisha ubutumwa bwiza mu bihugu by’abapagani; ariko rero bose bahamagarirwa kuba abajyana ubutumwa bw’Imana, bakaba abagabura bajyana ubutumwa

bw'imbabazi ku batuye isi. Bagomba kugira uburere buzababafasha guhagarara ku ruhande rwa Kristo bamukorera batikanyiza. {AnA 225.3}

Ubwo ababyeyi b'uwo mukobwa w'Umuheburayokazi bamwigishaga iby'Imana, ntabwo bari bazi amaherezo ye. Nyamara bari indahemuka ku nshingano bahawe; bityo mu rugo rw'umugaba w'ingabo z'Abasiriya umwana wabo ahatangira ubuhamya ahagaragariza Imana yari yarize kubaha. {AnA 226.1}

Namani yumvise amagambo umuja we yari yabwoiye nyirabuja; bityo amaze guhabwa uburenganzira n'umwami, afata urugendo ajyanwe no kwivuza, yitwaza "ibiro magana atatu by'ifeza n'ibiro mirongo itandatu by'izahabu, n'imyambaro icumi yo kurimbana." Namani yajyanye n'urwandiko ahawe n'umwami w'I SIiriya ngo arushyire umwami Wa Isirayeli, kandi muri rw hari handitswe ubu butumwa ngo: "Nuko rero urwo rwandiko nirukugeraho, nkohereje umugaragu wanjye Namani ngo umukize ibibembe." Umwami w'Abisirayeri asomye urwandiko yari yandikiwe, "ashishimura imyenda aravuga ati: 'Ariko, uwo mugabo kunyoherereza umuntu ngo muvure ibibembe, ni jye Mana yica kandi ikabeshaho? Nuko nimubitekereze ndabinginze, mumenye ko ari ukunyendereza.'" {AnA 226.2}

Inkuru z'icyo kibazo zigera kuri Elisa, maze atuma ku mwami w'Abisirayeli amagambo amubwira ati: "Ni iki gitumye ushishimura imyenda yawe? Mureke ansange aramenya ko muri Isirayeli harimo umuhanuzi." {AnA 226.3}

"Nuko Namani araza, azana n'amafarashi ye n'amagare ye, ahagarara ku muryango w'inzu ya Elisa." Elisa aherako amutimaho intumwa aramubwira ati: "Genda wiyuhagire muri Yorodani karindwi, umubiri uzasubira uko wari uri, nawe uzaba uhumanutse." {AnA 226.4}

Namani yari yiteze ko ari bubone kwigaragaza gutangaje kw'imbaraga zo mu ijuru. Yaravuze ati: "Nahoze ngira ngo ari busohoke, ahagarare, atakambire izina ry'Uwiteka Imana ye, arembarembye n'intoki hejuru y'ibibembe, ngo ankize." {AnA 227.1}

Ubwo Namani yabwirwaga kwiyuhagira muri Yorodani, ubwibone bwe bwakozweho, maze muri uko gukorwa n'isoni no kumva abwiwe icyo atai yiteze arasakuza ati: "Mbese inzuzi z'i Damasiko, Abana na Fapa, ntiziruta ubwiza amazi yose y'i Bwisirayeli? Sinabasha kuziyuhagiramo ngo mpumanuke?" Nuko arahaguruka, arigendera arakaye. {AnA 227.2}

Umutima w'ubwibone wa Namani warigometse wanga gukurikiza amabwiriza yari atanzwe na Elisa. Inzuzi zavuzwe n'uwo mutware w'abasirikare w'Umusiriya zari nziza bitewe n'udushyamba twari ku nkengero zazo, kandi abantu benshi bajyaga ku nkengero z'izo nzuzi bajyanwe no gusenga ibigirwamana. Ntabwo kumanuka akajya kuri kamwe muri izo nzuzi byari gukoza isono cyane Namani. Nyamara yashoboraga gukira gusa ari uko akurikije

amabwiriza yihariye umuhanuzi yari amuhaye. Kumvira n'umutima wose byonyine ni byo byajyaga gutuma ibyo yifuza bibaho. {AnA 227.3}

Abagaragu ba Namani baramwinginze kugira akore ibyo Elisa ategetse. Baramubwiye bati: "Data, iyaba uwo muhanuzi yagutegetse ikintu gikomeye ntuba wagikoze? Nkanswe kukubwira ngo 'Iyuhagire, uhumanuke.'" Ukwizera kwa Namani kwarageragezwaga muri icyo gihe ari na ko ubwibone bwarwaniraga gutegeka. Nyamara ukwizera kwaratsinze, maze wa Musiriya wishyiraga hejuru areka ubwibone bw'umutima we bityo aca bugufi yumvira ubushake bw'Uwiteka bwari bwahishuwe. Nuko yibira karindwi muri Yorodani, "nk'uko uwo muntu w'Imana yari yamutegetse." Kandi ukwizera kwe kwaragororewe; "uwo mwanya umubiri we uhinduka nk'uw'umwana muto, arahumanuka." {AnA 227.4}

"Agarukana n'abantu be bose kuri uwo muntu w'Imana" yishimye cyane, maze avuga ijambo ryo gushima agira ati: "Noneho menye ko yindi Mana iriho mu isi yose, keretse muri Isirayeli." {AnA 228.1}

Nk'uko umugenzo w'icyo gihe wari umeze, noneho Namani yasabye Elisa kwemera impano y'agaciro kenshi [yari yamuzaniye]. Ariko umuhanuzI Elisa yaranze. Ntubyari ibye kwakira ibihembo ku mugisha Imana ubwayo mu buntu bwayo yari yatanze. Elisa yaravuze ati: "Nkurahiye Uwiteka uhoraho, uwo nkorera, nta kintu cyose ndi bwakire." Namani Umusiriya aramwinginga ngo abyakire ariko Elisa aranga. {AnA 228.2}

"Nāmani ati "Ubwo utabyemeye, ndakwinginze uhe umugaragu wawe imitwaro y'ibitaka ihetswe n'inyumbu ebyiri, kuko uhereye none nta zindi mana umugaragu wawe nzatambira igitambo cyoswa cyangwa ikindi gitambo cyose, keretse Uwiteka wenyine. Ariko Uwiteka ngo. Databuja iyo agiye mu ngoro ya Rimoni kuyiramya yegamye ku kuboko kwanjye, maze kunama mu ngoro ya Rimoni, iyo nunamye muri iyo ngoro ya Rimoni, Uwiteka ajye abibabarira umugaragu we." {AnA 228.3}

Elisa aramubwira ati "Genda amahoro." Nuko aragenda yicuma ho hato." {AnA 228.4}

Mu myaka myinshi Gehazi umugaragu wa Elisa yari yaragize amahirwe yo gukuza umwuka wo kwiyanga warangaga umurimo shebuja yakoraga mu buzima bwe. Yari yaragize amahirwe yo kuba umuntu ukomeye utwara ibendera mu ngabo z'Uwiteka. Igihe kirekire yari yaragiye ahabwa imigisha ihebuje indi yo mu ijuru; nyamara yirengagiza iyo migisha maze ararikira inyongera mbi y'ubutunzi bw'isi. Noneho ibyifuzo byari bihishwe mu mutima we w'ubugugu bimutera kwishora mu gishuko cyamutsinze uruhenu. Nuko aribwira ati: "Ko databuja yagiriye Namani uwo w'Umusiriya ubuntu, ntiyakire ituro yamutuye; . . . ndiruka mufate, ngire icyo mwiyakira." Nuko Gehazi akurikira Namani mu ibanga. {AnA 228.5}

“Namani abonye amukurikiye yiruka, ava muigare rye, aramusanganira; aramubaza ati: ‘Ni amahoro?’” Nuko Gehazi amubeshya abigambiriye. Gehazi aravuga ati: “Databuja atrantumye ngo aka kanya haje abahungu babiri b’abana b’abahanuzi, baturutse mu gihugu cy’imisozi ya Efurayimu: ngo arakwinginze ubamuhere italanto11 y’ifeza n’imyambaro yo gukuranwa ibiri.” Namani yemeye ibyo asabwe yishimye, maze ahata Gehazi kwemera kujyana italanto ebyiri mu cyimbo cy’imwe n’imyambaro yo gukuranwa ibiri, “abikorera abagaragu be babiri, barabyikorera bajya imbere ya Gehazi.” {AnA 229.1}

Ubwo Gehazi yarihafi kugera ku rugo rwa Elisa asezerera ba bagaragu maze za feza nay a myambaro arabihisha. Arangije kubihisha “araza ahagarara imbere ya shebuja;” kandi kugira ngo yirinde kugawa arongera abeshya ikinyoma cya kabiri. Ubwo umuhanuzi yari amubajije ati: “Uraturuka he, Gehazi?” undi yarasubije ati: “Umugaragu wawe ntaho nagiye.” {AnA 229.2}

Noneho haje gukurikiraho gutahurwa no gucyahwa gukomeye byagaragazaga ko Elisa yari azi ibyabaye byose. Elisa yaramubabjije ati: “Umutima wanjye ntiwajyanye nawe, ubwo wa mugabo yahindukiraga akava ku igare rye akaza kugusanganira? Mbese iki gihe ni igihe cyo kwakira ifeza n’imyambaro, n’inzelayo n’inzabibu, n’intama n’inka n’abagaragu n’abaja? Nuko ibibembe bya Nāmani bizakomaho no ku rubyaro rwawe iteka ryose.” Igihano cyageze kuri uwo muntu wari uhamwe n’icyaha nticyatindiganyije. Yavuye imbere ya Elisa “ahindutse umubembe yera nk’urubura.” {AnA 229.3}

Hari ibyigisho bikomeye twigishwa n’ibi byabaye kuri uyu muntu wari warahawe amahirwe akomeye kandi yera. Ibyo Gehazi yakoze kwari ugushyira igisitaza mu nzira ya Namani kandi umutima we wari wamaze kumenagurwa n’umucyo utangaje, ndetse yari yiteguye rwose gukorera Imana ihoraho. Ikinyoma Gehazi yari yabeshye nticyajyaga gutangirwa urwitwazo. Yakomeje kuba umubembe kugeza igihe yapfiriye, yaravumwe n’Imana kandi yaraciwe mu bantu bagenzi be. {AnA 230.1}

“Umugabo w’indarikwa ntazabura guhanwa; kandi uvuga ibinyoma ntazabikira.” Imigani 19:5. Abantu bashobora gutekereza guhisha ibibi byabo amaso y’abantu bagenzi babo, ariko ntibashobora kubeshya Imana. “Nta cyaremwe kitagaragara imbere yayo, ahubwo byose bitwikuruwe nk’ibyambaye ubusa mu maso y’izatubaza ibyo twakoze.” Abaheburayo 4:13. Gehazi yatekereje ko abeshya Elisa, ariko Imana yahishuriye umuhanuzi wayo amagambo Gehazi yari yabwiye Namani, kandi imuhishurira n’akantu kose k’ibyabaye hagati y’abo bagabo bombi. {AnA 230.2}

Ukuri ni ukw’Imana, naho ikinyoma n’amasura atabarika gishobora gufata ni icya Satani, kandi umuntu uwo ari we wese mu nzira iyo ari yo yose uteshuka umurongo utunganye

w’ukuri aba yigambanira yishyira mu bubasha bw’umunyabugome. Abigiye kuri Kristo ntibazifatanya “n’imirimo y’ab’umwijima itagira umumaro.” Abefeso 5:11. Haba mu magambo yabo no mu mibereho yabo, bazaba abantu biyoroheje, badakebakeba kandi b’abanyakuri, kuko baba bategura kuzabana n’abera batigeze barangwa n’ikinyoma mu kanwa kabo. Soma Ibyahishuwe 14:5. {AnA 230.3}

Hashize imyaka amagana menshi Namani asubiye iwabo muri Siriya, akize uburwayi bw’umubiri kandi ahaindutse mu mutima, ukwizera kwe gutangaje kwaje kuvugwaho kandi gushimwa n’Umukiza ko ari icyitegererezo ku bantu bose bavuga ko bakorera Imana. Umukiza yaravuze ati: “Kandi hariho ababembe benshi mu Bisirayeli mu gihe cy’umuhanuzi Elisa, nyamara ntihakizwa n’umwe muri bo keretse Namani w’Umusiriya.” Luka 4:27. Imana yahise ku babembe benshi bari muri Isirayeli bitewe n’uko kutizera kwabo kwari kwarakinze urugi ibyiza bibazaho bicamo. Umunyacyubahiro w’umupagani wari warabaye indahemuka ku byo yizeraga ko ari ukuri, kandi wumvise ko akeneye ubufasha, ni we wagaragaye mu maso y’Imana ko akwiriye imigisha yayo kurusha imbabare zo muri Israyeli zari zarahinduye ubusa kandi zigasuzugura amahirwe Imana yari yarabahaye. Imana igira icyo ikorera banyurwa n’ubuntu ibagirira kandi bakitwara uko bikwiriye ku mucyo bahabwa uturutse mu ijuru. {AnA 230.4}

Muri iki gihe mu bihugu byose hari abantu b’inyangamugayo mu mitima, kandi umucyo w’ijuru urabamurikira. Nibakomeza kuba indahemuka mu gukurikiza ibyo basobanukiwe ko ari yo nshingano yabo, bazahabwa umucyo uruseho kugeza ubwo, nk’uko byagendekeye Namani wa kera, imitima yabo izabahatira guhamya ko “nta yindi Mana iriho mu isi yose,” uretse Imana ihoraho, Umuremyi. {AnA 231.1}

Umuntu wese w’umunyakuri kandi umaramaje, “ugenda mu mwijima adafite umucyo,” agezwaho iri rarika rigira riti: “niyiringire izina ry’Uwiteka, kandi yishingikirize ku Mana ye.” “Kuko uhereye kera nntabwo abantu bigeze kumenya, cyangwa kumvisha amatwi no kurebesha amaso, indi mana igira icyo imarira uyitegereza, itari wowe. Ubonana n’unezererwa ibyo gukiranuka, akabikora, n’abagendera mu nzira zawe bakwibuka.” Yesaya 64:4, 5. {AnA 231.2}

IGICE CYA 21 - UMURIMO USOZA WA ELISA

Kubera ko yahamagariwe umurimo w'ubuhanuzi igihe Ahabu yari akiri ku ngoma, Elisa yari yararamye kugira ngo abone impinduka nyinshi zabaye mu bwami bwa Isirayeli. Ibyago bikurikirana byajyaga biba ku Bisirayeli mu gihe cy'ingoma ya Hazayeli umwami w'i Siriya wari warasigiwe amavuta kugira ngo ahane ishyanga rya Isirayeli ryari ryarahakanye Imana. Ingamba zikomeye z'ivugurura zari zarashyizweho na Yehu zari zaratumye ab'inzu ya Ahabu bose bicwa. Mu ntambara z'urudaca Isirayeli yarwanaga na Siriya, Yehoyahazi wasimbuye Yehu ku ngoma yari yaranyazwe imwe mu midugudu yari mu burasirazuba bwa Yorodani. Hari igihe byasaga n'aho Abasiriya bagomba kwigarurira ubwami bwose bwa Isirayeli. Ariko ivugurura ryatangijwe na Eliya kandi rikaza gukomezwa na Elisa ryari ryarateye abantu benshi gushaka Imana. Ibicaniro bya Bali byagendaga birekwa kandi umugambi w'Imana wagendaga usohozwa buhoro buhoro mu mibereho y'abahitagamo kuyikorera n'umutima wabo wose. {AnA 232.1}

Urukundo Imana yakundaga Isirayeli yari yarayobye ni rwo rwatumye Imana yemera ko Abasiriya bahana Isirayeli. Impuhwe Imana yagiriye abari bafite integer nke mu mico mbonera ni rwo rwatumye ihagurutsa Yehu akica inkozi y'ibibi Yezebeli ndetse n'ab'inzu ya Ahabu bose. Na none kandi kubw'ubuntu bwayo, abatambyi ba Bali na Ashitoreti baje kwigizwayo kandi ibicaniro byabo bya gipagani birasenywa. Imana mu bweneg bwayo yaboneraga ibintu kure ko igihe ibigeragezo bikuweho, abantu bamwe bazareka imigenzo ya gipagani maze amaso yabo bakayahanga mu ijuru, kandi iyi ni yo mpamvu yemeye ko ibyago by'urudaca byajyaga bibageraho. Ibihano yabahanishaga byacubywaga n'imbabazi zayo; kandi ubwo umugambi wayo wabaga ugezweho, Imana yahinduraga ibihe mu rwego rwo kugirira neza ababaga baramenyee kuyishaka. {AnA 232.2}

Mu gihe imbaraga z'icyiza n'iz'ikibi zarwaniraga gutegeka, kandi na Satani akaba yarakoraga ibishoboka byose mu mbaraga ze zose kugira ngo arangize kurimbura yari yaragiye akora ku ngoma ya Ahabu na Yezebeli, Elisa na we yakomeje gutanga ubuhamya bwe. Yahuye n'abamurwanya ariko nta muntu n'umwe washoboraga kuvuguruza amagambo ye. Mu bwami bwose bwa Isirayeli yarubahwaga kandi agatinywa. Abantu benshi bazaga kumugisha inama. Igihe Yezebeli yari akiriho, Yoramu umwami wa Isirayeli yaje kugisha Elisa inama; kandi igihe kimwe ubwo yari i Damasiko, yasuwe n'intumwa zari zivuye kwa Benihadadi umwami w'i Siriya washakaga kumenya niba indwara aryaye izamuhitana. Umuhanuzi Elisa yagejeje ku bantu bose ubuhamya bwo kwiringirwa mu gihe ahantu hose ukuri kwagendaga kugorekwa kandi umubare munini wa rubanda ukaba wari warigometse ku Mana weruye. {AnA 233.1}

Imana ntiyigeze itererana intumwa yayo yatoranyije. Umunsi umwe ubwo Abasiriya bayogozaga igihugu, umwami w'Abasiriya yashatse kwica Elisa bitewe n'ibyo yakoraga aburira umwami w'Abisirayeli iby'imigambi y'umwanzi. Umwami w'i Siriya yari yagiye inama n'abagaragu be ati: "Ibunaka ni ho hazaba urugerero rwanjye." Uwo mugambi Imana yaje kuwuhishurira Elisa, maze Elisa "agatuma ku mwami w'Abisirayeli ati "Wirinde guca ibunaka, kuko ari ho Abasiriya bamanukana kugutera." Umwami w'Abisirayeli na we agatuma umuntu aho ngaho umuntu w'Imana yabaga avuze amuburira. Nuko akajya akira muri ubwo buryo, si rimwe si kabiri. Ibyo bituma umwami w'i Siriya ahagarika umutima cyane, ahamagaza abagaragu be arababaza ati "Mbese ntimwambwira umuntu wacu wifatanije n'umwami w'Abisirayeli?" Umwe mu bagaragu be aramubwira ati "Oya nyagasani mwami, ahubwo Elisa umuhanuzi wo muri Isirayeli ni we ubwira umwami w'Abisirayeli amagambo uvugira mu murere." {AnA 233.2}

Umwami w'Abasiriya yiyemeza gukuraho umuhanuzi maze arategeka ati: "Nimugende murebe aho ari, ntume abo kumufata." Umuhanuzi Elisa yari i Dotani; kandi umwami w'Abasiriya abimenye "Aherako yoherezayo amafarashi n'amagare n'ingabo nyinshi, bagenda ijoro ryose bagota uwo mudugudu. Maze umugaragu w'uwo muntu w'Imana azindutse kare mu gitondo, arasohoka abona ingabo n'amafarashi n'amagare bigose uwo mudugudu." {AnA 234.1}

N'ubwoba bwinshi, umugaragu wa Elisa ajya kumubwira iyo nkuru. Maze aramubwira ati: "Biracitse, databuja; turagira dute?" {AnA 234.2}

Umuhanuzi Elisa ni ko kumusubiza ati: "Witinya; kuko abo turi kumwe ari benshi kuruta abari kumwe nabo." Kandi noneho kugira ngo uwo mugaragu abyimenyere ubwe, "Elisa arasenga ati: 'Uwiteka ndakwinginze, muhumure amaso, arebe.'" "Nuko Uwiteka ahumura amaso y'uwo musore, arareba, abona umusozi wuzuye amafarashi n'amagare by'umuriro bigose Elisa." Hagati y'umugaragu w'Imana n'ingabo z'abanzi hari abamarayika bo mu ijuru bakoze uruziga rugose. Bari bamanutse bafite ububasha bukomeye, batazanwe no kurimbura cyangwa kwihesha icyubahiro, ahubwo bari bazanwe no gukikiza no gukorera [abagaragu b'Imana] bari abanyantege nke kandi badafite kirengera. {AnA 234.3}

Igihe abantu b'Imana bagejejwe ahantu bibakomereye cyane, kandi uko bigaragara bakaba badafite aho bahungira, Uwiteka wenyine ni we ni we bagomba kwishingikirizaho. {AnA 235.1}

Ubwo ingabo z'abasirikari b'Abasiriya zajyaga imbere zifite isheja, zititaye ku ngabo zitaboneshwa amaso zo mu ijuru, "Elisa yinginga Uwiteka ati "Ndakwinginze huma amaso y'izi ngabo." Uwiteka aherako azihuma amaso nk'uko Elisa yasabye. Elisa arazibwira ati

“Iyi si yo nzira, kandi uyu si wo mudugudu. Nimunkurikire ndabageza ku muntu mushaka.” Nuko azijyana i Samariya. {AnA 235.2}

“Bageze i Samariya Elisa arasenga ati: “Uwiteka, humura amaso y’izi ngabo zirebe.” Nuko Uwiteka azihumura amaso zirareba, zigiye kubona zibona ziri i Samariya hagati. Umwami w’Abisirayeli abonye izo ngabo abaza Elisa ati: “Data, mbatsinde aha? Mbatsinde aha?” Aramusubiza ati: “Wibatsinda aha. Mbese abo waneshesheje inkota n’umuheto ukabafata mpiri, wabica? Ahubwo babazanire ibyokurya n’amazi babibashyire imbere, barye banywe babone gusubira kwa shebuja.” Nuko abatekeshereza ibyokurya, bamaze kurya no kunywa arabasezerera, basubira kwa shebuja” Soma 2Abami 6. {AnA 235.3}

Nyuma y’ibyo, Isirayeli yamaze igihe kirekire idaterwa n’Abasiriya. Nyamara hashije iminsi ubwo umwami Hazayeli yiyemezaga agatanga amabwiriza akomeye, ingabo z’Abasiriya zagoze Samariya zirayisakiza. Ntabwo Isirayeli yari yarigeze igera mu bihe bikomeye cyane nk’icyo gihe cy’uku kugotwa. Ibyuha by’ababyeyi byaryozwaga abana babo n’iby’abana nabyo bikaryozwa abuzukuru. Igihe Elisa yahanuraga ko bukeye bw’aho bagiye gucungurwa, imiborogo itewe n’inzara yamaze igihe kirekire yari igiye gutera umwami w’Abisirayeli gufata ingamba mbi cyane. {AnA 235.4}

Ubwo umuseke w’umunsi ukurikiyeho wari ugiye gutambika, Uwiteka “yumvishije ingabo z’Abasiriya ikiriri cy’amagare n’icy’amafarashi n’icy’ingabo nyinshi,” maze bafatwa n’ubwoba “bahera ko barahaguruka, nimugoroba hari mu kabwibwi, bata amahema yabo n’amafarashi yabo n’indogobe zabo, uko urugerero rwakabaye barahunga ngo badashira,” kandi urwo rugerero rwarimo ububiko bw’ibyokurya. Birutse umuhashya kugeza ubwo bambutse uruzi rwa Yorodani. {AnA 236.1}

Muri iryo joro ryo guhunga kw’Abasiriya, abagabo bane b’ababembe bari ku marembo y’umurwa bari benda kunogorwa n’inzara, bari biyemeje kujya gusura urugerero rw’Abasiriya maze baritanga basanga abari bagose umurwa biringiye ko bashobora kubagirira impuhwe kandi bakabaha n’ibyokurya. Mbega uko batangaye cyane ubwo binjiraga mu nkambi maze bagasanga “nta muntu n’umwe urimo!” Kubera ko nta muntu n’umwe wo kubabuza amahoro cyangwa kubakumira wari uhari, “binjira mu ihema rimwe, bararya baranywa, bakuramo ifeza n’izahabu n’imyambaro, baragenda barabihisha. Baragaruka binjira mu rindi hema bakuramo ibindi, baragenda barabihisha. Hanyuma baravugana bati: “Ibyo tugira ibi si byiza, kuko uyu munsi ari umunsi w’inkuru nziza tukicecekera.” Barihuse basubira ku murwa bajyanye inkuru nziza. {AnA 236.2}

Hbayeho iminyago myinshi; ibyokurya byari byinshi cyane ku buryo uwo munsi “ibiro cumi na bibiri by’ifu cyangwa ibiro makumyabiri na bine by’ingano bigurwa igikoroto kimwe

cy'ifeza," nk'uko Elisa yari yabivuze ku munsi ubanziriza uwo. Na none izina ry'Uwiteka ryongeye gushyirwa hejuru imbere y'abapagani "nk'uko ijambo ry'Uwiteka ryavuze" binyuze ku muhanuzi w'Uwiteka muri Isirayeli. Soma 2Abami 7:6-17. {AnA 236.3}

Nuko umuntu w'Imana akomeza gukora umwaka ugahita undi ugataha, akegera abantu akora umurimo uzira amakemwa, kandi mu bihe by'amakuba akajya aba hafi y'umwami akamubera umujyanama mwiza. Imyaka myinshi yo gusubira inyuma bagasenga ibigirwamana ku ruhande rw'abatware na rubanda, yari yarasize ingaruka zayo mbi. Umwijima w'ubuhakanyi wari ukiboneka ahantu hose, nyamara hirya no hino hari hakiri abantu bari barashikamye banga gupfukamira Bali. Uko Elisa yakomezaga umurimo we w'ivugurura, abantubenshi bavaga mu bupagani, kandi bene abo bishimiraga gukorera Imana nyakuri. Umuhanuzi Elisa yanezezwaga n'ibyo bitangaza by'ubuntu bw'Imana, kandi akifuza cyane kugera ku bantu bose bari inyangamugayo mu mitima. Aho yabaga ari hose yihatiraga kuba umwigisha wo gukiranuka. {AnA 236.4}

Mu mirebere ya kimuntu, ibyagaragaraga byerekeye kugirwa bashya mu by'umwuka kw'ishyanga ry'Abisirayeli byari urucantege nk'uko ibigaragara muri iki gihe bimeze imbere y'abagaragu b'Imana bakorera mu turere tw'isi tubudikiwe n'umwijima. Ariko itorero rya Kristo ni igikoresho cy'Imana cyo kwamamaza ukuri; rihabwa imbaraga n'Imana kugira ngo rikore umurimo udasanzwe; kandi niba itorero ribaye indahemuka ku Mana, rikumvira amategeko ya Yo, muri ryo hazaba gukorera gukomeye k'imbaraga y'Imana. Itorero niriba indahemuka ku kumvira kwaryo, nta mbaraga ibasha kurihangara. Ingabo z'umwanzi ntizizongera na hato gushobora kuryiganzura nk'uko umurama utananirwa guhuhwa n'umuyaga w'ishuheri. {AnA 237.1}

Itorero ryambaye ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo kandi rikitandukanya no kuyoboka isi uko ari ko kose, imbere yaryo hazaba umuseke w'umunsi urabagirana kandi uhebuje. {AnA 237.2}

Imana ihamagarira indahemuka zayo ziyiringira kubwira amagambo atera ubutwari abatizera n'impezamajyo. Nimugarukire Uwiteka mwebwe mbohe zibuze ibyiringiro. Nimusabe Imana imbaraga, yo Mana ihoraho. Nimwerekane ko mwizera imbaraga ze n'ubushake bwe bwo gukiza mufite kudacogora kandi mwicisha bugufi. Iyo tugundiriye imbaraga zayo mu kwizera, ibyagaragaraga ko nta byiringiro bibirimo ndetse ko ari urucantege, Imana izabihindura mu buryo bw'igitangaza. Ibyo Imana izabikora kubw'ukuzo ry'izina ryayo. {AnA 237.3}

Igihe cyose Elisa yashoboraga kujya hirya no hino mu bwami bwa Isirayeli, yakomezaga kugira uruhare rukomeye mu guteza imbere amashuri y'abahanuzi. Aho yajyaga hose,

Imana yabaga iri kumwe na we, ikamuha amagambo yo kuvuga n'ububasha bwo gukora ibitangaza. Igihe kimwe "abana b'abahanuzi babwira Elisa bati: "Dore aho tuba imbere yawe hatubera hato. Noneho turakwinginze reka tujye kuri Yorodani umuntu wese akureyo igiti, twiyubakire aho kuba." 2Abami 6:1,2. Elisa yajyanye nabo kuri Yorodani, abatera umwete kubwo kubana nabo, akabaha amabwiriza, ndetse agakora n'ibitangaza kugira ngo abafashe mu murimo wabo. "Umwe muri bo agitema igiti, intorezo irakuka igwa mu mazi, arataka ati: "Mbonye ishyano databuja, kuko yari intirano." Uwo muntu w'Imana aramubaza ati: "Iguye he?" Arahamwereka. Aherako atema igiti agitera mu mazi, intorezo irareremba. Aramubwira ati: "Yisingire." Arambura ukuboko arayisingira" 2Abami 6:5-7. {AnA 238.1}

Umurimo we wari waragize umumaro cyane kandi ububasha bwe bwari bwaramamaye ku buryo igihe yari aryamye ku gisasiro cye yenda gupfa, na Yehowasi wari umwami ariko ukiri muto akaba yarasengaga ibigirwamana ariko kandi akagira kubaha Imana guke, yabonaga ko uwo muhanuzi ari we mubyeyi w'ishyanga rya Isirayeli, kandi yazirikanaga ko kuba Elisa ari mu Bisirayeli byari iby'agaciro gakomeye mu bihe by'amakuba kuruta kugira ingabo zigendera ku mafarashi n'amagare. Ibyanditswe biravuga biti: "Kandi Yehowasi akiri ku ngoma ye, Elisa afatwa n'indwara, ari yo yamwishe. Yehowasi umwami w'Abisirayeli aramanuka ajya aho ari, aramuririra aravuga ati: "Ye baba data we, ko wari amagare n'abanyamafarashi ba Isirayeli!" 2Abami 13:14. {AnA 238.2}

Ku bantu benshi babaga bafite umutima wihebye ukeneye ubufasha, umuhanuzi Elisa yari yaragiye ababera umubyeyi mwiza kandi w'umunyampuhwe. Muri icyogihe Elisa yari arwaye ntiyateye umugongo uwo musore utarubahaga Imana wari imbere ye, ndetse utari ukwiriye umwanya ukomeye yarimo, nyamara kandi yari akeneye umugira inama. Imana mu buntu bwayo yari ihaye umwami amahirwe yo gukosora amakosa yo mu gihe cyahise ndetse no gushyira ubwami bwe ahantu hirengeye heza. Icyo gihe Abasiriya bari barigaruriye akarere ko mu burasirazuba bwa Yorodani bagombaga gusubuzwa inyuma bagatsimburwa. Ububasha bw'Imana bwagombaga kongera kugaragarizwa Isirayeli yari yarataye inzira. {AnA 239.1}

Nuko uwo muhanuzi wendaga gupfa ategeka umwami ati: "Enda umuheto n'imyambi." Yehowasi yaramwumviye. Maze umuhanuzi aravuga ati: "Fata umuheto mu kuboko." Yehowasi "awufata mu kuboko. Elisa ashyira ibiganza bye ku by'umwami. Aherako aravuga ati: 'Kingura idirishya ryerekeye iburasirazuba.'" Iryo dirishya ryari ryerekeye imidugudu yo hakurya ya Yorodani yari yarigaruriwe n'Abasiriya. Nuko umwami amaze gukingura rya dirishya, Elisa amutegeka kurasa. Ubwo umwambi wafataga inzira, umuhanuzi yabwirijwe n'umwuka w'Imana kuvuga ati: "Ni umwambi w'Uwiteka unesha,

ni wo mwambi wo kunesha i Siriya; kuko uzatsinda Abasiriya mu Afeka, kugeza aho uzabatsembera.” {AnA 239.2}

Maze umuhanuzi Elisa asuzuma ukwizera k’umwami. Ategeka Yehowasi gufata imyambi, maze aramubwira ati: “Yikubite hasi.” Umwami ayikubita hasi gatatu maze arekera aho. Umuntu w’Imana aramurakarira, aramubwira ati: “Iyaba wakubise gatanu cyangwa gatandatu, watsinze Abasiriya kugeza aho uzabarimburira; ariko none uzatsinda i Siriya gatatu gusa.” 2Abami 13:15-19. {AnA 239.3}

Iki ni icyigisho ku bantu bose bari mu myanya y’ubuyobozi. Igihe Imana ikinguye inzira kugira ngo umurimo runaka ukorwe kandi igatanga icyizere cyo gutsinda, umuntu uba watoranyijwe ngo akoreshwe agomba gukora mu bushobozi bwe bwose ngo umusaruro wasezeranwe ugerweho. Intsinzi izatangwa izaba ihwanye n’ubwuzu no kwihangana umurimo wakoranwe. Imana ishobora gukorera ubwoko bwayo ibitangaza igihe gusa bakoze uruhare rwabo badacogora. Umurimo wayo iwuhamagaramo abantu bitanga, abantu bagira ubutwari, abantu bakunda abandi cyane, kandi bagira umuhati udacogora. Bene abo bakozi ntibazabona ko hari inshingano ikomeye kandi iruhije, ntibazabona ko hari umugambi w’ahazaza udashoboka; bazakomeza gukora, bashiritse ubwoba kugeza ubwo ibyagaragaraga ko byatera gutsindwa bihindurwamo intsinzi itangaje. Haba inkuta za gereza cyangwa imbago zo gutoterezwaho, ntibizigera bibatera guteshuka ku mugambi wabo wo gukorana n’Imana mukubaka ubwami bwayo. {AnA 240.1}

Umurimo wa Elisa wasoresheje inama yahaye Yehowasi no kumukomeza. Uwo umwuka wari waravuye kuri Eliya yari yarajeho ku rugero rwuzuye, yakomeje kuba indahemuka kugeza ku iherezo. Ntabwo yigeze acogora. Ntabwo kandi yigeze areka kwiringira ububasha bw’Ishoborabyose. Igihe cyose iyo inzira yabaga iri imbere ye yasaga n’ifunzwe rwose, yakomezaga kujya mbere kubwo kwizera, kandi Imana yagiye yihesha icyubahiro kandi igakingura inzira imbere ye. {AnA 240.2}

Ntabwo Elisa yahawe gukurikira shebuja mu igare ryaka umuriro. Uwiteka yemeye ko afatwa n’uburwayi bwamumazeho igihe kirekire. Mu masaha maremare yo gucika intege kwa muntu no kubabara kwe, ukwizera kwa Elisa kwakomeje komatana n’amasezerano y’Imana, kandi iteka ahamukikije yahabonaga intumwa ziturutse mu ijuru zije kumuhumuriza no kumukomeza. Nk’uko ubwo yari mu mpinga z’i Dotani yari yaritegereje ingabo zo mu ijuru zari zimugose, akabona amagare y’umuriro y’Abisirayeli ndetse n’abagendera ku mafarashi, ni ko [ubwo yari arwaye] yari azi ko iruhande rwe hari abamarayika bamwitaho, kandi yarakomezwaga. Mu mibereho ye yose, yari yararanzwe no kwizera gukomeye, kandi kuko yari yaragiye atera imbere mu gusobanukirwa ubuntu bw’Imana n’ineza yayo yuje imbabazi, ukwizera kwe kwari kwarakuze kumutera kwiringira

Imana ubudatezuka, kandi igihe urupfu rwamugeraga amajanja yari yiteguye kuruhuka imiruho ye. {AnA 240.3}

“Urupfu rw’abakunzi be ni urw’igiciro cyinshi mu maso y’Uwiteka.” Zaburi 116:15. “Umukiranutsi afite ubuhungiro ndetse no mu rupfu rwe.” Imigani 14:32. Elisa yashoboraga kuvugana ibyiringiro byose kimwe n’umuhimbyi wa Zaburi ati: “Ariko Imana izacungura ubugingo bwanjye, ibukure mu kuboko kw’ikuzimu: kuko izanyakira.” Zaburi 49:15. Yashoboraga kandi guhamya afite ibyishimo byinshi agira ati: “Ariko jye ubwanjye nzi yuko Umucunguzi wanjye ariho, kandi ko amaherezo azahagarara mu isi.” Yobu 19:25. “Jyeweho nzareba mu maso hawe nkiranuka, mu ikanguka ryanjye nzahaga ishusho yawe.” Zaburi 17:15. {AnA 241.1}

IGICE CYA 22 - “NINEVE, WA MURWA MUNINI”

Mu mijyi yo mu gihe cya kera mu gihe ubwamibwa Isirayeli bwari bwarigabanyijemo kabiri, umwe mu mijyi yari ikomeye cyane icyo gihe ni Nineve. Nineve yari umurwa mukuru w’ubwami bwa Ashuri. Yari yarubatswe mu kibaya cyo mu nkuka z’uruzi rwa Tigiri nyuma gato yo gutanduakanywa kw’abubakaga umunara wa Babeli. Mu myaka amagana menshi Nineve yari yaragiye yaguka iba umurwa munini kugeza ubwo “kuwuzenguruka rwari urugendo rw’iminsi itatu.” Yona 3:3. {AnA 242.1}

Mu gihe uwo mujyi wamaze uguwe neza, Nonewe yari ihuriro rikorerwamo urugomo n’ibindi byaha. Ibyahumetswe byanditswe byawugaragagaje ko ari “umurwa uvusha amaraso, . . . wuzuyemo ibinyoma n’ubwambuzi.” Mu mvugo izimije, umuhanuzi Nahumu yagereranyije AbanyaNineve n’intare y’ingome ishonje cyane. Nahumu yarabajije ati: “Nta muti wo komora uruuma rwawe; igisebe cyawe ni umufunzo; abumvise inkuru zawe bose bakoma mu mashyi bakwishima hejuru; kandi abo utagirira nabi ni ba nde?” Nahumu 3:1,19. {AnA 242.2}

Nyamara nubwo Abanyanineve bari barabaye inkozi z’ibibi, ntabwo bose bari bariyeguriye gukora ibibi. “Ureba abana b’abantu bose” (Zaburi 33:13) kandi “akabona ibifite igiciro cyinshi byose” (Yobu 28:10) yabonaga ko muri uwo mujyi hari abantu benshi bari gusingira icyiza kandi gihebuje, kandi igihe bahawe amahirwe yo kumenya Imana ihoraho, bazazibukira ibikorwa byabo bibi kandi bayiramye. Kandi kubw’ibyo, Imana mu bwenge bwayo izabihishuirira mu buryo butunganye, kandi niba bishoboka ibageze ku kwihana. {AnA 242.3}

Igikoresho cyatoranyirjwe gukora uyu murimo cyabaye umuhanuzi Yna mwene Amitayi. Ijambo ry’Uwiteka ryamugezeho riramubwira riti: “Haguruka ujye I Nineve, wa murwa munini, uwuburire, kuko ibyaha byawo birundanije bikagera imbere yanjye.” Yona 1:1,2. {AnA 243.1}

Ubwo umuhanuzi yatekerezaga ku ngorane ndetse n’ibyasaga ko bidashoboka bijyanye n’ubwo butumwa yari ahawe, yagize ikigeragezo cyo kwibaza ku bushishozi bwaba buri muri iryo rarikwa. Mu mirebere ya kimuntu, byasaga naho kubwira ubwo butumwa bene uwo mujyi waragwaga n’ubwibone nta kintu na kimwe byageraho. Icyo gihe yibagiwe ko Imana yakoreraga ari inyabwenge bwose n’ububasha bwose. Igihe yatindiganyaga kanid ashidikanya, Satani yamuciye intege cyane. Uwo muhanuzi yafashwe n’ubwoba bukomeye, maze “arahaguruka ngo acikire i Tarushishi, ahunge Uwiteka.” Amanukana i Yopa maze ahasanga ubwato bwendaga kugenda, “atanga ihoro” maze abujyamo ajyana n’abari baburimo. Yona 1:3. {AnA 243.2}

Mu mabwiriza yari yahawe, Yona yari yahawe inshingano iremereye; nyamara uwari yamutegetse kugenda yari ashoboye gushyigikira umugaragu we no kumuha kugera ku ntsinzi. Iyaba uwo muhanuzi yarumviye atazuyaje, aba yararinzwe ibintu bibi byinshi yanyuzemo bibabaje kandi aba yarahawe umugisha mu buryo bukomeye. Nyamara mu gihe cyo kwiheba kwa Yona, ntabwo Uwiteka yamutereranye. Uko umuhanuzi yiringiraga Imana n'ububasha bwayo butagerwa byagombaga guhemburwa muri we binyuze mu bigeragezo byinshi yanyuzemo n'ibyiza bidasanzwe yakorewe. {AnA 243.3}

Ubwo Yona yahamagarwaga ubwa mbere, iyo aba yarahagaze agatekereza atuje, aba yaramenye uburyo imbaraga zose yakoresha ngo ahunge inshingano yari ahawe bwaba ari ubupfapfa. Nyamara ntibyatwaye igihe ngo yemererwe gukomeza mu guhunga kwe kutarimo ubwenge atabujijwe amahwemo. "Maze Uwiteka yohereza umuyaga mwinshi mu nyanja, mu Nyanja haba ishuheri ikomeye inkuge yenda kumeneka. Abasare baterwa n'ubwoba, umuntu wese atakambira ikigirwamana cye, ibintu bari batwaye mu nkuge babijugunya mu nyanja ngo boroshye inkuge. Ariko Yona we yari mu nkuge hasi cyane, aryamye yisinziriye." Yona 1:4,5. {AnA 244.1}

Ubwo abasare batakambiraga imana zabo za gipagani ngo zibagoboke, umutware w'ubwato yarahangayitse birenze urugero maze ajya gushaka Yona aramubaza ati: "Wabaye ute wa munyabitotsi we? Byuka utakire Imana yawe, ahari Imana yawe yatwibuka ntiturimbuke" umurongo wa 6. {AnA 244.2}

Nyamara amasengesho y'umuntu wari watandukiye inzira y'inshingano ye ntiyashoboraga kugira ubufasha atanga. Abasare bamaze kubona ko uwo muyaga w'ishuheri udasanzwe ushobora kuba ari ikimenyetso cy'uko imana zabo zarakaye, batanze icifuzo giheruka cyo kwifashisha gufinda ubufindo. Baravuze bati: "Nimuze dufinde tumenye utumye dutezwa ibi byago." Nuko barafindura, ubufindo bwerekana Yona. Baherako baramubaza bati: "Tubwire utumye dutezwa ibi byago. Ukora murimo ki? Uraturuka he? Uri uwo mu kihe ihugu? Uri bwoko ki?" {AnA 244.3}

"Arabasubiza ati: "Ndi Umuheburayo nubaha Uwiteka Imana yo mu ijuru, yaremye inyanja n'ubutaka. {AnA 244.4}

"Maze abantu bafatwa n'ubwoba bwinshi baramubaza bati: "Ibyo ukoze ibi ni ibiki?" Kuko abo bagabo bari bamenye ko ahunze Uwiteka, kuko yari abibabwiye. {AnA 244.5}

"Baramubaza bati: "Tugire dute ngo inyanja iduturize?" Kuko inyanja yiyongeranyaga kwihinduriza. Arabasubiza ati: "Nimunterure munjugunye mu nyanja, na yo irabaturiza, kuko nzi yuko iyi shuheri yabateye ari jye ibahora. {AnA 245.1}

“Ariko abo bagabo baragashya cyane ngo basubire hakurya imusozi ariko ntibabibasha, kuko inyanja yiyongeranyaga izikuka ikababuza. Ni cyo cyatumye batakira Uwiteka bakavuga bati: “Turakwinginze Uwiteka, turakwinginze twe kurimbuka tuzira ubugingo bw’uyu muntu, kandi ntudushyire mu rubanza rw’amaraso y’udacumuye, kuko ari wowe Uwiteka ukoze icyo ushaka.” Nuko baterura Yona bamujugunya mu nyanja, inyanja iratuza. Maze abo bagabo baherako batinya Uwiteka cyane, bamutambira igitambo, bahiga imihigo. {AnA 245.2}

“Uwiteka ategeka urufi runini rumira Yona, maze Yona amara mu nda y’urufi iminsi itatu n’amajoro atatu. {AnA 245.3}

“Maze Yona asengera Uwiteka Imana ye mu nda y’urufi ati: {AnA 245.4}

“Nagize ibyago ntakira Uwiteka aransubiza,
Nahamagariye mu nda y’ikuzimu,
Wumva ijwi ryanjye.

“Kuko wanjugunye imuhengeri mu nyanja,
Umwuzure warangose,
Ibigogo byawe n’imiraba yawe byose byarandengeye.

“Ndavuga nti: ‘Nciwe imbere yawe,
Ariko nzongera kureba urusengero rwawe rwera.’
Amazi yarantwikiriye angera ku bugingo,
Imuhengeri harangose,
Urwuya rwanyizingiye mu mutwe.

“Ndamanuka njya mu mizi y’imisozi,
Isi n’ibihindizo byayo binkingira ibihe byose,
Ariko unkurira ubugingo muri rwa rwobo,
Uwiteka Mana yanjye. {AnA 245.5}

“Ubwo umutima wanjye wiheberaga mu nda nibutse Uwiteka,
No gusenga kwanjye kwakugezeho mu rusengero rwawe rwera.

“Aberekeza umutima ku bitagira umumaro by’ibinyoma,
Baba bimūye ubababarira.
Kandi nzahigura umuhigo wanjye,
Agakiza gaturuka ku Uwiteka.” {AnA 246.1}

Yona 1:7-2:9.

Amaherezo Yona yamenye ko “agakiza kabonerwa mu Uwiteka” Zaburi 3:8. Agakiza kazana no kwihana no kumenya ubuntu bw’Imana bukiza. Yona yakuwe mu kaga k’ikuzimu maze ifi iramuruka imujugunya imusozi. {AnA 246.2}

Nanone umugaragu w’Imana yongeye gutumwa kujya kuburira Nineve. “Maze ijambo ry’Uwiteka rigera kuri Yona ubwa kabiri riramubwira riti: “Haguruka ujye i Nineve wa murwa munini, uwuburire imiburo nzakubwira.” Ubu noneho ntiyatindiganyije ngo agire ibyo yibaza cyangwa ngo ashidikanye, ahubwo yumviye adatindiganyije. “Nuko Yona arahaguruka ajya i Nineve nk’uko Uwiteka yamutegetse.” Yona 3:1-3. {AnA 246.3}

Ubwo Yona yinjiraga mu mujyi wa Nineve, yatangiye kugenda arangurura avuga ubutumwa bukurikira ati: “Hasigaye minsi mirongo ine, Nineve hakarimbuka.” Yona 3:4. Yavaga mu nzira imwe ajya mu yindi avuga ubutumwa bumwe bw’umuburo. {AnA 246.4}

Ntabwo ubwo butumwa bwababaye imfabusa. Abantu bagiye babwirana iby’ijwi riranguruye ryumvikaniraga mu nzira z’umurwa utarubahaga Imana kugeza ubwo abawutuye bose bumvise iryo tangazo riteye ubwoba. Umwuka w’Imana yagejeje ubwo butumwa ku mutima wose maze atera imbaga y’abantu guhinda umushyitsi kubw’ibyaha byabo ndetse no kwihana bicishije bugufi cyane. {AnA 246.5}

“Maze ab’i Nineve bemera Imana, bamamaza itegeko ryo kwiyiriza ubusa, bose bakambara ibigunira uhereye ku mukuru ukageza ku uworoheje hanyuma y’abandi. Ijambo rigera ku mwami w’i Nineve ahaguruka ku ntebe ye y’ubwami, yiyambura umwambaro we yambara ibigunira, yicara mu ivu. Ategekana itegeko n’abatware be b’intebe baryamamaza i Nineve bati “Umuntu wese ye kugira icyo asogongeraho, kandi amatungo y’amashyo n’imikumbi bye kurisha kandi bye kunywa amazi, ahubwo abantu n’amatungo byose byambare ibigunira, abantu batakambire Imana bakomeje, kandi bahindukire umuntu wese areke inzira ye mbi, bareke n’urugomo bagira. Nta wubizi ahari aho Imana yahindukira ikigarura, ikareka uburakari bw’inkazi yari ifite ntiturimbuke!” Yona 3:5-9. {AnA 247.1}

Ubwo umwami n’abatware na rubanda, abakomeye n’aboroheje bihaganaga “kubwo kwigisha kwa Yona” (Matayo 12:41) kandi bagafatanyiriza hamwe gutakambira Imana yo mu ijuru, Imana yarababariye. “Imana ibonye imirimo yabo, uko bahindukiye, bakareka inzira yabo mbi, irigarura, ireka ibyago yari yabageneye; ntiyabibateza.” Yona 3:10. Ibyago bajyaga kugira byarahagaze, Imana ya Isirayeli yahawe ikuzo kandi irubahwa mu gihugu cy’abapagani, ndetse amategeko yayo arubahwa. Hadashize imyaka myinshi nyuma y’icyo gihe Ninewe yagombaga kwigarurirwa n’amahanga yari ayikikje bitewe no kwibagirwa

Imana n'ubwibone. [Ibyerekeye kugwa k'ubwami bwa Ashuri wabisoma mu gice cya 30 cy'iki gitabo.] {AnA 247.2}

Igihe Yona yamenyaga iby'umugambi w'Imana wo kurokora uwo mujyi nubwo warangwaga n'ibyaha n'ubugome, byamuteye kwicuza yambara ibigunira no kwisiga ivu kandi yaragombaga kuba umuntu wa mbere wishima kubera ubuntu bw'Imana butangaje. Nyamara aho kugira ngo yishime, yemereye intekerezo ze kwibaza ku kuba yafatwa ko ari umuhanuzi w'ibinyoma. Yafuhiye kumenyekana kwe, ntabwo yitaye ku gaciro gakomeye cyane bitagerwa k'abantu bari bari muri uwo mujyi wari ugushije ishyano. Imbabazi Imana yagaragarije Abanyanineve bihannye zababaje "Yona cyane ararakara." Yasenze Uwiteka agira ati: "Uwiteka, si icyo navugaga nkiri iwacu? Ni cyo cyatumye nshoka mpungira i Tarushishi, kuko namenye ko uri Imana igira ubuntu n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi kandi yibuza kugira nabi." Yona 4:1, 2. {AnA 247.3}

Yongeye kandi kwemerera intege nke ze kwibaza no gushidikanya, bityo yongera kubundikirwa no gucika intege. Yirengagije inyungu z'abandi maze yumva byajyaga kumubera byiza iyo yipfira aho kugira ngo abeho abone uwo mujyi utarimbuwe. Mu kutanyurwa kwe yaravuze ati: "None rero Uwiteka, ndakwinginze unyice kuko gupfa bindutiye kubaho." {AnA 248.1}

"Uwiteka aramubaza ati: "Ubwo urakaye ubwo ukoze neza?" Nuko Yona asohoka mu murwa yicara iruhande rwawo aherekeye iburasirazuba, aba ari ho aca ingando ayicaramo ari mu gicucu, ategereza kureba uko umurwa uzamera. Uwiteka Imana itegeka uruyuzi rumera aho Yona yari ari ngo rumutwikire, rumubere igicucu ku mutwe, rumukize umubabaro yari afite. Maze Yona ararunezezererwa cyane." Yona 4:3-6. {AnA 248.2}

Icyo gihe Imana yahaye Yona icyigisho. "Bukeye bwaho Imana itegeka inanda irya urwo ruyuzi, bucya rwarabye. Maze izuba rivuye Uwiteka ategeka umuyaga wotsa w'iburasirazuba, izuba ryica Yona mu mutwe bituma yiheba, yisabira gupfa aravuga ati: "Gupfa bindutiye kubaho." {AnA 248.3}

Imana yongeye kuvugana n'umuhanuzi wayo igira iti: "Ukoze neza, ubwo urakajwe n'uko uruyuzi rwumye?" Aramusubiza ati: "Nkoze neza kuarakara, ndetse byatuma niyahura." {AnA 249.1}

"Uwiteka aramubaza ati "Ubabajwe n'uruyuzi utihingiye kandi utamejeje, uruyuzi rwameze ijoro rimwe ku rindi rukuma? Jyewe se sinari nkwiriye kubabazwa n'i Nineve uwo murwa munini, urimo abantu agahumbi n'inzovu ebyiri basaga batazi gutandukanya indyo n'imoso, hakabamo n'amatungo menshi?" Yona 4:7-11. {AnA 249.2}

Nubwo Yona yabuze uko agira kandi agakorwa n'ikimwaro, adashobora gusobanukirwa umugambi w'Imana mu kutarimbura Nineve, yari yasohoje inshingano yari yahawe yo kuburira uwo murwa munini; kandi nubwo ibyo yari yavuze ko biraba bitabaye, ubutumwa bw'imbuzi yari yatanze bwari bwaturutse ku Mana. Ndetse ubwo butumwa bwasohoje umugambi Imana yari yashatse ko busohoza. Ikuzo ry'ubuntu bwayo ryari ryahishuriwe abapagani. Abari bamaze igihe "bicara mu mwijima no mu gicucu cy'urupfu, baboheshejwe umubabaro n'ibyuma," "batakiye Uwiteka bai mu makuba. Abakiza imibabaro yabo. Abakura mu mwijima no mu gicucu cy'urupfu, aca iminyururu yabo." "Akohereza ijambo rye, akababakiza indwara, akababakiza kwinjira mu mva zabo." Zaburi 107:10,13,14,20. {AnA 249.3}

Mu gihe cy'umurimo we ku isi, Kristo yavuze ku byiza byakozwe n'ikibwiriza Yona yabwirije Nineve, kandi yagereranyije abaturage b'uwo murwa w'abapagani n'abitwaga ubwoko bw'Imana mu gihe cye. Kristo yaravuze ati: "Ab'i Nineve bazahagurukana n'ab'iki gihe ku munsi w'amateka, babatsindishe kuko bihannye ubwo bumvaga kwigisha kwa Yona, kandi dore uruta Yona ari hano." Matayo 12:40,41. {AnA 249.4}

Kristo yaje mu isi ihugiranye, yuzuye urusaku rw'ubucuruzi n'impaka mu bucuruzi, ahao abantu bageragezagakuronka ibyo bashoboye byose ngo bahaze inarinjye. Kandi ijwi rye ryumvikaniye hejuru y'urwo rudubi rimeze nk'impanda y'Imana rigira riti: "Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, niyakwa ubugingo bwe? Mbese umuntu yatanga iki ngo acungure ubugingo bwe?" Mariko 8:36,37. {AnA 249.5}

Nk'uko kubwiriza kwa Yona kwabereye Abanyanineve ikimenyetso, ni nako kubwiriza kwa Kristo kwabereye ikimenyetso abo mu gihe cye. Ariko hari igitangaje: Mbega itandukaniro rikomeye riri mu buryo iryo jambo ryakiriwe! Nyamara imbere y'uko kutagira icyo bitahono kumukwena, Umukiza yakomeje gukora kugeza ubwo yarangije umurimo wari wamuzanye. {AnA 250.1}

Hari icyigisho ku ntumwa z'Imana zo muri iki gihe, ubwo imijyi yo mu bihugu ikeneye rwose kumenya imico n'imigambi by'Imana nyakuri nk'uko Abanyanineve bo mu gihe cya kera bari babikeneye. Abahagarariye Kristo baogmba kwereka abantu isi irushijeho kuba nziza yirengagijwe mu buryo bukomeye. Nk'uko Ibyanditswe Byera byigisha, umurwa rukumbi wubatswe kandi wahanzwe n'Imana ubwayo. Umuntu arebesheje amaso yo kwizera yabona amarembo y'ijuru, arabagiranishwa ikuzo ry'Imana. Umwami Yesu akoresheje abagaragu be bamukorera, arahamagarira abantu guharanira kugira imigambi yera kugira ngo babashe kuzabona umurage wo kudapfa. Kristo abagira inama yo gushyira ubutunzi iruhande rw'intebe y'ubwami y'Imana. {AnA 250.2}

Hari uguhamwa n'icyaha kujya kuba rusange kuje kwihuta kandi nta kabuza, kuziye abatuye mu mijyi bitewe no kwiyongera k'ubugome bwihandagaje. Kwangirika kuganje kurenze uko ubushobozi bw'ikaramu y'umuntu yabusobanura ibwandika. Umunsi wose uje uzana guhishurwa gushya kw'amakimbirane, uburiganya n'ubujura; kandi umunsi wose uzana ibyawo bibabaza umutima by'urugomo no kutita ku mategeko, kutita ku mibabaro ya muntu, ndetse no kurimbura ubuzima bwa muntu mu buryo bw'ubugome bukabije kandi bubi bikabije. Umunsi wose uje uhamya ukwiyongera k'ubupfapfa, ubwicanyi no kwiyahura. {AnA 250.3}

Uko imyaka yagiye ihita indi igataha, Satani yagiye ashaka uko yakomeza gutera abantu kutita ku migambi myiza y'Uwiteka. Yagiye aashishikarira gukura imbere y'amaso yabo ibikomeye by'amategeko y'Imana: ari yo mahame y'ubutabera, imbabazi n'urukundo biri muri ayo mategeko. Abantu birata iterambere no gusobanukirwa biranga iki gihe turimo; ariko Imana yo ibona isi yuzuye ubugome n'urugomo. Abantu bavuga ko amategeko y'Imana yakuweho, ko Bibiliya atari iyo kwiringirwa; bityo ingaruka ikaba iy'uko umuraba w'ibibi, utarigeze ubaho kuva mu gihe cya Nowa no mu gihe cya Isirayeli yari yarahakanye Imana, ugenda utwikira isi yose. Ukubonera k'ubugingo, ubugwaneza no kwera bikurwaho bigasimbuzwa kunezeza kurarikira ibintu byabuzanyijwe. Inyandiko yijimye y'ibyaha bikorwa kubwo gushaka indamu irahagije kugira ngo itere umuntu guhinda umushyitsi no kuzuza ubwoba mu bugingo. {AnA 251.1}

Imana yacu ni inyambabazi. Mu byo igirira abica amategeko yayo, irabihanganira kandi ikabagirira impuhwe. Nyamara muri iki gihe cyacu, ubwo abagabo n'abagore bafite amahirwe menshi cyane yo kumenya neza amategeko y'Imana nk'uko yahishuwe mu Byanditswe Byera, Umutware ukomeye w'isanzure ntashobora kwitegereza imijyi yuzuye ibyaha, ahaganje ubugome n'urugomo ngo bimunyure. Iherezo ry'uko Imana yihanganira abinangira mu kutumvira riraza ryegereza kandi ryihuta. {AnA 251.2}

Mbese abantu ntibakwiriye gutangazwa n'impinduka zitunguranye ziba mu byo Umutware w'ikirenga [Imana] agirira abatuye isi yacumuye? Mbese ntibakwiriye gutangara igihe ibicumuro bikurikiwe no guhanwa ariko ubugome bugakomeza kwiyongera? Mbese ntibatangazwa n'uko Imana ikwiriye kuzana kurimbuka n'urupfu ku bantu babonye indamu mbi binyuze mu buriganya n'ubujura? Nubwo umucyo mwinshi ku byerekeye ibyo Imana isaba warasiye mu nzira yabo, abantu benshi banze kwemera ubuyobozi bw'Imana, bityo bahisemo kwigumira munsi y'ibendera ry'umukara rya nyirabayazana wo kwigomeka ku ngoma y'ijuru kose. {AnA 251.3}

Ukwihangana kw'Imana kwabaye kwinshi cyane. Kwabaye kwinshi bikomeye kuko iyo tuzirikanye uko amategeko yayo yera akomeza gutukwa, turatangara. Nyirububasha bwose

yagiye akoresha imbaraga ikumira irinda imico ye bwite. Nyamara byanze bikunze azahagurukira guhana abanyabyaha bihandagaza bakagomera amahame atunganye y'Amategeko Cumi. {AnA 252.1}

Imana iha abantu igihe cyo kwihana; ariko hari aho ukwihangana kw'Imana kugarukira, kandi ibihano by'Imana bizakurikiraho nta kabuza. Uwiteka yihanganira abantu cyane ndetse n'imijyi, agatanga imiburo mu mpuhwe nyinshi kugira ngo akize abantu umujinya we; nyamara igihe kizagera ubwo kwingingana imbabazi kutazongera kumvikana, bityo abigomeka bagakomeza kwanga umucyo w'ukuri bazatsembwaho kubwo kugirirwa neza ubwabo ndetse no kubw'abajyaga gutwarwa n'icyitegererezo cyabo. {AnA 252.2}

Igihe kiregereje ubwo ku isi hazaba umubabaro utashobora gukizwa n'umuti umuntu atanga. Mwuka w'Imana agenda akurwa mu isi. Amakuba ku nyanja no ku butaka agenda akurikirana mu buryo bwihuse. Mbega uko duhora twumva imitingito y'isi n'imiyaga ikomeye cyane, tukumva ibyo kurimbuka guturutse ku muriro no ku myuzure ahatikirira abantu benshi ndetse n'ibintu! Uko bigaragara ayo makuba ni ukwigaragambya gutunguranye kw'imbaraga zo mu byaremwe zavuye ku murongo, zitagengwa n'umuntu na mba; ariko muri ibyo byose ushobora kubonamo umugambi w'Imana. Ibyo ni bimwe mu bikoresho ikoresha ishaka gukangura abagabo n'abagore kugira ngo bamenye akaga barimo. {AnA 252.3}

Intumwa z'Imana mu mirwa minini ntizikwiriye gucibwa intege n'ibyaha, ubugome, akarengane n'ibikorwa bibi bahamagarirwa guhura na byo igihe zishishikarira kwamamaza inkuru nziza y'agakiza. Uwiteka atera ubutwari umukozi wese nk'uwo amubwira ubutumwa nk'ubwo yabwiye intumwa Pawulo ubwo yari mu murwa wa Korinto wari wuzuye ibibi agira ati: "Ntutinye, ahubwo uvuge we guceceka kuko ndi kumwe nawe, kandi nta muntu uzagutera kukugirira nabi, kuko mfite abantu benshi muri uyu mudugudu." Ibyakozwe n'intumwa 18:9, 10. Nimutyo abantu bose bafite uruhare mu murimo wo gukiza imitima bibuke ko nubwo hari abantu benshi batazumvira inama y'Imana iri mu ijambo ryayo, isi yose itazigera itera umugongo umucyo n'ukuri, ngo yirengagize irarika ry'Umukiza utarambirwa kandi wihangana. Mu murwa wose, uko waba wuzuye urugomo n'ubugome kose, harimo abantu benshi bashobora kwiga kuba abayoboke ba Yesu igihe bigishijwe uko bikwiriye. Muri ubwo buryo, abantu ibihumbi byinshi bashobora kugezwaho ukuri gukiza kandi bakabashishwa kwakira Kristo nk'Umukiza wabo bwite. {AnA 253.1}

Ubutumwa Imana ituma ku batuye isi muri iki gihe ni ubu ngo: "Nuko namwe mwitegure, kuko igihe mudatekereza, ari cyo Umwana w'umuntu azaziramo." Matayo 24:44. Ibiriho mu muryango mugari w'abantu ariko b'umwihariko mu mirwa mikuru y'ibihugu, bitangaza mu ijwi nk'iry'inkuba ko igihe cy'urubanza rw'Imana gisohoye kandi ko iherezo ry'ibintu

byose byo ku isi ryegereje. Duhagaze ku marembo y'akaga katigeze kabaho mu bihe byose. Ibihano by'Imana bizakurikirana mu buryo bwihuse: umuriro, umwuzure, umutingito w'isi, ndetse n'intambara no kumena amaraso. Muri iki gihe ntitugomba gutangazwa n'ibibaho bikomeye kandi bishyiraho umusozo kuko marayika w'imbabazi adashobora gukomeza gukingira abatihana igihe kirekire. {AnA 253.2}

"Kuko Uwiteka aje aturuka mu buturo bwe, azanywe no guhanira abo mu isi gukiranirwa kwabo. Isi izagaragaza amaraso yayo, kandi ntabwo izongera gutwikira abapfuye bo muri yo." Yesaya 26:21. Ishuheri y'umujinya w'Imana iri kwisuganya; kandi abazarokoka gusa ni abitaba irarika ry'imbabazi nk'uko abaturage b'i Nineve babigenje ubwo Yona yababwirizaga, kandi bakereshwa kumvira amategeko y'Umutware wo mu ijuru. Abakiranutsi bonyine ni bo bazahishanwa na Kristo mu Mana kugeza ubwo kurimbuka kuzaba kurangiye. Nimutyo umutima uvuge uti: {AnA 254.1}

"Nta bundi buhungiro mfite,
Shikamiza ubugingo bwanjye bw'impezamajyo kuri wowe;
Ntunsige, Oh, ntunsige njyenyine!
Komeza unkomeze kandi umpumurize.

"Mpisha, Mukiza wanjye mpisha!
Kugeza ubwo umugaru w'ubuzima ushira;
Nyobora mu bwugamo butuje,
Oh, amaherezo wakire ubugingo bwanjye!" {AnA 254.2}

IGICE CYA 23 - KUJYANWA BUNYAGO NA ASHURI

Imyaka iheruka y'ingoma yarangiye nabi y'ubwami bwa Isirayeli yaranzwe n'urugomo no kumena amaraso bitigeze bibaho ndetse no mu bihe bibi cyane by'umuvurungano no kubura amahoro byababayeho mu gihe cy'ab'inzu ya Ahabu. Mu gihe cy'imyaka isaga magana abiri abayobozi b'imiryango cumi bari baragiye babiba umuyaga; noneho bari bari gusarura serwakira. Abami bagiye bicwa urukurikirane kugira ngo bahe imyanya abandi babaga bafite inyota y'ubutegetsi kuyobora. Uwiteka yavuze kuri abo bigaruriraga ubutegetsi batamwubahaga agira ati: "Bimitse abami ntabitegetse, bishyiriyeho ibikomangoma ntabizi." Hoseya 8:4. Amahame yose y'ubutabera yari yarirengagijwe; bityo abagombye guhagarara imbere y'amahanga yo ku isi nk'aabikijwe ubuntu bw'Imana, "bariganije Uwiteka" kandi na bo ubwabo barariganyanya hagati yabo. Hoseya 5:7. {AnA 254.3}

Imana ikoresheje gucyaha gukomeye cyane, yashatse gukangura iryo shyanga ryari ryaranze kwihana kugira ngo risobanukirwe akaga ko kurimbuka gukomeye kwendaga kuribaho. Imana ikoresheje Hoseya na Amosi, yagiye yoherereza imiryango cumi ubutumwa bukurkirana, ibasaba kwihana kuzuye kandi ibamenyesha akaga bazagira nk'ingaruka zo gukomeza kuyigomera. Hoseya yaravuze ati: "Mwahinze gukiranirwa musarura ibibi, mwariye imbuto z'ibinyoma, kuko wiringiye imigambi yawe n'ubwinshi bw'intwari zawe. Ni cyo gituma hazaba imivurungano mu bwoko bwawe, kandi ibihome byawe byose bizasenywa . . . . Mu museke umwami wa Isirayeli azaba amaze kurimburwa rwose." Hoseya 10:13-15. {AnA 255.1}

Naho Efurayimu umuhanuzi yayihamijeho ho ibi agira ati: "Abanyamahanga bamumazemo imbaraga ze kandi ntabizi, ndetse yameze n'imvi z'ibitarutaru ntiyabimenya." [Akenshi umuhanuzo Hoseya yavugaga kuri Efurayimu ashaka kuvuga umuyobozi wahakanye Imana wari mu miryango y'Abisirayeli, ibyo akabikoresha ari ikimenyetso cyerekana ishyanga ryahakanye Imana.] "Isirayeli yataye ibyiza: na we umwanzi azamuhiga." "Yaciwe intege n'urubanza," ntiyashobora kumenya ingaruka mbi cyane z'imigirire yabo mibi, bidatinze imiryango cumi yari igiye kurorongotanira mu mahanga yose. Hoseya 7:9; 8:3; 5:11; 9:17. {AnA 255.2}

Bamwe mu bayobozi bo muri Isirayeli bumvise rwose ko batakaje icyubahiro cyabo kandi bi fuzaga ko icyo cyubahiro bakigarurirwa. Nyamara aho kugira ngo bitandukanye na ya migirire yari yaratumye ubwami bwa Isirayeli bugira intege nke, bakomeje gukiranirwa, bakishimagiza bibwira ko igihe nikigera bazagera ku bubasha mu bya politiki bifuzaga ariko binyuze mu kwifatanya n'abapagani. "Igihe Efurayimu abonye yuko arwaye, na Yuda ko yakomeretse, ni bwo Efurayimu yagiye Ashuri." "Efurayimu ni n'inuma y'injiji, itagira

ubwenge: batakira Egiputa,bagahungira no mu Ashuri." "Basezerana n'abo mu Ashuri." Hoseya 5:13; 7:11; 12:1. {AnA 256.1}

Inshuro nyinshi Uwiteka yari yaragiye ashyira imbere y'imiryango cumi ibibi byo kutumvira abinyujije ku muntu w'Imana wari waragaragaye imbere y'igicairo cy'i Beteli, kuri Eliya na Elisa ndetse no kuri Amosi na Hoseya. Nyamara nubwo habayeho gucyaha no kwinginga, Isirayeli yari yararohamye cyane mu buhakanyi. Uwiteka yaravuze ati: "Isirayeli yagomye nk'ishashi itsimbaraye." "Ubwoko bwanjye bwishimira kungomera." Hoseya 4:16; 11:7. {AnA 256.2}

Hari bihe byagiye bibaho maze ibihano by'Imana bikagera ku bwoko bwigomekaga. Imana yaravuze iti: "Ni cyo gituma nabahanishije abahanuzi. Nabicishije amagambo y'akanwa kanjye, kandi imanza nabaciriye zimeze nk'umucyo ukwira hose. Kuko icyo nshaka ari imbabazi si ibitambo, kandi kumenya Imana kubirutisha ibitambo byoswa "Ariko bishe isezerano nka Adamu, ni ho bampemukiriye." Hoseya 6:5-7. {AnA 256.3}

Amaherezo baje kugezwaho ubu butumwa bugira buti: "Nimwumve Ijambo ry'Uwiteka, mwa Bisirayeli mwe. . . Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge. Ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka we kumbera umutambyi. Ubwo wibagiwe amategeko y'Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe. "Uko bakomeje kugwira ni ko bagwije kuncumuraho. Ni cyo gituma ubwiza bwabo nzabuhindura nk'ibikoza isoni. {AnA 256.4}

Batungwa n'ibyaha by'ubwoko bwanjye, kandi bararikira gukiranirwa kwabo. Uko bimeze kuri rubanda, ni ko bizaba no ku batambyi, nzabahanira imigenzereze yabo, mbīture n'imirimo bakoze." Hoseya 4:1, 6-9. {AnA 257.1}

Mu myaka mirongo itanu ibanziriza igihe cyo kwigarurirwa na Ashuri, ibyaha n'ubugome muri Isirayeli byari bimeze nk'ibyo mu minsi ya Nowa, ndetse nk'ibyo mu bindi bihe abantu bari barirengagije Imana bakirundurira mu gukora rwose mu gukora ibibi. Guha ikuzo ibyaremwe bakabirutisha Imana yabiremye, kuramya ibyaremye aho kuramya Umuremyi wabyo, iteka byari byareteje ingaruka z'ibibi by'indengakamere. Uko ni ko igihe Isirayeli yaramyaga Bali na Ashitoreti yahaye icyubahiro cy'ikirenga imbaraga zo mu byaremwe. Abisirayeli baciye umurunga wabahuzaga n'ibintu byose bibazahura kandi bikabahesha agaciro, maze bahinduka imbata z'ibishuko mu buryo bworoshye. Igihe ibihindizo by'ubugingo byari bishenywe, abo basengaga ibigirwamana bari barayobejwe nta bihindizo byo kubakingira icyaha byari bihari bityo birundurira mu bibi umutima w'umuntu urarikira. {AnA 257.2}

Abahanuzi bararanguruye bavuga barwanya gukandamiza, akarengane, kwishimisha kudasanzwe, gusayisha mu bibi n'ubusambanyi byariho mu gihe cyabo. Nyamara kurwanya

ibyo bibi ndetse no kwamagana icyaha kwabaye imfabusa. Umuhanuzi Amosi yaravuze ati: "Ubahaniye mu irembo baramwanga, kandi banga urunuka uvuga ibitunganye." "Kuko nzi ibicumuro byanyu ko ari byinshi, n'ibyaha byanyu uko bikomeye, mwa abarenganya abakiranutsi mwe, mukakira impongano, kandi mukagoreka imanza z'abatindi, aho muzicira ku irembo." Amosi 5:10, 12. {AnA 257.3}

Izo ni zimwe mu ngaruka zari zarakurikiye gushingwa kw'ibigirwamana bibiri by'inyana z'izahabu byashinzwe na Yerobowamu. Intambwe ya mbere yatewe batandukana n'imihango yo kuramya yari isanzweho yari yarabagejeje ku kwinjiza imihango mibi cyane yo gusenga ibigirwamana, kugeza ubwo amaherezo hafi y'abaturage bose ba Isirayeli bari barirunduriye mu mihango ireshya abantu yo kuramya ibyaremwe. Isirayeli yibagiwe Umuremyi wayo "iriyanduza bishayishije." Hoseya 9:9. {AnA 258.1}

Abahanuzi bakomeje kwamagana ibyo bibi ndetse no kwinginga abantu ngo bakore ibitunganye. Hoseya yarabinginze ati: "Mwibibire mukurikiza gukiranuka, musarure mukurikiza imbabazi, murime imishike yanyu kuko ari igihe cyo gushaka Uwiteka, kugeza igihe azaza akabavubira gukiranuka." "Nuko garukira Imana yawe, komeza imbabazi no kutabera, kandi ujye uhora utegereje Imana yawe." "Isirayeli we, garukira Uwiteka Imana yawe, kuko wagushijwe n'igicumuro cyawe. Mujyane amagambo mugarukire Uwiteka mumubwire muti: "Udukureho gukiranirwa kose, utwakirane ineza maze tuzagutambire ishimwe ry'iminwa yacu." Hoseya 10:12; 12:6; 14:1, 2. {AnA 258.2}

Abacumuye ku Mana bahawe amahirwe menshi yo kwihana. Mu gihe cy'ubuhakanyi bwabo bwibwitse n'ubukene bukomeye, ubutumwa Imana yabohererezaga bwari ubutumwa bw'imbabazi n'ibyiringiro. Imana yaravuze iti: "Isirayeli we, uririmbuje kuko wangomeye kandi ari jye mutabazi wawe. Umwami wawe ari hehe, ngo agukirize mu midugudu yawe yose? Abacamanza bawe bari he, abo wakaga umwami n'ibikomangoma?" Hoseya 13: 9, 10. {AnA 258.3}

Umuhanuzi yarabinginze ati: "Nimuze tugarukire Uwiteka, kuko ari we wadukomerekeje kandi ni we uzadukiza, ni we wadukubise kandi ni we uzatwomora. Azaduhembura tumaze kabiri, ku munsi wa gatatu azaduhagurutsa, kandi tuzabaho turi imbere ye. Dushishikarire kumenya, tugire umwete wo kumenya Uwiteka: azatunguka nk'umuseke utambika nta kabuza, azatuzaho ameze nk'imvura, nk'imvura y'itumba isomya ubutaka." Hoseya 6:1-3. {AnA 259.1}

Uwiteka yazahuye kandi aha amahoro abari baratakobwe umugambi wamaze igihe kirekire wo gucungura abanyabyaha bari baraboshywe n'imbaraga za Satani. Uwiteka yaravuze ati: "Nzakiza gusubira inyuma kwabo, nzabakunda urukundo rutagabanije, kuko uburakari

nabumukuyeho. Nzamerera Isirayeli nk'ikime; azarabya nk'uburabyo, azashora imizi nk'i Lebanoni. Amashami ye azagaba, kandi ubwiza bwe buzasa n'ubw'igiti cy'umwelayo, n'impumuro ye nk'i Lebanoni. Ababa mu gicucu cye bazagaruka, bazashibuka nk'ingano batohe nk'umuzabibu, impumuro yabo izaba imeze nka vino y'i Lebanoni. Efurayimu azavuga ati: 'Ndacyahuriye he n'ibigirwamana kandi?' Narayumviye kandi nzayitaho, meze nk'umuberoshi utoshye, imbuto zawe ni jye ziturukaho." {AnA 259.2}

"Uzi ubwenge wese ni we uzitegereza ibyo,
Uwitonda wese ni we uzabimenya,
Kuko inzira z'Uwiteka zitunganye,
Kandi abakiranutsi bazazigenderamo,
Ariko abacumura bazazigwamo" {AnA 259.3}

Hoseya 14:4-9.

Inyungu ziri mu gushaka Uwiteka zarashimangiwe cyane. Uwiteka yabararitse avuga ati: "Nimunshake mubone kubaho, ariko mwe gushaka i Beteli. {AnA 259.4}

Ntimukajye n'i Gilugali, ntimukanyure n'i Bērisheba kuko i Gilugali hazajyanwa ari imbohe, n'i Beteli hazaba imisaka." "Mushake ibyiza mwe gushaka ibibi kugira ngo mubeho, ni bwo Uwiteka Imana Nyiringabo izabana namwe nk'uko mwibwira. Mwange ibibi mukunde ibyiza, mukomeze imanza zitabera mucira ku irembo, ahari aho Uwiteka Imana Nyiringabo izagirira imbabazi abasigaye b'inzu ya Yosefu." Amosi 5:4,5,14,15. {AnA 259.5}

Nyamara umubare munini cyane w'abumvise ayo magambo y'irarika banze ko abagirira umumaro. Amagambo y'intumwa z'Imana yari ahabanye cyane n'ibyifuzo by'abari barinangiye ku buryo umutambyi w'ibigirwamana wari i Beteli yatumye ku mwami wa Isirayeli agira ati: "Amosi yakugambaniye mu b'inzu ya Isirayeli, ntabwo igihugu cyakwihanganira amagambo ye yose." Amosi 7:10. {AnA 260.1}

Uwiteka akoresheje Hoseya yaravuzea ati: "Igihe nashakaga gukiza Isirayeli, gukiranirwa kwa Efurayimu kwahereyeko kurahishurwa, n'ubugome bw'I Samariya na bwo." "Na Isirayeli ashinjwa n'ubwibone bwe, ariko ntibarakagarukira Uwiteka Imana yabo, ngo ibyo byose bitume bayishaka." Hoseya 7:1, 10. {AnA 260.2}

Uko ibisekuru byagendaga bikurirana, Uwiteka yajyaga yihanganira abana be bayobagurikaga, ndetse no muri icyo gihe cy'ubwigomeke bukomeye, Uwiteka yari agishaka kubihishurira ngo abereke ko afite ubushake bwo kubakiza. Uwiteka yaravuze ati: "Yewe Efurayimu we, nkugenze nte? Yewe Yuda we, nakugira nte? Kuko ineza yanyu ari

nk'igicu cyo mu ruturuturu gitamuruka, kandi nk'ikime gitonyorotse hakiri kare." Hoseya 6:4. {AnA 260.3}

Ibibi byari byarabaye gikwira mu gihugu byari byarageze aho bidashobora gukira; bityo Isirayeli icirwa iteka riteye ubwoba rigira riti: "Efurayimu yifatanije n'ibigirwamana nimumureke." "Iminsi yo guhanwa irageze, iminsi yo guhōrwa irashyitse, Isirayeli azabimenya. Umuhanuzi yabaye umupfu, n'uhanzweho n'umwuka yarasaze, basarishijwe no gukiranirwa kwawe kwinshi, n'uko ubwanzi bwawe bugwiriye." Hoseya 4:17; 9:7. {AnA 260.4}

Noneho imiryango icumi ya Isirayeli yari igihe cyo gusarura imbuto z'ubuhakanyi bwayo bwari bwarabaye umugenzo kubwo kubaka ibicaniro i Beteli n'i Dani. Ubutumwa Imana yabatumyeho bwari ubu ngo: "Inyana yawe Samariya we yarayanze, uburakari bwanjye bubagurumanaho. Bazahereza he banga gukurwaho urubanza? Kuko iyo nyana ikomoka ku Bisirayeli si Imana nyakuri, kuko ari indemano y'umukozi. Ni ukuri inyana y'i Samariya izavunagurika" "Abatuye i Samariya bazaterwa ubwoba ku bw'inyana *z'ibigirwamana* z'i Betaveni, kuko abantu baho bazaziririra hamwe n'abatambyi babo, banezerwaga n'ubwiza bwazo kuko bwashize. Zizajyanwa muri Ashuri guturwa Umwami Yarebu (Senakeribu), Efurayimu azakorwa n'isoni, na Isirayeli azamwazwa n'imigambi ye." Hoseya 8:5,6; 10:5,6. {AnA 261.1}

"Dore Uwiteka Imana ihoza amaso yayo ku bwami bufite ibyaha iravuga iti 'Nzabatsemba ku isi, keretse inzu ya Yakobo ni yo ntazarimbura rwose.' Ni ko Uwiteka avuga. Kuko nzategeka kandi nzagosorera inzu ya Isirayeli mu moko yose, nk'uko ingano zigosorerwa ku ntara ntihagire n'imwe igwa hasi. Abanyabyaha bose bo mu bwoko bwanjye bazicishwa inkota, ari bo bavuga bati 'Ibibi ntibizadufata, habe no kudushyikira." {AnA 261.2}

" 'Inyumba y'itumba nzayisenya hamwe n'inyumba y'impeshyi, kandi amanyumba arimbishijwe amahembe y'inzovu azasenywa, n'amazu akomeye azatsembwaho.' Ni ko Uwiteka avuga." "Kuko Uwiteka Imana Nyiringabo ari yo ikora ku gihugu kikayenga, kandi abagituyemo bose bazaboroga." "Abahungu bawe n'abakobwa bawe bazicishwa inkota, n'ingobyi yawe na yo izagabanishwa umugozi, kandi nawe uzagwa mu kindi gihugu cyanduye, Isirayeli na we rwose azajyanwa ari imbohe, akurwe mu gihugu cye." "Ni cyo gituma nzakugenzereza ntyo, Isirayeli we. Ubwo nzakugenzereza ntyo, itegure gusanganira Imana yawe, Isirayeli we." Amosi 9:8-10; 3:15; 9:5; 7:17; 4:12. {AnA 261.3}

Ibyo byago byari byahanuwe byabaye bihagaritswe igihe runaka, kandi ku ngoma ndende ya Yerobowamu wa II ingabo za Isirayeli zageze ku ntsinzi zikomeye; ariko iki gihe cyagaragaragamo kugubwa neza nticyigeze kigira impinduka giteza mu mitima y'abari

baranze kwihana, maze amaherezo hacibwa iteka ngo: “Yerobowamu azicishwa inkota, kandi Isirayeli azajyanwa ari imbohe akurwe mu gihugu cye.” Amosi 7:11. {AnA 262.1}

Umwami na rubanda ntibitaye kuri aya magambo akomeye kuko bari barimbitse mu kwinangira. Maze Amasiya wari umwe mu bayobozi b’abatabyi b’ibigirwamana w’i Beteli arakajwe n’ayo magambo adakebakeba umuhanuzi yavuze ku ishyanga no ku mwami waryo abwira Amosi ati: “Wa bamenya we, genda uhungire mu gihugu cy’u Buyuda urireyo ibyokurya byawe kandi abe ari ho uhanurira, ariko ntukongere guhanurira i Beteli ukundi, kuko hari ubuturo bwera bw’umwami n’inzu y’ubwami.” Amosi 7:12,13. {AnA 262.2}

Umuhanuzi yumvise amagambo ya Amasiya yamusubije akomeje ati: “Uwiteka avuga ati: ‘Umugore wawe azaba maraya mu mudugudu, kandi abahungu bawe n’abakobwa bawe bazicishwa inkota, n’ingobyi yawe na yo izagabanishwa umugozi, kandi nawe uzagwa mu kindi gihugu cyanduye, Isirayeli na we rwose azajyanwa ari imbohe, akurwe mu gihugu cye.” Amosi 7:17. {AnA 262.3}

Amagambo yavuzwe kuri iyi miryango yahakanye Imana yaje gusohora uko yakabaye; nyamara gusenyuka k’ubwami bwa Isirayeli kwagiye kubaho buhoro buhoro. Mu kubahana Uwiteka ntiyibagiwe kubagirira imbabazi, maze ku ikubitiro ubwo Puli umwami wa Ashuri yateraga igihugu; Menahemu wari umwami wa Isirayeli muri icyo gihe ntiyajyanwe ari imbohe, ahubwo yaje kwemererwa kuguma ku ngoma ariko akubaha kandi agahabwa amabwiriza n’ubwami bwa Ashuri. “Menahemu ni ko guhongera Puli italanto z’ifeza igihumbi, kugira ngo amutize amaboko abone uko akomera mu bwami bwe. Kandi Menahemu yari yatse abakomeye mu Bisirayeli b’abatunzi bose ifeza, umuntu wese muri bo yamwatse shekel z’ifeza mirongo itanu, ngo azihe umwami wa Ashuri.” 2Abami 15:19,20. Ubwo Abanyashuri bari bamaze gucisha bugufi imiryango cumi, babaye bisubiriye iwabo by’agahe gato. {AnA 262.4}

Aho kugira ngo Menahemu yihane ibibi byari byarateje kurimbuka k’ubwami, yakomeje gukora “ntiyaretse ibyaha bya Yerobowamu mwene Nebati woheje Abisirayeli ngo bacumure.” Abamusimbuye ku ngoma ari bo Pekahiya na Peka na bo “bakoze ibibi mu maso y’Uwiteka.” 2Abami 15: 18,24,28. Ku ngoma ya Peka wategetse imyaka makumyabiri, Tigilati-Pileseri umwami wa Ashuri yigaruriye Isirayeli maze ajyana imbaga nini y’imbohe yakuye mu miryango yari ituye mu ntara ya Galileya no mu burasirazuba bwa Yorodani. “Abo mu muryango wa Rubeni n’uwa Gadi n’igice kimwe cy’umuryango wa Manase,” hamwe n’abandi mu baturage “b’i Gileyadi, na Galileya n’igihugu cyose cya Nafutali” (1Ngoma 5:26; 2Abami 15:29), batatanyirijwe mu bihugu by’abapagani bajyanwa kure ya Palesitina. {AnA 263.1}

Uhereye kuri uko guhanwa gukomeye, ubwami bw'amajyaruguru ntibwigeze bwongera kubura umutwe. Abari basigaye bacitse integer bakomeje igisa n'ubutegetsi nubwo butari bugifite imbaraga na mba. Umwami umwe wenyine witwaga Hoseya ni we wajyaga gukurikira Peka. Bidatinze ubwami bwari bugiye gukurwaho burundu. Nyamara muri icyo gihe cy'umubabaro n'agahinda, Imana yakomeje kwibuka kubagirira imbabazi bityo iha rubanda andi mahirwe yo guhindukira bakareka gusenga ibigirwamana. Mu mwaka wa gatatu w'ingoma ya Hoseya, umwami mwiza Hezekiya yatangiye gutegeka mu Buyuda kandi akorana ingoga uko ashoboye kose maze ashyiraho amavugurura akomeye mu mirimo yakorerwa mu ngoro y'Imana i Yerusalemu. Hateguwe umuhango wo kwizihiza Pasika, kandi muri ibyo birori ntihatumiwemo umuryango wa Yuda n'uwa Benyamini umwami Hezekiya yari yarimikiwe ngo ategeke gusa, ahubwo n'imiryango yose yo mu majyaruguru yaratumiwe. "Nuko bashyiraho itegeko, baryamamaza mu Bisirayeli bose uhereye i Bērisheba ukageza i Dani, ngo baze i Yerusalemu kuziriririza Uwiteka Imana ya Isirayeli Pasika, kuko bari batakiyiziririza ari benshi cyane uko byari byaranditswe. {AnA 263.2}

"Maze intumwa zijyana inzandiko zivuye ku mwami n'abatware be, zizikwiza i Bwisirayeli n'i Buyuda hose, zivuga itegeko ry'umwami yategetse ati: "Mwa Bisirayeli mwe, nimugarukire Uwiteka Imana ya Aburahamu na Isaka na Isirayeli, ibone kugarukira mwebwe abasigaye barokotse amaboko y'abami ba Ashūri. Kandi mwe kumera nka ba sogokuruza banyu, cyangwa bene wanyu bacumuraga ku Uwiteka Imana ya ba sekuruza, bigatuma ibatanga bakarimbuka nk'uko mubireba. Nuko rero noneho mwebwe ntimube abanyamajosi agamitse nka ba sogokuruza banyu, ahubwo muyoboke Uwiteka mwinjire mu buturo bwe yereje iteka ryose, mukorere Uwiteka Imana yanyu kugira ngo uburakari bwayo bw'inkazi bubaveho. Nimugarukira Uwiteka, bene wanyu n'abana banyu bazagiririrwa imbabazi n'ababajyanye ari imbohe bagaruke muri iki gihugu, kuko Uwiteka Imana yanyu igira imbabazi n'ibambe, kandi ntizabirengagiza ngo ibahe umugongo nimuyigarukira." 2Ngoma 30:5-9. {AnA 264.1}

Intumwa zoherejwe n'umwami Hezekiya zijyana ubwo butumwa "zinyura mu gihugu cya Efurayimu n'icya Manase, zikava ku musozi zijya ku wundi, zigera no mu cya Zebuluni." Isirayeli yagombye kubona ko iryo rarika ririmo guhamaharirwa kwihana no kugarukira Imana. Nyamara abasigaye bo mu miryango cumi bari bagituye mu karere k'ubwami bw'amajyaruguru kari karigeze kugubwa neza, ntibitaye kuri izo ntumwa ndetse barazisuzuguye cyane. "Nuko intumwa . . . baraziseka cyane, bazishinyagurira" Nyamara hariho abantu bake bitabiriye iryo rarika bishimye. "Ariko bamwe bo mu Bashēri no mu Bamanase no mu Bazebuluni bicisha bugufi, baza i Yerusalemu. Kandi n'i Buyuda ukuboko kw'Imana kubaha guhuza umutima, bumvira itegeko ry'umwami n'abatware babitegetswe

n’ijambo ry’Uwiteka. . . . . hateranira abantu benshi baziririza ibirori by’imitsima idasembuwe, bari iteraniro rinini cyane.” 2Ngoma 30:10-13. {AnA 265.1}

Hashize hafi imyaka ibiri, Samariya yaje kwigarurirwa n’ingabo za Ashuri zari ziyobowe na Shalimaneseri; kandi mu kugita Samariya kwakurikiyeho, imbaga y’abantu yishwe urupfu rubi n’inzara n’icyorezo ndetse n’inkota. Umurwa wa Samariya ndetse n’igihugu cyose biratsindwa, bityo abari basigaye bashegeshwe bo mu miryango cumi bajyanwa ari imbohe kandi batatanyirizwa mu ntara zitandukanye z’ubwami bwa Ashuri. {AnA 265.2}

Kurimbuka kwageze ku bwami bw’amajyaruguru kwari iihano kivuye mu Ijuru. Abanyashuri bari ibikoresho Imana yakoresheje kugira ngo isohoze umugambi wayo. Binyujijwe muri Yesaya watangiye guhanura mbere gato yo kugwa kwa Samariya, Uwiteka yavuze ku ngabo z’Abanyashuri azita “ingegene y’umujinya We.” Uwiteka yaravuze ati: “Inkoni bitwaje [Abanyashuri], ni yo burakari bwanjye.” Yesaya 10:5. {AnA 265.3}

Abisirayeli bari baracumuye ku Uwiteka Imana yabo mu buryo bukomeye cyane, bagakora ibibi. Banze “kumva ahubwo bagamika amajosi . . . bakanga amateka ye, n’isezerano yasezeranye na ba sekuruza, n’ibyo yahamije . . . bareka amategeko yose y’Uwiteka Imana yabo.” “Uwiteka yakuye Abisirayeli imbere ye, nk’uko yabivugiye mu bagaragu be b’abahanuzi bose,” bitewe n’uko bari bararetse amategeko yose y’Uwiteka Imana yabo “biremera ibishushanyo by’inyana ebyiri biyagijwe, kandi n’icya Ashera, baramya ingabo zo mu ijuru, bakorera Bali.” Bari barinangiye banga kwihana bityo bahanwa nk’uko byavuze mu miburo yumvikana yari yarabohererej e. {AnA 266.1}

“Abisirayeli bakuwe mu gihugu cyabo, bajyanwa mu Ashuri,” bitewe n’uko “batumviye Uwiteka Imana yabo, ahubwo bakica isezerano ryayo n’ibyo Mose umugaragu w’Uwiteka yabategetse byose banga kubyumva no kubikora.” 2Abami 17:7, 11, 14-16, 20, 23; 18:12. {AnA 266.2}

Mu bihano bikomeye byahanwe imiryango cumi, Uwiteka yari afite umugambi mwiza kandi wuzuye impuhwe. Ibyo atashoboraga kuzongera kubakoreramo bari mu gihugu cya gakondo ya ba sekuruza yashakaga kugisohoza binyuze mu kubatatanyiriza mu bapagani. Nyamara umugambi wayo w’agakiza gahabwa abantu bose bajyaga guhitamo kwakira imbabazi binyuze mu Mukiza w’inyokomuntu wagombaga gusohozwa; kandi mu mibabaro Isirayeli yatejwe, Imana yariho itegurira inzira ikuzo ryayo kugira ngo rihishurirwe amahanga yose yo ku isi. Ntabwo abajyanwe bunyago bose bari baranze kwihana. Muri bo harimo bamwe barkomeje kuba indahemuka ku Mana n’abandi bari baricishije bugufi imbere yayo. Binyuze muri abo “bana b’Imana ihoraho” (Hoseya 1:10), Imana yajyaga gutera benshi

cyane bo mu bwami bwa Ashuri kumenya imico yayo n'ibyiza biva ku mategeko yayo. {AnA 266.3}

IGICE CYA 24 - “KURIMBURWA KUBWO KUBURA UBWENGE”

Ineza Imana yagiye igaragariza Abisirayeli iteka yagiye ishingira ku kumvira kwabo. Ubwo bari munsi y’umusozi wa Sinayi baribaragiranye na Yo isano ishingiye ku isezerano nk’amaronko . . . itoranyije mu mahanga yose. Bari barasezeranye bakomeje ko bazakurikira inzira yo kumvira. Baravuze bati: “Ibyo Uwiteka yavuze byose tuzabikora.” Kuva 19:5,8. Iminsi mike nyuma yaho ubwo amategeko y’Imana yavugirwaga kuri Sinayi, kandi n’andi mabwiriza yo mu rwego rw’amateka akavugwa anyujijwe kuri Mose, Abisirayeli bari barasezeraniye icyarimwe bavuga bati: “Ibyo Uwiteka yavuze byose tuzabikora.” Igihe isezerano ryavugururwaga, Abisirayeli bongeye gufatanyiriza hamwe kuvuga bati: “Ibyo Uwiteka yavuze byose tuzabikora, kandi tuzamwumvira.” Kuva 24:3, 7. Imana yari yarahisemo Abisirayeli nk’ubwoko bwayo kandi na bo bari barayihisemo ngo ibe Umwami wabo. {AnA 267.1}

Ubwo bari hafi kuranzira kuzerera mu butayu, ibikubiye muri rya sezerano byari byarasubiwemo. Ubwo bari i Balipewoli bageze ku rugabano rw’Igihugu cy’Isezerano aho benshi muri bo batsindiwe n’ikigeragezo, abakomeje kuba indahemuka ku Mana bavuguruye indahiro zabo zo kumvira. Binyujijwe muri Mose, bari baraburiwe ibishuko byajyaga kubibasira mu gihe kiri imbere; kandi bari baringingiwe gukomeza kwitandukanya n’amahanga yari abakikije no gukomeza kuramya Imana yonyine. {AnA 267.2}

Mose yari yarahaye Abisirayeli amabwiriza agira ati: “None mwa Bisirayeli mwe, mwumvire amategeko n’amateka mbigisha, muyitondere kugira ngo mubeho, mujye mu gihugu Uwiteka Imana ya ba sekuruza banyu ibaha mugihindūre. Ntimukōngere ku mategeko mbategeka, ntimukayagabanye mubone kwitondera amategeko y’Uwiteka Imana yanyu mbategeka. . . . . Nuko mujye muyitondera muyumvire, kuko ari ko ubwenge bwanyu n’ubuhanga bwanyu mu maso y’amahanga azumva ayo mategeko yose, akavuga ati: “Ni ukuri iri shyanga rikomeye ni ubwoko bw’ubwenge n’ubuhanga.” Gutegeka kwa kabiri 4:1-6. {AnA 268.1}

Abisirayeli bari barihanangirijwe mu buryo bwihariye kutareka amategeko y’Imana kuko bajyaga gukura imbaraga n’umugisha amu kuyumvira. Uwiteka yari yarababwiriye muri Mose agira ati: “Wirinde gusa ugire umwete wo kurinda umutima wawe, we kwibagirwa ibyo amaso yawe yiboneye, bye kuva mu mutima wawe iminsi yose ukiriho, ahubwo ubimenyeshe abana bawe n’abazukuru bawe.” Gutegeka 4:9. Ibintu bikora ku mutima byabaye bijyanirana no gutangwa kw’amategeko kuri Sinayi ntibyagombaga kwibagirana na mba. Abisirayeli bari barahawe imiburo yumvikana kandi ihamye yabasabaga kwirinda imigenzo yo gusenga ibigirwamana yari iganje mu mahanga yari abakikije. Bari baragiriwe

inama igira iti: “Nuko murinde imitima yanyu cyane,” “mwe kwiyonona ngo mwiremere igishushanyo kibajwe gishushanijwe mu ishusho yose,” “rinda umutima wawe kugira ngo nurarama ukareba izuba n’ukwezi n’inyenyeri, ibiri mu ijuru byinshi byose we kureshywa ngo wikubite imbere yabyo ubisenge, kandi ari byo Uwiteka Imana yawe yagabanije amahanga yose yo munsi y’ijuru hose.” “Mwirinde mwe kwibagirwa isezerano ry’Uwiteka Imana yanyu yasezeranye namwe, ngo mwiremere igishushanyo kibajwe mu ishusho y’ikintu cyose Uwiteka Imana yawe yakubujije.” Gutegeka 4:15,16,19,23. {AnA 268.2}

Mose yabatondaguriye ibibi byajyaga kuba ingaruka yo gutandukana n’amategeko y’Uwiteka. Yatanze ijuru n’isi ho umuhamya maze avuga ko nibamara gutura mu Gihugu cy’Isezerano, maze bakabasha kwinjiza muri bo imigenzo mibi yo kuramya no gupfukamira ibishushanyo bibajwe ndetse bakanga kugaruka ngo baramye Imana nyakuri, uburakari bw’Imana bwajyaga kubakongerezwa kandi bajyaga kujyanwa ari imbohe bagatatanyirizwa mu mahanga y’abapagani. Mose yarababuriye ati: “uyu munsi ntanze ijuru n’isi ho abahamya bazabashinja, yuko muzarimbuka vuba, mukarangira mu gihugu mwambuka Yorodani mujyanwamo no guhindūra, ntimuzakimaramo igihe kirekire, ahubwo muzarimbuka rwose. Kandi Uwiteka azabatataniriza mu mahanga, muzasigara muri bake mu mahanga Uwiteka azabimuriramo. Muzakorerayo imana zabajwe n’intoki z’abantu mu biti no mu mabuye, zitareba, zitumva, zitarya, zitanukirwa.” Gutegeka 4:26-28. {AnA 269.1}

Ubu buhanuzi bwasohoye mu gihe cy’abacamanza ku ruhande rumwe, bwaje gusohora mu buryo bwuzuye kandi buhye rwose n’uko bwahanuwe mu gihe Isirayeli yatwarwaga bunyago na Ashuri naho Ubuyuda nabwo bugatwarwa na Babuloni. {AnA 269.2}

Ubuhakanyi bwa Isirayeli bwari bwaragiye bukura buhoro buhoro. Ukoibisekuru byagendaga bisimburana, Satani yari yaragiye agerageza kenshi gutera ishyanga ryatoranijwe kwibagirwa “amategeko n’amateka” bari barasezeranye kuzakomeza iteka ryose. Gutegeka 6:1. Satani yari azi ko nashobora gusa gutera Abisirayeli kwibagirwa Imana, no “gukurikira ibigirwamana, no kubikorera no kubiramya,” bazarimbuka nta kabuza. Gutegeka 8:19. {AnA 269.3}

Nyamara umwanzi w’itorero ry’Imana ku isi ntabwo yari yaritaye rwose kuri kamere yuje impuhwe y’Uwiteka Imana “idatsindishiriza na hato uwo gutsindwa,” ariko ikaba nyiri ikuzo ryuje “ibambe n’imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n’umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi, ikageza ku buzukuruza babo b’ibihe igihumbi, ibababarira gukiranirwa n’ibicumuro n’ibyaha.” Kuva 34:6.7. Nubwo umwanzi Satani yakoresheje umuhati kugira ngo agwabize umugambi Imana yari ifitiye Abisirayeli, nyamara no mu bihe by’umwijima w’icuraburindi mu mateka yabo, igihe byasaga n’aho

imbaraga imbaraga z'ikibi zenda gutsinda rwose, Uwiteka mu buntu bwe yarigaragazaga. Uwiteka yashyiraga imbere yabo ibintu byari bigendereye kugubwa neza kw'iryo shyanga. Uwiteka yvugiye mu muhanuzi Hoseya agira ati: "Naho namwandikira iby'amategeko yanjye nkageza ku bihumbi icumi, yayareba nk'ikintu cy'inzaduka" "Ariko ni jye wigishije Abefurayimu gutambuka ndabahagatira, ariko ntibamenye ko ari jye wabakijije." Hoseya 8:12; 11:3. Mu byo Uwiteka yabagiriye yari yarabikoranye ubugwaneza, akabigisha umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko abinyujije ku bahanuzi be. {AnA 270.1}

Iyaba Abisirayeli barumviye ubutumwa bw'abahanuzi, baba barakijijwe gukozwa isoni kwakurikiyeho. Kubera ko bari barinangiriye mu giteshuka ku mategeko yayo, byabaye ngombwa ko Imana ibareka bakajyanwa mu bunyage. Ubutumwa Imana yabatumyeho ibunyujije mu muhanuzi Hoseya bwari ubu ngo: "Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge: ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka, we kumbera umutambyi: ubwo wibagiwe amategeko y'Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe." Hoseya 4:6. {AnA 270.2}

Mu bhe byose byabayeho, kwica amategeko y'Imana kwagiye gukurikirwa n'ingaruka nk'izo. Mu gihe cya Nowa, ubwo ihame ryose ryo gukora ibitunganye ryicwaga kandi gucumura kukarushaho kwimbika ndetse kukaba gikwira ku buryo Imana itashoboraga gukomeza kubyihanganira, haciwe iteka rivuga riti: "Nzarimbura abantu naremye, mbatsembe mu isi." Itangiriro 6:7. Mu gihe cya Aburahamu, abaturage b'I Sodomu bigometse ku Mana n'amategeko yayo ku mugaragaro; maze hakurikiraho ibyaha, kwangirika no gusayisha gukabije nk'ukwari kwararanze abantu ba mbere y'umwuzure. Abaturage b'i Sodomu bagejeje aho Imana idashobora kubihanganira, maze umuriro wo guhora kw'Imana urabakongerezwa. {AnA 271.1}

Igihe cyabanjirije kujyanwa mu bunyage kw'imiryango cumi ya Isirayeli cyari igihe kirangwa no kutumvira n'ibyaha nk'iby'i Sodomu. Amategeko y'Imana yari yarahinduwe ubusa, kandi ibi byakinguye amarembo y'umwuzure wo gukiranirwa ku ishyanga rya Isirayeli. Umuhanuzi Hoseya yaravuze ati: "Uwiteka afitanye imanza na bene igihugu, kuko kitarimo ukuri cyangwa kugira neza, habe no kumenya Imana. Nta kindi gihari keretse kurahira bakica isezerano, no kwica no kwiba no gusambana, bagira urugomo kandi amaraso agasimbura andi maraso." Hoseya 4:1, 2. {AnA 271.2}

Ubuhanuzi bwerekeye urubanza bwahanuwe na Amosi na Hoseya bwajyaniranaga no guhanurirwa ikuzo ryo mu gihe kiri imbere. Imiryango cumi yamaze igihe kirekire yarigometse kandi yaranze kwihana ntiyigeze ihabwa isezerano ko izasubizwa mu butware bahoranye muri Palesitina. Bagombaga kuzaba inzererezi mu mahanga kugeza ku mperuka y'ibihe. Ariko binyujijwe ku muhanuzi Hoseya, hatanzwe ubuhanuzi bweretse Abisirayeli

amahirwe yo kuzagira umugabane mu gukomorerwa guheruka kuzakorerwa ubwoko bw'Imana ku iherezo ry'amateka y'isi, ubwo Kristo azaba aje ari Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware. Umuhanuzi Hoseya yavuze ko imiryango cumi izamara iminsi myinshi "badafite umwami cyangwa igikomangoma, cyangwa igitambo, haba n'inkingi, cyangwa efodi na terafimu." Umuhanuzi yakomeje agira ati: "Hanyuma Abisirayeli bazagaruka, bashaka Uwiteka Imana yabo, n'umwami wabo Dawidi: bazasaanga Uwiteka n'ineza ye mu minsi y'imperuka, bamushaka bamwubashye." Hoseya 3:4, 5. {AnA 271.3}

Akoresheje imvugoshusho, Hoseya yagaragarije imiryango cumi umugambi w'Imana wo kuzahura umuntu wese wihana wajyaga kwifatanya n'itorero ryayo ku isi, anabereka imigisha Isirayeli yahawe mu gihe yumviraga kandi ikayoboka Imana iri mu Gihugu cy'Isezerano. Ubwo Uwiteka yavugaga kuri Isirayeli nk'ishyanga yashakaga cyane kugaragariza imbabazi yaravuze ati: "Uwiteka aravuga ati: 'Ni cyo gituma ngiye kumuhendahenda, mujyane mu kidaturwa mwurūre. Avuyeyo nzamukomorera inzabibu ze, kandi igikombe cya Akori kizamubera irembo ry'ibyiringiro, kandi azaharirimbira nko mu gihe cy'ubukumi bwe, nko mu gihe yazamukaga ava mu gihugu cya Egiputa. Uwiteka aravuga ati "Uwo munsi uzanyita Ishi, *umugabo wanjye,* kandi ntuzongera kunyita Bāli, *databuja*. Nzakura mu kanwa ke amazina y'ibigirwamana bya Bāli, kandi amazina yabyo ntazongera kwibukwa ukundi." Hoseya 2:16-19. {AnA 272.1}

Mu minsi iheruka y'amateka y'iyi si, isezerano Imana yagiranye n'ubwoko bwayo bukurikiza amategeko yayo rigomba kuvugururwa. "Uwo munsi nzasezerana n'inyamaswa zo mu ishyamba ku bwabo, n'ibisiga byo mu kirere n'ibikururuka hasi, kandi nzavunagura imiheto n'inkota, n'intambara nzayikura mu gihugu, ntume baryamana amahoro. Kandi nzakwishyingira ube uwanjye iteka ryose. Ni ukuri nzakwishyingira ube uwanjye nkiranuka ngaca imanza zitabera, nkagukunda kandi nkakubabarira. Ndetse nzakwishyingira ube uwanjye nkubereye umunyamurava, kandi uzamenya Uwiteka." {AnA 272.2}

"Uwiteka aravuga ati: "Uwo munsi nzitaba, nzitaba ijuru, na ryo rizitaba isi. Isi na yo izitaba imyaka, na vino n'amavuta ya elayo, kandi na byo bizitaba Yezerēli. Nzamubiba ku isi, abe uwanjye, kandi nzababarira utabonye imbabazi. Nzabwira abatari ubwoko bwanjye nti: 'Muri ubwoko bwanjye.' Na bo bazavuga bati: 'Uri Imana yacu." Hoseya 2:20-25. {AnA 273.1}

"Nuko uwo munsi abazaba barokotse mu Isirayeli n'abazaba bacitse ku icumu mu nzu ya Yakobo, bazaba batacyisunga ababakubise, ahubwo bazisunga Uwiteka by'ukuri, Uwera wa Isirayeli." Yesaya 10:20. Mu mahanga yose, n'amoko yose n'indimi zose hazaboneka

bamwe bazishimira guakora ibyo ubu butumwa bubasaba bugira buti: “Mwubahe Imana muyihimbaze kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye.” Bazitandukanya n’ikigirwamana cyose kibaboheye ku isi maze baramye “Iyaremye ijuru n’isi n’inyanja n’amasoko.” Bazava mu bibaboshye byose maze bahagarare imbere y’isi babe ibimenyetso by’urwibutso rw’imbabazi z’Imana. Kubera ko bumvira ibyo Imana ibasaba, abamarayika n’abantu bazababona bamenye ko “bitondera amategeko y’Imana, bakagira kwizera nk’ukwa Yesu.” Ibyahishuwe 14:6, 7, 12. {AnA 273.2}

“Dore iminsi izaza, ni ko Uwiteka avuga, umuhinzi azakurikirana n’umusaruzi, n’umwenzi w’imizabibu azakurikirana n’ubiba imbuto, kandi imisozi izatobokamo vino iryoshye, n’udusozi twose tuzayenga. Kandi nzagarura ubwoko bwanjye Isirayeli bari bajyanywe ari imbohe, bazongera kubaka imidugudu yari yarashenywe bayisubiremo, bazatera inzabibu banywe vino yazo, bazahinga imirima barye ibisaruwemo. Kandi nzabatera kumera mu gihugu cyabo, ntabwo bazongera kurandurwa mu gihugu cyabo nabahaye.” Ni ko Uwiteka Imana yawe ivuga.” Amosi 9:13-15. {AnA 273.3}

UMUGABANE WA III - UMUBWIRIZA WO GUKIRANUKA

“Mbese abakomeye bānyagwa iminyago, cyangwa abajyanwa ari imbohe bazira ukuri bararekurwa?” “Ariko Uwiteka aravuga ati: “Abajyanwa ari imbohe n’abakomeye na bo bazakurwayo, kandi iminyago y’abanyamwaga izarekurwa, kuko ari jye uzakurwanira n’ukurwanya kandi nzakiza abana bawe” “Ariko abiringira ibishushanyo bibajwe bazasubizwa inyuma, ababwira ibishushanyo biyagijwe bati: ‘Muri imana zacu’, bazakorwa n’isoni cyane.” ***Yesaya 49:24, 25; 42:17.*** {AnA 274.1}

IGICE CYA 25 - GUHAMAGARWA KWA YESAYA

Ingoma yamaze igihe kirekire ya Uziya [uzwi na none ku izina rya Azariya] mu gihugu cya Yuda n'icya Benyamini yaranzwe no kugubwa neza birenze ibyabaye ku ngoma y'undi mwami uwo ari we wese wabayeho uhereye igihe Salomo yapfiriye, hafi imyaka Magana abiri mbere y'ingoma ya Uziya. Uyu mwami yamaze imyaka myinshi ayoborana ubushishozi. Kubw'umugisha w'Ijuru ingabo ze zagaruje tumwe mu turere igihugu cyari cyaratakaje mu myaka ya mbere yaho. Imijyi yarasanwe kandi irakomezwa, ndetse umwanya w'ishyanga mu moko yari arikikije warakomejwe cyane. Ubucuruzi bwaravuguruwe maze abakire n'abatunzi bo mu mahanga bakaza muri Yerusalemu ari benshi. Izina rya Uziya "riramamara rigera kure, kuko yafashijwe bitangaje, kugeza aho yagiriye imbaraga." 2Ngoma 26:15. {AnA 275.1}

Nyamara uku kugubwa neza kwagaragaraga inyuma ntikwajyaniranye n'ububyutse bw'imbaraga mu by'umwuka. Imirimo yo mu ngoro y'Imana yakomeje gukorwa nk'uko byari bisanzwe mu myaka ya mbere, kandi imbaga y'abantu yateraniraga kuramya Imana ihoraho; ariko ubwibone, no gukurikiza imihango gusa byakomeje gusimbura kwicisha bugufi no kumaramaza. Uziya ubwe yavuzweho aya magambo agira ati: "Ariko agize imbaraga, ariyogeza mu mutima we, bituma akora ibyo gukiranirwa, acumura ku Uwiteka Imana ye." 2Ngoma 26:16. {AnA 276.1}

Icyaha cyaje kubyara ingaruka z'akahe kuri Uziya ni icyaha cyo kwihandagaza. Yishe itegeko ry'Uwiteka ryumvikana neza ryavugaga ko nta wundi muntu ukwiriye gukora imirimo y'abatambyi uretse abakomoka kuri Aroni, maze umwami Uziya yinjira mu usengero rw'Uwiteka yosereza imibavu ku cyotero cy'imibavu. Azariya umutambyi mukuru ndetse n'abari bamwungirije barabirwanyije cyane, kandi baramwinginga kugira ngo areke umugambi we. Baramubwiye bati: "Aha Hera uhave, kuko warengereye; kandi ntibizaguhesha icyubahiro kivuye ku Uwiteka Imana." 2Ngoma 26:16,18. {AnA 276.2}

Uziya yazabiranyijwe n'uburakari bitewe n'uko we nk'umwami yacyashwe bene ako kageni. Nyamara ntiyemerewe guhumanya ubuturo bwera atumvira kumwamagana gushyize hamwe kw'abari mu myanya y'ubuyobozi. Igihe yari agihagaze ku cyotero cy'imibavu, acyigometse kandi arakaye cyane, yahize agerwaho n'igihano cy'Imana. Yahise asesa ibibembe mu ruhanga rwe. Abuze uko agira yihutira gusohoka, ubutazongera kwinjira mu rugo rw'inzu y'Uwiteka. Uziya yakomeje kuba umubembe kugeza igihe yatangiye nyuma y'imyaka runaka; urwo ruba urugero rwerekana ubupfapfa bwo gutandukira ijambo ryumvikana rivuga ngo: "Ni ko Uwiteka avuze." Ntabwo umwanya ukomeye yari afite cyangwa imyaka myinshi yamaze akorera Imana byajyaga kuba

urwitwazo rushingirwaho asabirwa imbabazi kubw'icyaha cyo kwihandagaza yari yakoze akangiza imyaka iheruka y'ingoma ye kandi na we akizanira igihano kivuye mu ijuru. {AnA 276.3}

Imana ntitinya abantu. "Ariko umuntu ukora icyaha yihandagaje naho yaba kavukire cyangwa umusuhuke, uwo muntu aba atutse Uwiteka; nuko akurwe mu bwoko bwe." Kubara 15:30. {AnA 277.1}

Igihano Uziya yahawe cyasaga n'ikije kubera umuhungu we imbaraga ikumira. Yonatani yakoze inshingano zikomeye cyane mu gihe cy'imyaka iheruka y'ingoma ya se, kandi nyuma yo gutanga kwa se Uziya aba ari we umusimbura ku ngoma. Yonatani yavuzweho aya magambo ngo: "Akora ibishimwa imbere y'Uwiteka: yakoraga uko se Uziya yakoraga kose. Ariko ingoro zari zitakuweho, abantu bari bagitamba ibitambo, bakosereza imibavu muri izo ngoro. Yotamu ni we wubatse irembo ry'inzu y'Uwiteka ryo haruguru." 2Abami 15:34, 35. {AnA 277.2}

Ingoma ya Uziya yari iri kwerekeza ku musozo wayo, kandi Yonatani yari yarataangiye mbere kwikorera imitwaro myinshi y'ubutegetsi mu gihe Yesaya nawe, wari uwo mu muryango wa cyami, yaje guhamagarirwa umurimo w'ubuhanuzi ariko akiri muto. Igihe Yesaya yagombaga gukoramo cyari cyuzuye akaga kihariye ku bwoko bw'Imana. Uyu muhanuzi yagombaga guhamya ibyo kwigarurirwa k'ubwami bw'u Buyuda bikozwe n'ingabo zishyize hamwe za Isirayeli yari mu majyaruguru ndetse n'iza Siriya. Yagombaga kuzabona ingabo z'Abanyashuri zibambye amahema yazo imbere y'imijyi mikuru yo muri ubwo bwami. Samariya yagombaga kuzasenywa mu gihe cya Yesaya, kandi imiryango cumi ya Isirayeli yagombaga kuzatatanyirizwa mu mahanga. Ubuyuda bwagombaga kuzajya bwigarurirwa kenshi n'ingabo za Ashuri, kandi Yerusalemu yajyaga kuzasakizwa bikaba byayitera gusenyuka iyo Imana itahagoboka mu buryo bw'igitangaza. Ibyago bikomeye byari byaratangiye kwibasira amahoro y'ubwami bw'amajyepfo. Uburinzi bw'Imana bwari buri gukurwaho, kandi ingabo za Ashuri zari hafi yo gukwira mu gihugu cyose cy'Ubuyuda. {AnA 277.3}

Nyamara nubwo ibyago byagombaga guturuka inyuma y'igihugu byasaga n'ibiteye ubwoba cyane, ntabwo byari bikabije nk'ibyari guturuka imbere muri cyo. Ukwigomeka gukomeye kw'ab'ubwoko bwe ni ko kwateye umugaragu w'Uwiteka guhagarika umutima cyane no kubura amahoro. Kubera ubuhakanyi bwabo no kwigomeka kwabo, abagombye kuba barabaye abatwaramucyo hagati y'amahanga ni bo bihamagariraga ibihano by'Imana. Byinshi mu bibi byihutishaga kurimbuka gukomeye k'ubwami bw'amajyaruguru, kandi akaba ari na byo hari hashize igihe gito byamaganwe mu buryo bukomeye na Hoseya na Amosi, ni byo byangizaga ubwami bw'Ubuyuda mu buryo bwihuse. {AnA 278.1}

Ku byerekeye imibereho y’abantu muri rusange, ibyagaragaraga byari urucantege. Kubwo kurarikira indamu, abantu bubakaga amazi bakongeraho andi, ndetse bakagura n’imirima bakongeraho indi. Soma Yesaya 5:8. Ubutabera bwari bwaragoretswe, kandi abakene nta mpuhwe bagiriwaga. Imana yavuze kuri ibyo bibi igira iti: “Kuko ari mwebwe, mwariye uruzabibu mukarumaraho: iminyago y’abakene iri mu ngo zanyu.” “Mumenagura ubwoko bwanjye mugahera abakene.” Yesaya 3:14,15. Ndetse n’abacamanza bari bafite inshingano yo kurinda abatagira uko bigira, bizibaga amatwi ntibumve imiborogo y’abakene n’indushyi, abapfakazi n’imfubyi. Soma Yesaya 10:1, 2. {AnA 278.2}

Gukandamiza n’ubukungu bijyana n’ubwibone no gukunda kwigaragaza, ubusinzi ndetse n’umwuka wo kuvuyarara. Soma Yesaya 2:11, 12; 3:16, 18-23; 5:22,11, 12. Mu gihe cya Yesaya gusenga ibigirwamana ubwabyo ntibyatangazaga abantu. Soma Yesaya 2:8, 9. Ibikorwa byo gukiranirwa byari byarabaye gikwira mu nzego zose z’abantu ku buryo abantu bake cyane bakomeje kuba indahemuka ku Manaakenshi bahuraga n’ikigeragezo cyo gucika integer no kwiheba. Byasaga n’aho umugambi Imana yari ifitiye Isirayeli wari ugiye kutagerwaho kandi iryo shyanga ryigomekaga ryagombaga kugira iherezo nk’iry’i Sodomu na Gomora. {AnA 279.1}

Imbere y’ibihe byari bimeze bityo, mu mwaka uheruka w’ingoma ya Uziya, igihe Yesaya yahamagarirwaga kugeza ku Buyuda ubutumwa bw’Imana bw’imbuzi no gucyaha, ntabwo bitangaje kubona yaratinye iyo nshingano. Yari azi neza ko azahura no kwinangira ukomeye. Ubwo yumvaga ko we ubwe adashoboye guhangana n’ibyo bihe kandi agatekereza ku bantu yagombaga gukoreramo, byasaga n’aho inshingano ye ntacyo izageraho. Mbese mu ri ubwo bwihebe bwe yajyaga kureka inshingano yari yahawe maze agasiga Ubuyuda budahungabanyijwe kubwo gusenga ibigirwamana kwabwo? Mbese ibigirwamana by’i Nineve byagombaga gutegeka isi bisuzuguje Imana yo mu ijuru? {AnA 279.2}

Bene ibyo bitekerezo byari byuzuye mu ntekerezo za Yesaya igihe yari ahagaze ku ibaraza ry’ingoro y’Imana. Mu buryo butunguranye, urugi rw’iyo ngoro ndetse n’umwenda w’imbere muri rwo byabaye nk’ibikingutse cyangwa nk’ibikuweho, maze yemererwa kureba imbere muri yo, areba ahera cyane, aho ndetse n’umuhanuzi atagombaga kwinjira. Maze imbere ye agiye kubona yerekwa Uwiteka wari wicaye ku ntebe y’ubwami ndende cyane, ari na ko yabonaga ikuzo ryayo ryuzura urusengero. Impande zose z’iyo ntebe y’ubwami hari abaserafi, kandi mu maso habo hari hatwikiriwe baramya, ari na ko bakoreraga imbere y’Umuremyi wabo kandi bagafatanyiriza hamwe kuvuga n’ijwi rirenga bagira bati: “Uwiteka Nyiringabo arera, arera, arera; isi yose yuzuye icyubahiro cye,” kugeza ubwo imfatiro z’irebe ry’umuryango, n’inkingi n’amarembo byanyeganyejwe n’ijwi, ndetse inzu ikuzura amajwi yo gusingiza. Yesaya 6:3. {AnA 279.3}

Ubwo Yesaya yitegerezaga uko guhishurwa kw'ikuzo ry'Uwiteka n'igitinyiro cye, yatewe ubwoba no kubona ubutungane no kwera by'Imana. Mbega uburyo hagati y'ubutungane butagerwa bw'Umuremyi we n'imigirire mibi y'abari bamaze igihe kirekire babarizwa mu bwoko bwatoranyijwe bwa Isirayeli n'Ubuyuda hari itandukaniro rikomeye! Yesaya yaratatse ati: "Ni ishyano, ndapfuye we! Kuko ndi umunyaminwa yanduye, kandi ntuye hagati y'ubwoko bufite iminwa yanduye, kandi amaso yanjye abonye Umwami Uwiteka Nyiringabo." Yesaya 6:5. {AnA 280.1}

Ubwo yari ahagaze imbere y'ubwiza bw'Imana bwari imbere mu rusengero, Yesaya yabonye ko nagumana kudatunganakwe ndetse no kba adakwiriye, atajyaga gushobora na mba gusohoza inshingano yahamagariwe. Ariko yohererejwe umuserafi ngo amuhumurize muri uko guhangayika kwe kandi ngo amutunganyirize gusohoza iyo nshingano ye ikomeye. Yakojejwe ikara ryaka ku minwa rivuye ku gicaniro maze havugwa aya magambo ngo: "Dore iri rigukoze ku munwa, gukiranirwa kwawe kugukuweho, ibyaha byawe biratwikiriwe." Numva ijwi ry'Umwami Imana riti: "Ndatuma nde, ni nde watugendera?" Maze ndavuga nti "Ni jye. Ba ari jye utuma." Yesaya 6:7,8. {AnA 280.2}

Uwo mushyitsi wo mu ijuru yategetse iyo ntumwa yari itegereje ati: "Genda ubwire ubu bwoko uti: {AnA 280.3}

'Kumva muzajye mwumva, ariko mwe kubimenya,
Kureba muzajye mureba, ariko mwe kubyitegereza.'
Ujye unangira imitima y'ubu bwoko,
Uhindure amatwi yabo ibihuri,
Upfuke amaso yabo kugira ngo batarebesha amaso,
Batumvisha amatwi, batamenyesha imitima,
Bagahindukira bagakira." {AnA 281.1}

Yesaya 6:9,10. {AnA 281.2}

Inshingano y'uwo muhanuzi yari isobanutse neza: yagombaga kurangurura ijwi rye akamagana ibibi byari biganje. Ariko yatewe ubwoba no gutangira gukora umurimo nyamara nta cyizere cy'ibyiringiro muri wo. Yarabajije ati: "Nyagasani, ibyo bizageza he?" Mbese nta n'umwe mu bwoko bwawe watoranyije uzigera asobanukirwa, ngo yihane maze akizwe? {AnA 281.3}

Umutwaro wari umuremereye mu mutima kubw'ishyanga ry'Ubuyuda ryari ryarayobye inzira ntiyajyaga kuwikorerera ubusa. Ntabwo umurimo we wajyaga kuba imfabusa rwose. Nyamara ibibi byari byaragiye byiyungikanya mu gihe cy'ibisekuru byinshi ntibyashoboraga gukurwaho mu gihe cye. Mu gihe cyose yari akiriho, yagombaga kuba

umwigisha wihangana kandi w'umunyamwete- akaba umuhanuzi uhanura ibyiringiro n'akaga. Amaherezo umugambi w'Imana wari kuzasohora, bityo imbuto z'umuhati we n'iz'imiruho y'intumwa z'Imana zose z'indahemuka ukaboneka. Abasigaye bari kuzakizwa. Kugira ngo ibyo bizabeho, ubutumwa bw'imbuzi no kwinginga bwagombaga guhabwa ishyanga ryari ryarigometse. Uwiteka yaravuze ati: {AnA 281.4}

"Bizageza aho imidugudu izabera imyirare ari nta wuyibamo,
n'amazu ari nta wuyabamo,
n'igihugu kigahinduka amatongo rwose,
Uwiteka akarangiza kwimurira abantu kure, kandi amatongo akaba menshi muri iki gihugu." {AnA 281.5}

Yesaya 6:11,12.

Ibihano bikomeye byagombaga kugera banze kwihana byarimo: intambara, guhunga, gukandamizwa, gutakaza ububasha n'icyubahiro mu mahanga. Ibyo byose byagombaga kubaho kugira ngo abari kubibonamo ukuboko kw'Imana bari barasuzuguye bibatere kwihana. Bidatinze imiryango cumi yo mu bwami bw'amajyaruguru yagombaga gutatanyirizwa mu mahanga atari amwe kandi imidigudu yahoo igasigara ari umusaka. Ingabo zirimbura zo mu mahanga y'abantu b'abagome zagombaga kuyogoza igihugu cyabo incuro nyinshi; ndetse amaherezo na Yerusalemu yagombaga gusenywa, kandi abatuye Ubuyuda bakajyanwa ari imbohe; nyamara Igihugu cy'Isezerano nticyagombaga gukomeza gutereranwa burundu. Ibyiringiro uwo mushyitsi wo mu ijuru yahaye Yesaya byari ibi ngo: {AnA 282.1}

"Kandi naho cyasigarwamo n'umugabane umwe mu icumi,
Na bwo kizongera gutwikwa,
Nk'uko ibiti by'umwela n'umwaloni bisigarana igishyitsi bimaze gucibwa,
Ni ko urubyaro rwera rusa n'igishyitsi cyarwo." {AnA 282.2}

Yesaya 6:13.

Ibi byiringiro byo gusohora guheruka k'umugambi w'Imana byazanye ubutwari mu mutima w'umuhanuzi Yesaya. None se ni izihe mbaraga zo ku isi zari zishiriye hamwe kurwanya Ubuyuda? None se byari kugenda bite iyo intumwa y'Uwiteka irwanywa kandi ntiyumvirwe? Yesaya yari yabonye Umwami Uwiteka nyiringabo; yari yumvise indirimbo y'abaserafi ivuga ngo: "isi yose yuzuzye icyubahiro cye;" yari afite isezerano ry'uko ubutumwa Uwiteka atuma ku Bayuda basubiye inyuma buzaherekezwa n'imbaraga yemeza ya Mwuka Wera; kandi umuhanuzi yari atewe ubutwari kubw'umurimo wari umushyizwe imbere. Mu gihe kirekire kandi kigoye cy'umurimo we, Yesaya yahoraga yibuka iby'iri

yerekwa. Mu gihe cy'imyaka mirongo itandatu cyangwa isaga, yahagararaga imbere y'abaturage b'Ubuyuda ahanura ibyiringiro, akarushaho kugenda yagura imbibi mu byo yahanuraga byerekeye kunesha kuzaza kw'itorero. {AnA 282.3}

IGICE CYA 26 - "DORE IMANA YANYU!"

Mu gihe cya Yesaya imyumvire y'abantu mu by'umwuka yari yijimye bitewe no kudasobanukirwa Imana neza. Satani yamaze igihe kirekire ashaka gutera abantu gufata ko Umuremyi wabo ari we nkomoko y'icyaha, imibabaro n'urupfu. Abantu yashutse muri ubwo buryo batekerezaga ko Imana ari inyabukana kandi ikaba intanyurwa. Bafataga Imana nk'aho ihora yiteguye kujora umuntu no kumuciraho iteka, ko idashaka kwakira umunyabyaha kubera ko hariho urwitwazo rushingiye ku mategeko rwo kudafasha umuntu. Itegeko ry'urukundo rikoreshwa mu guteka ijuru ryagaragajwe nabi n'umushukanyi ruharwa avuga ko ari uburyo bwo kubangamira umunezero w'umuntu, rikaba ari umutwaro uremereye abantu bashimishwa no gutura. Yavuze ko amahame [agize iryo tegeko ry'urukundo] adakwiriye kubahirizwa kandi ko ibihano bijyana no kuyica byatanganwe igitugu. {AnA 284.1}

Abisirayeli nta rwitwazo na ruke bari bafite rwo kudasobanukirwa neza imico nyakuri y'Uwiteka. Imana yari yarabihishuriye inshuro nyinshi ibiyereka ko ari Imana "y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi." Zaburi 86:15. Imana yarahamije iti: "Isirayeli akiri umwana, naramukundaga, hanyuma mpamagara umwana wanjye ngo ave mu Egiputa." Hoseya 11:1. {AnA 284.2}

Uwiteka yari yaragararije Abisirayeli ineza mu byo yabagiriye ubwo yabacunguraga ibakura mu bubata bwa Egiputa ndetse no mu rugendo rwabo bajya mu Gihugu cy'Isezerano. "Yababaranye na bo mu mibabaro yabo yose, na marayika uhora imbere ye yajyaga abakiza. Urukundo rwe n'imbabazi ze ni byo byamuteye kubacungura, yarabateruraga akabaheka iminsi yose ya kera."Yesaya 63:9. {AnA 284.3}

Isezerano Abisirayeli bari barahawe mu rugendo rwabo rwo mu butayu ryari iri ngo: "Ubwanjye nzajyana na we." Kuva 33:14. Iri sezerano ryongeweho guhishurwa gutangaje kw'imico y'Uwiteka, ari nabyo byabashishije Mose kubwira Abisayeli bose kugira neza kw'Imana, ndetse no kubigisha rwose ibyerekeye imico y'Umwami wabo batarebeshaga amaso. "Uwiteka anyura imbere ye arivuga ati "Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi, ibababarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha. Ntitsindishiriza na hato abo gutsindwa, ihōra abana gukiranirwa kwa ba se ikageza ku buzukuru, n'abuzukuruza n'ubuvivi." Kuva 34:6,7. {AnA 285.1}

Kuba Mose yari azi ukwihangana k'Uwiteka n'urukundo rwe n'imbabazi bye bitagerwa, ni byo yashingiyeho gusaba kwe gutangaje asabira Abiisirayeli ngo badapfa igihe bari bageze ku ngabano z'Igihugu cy'Isezerano maze bakanga gukomeza urugendo ngo bumvire itegeko

ry'Imana. Kubera kwigomeka kwabo Uwiteka yari yavuze ati: "Ndabateza mugiga, mbakureho umwandu wabo;" kandi yari yasezeranye ko Mose abazamukomokaho izabagira "ubwoko bubaruta ubwinshi, bubarusha amaboko." Kubara 14:12. Ariko Mose asaba imbabazi z'Imana n'amasezerano yayo atangaje asabira ishyanga ryatoranyijwe. Icyo gihe yasabye gusaba kurenze uko yigeze asaba, yinginze Imana ashingiye ku rukundo ikunda umuntu wacumuye. Soma Kubara 14:17-19. {AnA 285.2}

Uwiteka yamusubije mu buryo bwuzuye ubuntu agira ati: "Ndababariye nk'uko usabye." Ibyo birangiye, mu buryo bw'ubuhanuzi, Uwiteka amenyesha Mose umugambi we ku byerekeye kunesha guheruka kwa Isirayeli. Uwiteka yaravuze ati: "Ariko ni ukuri ndahiye guhorao kwanjye n'uko isi yose izuzura icyubahiro cy'Uwiteka." Kubara 14:20,21. Ikuzo ry'Imana, imico yayo, kugira neza kwayo n'urukundo rwayo (ari nabyo Mose yari yarasabiye Abisrayeli) byagombaga guhishuririrwa abantu bose. Kandi iri sezerano ry'Uwiteka ryaje kongera kwemezwa; bityo rishimangirwa n'indahiro. Nk'uko Imana ihoraho kandi iganje ku ngoma, icyubahiro cyayo gikwiriye kogezwa "mu mahanga," imirimo itangaza yakoze ikwiriye kogezwa "mu mahanga yose." Zaburi 96:3. {AnA 285.3}

Kubwo kuzasohora k'ubu buhanuzi, Yesaya yari yarumvise abaserafi barabagirana baririmbira imbere y'intebe y'ubwami bavuga bati: "Isi yose yuzuye icyubahiro cye." Yesaya 6:3. Kubera umuhanuzi Yesaya yari afite ishema kubw'ukuri kw'ayo magambo, nyuma yaho we ubwe yavuze ashize amanga avuga ku bapfukamira ibishushanyo by'ibiti n'amabuye agira ati: "Bazareba ubwiza bw'Uwiteka, n'igikundiro cy'Imana yacu." Yesaya 35:2. {AnA 286.1}

Muri iki gihe ubu buhanuzi buragenda busohora mu buryo bwihuse. Ibikorwa by'ivugabutumwa by'itorero ry'Imana ku isi biragenda byera imbuto nyinshi, kandi bidatinze ubutumwa bwiza buzaba bumaze kubwirizwa amahanga yose. Kubwo kogezwa kw'ikuzo ry'ubuntu bwayo, abagabo n'abagore bo mu moko yose, indimi zose n'amahanga yose, bemererwa muri "Yesu Kristo," "kugira ngo mu bihe bizaza izerekane ubutunzi bw'ubuntu bwayo buhebuje byose, itugirira neza muri Kristo Yesu." Abefeso 1:6; 2:7. "Uwiteka Imana ni yo Mana y'Abisirayeli ihimbazwe, ni yo yonyine ikora ibitangaza. Izina ryayo ry'icyubahiro rihimbazwe iteka, Isi yose yuzure icyubahiro cyayo." Zaburi 72:18, 19. {AnA 286.2}

Mu iyerekwa Yesaya yagize ubwo yari mu rugo rw'urusengero, yeretswe neza imico y'Imana ya Isirayeli. "Iri hejuru cyane, ituye ahahoraho . . . izina ryayo ni Uwera," yabonekeye imbere ya Yesaya mu ikuzo ryinshi; nyamara umuhanuzi yabashishijwe gusobanukirwa kamere yuje impuhwe y'Uwiteka Umwami we. Utuye hejuru kandi hera abana "n'ufite umutima umenetse wicisha bugufi." Yesaya 57:15. Umumarayika wari

watumwe gukora ku minwa ya Yesaya yari yamuzaniye ubutumwa bugira buti: “Gukiranirwa kwawe kugukuweho, ibyaha byawe biratwikiriwe.” Yesaya 6:7. {AnA 286.3}

Ubwo yitegerezaga Imana ye, umuhanuzi Yesaya kimwe na Sawuli w’i Taruso ubwo yari ku marembo y’i Damasiko, ntabwo yari yareretswe uburyo adakwiriye gusa; ahubwo mu mutima we wicishije bugufi yari yarahawe ibyiringiro byo kubabarirwa, ibyiringiro byuzuye kandi aharewe ubuntu; ndetse yahagurutse yahindutse. Yari yabonye Umwami we. Yari yarabutsweho gato ubwiza bw’imico y’Imana. Yashoboraga guhamya guhinduka kubaho binyuze mu kwitegereza Rukundo rutagira iherezo. Kuva ubwo, yuzujwe icyifuzo gikomeye cyo kubona Abisirayeli bayobye inzira bakurwaho umutwaro n’igihano cy’icyaha. Umuhanuzi Yesaya yarabajije ati: “Ni iki gitumye mushaka kugumya gukubitwa muzira gukabya ubugome?” “Nimuze tujye inama”, ni ko Uwiteka avuga, “Naho ibyaha byanyu byatukura nk’umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk’ubwoya bw’intama bwera.” “Nimwiyuhagire mwiboneze, mukureho ibyaha byo mu mirimo yanyu bive imbere yanjye, mureke gukora nabi mwige gukora neza.” Yesaya 1:5, 18, 16,17. {AnA 287.1}

Imana bari baragiye bavuga ko bakorera, nyamara bakaba baribarasobanukiwe imico yayo nabi, yashyizwe imbere yabo bayibona ari Umuvuzi ukomeye w’indwara yabo y’iby’umwuka. None se byari bimeze bite kugira ngo umutwe wose ube urwaye kandi umutima wose ube utentebutse? Byari bimeze bite se kugira ngo kuva mu bworo bw’ikirenge kugeza mu gitwariro habe nta hazima, ahubwo habe ari inguma n’imibyimba n’ibisebe binuka bitigeze gukandwa? Soma Yesaya 1:6. Uwari usanzwe agenda yinagiriye mu nzira y’iby’umutima we ushaka yagombaga gukira binyuze mu kugarukira Uwiteka. Uwiteka yravuze ati: “Nabonye ingeso ze nzamukiza, kandi nzamuyobora musubize ibyo kumumarana umubabaro hamwe n’abamuborogeye. Ni jye urema ishimwe ry’imirwa, ngo ‘Amahoro, amahoro abe ku uri kure no ku uwo hafi, nanjye nzamukiza.” Ni ko Uwiteka avuga.” Yesaya 57:18,19. {AnA 287.2}

Umuhanuzi yerereje Imana Umuremyi wa byose. Ubutumwa yagejeje ku midugudu y’Ubuyuda bwari ubu ngo: “Dore, Imana yanyu.” Yesaya 40:9. “Umva uko Imana Uwiteka ivuze, iyaremye ijuru ikaribamba, iyarambuye isi n’ibiyivamo, abayituramo ikabaha umwuka kandi abayigendaho ikabaha ubugingo.” “Uwiteka Umucunguzi wawe ari we wagukujije uhereye ukiri mu nda aravuga ati: “Uwiteka ni jyewe waremye byose, mbamba ijuru jyenyine, ndambura isi. . . .” “Ni jye urema umucyo n’umwijima, nkazana amahoro n’amakuba. Jye Uwiteka ni jye ukora ibyo byose.” “Naremye isi nyiremeramo abantu, ijuru nararyibambiye n’intoki zanjye, n’ingabo zaryo zose ndazitegeka.” Yesaya 42:5; 44:24; 45:12. “Nuko rero mwangereranya na nde twahwana?” Ni ko Uwera abaza. Nimwubure

amaso yanyu murebe hejuru. Ni nde waremye biriya, agashora ingabo zabyo mu mitwe, zose akazihamagara mu mazina? Kuko afite imbaraga nyinshi akagira amaboko n'ububasha, ni cyo gituma nta na kimwe kizimira." Yesaya 40:25, 26. {AnA 288.1}

Abari bafite ubwoba bw'uko batazakirwa nibaramuka bagarukiye Imana, umuhanuzi yarababwiye ati: {AnA 288.2}

"Yewe Yakobo Isirayeli, ni iki gituma wiganyira ukavuga uti: "Uwiteka ntareba inzira zanjye, kandi ibyanjye Imana yanjye irabyirengagiza"? Mbese ntiwari wabimenya? Ese nturabyumva? Imana ihoraho, Uwiteka Umuremyi w'impera z'isi ntirambirwa, ntiruha. Ubwenge bwayo ntiburondoreka. Ni yo iha intege abarambiwe, kandi utibashije imwongeramo imbaraga. Abasore b'imigenda bazacogora baruhe, n'abasore bazagwa rwose. Ariko abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege nshya, bazatumbagira mu kirere bagurukishe amababa nk'ibisiga, baziruka be kunanirwa, bazagenda be gucogora." Yesaya 40:27-31. {AnA 288.3}

Umutima w'Imana ufitiye impuhwe abantu bumva badafite imbaraga zo kwikura mu mitego ya Satani; kandi ibasezeranira kubaha imbaraga zo kugira ngo babeho ku bwayo. Irababwira iti: "Ntutinye kuko ndi kumwe nawe, ntukihebe kuko ndi Imana yawe. Nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabara kandi nzajya nkuramiza ukuboko kw'iburyo, ari ko gukiranuka kwanjye." "Kuko jyewe Uwiteka Imana yawe nzagufata ukuboko kw'iburyo nkubwire nti: 'Witinya, ndagutabaye.' Witinya, Yakobo wa munyorogoto we namwe bagabo b'Abisirayeli, ni jye uzagutabara." Ni ko Uwiteka avuga kandi ni we Uwera wa Isirayeli Umucunguzi wawe." Yesaya 41:10,13,14. {AnA 289.1}

Abaturage bose b'Ubuyuda ntibari bakwiriye, nyamara Imana ntiyajyaga kubatererana. Ni bo bajyaga kuzererezwa izina ryayo mu bapagani. Abantu benshi batari baramenye rwose imico y'Imana bari kuzabona ikuzo ry'imico yayo. Kubw'intego yo kumenyekanisha imigambi yayo yuje imbabazi, Imana yakomeje kujya yohereza abagaragu bayo b'abahanuzi ikabaha ubutumwa buvuga buti: "Nimuhindukire ubu; umuntu wese ave mu nzira ye mbi no mu bibi by'imirimo yanyu." Yeremiya 25:5. Imana yari yaravugiye mu muhanuzi Yesaya iti: "Ndagirira izina ryanjye mbe ndetse kubarakarira, ndagirira ishimwe ryanjye nkwihanganire ne kugukuraho" "Ku bwanjye nzabyikorera, nta cyatuma izina ryanjye ritukwa kandi icyubahiro cyanjye sinzagiha undi." Yesaya 48:9, 11. {AnA 289.2}

Irarika ryabahamagariraga kwihana ryavuganwe ijwi ryumvikana kandi abantu bose bararikiwe guhindukira. Umuhanuzi yarabinginze ati: "Nimushake Uwiteka bigishoboka ko abonwa, nimumwambaze akiri bugufi. Umunyabyaha nareke ingeso ze, ukiranirwa areke

ibyo yibwira agarukire Uwiteka na we aramugirira ibambe, agarukire Imana yacu kuko izamubabarira rwose pe.” Yesaya 55:6, 7. {AnA 289.3}

Mbese musomyi wihitiyemo iyawe nzira? Mbese wahabiye kure y’Imana? Mbese washatse kurya ku mbuto zo gukiranirwa, maze amaherezo ukabona zibereye ubusa ku minwa yawe? Mbese ubu imigambi y’ubuzima bwawe yaragwabiye kandi ibyiringiro byawe byarapfuye, mbese wicaye mu bwigunge wihebye? Rya jwi ryamaze igihe kirekire rivugana n’umutima wawe ariko nturyumvire ubu rikugezeho ryumvikana neza rivuga riti: “Nimuhaguruke, mugende; kuko aha hatari uburuhukiro bwanyu; haranduye, hazabarimbuza kurimbura gukaze.” Mika 2:10. Garuka mu rugo rwa So. Arakurarika akubwira ati: “Ibyaha byawe mbikuyeho nk’igicu; ngarukira kuko nagucunguye.” “Mutege amatwi muze aho ndi munyumve, ubugingo bwanyu bubone kubaho. Nanjye nzasezerana namwe isezerano rihoraho, ari ryo mbabazi zidahwema Dawidi yasezeranijwe.” Yesaya 44:22; 55:3. {AnA 290.1}

Ntiwumvire ibyongerero by’umwanzi bikubwira kuguma kure ya Kristo kugeza igihe uzaba umaze kwigira mwiza; kugeza ubwo uzaba uri mwiza bihagije kugira ngo usange Imana. Nutegereza kugeza icyo gihe, ntabwo uzigera uza rwose. Igihe Satani akweretse imyambaro yawe y’ubushwambagara bwuzuye ibizinga, subiramo isezerano ry’Umukiza rivuga riti: “Uwo Data yampaye wese aza aho ndi, kandi uza aho ndi sinzamwirukana na hato.” Yohana 6:37. Bwira umwanzi ko amaraso ya Yesu Kristo yeza ibyaha byose. Isengesho Dawidi yasenze rigire iryawe uti: “Unyejeshe ezobu, ndera: unyuhagire, ndaba umweru ndushe urubura.” Zaburi 51:9. {AnA 290.2}

Ukwinginga k’umuhanuzi ararikira Ubuyuda guhanga amaso Imana ihoraho no kwemera impano zayo zuje ubuntu ntikwabaye imfabusa. Hariho abantu bamwe bumviye bamaramaje, kandi bahindukiye bakareka ibigirwamana bakaramya Uwiteka. Basobanukiwe kubona urukundo, n’ubuntu n’imbabazi mu Muremyi wabo. Kandi mu minsi y’umwijima yajyaga kuzabaho mu mateka y’Ubuyuda, ubwo mu gihugu hajyaga kuzasigara abasigaye bake, amagambo y’umuhanuzi yagombaga gukomeza kwera imbuto agatuma habaho uvugururа rikomeye. Yesaya yaravuze ati: “Uwo munsi umuntu azatumbīra Umuremyi we, amaso ye azita ku Uwera wa Isirayeli. Kandi ntazatumbira ibyotero byaremwe n’intoki ze, ntazita ku bukorikori bw’intoki ze cyangwa Ashera n’ibishushanyo by’izuba.” Yesaya 17:7,8. {AnA 291.1}

Abantu benshi bagombaga kuzitegereza Umwiza Uhebuje ibihumbi n’ibihumbi. Isezerano ryiza bahawe ryari iri ngo: “Amaso yawe azareba Umwami afite ubwiza bwe.” Yesaya 33:17. Ibyaha byabo byari kuzababarirwa, kandi bari kuzirata Imana yonyine. Muri uwo munsi unejeje wo kubaturwa mu gusenga ibigirwamana, bari kuzatera hejuru bavuga bati:

“Uwiteka azabana natwe afite icyubahiro, habe ah’inzuzi n’imigezi . . . . Kuko Uwiteka ari we Mucamanza wacu, Uwiteka ni we utanga amategeko, Uwiteka ni we Mwami wacu azadukiza.” Yesaya 33:21,22. {AnA 291.2}

Ubutumwa Yesaya yagejeje ku bahisemo kureka inzira zabo mbi bwari bwuzuye ihumure no gukomezwa. Umva amagambo Uwiteka yavugiye mu muhanuzi we: {AnA 291.3}

“Nuko Yakobo we, Isirayeli we,
Wibuke ibyo kuko uri umugaragu wanjye.
Ni jye wakuremye uri umugaragu wanjye,
Isirayeli sinzakwibagirwa. Neyuye ibicumuro byawe nk’igicu cya rukokoma,
Ibyaha byawe mbikuyeho nk’igicu,
Ngarukira kuko nagucunguye.” {AnA 291.4}

Yesaya 44:21,22.

“Uwo munsi uzavuga uti:
‘Uwiteka, ndagushimira yuko nubwo wandakariraga,
Uburakari bwawe bushize ukampumuriza.

“Dore Imana ni yo gakiza kanjye
Nzajya niringira ne gutinya,
Kuko Uwiteka Yehova ari we mbaraga zanjye
N’indirimbo yanjye agahinduka agakiza kanjye.”
Ni cyo gituma muzavomana ibyishimo mu mariba y’agakiza.

“Kandi uwo munsi muzavuga muti:
‘Nimushime Uwiteka mwambaze izina rye,
Mwamamaze imirimo ye mu mahanga,
Muvuge yuko izina rye rishyizwe hejuru.
Muririmbire Uwiteka kuko yakoze ibihebuje byose,
Ibyo nibyamamare mu isi yose.
Wa muturage w’i Siyoni we,
Shyira ejuru uvuge cyane,
Kuko Uwera wa Isirayeli uri hagati yawe akomeye.” {AnA 292.1}

Yesaya 12.

IGICE CYA 27 - AHAZI

Kwima ingoma kwa Ahazi kwatumye Yesaya na bagenzi be bahangana n'ibihe bibakomereye cyane kurusha ibindi bihe ibyo ari byo byose byari byarabayeho kugeza icyo gihe mu bwami bw'Ubuyuda. Abantu benshi bari barihagazeho bagatsinda imbaraga ishukana y'imigenzo yo gusenga ibigirwamana noneho bashishikarizwaga kugira uruhare mu kuramya ibigirwamana by'abapagani. Ibikomangoma muri Isirayeli byatatiraga inshingano byahawe; abahanuzi b'ibinyoma bajyaga bahagurukana ubutumwa bwo kuyobya; ndetse na bamwe mu batambyi bigishirizaga guhabwa ibihembo. Nyamara abari ku ruhembe rw'imbere mu buhakanyi bari bagikurikiza imihango yo kuramya Imana kandi bakavuga ko babarirwa mu bwoko bw'Imana. {AnA 293.1}

Umuhanuzi Mika watanze ubutumwa muri ibyo bihe bikomeye cyane, yavuze ko abanyabyaha muri Siyoni, nubwo bavugaga ko "bisunga Uwiteka," kandi bakirata batuka Imana bavuga ngo: "Mbese Uwiteka ntari muri twe? Nta kibi kizatuzaho," bakomeje kubakisha "i Siyoni amaraso bavushije, n'i Yerusalemu bahubakisha gukiranirwa." Mika 3:11,10. Umuhanuzi Yesaya yateruye ijwi rye acyaha bikomeye ibyo bibi. Yaravuze ati: "Nimwumve ijambo ry'Uwiteka, mwa batware b'i Sodomu mwe, mutege amatwi mwumve amategeko y'Imana yacu, mwa bantu b'i Gomora. "Ibitambo byanyu bitagira ingano muntambira bimaze iki?" Ni ko Uwiteka abaza. . . . . Iyo muza kunshengerera, ni nde uba wababwiye ko muza kundibatira urugo?" Yesaya 1:10-12. {AnA 293.2}

Ibyanditswe biravuga biti: "Igitambo cy'umunyabyaha ni ikizira, nkanswe noneho iyo agitanganye umutima mubi?" Imigani 21:27. Imana yo mu ijuru "ifite amaso atunganye," ntakunda kureba ikibi kandintashobora "nta no kwitegereza ubugoryi." Habakuki 1:13. Ntabwo Imana itera umugongo abakiranirwa bitewe n'uko idashaka kubabarira; ahubwo biterwa n'uko umunyabyaha yanga gukoresha ubutunzi bwinshi cyane bw'ubuntu. Iyo bimeze bityo, Imana ntishobora gukura [umuntu] mu cyaha. "Dore ukuboko k'Uwiteka ntikwaheze ngo ananirwe gukiza, n'ugutwi kwe ntikwapfuye ngo ananirwe kumva. Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n'Imana yanyu, n'ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso ikanga no kumva." Yesaya 59:1, 2. {AnA 294.1}

Salomo yaranditse ati: "Wa gihugu we, iyo ufite umwami ari umwana muto, kandi ibikomangoma byawe bikaba ibiryakare, uba ubonye ishyano!" Umubwiriza 10:16. Uko ni ko byari bimeze ku gihugu cy'Ubuyuda. Kubwo kugomera Imana kwakomeje kugwira, abatware b'Ubuyuda bari barahindutse nk'abana. Yesaya yahamagariye rubanda kuzirikana intege nke ishyanga ryabo rifite mu mahanga yo ku isi, kandi yagaragaje ko ibyo ari ingaruka zo gukiranirwa kurangwa mu nzego zo hejuru. Yesaya yaravuze ati: "Dore Uwiteka

Umwami Nyiringabo, yanyaze ab'i Yerusalemu n'Abayuda icyari kibatunze n'icyo bari bishingikirijeho, umutsima wose n'amazi yose byabatungaga, n'umunyamaboko ese n'intwari yose n'umucamanza, n'umuhanuzi n'umupfumu n'umukuru, n'umutware w'ingabo mirongo itanu n'umunyacyubahiro, n'umujyanama n'umunyabukorikori w'umuhanga n'umupfumu ujijutse." "I Yerusalemu hararimbutse n'i Buyuda haraguye kuko bagomera Uwiteka mu byo bavuga no mu byo bakora, bakarakaza mu maso he hafite icyubahiro." Yesaya 3:1-4, 8. {AnA 294.2}

Umuhanuzi yakomeje agira ati: "abakuyobora barakuyobya bakarimbura inzira unyuramo." Yesaya 3:12. Mu gihe cy'ingoma ya Ahazi ibi byari ukuri ryose kuko uyu mwami yavuzweho aya magambo ngo: "Ahubwo agendana ingeso z'abami b'Abisirayeli, aremera Bāli ibishushanyo biyagijwe. Kandi yosereza imibavu mu gikombe cya mwene Hinomu, atwika abana be mu muriro akurikiza ibizira byakorwaga n'abanyamahanga Uwiteka yirukanye imbere y'Abisirayeli." "Ahubwo agendana ingeso z'abami b'Abisirayeli, ndetse acisha umuhungu we mu muriro akurikije ibizira byakorwaga n'abanyamahanga Uwiteka yirukanye imbere y'Abisirayeli." 2Ngoma 28:2, 3; 2Abami 16:3. {AnA 295.1}

Iki cyari igihe cy'akaga gakomeye ku ishyanga ryatoranyijwe. Mu myaka mike cyane gusa imiryango icumi y'ubwami bwa Isirayeli yari igiye gutatanyirizwa mu mahanga y'abapagani. Kandi mu bwami bw'Ubuyuda naho ibyagaragaraga inyuma byari umwijima. Imbaraga z'icyiza zagenda zigabanuka vuba vuba, bityo imbaraga z'ikibi zikiyungikanya. Umuhanuzi Mika yitegereje ibyo maze bimutera gutaka ati: "Abubaha Imana bashize mu isi kandi mu bantu nta n'umwe utunganye, bose bacira igico kuvusha amaraso, umuntu wese ahigisha mwene se ikigoyi amutega." "Umwiza wo muri bo ameze nk'igitovu, urushaho kuba intungane arutwa n'uruzitiro rw'amahwa." Mika 7:2,4. Umuhanuzi Yesaya yaravuze ati: "Iyaba Uwiteka Nyiringabo atadushigarije igice gito cyane cy'abantu barokotse, tuba twarabaye nk'i Sodomu tukamera nk'i Gomora." Yesaya 1:9. {AnA 295.2}

Kubw'abantu bakomeje kuba indahemuka, kimwe no kubw'urukundo rw'Imana rutagerwa ikunda abacumura, mu bihe byose Imana yagiye yihanganira abigomeka, kandi yagiye abasaba kureka inzira yabo mbi bakamugarukira. Imana ibinyujije mu bantu yashyizeho, yagiye yigisha abica amategeko inzira yo gukiranuka, akabigisha "itegeko ku itegeko, umurongo ku murongo, aha bikeya, hariya bikeya." Yesaya 28:10. {AnA 296.1}

Uko ni ko byari bimeze ku ngoma ya Ahazi. Abisirayeli bacumuye bagiye boherererezwa irarika rigakurikirwa n'irindi bahamagarirwa kugaruka bakubaha Uwiteka. Abahanuzi babinginganaga ineza; kandi uko bahagararaga imbere y'abantu babingingira kwihana no kwivugurura, amagambo yabo yeze imbuto zihesha Imana ikuzo. {AnA 296.2}

Irarika rikomeye ryaje rinyujijwe kuri Mika rivuga riti: "Noneho nimwumve icyo Uwiteka avuga ati: "Haguruka uburanire imbere y'imisozi, udusozi twumve ijwi ryawe. "Mwa misozi mwe, namwe mfatiro z'isi zitajegajega, nimwumve kuburana k'Uwiteka, kuko Uwiteka afitanye urubanza n'ubwoko bwe kandi azaburana na Isirayeli. {AnA 296.3}

"Yewe bwoko bwanjye nakugize nte? Icyo nakuruhijeho ni iki? Ukimpamye. Nakuzamuye nkuvana mu gihugu cya Egiputa, ndakurokora ngukura mu nzu y'uburetwa, nohereza Mose na Aroni na Miriyamu imbere yawe. {AnA 296.4}

"Yemwe mwa bwoko bwanjye, noneho mwibuke icyo Balaki umwami w'i Mowabu yagambiriye, n'icyo Balāmu mwene Bewori yamushubije. Mwibuke uhereye i Shitimu ukageza i Gilugali, kugira ngo mumenye ibyo gukiranuka Uwiteka yakoze." Mika 6:1-5. {AnA 296.5}

Imana dukorera irihangana; "ibambe ye ntiribura." Amaganya 3:22. Mu gihe cyose cyo kwakira imbabazi, Mwuka w'Imana ahora yingingira abantu kwakira impano y'ubugingo. "Umwami Uwiteka aravuga ati: Ndirahiye, sinezezwa no gupfa k'umunyabyaha, ahubwo nezezwa n'uko umunyabyaha ahindukira akava mu nzira ye maze akabaho. Nimuhindukire, mugaruke muve mu nzira zanyu mbi. Kuki mwarinda gupfa mwa ab'inzu ya Isirayeli mwe?" Ezekiyeli 3:11. Gushora umuntu mu cyaha no kukimusigamo atagira gifasha kandi nta byiringiro afite, ndetse afite ubwoba ko atababarirwa, ni igikoresho cyihariye Satani akoresha. Ariko Imana irarika umuntu igira iti: "yisunge imbaraga zanjye abone kūzura nanjye, ndetse niyuzure nanjye." Yesaya 27:5. Muri Kristo ibintu byose byarateguwe, kandi gukomezwa kose kwaratanzwe. {AnA 297.1}

Mu gihe cy'ubuhakanyi bw'ubwami bw'Ubuyuda n'ubwa Isirayeli, abantu benshi barabazaga bati: "Mbese nditwara ku Uwiteka, ngapfukamira Imana Isumba byose nyituye iki? Nayitwaraho njyanye ibitambo byoswa n'inyana zimaze umwaka? Aho Uwiteka yakwemera amapfizi y'intama ibihumbi, cyangwa imigezi y'amavuta ya elayo inzovu? Ese natanga imfura yanjye ku gicumuro cyanjye, imbuto y'umubiri wanjye nkayihonga ku cyaha cy'ubugingo bwanjye?" Igisubizo cyatanwe cyumvikana neza kigira kiti: "Yewe mwana w'umuntu we, yakweretse icyiza icyo ari cyo. Icyo Uwiteka agushakaho ni iki? Ni ugukora ibyo gukiranuka no gukunda kubabarira, no kugendana n'Imana yawe wicisha bugufi." Mika 6:6-8. {AnA 297.2}

Mu rwego rwo gushishikariza abantu agaciro ko kubaha Imana mu bintu bifatika, umuhanuzi yasubiyemo gusa inama yahawe Isirayeli mu myaka amagana menshi mbere y'aho. Igihe Abisirayeli bendaga kwinjira mu Gihugu cy'Isezerano, ijambo y'Uwiteka ryanyujijwe muri Mose ryari iri ngo: "None wa bwoko bw'Abisirayeli we, Uwiteka Imana

yawe igushakaho iki? Si ukubaha Uwiteka Imana yawe, ukagenda mu nzira ikuyoboye zose, ukayikunda, ugakoreshereza Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose, ukitondera amategeko y'Uwiteka y'uburyo bwose ngutegekera uyu munsi kukuzanira ibyiza?" Gutegeka kwa kabiri 10:12, 13. Uko imyaka yahitaga indi igataha, izi nama zajyaga zisubirwamo n'abagaragu b'Uwiteka bakazibwira ababaga bari mu kaga ko kugwa mu ngeso zo gukurikiza imihango gusa no kwibagirwa kugaragaza impuhwe. Mu gihe cy'umurimo we aha ku isi, Kristo ubwe yegerewe n'umuhanga mu mategeko wamubajije ati: "Itegeko rikomeye mu mategeko ni irihe?" Yesu yaramusubije ati: "'Ukundishe Uwiteka, Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose.' Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry'imbere. N'irya kabiri rihwanye na ryo ngiri 'Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.' Muri ayo mategeko yombi, amategeko yose n'ibyahanuwe ni yo yuririraho." Matayo 22:36-40. {AnA 297.3}

Dukwiriye kwakira ayo magambo yumvikana y'abahanuzi ndetse n'ay'Umukiza ubwe, tukayafata ko ari ijwi ry'Imana rivugana n'umuntu wese. Ntidukwiriye kugira amahirwe na make dupfusha ubusa yo gukora ibikorwa by'impuhwe n'imbabazi ndetse no kwitanaho kwa Gikristo tubikorera abaremerewe n'abakandamizwa. Niba nta kindi twakora, dukwiriye kuvuga amagambo atera ubutwari n'ibyiringiro tukayabwira abatazi Imana kandi bashobora kwegerwa mu buryo bworoshye cyane binyuze mu nzira yo kubagaragariza impuhwe n'urukundo. {AnA 298.1}

Abantu bahora bari maso bashaka uburyo bazana ibyishimo n'umugisha mu mibereho y'abandi bahawe amasezerano akomeye kandi menshi. "ukihotorera umushonji ugahaza umunyamubabaro, umucyo wawe uzaherako uvire mu mwijima, kandi urwijiji rwawe ruzatamuruka habe amanywa y'ihangu. Uwiteka azajya akuyobora, azahaza ubugingo bwawe mu bihe by'amapfa, azakomeza amagufwa yawe. Uzamera nk'urutoki rwuhirwa, kandi uzaba nk'isōko y'amazi idakama." Yesaya 58:10,11. {AnA 298.2}

Imigirire ya Ahazi yo gusenga ibigirwamana imbere kwinginga gukomeye kw'abahanuzi yagize ingaruka. "Uburakari bw'Uwiteka buba ku Bayuda n'ab'i Yerusalemu, akabahana ngo bateraganwe hirya no hino, bakaba ibishungero byimyozwa." 2Ngoma 29:8. Ubwami bwagize gucika intege mu buryo bwihuse, kandi bidatinze bwari bugiye kwibasirwa n'akaga ko kwigarurirwa n'ingabo z'amahanga. "Bukeye Resini umwami w'i Siriya na Peka mwene Remaliya umwami w'Abisirayeli, barazamuka batera i Yerusalemu, bagota Ahazi." 2Abami 16:5. {AnA 299.1}

Iyo Ahazi n'abatware bo mu bwami bwe baba abagaragu b'indahemuka b'Ishoborabyose, ntibaba baratewe ubwoba n'uko kwifatanya kudasanzwe [Resini afatanya na Peka] kwari kwakorewe kubahagurukira. Nyamara ibyo gukiranirwa bgiye basubiramo kenshi byari

byarabatse imbaraga. Afashwe n'ubwoba butewe n'ibihano bitewe n'ibyo yakoze kandi biturutse ku Mana yacumuyeho, umutima w'umwami Ahazi "n'imitima y'abantu be irahungabana, nk'uko ibiti byo mu kibira bihungabanywa n'umuyaga." Yesaya 7:2. Muri ako kaga, ijambo ry'Uwiteka ryaje kuri Yesaya, rimutegeka gusanga umwami Ahazi wahindaga umushyitsi maze riramubwira riti: {AnA 299.2}

"Wirinde uhumure, witinya kandi we gukurwa umutima n'uburakari bw'inkazi bwa Resini n'Abasiriya n'ubwa mwene Remaliya, bameze nk'imishimu ibiri y'imuri zicumba, kuko Abasiriya n'Abefurayimu na mwene Remaliya bagufitiye imigambi mibi. Bavuze ngo nimuze duhaguruke dutere u Buyuda tubakure umutima, tuhace icyuho twiyimikire mwene Tabēli abe umwami waho. "Ariko Uwiteka Imana iravuze ngo imigambi yabo ntizahama kandi ntizasohora." Umuhanuzi yavuze ko umwami wa Isirayeli n'uwa Siriya bidatinze baiye kuzagira iherezo. Umuhanuzi yasoje avuga ati: "Nimwanga kwemera, ni ukuri ntimuzakomera." Yesaya 7:4-7,9. {AnA 299.3}

Ubwami bw'Ubuyuda bwari kumererwa neza iyo Ahazi yakira ubu butumwa nk'ubuvuye mu ijuru. Nyamara ahisemo kwishingikiriza ku ntwaro z'umubiri, ashaka ubufasha mu bapagani. Mu kwiheba kwe yohereza ubutumwa Tigilati-pileseri umwami wa Ashuri buvuga buti: "Ndi umugaragu wawe kandi ndi n'umwana wawe. Zamuka unkize umwami w'i Siriya n'umwami w'Abisirayeli bampagurukiye." 2Abami 16:7. Uko gusaba kwe kwaherekejwe n'impano nyinshi zivuye mu butunzi bw'umwami no mu bubiko bw'inzu y'Imana. {AnA 300.1}

Ubufasha zysabye yarabwoherererejwe, kandi umwami Ahazi yahawe agahenge k'igihe gito. Ariko se ako gahenge kamutwaye ibingana iki! Imisoro yatangaga yabyukije umururumba wa Ashuri maze bidatinze iryo shyanga ryariganyaga rikangisha ubwami bw'Ubuyuda kubuhirika no kubuyogoza. Noneho Ahazi n'abo yayoboraga bari babababaye babujijwe amahoro no gutinya kwigarurirwa burundu na Ashuri yarangwaga n'ubugome bukabije. {AnA 300.2}

Bitewe no kugomera Imana kwakomeje kubaho "Uwiteka yacishije Abayuda bugufi." Muri icyo gihe cyo guhanwa, aho kugira ngo Ahazi yihane, yakabije gucumura ku Uwiteka, "kuko yatambiye imana z'i Damasiko." Yaravuze ati: "Imana z'abami b'i Siriya zabafashije, ni cyo kizantera kuzitambira ngo zimfashe." 2Ngoma 28:19,22,23. {AnA 300.3}

Ubwo umwami Ahazi wari warahakanye Imana yegerezaga iherezo ry'ingoma ye, yatumye inzugi z'ingoro y'Imana zikingwa. Imirimo year yakorerwagamo yarahagritswe. Amatabaza [yo muri iyo ngoro] ntiyari acyaira imbere igicaniro. Nta bitambo by'ibyaha by'abantu byari bigitambwa. Imibavu yahumuraga neza ntiyari ikizamuka mu ijuru mu gihe cy'igitambo cya

mu gitondo n'icya nimugoroba. Kubera guta urugo rw'inzu y'Imana no gukinga akadadira inzugi zayo, abaturage b'umurwa utaragiraga Imana barihandagaje bubaka ibicaniro byo kuramirizaho imana z'abapagani mu mfuruka z'inzira zo muri Yerusalemu. Byasaga n'aho ubupagani bwatsinze; imbaraga z'umwijima zari hafi yo kuganza. {AnA 300.4}

Nyamara mu Buyuda hari hatuye abantu bamwe bakomeje kubaha Uwiteka, barashikama banga gushorwa mu gusenga ibigirwamana. Bene abo ni bo Yesaya na Mika ndetse n'abafasha babo babonaga mu byiringiro ubwo bitegerezaga kurimbuka kwajyaga kubaho mu myaka iheruka y'umwami Ahazi. Ubuturo bwabo bwera bwari bwarakinzwe, ariko abakiranutsi bahawe ibi byiringiro bigira biti: "Imana iri kumwe natwe." "Ahubwo Uwiteka Nyiringabo mube ari we mushimisha kwera kwe, kandi uwo abe ari we mujya mwubaha mukamutinya. Kandi ni we uzababera ubuturo bwera." Yesaya 8:10, 13, 14. {AnA 301.1}

IGICE CYA 28 - HEZEKIYA

Ivugurura ryakozwe mu gihe cy'ingoma yari iuwe neza ya Hezekiya umuhungu wa Ahazi ryari rihabanye cyane n'ingoma yo kudamarara ya Ahazi. Hezekiya yimye ingoma yiyemeje gukora uko ashoboye kose kugira ngo akize Ubuyuda akaga kari kibasiye ubwami bw'amajyaruguru. Ntaho ubutumwa bw'abahanuzi bwageze buzana gukomezwa. Ibihano byari birindiriye Ubuyuda byari guhagarikwa bitewe gusa n'uko habayeho ivugurura rikomeye. {AnA 301.2}

Mu gihe cy'ingorane zariho, Hezekiya yagaragaje ko ari umuntu udapfusha ubusa amahirwe abonye. Amaze igihe gito cyane yimye ingoma yatangiye gufata ingamba no kuzishyira mu bikorwa. Yabanje kwerekeza intekerezo ze gusubizaho imirimo yo mu nzu y'Imana yari imaze igihe kirekire yarirengagijwe; kandi muri uyu murimo yasabye akomeje ko habaho gukorana kw'itsinda ry'abatambyi n'Abalewi batari barateshutse ku muhamagaro wabo wera. Kubera icyizere yari afite ko bazamushyigikira badatezuka, yavuganye nabo nta mbebya ababwira ibyerekeye icyifuzo afite guhita atangiza ivugurura kandi ryagutse. Yaravuze ati: "Ba data bacumuraga bagakora ibyangwa n'Uwiteka Imana yacu, bakayimūra bagahindukira bagakura amaso ku buturo bw'Uwiteka, bakabutera umugongo" "None ngambiriye gusezerana isezerano n'Uwiteka Imana ya Isirayeli, kugira ngo uburakari bwayo bw'inkazi butuveho." 2Ngoma 29:6,10. {AnA 302.1}

Akoresheje amagambo make kandi atoranyije neza, umwami Hezekiya yabasubiriyemo uko ibihe barimo bimeze: urusengero rwari rwarakinzwe kandi n'imirimo yose yarukorerwagamo yari yarahagaze; gusenga ibigirwamana ku mugaragaro kwakorerwaga mu nzira zo mu murwa ndetse no mu gihugu cyose; ubuhakanyi bw'imbaga y'abantu bagombye kuba barakomeje kuba indahemuka ku Mana iyo abayobozi b'Ubuyuda babaha urugero rwiza; ndetse ababwira no gusubira inyuma k'ubwami no gutakaza icyubahiro imbere y'amahanga abakikije. Ubwami bw'amajyaruguru bwari buri guhinduka icyavu mu buryo bwihuze. Abantu benshi bari bari kwicishwa inkota; abandi batabarika bari baramaze kujyanwa ari imbohe kandi bidatinze Isirayeli yari igiye kwigarurirwa rwose

n'Abanyashuri maze igahinduka amatongo. Ibi byago ni nabyo kandi byari kugera ku Buyuda nabwo, keretse gusa iyo Imana ijya kugira icyo ikora gikomeye ibinyujije mu bayihagarariye yitoranyirije. {AnA 302.2}

Hezekiya yararikiye abatambyi gufatanya na we mu kuzana ubugorozi bwose bukenewe. Yarabihanangiririje ati: "None bana banjye, mwe gutenguha kuko Uwiteka yabatoreye kumuhagarara imbere mukamukorera, mukaba abahereza be, mukosa imibavu."

“Nimunyumve mwa Balewi mwe, mwiyeze nonaha mweze n’inzu y’Uwiteka Imana ya ba sogokuruza banyu, mukure imyanda Ahantu hera.” 2Ngoma 29:11, 5. {AnA 303.1}

Cyari igihe cyo kugira ibikorwa mu buryo bwihuse. Abatambyi bahise batangira. Kubera gushyigikirwa n’uko bazakorana n’abandi bo muri bo batari bari muri iyi nama, bahise birundurira n’umutima wose mu murimo wo gusukura no kweza urusengero. Bitewe n’imyaka myinshi yari ishize urusengero rwarahumanyijwe kandi rwarirengagijwe, uyu murimo wabayemo ingorane nyinshi; ariko abatambyi n’Abalewi bakoraga ubudacogora, kandi mu gihe gito cyane bashoboraga kugaragaza umurimo barangije. Inzugi z’ingoro y’Imana zarasanwe kanid zirakingurwa; ibikoresho byera byari byarakusanyijwe bishyirwa ahantu hamwe ; kandi byose byari biteguwe kugira ngo imirimo yo mu buturo bwera yongere ikorwe. {AnA 303.2}

Mu mihango ya mbere yakozwe, abatware bo mu murwa bafatanyije n’umwami Hezekiya n’abatambyi n’Abalewi gusaba imbabazi kubw’ibyaha by’ishyanga ryose. Bashyize ibitambo bitambirwa ibyaha ku cyotero kugira ngo “bahongerere Abisirayeli bose.” “Nuko barangije gutamba, umwami n’abari kumwe na we bose barapfukama, bararamya.” Mu rugo rw’ingoro y’Imana hongeye kumvikana amajwi yo gusingiza no kuramya. Ubwo abari baje kuramya babonaga ko bari gukurwa mu bubata bw’icyaha n’ubuhakanyi, indirimbo za Dawidi na Asafu zaririmbanwe ibyishimo. “Hezekiya n’abantu bose banezererwa ibyo Imana yateguriye abantu, kuko byakozwe ikubagahu.” 2Ngoma 29:24, 29, 36. {AnA 303.3}

Imana yari yarateguye imitma y’abatware bo mu Buyuda kugira ngo bajye ku ruhembe rw’imbere muri gahunda y’ivugurura rikomeye bityo umuraba w’ubuhakanyi ubashe guhagarikwa. Imana ibinyujije mu bahanuzi bayo, yari yarohereje ubwoko bwatoranyijwe ubutumwa bwagendaga bukurikirana bwo kubinginga; kandi ubwo butumwa bwari bwarasuzuguwe kandi bwirengagizwa n’imiryango cumi yo mu bwami bwa Isirayeli bwari bwarahanwe mu maboko y’abanzi muri icyo gihe. Nyamara mu Buyuda ho hari harasigaye abasigaye batari bake, kandi bene abo ni bo abahanuzi bakomeje kujya bagezaho ubutumwa. Nimwumve uko Yesaya yabingingaga ati: “Mwa Bisirayeli mwe, nimuhindukirire uwo mwagomeye bishayishije.” Yesaya 31:6. Nimwumve uko Mikaya yavuganye ibyiringiro agira ati: “Ariko jyeweho nzahoza amaso ku Uwiteka, nzategereza Imana impe agakiza, Imana yanjye izanyumvira. Wa mwanzi wanjye we, we kunyishima hejuru ningwa nzabyuka, ninicara mu mwijima Uwiteka azambera umucyo. Nzihanganira uburakari bw’Uwiteka kuko namugomeye, kugeza ubwo azamburana akantsindira. Azansohora anjyane mu mucyo, mbone kureba gukiranuka kwe.” Mika 7:7-9. {AnA 304.1}

Ubu butumwa kimwe n’ubundi nka bwo buhishura ubushake bw’Imana bwo kubabarira no kwakira abayigarukiye n’umutima wabo wose, bwagiye buzanira ibyiringiro abantu benshi

bari batentebutse mu myaka y'umwijima igihe inzugi z'ingoro y'Imana zari zikinzwe. Kandi ubu noneho ubwo abayobozi bari batangiye ivugurura, imbaga y'abantu bari baremerewe n'ububata bw'icyaha bari biteguye kwitabira ivugurura. {AnA 304.2}

Abinjiye mu rugo rw'ingoro y'Imana baje gusaba imbabazi no kuvugurura indahiro barahiriye kuyoboka Uwiteka, bagiye babwirwa amagambo atangaje yo gukomezwa yakurwaga mu migabane y'ubuhanuzi bwo mu Byanditswe. Amagambo y'imbuzi yabuzanyaga gusenga ibigirwamana kandi yacishijwe muri Mose akayavuga Abisirayeli bose bayumva yari yaraherekejwe n'ubuhanuzi bugaragaza ubushake Imana ifite bwo kumva no kubabarira abari kuyishakana umutima wabo wose mu gihe cy'ubuhakanyi. Mose yari yaravuze ati: "Nugira ibyago, ibyo byose bikaba bikujeho, mu minsi izaza kera uzahindukirira Uwiteka Imana yawe uyumvire, kuko Uwiteka Imana yawe ari Imana y'inyebambe, ntizakureka, ntizakurimbura pe, ntizibagirwa isezerano yasezeranishije indahiro na ba sekuruza banyu." Gutegeka kwa kabiri 4:30, 31. {AnA 305.1}

Kandi mu isengesho ryarimo ubuhanuzi ryasenzwe igihe cyo kwegurira Imana ingoro yayo ari nayo Hezekiya n'abafasha be bongeraga gusubizaho imihango yayikorerwagamo, umwami Salomo yari yarasenze agira ati: "Kandi ubwoko bwawe bwa Isirayeli nibirukanwa n'ababisha bazira ko bagucumuyeho, nyuma bakaguhindukirira bakerura izina ryawe, bagasenga bakwingingira muri iyi nzu, nuko ujye wumva uri mu ijuru ubabarire abantu bawe ba Isirayeli igicumuro cyabo, ubagarure mu gihugu wahaye ba sekuruza." 1Abami 8:33, 34. Imana yari yashyize ikimenyetso kuri iri sengesho igaragaza ko iryemeye, kuko rirangiye gusengwa umuriro wari waramanutse uvuye mu ijuru ukongora igitambo cyoswa n'ibindi bitambo, kandi ikuzo ry'Uwiteka ryari ryaruzuye urusengero. Soma 2Ngoma 7:1. Kandi mu ijoro Uwiteka yari yarabnekeye Salomo amubwira ko isengesho rye ryumviswe kandi ko abazasengera aho hantu bazagiririrwa imbabazi. Ibyiringiro bihebuje byatanzwe ni ibi ngo: "maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu." 2Ngoma 7:14. {AnA 305.2}

Aya masezerano yasohoye mu buryo bukomeye mu gihe cy'ivugurura ryakozwe na Hezekeya. {AnA 306.1}

Intangiriro nziza yabayeho igihe cyo kweza urusengero yakurikiwe na gahunda yagutse Abisirayeli n'Abayuda bagizemo uruhare. Mu muahti yagize wo gutuma imirimo yo mu rusengero ibera umugisha ufatika rubanda, Hezekiya yiyemeje kubyutsa umugenzo wabagaho kera wo guteranyiriza Abisirayeli hamwe kugira ngo bizihize Pasika. {AnA 306.2}

Hari hashize imyaka myinshi Pasika itizihizwa nk'umunsi mukuru w'igihugu. Kwigabanya k'ubwami bwa Isirayeli kwabayeho nyuma yo gusoza kw'ingoma ya Salomo kwari kwaratumye kwizihiza Pasika bidashoboka. Nyamara ibihano bikomeye byageraga ku miryango cumi byakanguraga kwifuza ibintu byiza kurutaho mu mitima ya bamwe; kandi ubutumwa bukangura bw'abahanuzi bwatangaga umusaruro wabwo. Ubutumire burarikira abantu kuza muri Pasika i Yerusalemu bwajyanwe hirya no hino n'intumwa z'umwami "zinyura mu gihugu cya Efurayimu n'icya Manase, zikava ku musozi zijya ku wundi, zigera no mu cya Zebuluni." Abanze kwihana birengagije ubwo butumire babugira ubusa, nyamara abantu bamwe bari bafite ubwuzu bwo gushaka Imana kugira ngo barusheho kumenya ubushake bwayo, "bicisha bugufi, baza i Yerusalemu." 2Ngoma 30:10,11. {AnA 306.3}

Mu gihugu cy'Ubuyuda bose igisubizo cyabo cyari rusange; kuko "ukuboko k'Uwiteka kwabahaye guhuza umutima, bumvira itegeko ry'umwami n'abatware babitegetswe n'ijambo ry'Uwiteka." Ryari itegeko rihuje n'ubushake bw'Imana nk'uko bwahishuriwe mu bahanuzi bayo. (2Ngoma 30:12). {AnA 306.4}

Icyo gihe cyo kwizihiza Pasika cyabaye kimwe mu nyungu zikomeye cyane ku mbaga yari yateranye. Inzira zo mu murwa zari zarahumanyijwe zakuwemo ingoro zo gusengeramo ibigirwamana zari zarahubatswe ku ngoma ya Ahazi. Ku munsi wari wagenwe Pasika yarizihijwe, maze abantu bamara icyumweru cyose batamba ibitambo by'uko bari amahoro kandi biga icyo Imana ishaka ko bakora. Buri munsi Abalewi bigishaga [abantu] kumenya Uwiteka neza; kandi abari barateguriye imitima yabo gushaka Imana barababariwe. Imbaga yari yaje kuramya Imana yaranezerewe cyane; "uko bukeye, bamuvugiriza ibintu bivuga cyane;" nuko bose bafatanyiriza hamwe gusingiza Imana yari yarabagarije ko ari inyabuntu n'ibambe ryinshi. 2Ngoma 30:20, 21. {AnA 307.1}

Iminsi irindwi yari isanzwe iharirwa ibirori bya Pasika yashize vuba, maze abari baje kuramya Imana biyemeza indi minsi irindwi barushaho kwiga inzira y'Uwiteka. Abatambyi bigishaga bakomeje umurimo wabo wo kwigishiriza abantu mu gitabo cy'amategeko; buri munsi abantu bateraniraga mu ngoro y'Imana bazanwe no gusingiza Imana no kuyishimira; kandi ubwo iryo teraniro rinini ryegerezaga umusozo, byagaragaraga ko Imana yakoze ibitangaje mu guhindura Abayuda bari barasubiye inyuma ndetse no mu guhagarika umuraba wo gusenga ibigirwamana wari ugiye kwararika igihugu. Imiburo ikomeye y'abahanuzi ntiyari yaratanzwe ngo ibe imfabusa. "Nuko i Yerusalemu haba umunezero mwinshi, kuko uhereye ku ngoma ya Salomo mwene Dawidi umwami wa Isirayeli, ntihigeze kubaho nk'ibyo i Yerusalemu." 2Ngoma 30:26. {AnA 307.2}

Igihe cyarageze kugira ngo abari baje kuramya Imana basubire mu ngo zabo. "Maze abatambyi b'Abalewi barahaguruka basabira abantu umugisha, ijwi ryabo rirumvwa,

gusenga kwabo kugera mu buturo bwayo bwera, ari bwo juru.” 2Ngoma 30:27. Imana yari yemeye abari bihannye ibyaha byabo n’imitima imenetse kandi bari bayigarukiye bafite intego ihamye yo gusaba imbabazi n’ubufasha. {AnA 307.3}

Hari hasigaye umurimo w’ingenzi kandi abari basubiye mu miryango yabo bagombaga kuwugiramo uruhare, ndetse gukorwa k’uyu murimo kwabaye igihamya cy’uko ivugurura ryabayeho ari ivugurura nyaryo. Ibyanditswe biravuga biti: “Nuko ibyo byose bishize, Abisirayeli bose bari bari aho bajya mu midugudu y’i Buyuda bamenagura inkingi, batemagura Ashera, basenya ingoro n’ibicaniro i Buyuda hose n’i Bubenyamini, n’i Bwefurayimu n’i Bumanase kugeza aho babirimburiye byose. Abisirayeli bose baherako basubira mu midugudu yabo, umuntu wese ajya muri gakondo y’iwabo.” 2Ngoma 31:1. {AnA 308.1}

Hezekiya n’abafasha be bashyizeho amavugurura atari amwe kugira ngo iby’umwuka ndetse n’inyungu z’ubwami bw’Ubuyuda byubakwe. “Uko ni ko Hezekiya yabigenje i Buyuda hose, akora ibishimwa byo gukiranuka bidahinyurwa n’Uwiteka Imana ye. Mu byo yatangiye gukora byose kugira ngo ashake Imana ye, by’umurimo wo mu nzu y’Imana n’iby’amategeko n’ibyategetswe, yabikoranaga umwete wose akabisohoza.” “Hezekiya yiringiraga Uwiteka Imana ya Isirayeli. Mu bami bose b’Abayuda bamuherutse nta wahwanye na we, no mu bamubanjirije kuko yomatanye n’Uwiteka ntareke kumukurikira, ahubwo akitondera amategeko yategetse Mose. Uwiteka yabanaga na we, akabashishwa byose aho yajyaga hose.” 2Ngoma 31:20, 21; 2Abami 18:5-7. {AnA 308.2}

Ingoma ya Hezekiya yaranzwe n’uukurikirane rw’ibyiza byinshi bigaragara byeretse amahanga yari akikije Ubuyuda ko Imana ya Isirayeli yari kumwe n’ubwoko bwayo. Intsinzi Abanyashuri bari baragize mu myaka ibanza y’ingoma ya Hezekiya, ubwo bigaruriraga Samariya kandi bagatatanyiriza mu mahanga abari barasigaye batagira ibyiringiro bo mu miryango cumi, iyo ntsinzi yari yarateye abantu benshi gushidikanya ububasha bw’Imana y’Abaheburayo. Abanyanineve batewe ubutwari n’intsinzi bari baragiye bageraho, bari bamaze iminsi myinshi barirengagije ubutumwa bw’umuhanuzi Yona kandi bari barahindutse abanyagasuzuguro barwanya imigambi Ijuru ryari rifite. Hashize imyaka mike Samariya imaze gutsindwa, ingabo zari zarayitsinze zateye muri Palesitina ariko ubu bwo zerekeza imbaraga zazo ku midugudu yo mu Buyuda igoteshejwe inkike. Ibyo zabikoze zifite ingamba zo gutsinda; ariko ziza gusubira inyuma igihe runaka bitewe n’ibibazo byari byadutse mu bindi bice by’ubwami zari zaturutsemo. Nyuma y’imyaka myinshi, ahagana ku iherezo ry’ingoma ya Hezekiya ni ho byajyaga kugaragarizwa imbere y’amahanga yo ku isi niba koko amaherezo ibigirwamana by’abapagani bigiye kuganza. {AnA 308.3}

IGICE CYA 29 - INTUMWA ZITURUTSE I BABULONI

Ubwo ingoma ye yaranzwe no kugubwa neza yari igeze hagati, umwami Hezekiya yafashwe n'indwara ikomeye itunguranye. "Yari arwaye yenda gupfa," kandi uko yari amerewe kwari kurenze aho ubushobozi bw'umuntu bwo kumufasha bwagera. Agasigarizwa k'ibyiringiro kabaye nk'agakuweho igihe umuhanuzi Yesaya yamusangaga amujyaniye ubutumwa bugira buti: "Uwiteka avuze ngo: 'Tegeka iby'inzu yawe, kuko utazakira, ahubwo ugiye gutanga.'" Yesaya 38:1. {AnA 309.1}

Ibyari bitegerejwe mu gihe kiri imbere byasaga n'umwijima; nyamara umwami Hezekiya yashoboraga gukomeza gusenga uwari waramubereye ubuhungiro n'imbaraga, ndetse n'umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba. (Zaburi 46:1). Nuko "Hezekiya yerekera ivure, atakambira Uwiteka ati: 'Ndakwinginze Uwiteka, uyu munsi wibuke ko najyaga ngendera mu by'ukuri imbere yawe n'umutima utunganye ngakora ibishimwa imbere yawe." Nuko Hezekiya ararira cyane." 2Abami 20:2, 3. {AnA 310.1}

Uhereye mu gihe cya Dawidi, ntihigeze kwima umwami wakoze ibikomeye mu kubaka ubwami bw'Imana mu gihe cy'ubuhakanyi no gucika integer nk'uko Hezekiya yari yarabikoze. Uwo mwami wari ugiye gupfa yari yarakoreye Imana akiranutse, kandi yari yarakomereje ibyiringiro bya rubanda mu Uwiteka we Mutware wabo w'ikirenga. Kandi nk'uko Dawidi yabigenje, Hezekiya yashoboraga kwinginga agira ati: {AnA 310.2}

"Uwiteka, Mana y'agakiza kanjye,
Ntakira imbere yawe ku manywa na nijoro.
Gusenga kwanjye kwinjire imbere yawe,
Utegere ugutwi gutaka kwanjye."

"Kuko ari wowe byiringiro byanjye
Mwami Uwiteka,
Ni wowe nizera uhereye mu buto bwanjye.

"Ni wowe njya nishingikirizaho uhereye mu ivuka ryanjye,
Ni wowe wankuye mu nda ya mama,
Nzajya ngushima iminsi yose.

"Ntunte mu gihe cy'ubusaza,
Ntundeke mu gihe intege zanjye zishize.
Mana, ntumbe kure,

Mana yanjye, tebuka untabare.

“Mana, ntundeke kugeza igihe mera imvi z’ubusaza,
Ntarabwira ab’igihe kizaza iby’amaboko yawe,
Ntarabwira abazavuka bose gukomera kwawe.” {AnA 310.3}

Zaburi 71:5,6,9,12, 18.

Nyiri ibambe ritabura yumvise gusenga k’umugaragu we. Amaganya 3:22. “Ariko Yesaya ataragera mu murwa hagati, ijambo ry’Uwiteka rimugeraho riramubwira riti: “Subirayo, ubwire Hezekiya umutware w’ubwoko bwanjye uti: ‘Uwiteka Imana ya sogokuruza Dawidi iravuze ngo: Numvise gusenga kwawe mbona n’amarira yawe. Dore nzagukiza, ku munsi wa gatatu uzazamuke ujye mu nzu y’Uwiteka. Kandi ku kubaho kwawe nzongeraho indi myaka cumi n’itanu, kandi nzagukizanya n’uyu murwa, mbakize umwami wa Ashuri, nzawurinda ku bwanjye no ku bw’umugaragu wanjye Dawidi.” 2Abami 20:4-6. {AnA 310.4}

Umuhanuzi yagarukanye amagambo y’ihumure n’ibyiringiro. Yategetse kandi ko umubumbe w’imbuto z’umutini zishyirwa ku aharwaye ku mubiri we, kandi Yesaya abwira umwami ubutumwa bwerkeye imbabazi z’Imana no kwitabwaho na Yo. {AnA 311.1}

Nk’uko byagendekeye Mose mu gihugu cy’I Midiyani, na Gideyoni imbere y’intumwa ivuye mu ijuru na Elisa mbere y’uko shebuja Eliya azamurwa mu ijuru, Hezekiya na we yasabye ikimenyetso cyerekana ko ubwo butumwa ahawe buvuye mu ijuru. Hezekiya yabajije umuhanuzi Yesaya ati: “Ni kimenyetsi ki cyerekana ko Uwiteka azamvura, kandi ko nzazamuka nkajya mu nzu y’Uwiteka ku munsi wa gatatu?” {AnA 311.2}

Umuhanuzi yaramusubije ati: “Iki ni cyo kimenyetso Uwiteka aguhaye gihamya yuko Uwiteka azasohoza icyo avuze. Urashaka yuko igicucu kijya imbere ho intambwe cumi, cyangwa gisubira inyuma intambwe cumi?” Hezekiya aramusubiza ati: “Biroroshye ko igicucu kijya imbere intambwe cumi ahubwo nigisubire inyuma intambwe cumi.” {AnA 311.3}

Icyuma cyerekanaga igihe bafatiye ku gicucu cy’izuba cyajyaga gusubira inyuma intambwe cumi gusa ari uko Imana igobotse ikagira icyo ibikoramo; kandi ibi byagombaga kubera Hezekiya ikimenyetso yumvise isengesho rye. Nk’uko yari abisabye “Nuko umuhanuzi Yesaya atakambira Uwiteka; Uwiteka ahera aho igicucu cyari kigeze murugero rwa Ahazi, agisubiza inyuma intambwe cumi.” 2Abami 20: 8-11. {AnA 311.4}

Amaze kugarurwamo imbaraga yari asananwe, umwami w'Ubuyuda yazikanye imbabazi z'Uwiteka abicisha mu magambo y'indirimbo, kandi arahirira kumara imyaka yose asigaje kubaho akorera Umwami w'abami n'umutima ukunze. Uko yashimye azirikana impuhwe Uwiteka yamugiriye ni icyitegererezo ku bantu bose bifuza kumara imyaka yo kubaho kwabo bahesha Umuremyi wabo ikuzo. {AnA 312.1}

"Naravuze nti:
"Ndakenyutse ngiye kunyura mu marembo y'ikuzimu,
Nteshejwe imyaka yanjye yari isigaye."
"Ndavuga nti:
Sinzongera kureba Uwiteka mu gihugu cy'abazima,
"Kandi sinzongera kubonana n'abantu b'abaturage bo mu isi.

Ubugingo bwanjye buratamurutse bunkuweho nk'ihema ry'umwungeri,
Ubugingo bwanjye ndabuzinze nk'uko umuboshyi w'imyenda ayizinga,

"Azanca mu biti biboherwamo imyenda.
Uhereye mu gitondo ukageza nijoro,
Uzaba umazeho rwose.
Ndaceceka nkageza mu gitondo,

"Ariko uvuna amagufwa yanjye yose nk'intare.
Uhereye mu gitondo ukageza nijoro,
Uzaba umazeho rwose.

" Ntaka nk'intashya cyangwa uruyongoyongo,
Nkaniha nk'inuma iguguza.
Erega amaso yanjye yaheze hejuru!
Nyagasani Uwiteka ndarengana, ndengera." {AnA 312.2}

"Mvuge iki kandi?
Ubwo yanshubije ubwe wenyine ni we wabikoze,
Imyaka yanjye nzamara yose nzajya ngende niyoroheje,
Nibuke umubabaro wo mu mutima wanjye.

"Uwiteka, ibyo ni byo bibeshaho abantu,
Kandi muri ibyo byonyine ni ho umutima wanjye ubona ubugingo.

Nuko nkiza umbesheho.
“Erega icyatumye ngira ibinsharirira cyane ni ukugira ngo mbone amahoro!
Kandi urukundo wakunze ubugingo bwanjye rwatumye ubukiza urwobo rw’iborero,
Ibyaha byanjye byose warabyirengeje.

“Kuko ikuzimu hatabasha kukogeza
N’urupfu rutabasha kuguhimbaza,
Abamanuka bajya muri rwa rwobo ntibabasha kwiringira ukuri kwawe.
“Umuzima, umuzima ni we uzakogeza nk’uko nkogeza uyu munsi,
Se w’abana azabigisha ukuri kwawe.

“Uwiteka yiteguye kunkiza,
Ni cyo kizatuma turirimba mu nanga indirimbo nahimbye
Turi mu nzu y’Uwiteka,
Iminsi yose tuzamara tukiriho.” {AnA 313.1}

Yesaya 38:10-20.

Mu bibaya birumbuka by’imigezi ya Tigirisi na Ufurate ni ho hari hatuye ubwoko bwa kera bwari bugenewe gutegeka isi yose nubwo icyo gihe bwategekwaga na Ashuri. Mu bagize ubwo bwoko harimo abantu b’abanyabwenge bitaga cyane ku kwiga ubuhanga mu by’inyenyeri; kandi ubwo babonaga ko igicucu ku cyuma cyerekana igihe gifatiye ku gicucu cy’izuba cyasubiye inyuma intambwe icumi, baratangaye cyane. Umwami wabo Merodakibaladani amenye ko icyo gitangaza cyakozwe ari ikimenyetso cyahawe umwami w’Ubuyuda ko Imana yo mu ijuru yamwongeye igihe cyo kurama, uwo mwami yohereje Hezekiya intumwa zo kumushimira ko yakize, kandi ngo niba bishoboka zigire ibindi zimenya byerekeye Imana ishobora gukora igitangaza gikomeye gityo. {AnA 313.2}

Uko gusurwa n’izo ntumwa zivuye ku mwami wo mu gihugu cya kure kwahaye Hezekiya amahirwe yo gusingiza Imana ihoraho. Mbega uko byari kumworohera kuzibwira iby’Imana, Rugira rugize ibyaremwe byose wari warokoye ubugingo bwe kubw’ubwuntu bwe mu gihe ibyiringiro byose byari byayoyotse! Mbega guhinduka gukmeye cyane kuba kwarabayeho iyo abo bashakishaga ukuri bari baturutse mu bibaya bwo mu Bukaludaya bamenyeshwa ububasha bw’ikirenga bw’Imana ihoraho! {AnA 314.1}

Nyamara ubwibone n’ubwrasi bukabije byigaruriye umutima wa Hezekiya, bityo mu kwikuza kwe, abantu bari bafite imitima irarikira abereka ubutunzi Imana yari yarahaye ubwoko bwe. Umwami “Hezekiya yakira intumwa ze anezerewe, azimurikira inzu y’ububiko bwe yose yabikagamo ibintu bye by’igiciro cyinshi, ifeza n’izahabu n’imibavu

n'amavuta y'igiciro cyinshi, n'inzu ibikwamo intwaro zo kurwanisha, n'iby'ubutunzi byabonekaga mu nzu ye byose. Nta kintu na kimwe cyo mu nzu ye cyangwa mu gihugu cye cyose, Hezekiya atazeretse." Yesaya 39:2. Ntabo yakoze ibyo kubwo guhesha Imana ikuzo, ahubwo yabikoreye kwishyira hejuru imbere y'ibyo bikomangoma byo mu mahanga. Ntiyaretse kuzirikana ko abo bantu bahagarariye igihugu cy'igihangage batatinyaga Imana cyangwa ngo bayikunde mu mitima yabo, kandi ko gutuma bamenya ibanga ry'ubutunzi bw'igihugu cye nta bushishozi bwarimo. {AnA 314.2}

Uko gusurwa n'izo ntumwa zaje kwa Hezekiya cyari igipimo cyo gushima no kwiyegurira Imana kwe. Ibyanditswe biravuga biti: "Ariko mu by'intumwa abatware b'I Babuloni bamutumyeho kumubaza ibitangaza byakorwaga mu gihugu cye, Imana yaramuretse imugerageza kugira ngo imenye ibyari mu mutima we byose." 2Ngoma 32:31. Iyo Hezekiya akoresha neza amahirwe yari ahawe yo guhamya imbaraga, kugira neza n'impuhwe by'Imana ya Isirayeli, amakuru izo ntumwa zajyanye aba yarabaye umucyo umurika mu mwijima. Ariko Hezekiya yikujije ubwe yishyira hejuru y'Uwiteka nyiringabo. "Ntiyitura ubuntu yagiriwe, kuko yiyogeje mu mutima we; ni cyo cyatumye uburakari bumubaho we n'Abayuda n'ab'i Yerusalemu." (umurongo wa 25). {AnA 314.3}

Mbega uburyo ingaruka zari gukurikiraho zarri mbi cyane! Yesaya yaaje guhishurirwa ko izontumwa zisubiye I Babuloni zijyanye amakuru avuga iby'ubutunzi zabonye, kandi ko umwami w'I Babuloni n'abajyanama be bazategura umugambi wo gukungahaza igihugu cyabo bakoresheje ubutunzi bw'I Yerusalemu. Hezekiya yari yacumuye bikomeye cyane; nuko "uburakari bumubaho we n'Abayuda n'ab'I Yerusalemu." {AnA 315.1}

"Bukeye umuhanuzi Yesaya asanga umwami Hezekiya aramubaza ati "Abo bagabo bavuze iki, kandi baje aho uri baturutse he?" Hezekiya aramusubiza ati "Baturutse mu gihugu cya kure cy'i Babuloni baza ari jye basanga." Arongera aramubaza ati: "Mu nzu yawe babonyemo iki?" Hezekiya aramusubiza ati "Ibiri mu nzu yanjye byose barabibonye. Nta kintu na kimwe mu byo ntunze ntaberetse." Yesaya abwira Hezekiya ati "Umva ijambo ry'Uwiteka Nyiringabo: igihe kizaza ibiri mu nzu yawe byose, n'ibyo ba sogokuruza babitse kugeza ubu bizajyanwe i Babuloni, nta kintu kizasigara. Ni ko Uwiteka avuze. Kandi abahungu bawe uzibyarira mu nda yawe bazabajyana, babagire inkone zo kuba mu nzu y'umwami w'i Babuloni." {AnA 315.2}

"Hezekiya abwira Yesaya ati: "Ijambo ry'Uwiteka avuze ni ryiza." Yesaya 39:3-8. {AnA 316.1}

Hezekiya yuzewe no kwicuza, "yicisha bugufi yihana ubwibone bwo mu mutima we, ubwe n'abaturage b'i Yerusalemu; bituma uburakari bw'Uwiteke butabageraho ku ngoma ya

Hezekiya." 2Ngoma 32:26. Nyamara imbuto mbi yari yamaze kubibwa kandi igihe cyari kugera ikamera ndetse igatanga umusaruro w'uko [igihugu] kiba umusaka kigacura igihunya. Mu gihe cy'imyaka yari asigaje, umwami w'Ubuyuda yagombaga kugira ishya n'ihirwe ryinshi bitewe n'umugambi udacogora yari afite wo gucungura igihe cyashize no guhesha icyubahiro izina ry'Imana yakoreraga; nyamara ukwizera kwagombaga kugeragezwa bikomeye, kandi yagombaga kumenya ko ashobora kwiringira gutsinda imbaraga z'umwijima zisuganyirizaga kumurimbura no kurimbura ubwoko bwe ari uko ibyiringiro bye abishyize ku Uwiteka amaramaje. {AnA 316.2}

Igitekerezo cyuburyo Hezekiya yananiwe kuba indahemuka ku cyizere yagiriwe igihe yasurwaga n'intumwa [zivuye i Babuloni] cyuzuye icyigisho cy'ingenzi ku bantu bose. Dukeneye kujya tuvuga iby'ibihe by'agaciro gakomeye twanyuzemo, tukavuga iby'imbabazi no kugira neza kw'Imana, tukavuga iby'urukundo rw'Umukiza rutagerwa kurenza uko dusanzwe tubikora. Igihe ubwenge n'umutima byuzuy eurukundo rw'Imana, kubwira abandi ibyinjira mu mibereho yacu y'iby'umwuka ntibizadukomerera. Ibitekerezo bikomeye, imigambi myiza, gusobanukirwa ukuri neza, imigambi itikanyiza, kwifuza ubutungane no kwera bizagaragarizwa mu magambo ahishura imico y'ubutunzi buri mu mutima. {AnA 316.3}

Abo duhura nabo buri munsi bakeneye ubufasha bwacu no kubayobora. Uko bamerewe mu ntekerezo zabo bashobora kuba ijambo babwirwa ryababera nk'umusumari utewe aho ukwiriye. Bishoboka ko ejo bamwe muri abo bantu bazaba bari ahantu tudashobora kubageraho na gato. Ni izihe mpinduka duteza abo bagenzi bacu? {AnA 316.4}

Umunsi wose wo mu kubaho uba wuzuye inshingano tugomba gusohoza. Buri munsi amagambo yacu n'ibikorwa byacu bigira icyo bihindura kubo duhura na bo. Mbega uburyo dukeneye kurinda iminwa yacu cyane n'intambwe zacu twigengesereye! Ikintu kimwe twakora duhubutse, intambwe imwe twatera tudashishoje, byatuma imiraba y'ibigeragezo bimwe bikomeye ibasha gutembana umuntu ikamujyana mu nzira igana ikuzimu. Ntabwo dushobora gukusanya ibitekerezo twamaze kwinjiza mu ntekerezo z'abantu. Niba ibyo bitekerezo byari bibi, twaba twaratangije urugendo rw'ibintu, cyangwa umuraba w'ibibi tudashobora guhagarika. {AnA 317.1}

Nyamara ku rundi ruhande niba kubw'urugero dutanga dufasha abandi guteza imbere amahame meza, tuba tubaha imbaraga zo gukora icyiza. Nabo ku ruhande rwabo ibyo byiza babicengeza mu bandi. Uko ni ko abantu amagana menshi ndetse n'ibihumbi byinshi ba bafashwa n'impinduka nziza duteza nyamara tutabizi. Umuyoboke nyakuri wa Kisto akomeza imigambi myiza y'abantu bose ahura na bo. Agaragariza imbaraga y'ubuntu

bw'Imana no gutungana kw'imico ye imbere y'ab'isi batizera kandi bakunda gukora icyaha. {AnA 317.2}

IGICE CYA 30 - GUKIZWA ASHURI /KUROKORWA ASHURI

Mu gihe cy'akaga gakomeye igihugu cyarimo, ubwo ingabo z'Abanyashuri zagendaga zigarurira igihugu cy'Ubuyuda kandi bikaba byaragaragaraga ko nta cyakiza Yerusalemu kusenyuka gukomeye, Hezekiya yateranyije ingabo zo mu gihugu cye kugira ngo zirwanane ubutwari budacogora zirukane abapagani babakandamizaga kandi azibwira kwiringira ububasha bw'Uwiteka bwo gukiza. Hezekiya yabwiye abagabo bo mu Buyuda ati: "Nimukomere mushikame, ntimutinye kandi ntimukurwe umutima n'umwami wa Ashūri cyangwa ingabo ze zose ziri kumwe na we, kuko Iyo turi kumwe ikomeye iruta abari kumwe na we. Mu ruhande rwe ari kumwe n'amaboko y'umubiri, ariko mu ruhande rwacu turi kumwe n'Uwiteka Imana yacu, ni yo idutabara kandi ije kuturwanira intambara zacu." 2Ngoma 32:7,8. {AnA 318.1}

Ntabwo Hezekiya yashoboraga kuvugana icyizere cy'umusaruro uzava muri iyo ntambara adafite impamvu ibimuteye. Nubwo Abanyashuri biratagа bari barakoreshejwe n'Imana igihe runaka nk'inkoni y'uburakari bwayo yo guhana amahanga, ntibagombaga gutsinda iteka. Soma muri Yesaya 10:5. Ubutumwa Uwiteka yari yaroherereje abari batuye muri Siyoni (Yerusalemu) abunyujije kuri Yesaya mu myaka yari ishize bwari ubu ngo: "Yemwe bantu banjye batura i Siyoni, ntimutinye Abashuri, . . . Hasigaye igihe gito cyane, uburakari n'umujinya byanjye bizabageraho mbarimbure." Nuko Uwiteka Nyiringabo azamubangurira ibiboko nk'ubwo Abamidiyani bicirwaga ku gitare cya Orebu, kandi inkoni ye azaba ayibanguriye hejuru y'inyanja, nk'uko yabigenje muri Egiputa. Uwo munsi umutwaro baguhekeshaga uzakuva ku bitugu, kandi uzakurwa no ku buretwa bagushyizeho, uburetwa buzamarwa no gusīgwa." Yesaya 10:24-27. {AnA 318.2}

Mu bundi butumwa bwa gihanuzi bwatanzwe mu mwaka umwami Ahazi yatanzemo, umuhanuzi Yesaya yari yaravuze ati: "Uwiteka Nyiringabo ararahiye ati: "Ni ukuri uko nabitekereje ni ko bizasohora, kandi uko nagambiriye ni ko bizaba. Nzavunagurira Abashuri mu gihugu cyanjye, kandi nzabaribatira mu misozi yanjye miremire, maze uburetwa babakoreshaga buzabavaho, n'umutwaro babahekeshaga uzabava ku bitugu." Uwo ni wo mugambi wagiriwe isi yose, kandi uko ni ko kuboko kwaramburiwe amahanga yose. Ubwo Uwiteka Nyiringabo ari we wabigambiriye ni nde uzamuvuguruza? Ukuboko kwe kurabanguye, ni nde uzaguhina?" Yesaya 14:28, 24-27. {AnA 319.1}

Imbaraga z'abanzi zagombaga kumenagurwa. Nyamara Hezekiya mu myaka ibanza y'ingoma ye, yari yarakomeje kwishyura imisoro ku gihugu cya Ashuri akurikije amasezerano umwami Ahazi yari yaragiranye n'icyo gihugu. Hagati aho umwami Hezekiya yagiye ajya inama n'ibikomangoma n'abakomeye bo mu gihugu cye kandi yari yarakoze

ibishoboka byose kugira ngo akingire ubwami bwe. Yari yarinjije amazi ahagije yakoreshwa imbere mu murwa wa Yerusalemu igihe amazi yabura hanze y'umurwa. "Arikomeza, asana inkike yose yari yarasenyutse; ayireshyeshya n'aho iringanirira mu minara, asana n'iyindi nkike y'inyuma, akomeza I Milo, umudugudu wa Dawidi, acurisha intwaro zi kurwanisha n'ingabo, agira byinshi cyane. Kandi ashyira n'abatware b'intambara mu bantu." 2Ngoma 32:3,5,6. Ntacyagombaga gukorwa cyirengagijwe mu byari gukorwa hitegurwa guterwa. {AnA 319.2}

Igihe Hezekiya yimaga ingoma mu Buyuda, Abanyashuri baribaramaze gutwara bunyago umubare munini w'Abisirayeli bo mu bwami bw'amajyaruguru; kandi Hezekiya amaze imyaka mike ku ngoma ubwo yari agikomeza inkike zigose Yerusalemu, Abanyashuri bagose Samariya kandi barayigarurira ndetse batatanyiriza imiryango cumi mu ntara nyinshi z'ubwami bwa Ashuri. Imipaka y'Ubuyuda yari hafi cyane kandi umurwa wa Yerusalemu wari ku birometero bitageze mirongo inani [uvuye ku rubibi rw'Ubuyuda na Isirayeli]; kandi iminyago y'agaciro kenshi yagombaga gukurwa mu rusengero [rw'I Yeusalemu] yari gutera umwanzi kuzagaruka. {AnA 320.1}

Nyamara umwami w'Ubuyuda yari yiyemeje gukora uruhare rwe mu kwitegura guhangana n'umwanzi; kandi ubwo yari arangije ibyo ubwenge n'imbaraga bya muntu byakora, yateranyije ingabo ze kandi abashishikariza kugira ubutwari. Ubutumwa umuhanuzi Yesaya yari yagejeje ku Buyuda bwari ubu ngo: "Uwera wa Isirayeli, uri hagati yawe, arakomeye." Noneho umwami Hezekiya na we yari yaravuganye ukwizera kudacogora agira ati: "Mu ruhande rwacu turi kumwe n'Uwiteka Imana yacu, ni yo idutabara, kanid ije kuturwanira intambara zacu." Yesaya 12:6; 2Ngoma 32:8. {AnA 320.2}

Nta kintu gitera kwizera byihuse nko gushyira ukwizera mu bikorwa. Umwami w'Ubuyuda yari yariteguye ibyao byari bigiye kuzabaho; kandi noneho ubu kubera ko yari afite icyizere ko ubuhanuzi bwavuzwe ku Banyashuri buzasohora, yashikamije umutima we ku Mana. "Nuko abantu bishingikiriza ku magambo ya Hezekiya." 2Ngoma 32:8. None se ingabo z'Abanyashuri zari zimaze kwigarurira amahanga akomeye yo ku isi, kandi zari zatsinze Samariya muri Isirayeli byari kugenda bite ubwo zari zigiye gutera Ubuyuda? Byari kumera bite iyo izo ngabo zirata zivuga ziti: "Nk'uko ukuboko kwanjye kwageze ku bihugu by'ibigirwamana byari bifite ibishushanyo bibajwe byarutaga ibiri i Yerusalemu n'i Samariya, ibyo nagiriye i Samariya n'ibigirwamana byaho, sinzabigirira i Yerusalemu n'ibigirwamana byaho?" Yesaya 10:10,11. Ntacyo Ubuyuda bwagombaga gutinya kuko bwari bwiringiye Uwiteka. {AnA 320.3}

Amaherezo ibyago byari bimaze igihe bitegerejwe byaraje. Ingabo z'Abanyashuri zajyaga imbere mu rugamba zigenda zitsinda zaje kugera mu Buyuda. Kubera ko bari bafite icyizere

cyo gutsinda, abayobozi bazo bagabanyije ingabo mo imitwe ibiri, umwe wagombaga guhangana n'ingabo z'Abanyegiputa mu majyepfo naho undi ugasakiza Yerusalemu. {AnA 321.1}

Noneho ibyiringiro rukumbi Ubuyuda bwari bufite byari mu Mana yonyine. Ubufasha bushoboka bwose bwari guturuka mu Egiputa bwari bwakuweho, kandi nta yandi mahanga yari hafi ngo agoboke Ubuyuda. {AnA 321.2}

Kubera ko abatware b'ingabo z'Abanyashuri bari bizeye imbaraga z'ingabo zabo zari zaratojwe neza, bateganyije kugirana ikiganiro n'abatware bo mu Buyuda kandi muri icyo kiganiro basabana agasuzuguro ko Abayuda batanga umurwa wa Yerusalemu. Ubwo busabe bwari buherekejwe n'ibitutsi batukaga Imana y'Abaheburayo. Bitewe n'intege nke n'ubuhakanyi bwa Isirayeli n'Ubuyuda, izina ry'Imana ntiryari rigitinywa mu mahanga, ahubwo ryahoraga ritukwa. Soma Yesaya 52:5. {AnA 321.3}

Umwe mu basirikare bakuru ba Senakeribu witwaga Rabushake yaravuze ati: "Nimubwire Hezekiya nonaha muti: 'Umwami mukuru, umwami wa Ashuri aradutumye ngo: Ibyo byiringiro byawe ni byiringiro ki? Uribwira, ariko ibyo wibwira ni iby'ubusa, ngo dufite imigambi n'amaboko byo kurwana. Ariko uwo wiringiye ni nde watuma umugandira?" 2Abami 18:19,20. {AnA 322.1}

Abo batware b'ingabo baganiriraga hanze y'amarembo y'umurwa wa Yerusalemu, ariko abarinzi b'inkike barabyumva; kandi ubwo intumwa z'umwami wa Ashuri zateraga hejuru zikomeza kubwira abatware b'Ubuyuda ibyo zisaba, zaje gusabwa kuvuga mu rurimi rw'Abanyashuri aho kuvuga mu Giheburayo kugira ngo abari ku nkike batamenya ibiri kuvugirwa muri iyo nama. Ariko Rabushake asuzugura icyo cyifuzo maze arushaho kuvuga aranguruye, akaomeza kuvuga mu Guheburayo agira ati: {AnA 322.2}

"Nimwumve amagambo y'umwami mukuru umwami wa Ashuri. Uwo mwami arantumye ngo Hezekiya ntabashuke, kuko atazabasha kubakiza. Hezekiya ntabiringize Uwiteka ababwira ati 'Ni ukuri Uwiteka azadukiza', kandi ati 'Uyu murwa ntuzahabwa umwami wa Ashuri.' "Mwe kumvira Hezekiya kuko umwami wa Ashuri antumye ngo 'Mwuzure nanjye musohoke munsange, umuntu wese abone uko arya ku muzabibu we no ku mutini we, n'uko anywa amazi yo mu iriba rye, kugeza ubwo nzaza nkabajyana mu gihugu gihwanye n'icyanyu, kirimo ingano na vino n'imitsima n'inzabibu.' "Mwirinde ko Hezekiya abashuka ngo 'Uwiteka azadukiza.' Mbese hari indi mana mu mana z'abanyamahanga yigeze gukiza igihugu cyayo amaboko y'umwami wa Ashuri? Imana z'i Hamati n'iza Arupadi ziri he? Imana z'i Zefaravayimu ziri he? Mbese zakijije ab'i Samariya amaboko yanjye? Ni iyihe

mu mana zose zo muri ibyo bihugu yakijije igihugu cyayo amaboko yanjye, kugira ngo Uwiteka akize i Yerusalemu amaboko yanjye?" Yesaya 36:13-20. {AnA 322.3}

Kuri ibyo bikangisho byose, Abayuda ntibamusiza ijambo na rimwe. Nuko Inama irasoza. Intumwa zari zaturutse mu Bayuda zisubira ku mwami Hezekiya "zashishimuye imyambaro yazo, zimubwira amagambo ya Rabushake." Umurongo wa 21,22. Umwami Hezekiya amaze kumva iby'ayo magambo atuka Imana, "ashishimura imyambaro ye yambara ibigunira, aherako yinjira mu nzu y'Uwiteka." 2Abami 19:1. {AnA 323.1}

Nuko atuma intumwa kuri Yesaya ngo kumumenyesha ibyavuye muri ya nama. Umwami atuma kuri Yesaya ubutumwa bugira buti: "Uyu munsi ni umunsi w'umubabaro n'ibihano no gushinyagurirwa, kuko abana benda kuvuka, kandi nta mbaraga zo kubabyara. Ahari Uwiteka Imana yawe yumvise amagambo ya Rabushake yose, shebuja umwami wa Ashuri yamutumye gutuka Imana ihoraho. Ngira ngo Uwiteka Imana yawe yabahanira ayo magambo yumvise. Nuko rero terura amashengesho yawe, usabire abantu basigaye." 2Abami 19:3,4. {AnA 323.2}

"Ibyo bituma umwami Hezekiya n'umuhanuzi Yesaya mwene Amosi basenga batakambira *Iyo mu ijuru.*" 2Ngoma 32:20. {AnA 323.3}

Imana yasuboje amasengesho y'abagaragu bayo. Yesaya yahawe ubutumwa ashyira umwami Hezekiya bugira buti: "Mubwire shobuja muti 'Uwiteka aravuze ngo: Ntutinye ayo magambo wumvise abagaragu b'umwami wa Ashuri bantutse. Nzamushyiramo undi mutima. Ubwo azumva impuha azasubira mu gihugu cye, kandi nagerayo nzamwicisha inkota.'" 2Abami 19:6, 7. {AnA 323.4}

Intumwa z'umwami wa Ashuri zimaze gutandukana n'abatware b'Ubuyuda, zahise zimenyesha umwami wazo wari kumwe n'umutwe umwe w'ingabo ze zari ziteze igitero cyaturuka muri Egiputa. Senakeribu yumvise iyo nkuru yandika "inzandiko zo gutuka Uwiteka Imana ya Isirayeli no kuyisebya ati: "Nk'uko imana z'amahanga yo mu isi zitakijije abantu bazo amaboko yanjye, ni ko n'Imana ya Hezekiya itazankiza abantu bayo." 2Ngoma 32:17. {AnA 323.5}

Ibyo bikangisho birimo ubwirasi byaherehejwe n'ubutumwa bugira buti: "Nimugende mubwire Hezekiya umwami w'Abayuda muti: iyo mana yawe wiringiye ntigushuke ngo 'Yerusalemu ntabwo hazahabwa umwami wa Ashuri.' Wumvise uko abami ba Ashuri bagenje ibihugu byose bakabirimbura rwose, ni wowe uzabakira? Mbese imana z'abanyamahanga, ba sogokuruza banjye barimbuye zarabakijije, ab'i Gozani n'i Harani, n'i Resefu n'Abanyedeni bari i Telasari? Umwami w'i Hamati ari he? N'umwami wa

Arupadi n'umwami w'umurwa w'i Sefaravayimu, n'uw'i Hena n'uwa Iva?" 2Abami 19:10-13. {AnA 324.1}

Ubwo umwami w'Ubuyuda yabonaga urwo rwandiko ruteye ubwoba, yararufashe arujyana mu rusengero maze arurambura imbere y'Uwiteka, maze asengana ukwizera gukomeye asaba gufashwa n'ijuru kugira ngo amahanga yo ku isi amenye ko Imana y'Abaheburayo ikiriho kandi iri ku ngoma. (umurongo wa 14.) Icyubahiro cy'Uwiteka cyari cyibasiwe, bityo ni we wenyine wari kuzana gucungurwa. {AnA 324.2}

Hezekiya asenga yinginga ati: "Uwiteka Mana ya Isirayeli wicara ku bakerubi, ni wowe wenyine Mana y'ibihugu by'abami bo mu isi bose, ni wowe waremye ijuru n'isi. Tega ugutwi kwawe Uwiteka, wumve. Hwejesha amaso yawe Uwiteka, urebe. Wumve amagambo ya Senakeribu yatumye gutuka Imana ihoraho. Icyakora Uwiteka, abami ba Ashuri barimbuye ayo mahanga n'ibihugu byayo, bajugunye imana zabo mu muriro kuko zitari imana nyamana, ahubwo zaremwe n'intoki z'abantu mu biti no mu mabuye. Ni cyo cyatumye bazirimbura. Nuko none Uwiteka Mana yacu, ndakwinginze udukize amaboko ye, kugira ngo abami bo mu isi bose bamenye ko ari wowe wenyine Uwiteka Imana." 2Abami 19:15-19. {AnA 324.3}

"Wa mwungeri w'Abisirayeli we, tega ugutwi,
Ni wowe ushorera Abayosefu nk'umukumbi,
Yewe wicara hejuru y'Abakerubi, rabagirana.

"Imbere y'Abefurayimu n'Ababenyamini n'Abamanase,
Kangura imbaraga zawe uze udukize.
Mana, utwigarurire,
Umurikishe mu maso hawe natwe turakira.

"Uwiteka Mana Nyiringabo,
Uburakari bwawe buzageza he gucumbira ku ugusenga k'ubwoko bwawe?
Wabagaburiye amarira menshi nk'umutsima,
Wabahaye amarira menshi yo kunywa.
"Utugize rurwanirwa rw'abaturanyi bacu,
Abanzi bacu badusekera hamwe.
Mana Nyiringabo, utwigarurire,

"Umurikishe mu maso hawe natwe turakira.
Wakuye umuzabibu muri Egiputa,

Wirukana amahanga urawutera.
“Uharura imbere yawo,
Na wo ushora imizi wuzura igihugu.
11 Imisozi itwikīrwa n’igicucu cyawo,

“N’imyerezi y’Imana iterwa igicucu n’amashami yawo.
Ugaba amashami agera no ku nyanja,
Kandi amashami yawo agera no kuri rwa ruzi.

“Ni iki cyatumye usenya inzitiro zawo,
Ngo abahisi bose bawusorome?
Ingurube yo mu ishyamba irawangiza,
Inyamaswa zo mu gasozi zirawona.

“Mana Nyiringabo, turakwinginze garuka,
Urebe mu isi, uri mu ijuru ubirebe,
Ugenderere uwo muzabibu.
Rinda icyo ukuboko kwawe kw’iburyo kwateye,
N’ishami wikomereje.

“Uwo muzabibu waratwitswe, waraciwe,
Barimburwa no guhana ko mu maso hawe.
Ukuboko kwawe kube ku muntu wo mu kuboko kwawe kw’iburyo,
Umwana w’umuntu wikomereje.

“Nuko rero natwe ntituzasubira inyuma ngo tuguhararuke, {AnA 325.1}

Tuzure natwe turambaza izina ryawe.
Uwiteka, Mana Nyiringabo utwigarurire,
Umurikishe mu maso hawe natwe turakira.” {AnA 326.1}

Zaburi 80.

Kwinginga kwa Hezekiya asabira Ubuyuda no kubw’icyubahiro cy’Umuyobozi wabo w’ikirenga kwari guhuje n’intekerezo z’Imana. Mu isengesho Salomo yasenze ubwo yeguriraga Imana ingoro yayo, yari yarasabye Uwiteka kujya “yibuka ku manywa na nijoro, kugira ngo ijye icira umugaragu wayo n’ubwoko bwayo bw’Abisirayeli imanza zitunganye ku by’umunsi uzacyana byose, kugira ngo amoko yose yo mu isi amenye ko Uwiteka ari we

Mana, nta yindi.” 1Abami 8:59. By’umwihariko, Uwiteka yari kwerekana ubuntu abagiriye ubwo mu bihe by’intambara cyangwa mu bihe byo gukandamizwa n’ingabo [zabateye], abatware bo mu Bisirayeli bari kwinjira mu rusengero maze bagasaba kurengerwa. 1Abami 8:33,34. {AnA 326.2}

Hezekiya yari afite ibyiringiro. Yesaya yamutumyeho amagambo amubwira ati: “Uwiteka Imana ya Isirayeli iravuze ngo: Kuko wayisabye kukurengera kuri Senakeribu umwami wa Ashuri, irabikwemereye. Iri ni ryo jambo Uwiteka yamuvuzeho ngo: {AnA 326.3}

“Umukobwa w’inkumi w’i Siyoni arakuneguye, araguseka akagushinyagurira, umukobwa w’I Yerusalemu akujungurije umutwe. {AnA 326.4}

“Ngo ni nde watonganije ukamutuka? Uwo wakanitse ukamureba igitsure ni nde? Ni Uwera wa Isirayeli. Watukiye Uwiteka mu ntumwa zawe uravuga uti: Nzamukanye igitero cyinshi cy’amagare yanjye y’intambara, ngeze mu mpinga z’imisozi, mu mirenge yo hagati ya Lebanoni. Nzatema imyerezi yaho miremire, n’imiberoshi yaho myiza cyane, kandi nzinjira mu ijuru ryaho ryo mu ishyamba hagati, mu isambu yaho yera. Nafukuye amazi y’ayandi mahanga ndayanywa. Nzakamisha inzuzi zo muri Egiputa zose ibirenge byanjye.’ {AnA 326.5}

“Ntiwumvise uko nabigenjeje kera, mbigambiriye mu gihe cyashize, none ndabishohoje, kugira ngo urimbure imidugudu igoswe n’inkike, uyihindure ibirundo by’amatongo. Ni cyo cyatumaga abaturage bayo bagira intege nke, bagakuka umutima bagakorwa n’isoni, bakaraba nk’ubwatsi bwo ku gasozi, nk’ubwatsi bukimera, cyangwa ubwatsi bumera hejuru y’inzu, cyangwa nk’ingano zirumbye zikiri nto. {AnA 327.1}

“Ariko nzi imyicarire yawe, n’imitabarire yawe n’imitabarukire yawe, n’uburakari wandakariye. Kuko uburakari wandakariye n’umurengwe wawe byangeze mu matwi, nzagushyira umuringa wanjye mu mazuru n’icyuma mu kanwa, ngusubize mu nzira yakuzanye.” 2Abami 19:20-28. {AnA 327.2}

Igihugu cy’Ubuyuda cyari cyarahinduwe umusaka n’ingabo zajyaga zicyigarurira, ariko Imana yari yarasezeranye ko mu buryo bw’igitangaza izagoboka ubwoko bwayo kubyo bukeneye. Ubutumwa bwageze kuri Hezekiya bugira buti: “Nuko rero *weho Hezekiya*, iki ni cyo kizakubera ikimenyetso. Muri uyu mwaka muzarya ibyimeza ubwabyo, mu mwaka wa kabiri muzarya imicwira yabyo, mu wa gatatu muzabiba musarure, kandi muzatera inzabibu murye imbuto zazo. Kandi abo mu nzu ya Yuda basigaye bacitse ku icumu, bazongera gushora imizi hasi, kandi hejuru bazera imbuto. Kuko muri Yerusalemu hazasohoka igice gisigaye, kandi ku musozi wa Siyoni hazasohokayo abazacika ku icumu. Ishyaka ry’Uwiteka rizabisohoza. {AnA 327.3}

“Ni cyo cyatumye Uwiteka avuga iby’umwami wa Ashuri ngo ntabwo azagera kuri uyu murwa, kandi ntazaharasa umwambi we, haba no kuhiyerekanira n’ingabo ye, kandi ntazaharunda ikirundo cyo kuririraho. {AnA 327.4}

Inzira yamuzanye ni yo izamusubizayo, ntabwo azagera kuri uyu murwa, ni ko Uwiteka avuze. Nzarinda uyu murwa nywukize ku bwanjye no ku bw’umugaragu wanjye Dawidi.” 2Abami 19:29-34. {AnA 327.5}

Iryo joro habayeho kurengerwa. “Iryo joro umumarayika w’Uhoraho anyura mu nkambi y’Abanyashuru, yica abantu ibihumbi ijana na mirongo inani na bitanu. Bukeye abaturaGe babyutse basanga Abanyashuru bose bapfuye. ” Umurongo wa 35 (BII). “Nuko Uwiteka yohereza marayika, atsemba abagabo bakmeye bose b’intwari, n’abatware n’abagabo bari mu ngerero z’umwami wa Ashuri.” 2Ngoma 32:21. {AnA 328.1}

Bidatinze inkuru y’uko kurimbumbuka guteye ubwoba kwari kwabaye ku ngabo zari zoherejwe I Yerusalemu kugira ngo zihigarurire yageze kuri Senakeribu wari ukirinze ko hari inabo zatabara Ubuyuda ziturutse mu Egiputa. Uwo mwami w’Abanyashuri yafashwe n’ubwoba bwinshi cyane maze yihutira gusubirayo “maze asubira mu gihugu cye akozwe n’isoni.” (umurongo wa 21). Nyamara ntiyari kumara imyaka myinshi ku ngoma. Nk’uko ubuhanuzi bwari bwaravuze iby’iherezo rye ritunguranye, yishwe n’abo mu rugo rwe bwite, “maze umuhungu we Esarihadoni yima ingoma ye.” Yesaya 37:38. {AnA 328.2}

Imana y’Abaheburayo yari itsinze umwami w’Abasiriya wirataga. Icyubahiro cy’Uwiteka cyari kirengewe imbere y’amahanga yyari akikije Ubuyuda. Mu murwa wa Yerusalemu imitima y’abantu yuzuye ibyishimo byera. Kwinginga kwabo basaba kurengerwa kwari kwarajyaniranye no kwatura ibyaha byabo kandi barira cyane. Igihe bari bari mu mage akomeye cyane bari bariringiye imbaraga y’Imana ikiza, kandi Imana ntiyabatereranye. Nuko mu rugo rw’ingoro y’Imana humvikana indirimbo zo gusingiza Imana gukomeye. {AnA 328.3}

“Mu Bayuda Imana iramenyekana,
Mu Bisirayeli izina ryayo rirakomeye.
Kandi i Salemu ni ho hema ryayo,
I Siyoni ni ho buturo bwayo.
Ni ho yameneye imirabyo yo mu muheto,
N’ingabo n’inkota n’intwaro z’intambara.
Sela. {AnA 328.4}

“Uri uw’icyubahiro n’ubwiza bwinshi,
Utabarutse mu misozi y’iminyago.

Intwari mu mitima ziranyazwe zisinzira ubuticura,
Kandi nta bo mu banyambaraga babonye amaboko yabo.

“Mana ya Yakobo,
Gucyaha kwawe kwatumye amagare n’amafarashi bisinzirira guhwera.
Wowe ni wowe uteye ubwoba,
Ni nde ubasha guhagarara imbere yawe igihe urakaye?
Wumvikanishije amateka uri mu ijuru,
Isi yaratinye iraceceka,
Ubwo Imana yahagurutswaga no guca amateka,
Ngo ikize abagwaneza bo mu isi bose.
Sela.

“Ni ukuri umujinya w’abantu uzagushimisha,
Umujinya uzasigara uzawukenyera.
Muhige umuhigo muwuhigure Uwiteka Imana yanyu,
Abayigose bose bazanire amaturo iteye ubwoba.
Izarimbura imyuka y’abakomeye,
Ni yo iteye ubwoba abami bo mu isi.” {AnA 329.1}

Zaburi 76.

Gukomera no gutsindwa k’Ubwami bwa Ashuri kuzuyemo ibyigisho ku bihugu byo ku isi muri iki gihe. Mu gihe Ashuri yari iguwe neza cyane, Ibyanditswe byagereranyije ikuzo ryayo n’igiti cy’inganzamarumbo cyiza cyo mu busitani bw’Imana, cyari kirekire cyane kiruta ibiti bigikikije. {AnA 329.2}

“Dore Umwashuri yari umwerezi w’i Lebanoni, ufite amashami meza n’igicucu kinini kandi ari muremure, mu bushorishori bwawo bwageze mu bicu. Wakujijwe n’amazi menshi imuhengeri hawutera gukura neza, imigezi yaho yatemberaga impande z’aho watewe zose, . . . amahanga akomeye yose akaba igicucu cyawo. Uko ni ko warimbishijwe n’ubunini bwawo n’uburebure bw’amashami yawo, kuko imizi yawo yari ishoreye mu mazi menshi. Imyerezi yo muri ya ngobyi y’Imana ntabwo yabashaga kuwuhisha, imiberoshi ntiyareshyaga n’amahage yawo, n’imyarumoni ntabwo yareshyaga n’amashami yawo, kandi nta giti cyo muri iyo ngobyi y’Imana cyari gihwanije na wo ubwiza. Nawurimbishije amashami menshi, bituma ibiti byose byo muri Edeni byari mu ngobyi y’Imana biwugirira ishyari.” Ezekiyeli 31:3-9. {AnA 329.3}

Nyamara aho kugira ngo abategetsi ba Ashuri bakoreshe imigisha idasanzwe bari barahawe kugira ngo yungure abantu bose, bagiriraga nabi ibihugu byinshi. Kubwo kutagira impuhwe kwabo nta no kuzirikana Imana cyangwa abantu bagenzi babo, abategetsi ba Ashuri bakurikiye umugambi uhamye bihaye wo gutera amahanga kwemera ubuhangange bw'ibigirwamana by'i Nineve barutishaga Imana Isumbabyose. Imana yari yarabohererje Yona abazaniye ubutumwa bw'imbuzi, bityo bamara igihe gito bicishije bugufi imbere y'Uwiteka Nyiringabo kandi basaba imbabazi. Nyamara bidatinze bongera guhindukirira gusenga ibigirwamana no kwigarurira isi. {AnA 330.1}

Ubwo umuhanuzi Nahumu yashinjaga inkozi z'ibibi zo mu murwa wa Nineve yaravuze ati: {AnA 330.2}

"Umurwa uvusha amaraso uzabona ishyano!
Wuzuwemo ibinyoma n'ubwambuzi,
Ntabwo basiba kunyaga.

"Urusaku rw'ikiboko, urusaku rwo guhinda kw'inziga,
Imirindi y'amafarashi agenda aca isibo,
Ikiriri cy'amagare y'intambara asimbuka,
Ugendera ku ifarashi akisuka mu rugamba,
N'inkota irabya indimi, n'icumu rirabagirana,
N'abishwe ishyano ryose,
Intumbi nyinshi zigerekeranye,
N'abapfuye ntibabarika.

"Barasitara ku ntumbi zabo
Ibyo byose byatewe n'ubusambanyi bukabije bwa maraya wakundwaga,
Umurozikazi w'umuhanga ugura amoko ubusambanyi bwe,
Akagurisha n'imiryango uburozi bwe.

"Dore ndakwibasiye,
Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, Nzakubeyurira inkanda yawe mu maso hawe,
Kandi nzereka amoko ubwambure bwawe
N'amahanga nyereke ibiteye isoni byawe." {AnA 330.3}

Nahumu 3:1-5.

Imana Ihoraho izirikana ibyo amahanga akora kandi nta kwibeshya ibigiramo. Nubwo imbabazi zayo zuzuye ibambe no kurarikira [abantu] kwihana, iki gikombe cy'amahanga

gikomeza kuba gipfunduye; ariko iyo bigeze ku rugero ntarengwa Imana yashyizeho, umurimo w'uburakari bwayo uratangira. Igikombe kirapfundikirwa, Imana ikareka kubihanganira bityo ntibabe bakingingirwa. {AnA 331.1}

"Uwiteka ntiyihutira kurakara, afite ububasha bwinshi kandi ntabwo yatsindishiriza utsinzwe n'urubanza. Inzira y'Uwiteka iba mu ishuheri no mu mugaru, kandi ibicu ni nk'umukungugu utumurwa n'ibirenge bye. Acyaha inyanja igakama agakamya n'imigezi yose, i Bashani n'i Karumeli hararabye, n'uburabyo bw'i Lebanoni burarabye. Imisozi iratigitira imbere ye n'udusozi turayenga, kandi isi iterurirwa imbere ye, ni ukuri isi n'abayituyemo bose. Ni nde wabasha guhagarara imbere y'umujinya we? Kandi ni nde wakwihanganira uburakari bwe bukaze? Umujinya we usutswe umeze nk'umuriro, kandi ibitare ni we ubimenagura." Nahumu 1:3-6. {AnA 331.2}

Uko ni ko Nineve, "wa murwa wishimaga wadabagiraga, ukibwira mu mutima uti: 'Ni jye, nta wundi uriho kereka jye,'" yahindutse umusaka, ukabamo ubusa, ahantu hose hagasenywa, "aho imigunzu y'intare irira, aho intare y'ingabo n'iy'ingore n'ibyana byazo byajanjagiraga, bitagira icyo byikanga." Zefaniya 2:15; Nahumu 2:10,11. {AnA 331.3}

Ubwo umuhanuzi Zefaniya yari ategereje igihe ubwibone bwa Ashuri bwari kuzacishirizwa bugufi, yahanuye ibya Nineve agira ati: "Imikumbi izagiramo ibiraro byayo n'inyamaswa z'amoko yose zihabone ibikumba, ndetse n'uruyongoyongo n'ikinyogote bizaba mu nkomanizo z'amazu yaho, amajwi yabyo azumvikanira mu madirishya, mu miryango yaho hazaba hasenyutse kuko yatamuruye iby'imyerezi." Zefaniya 2:14. {AnA 331.4}

Ikuzo ry'ubwami bwa Ashuri ryari agahebuzo; kandi no kugwa kwabwo kwari gukomeye. Umuhanuzi Ezekiyeli we yagejeje kure avuga iby'icyitegererezo cy'igiti cy'umwerezi mwiza cyane, maze ahanura yeruye ibyo kugwa kwa Ashuri bitewe n'ubwibone n'ubugome bwayo bukabije. Yaravuze ati: {AnA 332.1}

"'Ni cyo cyatumye Umwami Uwiteka avuga ati: Kuko wabaye muremure, mu bushorishori bwawo bwageze mu bicu, kandi uburebure bwawo bugatuma umutima wawo wishyira hejuru, nzawugabiza intwari yo mu mahanga izawugira uko ishatse, nawirukanye nywuhoye ibibi byawo. Kandi inzaduka z'abanyamahanga zitera ubwoba zarawutemye ziwusiga aho, amashami yawo anyanyagira ku misozi no mu bikombe hose, na yo amahage yawo aravunika agwa ku migende y'amazi yose yo mu gihugu, kandi amahanga yo mu isi yose ava mu gicucu cyawo arawusiga. Ibisiga byo mu kirere byose bizataha kuri wo aho waguye, n'inyamaswa zose zo mu ishyamba zizaba ku mashami yawo, kugira ngo hatagira igiti cyo hafi y'amazi kiziratana uburebure bwacyo, cyangwa ngo kigabe amashami mu bushorishori bwacyo, habe n'ibikomeye byo muri byo bigira ngo bisumbe ibindi ari byo biyoborwamo

amazi byose, kuko byose byatanzwe ngo bipfe bijye ikuzimu, bifatanijwe n'abantu bamanuka bajya mu rwobo. {AnA 332.2}

"'Uku ni ko Umwami Uwiteka avuga ngo: Umunsi wamanukaga ujya ikuzimu nategetse kuwuborogera, nawukingiye imuhengeri, mbuza imigezi yaho gutemba n'amazi menshi aragomerwa, maze ntuma i Lebanoni ngo hawuborogere kandi n'ibiti byose byo mu gasozi ngo biwurabire. Natumye amahanga ahindishwa umushyitsi no guhorera ko kugwa kwawo." Ezekiyeli 31:10-16. {AnA 332.3}

Ubwibone bwa Ashuri no kugwa kwayo bigomba kuba icyigisho cy'icyitegererezo cyerekana imperuka y'ibihe. Imana ibwira amahanga yo ku isi mu bwibone bwayo muri iki gihe ashyirira hamwe kuyirwanya igira iti: "'Mu biti byo muri Edeni ni ikihe muhwanije ubwiza no gukomera? Ariko uzacishwa bugufi hamwe n'ibiti byo muri Edeni ugere ikuzimu." Umurongo wa 18. {AnA 333.1}

"Uwiteka ni mwiza, ni igihome ku munsi w'amakuba kandi azi abamwiringira . . . . kandi abanzi be azabakurikirana no mu mwijima" ari bo bantu bose baharanira kwishyira hejuru ngo barute Isumbabyose. Nahumu 1:7, 8. {AnA 333.2}

"Ubwibone bwa Ashuri buzacishwa bugufi, n'inkoni y'umwami wa Egiputa izavaho." Zekariya 10:11. Ibi ni ukuri atari ku mahanga yahagurukiye kurwanya Imana mu bihe bya kera gusa, ahubwo no ku mahanga yo muri iki gihe adasohoza umugambi w'Imana. Mu munsi wo gutanga ingoroano ziheruka, ubwo Umucamanza ukiranuka w'isi yose "azagosora amahanga" (Yesaya 30:28), kandi abashikamye ku kuri bakemererwa kwinjira mu Murwa w'Imana, amarembo y'ijuru azirangira indirimbo zo kunesha z'abazaba bacunguwe. Umuhanuzi aravuga ati: "Nuko muzaririmba indirimbo nk'iyo baririmba nijoro ku munsi mukuru wera, muzagira n'umunezero wo mu mutima nk'uw'umuntu ufite umwironge, ajya ku musozi w'Uwiteka gusanga Igitare cya Isirayeli. Uwiteka azumvikanisha ijwi rye ry'icyubahiro, kandi kumanuka k'ukuboko kwe azakwerekanisha uburakari bwe n'umujinya we, n'ikirimi cy'umuriro ukongora n'inkubi y'umuyaga n'urubura. Abashuri bazakurwa umutima n'ijwi ry'Uwiteka, azabakubita inkoni ye. Kandi uko bazajya babakubita inkoni zitegetswe, izo bazaba bategetswe n'Uwiteka, hazajya habaho ishako n'inanga." Yesaya 30:29-32. {AnA 333.3}

IGICE CYA 31 - IBYIRINGIRO KU BAPAGANI

Mu gihe yamaze akora umurimo we, Yesaya yatanze ubuhamya bwumvikana bwerekeye umugambi Imana ifitiye abapagani. Abandi bahanuzi bari baravuze iby'umugambi w'Imana, ariko iteka imvugo yabo ntiyagiye yumvikana. Yesaya yahawe kumenyesha Abayuda neza ukuri kuvuga ko muri Isirayeli y'Imana habarizwamo abantu benshi batari urubyaro rwa Aburahamu ku mubiri. Iyi nyigisho ntiyari ihuye n'imyigishirize y'iyobokamna y'icyo gihe, nyamara Yesaya yavuze ubutumwa yahawe n'Imana ashize amanga kandi yazaniye ibyiringiro imitima myinshi yari ifitiye inyota imigisha y'iby'umwuka yasezeraniwe urubyaro rwa Aburahamu. {AnA 334.1}

Mu rwandiko Pawulo intumwa ku Banyamahanga yandikiye abizera b'i Roma, yerekeza intekerezo zabo ku miterere y'inyigisho ya Yesaya. Pawulo aravuga ati: "Kandi Yesaya ashira amanga cyane, aravuga ati: 'Nabonywe n'abatanshatse, neretswe abatambaririje.'" Abaroma 10:20. {AnA 334.2}

Kenshi Abisirayeli basaga n'abadashoboye cyangwa badashaka gusobanukirwa umugambi Imana ifitiye abapagani. Nyamara uwo mugambi ni wo wari waratumye ibagira ubwoko bwihariye kandi ikaba yari yarabashyizeho nk'ishyanga ryigenga mu mahanga yose yo ku isi. Umubyeyi wabo Aburahamu wari warahawe isezerano ubwa mbere, yari yarahamagariwe kuva muri bene wabo akajya mu turere twa kure kugira ngo abe umutwaramucyo ku bapagani. Nubwo isezerano yari yarahawe ryari rikubiyemo kuzahabwa urubyaro rungana n'umusenyi wo ku nyanja, nyamara ntiryari ryatangiwe umugambi wo kwikanyiza ko yagombaga gushinga ishyanga rikomeye mu gihugu cy'i Kanani. Isezerano Imana yagiranye na we ryari rikubiyemo amahanga yose yo ku isi. Uwiteka yaravuze ati: "Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha: kandi nzaha umugisha abakwifuriza umugisha, kandi uzakuvuma nzamuvuma: kandi muri wowe no mo imiryango yose yo mu isi izaherwa umugisha." Itangiriro 12:2,3. {AnA 334.3}

Mu kuvugururwa kw'iryo sezerano kwabayeho mbere gato yo kuvuka kwa Isaka, umugambi Imana ifitiye abantu bose wongeye gusobanurwa. Isezerano Uwiteka yatanze ryerekeye umwana wasezeranywe ryari iri ngo: "Kandi maahnga yose yo mu isi azaherwa umugisha muri we." Itangiriro 18:18. Nyuma yahoo umushyitsi wari uturutse mu ijuru yongeye kubishimangira ati: "Kandi mu rubyaro rwawe ni mo amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha kuko wanyumviye." Itangiriro 22:18. {AnA 335.1}

Abana ba Aburahamu ndetse n'abuzukuru be bari bamenyereye aya magambo yo muri sezerano akubira hamwe abantu bose. Abisirayeli bakuwe mu bubta bwo mu Egiputa kugira

ngo babashe kuba umugisha ku mahanga, kandi izina ry'Imana rimenyekane ku isi yose (Kuva 9:16). Iyo Abisirayeli bumvira ibo Imana yabasabaga, bagombaga kuruta andi mahana yose mu bwenge no gusobanukirwa; ariko uku kuruta abandi kwajyaga kugerwaho ndetse kugakomeza ari ukugira ngo gusa binyuze muri bo umugambi Imana ifitiye "amahanga yose yo ku isi" ubashe gusohozwa. {AnA 335.2}

Ibitangaza bikomeye byajyaniranye no gucungurwa kw'Abisirayeli bakuwe mu bubata bwo mu Egiputa ndetse n'ibyajyanye n'uko bigaruriye Igihuru cy'Isezerano byateye benshi mu bapagani kumenya ko Imana ya Isirayeli ari yo Mutegetsi w'Ikirenga. Isezerano ryari ryaratanzwe ryari iri ngo: "Abanyegiputa bazamenya yuko ndi Uwiteka, ubwo nzarambura ukuboko ku gihugu cya Egiputa, ngakura Abisirayeli muri cyo." Kuva 7:5. Ndetse na Farawo w'umwibone byabaye ngombwa ko amenya ububasha bw'Uwiteka. Yasabye Mose na Aroni ati: "Mugende mukorere Uwiteka . . . . kandi munsabire umugisha." Kuva 12:31, 32. {AnA 335.3}

Ingabo z'Abisirayeli zakomezaga urugendo zaje kubona ko kumenya imirimo ikomeye y'Imana y'Abaheburayo byari byarabatanze imbere, kanid ko bamwe mu bapagani bagendaga bamenya ko Imana y'Abaheburayo ari yo Mana nyakuri. Muri Yeriko yari yarakabije ubugome, ubuhamya bw'umugore w'umupagani bwabaye ubu ngo: "Imana yanyu ni yo Mana yo hejuru mu ijuru no hasi mu isi." Yosuwa 2:11. Kumenya Uwiteka kwari kwaramugezeho muri ubwo buryo, kwaramukijije. "Kwizera ni ko kwatumye maraya uwo, Rahabu, atarimburanwa n'abatumviye Imana." Abaheburayo 11:31. Kandi guhinduka kwa Rahabu si we wenyine kwabayeho nk'ikimenyetso cy'imbabazi Imana yagiriye abasengaga ibigirwamana bemeye ubutware bwayo. Hagati muri icyo gihugu hari abantu benshi cyane —Abagibewoni- baretse ubupagani maze bifatanya n'Abisirayeli, basangira nabo imigisha y'isezerano. {AnA 336.1}

Nta tandukaniro rishingiye ku bwenegihugu cyangwa ubwoko Imana iha agaciro. Ni Yo Muremyi w'abantu bose. Kubw'iremwa, abantu bose ni abo mu muryango umwe, kandi bose ni umwe kubwo gucungurwa. Kristo yaje gutandukanya inkuta zose zatandukanyaga abantu, yaje gukingura icyumba cyose cyo mu ngoro y'Imana kugira ngo umuntu wese abashe kugera ku Mana nta nkomyi. Urukundo rwe ruragutse cyane, rurimbitse cyane kandi rurashyitse rwose ku buryo rwinjira ahantu hose. Abantu bayobejwe n'ubushukanyi bwa Satani rubakura mu bubasha bwe maze rukabashyira imbere y'intebe y'Imana, intebe y'ubwami igoswe n'umukororombya w'isezerano. Muri Kristo, nta Muyuda cyangwa Umugiriki, nta mbata cyangwa uw'umudendezo. {AnA 336.2}

Mu myaka yakurikiye kwigarurira Igihugu cy'Isezerano, imigambi myiza Uwiteka yari afite yerekeye agakiza k'abapagani yari hafi kwibagirana burundu, maze biba ngombwa ko

Uwiteka yongera kugaragaza umugambi we bundi bushya. Umuhimbyi wa Zaburi yabashishijwe kuririmba agira ati: “Abo ku mpera yose y’isi bazibuka bahindukirire Uwiteka, Amoko yose yo mu mahanga azasengera imbere yawe.” “Abakomeye bazaza bavuye muri Egiputa, Etiyopiya hazihuta kuramburira Imana amaboko yaho.” “Bizatuma amahanga yubaha izina ry’Uwiteka, n’abami bo mu isi bose bakubaha icyubahiro cyawe.” “Ibyo bizandikirwa ab’igihe kizaza, ubwoko buzaremwa buzashima Uwiteka. Kuko azaba arebye hasi, ari hejuru ahera he, Uwiteka arebeye isi mu ijuru, Kugira ngo yumve kuniha kw’imbohe, Abohore abategekewe gupfa, ngo abantu bogereze izina ry’Uwiteka i Siyoni, N’ishimwe rye i Yerusalemu, ubwo amahanga n’ibihugu by’abami, Bizateranira gukorera Uwiteka.” Zaburi 22:28; 68:31 102:15, 18-22. {AnA 337.1}

Iyo Isirayeli iba indahemuka ku cyizere yagiriwe, amahanga yose yo ku isi aba yarabonye ku migisha Isirayeli yahawe. Nyamara imitima y’abari bararagijwe kumenya ukuri gukiza ntiyitaye ku bukene bw’abari babakikije. Ubwo umugambi w’Imana wibagiranaga, abapagani baje gufatwa nk’abatari aho ubuntu bwayo bwagera. Amahanga yari atwikirijwe umwenda wo kutitabwaho no gusuzugurwa; urukundo rw’Imana rwari ruzwi gake cyane; bityo ikinyoma n’imyizerere ipfuye biraganza. {AnA 337.2}

Ibyo ni byo byasanganiye Yesaya igihe yahamagarirwaga gukora umurimo w’ubuhanuzi; nyamara ntiyacitse intege, kuko mu matwi ye hirangiraga indirimbo zo kunesha z’abamarayika bagose intebe y’ubwami bw’Imana bavuga bati: “isi yose yuzuye icyubahiro cye.” Yesaya 6:3. Kandi ukwizera kwe kwakomejwe no kwerekwa kunesha kunejeje kw’itorero ry’Imana igihe “isi izakwirwa no kumenya Uwiteka nk’uko amazi y’inyanja akwira hose.” Yesaya 11:9. “Igitwikirizo cy’ubwirabure gitwikiriye mu maso h’abantu bose, kandi n’igitwikirizo gitwikiriye amahanga yose,” amaherezo cyagombaga kuzamarwaho. Yesaya 25:7. Umwuka w’Imana wagombaga gusukwa ku bantu bose. Abantu bafitiye inzara n’inyota gukiranuka bagombaga kubarwa muri Isirayeli y’Imana. Umuhanuzi yaravuze ati: “Bazamera nk’uko imikinga yo ku migezi imerera mu bwatsi. Umwe azavuga ati ‘Ndi uw’Uwiteka’, undi aziyita izina rya Yakobo, undi aziyandikira n’ukuboko kwe ko ari w’Uwiteka yihimbe izina rya Isirayeli.” Yesaya 44:4, 5. {AnA 337.3}

Umuhanuzi yahishuriwe umugambi uhebuje w’Imana mu gutatanyiriza Abayuda banze kwihana mu mahanga menshi yo ku isi. Uwiteka yaravuze ati: “Noneho abantu banjye bazamenya izina ryanjye: kuri wa munsi bazamenya ko ari jye uvuga. Dore ni jye.” Yesaya 52:6. Ntabwo ari bo bonyine bagombaga kwiga icyigisho cyo kubaha no kwiringira. Aho bari kuba barahungiye bagombaga kumenyesha abandi Imana ihoraho. Benshi mu bana b’abanyamahanga bagombaga kwiga gukunda Imana nk’Umuremyi wabo n’Umucunguzi wabo. Bagombaga gutangira kubahiriza umunsi yayo yera w’Isabato nk’urwibutso

rw'ububasha bwayo bwo kurema; kandi igihe Imana yari guhina "umwambaro wo ku kuboko kwe kwera imbere y'amahanga yose," kugira ngo arokore ubwoko bwe abukure mu bunyage, "impera z'isi zose" zari kuzabona agakiza k'Imana. (Yesaya 52:10). Benshi muri abo bari kuba barahindutse bavuye mu bupagani bari kwifuza kwifatanya rwose n'Abisirayeli kandi aba bafata urugendo basubiye mu Buyuda bakabaherekeza. Nta n'umwe muri bo wajyaga kuvuga ati: "Uwiteka ntazabura kuntandukanya n'ubwoko bwe" (Yesaya 56:3), kuko ijambo Imana yanyujije ku muhanuzi wayo ngo aribwire abajyaga kumuyoboka kandi bagakurikiza amategeko ye ryavugaga ko kubw'ibyo bazabarwa muri Isirayeli y'iby'umwuka ari yo torero ry'Imana ku isi. {AnA 338.1}

"Kandi abanyamahanga bahakwa ku Uwiteka bakamukorera bakunze izina rye bakaba abagaragu be, umuntu wese akeza isabato ntayice agakomeza isezerano ryanjye, abo na bo nzabageza ku musozi wanjye wera, mbanezezereze mu nzu yanjye y'urusengero. Ibitambo byabo byoswa n'amaturo yabo bizemerwa bitambirwe ku gicaniro cyanjye kuko inzu yanjye izitwa inzu yo gusengerwamo n'amahanga yose." Umwami Imana ikoranya ibicibwa bya Isirayeli iravuze iti: "Nzongera kumukoraniriza abandi udashyizeho abe bakoranijwe." Yesaya 56:6-8. {AnA 339.1}

Umuhanuzi yabashishijwe kureba kure mu binyejana byinshi igihe cyo kuza kwa Mesiya wasezeranwe. Ubwa mbere yabonye "amakuba n'umwijima umeze nk'ubwire . . . n'umwijima w'icuraburindi." Yesaya 8:22. Abantu bensh bifuza cyaneumucyo w'ukuri bayobywaga n'abigisha b'ibinyoma babajyanaga mu rujijo rw'ubucurabwenge no gukorana n'imyuka y'abadayimoni. Abandi na bo bashyiraga ibyiringiro byabo mu gisa no kubaha Imana, nyamara ntibagaragarizaga ubutungane nyakuri mu byo bakora mu mibereho yabo. Ibyagaragaraga inyuma byasaga n'urucantege; ariko mu kanya gato ibintu byarahindutse maze imbere y'amaso y'umuhanuzi hashyirwa iyerekwa ritangaje. Yabonye Zuba ryo Gukiranuka arashe afite gukiza mu mababa ye; maze umuhanuzi atangaye aravuga ati: "Ariko nta bwire buzaba ku uwahoze ari umunyamubabaro. Mu gihe cya kera yateye igisuzuguriro igihugu cya Zebuluni n'igihugu cya Nafutali, ariko mu gihe cya nyuma yagiteye icyubahiro ku nzira ikikiye inyanja hakurya ya Yorodani, Galilaya y'abanyamahanga. Abantu bagenderaga mu mwijima babonye umucyo mwinshi, abari batuye mu gihugu cy'igicucu cy'urupfu baviriwe n'umucyo." Yesaya 8:23; 9:1. {AnA 339.2}

Uwo Mucyo urabagirana w'isi wagombaga kuzanira agakiza amahanga yose, amoko yose n'indimi zose. Ku byerekeye umurimo wari imbere ya Zuba, umuhanuzi yumvise Data wa twese uhoraho avuga ati: "Kuba umugaragu wanjye ugakungura imiryango ya Yakobo, ukagarura Abisirayeli bacitse ku icumu, ibyo ntibihagije. Ahubwo nzaguha kuba umucyo

wo kuvira amahanga, kugira ngo agakiza kanjye kagere ku mpera y'isi." "Igihe cyo kwemererwamo ndagushubije, no ku munsi wo gukirizwamo ndagutabaye, kandi nzagukiza ngutange ho isezerano ry'abantu kugira ngo uhagurutse igihugu, utume baragwa gakondo yabo yabaye umwirare. Kandi ubwire imbohe zisohoke, n'abari mu mwijima uti 'Nimugaragare.' Bazarishiriza ku mayira, no mu mpinga z'imisozi zose, ahari agasi hazaba urwuri." "Dore aba bazava kure, dore aba bazava ikasikazi n'iburengerazuba kandi aba na bo bazaturuka mu gihugu cy'i Sinimu." Yesaya 49:6, 8,9,12. {AnA 340.1}

Umuhanuzi akomeje kwitegereza imbere kure mu myaka myinshi, yabonye gusohora kw'ayo masezerano y'agahozo. Yabonye abatwara inkuru nziza y'agakiza bajya ku mpera z'isi, basanga imoko yose n'amahanga yose. Yumvise Uwiteka avuga iby'itorero ryamamaza ubutumwa bwiza agira ati: "Dore nzahayoborahoamahoro ameze nk'uruzi, nzahaha ubwiza bw'amahanga bumeze nk'umugezi wuzuye;" kandi yumvise hatangwa inshingano ngo: "Agūra ikibanza cy'ihema ryawe, rēga inyegamo zo mu mazu yawe zigireyo, ntugarukire hafi wungure imigozi yawe ibe miremire, ushimangire imambo zawe, kuko uzarambura ujya iburyo n'ibumoso. Urubyaro rwawe ruzahindūra amahanga, kandi ruzatuza abantu mu midugudu yabaye amatongo." Yesaya 66:12; 54:2, 3. {AnA 340.2}

Uwiteka yabwiye umuhanuzi ko azohereza abahamya be "mu mahanga, i Tarushishi n'i Puli n'i Ludi . . . n'i Tubali n'i Yavani mu birwa biri kure." Yesaya 66:19. {AnA 341.1}

"Erega ibirenge by'uzanye inkuru nziza
Ni byiza ku misozi,
Akamamaza iby'amahoro akazana inkuru z'ibyiza,
Akamamaza iby'agakiza akabwira i Siyoni ati
"Imana yawe iri ku ngoma!" {AnA 341.2}

Yesaya 52:7.

Umuhanuzi yumvise ijwi ry'Imana rihamagarira itorero ryayo umurimo ryahawe, kugira ngo inzira itegurirwe kwimikwa kw'ingoma yayo izahoraho. Ubutumwa bwatanzwe bwarumvikanaga rwose: {AnA 341.3}

"Byuka urabagirane kuko umucyo wawe uje,
Kandi ubwiza bw'Uwiteka bukaba bukurasiye.

"Dore umwijima uzatwikira isi,
Umwijima w'icuraburindi uzatwikira amahanga,
Ariko Uwiteka azakurasira kandi ubwiza bwe buzakugaragaraho.
Amahanga azagana umucyo wawe,

N’abami bazagusanga ubyukanye kurabagirana.

“Ubura amaso yawe uraranganye urebe,
Bose baraterana baza bagusanga baje aho uri,
Abahungu bawe bazaza baturuka kure n’abakobwa bawe bazaza bahagatiwe.

“Abanyamahanga bazubaka inkike zawe,
N’abami babo bazagukorera
Kuko narakaye nkagukubita,
Ariko none ngize imbabazi ndakubabarira.
Amarembo yawe azahora yuguruwe iteka,
Ntazugarirwa ku manywa na nijoro,
Kugira ngo abantu bakuzanire ubutunzi bw’amahanga n’abami bayo ari imfate.

“Nimumpugukire mukizwe,
Mwa bari ku mpera z’isi mwese mwe,
Kuko ari jye Mana nta yindi ibaho.” {AnA 341.4}

Yesaya 60:1-4, 10,11; 45:22.

Ubwo buhanuzi bwerekeye ikanguka rikomeye mu by’umwuka mu gihe cy’umwijima w’icuraburindi muri iki gihe buragenda busohora mu iterambere ry’ibyicaro by’umurimo w’ivugabutumwa bigenda bigera mu turere two ku isi tubundikiwe n’umwijima. Umuhanuzi yagereranyije amatsinda y’abavugabutumwa (abamisiyoneri) mu bihugu by’abapagani n’amabendera yashinzwe kugira ngo ayobore abashaka umucyo w’ukuri. {AnA 342.1}

Yesaya aravuga ati: “Maze uwo munsi igitsina cya Yesayi kizaba gihagaritswe no kubera amahanga ibendera, icyo gitsina ni we amahanga azahakwaho, kandi ubuturo bwe buzagira icyubahiro. Uwo munsi Umwami Imana izarambura ukuboko ubwa kabiri, igarure abantu bayo basigaye bacitse ku icumu. . . . Kandi azashingira amahanga ibendera, ateranye Abisirayeli baciwe, azateraniriza hamwe Abayuda batatanye, abakuye ku mpera enye z’isi.” Yesaya 11:10-12. {AnA 342.2}

Umunsi wo gucungurwa uri hafi. “Kandi amaso y’Uwiteka ahuta kureba isi yose impande zose kugira ngo yerekane ko ari umunyamaboko wo kurengera abafite imitima imutunganiye.” 2Ngoma 16:9. Mu mahanga yose, mu moko yose n’indimi zose, Imana ibonamo abagabo n’abagore basenga basabira guhabwa umucyo no kumenya. Imitima yabo ntinyuzwe kuko yamaze igihe kirekire irya ivu. Yesaya 44:20. Umwanzi w’ubutungane bwose yarabayobeje none bagenda bakabakaba nk’impumyi. Nyamara ni indahemuka mu

mitima kandi bifuza kumenya inzira nziza. Nubwo bimbitse mu bupagani, kandi ntibabe bazi amategeko yanditswe y'Imana cyangwa ngo bamenye iby'Umwana wayo Yesu, bagaragaje mu buryo bwinshi imikorere y'imbaraga y'Imana ku ntekerezo no ku mico. {AnA 342.3}

Inshuro nyinshi abantu batazi Imana uretse ibyo bayimenyeho bitewe n'imikorere y'ubuntu bwayo, bagiye bagirira neza abagaragu bayo, bakabarinda ndetse bibasabye no gushyira ubuzima bwabo mu kaga. Mwuka Wera ari gushyira ubuntu bwa Kristo mu mitima y'abantu benshi bashakisha ukuri bashimikiriye, agakangurira amarangamutima yabo gukora mu buryo buhabanye na kamere yabo, kandi buhabanye n'uburere bwa kera bahawe. "Uwo Mucyo ni we Mucyo nyakuri" waje "mu isi, ngo amurikire umuntu wese" (Yohana 1:9), amurikira mu bugingo bw'abo bantu; kandi uyu Mucyo niyumvirwa, azayobora ibirenge by'umuntu mu bwami bw'Imana. Umuhanuzi Mika yaravuze ati; "Ninicara mu mwijima, Uwiteka azambera umucyo. . . . Azansohora anjyane mu mucyo, mbone kureba gukiranuka kwe." Mika 7:8,9. {AnA 342.4}

Umugambi w'agakiza ijuru rifite uragutse cyane bihagije ku buryo ugera ku batuye isi bose. Imana yifuza cyane guhumekera umwuka w'ubugingo mu kiremwamuntu kirambaraye hasi. Kandi Imana ntizemera ko umuntu uwo ari we wese umaramaje mu kwifuza ikintu kiruseho kandi cy'agaciro kirenze icyo ari cyo cyose isi ishobora gutanga, yabura icyo ashaka. Imana ihora yoherereza abamarayika bayo abantu basengana kwizera basaba imbaraga ibarenze kugira ngo ibigarurire kandi ibazanire gucungurwa n'amahoro mu gihe bagoswe n'ibihe by'urucantege bikabije. Imana izabihishurira mu nzira zitandukanye kandi izatuma bahura n'ibyiza bizakomeza ibyiringiro bafitiye wa wundi witangiye kuba incungu ya bose, "kugira ngo biringire Imana, kandi batibagirwa ibyo Imana yakoze, ahubwo bitondere amategeko yayo." Zaburi 78:7. {AnA 343.1}

"Mbese abakomeye bānyagwa iminyago, cyangwa abajyanwa ari imbohe bazira ukuri bararekurwa?" "Ariko Uwiteka aravuga ati "Abajyanwa ari imbohe n'abakomeye na bo bazakurwayo, kandi iminyago y'abanyamwaga izarekurwa, kuko ari jye uzakurwanira n'ukurwanya kandi nzakiza abana bawe." Yesaya 49:24,25. "Ariko abiringira ibishushanyo bibajwe bazasubizwa inyuma, ababwira ibishushanyo biyagijwe bati: 'Muri imana zacu', bazakorwa n'isoni cyane." Yesaya 42:17. {AnA 343.2}

"Hahirwa ufite Imana ya Yakobo ho umutabazi we: akiringira Uwiteka Imana ye." Zaburi 146:5. "Nimuhindukirire igihome gikomeye, mwa mbohe zifite ibyiringiro mwe. Uyu munsi ndahamya yuko nzabashumbusha kabiri." Zekariya 9:12. Abatunganye mu mitima bose bo mu bihugu by'abapagani "bagenda batunganye" mu maso y'Ijuru — "umucyo ubavira mu mwijima." Zaburi 112:4. Imana yaravuze iti: "Impumyi nzaziyobora inzira zitazi, nzinyuze

mu tuyira zitigeze kumenya. Umwijima nzawuhindurira umucyo imbere yazo, n'ahagoramye nzahagorora. Ibyo nzabibakorera kandi sinzabahāna." Yesaya 42:16. {AnA 344.1}

UMUGABANE WA IV - IGIHANO KU GIHUGU

"Nzaguhana uko bikwiriye, kandi ntabwo nakureka ntaguhannye." Yeremiya 30:11

IGICE CYA 32 - MANASE NA YOSIYA

Ubwami bw'Ubuyuda bwari bwaraguwe neza mu gihe cyose cy'umwami Hezekiya, bwongeye gusubizwa hasi mu gihe cy'ingoma y'ibibi yamaze imyaka myinshi igihe ubupagani bwongeraga guhemburwa, kandi benshi mu bantu bashowe mu gusenga ibigirwamana. "Nuko Manase ayobya Abayuda n'ab'I Yerusalemu, bituma barisha amahanga Uwiteka yarimbuye imbere y'Abisirayeli gukora nabi." 2Ngoma 33:9. Umucyo uhebuje wari wararanze ibisekuru byabanje wakurikiwe n'umwijima z'imyizerere ipfuye n'ubuyobe. Ibibi bikomeye cyane byaradutse kandi biraganza: iterabwoba, ikandamiza o kwanga ibyiza byose. Ubutabera bwaragoretswe maze urugomo ruhabwa intebe. {AnA 346.1}

Nyamara ibyo bihe bibi ntibyabuze kurangwamo abahamya b'Imana n'icyiza. Ibihe by'ibigeragezo Ubuyuda bwari bwaranyuzemo mu gihe bukabivamo amahoro ku ngoma ya Hezekiya byari byarakujije mu mitima ya benshi imico ihamye yababereye nk'urukuta rubarinda gukiranirwa kwari kuganje icyo gihe. Uko bahamyaga ukuri n'ubutungane byabyukije umujinya wa Manase ndetse n'abari bamwungirije mu buyobozi baharaniraga kwirunduririra mu gukora ibibi bakabicisha mu gucecekesha ijwi ryose ryabamaganaga. "Kandi Manase yavushije amaraso menshi y'abatacumuye, kugeza aho yayujuje i Yerusalemu hose." 2Abami 21:16. {AnA 346.2}

Uwishwe bwa mbere yabaye Yesaya wari waramaze imyaka isaga mirongo itanu ahagarara imbere y'Ubuyuda nk'intumwa yashyizweho n'Uwiteka. "Abandi bakageragereshwa gushinyagurirwa no gukubitwa ibiboko, ndetse no kubohwa no gushyirwa mu mazu y'imbohe. Bicishwaga amabuye bagakerezwa inkerezo, bakageragezwa bakicishwa inkota, bakazerera bambaye impu z'intama n'iz'ihene, banyazwe byose, bakababazwa bakagiririrwa nabi. Yemwe, n'isi ntiyari ikwiriye ko bayibamo! Bazereraga mu mashyamba no mu bihanamanga, no mu mavumo no mu masenga." Abaheburayo 11:36-38. {AnA 347.1}

Bamwe mu batotejwe mu gihe cy'ingoma ya Manase batumwe kujya gutanga ubutumwa budasanzwe wo gucyaha n'urubanza. Abahanuzi baravuze ko umwami w'Abayuda "yakoze ibizira biruta iby'Abamori bamubanjirije bakoze byose." Bitewe n'ubukozi bw'ibibi kwe, ubwami bwe bwari buri kwegeza kujya mu kaga; bidatinze abaturage b'igihugu bari bagiye kujyanwa ari imbohe, aho bagombaga guhinduka "umuhigo n'umunyago by'ababisha babo bose." 2Abami 21:11,14. Nyamara Uwiteka ntiyajyaga gutererana burundu abajyaga kuzirikana ko ari we Muyobozi wabo bari mu gihugu cy'amahanga. Bagombaga guhura n'umubabaro ukomeye, nyama Uwiteka yari kuzabazanira gucungurwa igihe yagennye

kigze ndetse no mu buryo bwe. Abari gushyira ibyiringiro byabo muri We rwose bari kubona ubuhungiro nyakuri. {AnA 347.2}

Abahanuzi bakomeje gutanga imiburo no kwinginga kwabo bakiranutse; babwiye Manase n'abaturage be bashize ubwoba; nyamara ubutumwa bwabo babuhinduye urw'amenyo. Ubuyuda bwari bwarasubiye inyuma ntibwajyaga kumvira. Nk'ikintu gikomeye cyerekanaga ibyajyaga kuba kuri rubanda igihe rukomeje kwinangira ntirwihane, Uwiteka yemeye ko umwami wabo afatwa mpiri n'agatsiko k'abasirikare b'Abanyashuri. "Bamushyize mu mihama, bamujyana i Babuloni bamubohesheje iminyururu." Ayo makuba yateye umwami Manase kugarura agatima, "maze yinginga Uwiteka Imana ye, yicishiriza bugufi cyane imbere y'Imana ya ba sekuruza, arayisaba; nuko Imana yemera kwinginga kwe, yumva ibyo asabye, imusubiza i Yerusalemu mu bwami bwe. Manase aherako amenya yuko Uwiteka ari we Mana." 2Ngoma 33:11-13. Nyamara nubwo uko kwihana kwagaragaraga, kwabayeho gukerewe cyane kugira ngo kubwe kwakiza igihugu imbaraga yangiza y'imyaka myinshi yakozwemo imigenzo yo gusenga ibigirwamana. Abantu benshi bari barasitaye ndetse bagwa ubutazongera kubyuka. {AnA 348.1}

Mu bantu imibereho yabo yari yaramaze guhindurwa ukundi bitavugwa n'ubuhakanyi bukomeye bwa Manase, harimo umuhungu we yibyariye waje kwima ingoma afite imyaka makumyabiri n'ibiri. Umwami Manase yanditsweho ibi ngo: "Yagendanaga ingeso zose se yagendanaga, akajya akorera ibidhudhanyo se yakoreraga, akabiramya. Yimura Uwiteka Imana yaba sekuruza, ntagendere mu nzira zayo." (2Abami 21:21, 22); "ntiyicishiriza bugufi imbere y'Uwiteka nk'uko se Manase yicishaga bugufi, ahubwo Amoni uwo yiyongeranya gucumura." Uwo mwami w'inkozi y'ibibi ntiyemerewe gutegeka igihe kirekire. Hagati muri uko gukora ibibi kwe yihandagaje, hari nyuma y'imyaka ibiri gusa yimye ingoma, yaje kwicirwa ibwami n'abagaragu be bwite; maze "abantu bo mu gihugu . . . bimika umuhungu we Yosiya ingoma ye." 2Ngoma 33:23, 25. {AnA 348.2}

Igihe Yosiya yimaga ingoma, aho yagombaga gutegekwa imyaka igihe cy'imyaka mirongo itatu n'umwe, abari barashikamye ku butungane bwo kwizera kwabo batangiye kwiringira ko gusubira inyuma k'ubwami kuvuyeho; kuko nubwo umwami mushya yimye ingoa afite imyaka umunani gusa, yubahaga Uwiteka, kandi kuva mu itangira ry'ingoma ye "yakoze ibishimwa imber ey'Uwiteka, agendana ingezo nziza za sekuruza Dawidi zose, ntiyakebakeba." 2Abami 22:2. Nubwo yavutse ku mwami w'inkozi y'ibibi, akaba yari yugarijwe n'ibigeragezo byamukururiraga kugera ikirenge mu cya se, ndetse akaba yari afite abajyanama bake cyane bo kumushishikariza kugendera mu nzira itunganye, Yosiya yari indahemuka ku Mana ya Isirayeli. Kubera ko yariyaraburiwe n'amakosa y'ab'ibihe byashize, yahisemo gukora ibitunganye aho kugira ngo ajye no ku rwego rwo hasi cyane

rwo gukora ibyaha no gusigingira se na sekuru bari baragezeho. “Ntiyakebakeba ngo ace iburyo cyangwa ibumoso.” Nk’umuntu wagombaga kuba mu mwanya ukomeye, yiyemeje kumvira yari yaratanzwe ngo ayobore abami b’Abisirayeli, kandi kumvira kwe kwatumye Imana imugira igikoresho cy’icyubahiro. {AnA 349.1}

Igihe Yosiya yatangiraga gutegeka ndetse no mu myaka myinshi mbere yaho, ab’imitima itunganye mu Buyuda bibazaga niba amasezerano Imana yasezeraniye Isirayeli ya kera azabasha gusohozwa. Mu mirebere ya kimuntu, umugambi Imana yari ifitiye ishyanga ryatoranyijwe wasaga rwose n’aho bidashoboka ko usohozwa. Ubuhakanyi bwo mu myaka amagana menshi yari ashize bwari bwaragize imbaraga; imiryango icumi mu miryango cumi n’ibiri yari yaratatanyirijwe mu bihugu by’abapagani; bityo hari hasigaye umuryango wa Yuda n’uwa Benyamini gusa, kandi ubu iyi nayo yasaga n’aho yari igeze ku musozo w’imico mbonera hagiye kubaho gusenyuka kw’ishyanga. Abahanuzi bari baratangiye guhanura ibyo kurimbuka gukomeye k’umurwa wabo ubereye ijisho, ahari hahagaze ingoro yubatswe na Salomo, ari naho hari hashingiye ibyiringiro byabo byose by’isi byerekey gukomera kw’ishyanga. Mbese byari gushoboka ko Imana yari igiye kureka umugambi wayo ukomeye wo gucungura abari kuyiringira? Mbese imbere y’itotezwa ry’abakiranutsi ryamaze igihe kirekire n’imbere y’icyasaga no kugubwa neza kw’inkozi z’ibibi, aho abakomeje kuba indahemuka ku Mana bari kugira ibyiringiro ko hari iminsi myiza izaza? {AnA 349.2}

Ibyo bibazo byari bihangayikishije byavuzwe n’umuhanuzi Habakuki. Ubwo yitegerezaga uko abakiranutsi bamerewe mu gihe cye, yavuze ibimuremereye mu mutima abaza ati: “Uwiteka we, nzataka utanyumva ngeze ryari? Ngutakira iby’urugomo ruriho ntubikize. Ni iki gituma unyereka gukiranirwa, ukareba iby’ubugoryi? Kuko kurimbuka n’urugomo biri imbere yanjye. kandi hari n’intonganya, hadutse n’umuvurungano. Ni cyo gituma amategeko acogora kandi mu nkiko nta rubanza rutunganye rugihinguka, kuko inkozi z’ibibi zigose abakiranutsi, ni cyo gituma imanza zitabera zigoramye.” Habakuki 1:2-4. {AnA 350.1}

Imana yasubije gutaka kw’abana bayo b’indahemuka. Imana ibinyujije mu bavugizi bayo yihitiyemo, yahishuye umugambi wayo udakuka wo guhana ishyanga ryari ryarayiteye umugongo rigakorera imana z’abapagani. Mu gihe bamwe mu bibazaga iby’ahazaza bari kuba bakiriho, Imana yari gushyira mu gahunda muburyo bw’igitangaza iby’amahanga yategekaga isi maze igaha Abanyababuloni gukomera. Abo Bakaludaya bo “gutinywa kandi batera ubwoba,” bari kwisuka mu gihugu cy’Ubuyuda batunguranye baje ari igihano Imana itanze. (umurongo wa 7). Ibikomangoma byo mu Buyuda n’imfura zo muri rubanda

zagombaga kujyanwa i Babuloni ari imbohe; imijyi y'Ubuyuda n'imidugudu yaho ndetse n'imirima ihinzwe yari kugirwa icyavu. Nta kintu na kimwe cyari kurokoka. {AnA 350.2}

Anejejwe n'uko no muri ibyo bihano bikomeye umugambi Imana ifitiye ubwoko bwayo uzasohora mu buryo runaka, Habakuki yaciye bugufi kubwo kuyoboka ubushake bw'Uwiteka bwari bwahishuwe. Yaratatse ati: "Mbese nturi Uhoraho, Uwiteka Mana yanjye, Uwera wanjye?" Icyo gihe ukwizera kwe kwageze kure kurenga amakuba yabonaga yegereje mu gihe cya vuba cyane, kandi ashikamye ku masezerano y'agahozo agaragaza urukundo Imana ikunda abana bayo bayiringira, umuhanuzi Habakuki yongeyeho ati: "Ntabwo tuzapfa." Habakuki 1:12. Kubw'uku kwatura ukwizera, ibye ndetse n'iby'Umwisirayeli wese wizera yabishyize mu biganza by'Imana y'inyambabazi. {AnA 351.1}

Ntabwo ibi ari byo byabaye kuri Habakuki byonyine mu kugaragaza ukwizera gukomeye. Igihe kimwe ubwo yatekerezaga cyane ibyerekeye ahazaza, yaravuze ati: "Nzahagarara hejuru y'umunara aho ndindira, kandi nzarangaguza ndeba aho ari numve icyo ambwira, n'uko nzasubiza ku bw'icyo namuganyiye." Imana yamusubizanyije ineza iti: "Andika ibyerekanywe ubigaragaze ku mbaho kugira ngo ubisomye abyihutire. Kuko ibyerekanywe bifite igihe byategekewe, ntibizatinda kukigeraho kandi ntibizabeshya, naho byatinda ubitegereze, kuko kuza ko bizaza ntibizahera. Dore umutima we wishyize hejuru ntumutunganyemo, ariko *umukiranutsi azabeshwaho no kwizera kwe.*" Habakuki 2:1-4. {AnA 351.2}

Ukwizera kwakomeje Habakuki n'abera n'intungane muri iyo minsi y'ikigeragezo gikomeye, ni nako kwizera gukomeza ubwoko bw'Imana muri iki gihe. Mu masaha y'umwijima w'icuraburindi, mu bihe by'akaga kaba kegereje, umwizera w'Umukristo akwiriye gushikamiza ubugingo bwe kuri Soko y'umucyo wose n'imbaraga zose. Kubwo kwizera Imana, ibyiringiro by'umwizeran'ubutwari bwe bishobora kugirwa bishya buri munsi. "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera kwe." Mu murimo w'Imana ntihakwiriye kubamo gucika intege, nta gucogora, nta n'ubwoba. Uwiteka azasohoza ibirenze ibyo abamwiringira bakwitega byo ku rwego rwo hejuru cyane. {AnA 351.3}

Intumwa Pawulo ihamya ishize amanga iby'ibyateganyirijwe umuntu wese ugeragezwa bitagira akagero. Pawuloyahawe ubwishingizi buvuye mu ijuru bugira buti: "Ubuntu bwanjye buraguhagije; kuko aho integer nke ziri, ari ho imbaraga zanjye zuzurira." Afite umutima ushima ndetse n'ibyiringiro, umugaragu w'Imana wageragezwaga yarasubije ati: "Ni cyo gituma kubwa Kristo nzishimira integer nke zanjye, no guhemurwa, nzishimira n'imibabaro no kurenganywa n'ibyago. Kuko iyo mbaye umunyantege nke, ari ho ndushaho kugira imbaraga." 2Abakorinto 12:9,10. {AnA 352.1}

Tugomba gukunda kandi tugakuza ukwizera abahanuzi n'intumwa bahamije: ni ukwizera kugundira amasezerano y'Imana kandi kugategereza gucungurwa na Yo ku gihe cyayo yagennye nomu buryo bwayo. Ijambo nyakuri ry'ubuhanuzi rizasohorera ubuheruka mu kugaruka kuje ikuzo k'Umwami wacu n'Umukiza Yesu Kristo, aje ari Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware. Igihe cyo gutegereza gishobora gusa n'aho ari kirekire, ubugingo bushobora kuremerezwa n'ibibuca intege, abantu benshi biringirwaga bashobora kugwa bagateshuka inzira; ariko nimutyo tuvugane ibyiringiro hamwe n'umuhanuzi washishikariye gukomeza Ubuyuda mu gihe cy'ubuhakanyi butagereranywa tuti: "Ariko Uwiteka ari mu rusengero rwe rwera: isi yose iturize imbere ye." Habakuki 2:20. Nimutyo tujye duhora twibuka ubutumwa butera ubutwari bugira buti: "Kuko ibyerekanywe bifite igihe byategekewe, ntibizatinda kukigeraho kandi ntibizabeshya, naho byatinda ubitegereze, kuko kuza ko bizaza ntibizahera. . . . ariko umukiranutsi azabeshwaho no kwizera kwe." Habakuki 2:3, 4. {AnA 352.2}

"Uwiteka we, numvise inkuru zawe zintera ubwoba,
Uwiteka we, hembura umurimo wawe hagati yo muri iyi myaka,
Hagati yo muri iyi myaka ujye uwumenyesha,
Mu burakari wibuke kubabarira.
Imana yaje iturutse i Temani,
N'Iyera iturutse ku musozi Parani.
Sela.

Ubwiza bwayo bwakwiriye ijuru,
Kandi isi yuzuye gusingizwa kwayo.
Kurabagirana kwayo kwari kumeze nk'umucyo,
Imyambi y'umucyo yavaga mu kuboko kwayo,
Ni ho ububasha bwayo bwari bubitswe.
Icyorezo cyanyuraga imbere yayo, {AnA 353.1}

N'amakara yaka akava ku birenge byayo.
Irahagarara igera urugero rw'isi,
Iritegereza itataniriza amahanga hirya no hino,
Imisozi ihoraho irasandara,
Udusozi tudashira turīka,
Imigenzereze yayo ihoraho iteka ryose."

"Wazanywe no gukiza ubwoko bwawe,

Kandi no gukiza uwawe wasīze.”

“Naho umutini utatoha n’inzabibu ntizere imbuto,
Bagahingira ubusa imyelayo n’imirima ntiyere imyaka,
N’intama zigashira mu rugo n’amashyo akabura mu biraro,
Nta kabuza ko nishimana Uwiteka,
Nkanezererwa mu Mana y’agakiza kanjye.
Uwiteka, Yehova ni we mbaraga zanjye.” {AnA 353.2}

Habakuki 3:2-6,13,17-19.

Ntabwo Habakuki ari we wenyine wanyujijwemo ubutumwa bw’ibyiringiro bishyitse ndetse n’ubutumwa bwo kunesha kuzaza kimwe n’urubanza ruriho. Mu gihe cy’ingoma ya Yosiya, ijambo ry’Uwiteka ryaje kuri Zefaniya, avuga yeruye ingaruka z’ubuhakanyi bwakomeje kwimikwa, kandi akangurira itorero nyakuri kurangamira ibigiye kubaho bitegerejwe. Ubuhanuzi bwe bwerekeye igihano Ubuyuda bwari bugiye guhabwa bufite imbaraga zimwe n’iz’ubuvuga ibihano bigomba kugera ku isi yanze kwihana yo mu gihe cyo kugaruka kwa Kristo: {AnA 353.3}

“Umunsi ukomeye w’Uwiteka uri bugufi,
Ndetse umuhindo wawo ugeze hafi kandi urihuta, {AnA 353.4}

Intwari irataka inyinyiriwe.
Uwo munsi ni umunsi w’uburakari,
Ni umunsi w’amakuba n’umubabaro,
Ni umunsi wo kurimbura no kwangiza,
Ni umunsi urimo umwijima n’ibihu,
Ni umunsi w’ibicu n’umwijima w’icuraburindi.
Ni umunsi wo kuvuza impanda n’induru,
Bivugira imidugudu y’ibihome n’iminara miremire.” {AnA 354.1}

Zefaniya 1:14-16.

“Nzihebesha abantu bagende nk’impumyi kuko bacumuye ku Uwiteka, kandi amaraso yabo azaseswa nk’umukungugu, . . . Ifeza zabo n’izahabu zabo ntabwo bizabasha kubakiza ku munsi w’uburakari bw’Uwiteka, ahubwo igihugu cyose kizatsembwa n’umurimo utewe no gufuha kwe, kuko azatsembaho abatuye mu gihugu bose biteye ubwoba.” Zefaniya 1:17, 18. {AnA 354.2}

“Nimuteranire hamwe, ni ukuri muterane
Mwa bwoko butagira isoni mwe,
Ibyategetswe bitarasohora,
Umunsi utarahita nk’umurama utumurwa n’umuyaga,
Kandi uburakari bukaze bw’Uwiteka butarabageraho,
N’umunsi w’uburakari bw’Uwiteka utarabageraho.

“Mushake Uwiteka mwa bagwaneza bo mu isi mwese mwe,
Bakomeza amategeko ye.
Mushake gukiranuka,
Mushake no kugwa neza,
Ahari muzahishwa ku munsi w’uburakari bw’Uwiteka.” {AnA 354.3}

Zefaniya 2:1-3.

“Dore icyo gihe nzagenza abakurenganya bose kandi nzakiza abacumbagira, kandi nzateranyiriza hamwe abari birukanywe. Abakozwaga isoni mu bihugu byose nzabatera icyubahiro, mbahe n’izina ryogeye. Icyo gihe ni bwo nzabacyura, kandi icyo gihe ni bwo nzabateraniriza hamwe, kuko nzabubahiriza nkabaha izina ryogeye mu moko yose yo mu isi, ubwo nzagarura abanyu bajyanywe ari imbohe mureba. Ni ko Uwiteka avuga.” Zefaniya 3:19, 20. {AnA 354.4}

“Iririmbire wa mukobwa w’i Siyoni we,
Rangurura Isirayeli we.
Nezerwa kandi wishimane n’umutima wawe wose,
Wa mukobwa w’i Yerusalemu we.
Uwiteka yagukuyeho imanza yari yaguciriye,
Abanzi bawe yabajugunye hanze.
Umwami wa Isirayeli,
Ari we Uwiteka ari muri wowe imbere,
Ntabwo uzongera gutinya ibibi ukundi.

“Uwo munsi i Yerusalemu hazabwirwa ngo: ‘Witinya Siyoni we,
Amaboko yawe ye gutentebuka.
Uwiteka Imana yawe iri muri wowe imbere,
Ni intwari kandi irakiza.
Izakwishimana inezerewe.

Izaruhukira mu rukundo rwayo,
Izakunezererwa iririmba.” {AnA 355.1}

Zefaniya 3:14-17.

IGICE CYA 33 - IGITABO CY'AMATEGEKO

Ugukangura gucecetse ariko gufite imbaraga kwatangijwe n'ubutumwa bw'abahanuzi bwerekeye uko Babuloni izigarurira Ubuyuda, kwakoze byinshi mu gutegurira inzira ivugurura ryabayeho mu mwaka wa cumi na karindwi w'ingoma ya Yosiya. Iri vugurura (ubugorozi) ryaje gutuma ibihano Ubuyuda bwari guhabwa biba biharitswe igihe runaka, ryakozwe mu mu buryo butari bwitezwe na mba binyuze mu kuvumbura no kwiga umugabane umwe w'Ibyanditswe Byera byari bimaze imyaka myinshi byarakuwe aho byabagaga mu buryo butazwi kandi birazimira. {AnA 355.2}

Hafi imyaka ijya kugera ku ijana mbere y'icyo gihe, mu gihe cyo kwizihiza Pasika bwa mbere kwakozwe na Hezekiya, hari harashyizweho uburyo bwo gusomera abantu igitabo cy'amategeko mu ruhame buri munsi bigakorwa n'abatambyi bari bashinzwe kwigisha. Kubahiriza amategeko yanditswe na Mose, ari by'umwihariko ayatanzwe mu gitabo cy'iisezerano ari cyo kigize umugabane w'igitabo cyo Guteka kwa kabiri, ni byo byari byaratumye ingoma ya Hezekiya igubwa neza. Nyamara Manase yari yarahangaye kwirengagiza ayo mategeko; kandi ku ngoma ye igitabo cy'amategeko cyabaga mu rusengero cyari cyaribagiranye bitewe no kutacyitaho. Uko ni ko mu myaka myinshi abaturage muri rusange batagejejweho amabwiriza yo muri icyo gitabo. {AnA 356.1}

Icyo gitabo cyandikishijwe intoki cyari kimaze imyaka myinshi cyarabuze cyaje kubonwa mu rusengero na Hilukiya umutambyi mukuru igihe urusengero rwasanwaga hakurikijwe umugambi w'umwami Yosiya wo gusigasira iyo nyubako yera. Umutambyi mukuru yahaye uwo muzingo w'agaciro kenshi uwitwa Shafani wari umwanditsi w'umuhanga waje kugisoma maze yarangiza akagishyira umwami kandi akamubwira n'inkuru yo kuvumburwa kwacyo. {AnA 356.2}

Yosiya yakozwe ku mutima cyane ubwo yumvaga ubwa mbere imiburo no kwinginga byari byanditswe muri icyo gitabo cya kera bisomwa. Mbere y'icyo gihe ntiyari yarigeze asobanukirwa mu buryo bwuzuye uko Imana yeruye igashyira "urupfu n'ubugingo, umugisha n'umuvumo" imbere y'Abairayeli. (Gutegekwa kwa kabiri 30:19); ndetse n'uburyo inshuro nyinshi bari baringingiwe guhitamo inzira y'ubugingo kugira ngo babe ibitangarirwa mu isi kandi babere n'amahanga yose umugisha. Binyujijwe muri Mose, Isirayeli yari yarabwiwe ngo: "Mukomere mushikame ntimubatinye, ntimubakukire imitima kuko Uwiteka Imana yawe ubwayo izakujya imbere, ntizagusiga ntizaguhāna." Gutegeka kwa kabiri 31:6. {AnA 356.3}

Icyo gitabo cyari cyuzuye amasezerano yerekana ubushake bw'Imana bwo gukiza rwose abari gushyira ibyiringiro byabo muri yo. Nk'uko Imana yari yarakoze ubwo yabakuraga

mu bubata bwo mu Egiputa, ni ko yajyaga gukora mu buryo bukomeye mu kubatuza mu Gihugu cy'Isezerano no mu kubarutisha amahanga yo ku isi. {AnA 357.1}

Ugukomezwa kwatanzwe ari ingororano yo kumvira kwaherekejwe n'ubuhanuzi buvuga ibihano bizabaho kubwo kutumvira; kandi ubwo umwami yumvaga ayo magambo yahumetswe n'Imana, ishusho yari imushyizwe imbere yabibonyemo ibisa n'ibyariho icyo gihe mu bwami bwe. Ku byerekeyee ibyo ubuhanuzi bwagaragaje byo kuva ku Mana, Yosiya yatewe ubwoba no kubona amagambo yumvikana yavugaga ko umunsi w'amakuba uzakurikiaho mu buryo bwihuse ndetse ko nta ntsinzi yawo yajyaga kubaho. Imvugo yakoreshejwe yarumvikanaga neza; nta kwibeshya ku busobanuro bw'ayo magambo kwajyaga kubaho. Ku iherezo ry'uwo muzingo w'igitabo, mu nshamake yavugaga uko Imana yagiriye Abisirayeli kandi hagasubirwamo ibizaba mu gihe kiri imbere, izo ngingo zagaragajwe neza incuro ebyiri. Mose yari yaravuze Abisirayeli bose bumva agira ati: {AnA 357.2}

"Tega ugutwi wa juru we, nanjye ndavuga,
Isi na yo yumve amagambo amva mu kanwa.
Kwigisha kwanjye kuragwa nk'imvura,
Amagambo yanjye aratonda nk'ikime.
Nk'uko imvura y'urujojo rugwa ku byatsi bitoto,
Nk'uko ibitonyanga bigwa ku byatsi.
Kuko ngiye kogeza izina ry'Uwiteka,
Mwaturire Imana yacu ko ifite icyubahiro gikomeye.
Icyo Gitare umurimo wacyo uratunganye rwose,
Ingeso zacyo zose ni izo gukiranuka.
Ni Imana y'inyamurava itarimo gukiranirwa,
Ica imanza zitabera, iratunganye." {AnA 357.3}

Gutegeka kwa kabiri 32:1-4.

"Ibuka ibihe bya kera,
Tekereza imyaka y'ibihe byinshi byaba sekuruza banyu.
Baza so arabikumenyesha,
Baza abakuru bo muri mwe barabikubwira.
Ubwo Isumbabyose yahaga amahanga gakondo zayo,
Igatandukanya amoko y'abantu,
Yashyizeho ingabano z'amahanga,
Nk'uko umubare w'Abisirayeli uri.
Kuko ubwoko bw'Uwiteka ari bwo gakondo ye,

Aba Yakobo ari bo mugabane w’umwandu we.
Ubwo bwoko yabubonye mu gihugu kidaturwamo,
Mu butayu butarimo abantu iwabo w’inyamaswa zihūma,
Arabugota arabukuyakuya,
Aburinda nk’imboni y’ijisho rye.” {AnA 358.1}

Umurongo 7-10.

“Maze Yeshuruni arabyibuha atera umugeri
Urabyibushye, urahonjotse,urarembekereye.
Maze areka Imana yamuremye,
Asuzugura igitare cy’agakiza ke.
Bamuteye gufuhira imana z’inyamahanga,
Bamurakarishije ibizira.
Batambiye abadayimoni batari Imana nyakuri,
Batambiye imana batigeze kumenya,
Imana nshya z’inzaduka,
Izo ba sekuruza banyu batatinyaga.
Igitare wavutseho ntukicyibuka,
Wibagiwe Imana yakubyaye.
Uwiteka yarabibonye bimwangisha urunuka,
Abahungu be n’abakobwa be bamurakaje.
Aravuga ati: “Nzabima amaso,
Nzareba iherezo ryabo uko rizamera,
Kuko ari ab’igihe kigoramye cyane,
Ari abana batarimo umurava.
Bo banteje gufuhira ikitari Imana nyakuri,
Bandakarishije ibigirwamana byabo by’ubusa,
Nanjye nzabateza ishyari ku batari ishyanga ry’ukuri,
Nzabarakarisha gukunda ishyanga ritagira ubwenge.”

“Nzabarundaho ibyago,
Nzabamariraho imyambi yanjye.
Bazananurwa n’inzara,
Bazamarwa no kugurumana umuriro na mugiga ikaze.
Nzabagabiza amenyo y’inyamaswa, N’ubusagwe bw’ibikururuka mu mukungugu.”

“Ubwo ni ubwoko butabasha kwigīra inama,
Butarimo ubwenge na buke.
Iyo baba abanyabwenge baba bamenye ibi,
Baba bitaye ku iherezo ryabo.
Umwe yabashije ate kwirukana igihumbi cyabo,
Babiri babashije bate kunesha abantu babo inzovu,
Iyo Igitare cyabo kitabagura,
Iyo Uwiteka atabagabiza?
Kuko igitare cya ba bandi kidahwanye n’Icyacu,
Nubwo ababisha bacu ubwabo ari bo baca urubanza rw’ibyo.”

“Ibyo ntibibitswe aho ndi?
Ntibishyizwe mu bubiko bw’ubutunzi bwanjye,
Bukingishijwe igishyizweho ikimenyetso?
Guhōra no kwitura ni ibyanjye,
Ubwo ibirenge byabo bizadandabirana.
Kuko umunsi w’ibyago byabo uri bugufi,
Kandi ibigiye kubazaho bizatebuka.” {AnA 358.2}

Gutegeka kwa kabiri 32:15-21, 23, 24, 28-31, 34, 35.

Aya magambo kimwe n’andi nka yo yahishuriye Yosiya urukundo Imana ikunda ubwoko bwayo ndetse n’uko yanga icyaha urunuka. Ubwo umwami yasomaga ubuhanuzi bwerekeye igihano cyihuse kizagera ku bari kwinangira mu bwigomeke, yahindishijwe umushyitsi n’ahazaza. Ubugome bw’Ubuyuda bwari bwarakomeye; none se ni iki cyajyaga kuba ingaruka yo gukomeza ubuhakanyi? {AnA 359.1}

Mu myaka ibanza umwami Yosiya ntiyari yarirengagije gusenga ibigirwamana kwari kwaraganje. “Mu mwaka wa munani w’ingoma ye, akiri muto,” yari yarirunduriye rwose gukorera Imana. Hashize imyaka ine, ubwo yari afite imyaka makumyabiri, yari yarakoresheje umuhati wose kugira ngo akure ibishuko imbere y’abo yayoboraga akoresheje “gutunganya i Buyuda n’i Yerusalemu, amaramo ingoro na Ashera n’ibishushanyo bibajwe n’ibiyagijwe.” “Basenya ibicaniro bya Bāli abyirebera, kandi atema ibishushanyo by’izuba byari hejuru yabyo arabigusha, Ashera n’ibishushanyo bibajwe n’ibiyagijwe arabimenagura abigira ishingwe, abinyanyagiza ku bituro by’ababitambiraga. Kandi atwikira amagufwa y’abatambyi ku bicaniro byabo, nuko atunganya i Buyuda n’i Yerusalemu.” 2Ngoma 34:3-5. {AnA 359.2}

Uwo mwami wari ikiri muto ntiyanejejwe no gukora umurimo utunganye mu gihugu cye gusa, ahubwo yaguye ibikorwa bye ageza ku migabane imwe ya Palesitina yari yarigeze guturwa n'imiryango icumi ya Isirayeli. Icyo gihe kandi muri utwo duce hari hasigaye abasigaye bafite intege nke. Ibyanditswe biravuga biti: "Kanid ni ko yagenje no mu midugudu ya Manase n'iya Efurayimu, n'iya Simeyoni, ageza no ku ya Nafutali yabaye amatongo impande zose." Atarangiza kwambukiranya ak karere kose kari karabaye amatongo, yasenye "ibicaniro, asekura Ashera n'ibishushanyo biyagijwe, abigira ishingwe, atema ibishushanyo by'izuba byose byari mu gihugu cya Isirayeli cyose, arabigusha; maze asubira i Yerusalemu." Umurongo wa 6, 7. {AnA 360.1}

Uko ni ko Yosiya kuva mu busore bwe yari yarashishikariye gukoresha umwanya yari afite nk'umwami akerereza amahame y'amategeko yera y'Imana. Noneho igihe Shafani umwanditsi yamusomeraga igitabo cy'amategeko, umwami yabonye ubutunzi bw'ubwenge muri cyo, abona ubwunganizi bukomeye mu murimo w'ubugorozi yifuzaga cyane kubona ukorwa mu gihugu. Yiyemeje kugendera mu mucyo w'inama z'icyo gitabo no gukora ibyo ashobye byose kugira ngo amenyeshe abaturage ayobora inyigisho zacyo, kandi byashoboka akabayobora ku gukuza imico yo kubaha no gukunda amategeko y'ijuru. {AnA 360.2}

Ariko se gukora ivugurura ryari rikenewe byarashobokaga? Isirayeli yari yarageze hafi y'urugero rw'aho kwihangana kw'Imana kugarukira; ndetse bidatinze Imana yari igiye guhaguruka igahana abari barasuzuguje izina ryayo. Uburakari bw'Uwiteka bwari bwarakongerejwe abantu. Umwami Yosiya aremerewe n'umubabaro no gucika intege, yashishimuye imyambaro ye maze yunama imbere y'Uwiteka ababaye mu mutima we, asaba imbabazi z'ibyaha ry'ishyanga ryanze kwihana. {AnA 360.3}

Muri icyo gihe umuhanuzikaziHulida yabaga muri Yerusalemu, hafi y'urusengero. Ubwo intekerezo z'umwami zari zuzuye guhagarika umutima kubw'akaga kari kegereje, yasanze Hulida maze yiyemeza kubaza Uwiteka abinyujije kuri iyi ntumwa yatoranyijwe kugira ngo niba nishoboka amenye niba mu bushobozi bwe hari icyo yakora ngo akize Ubuyuda bwari bwarayobye ariko noneho bukaba bwari bugiye kurimbuka. {AnA 361.1}

Ugukomera kw'ikibazo ndetse n'uko yubahaga umuhanuzikazi byamuteye kumutumaho ibyegera byo mu bwami bwe. Yarababwiye ati: "Nimugende mumbarize Uwiteka, jye n'aba bantu n'Abayuda bose, iby'amagambo yo muri iki gitabo cyabonetse mu nzu y'Uwiteka, kuko uburakari bw'Uwiteka budukongerejwe ari bwinshi, ku bwa ba sogokuruza batumviye amagambo yo muri iki gitabo, ntibakore ibyo twandikiwe byose." 2Abami 22:13. {AnA 361.2}

Uwiteka abinyujije mu muhanukazi Hulida yatumye kuri Yosiya ko gusenywa kwa Yesrusalemu kutabura kubaho. Ndetse nubwo icyo gihe abantu bari kwicisha bugufi imbere y'Imana, ntibari gukira igihano cyabo. Bari baramaze imyaka myinshi intekerezo zabo zaragizwe ibihuri no gukora ibibi ku buryo, iyo igihano kitabageraho icyo gihe, bidatinze bari gusubira mu gukora ibyaha. Umuhanuzikazi yaravuze ati: "Uwiteka Imana ya Isirayeli iravuze ngo nimubwire uwo mugabo wabantumyeho muti: 'Uwiteka aravuze ngo dore nzateza ibyago aha hantu n'abahatuye, nk'uko byanditswe mu magambo yo muri cya gitabo yose umwami w'Abayuda yasomye, kuko banyimūye bakosereza izindi mana imibavu, bakandakarisha ibyo bakoresha amaboko yabo byose. Ni cyo gitumye uburakari bwanjye bukongerezwa aha hantu, ntibuzimywe." 2Abami 22:15-17. {AnA 361.3}

Ariko bitewe n'uko umwami yari yaracishije bugufi umutima we imbere y'Imana, Uwiteka yari kuzirikana uko yashishikariye ushaka imbabazi no kugirirwa ubuntu. Yosiya yohererejwe ubutumwa bugira buti: "Kuko umutima wawe wari woroheje ubwo wumvaga ibyo navuze kuri aha hantu n'abaturage baho, ko hazahinduka umusaka n'ikivume ukicisha bugufi imbere y'Uwiteka, ugashishimura imyambaro yawe ukandirira imbere, nanjye ndakumvise, ni ko Uwiteka avuze. Nuko nzagusangisha ba sogokuruza ushyirwe mu mva yawe amahoro, kandi amaso yawe ntazareba ibyago nzateza aha hantu." 2Ngoma 22:19, 20. {AnA 362.1}

Iby'ahazaza umwami yagombaga kubiharira Imana; ntabwo yashoboraga guhindura amateka ahoraho y'Uwiteka. Ariko mu gutangaza ibihano Ijuru ryari ryagennye, ntabwo Uwiteka yakuyeho amahirwe yo kwihana no kwivugurura; kandi ibyo Yosuwa abibonyemo ko ku ruhande rw'Imana hari ubushake bwo koroshya ibihano byayo kubw'ubuntu bwayo, yiyemeje gukora ibyo ashoboye byosekugira ngo atume habaho amavugurura ahamye. Yahise ategura gutumira iteraniro rinini yari yatumiyemo abakuru n'abacamanza muri Isirayeli no mu Buyuda ndetse na rubanda rwose. Abo bose hamwe n'abatambyi n'Abalewi basanze umwami mu rugo rw'urusengero. {AnA 362.2}

Muri iyo nteko nini, umwami ubwe ni we wasomye "amagambo yose yo muri icyo gitabo cy'isezerano, cyabonetse mu nzu y'Uwiteka." 2Abami 23:2. Uyu mwami wasomaga yakozwe ku mutima cyane, kandi yatanze ubutumwa bwe afite umutima umenetse. Abari bamuteze amatwi bakozwe ku mutima cyane. Uburemere bw'amarangamutima bwagaragaraga mu maso h'umwami, ugukomera k'ubutumwa ubwabwo n'umuburo werekeye ibihano byari byegereje, ibyo byose byagize ingaruka zabyo maze abantu benshi biyemeza gufatanya n'umwami gusaba imbabazi. {AnA 362.3}

Noneho Yosiya asaba ko abantu bari mu myanya yo hejuru mu buyobozi bafatanya na rubanda mu gusezeranira bikomeye imbere y'Imana gukorana hagati yabo ubwabomu

muhati wo gushyiraho impinduka zikomeye. “Maze umwami ahagarara iruhande rw’inkingi, asezeranira imbere y’Uwiteka ko azakurikira Uwiteka, akitondera amategeko ye n’ibyo yahamije, n’amateka ye abishyizeho umutima we wose n’ubugingo bwe bwose, kugira ngo asohoze amagambo y’iryo sezerano ryanditswe muri icyo gitabo.” Inyifato y’abantu yakurikiyeho yari ivuye ku mutima kandi inejeje birenze uko umwami yari abyiteze. “Maze abantu bose barahagarara bihamiriza iryo sezerano.”2Abami 23:3.Mu ivugurura (ubugorozi) ryakurikiyeho, umwami yerekeje ibitekerezo bye ku gusenya agasigisigi kose ko gusenga ibigirwamana kari kakiriho. Hari hashize igihe kirekire abaturage bo mu gihugu barayobotse imigenzo y’amahanga abakikije bapfukamira ibishushanyo by’ibiti n’iby’amabuye, ku buryo byasaga n’aho birenze rwose ubushobozi bw’umuntu kugira ngo abe yakuraho agasigisigi kose k’ibyo bibi. Nyamara Yosiya yarihanganye muri uwo muhati we wo guhumanura igihugu. Yarwanyije gusenga ibigirwamana akomeje “Yicira abatambyi bose bo mu ngoro zari zihari ku bicaniro byazo abitwikiraho amagufwa y’abantu, *birangiye* asubira i Yerusalemu;”“Kandi abashitsi n’abapfumu na terafimu n’ibishushanyo bisengwa, n’ibizira byose byabonetse mu Buyuda n’i Yerusalemu, na byo Yosiya abikuraho, kugira ngo asohoze amagambo y’amategeko yanditswe mu gitabo Hilukiya umutambyi yabonye mu nzu y’Uwiteka.”2Abami 23:20, 24. {AnA 363.1}

Mu gihe cyo kwigabanya k’ubwami mu myaka amagana menshi mbere yaho, ubwo Yerobowamu mwene Nebati yihandagazaga agasuzugura Imana Isirayeli yakoreraga maze agateshura imitima y’abantu ku mihango yakorerwaga mu rusengero i Yerusalemu akayerekeza ku buryo bushya bwo kuramya, kandi yari yarubatse igicaniro kitejejwe i Beteli. Igihe cyo gutaha iki gicaniro, ari naho mu myaka yajyaga gukurikiraho abantu benshi bajyaga kuyoberezwa bagashorwa mu migenzo yo gusenga ibigirwamana, hari haraje umuntu w’Imana atunguranye avuye i Yudeya, aza avuga amagambo yo guciraho iteka ibyo bikorwa bibi bikabije. Umuntu w’Imana yateye hejuru “avugira kuri icyo gicaniro ijambo ry’Imana ati: “Wa gicaniro we, wa gicaniro we, Uwiteka avuze atya ngo ‘Mu nzu ya Dawidi hazavuka umwana witwa Yosiya, nuko kuri wowe ni ho azatambira abatambyi bo mu ngoro bajya bakoserezaho imibavu, kandi kuri wowe ni ho bazatwikira amagufwa y’abantu.” 1Abami 13:12. Iri tangazo ryari ryarakurikiwe n’ikimenyetso cyerekana ko ijambo rivuzwe rivuye ku Uwiteka. {AnA 364.1}

Hari hashize imyaka magana atatu.Mu ivugurura ryakozwe na Yosiya, umwami bwe yageze I Beteli ahari cya gicaniro cya kera. Noneho ubuhanuzi bwari bwaravugiwe imbere ya Yerobowamu mu myaka myinshi mbere y’iyo gihe, bwagombaga gusohora nk’uko bwahanuwe. {AnA 364.2}

“Kandi igicaniro cy’i Beteli n’ingoro Yerobowamu mwene Nebati yubatse, ari we woheje Abisirayeli ngo bacumure, icyo gicaniro n’iyo ngoro arabisenya atwika iyo ngoro, arabisiribanga biba umuyonga, atwika n’igishushanyo cya Ashera. {AnA 364.3}

“Yosiya *agikora ibyo*, arakebuka abona ibituro byari ku musozi. Yohereza abantu bataburura amagufwa muri ibyo bituro, ayatwikira kuri icyo gicaniro aracyangiza, nk’uko ijambo ry’Uwiteka ryari riri wa muntu w’Imana yari yaravuze. {AnA 364.4}

“Yosiya aravuga ati “Kiriya gishushanyo ndeba ni rwibutso ki?” Abanyarurembo baramusubiza bati: “Ni igituro cy’umuntu w’Imana waturutse i Buyuda, ahanurira ku gicaniro cy’i Beteli ibyo ukoze ibyo.” Umwami aravuga ati: “We nimumureke, ntihagire umuntu utaburura amagufwa ye. Nuko amagufwa ye barayareka bareka n’ay’umuhanuzi wavuye i Samariya.” 2Abami 23:15-18. {AnA 365.1}

Ku ducuri tw’ahagana mu majyepfo y’umusozi wa Elayono, ahateganye n’urusengero rwiza cyane rw’Uwiteka rwari ku Musozi Moriya, hari ingoro n’ibishushanyo umwami Salomo yari yarahashyize kugira ngo anezeze abagore be basengaga ibigirwamana. (Soma 1Abami 11:6-8). Mu gihe cy’imyaka magana atatu yose, ibyo bishushanyo byari byaragumye ku Musozi, ari ibihamya bicecetse byerekana ubuhakanyi bw’umwami w’Abisirayeli warushaga bose ubwenge. Ibyo bishushanyo nabyo umwami Yosiya yabikuyeho kandi arabisenya. {AnA 365.2}

Umwami yashatse ko ukwizera kw’abaurage b’Ubuyuda gushikama ku Mana ya ba se abinyujije mu kuremesha umunsi mukuru ukomeye wa Pasika akurikije ibyavuzwe mu gitabo cy’amategeko. Abari bashinzwe iby’inshingano zera bakoze imyiteguro, maze ku munsi ukomeye w’ibirori, hatangwa amaturo atanganwe ubushake. “Ntabwo baherukaga kuziririza Pasika bihwanye n’ubwo, uhereye igihe abacamanza baciraga Abisirayeli imanza, kugeza ubwo haba no ku ngoma zose z’abami b’Abisirayeli n’iz’ab’Abayuda.”2Abami 23:22. Nyamara nubwo umuhati wa Yosiya wari wemewe n’Imana, ntiwashoboraga guhonegerera ibyaha ibyaha by’ab’ibisekuru byamubanjirije; kandi ubutungane bwagaragajwe n’abakurikije umwami ntibwajyaga kugira impinduka butera ku mitima y’abantu benshi binangiye bakanga kureka gusenga ibigirwamana ngo basenge Imana nyakuri. {AnA 365.3}

Nyuma yo kwizihiza iyo Pasika, Yosiya yagumye ku ngoma imyaka isaga icumi. Ubwo yari afite imyaka mirongo itatu n’icyenda yaguye mu ntambara yarwanaga n’ingabo za Egiputa, “ahambwa mu bituro bya ba sekuruza.” “Abayuda bose b’ab’i Yerusalemu baramuririra. Na Yeremiya aborogera Yosiya, n’abaririmbyi bose b’abagabo n’ab’abagore basingiza Yosiya mu miborogo yabo kugeza ubu. Babihindura itegeko mu Bisirayeli, kandi byanditswe mu

miborogo." 2Ngoma 35:24, 25. "Kandi nta mwami mu bamubanjirije wari uhwanye na we, wahindukiriye Uwiteka n'umutima we wose n'ubugingo bwe bwose n'imbaraga ze zose, akurikije amategeko ya Mose yose, ndetse no mu bamuherutse nta wahwanye na we. Ariko rero Uwiteka ntiyahindukiye ngo areke uburakari bwe bugurumana yarakariye Abayuda, abahoye ibyo Manase yakoreye kumurakaza byose." 2Abami 23:25-26.Igihe cyegerezaga byihuse ubwo Yerusalemu yajyaga gusenywa bikomeye kandi abatuye igihugu bakajyanwa i Babuloni ari imbohe. I Babuloni bagombaga kuhigira ibyigisho bari baranze kwiga mu bihe byiza kurutaho. {AnA 366.1}

IGICE CYA 34 - YEREMIYA

Mu bantu bari bariringiye ko ivugurura ryakozwe na Yosiya rizatuma habaho ububyutse buhoraho mu by’umwuka, harimo na Yeremiya. Yeremiya uyu yahamagawe n’Imana ngo akore umurimo wa gihanuzi igihe yari akiri muto. Hari mu mwaka wa 13 w’ingoma ya Yosiya. Kubera yari uwo mu muryango w’Abalewi b’abatambyi, Yeremiya yari yaratorejwe gukora umurimo wera guhera akiri umwana. Muri iyo myaka inejeje yo kwitegura, ntabwo Yeremiya yasobanukiwe neza ko kuva akivuka yerejwe kuba “umuhanuzi uhanurira amahanga;” kandi igihe Imana yamuhamagaraga, yaguye mu kantu kubwo kwibwira ko adakwiriye. Yateye hejuru ati: “Nyamuneka Nyagasani Yehova! Dore si nzi kuvuga, ndi umwana.” Yeremiya 1:5,6. {AnA 367.1}

Yeremiya wari ukiri muto, Imana yamubonyemo umuntu wajyaga kuba indahemuka ku cyizere yari agiriwe kandi wajyaga guhagararira ukuri ahanganye no kurwanywa bikomeye. Mu bwana bwe yari yaragaragaje ko ari indahemuka; kandi ubu bwo yagombaga kwihanganira umuruho nk’umusirikare mwiza w’umusaraba. Uwiteka yabwiye intumwa ye yari yitoranyirije ati: “Wivuga uti ‘Ndi umwana’, kuko abo nzagutumaho bose uzabasanga kandi icyo nzagutegeka cyose ni cyo uzavuga. Ntukabatinye kuko ndi kumwe nawe kugira ngo nkurokore.” “Nuko weho kenyera uhaguruke ubabwire ibyo ngutegeka byose, ntibagukure umutima ntazagutera gukukira umutima imbere yabo, kuko uyu munsi nakugize umudugudu w’igihome, n’inkingi y’icyuma n’inkike z’imiringa. Igihugu cyose n’abami b’u Buyuda n’ibikomangoma byaho, n’abatambyi baho n’abaturage baho bazakurwanya, ariko ntibazakubasha kuko ndi kumwe nawe kugira ngo nkurokore.” Ni ko Uwiteka avuga.” Yeremiya 1:7,8,17-19. Yeremiya yagombaga kumara imyaka mirongo ine ahagaze imbere y’ishyanga nk’umuhamya w’ukuri n’ubutungane. Mu bihe by’ubuhakanyi butagereranywa, yagombaga gutangira icyitegererezo cyo kuramya Imana nyakuri yonyine mu mibereho ye n’imico ye. Mu bihe bikomeye byo kugotwa kwa Yerusalemu, yagombaga kuvugira Uwiteka. Yagombaga guhanura ibyo kugwa kw’inzu ya Dawidi ndetse no gusenyuka k’urusengero rwiza cyane rwubatswe na Salomo. Kandi igihe yari afunzwe bitewe n’amagambo yari yavuze ashize amanga, yagombaga gukomeza kuvuga akomeye yamagana icyaha aharengeye. Kubera gusuzugurwa, kwangwa, no kwamaganwa n’abantu, amaherezo yagombaga kwibonera ubwe ugusohora k’ubuhanuzi ubwe yahanuye avuga iby’akaga kari kegereje, ndetse yagombaga no kubabarana n’abandi kandi kandi akagerwaho n’amakuba yari gukurikira isenywa ry’uwo murwa wari wugarijwe. {AnA 367.2}

Nyamara mu kurimbuka rusange ishyanga ryanyuragamo mu buryo bwihuse, akenshi Yeremiya yabashishwaga kureba hirya y’ibintu bibabaje babaga barimo maze akabona ibyiza bihebuje byabaga byitezwe mu gihe kizaza, igihe ubwoko bw’Imana bwari

kuzacungurwa bugakurwa mu gihugu cy'abanzi maze bukongera gutuzwa muri Siyoni. Yabonye igihe Uwiteka yari kuzavugurura isezerano rishingiye ku isano yagiranye na bo. "Ubugingo bwabo buzamera nk'umurima wavomerewe, kandi ntabwo bazasubira kugira umubabaro." Yeremiya 31:12. {AnA 368.1}

Yeremiya ubwe yanditse avuga kubyo guhamagarirwa umurimo w'ubuhanuzi agira ati: "Uwiteka aherako arambura ukuboko kwe ankora ku munwa, maze Uwiteka arambwira ati "Nshyize amagambo yanjye mu kanwa kawe. Dore ngushyiriye hejuru y'amahanga n'ibihugu by'abami, kurandura no gusenya, kurimbura no kūbika, kubaka no gutera imbuto." Yeremiya 1:9,10. {AnA 369.1}

Imana ishimirwe aya magambo yombi: "Kubaka no gutera imbuto." Kubw'aya magambo, Yeremiya yahawe ibyiringiro ku mugambi w'Uwiteka wo kuzahura no gukiza. Ubutumwa bwagombaga gutangwa mu myaka yagombaga gukurikiaho bwari bukarishye. Ubuhanuzi buvuga iby'ibihano byari bigiye kuza byihuta bwagombaga kuvugwa nta bwoba. "Ibyago byari gutera abaturage bo mu gihugu bose" biturutse mu bibaya by'I Shinari. Uwiteka yaravuze ati: "Kandi nzabagaragariza imanza nabaciriye mbahoye ibyaha byabo byose, kuko banyimūye bakosereza izindi mana imibavu, kandi bagasenga imirimo y'amaboko yabo." Yeremiya 1:14,16. Nyamara kandi ubwo butumwa umuhanuzi yagombaga kubukurikizaho ibyiringiro by'imbabazi ku bantu bose bajyaga guhindukira bakareka gukora ibibi. {AnA 369.2}

Nk'umwubatsi mukuru w'umunyabwenge, ku ntangiriro y'umurimo we, Yeremiya yashinze imfatiro zagutse kandi zimbitse z'imibereho yabo mu by'umwuka. Ibyo yabinyujije mu gukora umurimo utunganye wo [kurarikira abantu] kwihana. Bari bamaze igihe kirekire bubakisha ibikoresho intumwa Pawulo yagereranyije n'ibyatsi n'ibikenyeri, kandi Yeremiya ubwe abigereranya n'inkamba. Yeremiya yavuze iby'ishyanga ryanze kwihana ati: "Abantu bazabita ifeza yabaye inkamba, kuko Uwiteka yabanze." Yeremiya 6:30. Noneho basabwe gutangira kubakana ubwenge no kubaka by'iteka ryose, bakazibukira kutizera no gusenga ibigirwamana, kandi mu kubaka imfatiro zabo bagakoresha izahabu nziza n'ifeza itunganye n'amabuye y'agaciro ari yo: ukwizera no kumvira n'imirimo myiza. Ibyo bikoresho byonyine ni byo byemewe mu maso y'Imana yera. {AnA 369.3}

Ijambo Uwiteka yatumye ku bantu be arinyujije muri Yeremiya ryari iri ngo: "Garuka wa musubiranyuma we, Isirayeli.' Ni ko Uwiteka avuga. Sinzakurebana igitsure kuko ndi umunyambabazi. Ni ko Uwiteka avuga. Sinzakomeza kurakara iteka. Icyo nshaka kimwe ni uko wemera ibyaha byawe, ibyo wacumuye ku Uwiteka Imana yawe, wayobereje inzira zawe ku mana z'abanyamahanga . . . , kandi ntiwumviye ijwi ryanjye. Ni ko Uwiteka avuga. "Nimugaruke bana basubiye inyuma mwe. Ni ko Uwiteka avuga. Kuko mbabereye umugabo

kandi nzabakuramo umwe mu mudugudu, na babiri mu muryango mbajyane i Siyoni." "Muzanyita Data kandi ntimuzongera kunyimūra." "Nimugaruke mwa bana basubiye inyuma mwe, nzabakiza gusubira inyuma kwanyu." Yeremiya 3:12-14, 19,22. {AnA 370.1}

Kuri uko kwinginga gutangaje, Uwiteka yongeye kubwira abantu be bayobye amagambo bagombaga kumugarukira bavuga. Bagombaga kuvuga bati: "Dore turakwitabye kuko uri Uwiteka Imana yacu. Ni ukuri ni ubusa kwiringira gutabarwa n'ibigirwamana, ... Ni ukuri ku Uwiteka Imana ni ho hava agakiza ka Isirayeli. Ariko ibiteye isoni byariye imirimo ya ba data uhereye mu buto bwacu, imikumbi yabo n'amashyo yabo, abahungu babo n'abakobwa babo. Twiryamire dufite isoni kandi ikimwaro cyacu kibe ari cyo twiyorosa, kuko twacumuye ku Uwiteka Imana yacu, twe na ba data uhereye mu buto bwacu ukageza none, kandi ntiturakumvira ijwi ry'Uwiteka Imana yacu." Yeremiya 3:22-25. {AnA 370.2}

Ivugurura ryo ku ngoma ya Yosiya ryari ryarejeje igihugu rikimaramo ingoro zasengerwagamo ibigirwamana, nyamara imitima y'abantu benshi yari itarahindurwa. Imbuto z'ukuri zari zarameze kandi zigatanga icyizere cy'uko hazaboneka umusaruro mwinshi zari zaramizwe n'amahwa. Ukundi gusubira inyuma nk'uko kwajyaga kuganisha ku rupfu; kandi Uwiteka yashakaga gukangura ishyanga kugira ngo ribone neza akaga ririmo. Bajyaga kwiringira ko bazagirirwa ubuntu n'Imana kandi bakagubwa neza ari uko gusa babaye indahemuka ku Uwiteka. {AnA 371.1}

Yeremiya yabakanguriye kenshi kwerekeza intekerezo zabo ku nama zatanzwe mu gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri. Hari icyo Yeremiya yarushije abandi bahanuzi. Yashimangiye inyigisho zo mu mategeko ya Mose kandi yerekana uburyo izo nyigisho zikwiriye kuzanira igihugu ndetse n'umutima w'umuntu wese imigisha ikomeye mu by'umwuka. Yarabinginze ati: "Nimuhagarare mu nzira murebe kandi mubaririze inzira za kera, aho inzira nziza iri abe ari yo munyuramo, ni ho muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu." Yeremiya 6:16. {AnA 371.2}

Abitegetswe n'Uwiteka, igihe kimwe umuhanuzi Yeremiya yahagaze kuri rimwe mu marembo makuru y'umurwa maze ahavugira akamaro ko kweza umunsi w'Isabato. Abaturage b'i Yerusalemu bari bari mu kaga ko kwirengagiza ukwera kw'Isabato bityo baburirwa bikomeye kwirinda gukurrikira indamu zabo z'iby'isi kuri uwo munsi w'Isabato. Basezeraniwe umugisha ariko ari uko bumviye. Uwiteka yaravuze ati: "Nuko nimunyumvana umwete, ntimugire umutwaro mucisha mu marembo y'uyu murwa ku munsi w'isabato, ahubwo mukaweza ntimugire umurimo muwukoraho, ni bwo abami n'ibikomangoma bari ku ngoma ya Dawidi bazinjira muri uyu murwa, bari ku magare y'intambara no ku mafarashi bo n'ibikomangoma byabo, n'abantu b'u Buyuda n'abatuye i Yerusalemu, kandi uyu murwa uzahoraho iteka." Yeremiya 17:24,25. {AnA 371.3}

Iri sezerano ryo kugubwa neza kuzabaho ari nk'ingororano y'uko bumviye ryaherekejwe n'ubuhanuzi buvuga iby'ibihano bikomeye byajyaga kugera ku murwa igihe abawutuye bagaragaje kutaba indahemuka ku Mana n'amategeko yayo. Igihe batari kumvira imiburo yabasabaga kumvira Uwiteka Imana ya ba sekuruza no kubaha umunsi wayo w'Isabato, umurwa wabo n'ingoro zo muri wo byari gukongorwa n'umuriro bikomeye. {AnA 372.1}

Uko ni ko umuhanuzi yahagaze ashikamye ku mahame mazima yo kubaho mu butungane agaragazwa neza mu gitabo cy'amategeko. Nyamara uko ibintu byari bimeze mu gihugu cy'Ubuyuda byari bimeze ku buryo impinduka iganisha ku cyiza yabaho gusa ari uko hafashwe ingamba zikomeye. Ibyo byatumye Yeremiya akora ahishikaye cyane kubw'abantu banze kwihana. Yarabinginze ati: "Nimurime imishike yanyu, kandi ntimukabibe mu mahwa." "Yewe Yerusalemu we, uhagira umutima wawe ho ibyaha kugira ngo urokoke." Yeremiya 4:3,14. {AnA 372.2}

Nyamara guhamagarirwa kwihana n'ivugurura ntibyumviwe n'imbaga y'abantu benshi. Uhereye igihe umwami mwiza Yosiya yatangiye, abategekaga igihugu ntibagiye baba indahemuka ku nshingano yabo kandi bagiye bayobya benshi. Yehowahazi wakuwe ku ngoma n'umwami wa Egiputa, yari yarakurikiwe na Yehoyakimu wari mukuru wa Yosiya. Uhereye mu ntangiriro y'ingoma ya Yehoyakimu, Yeremiya yari afite ibyiringiro bike byo gukiza igihugu cye yakundaga kurimbuka ndetse no gukiza abantu kujyanwa ari imbohe [mu mahanga]. Nyamara, ntabwo Yeremiya yemerewe gukomeza guceceka mu gihe kurimbuka gukomeye kwari kwibasiye ubwami. Abakomeje kuba indahemuka ku Mana bagombaga gushishikarizwa kwihangana bagakomeza gukora ibitunganye, kandi niba bishoboka abanyabyaha bagombaga gushishikarizwa guhindukira bakava mu bibi byabo. {AnA 372.3}

Ako kaga kasabaga ko abantu muri rusange bakoresha umuhati ndetse mwinshi. Yeremiya yategetswe n'Uwiteka guhagarara mu mbuga y'urusengero maze akajya abwira abantu bose bo mu Buyuda bagombaga kujya binjira mu rusengero n'abasohokaga. Ubutumwa yabaga yahawe ntiyagombaga kugabanyaho n'ijambo na rimwe kugira ngo abanyabayaha bo muri Siyoni babashe kugira amahirwe yuzuye ashoboka yo kumvira no guhindukira bakava mu nzira zabo mbi. {AnA 373.1}

Umuhanuzi Yeremiya yarumviye; yahagaze mu marembo y'inzu y'Uwiteka maze aharangururira ijwi ry'imbuzi no kwinginga. Ashorewe n'umwuka w'Ishoborabyose yaravuze ati: {AnA 373.2}

"Nimwumve ijambo ry'Uwiteka ab'i Buyuda mwese, abanyura muri iri rembo bajya gusenga Uwiteka.' Uwiteka Nyiringabo Imana ya Isirayeli ivuga itya iti 'Nimugorore inzira

zanyu n'ingeso zanyu, nanjye nzabaha gutura aha hantu.' Ntimukiringire amagambo y'ibinyoma ngo muvuge muti 'Urusengero rw'Uwiteka, urusengero rw'Uwiteka, urusengero rw'Uwiteka nguru.' "Kuko nimugorora rwose inzira zanyu n'ingeso zanyu, mugasohoza imanza zitabera z'umuntu n'umuturanyi we, ntimubonerane umushyitsi n'impfubyi n'umupfakazi, ntimuvushirize amaraso atariho urubanza hano, ntimukurikire izindi mana zitabateza amakuba, ni bwo nzabaha gutura aha hantu, igihugu nahaye ba sogokuruza uhereye kera ukageza iteka ryose." Yeremiya 7:2-7. {AnA 373.3}

Kuba Uwiteka atarashakaga kubahana bigaragarizwa cyane muri aya magambo. Uwiteka ahagarika ibihano atanga kugira ngo yinginge abanga kwihana. "Uwiteka ugirira imbabazi no kutabera no gukiranuka mu isi" akunda cyane abana be bararagira; ashaka kubigisha inzira y'ubugingo buhoraho abinyujije mu nzira zishoboka zose. Yeremiya 9:24. Yakuye Abisirayeli mu buretwa kugira ngo bamukorere, We Mana y'ukuri kandi ihoraho yonyine. Nubwo bari barararagiye igihe kirekire mu mu gusenga ibigirwamana kandi bakaba bari barasuzuguye imiburo yabatumyeho, noneho yababwiye iby'ubushake ifite bwo kwigizayo igihano [yari yabageneye] nyamara ikabaha andi mahirwe yo kwihana. Yabagaragarije neza ko akaga kari kegereje gashobora kwigizwayo binyuze gusa mu kuvugururwa guhebuje k'umutima. Ibyirnigro bari barashyize ku rusengero no ku mihango yarukorerwagamo byari kuba iby'ubusa. Imigenzo n'imihango ntibyashoboraga guhongerera icyaha. Nubwo bavugaga ko ari ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe, kuvugirurwa k'umutima n'ibyo umuntu akora mu mibereho ye byonyine ni byo byari kubakiza ingaruka zitajyaga kubura zo gukomeza kugoma. {AnA 374.1}

Uko ni ko "mu midugudu y'u Buyuda no mu nzira z'i Yerusalemu" ubutumwa Yeremiya yatumwaga ku Buyuda bwari ubu ngo: "Nimwumve amagambo y'iri sezerano muyasohoze." (ari yo mategeko yumvikana y'Uwiteka nk'uko yanditswe mu Byanditswe Byera.) Yeremiya 11:6. Ubu ni bwo butumwa Yeremiya yamamaje ubwo yari ahagaze mu mbuga y'urusengero mu ntangiriro z'ingoma ya Yehoyakimu. {AnA 374.2}

Ibyabaye ku Bisirayeli uhereye mu minsi yo Kuvanwa mu Egiputa byongeye gusubirwamo mu ncamake. Isezerano Imana yari yaragiranye na bo ryari iri ngo: "Nimwumvira ijwi ryanjye nzaba Imana yanyu, namwe muzaba abantu banjye kandi mugendere mu nzira nabategetse zose, kugira ngo mubone ihirwe." Iri sezerano ryari ryaragiye ryicwa incuro nyinshi kandi mu buryo bukojeje isoni. Abari ishyanga ryatoranyijwe "ntibarakumva haba no gutega amatwi, ahubwo bayobejwe n'imigambi yabo n'imitima yabo mibi inangiye, maze aho kujya imbere basubira inyuma." Yeremiya 7:23,24. {AnA 375.1}

Uwiteka yarabajije ati: "None se ubu bwoko bw'i Yerusalemu kuki bwasubiye inyuma bukagenderanirako, bagundira uburiganya bakanga kugaruka?" Yeremiya 8:5. Mu mvugo

y'umuhanuzi, byatewe n'uko batari barumviye ijwi ry'Uwiteka Imana yabo kandi bakaba bari baranze gukosorwa. Soma Yeremiya 5:3. Yeremiya yararize ati: "Ukuri kuraheze kandi gushize mu kanwa kabo." "Ni ukuri igishondabagabo kigurukira mu kirere kimenya ibihe byacyo, n'intungura n'intashya n'umusambi byitondera ibihe byabo byo kwimuka, ariko abantu banjye bo ntibazi amategeko y'Uwiteka." "Mbese ibyo sinzabibahanira? Ni ko Uwiteka abaza. Mbese ubwoko nk'ubwo umutima wanjye ntiwabuhora ibyo?" Yeremiya 7:28; 8:7; 9:8. Igihe cyari kigeze ngo habeho kwinira mu mutima gukomeye. Igihe Yosiya yari akiri umwami wabo, abantu bari bafite ibyiringiro. Nyamara ntiyari akiriho ngo abashe kubingingira kuko yari yaraguye ku rugamba. Ibyaha by'ishyanga byari bigeze aho igihe cyo gusabirwa cyari cyararangiye. Uwiteka yaravuze ati: "Nubwo Mose na Samweli bampagarara imbere, umutima wanjye ntabwo nawerekeza kuri aba bantu. Ubankure mu maso bagende. Nibakubaza bati 'Tujye he?' Nawe uzababwire uti: 'Uku ni ko Uwiteka avuze ngo: Abakwiriye gupfa bapfe, n'abakwiriye inkota barimbuzwe inkota, kandi abakwiriye inzara bicwe n'inzara, n'abakwiriye kujyanwa ari imbohe bagendeho imbohe." Yeremiya 15:1,2. {AnA 375.2}

Kwanga kumvira irarika ry'imbabazi Imana yabohererezaga byari kuzanira ishyanga ryanze kwihana ibihano byari byarageze ku bwami bw'amajyaruguru ya Isirayeli mu myaka ijana yari ishize. Noneho ubutumwa bari bohererejwe bwari ubu ngo: "Nimwanga kunyumvira ngo mugendere mu mategeko yanjye nabashyize imbere, kandi ngo mwumvire amagambo y'abagaragu banjye b'abahanuzi nabatumyeho, ndetse nazindukaga kare nkabatuma ariko mukanga kunyumvira, iyi nzu nzayihindura nk'i Shilo, uyu murwa nzawugira ikivume mu mahanga yose yo mu isi." Yeremiya 26:4-6. {AnA 376.1}

Abantu bari bahagaze mu mbuga y'urusengero bateze amatwi amagambo ya Yeremiya basobanukiwe neza iby'uko kuvuga kuri Shilo, ndetse no ku gihe mu minsi ya Eli ubwo Abafilisitiya bari baratsinze Isirayeli bagatwara isanduku y'isezerano ry'Imana. {AnA 376.2}

Icyaha cya Eli cyari cyarashingiye ku kwirengagiza ibyaha abahungu be bakoreraga mu nshingano zera bari barahawe ndetse no kwirengagiza ibibi byari biganje mu gihugu cyose. Uko yirengagije gukosora ibyo bibi byari byarazaniye Isirayeli akaga gakomeye. Abahungu be bari baraguye ku rugamba, Eli ubwe yari yarapfuye, isanduku y'Imana yariyarakuwe muri Isirayeli, abantu ibihumbi mirongo itatu bari barishwe kandi ibyo byose bitewe n'uko icyaha cyari cyararetswe kigasagamba ntawe ugicyashye cyangwa ngo acyamagane. Isirayeli yari yaribwiriye ubusa ko nubwo bakora ibyaha, kuba isanduku y'Uwiteka iri muri bo bizababashisha gutsinda Abafilisitiya. Mu buryo nk'ubwo, mu gihe cya Yeremiya,

abaturage b'Ubuyuda bizeraga ko kubahiriza imihango yo mu rusengero yashyizweho n'Imana badakebakeba byabarinda guhanirwa imigirire yabo mibi. {AnA 377.1}

Mbega icyigisho ku bantu bafite imyanya y'ubuyobozimu itorero ry'Imana muri iki gihe! Mbega umuburo ukomeye ubararikira kugenza uko bikwiriye ibibi bisuzuguza uruhande rw'ukuri! Ni mutyo he kugira umuntu n'umwe uvuga ko yabikijwe amategeko y'Imana wishimagiza avuga ko imyitwarire igaragara inyuma agira ku mategeko y'Imana imukingira gushyira mu bikorwa ubutabera bw'Imana. Nimutyo he kugira n'umwe wanga gucyahirwa ikibi yakoze, cyangwa ngo ashinje abagaragu b'Imana kuba abanyamwete cyane mu gushishikarira kweza [itorero] mo imigirire mibi. Imana yanga icyaha irahamagarira abavuga ko bakurikiza amategeko yayo kwitandukanya n'icyaha cyose. Muri iki gihe kwirengagiza kwihana no kumvira bivuye ku mutima bizazanira abagabo n'abagore ingaruka zikomeye nk'izageze kuri Isirayeli ya kera. Hari urugero ntarengwa rugerwaho aho ibihano by'Uwiteka bidashobora guhagarikwa na mba. Guhinduka umusaka kwa Yelusalemu mu gihe cya Yeremiya ni umuburo ukomeye kuri Isirayeli yo muri iki gihe ko inama n'imiburo bahawe binyujijwe mu bikoresho byayo yitoranyirije bidashobora kwirengagizwa nta gihano gitanzwe. {AnA 377.2}

Ubutumwa Yeremiya yagejeje ku batambyi na rubanda bwamukuri名 kwangwa no kurwanywa na n'abantu benshi. Batey hejuru bamwagana baira bati: "Kuki wahanuye mu izina ry'Uwiteka uti 'Iyi nzu izahinduka nk'i Shilo, n'uyu murwa uzaba umusaka udatuwemo?' " Abantu bose bakoranira kuri Yeremiya mu nzu y'Uwiteka." Yeremiya 26:9. Abatambyi, abahanuzi b'ibinyoma ndetse na rubanda bamuhindukirirra bamurakariye we utarabashaga kubabwira ibintu ibintu byiza cyangwa ngo ahanure ibinyoma. Uko ni ko ubutumwa bw'Imana bwasuzuguwe n'umugaragu wayo agakangishwa urupfu. {AnA 378.1}

Inkuru yerekeye amagambo ya Yeremiya yagejejwe ku bikomangoma byo mu Buyuda, maze bihuta biva mu ngoro y'umwami bijya ku rusengero kugira ngo biyumvire ukuri kw'ayo magambo. "Maze abatambyi n'abahanuzi babwira ibikomangoma na rubanda rwose bati "Uyu muntu akwiriye gupfa, kuko yahanuriye uyu murwa ibibi nk'uko mwabyiyumviye n'amatwi yanyu." Yeremiya 26:11. Ariko Yeremiya ahagarara imbere y'ibikomangoma na rubanda rwose ashize amanga aravuga ati: "Uwiteka yantumye guhanurira iyi nzu n'uyu murwa amagambo yose mwumvise. Noneho nimutunganye inzira zanyu n'imirimo yanyu, kandi mwumvire ijwi ry'Uwiteka Imana yanyu, na we Uwiteka azareka ikibi yabavuzeho. Naho jye ngaho ndi mu maboko yanyu, mungirire uko mwibwira ko ari byiza kandi itunganye. Icyakora mumenye yuko nimunyica muzaba mwisize amaraso atariho urubanza,

no kuri uyu murwa no ku baturage baho bose, kuko Uwiteka yabantumyeho koko kubabwira ayo magambo yose ngo munyumve." Yeremiya 26:12-15. {AnA 378.2}

Iyo umuhanuzi Yemiya aterwa ubwoba n'ibikangisho by'abantu bari mu myanya y'ubuyobozi, ubutumwa bwe ntibuba bwaragize umusaruro butanga, kandi aba yaratakaje ubuzima bwe. Nyamara ubutwari yatanganye uwo muburo ukomeye bwatumye abantu bamwubaha kandi butera ibikomangomba byo muri Isirayeli kumugirira impuhwe. Ibikomangoma byaganiriye n'abatambyi n'abahanuzi b'ibinyoma, bibereka uburyo ingamba zikomeye bafashe ari ubupfapfa, kandi amagambo y'ibikomangoma agira n'icyo ahindura mu ntekerezo za rubanda rwose. Uko ni ko Uwiteka yahagurukije abarengera umugaragu wayo. {AnA 379.1}

Abakuru nabo bashyize hamwe bamagana icyemezo abatambyi bafashe cyerekeye urwo bakaniye Yeremiya. Bibukije ibya Mika wari warahanuye iby'ibihano bizagera kuri Yerusalemu avuga ati: "I Siyoni hazahingwa nk'umurima naho i Yerusalemu hazaba ibirundo by'imisaka, n'umusozi wubatsweho inzu y'Uwiteka uzaba nk'aharengeye hose ho mu ishyamba." Kandi barabaza bati: "Hezekiya umwami w'u Buyuda n'ab'i Buyuda bose, mbese aho baramwishe? Ntimuzi ko Hezekiya yubashye Uwiteka, agasaba *Uwiteka* imbabazi maze Uwiteka akareka ikibi yabavuzeho? Twakwica uyu twaba twikoreye ishyano rikomeye, ryatugera ku bugingo." Yeremiya 26:18,19. {AnA 379.2}

Bitewe no kwinginga kw'abo bantu bakomeye, ubuzima bw'umuhanuzi Yeremiya bwararokowe nubwo benshi mu batambyi n'abahanuzi b'ibinyoma batashoboye kwihanganira ukuri kwabaciragaho iteka yari yavuze. Byari kubashimisha iyo babona yishwe azira [icyo bitaga] kwigomeka ku buyobozi. {AnA 379.3}

Uhereye umunsi yahamagariwe ukageza ku iherezo ry'umurimo we, Yeremiya yahagaze imbere y'Ubuyuda ari nk'umunara n'igihome bitatsindwa n'umujinya w'umuntu. Uwiteka yari yaraburiye umugaragu we agira ati: "Kandi nzakugira inkike yubakishijwe imiringa ibe igihome gikingiye abo bantu, na bo bazakurwanya ariko ntibazakunesha, kuko ndi kumwe nawe ngo ngukize kandi nkurokore. Ni ko Uwiteka avuga. Nzakurokora nkuvane mu maboko y'abanyabyaha, kandi nzagukiza amaboko y'abateye ubwoba." Yeremiya 15:20,21. {AnA 380.1}

Muri kamere ye, Yeremiya yarangwagagucisha make no gutinya. Yifuzaga amahoro n'umutuzo mu buzima bw'ahanti hitaruye kandi hatuje aho atabaga akeneye kubona gukomeza kwinangira kw'ishyanga rye yakundaga. Umutima we wari wuzuye intimba kubwo kurimbuka kuzanwa n'icyaha. Yarize agira ati: "Ye baba we, icyampa umutwe

wanjye ukabamo iriba ry'amazi, n'amaso yanjye akaba isōko y'amarira kugira ngo ndire ku manywa na nijoro, ndirire abantu banjye bishwe!" Yeremiya 9:1,2. {AnA 380.2}

Yahamagariwe kwihanganira gukwenwa kuzuyemo ubugome. Umutima we wari woroshye wagiye wahuranywa n'imyambi yo kugirwa urw'amenyo yagirirwaga n'abasuzuraga ubutumwa bwe kandi bagahindura ubusa umutwaro wari umuremereye w'uko bahinduka. Yaravuze ati: "Nahindutse urw'amenyo mu bwoko bwanjye bwose, bangize indirimbo umunsi wose." "Ayii Uwiteka, waranshutse nemera gushukwa! Undusha amaboko ni cyo gituma untsinda, mpindutse urw'amenyo umunsi wose, umuntu wese aranseka." "Incuti zanjye zose ziranyubikiye zireba icyo nsitaraho ngo *zindege* ziti: "Nimumurege natwe tuzamurega." Baravuga bati: "Ahari azemera gushukwa tubone uburyo bwo kumutsinda, maze tubimuhore." Amaganya 3:14; Yeremiya 20:7, 10. {AnA 380.3}

Ariko umuhanuzi udahemuka yakomezwaga buri munsi kugira ngo yihangane. Yaravuze ati: "Ariko Uwiteka ari kumwe nanjye, ameze nk'intwari iteye ubwoba. Ni cyo gituma abandenganya bazasitara kandi ntibazatsinda, bazamwara cyane kuko batagenje nk'abafite ubwenge, kandi bazakorwa n'isoni zitazibagirana iteka ryose." "Nimuririmbire Uwiteka, mumuhimbarize kuko yarokoye ubugingo bw'umwinazi mu maboko y'inkozi z'ibibi." Yeremiya 20:11,13. {AnA 381.1}

Ibyo Yeremiya yanyuzemo mu minsi y'ubuto bwe ndetse no mu myaka yakurikiyeho y'umurimo we, byamwigishije icyigisho ko "inzira y'umuntu itaba muri we, ntibiri mu muntu ugenda kwitunganiriza intambwe ze." Yize gusenga ati: "Uwiteka, umpane ariko bitarenze urugero, ntumpanishe umujinya kugira ngo utantsemba." Yeremiya 10:23, 24. {AnA 381.2}

Igihe yahamagarirwaga kunywa ku gikombe cyo kurenganywa n'umubabaro, ndetse n'igihe yageragezwaga mu murimo we yaravugaga ati: "Imbaraga zanjye no kwiringira kwanjye nari mfite ku Uwiteka, birashize." Yibutse ineza Imana yamugiriye maze avugana intsinzi ati: "Imbabazi z'Uwiteka ni zo zituma tudashiraho, Kuko ibambe rye ritabura. Zihora zunguka uko bukeye, umurava wawe ni munini. Umutima wanjye uravuga uti: "Uwiteka ni we mugabane wanjye, ni cyo gituma nzajya mwiringira." Uwiteka abereye mwiza abamutegereje, n'ubugingo bw'umushaka. Ni byiza ko umuntu yiringira, ategereje agakiza k'Uwiteka atuje." Amaganya 3:18, 22-26. {AnA 381.3}

IGICE CYA 35 - AMAKUBA YEGEREJE

Imyaka ibanza y’ingoma ya Yehoyakimu yari yuzuye imiburo yavugaga iby’amakuba yari yegereje. Ijambo ry’Uwiteka ryari ryaravuzwe n’abahanuzi ryendaga gusohora. Ubwami bwa Ashuri mu majyaruguru bwari bumaze igihe kirekire bukomeye cyane ntibwari bucyongeye gutegeka amahanga. Mu majyepfo, Egiputa umwami w’Ubuyuda yiringira imbaraga zayo nyamara ari iby’ubusa, bidatinze yari igiye gushegeshwa bikomeye. Mu buryo butunguye bose, ubutegetsi bushya bukomeye cyane ku isi ari bwo bwami bwa Babuloni bwakuraga mu gice cy’uburasirazuba kandi bukagenda bubundikira andi mahanga yose. {AnA 383.1}

Mu gihe cy’imyaka mike gusa, umwami wa Babuloni yari agiye kuba igikoresho cy’uburakari bw’Imana ku Buyuda bwanze kwihana. Incuro nyinshi Yerusalemu yari igiye kujya igotwa kandi ikinjirwa n’ingabo za Nebukadinezari. Amatsinda y’abantu akurikiranye (hagombaga kubanza abantu bake gusa, ariko nyuma yaho hagatwarwa ibihumbi byinshi) yagombaga kujyanwa ari imbohe mu gihugu cy’i Shinari, bakajya kuhaba ari inkoreragahato. Yehoyakimu, Yehoyakini 12 na Zedekiya; abo bami bose b’Abayuda bagombaga gutegekera munsi y’ububasha bw’umwami wa Babuloni, kandi bose bari kuzigomeka. Ibihano bikomeye ndetse birushijeho gukomera byagombaga guhabwa ishyanga ryigometse kugiza ubwo nibura igihugu cyose cyari guhinduka umwirare, Yerusalemu igahinduka umusaka kandi igatwikwa, urusengero Salomo yari yarubatse rugasenywa, ndetse ubwami bw’Ubuyuda bugahanguka ubutazongera gusubira ku ntebe bwahozeho mu mahanga yo ku isi. {AnA 383.2}

Ibyo bihe by’impinduka, byari byuzuye amakuba ku ishyanga rya Isirayeli, byaranzwe n’ubutumwa bwinshi buturutse ku Mana bunyujijwe mu muhanuzi Yeremiya. Uko ni ko Uwiteka yahaye abaturage b’Ubuyuda amahirwe afatika yo kwitandukanya no kunga ubumwe na Egiputa, ndetse n’ayo kwirinda kurwanya abami b’i Babuloni. Igihe amakuba yari yaravuzwe yegerezaga, Yeremiya yigishaga abantu akoresheje urwunge rw’imigani. Yakoraga atyo yiringiye gukangurira abantu kuzirikana inshingano bafite ku Mana, ndetse no kubashishikariza gukomeza kugirana umubano mwiza n’ubutegetsi bwa Babuloni. {AnA 384.1}

Kugira ngo agaragaze akamaro ko kumvira ibyo Imana ibasaba badakebakeba, Yeremiya yahamagaye bamwe bo mu muryango wa Rekabu abateranyiriza muri kimwe mu byumba by’urusengero maze abatereka vino imbere abararikira kunywa. Nk’uko byari byitezwe, baramwamaganye kandi baramuhakanira baramutsembera. Bene Rekabu bavuze bakomeje

bati: “Ntituyinywa kuko Yonadabu mwene Rekabu sogokuruza wacu yadutegetse ati ‘Ntimuzanywe vino, ari mwe cyangwa abana banyu iteka ryose.” {AnA 384.2}

“Maze ijambo ry’Uwiteka riza kuri Yeremiya riti: “Uku ni ko Uwiteka Nyiringabo Imana ya Isirayeli ivuga ngo genda ubwire abantu b’i Buyuda n’abatuye i Yerusalemu uti ‘Mbese ntimuzemera kwigishwa ngo mwumvire amagambo yanjye? Ni ko Uwiteka abaza. Amagambo ya Yonadabu mwene Rekabu, ayo yategetse abahungu be ngo be kunywa vino yarasohojwe, kugeza na bugingo n’ubu ntibayinywa kuko bumviye itegeko rya sekuruza.” Yeremiya 35:6,12-14. {AnA 384.3}

Uko ni ko Uwiteka yashatse kugaragaza itandukaniro rikomeye cyane riri hagati yo kumvira kwa bene Rekabu no kutumvira no kwigomeka k’ubwoko bwe. Bene Rekabu bari barumviye itegeko rya sekuru bityo igihe Yeremiya yabashyiraga vino imbere banga gushorwa mu gicumuro. Ariko Abayuda ntibari barumviye amagambo y’Uwiteka, kandi ingaruka zabyo bari bagiye kugerwaho n’ibihano by’Imana bikomeye cyane. {AnA 385.1}

Uwiteka yaravuze ati: “Ariko jye navuganye namwe nkazinduka kare nkababwira, ntimurakanyumvira. Kandi nabatumyeho n’abagaragu banjye b’abahanuzi, nkazinduka kare nkabatuma nti: Nimugaruke umuntu wese areke inzira ye mbi, mwihane imirimo yanyu kandi mwe gukurikira izindi mana ngo muzikorere, ni ho muzaba mu gihugu nabahaye mwe na ba sogokuruza, ariko ntimwanteze amatwi, habe no kunyumvira. Mubonye bene Yonadabu mwene Rekabu basohoje itegeko sekuruza yabategetse, ariko ubu bwoko bwo ntibunyumvira.’ Ni cyo gituma Uwiteka Imana Nyiringabo Imana ya Isirayeli ivuga ngo ‘Dore ngiye guteza u Buyuda n’abatuye i Yerusalemu bose ibyago byose nabavuzeho, kuko navuganaga na bo ntibanyumvire, kandi nabahamagara ntibitabe.” Yeremiya 35:14-17. {AnA 385.2}

Iyo imitima y’abantu yorohejwe kandi ikigarurirwa n’imbaraga ya Mwuka Muziranenge, bumvira inama. Ariko iyo bateye umugongo umuburo kugeza ubwo imitima yabo yinangiye, Uwiteka yemera ko bayoborwa n’zindi mbaraga. Kubera kwanga ukuri, bemera ibinyoma, bityo bikabahindukira umutego ubageza ku kurimbuka kwabo. {AnA 385.3}

Imana yinginze Ubuyuda ibasaba kutayirakaza, nyamara banze kumva. Amaherezo bagombaga gucirwa urubanza. Bagombaga kujyanwa i Babuloni ari imbohe. Abakaludaya bagombaga kuba ibikoresho Imana ihanisha ubwoko bwayo butumvira. Imibabaro y’abaturage b’Ubuyuda yagombaga kungana n’umucyo bari barabonye ndetse n’imiburo bari barasuzuguye bakayanga. Imana yari yaratindije ibihano byayo igihe kirekire, ariko noneho yari igiye kubasukaho uburakari bwayo nk’umuhati uheruka wo kubahagarika mu migirire yabo mibi. {AnA 385.4}

Inzu ya bene Rekabu yahawe umugisha uhoraho. Umuhanuzi Yeremiya yaravuze ati: "Uku ni ko Uwiteka Nyiringabo Imana ya Isirayeli ivuga, ngo kuko mwumviye itegeko rya sogokuruza wanyu Yonadabu, mugakomeza amategeko ye yose kandi mugakora ibyo yabategetse byose, ni cyo gituma Uwiteka Nyiringabo Imana ya Isirayeli ivuga ngo 'Ntabwo Yonadabu mwene Rekabu azabura umwana wo kunkorera iteka ryose." Yeremiya 35:18,19. Uko ni ko Imana yigishje ubwoko bwayo ko ubudahemuka no kumvira byagombye kugarukira Ubuyuda mu migisha, kimwe n'uko bene Rekabu bahawe umugisha kubwo kumvira itegeko rya sekuru. {AnA 386.1}

Ibi natwe biduha icyigisho. Niba ibyo umubyeyi mwiza kandi w'umunyabwenge yasabye, (umubyeyi wafashe ingamba nziza cyane kandi z'ingirakamaro zo kurinda abazamukomokaho ibibi biva ku kutirinda) byarumviwe nta gukebakeba, nta gushidikanya ubutware bw'Imana bukwiriye kubahwa ku rwego rukomeye cyane kuko yera kurusha umuntu. Umuremyi wacu akaba n'Umugenga wacu, ufite ububasha butagira iherezo kandi ica imanza ziteye ubwoba, akoresha inzira zose kugira ngo atere abantu kubona no kwihana ibyaha byabo. Ivugira mu kanwa k'abagaragu bayo maze igahanura akaga kazatezwa no kutumvira. Ivuga ijwi ry'imbuzi kandi igacyaha icyaha idakebakeba. Ubwoko bwayo bugubwa neza kubw'ubuntu bwayo gusa binyuze mu kwitabwaho n'ibikoresho yitoranyirije bidahuga. Ntabwo Imana ishobora gukomeza no kurinda abantu banga inama ibaha kandi basuzugura gucyaha kwayo. Ishobora kuba ihagaritse gutanga ibihano byayo mu gihe gito; nyamara igihe cyose ntishobora kubuza ukuboko kwayo guhana. {AnA 386.2}

Abaturage b'Ubuyuda babarirwaga mu bo Uwiteka yari yaravuzeho agira ati: "Muzambera ubwami bw'abatambyi n'ubwoko bwera." Kuva 19:6. Ntabwo mu murimo we Yeremiya yigeze yirengagiza akamaro gakomeye k'ubutungane bwo mu mutima mu masano atari amwe yo mu mibereho y'umuntu, ariko by'umwihariko mu murimo w'Imana isumbabyose. Yeremiya yaboneye kure uguhanguka k'ubwami bw'Ubuyuda ndetse no gutatanyirizwa mu mahanga kw'abaturage b'Ubuyuda; ariko arebesheje amaso yo kwizera, yarebye hirya y'ibi byose yitegereza mu bihe byo gukomorerwa. "Kandi nzakoranya abasigaye b'umukumbi wanjye mbakure mu bihugu byose aho nabatatanirije, nzabagarura mu biraro byabo, bazabyara bororoke. Kandi nzabaha abungeri bo kubaragira, ntibazongera gutinya cyangwa guhagarika umutima ukundi, kandi nta wuzazimira muri bo. Ni ko Uwiteka avuga. "Dore iminsi izaza, ubwo nzumburira Dawidi Ishami rikiranuka, azima abe umwami kandi akorane ubwenge, azasohoza imanza zitabera no ukiranuka mu gihugu. Ni ko Uwiteka avuga. Mu gihe cye Yuda azakizwa kandi Isirayeli azibera amahoro, iri ni ryo zina rya Shami rizitwa: UWITEKA GUKIRANUKA KWACU." Yeremiya 23:3-6. {AnA 387.1}

Uko ni ko ubuhanuzi bwavugaga iby'igihano cyari kigiye kuza bwari buvanzwe n'amasezerano avuga ibyo gucungurwa guhebuje kandi guheruka. Abajyaga guhitamo kubana amahoro n'Imana kandi bakagira imibereho yera hagati y'ubuhakanyi bwari buganje, bari guhabwa imbaraga kubw'ikigeragezo cyose kandi bakabashishwa guhamya Imana bafite ububasha bukomeye. Mu myaka yari kuzakurikiraho, gucungurwa kwari kubabaho kwari kuzaruta ukwakorewe Abisirayeli igihe bavaga mu Egiputa. Uwiteka yavugiye mu muhanuzi we ko iminsi yari ije ubwo "batazasubira kurahira bati 'Ndahiye Uwiteka uhoraho wavanye Abisirayeli mu gihugu cya Egiputa', ahubwo bati 'Ndahiye Uwiteka uhoraho wazamuye urubyaro rw'inzu ya Isirayeli, akaruzana aruvanye mu gihugu cy'ikasikazi, no mu bihugu byose aho nari narabatatanyirije.' Na bo bazatura mu gihugu cyabo bwite." Yeremiya 23:7,8. Ngubwo ubuhanuzi butangaje bwahanuwe na Yeremiya mu myaka iheruka y'amateka y'ubwami bw'Ubuyuda, igihe Abanyababuloni bazaga baje gutegeka isi yose, kandi icyo gihe bazanaga n'ingabo zabo zaje zikagota inkike za Siyoni. {AnA 387.2}

Ayo masezerano yo gucunguwa yinjiye mu matwi y'abari bashikamye mu kuramya Yehova ameze nk'indirimbo iryoshye cyane. Mu miryango y'abakomeye n'aboroheje, aho inama z'Imana ikomeza isezerano zari zicyubahwa, amagambo y'umuhanuzi yagendaga asubirwamo incuro nyinshi. Ndetse n'abana bato barakanguwe bikomeye, kandi ku ntekerezo zabo zari zitaraguka ndetse zakiraga ibyo zumvise neza hasigara ishusho izamara igihe kirekire. {AnA 388.1}

Kubahiriza amategeko y'Ibyanditswe Byera badakebakeba ni byo byatumye mu minsi y'umurimo wa Yeremiya barabonye amahirwe yo guhesha Imana nyakuri ikuzo imbere y'amahanga yo ku si. Amabwiriza abo bana b'Abaheburayo bari baraherewe mu ngo z'ababyeyi babo ni yo yabakomeje mu kwizera kandi ntibateshuka mu murimo bakoreraga Imana ihoraho, Umuremyi w'ijuru n'isi. Mu minsi ibanza y'ingoma ya Yehoyakimu, ubwo Nebukadineza yagotaga kandi agafata Yerusalemu bwa mbere ndetse akajyana Daniyeli na bagenzi be n'abandi batoranyirijwe by'umwihariko kuzakora ibwami i Babuloni, ukwizera kw'Abaheburayo bajyanwe ari imbohe kwarageragejwe bikomeye. Nyamara abari barize gushyira ibyiringiro byabo mu masezerano y'Imana basanze ayo masezerano abahagije rwose mu byo bari bahamagariwe kunyuramo byose igihe bari bakiri mu gihugu cy'amahanga. Ibyanditswe byababereye umuyobozi n'uburuhukiro. {AnA 388.2}

Nk'umuntu watangagaga ubusobanuro bw'ibihano byari bitangiye kugera ku Buyuda, Yeremiya yahagaze ashikamye ashigikira ubutabea bw'Imana kandi akomeza gushyigikiraimigambi yayo yuje impuhwe ndetse no mu gihe cy'ibihano bikomeye cyane. Uyu muhanuzi yakoraga ubudacogora. Kubera ko yifuzaga kugera ku bantu b'ingeri zose,

yaguye aho ingaruka z'umurimo we zageraga azigeza hirya ya Yerusalemu no kugera ku turere tuyikikije. Ibyo yabikoze abinyujije mu gusura kenshi uduce dutandukanye tw'ubwami bw'Ubuyuda. {AnA 389.1}

Mu bihamya bye yahaye itorero, Yeremiya yahoraga avuga ku nyigisho zo mu gitabo cy'amategeko cyari cyaragiye cyubahwa cyane ku ngoma ya Yosiya. Yashimangiye bundi bushya akamaro ko gukomeza kugirana isezerano n'Imana yuje ibambe n'imbabazi, Yo yari yaravugiye Amategeko cumi mu mpinga za Sinayi. Amagambo y'imbuzi no kwinginga ya Yeremiya yageze mu duce twose tw'ubwami bw'Ubuyuda, kandi abantu bose bagize amahirwe yo kumenya ubushake bw'Imana ku byerekeye ishyanga ryabo. {AnA 389.2}

Umuhanuzi yavuze yeruye ko Data wo mu ijuru yemera ko ibihano bibaho kugirango "amahanga yimenye ko ari abantu buntu." Zaburi 9:20. Uwiteka yari yarabanje kubirira ubwoko bwe ati: "Kandi nimukomeza kunyuranya nanjye mukanga kunyumvira," "nanjye nzanyuranya namwe mfite umujinya mwinshi, mbahanire ibyaha byanyu karindwi," "nzabatataniriza mu mahanga mbakurikirane nkuye inkota, igihugu cyanyu kizaba amatongo, imidugudu yanyu izaba imisaka." Abalewi 26:21,28,33. {AnA 390.1}

Igihe ubutumwa buvuga iby'amakuba yegereje bwagezwaga ku bikomangoma na rubanda, umwami wabo Yehoyakimu wagombaga kuba umuyobozi mu by'umwuka w'umunyabwenge abihereye ku kwihana icyaha no gukora amavugurura n'ubugorozi ndetse n'imirim myiza, yari ahugiye mu gupfusha igihe cye ubusa ari mu bimunezeza. Yarivugiraga ati: "Nziyubakira inzu ngari irimo ibyumba binini, nyicemo amadirishya, nyiteremo imbariro z'imyerezi, yirabemo ibara ritukura." (Yeremiya 22:14). Kandi iyi nzu yavugaga yayubakishije ubutunzi bwavaga mu buriganya n'imirimo yatwarishaga igitugu no gukandamiza. {AnA 390.2}

Uburakari bw'umuhanuzi bwarabyukijwe maze bituma acira iteka uwo mwami utarizeraga. Yeremiya yaravuze ati: "Azabona ishyano uwubakishije inzu ye gukiranirwa n'ibyumba byo muri yo uburiganya, nukoresha mugenzi we ntamuhembe, ntamuhe icyo yakoreye . . . . Ariko se kwihatira kubakisha imyerezi, ni byo byatuma uba umwami? Mbese so ntiyaryaga kandi akanywa, agaca imanza zitabera kandi zikiranuka? Icyo gihe yari aguwe neza. Yacaga urubanza rw'umukene n'umutindi, icyo gihe byari bitunganye. Mbese uko si ko kumenya? Ni ko Uwiteka abaza. Ariko amaso yawe n'umutima wawe bikurikiza kwifuza kwawe kubi gusa, no kuvusha amaraso atariho urubanza, no kurenganya no kugira urugomo. {AnA 390.3}

"Ni cyo gituma Uwiteka avuga ibya Yehoyakimu mwene Yosiya, umwami w'u Buyuda atya ati "Ntibazamuririra ngo bavuge bati 'Ye baba we mwene data!' Cyangwa bati 'Ye baba we

mushiki wanjye!’ Ntibazamuborogera ngo bavuge bati ‘Ye baba databuja!’ Cyangwa bati ‘Ye baba ubwiza bwe we!’ Azahambwa nk’uko indogobe ihambwa, akururwe ajugunywe inyuma y’amarembo y’i Yerusalemu.” Yeremiya 22:13-19. {AnA 391.1}

Iki gihano gikomeye cyari kigiye kuzahabwa Yehoyakimu mu myaka mike cyane; ariko mbere ya byose, Uwiteka mu mbabazi ze yamenyesheje ishyanga ryari ryaranze kwihana iby’umugambi we. Mu mwaka wa kane w’ingoma ya Yehoyakimu “umuhanuzi Yeremiya yabwiye ubwoko bw’u Buyuda bwose n’abatuye i Yerusalemu bose,” abereka ko mu gihe cy’imyaka makumyabiri yose “Uhereye ku mwaka wa cumi n’itatu wa Yosiya . . . ukageza” icyo gihe yababwiraga, yari yarabahamirije ko Imana ishaka kubakiza, ariko ko ubutumwa bwe bwasuzuguwe. Yeremiya 25:2,3. Noneho ijambo Uwiteka yari abatumyeho ryari iri ngo: {AnA 391.2}

“Ni cyo gituma Uwiteka Nyiringabo avuga atya ati “Kuko mutumviye amagambo yanjye, dore ngiye kohereza imiryango yose y’ikasikazi nyiteranye, kandi nzatuma ku mugaragu wanjye Nebukadinezari umwami w’i Babuloni, ni ko Uwiteka avuga, mbateze iki gihugu n’abagituyemo, n’ayo mahanga yose agikikijeho. Nzabatsemba rwose, mbagire igitangarirwa n’igitutsi n’imisaka y’iteka. Maze kandi nzabakuramo ijwi ryo kwishima n’ijwi ry’umunezero, ijwi ry’umukwe n’ijwi ry’umugeni, ijwi ry’urusyo n’umucyo w’urumuri. Iki gihugu cyose kizaba umwirare n’igitangarirwa, kandi ayo mahanga azakorera umwami w’i Babuloni imyaka mirongo irindwi.” Yeremiya 25:8-11. {AnA 391.3}

Nubwo urubanza ruvuga amakuba rwari rwamaze gucibwa, kuza kwarwo guteye ubwoba ntikwasobanukiye neza imbaga y’abantu bakumvise. Kugira ngo abantu bakorwe ku mitima cyane, Uwiteka yashatse kugaragaza ubusobanuro bw’amagambo yavuzwe. Uwiteka yasabye Yeramiya kugereranya iherezo ry’ishyanga no ry’Abayuda no gukonoza igikombe cyuzuye vino y’umujinya w’Imana. Mu bagombaga kuba mu ba mbere mu kunywa kuri iki gikombe cy’akaga harimo “Yerusalemu n’imidugudu y’Ubuyuda n’abami bo muri yo.” Hari n’abandi bagombaga guhabwa kuri icyo gikombe ari bo “Farawo umwami wa Egiputa n’abagaragu be, n’ibikomangoma bye n’abantu be bose,” ndetse n’andi mahanga menshi yo ku isi; kugeza ubwo umugambi w’Imana wari kuzasohorezwa. Soma Yeremiya 25. {AnA 392.1}

Kugira ngo asobanure biruseho imiterere y’ibihano byari bigiye kuza byihuta, umuhanuzi Yeremiya yategetswe kujyana “bamwe bo mu bakuru b’imiryango n’abakuru bo mu batambyi,” maze akajya “mu gikombe cya mwene Hinomu, kiri aho barasukira.” Nyuma kwibutsa ubuhakanyi bw’Ubuyuda, muri icyo gikombe, imbere y’abo bagabo yagombaga kuhamenera urweso, akavuga mu izina ry’Uwiteka yari abereye umugaragu agira ati: “Uku

ni ko nzavunagura ubu bwoko n'uyu murwa, nk'umena ikibumbano cy'umubumbyi, kidashoboka kongera kubumbika." Yeremiya 19:1,2,10,11. {AnA 392.2}

Umuhanuzi yakoze nk'uko yategetswe. Maze ubwo yari agarutse mu murwa ahagarara mu rugo rw'urusengero maze avuga abantu bose bumva ati: "Uku ni ko Uwiteka Nyiringabo, Imana ya Isirayeli ivuze, ngo, 'Dore ngiye guteza uyu murwa n'imidugudu yawo yose ibyago byose nawuvuzeho; kuko bashinze amajosi, kugira ngo batumva amagambo yanjye.'" Yeremiya 19:15. {AnA 393.1}

Aho kugira ngo amagambo y'umuhanuzi atere abantu kwatura no kwihana, yatumye abari mu myanya y'ubuyobozi bwo hejuru barakara bityo bituma Yeremiya yamburwa umudendezo we. Nubwo Yeremiya yashizwe muri gereza kandi agashyirwa no bigega bahunikagamo, yakomeje kubwira ababaga bari aho hafi ubutumwa buvuye mu Ijuru. Ijwi rye ntiryashoboraga gucecekeshwa no gutotezwa. Yavuze ko ijambo ry'ukuri mu mutima we ryari rimeze nk'umuriro ugurumana, ukingiraniwe mu magufwa ye, bikamubuza kwiyumanganya ntayabike. Yeremiya 20:9. {AnA 393.2}

Muri icyo gihe ni bwo Uwiteka yategetse Yeremiya kwandika ubutumwa yashakaga kugeza kubo umutima we w'impuhwe wahoraga wifuriza agakiza. Uwiteka yategetse umugaragu we ati: "Enda umuzingo w'igitabo, ucyandikemo amagambo yose nakubwiye nguhanisha Isirayeli na Yuda n'amahanga yose, uhereye igihe navuganye nawe ku ngoma ya Yosiya kugeza ubu. Ahari ab'inzu ya Yuda bazumva ibyago byose ngambiriye kubagirira bibatere kugaruka, umuntu wese areke inzira ye mbi kugira ngo mbone kubababarira igicumuro cyabo n'icyaha cyabo." Yeremiya 36:2,3. {AnA 393.3}

Mu rwego rwo kumvira iri tegeko, Yeremiya yifashishije incuti ye magara, Baruki umwanditsi, maze "yandika amagambo yose ava mu kanwa ka Yeremiya, ayo Uwiteka yari yamubwiye." Umurongo wa 4. Ayo magambo yandikanwe ubwitonzi ku muzingo w'igitabo bityo kiba imbuzi ikomeye icyaha icyaha ndetse n'umuburo uvuga ingaruka zitazabura z'ubuhakanyi bwari bukomeje kubaho ndetse kiba n'irarika ryingingira abantu kuzinukwa ikibi. {AnA 393.4}

Igihe iyo nyandiko yari irangiye, Yeremiya, wari ukiri mu nzu y'imbohe, yohereje Baruki ngo ajye gusomera uwo muzingo imbaga y'abantu bari bateraniye ku rusengero baje mu munsi wo kwiyiriza ubusa kw'ishyanga ryose, "mu mwaka wa gatanu w'ingoma ya Yehoyakimu mwene Yosiya umwami w'Ubuyuda, mu kwezi kwa cyenda." Umuhanuzi Yeremiya yaravuze ati: "Ahari aho kwinginga kwabo kwagera ku Uwiteka, umuntu wese akareka inzira ye mbi kuko uburakari n'umujinya Uwiteka yahanuriye ubu bwoko bikomeye." Yeremiya 36:9,7. {AnA 394.1}

Baruki yumviye ibyo Yeremiya amusabye maze wa muzingo w'igitabo usomerwa imbere y'abaturage bose b'Ubuyuda. Nyuma yaho Baruki yaje gutumizwa imbere y'ibikomangoma kugira ngo abasomere ayo magambo. Bateze amatwi babyitayeho cyane kandi basezerano kumenyesha umwami ibyo bumvise byose, ariko bagira Baruki inama yo kwihisha, kuko batinyaga ko umwami atari kwemera ubwo buhamya bityo agashaka kwica abari bateguye ubwo butumwa kandi bakabutanga. {AnA 394.2}

Igihe umwami Yehoyakimu yabwirwaga n'ibikomangoma ibyo Baruki yabasomeye, yahise ategeka ko uwo muzingo bawuzana imbere bakawusoma yiyumvira. Umwe mu barindaga umwami witwaga Yehudi, yazanye uwo muzingo maze atangira gusoma amagambo yo gucyaha n'imbuzi. Hari mu gihe cy'itumba, kandi umwami n'ibyegera bye, n'ibikomangoma by'Ubuyuda bari bateraniye ku gishyito cy'umuriro bota. Hamaze gusomwa umugabane muto cyane gusa, aho kugira ngo umwami ahindishwe umushyitsi n'akaga kari kagiye kumugeraho n'abaturage be, yahise afata uwo muzingo maze mu burakari bwinshi bwamuzabiranyije acisha icyo gitabo icyuma, agenda ajugunya ibisate mu muriro wo mu ziko, "abigenza atyo kugeza ubwo umuzingo wose washiriye mu muriro wo mu ziko." Umurongo wa 23. {AnA 394.3}

Yaba umwami n'abagaragu be bose ntibagize ubwoba, kandi "ntibatanyagura n'imyambaro yabo." Nyamara bamwe mu bikomangoma bari "binginze umwami ngo ye gutwika umuzingo; ariko ntiyabakundira." Iyo nyandiko imaze gukongoka, umujinya w'umwami w'umugome werekejwe kuri Yeremiya na Baruki, maze ahita abatumaho ababafata; "ariko Uwiteka yarabahishe." Yeremiya 36:24-26. {AnA 395.1}

Mu kumenyesha abari baje kuramiriza ku rusengero, ndetse n'ibikomangoma n'umwami amagambo yo gucyaha yari muri uwo muzingo wandikishiwe n'Imana, Imana mu buntu bwayo yashakaga kuburira abaturage b'Ubuyuda kubw'ibyiza kuri bo. Yaravuze iti: "Ahari ab'inzu ya Yuda bazumva ibyago byose ngambiriye kubagiririra bibatere kugaruka, umuntu wese areke inzira ye mbi kugira ngo mbone kubabababarira igicumuro cyabo n'icyaha cyabo." Yeremiya 36:3. Imana igirira impuhwe abantu bari ku rugamba mu buhumyi bwo kwigomeka n'ubufapfa; iba ishaka kumurikira intekerezo zijimishijwe ikoresheje kohereza amagambo yo gucyaha no kwinginga aba agamije gutera abafite icyubahiro gikomeye gusobanukirwa ubupfapfa bwabo no kuzinukwa amakosa yabo. Imana ishishikarira gufasha abumva bihagije kugira ngo bumve batanyuzwe n'ibyo bagezeho by'imfabusa kandi bashake umugisha w'iby'umwuka binyuze mu komatana n'ijuru. {AnA 395.2}

Ntabwo umugambi w'Imana ari uwo kohereza intumwa zizanezeza cyangwa ngo zibashimagize. Ntabwo itanga ubutumwa bw'amahoro butanga umututuzo ku batejejwe ngo bibere mu mutekano w'ibyo imibiri yabo irarikira. Ibiramambu, ishyira imitwaro iremereye

mu mutimanama w'inkozi y'ibibi kandi ikahuranya ubugingo bwe imyambi yo kumwemeza. Abamarayika bakorera Imana bereka uwo muntu imanza z'Imana ziteye ubwoba kugira ngo yumve ubukene bwe mu buryo bwimbitse kandi bamutere kurira ataka ati: "Nkwiriye gukora nte ngo nkire?" Ibyakozwe 16:30. Nyamara ukuboko gucisha bugufi abantu bakajya mu mukungu, kugacyaha icyaha, kandi ubwibone n'imigambi bigakozwa isoni, ni ko kuboko guhagurutsa uwihana kandi ushenjaguritse. Uwemera ko ibihano bibaho ni we ubaza n'impuhwe nyinshi agira ati: "Nkugenze nte?" Hoseya 6:4. {AnA 396.1}

Igihe umuntu acumuye ku Mana yera kandi y'inyambabazi, nta yindi nzira nziza yakurikiza uretse kwihana abikuye ku mutima no kwatura amakosa ye arira kandi ababaye mu mutima we. Ibi ni byo Imana imusaba; nta kindi yemera uretse umutima umenetse kandi wicuza. Nyamara umwami Yehoyakimu n'ibisonga bye, mu bwirasi bwabo n'ubwibone, banze irarika ry'Imana. Ntabwo bashatse kumvira umuburo kandi ngo bihane. Amahirwe atangaje bahawe igihe umuzingo w'igitabo cyera watwikwaga yari aya nyuma kuri bo. Imana yari yaravuze ko icyo gihe nibanga kumvira ijwi ryayo izabahanisha igihano giteye ubwoba. Banze kumvira rwose maze Uwiteka acira Ubuyuda imanza ziheruka, kandi yajyaga guhanisha uburakari budasanzwe umuntu wari warishyiriye hejuru kurwanya Imana Ishoborabyose. {AnA 396.2}

"Ni cyo gituma Uwiteka ahanurira Yehoyakimu umwami w'u Buyuda ngo: Ntazagira uwo gusubira ku ngoma ya Dawidi, kandi intumbi ye izanama ku gasozi ku cyokere cy'izuba ry'amanywa no mu mbeho y'ijoro. Kandi nzamuhana we n'urubyaro rwe n'abagaragu be mbahoye gukiranirwa kwabo, kandi bo n'abatuye i Yerusalemu n'abantu b'i Buyuda nzabateza ibyago byose nabageneye, kuko banze kunyumvira.'" Yeremiya 36:30,31. {AnA 397.1}

Gutwikwa kw'igitabo cy'umuzingo ntiryari iherezo ry'ikibazo. Amagambo yanditswe yakuweho mu buryo bworoshye cyane kurusha gucyaha n'umuburo byari biyarimo ndetse n'igihano cyari kigiye kuza cyihuta Imana yari yaraciriye Isirayeli yari yarigometse. Nyamara kandi wa muzingo wanditswe wongeye kwandukurwa. Uwiteka yategetse umugaragu we ati: "Ongera wende undi muzingo, uwandikemo amagambo yose yari mu muzingo wa mbere, uwo Yehoyakimu umwami w'u Buyuda yatwitse." Inyandiko y'ubuhanuzi bwerekeye Ubuyuda na Yerusalemu yari yarahinduwe ivu: ariko amagambo ubwayo yari akiri mu mutima wa Yeremiya, ameze "nk'umuriro ugurumana," kandi umuhanuzi Yeremiya yemerewe kongera kwandika ibyo umujinya w'umuntu wari wararimburanye ingoga. {AnA 397.2}

Nuko Yeremiya afata undi muzingo awuha Baruki, "awandikamo amagambo yose uko yavaga mu kanwa ka Yeremiya, ayari yanditswe mu gitabo Yehoyakimu umwami w'u

Buyuda yatwitse, kandi yongeraho andi magambo menshi ahwanye n'ayo." Yeremiya 36:28,32. Umujinya w'umuntu wari warashatse kuzitira imirimo y'umuhanuzi w'Imana; nyamara uburyo Yehoyakimu yari yarakoresheje ashishikarira gukumira impinduka umugaragu w'Uwiteka yazanaga, bwatanze andi mahirwe yo kumenyekanisha ibyo Imana yasabaga. {AnA 397.3}

Umwuka wo kurwanya gucyahwa watumye Yeremiya atotezwa kandi agashyirwa mu nzu y'imbohe uracyariho na n'ubu. Abantu benshi banga kumvira imiburo isubirwamo kenshi, ahubwo bagahitamo gutega amatwi abigishabinyoma bashimagiza ubupfapfa bwabo kandi bakirengagiza ubukozi bw'ibibi bwabo. Mu munsi w'amakuba bene abo ntibazagira ubuhungiro bw'ukuri kandi nta bufasha buzuye mu ijuru bazabona. Abagaragu Imana yatoranyije bakwiriye guhangana n'ibigeragezo n'imibabaro bibageraho binyuze mu kunengwa, gusuzugurwa no kuvugwa uko batari, bafite ubutwari no kwihangana. Bakwiriye gukomeza gukora badakebakeba umurimo Imana yabahaye ngo bakore, bagahora bibuka ko abahanuzi ba kera ndetse n'Umukiza w'abantu n'abigishwa be nabo bihanganiye guhohoterwa no gutotezwa bazira Ijambo ry'Imana. {AnA 398.1}

Byari umugambi w'Imana ko Yehoyakimu yumvira inama Yeremiya yatangaga maze akabasha kugirirwa neza na Nebukadizari bityo akikiza umubabaro mwinshi. Uwo mwami wari ukiri umusore yari yararahiriye kuzumvira umwami w'I Babuloni, kandi iyo akomeza kuba indahemuka ku isezerano yari yaratanze, aba yarubashywe n'abapagani kanid ibi byari kugeza ku mahirwe atangaje yo guhinduka kw'imitima. {AnA 398.2}

Asuzuguye amahirwe adasanzwe yari yarahawe, umwami w'Ubuyuda ku bushake bwe akurikira inzira yihitiyemo ubwe. Yarenze ku ijambo ubwe yavuze ko azubaha umwami w'I Babuloni, maze arigomeka. We ubwe n'igihugu cye ibi byabashyize ahantu habi cyane. "Maze Uwiteka amuteza Ibitero by'Abakaludaya n'Abasiriya n'Abamowabu n'Abamoni, arabohereza abateza i Buyuda ngo baharimbure, nk'uko Uwiteka yari yavugiye mu bagaragu be b'abahanuzi," bityo Yehoyakimu ntiyashobora kurengera igihugu cye ngo akibuze kuyogozwa n'abo basahuzi. 2Abami 24:2. Mu myaka mike gusa Yehoyakimu yasoje ingoma ye akozwe n'isoni, ijuru ryaramuretse, abaturage be batakimukunda, kandi asuzugurwa n'abatware b'i Babuloni yari yari yararenze ku cyizere bamugiriye. Ibyo byose byabaye ingaruka z'ikosa rikomeye cyane yakoze ryo gutatira umugambi w'Imana nk'uko wari warahishuriwe mu ntumwa yayo yishyiriyeho. {AnA 398.3}

Yehoyakini [uzwi na none ku izina ya Yekoniya, na Koniya] mwene Yehoyakimu, yabaye ku ngoma mu gihe cy'amezi atatu n'iminsi icumi gusa, ubwo yarekuriraa ubutegetsi ingabo z'Abakaludaya zari zongeye kugota Yeruslemu yari yaraciriweho iteka bitewe no kwigomeka k'umwami w'Ubuyuda. Icyo gihe Nebukadinezari yajyanye "Yehoyakini i

Babuloni n'umugabekazi n'abagore b'umwami, n'inkone ze n'abatware b'ibihugu," abajyana ari ibihumbi byinshi, kandi abajyanana "n'abanyabukorikori b'abahanga n'abacuzi uko ari igihumbi." Abo bantu umwami w'i Babuloni yabajyananye n'"iby'ubutunzi byo mu nzu y'Uwiteka byose n'ibyo mu nzu y'umwami." 2Abami 24:15,16,13. {AnA 399.1}

Ubwami bw'Ubuyuda bwari bwashenjaguwe bubasha bwabwo kandi bwambuwe imbaraga zabwo haba mu bantu no mu butunzi, nyamara bwakomeje kwemererwa kubaho nk'ubutegetsi bwihariye. Ku mutwe w'ubwo butegetsi Nebukadinezari yahashyize Mataniya se wabo wa Yehoyakini, akaba n'umuhererezi wa Yosiya, ahindura izina rye amuhimba Sedekiya. {AnA 399.2}

IGICE CYA 36 - UMWAMI WA NYUMA W'UBUYUDA

Mu itangira ry'ingoma ye, Sedekiya yiringirwaga rwose n'umwami w'i Babuloni kandi yari afite umuhanuzi Yeremiya ho umujyanama mwiza. Kubwo kwitwararika ku Banyababuloni ndetse no kumvira ubutumwa buvuye ku Uwiteka bunyujjwe kuri Yeremiya, Sedekiya aba yarubashywe n'abatware bakomeye benshi kandi aba yaragize amahirwe yo kubamenyesha Imana. Kubw'ibyo, abari barajyanywe ari imbohe i Babuloni baba barahawe umwanya w'icyubahiro n'uburenganzira bwinshi. Izina ry'Imana riba ryarubashwe hirya no hino kandi abari barasigaye mu Buyuda baba bararinzwe amakuba akomeye cyane yaje kubageraho nyuma. {AnA 400.1}

Binyujijwe kuri Yeremiya, Sekediya n'abaturage b'Ubuyuda bose ndetse n'abari barajyanywe i Babuloni, bagiriwe inama yo gutuza bakayoboka ubutegetsi bw'igihe gito cy'abari barabigaruriye. By'umwihariko byari ingenzi ko abari barajyanywe mu bunyage bari bakwiriye gushakira amahoro igihugu bari barajyanwemo. Nyamara, ibi byari bihabanye n'ibyo umutima w'umuntu uba ushaka; kandi Satani na we afatiye urwaho ku kuntu ibintu byari bimeze, yateye abahanuzi b'ibinyoma guhaguruka mu Bayuda, haba abari muri Yerusalemu n'I Babuloni. Abo bahanuzi bavuze ko uburetwa bugiye gukurwaho bidatinze maze ishyanga rigasubirana icyubahiro ryahoranye. {AnA 400.2}

Kumvira ubuhanuzi nk'ubwo bwashimishaga biba byarateje akaga gakomeye haba ku ruhande rw'umwami ndetse n'abari mu bunyage, kandi biba byarabangamiye imigambi yuje impuhwe Imana yari ibafitiye. Kugira ngo hadahaguruka agatsiko ko kwigomeka bityo hagakurikiraho umubabaro ukomeye, Uwiteka yategetse Yeremiya kudatindiganya agahngana n'icyo kibazo gikomeye. Yagombaga kujya kuburira umwami w'Ubuyuda iby'ingaruka z'ubwigomeke zitari kubura kubaho. Abari barajyanywe bunyago nabo, binyujijwe mu butumwa bwanditswe, baburiwe kudashukwa ngo biringire ko gucungurwa kwabo kwegereje. Yarabihanangirije ati: "Ntimukemere ko abahanuzi bo muri mwe babahanurira n'abapfumu banyu bakabayobya, kandi ntimukite ku nzozi mujya murota." Yeremiya 29:8. Muri ibi kandi havuzwemo iby'umugambi w'Uwiteka w'uko ku iherezo ry'imyaka mirongo irindwi y'ubunyage Isirayeli izakomorerwa nk'uko byari byaravuzwe n'abahanuzi be. {AnA 401.1}

Mbega impuhwe nyinshi Imana yagaragaje ubwo yamenyeshaga ubwoko bwayo bwari bwarajyanywe ari imbohe iby'imigambi ifitiye Isirayeli! Yari izi ko iyo abahanuzi b'ibinyoma babasha kwemeza Abayuda gutegereza gucungurwa kwihuse, umwanya bari bafite muri Babuloni wajyaga kuzamo ingorane nyinshi cyane. Ukwiyerekana cyangwa ubwigomeke ubwo ari bwo bwose ku ruhande rwabo byari kubyutsa guhozwaho ijisho no

gutegekeshwa igituna n'abatware b'Abakaludaya kandi ibyo byajyaga kuganisha ku kugira ibindi babuzwa mu burenganzira bwabo. Hajyaga gukurikiraho umubabaro n'amakuba. Imana yifuzaga ko batuza bakemera ibyababayeho kandi uko bishboka kose uburetwa barimo bakabufata nk'ikintu kibanyuze. Inama Yeremiya yabahaye yari iyi ngo: "Nimwiyubakire amazu muyabemo kandi muhinge imirima murye umwero wayo. Mwishakire abagore mubyare abahungu n'abakobwa, kandi mushyingire abahungu banyu n'abakobwa banyu, kugira ngo na bo babyare abahungu n'abakobwa, mubone kuhagwirira mwe kuzatuba. Kandi umurwa nategetse ko bazabajyanaho muri imbohe muzawushakire kuba amahoro, muwusabire ku Uwiteka kuko mu mahoro yaho namwe muzagira amahoro.'" Yeremiya 29:5-7. {AnA 401.2}

Mu Bigisha b'ibinyoma bari i Babuloni harimo abagabo babiri bavugaga ko bera, nyamara imibereho yabo yarasayishije. Yeremiya yari yaraciriyeho iteka imigirire mibi y'abo bagabo kandi yari yarababuriye iby'akaga bazagira. Abo bagabo barakajwe no gucyahwa, bashatse uko babangamira umurimo w'umuhanuzi nyakuri bakangurira abantu gushidikanya amagambo ye ndetse no gukora ibihabanye n'inama Imana yari yabahaye yerekeye kuyoboka umwami w'i Babuloni. Uwiteka yahamije abinyujije kuri Yeremiya ko abo bahanuzi b'ibinyoma bazatangwa mu maboko ya Nebukadinezari bakicirwa imbere ye. Bidatinze, ubu buhanuzi bwasohoye nk'uko bwavuzwe rwose. {AnA 402.1}

Ku iherezo ry'ibihe, mu bavuga ko bahagarariye Imana nyakuri hazahaguruka abantu batera urujijo no kwigomeka. Abahanura ibinyoma bazashishikariza abantu gufata ko icyaha ari ikintu cyoroheje. Ingaruka ziteye ubwoba z'ibikorwa byabo bibi nizigaragazwa, nibabishobora bazashaka uko uwababuriye akiranutse bamuhindura nyirabayazana w'ingorane barimo nk'uko Abayuda bageretse kuri Yeremiya amakuba bahuye nayo. Ariko nk'uko amagambo Uwiteka yanyujije ku muhanuzi we yashyigikiwe mu gihe cya kera, ni ko byanze bikunze ukuri k'ubutumwa bw'Uwiteka kuzashimangirwa muri iki gihe. {AnA 403.1}

Kuva mu itangiriro, Yeremiya yari yarakurikiye inzira idakebakeba atanga inama yo kuyoboka Abanyababuloni. Ntabwo iyi nama yahawe Ubuyuda gusa, ahubwo yahawe n'amahanga menshi yari akikije Ubuyuda. Mu minsi ibanza y'ingoma ya Sedekiya, intumwa zivuye ku bami ba Edomu, Mowabu, i Tiro n'andi mahanga zaje gusura umwami w'Ubuyuda zizanwe no kumubaza niba mu mirebere ye igihe cyari kigeze kugira ngo bafatanye kwivumbagatanya kandi bamenye niba azafatanya na bo mu kurwanya umwami w'i Babuloni. Igihe izo ntumwa zari zigitegereje igisubizo aziha, ijambo ry'Uwiteka ryaje kuri Yeremiya rivuga riti: "Ishakire ingoyi n'ibiti by'imbago ubyishyire ku ijosi, maze ubyoherereze umwami wo muri Edomu n'umwami w'i Mowabu, n'umwami wa bene

Amoni, n'umwami w'i Tiro n'umwami w'i Sidoni, ubihaye intumwa zaje i Yerusalemu kwa Sedekiya umwami w'u Buyuda." Yeremiya 27:2, 3. {AnA 403.2}

Yeremiya yetegetswe kubwira izo ntumwa kumenyesha ba shebuja ko Imana yabatanze bose mu maboko ya Nebukadinezari, umwami w'i Babuloni, kandi ko bagomba kumukorera "we n'umwana we n'umwuzukuru we kugeza igihe igihugu cye kizazungurwa, ni bwo amahanga menshi n'abami bakomeye bazigabanya igihugu cye." Umurongo wa 7. {AnA 403.3}

Izo ntumwa zongeye guhabwa amabwiriza yo kubwira ba shebuja ko nibanga gukorera umwami w'i Babuloni bazahanishwa "inkota, n'inzara n'icyorezo" kugeza ubwo bashiriyeho. By'umwihariko, bagombaga guhindukira bagatera umugongo inyigisho z'abahanuzi b'ibinyoma bajyaga kubagira kubagira indi nama. Uwiteka yaravuze ati: "Nuko rero ubwoko n'igihugu bitazakorera uwo Nebukadinezari umwami w'I Babuloni, kandi ntibacishe ijosi bugufi ngo bamuyoboke, ubwo bwoko nzabuhanisha inkota n'inzara n'icyorezo, kugeza ubwo nzaba maze kubatsembesha amaboko ye. Ariko mwebweho ntimukumvire abahanuzi banyu cyangwa abapfumu banyu, cyangwa inzozi zanyu cyangwa abacunnyi banyu ndetse n'abarozi banyu bababwira bati 'Ntabwo muzakorera umwami w'I Babuloni', kuko ibyo babahanurira ari ibinyoma kugira ngo mukurwe mu gihugu cyanyu mujye kure, kandi ngo mbirukane mujye kurimbuka. Ariko ubwoko buzayoboka umwami w'i Babuloni bukamukorera, ubwo ni bwo nzarekera mu gihugu cyabwo, kandi buzagihinga bukibemo." Yeremiya 27:8-11. Igihano cyoroheje cyane Imana y'inyambabazi yajyaga guhanisha ubwo bwigomekaga butyo cyari uko buyoboka umwami w'I Babuloni, ariko iyo burwanya iri tegeko ryabasabaga kuba imbata, bari kumva uburemere bwuzuye bw'igihano cy'Imana. {AnA 404.1}

Igihe Yeremiya yazaga yambaye ingoyi n'ibiti by'imbago ku ijosi aje kubamenyesha ubushake bw'Imana, abantu bari mu nama y'amahanga atari amwe bari bateranye baratangaye bitagira akagero. {AnA 404.2}

Yeremiya yahagaze ahanganye no kumurwanya gukomeye maze ashikamye ashimangira gahunda yo kuyoboka umwami w'i Babuloni. Umwe mu bakomeye mu bahinyuraga inama y'Uwiteka yari Hananiya, umwe mu bahanuzi b'ibinyoma abantu bari baraburiwe kwirinda. Kubera kwibwira ko yagirirwa ineza n'umwami ndetse n'ab'ibwami bose, Hananiya yaranguriye avuguruza ibyavuzwe, avuga ko Imana yamuhaye amagambo yo gutera Abauda ubutwari. Yaravuze ati: "Uku ni ko Uwiteka Nyiringabo Imana ya Isirayeli ivuze iti 'Naciye uburetwa bw'umwami w'i Babuloni. Imyaka ibiri nishira nzagarura aha ibikoreshwa by'inzu y'Uwiteka byose, ibyo Nebukadinezari umwami w'i Babuloni yakuye aha, akabijyana i Babuloni. Kandi Yekoniya mwene Yehoyakimu umwami w'u Buyuda,

n’imbohe zose z’u Buyuda zajyanywe i Babuloni nzabagarura aha, kuko nzaca uburetwa bw’umwami w’i Babuloni.’ ” Ni ko Uwiteka avuga.” Yeremiya 28:2-4. {AnA 405.1}

Ari imbere y’abatambyi na rubanda, Yeremiya yabingingiye kuyoboka umwami w’i Babuloni mu gihe cyose Uwiteka yari yaravuze. Yibukije abaturage b’Ubuyuda ubuhanuzi bwa Hoseya, Habakuki, Zefaniya ndetse n’abandi bavuze ubutumwa bwo gucyaha n’imbuzi bwasaga rwose n’ubwe. Yabibukije ibyari byarabayeho mu gihe cy’isohora ry’ubuhanuzi bwavugaga iby’ibihano bizatangwa kubw’icyaha kitihanwe. Mu gihe cyashize, ibihano by’Imana byari byarageze ku batihana bisohoza rwose umugambi w’Imana nk’uko wari warahishuwe unyujijwe mu ntumwa zayo. {AnA 405.2}

Mu gusoza amagambo ye, Yeremiya yaravuze ati: “None umuhanuzi uhanura iby’amahoro, ijambo rye nirisohora ni ho azamenyekana ko yatumwe n’Uwiteka koko.” (umurongo wa 9). Igihe Isirayeli yari guhitamo kwishyira mu kaga, ibyari kuzakurikiraho ni byo byari kuzagaragaza umuhanuzi nyakuri uwo ari we. {AnA 405.3}

Amagambo ya Yeremiya ytangaga inama yo kuyoboka [umwami w’ i Babuloni] yateye Hananiya guhangara avuguruza ukuri k’ubutumwa Yeremiya yari yatanze. Hananiya yakuye cya bimenyetso cy’ububata ku ijosi rya Yeremiya maze aravuga ati: “Uku ni ko Uwiteka avuga ati: ‘Imyaka ibiri nishira, uko ni ko nzavuna uburetwa bwa Nebukadinezari umwami w’i Babuloni, nkabukura ku ijosi ry’ayo mahanga yose.” {AnA 406.1}

“Nuko umuhanuzi Yeremiya arigendera.” (umurong wa 11). Uko byagaragaraga nta kindi Yeremiya yari gukora kirenze kuva muri ayo makimbirane. Ariko Yeremiya yahawe ubundi butumwa. Yrategetswe ati: “Genda ubwire Hananiya uti: ‘Uku ni ko Uwiteka avuga ngo: Wavunaguye imbago y’igiti ariko uzakora iz’ibyuma mu cyimbo cyazo.’ Kuko uko ari ko Uwiteka Nyiringabo Imana ya Isirayeli ivuga iti: ‘Nshyize imbago y’icyuma mu majosi y’ayo mahanga yose, kugira ngo akorere Nebukadinezari umwami w’i Babuloni. Azamukorera kandi muhaye n’inyamaswa zo mu ishyamba.’” Maze umuhanuzi Yeremiya abwira umuhanuzi Hananiya ati “Noneho umva Hananiya, Uwiteka ntabwo yagutumye ariko wateye ubu bwoko kwiringira ibinyoma. Ni cyo gituma Uwiteka avuga atya ati: ‘Dore ngiye kuguca mu gihugu, muri uyu mwaka uzawupfamo kuko wagomeshereje Uwiteka.’” Nuko muri uwo mwaka mu kwezi kwa karindwi, Hananiya arapfa.” Yeremiya 28:13-17. {AnA 406.2}

Umuhanuzi w’ibinyoma yari yashikamishirije abantu mu kutizera Yeremiya n’ubutumwa bwe. Yari yarabeshye avuga ko ari intumwa y’Uwiteka, bityo ingaruka yabyo iba urupfu rwe. Mu kwezi kwa gatanu Yeremiya yahanuye urupfu rwa Hananiya, kandi mu kwezi kwa karindwi amagambo ye aba impamo ubwo yasohoraga. {AnA 406.3}

Kubura amahoro kwatewe n'ibyo abahanuzi b'ibinyoma bavugaga kwateye Sedekiya gukekwaho ubugambanyi, ariko igikorwa yakoze mu buryo bwihutirwa kandi adakebakeba cyatumye abashishwa gukomeza kwicara ku ngoma ategekera umwami w'i Babuloni. Umwanya wo gukora bene icyo gikorwa yawufashe nyuma gato y'uko za ntumwa zari zivuye i Yerusalemu zisubiye mu mahanga yari akikije Ubuyuda, igihe umwami w'Ubuyuda yaherekezwaga na Seraya, (wari umugaragu w'umwami kandi atuje) mu butumwa bukomeye I Babuloni. Yeremiya 51:59. Muri urwo ruzinduko rwo gusura ibwami ho mu Bukarudaya, Sedekiya yavuguruye indahiro yari yararahiriye ko avumvira Nebukadinezari. {AnA 407.1}

Binyuze muri Daniyeli ndetse n'abandi bo mu banyagano b'Abaheburayo, umwami w'i Babuloni yari yaramenye ububasha n'ubutware bukomeye bw'Imana nyakuri; kanid igihe Sedekiya yongeraga gusezerano kumubaho indahemuka, Nebukadinezari yamusabye kumurahirira iryo sezerano mu izina ry'Uwiteka Imana ya Isirayeli. Iyo Sedekiya yubahiriza iyo ndahiro yari avuguruye, kuba indahemuka kwe kuba kwaragize impinduka zikomeye guteza mu ntekerezo z'abantu benshi biteerezaga imyitwarire y'abavugaga ko bubaha izina kandi bagakunda Imana y'Abaheburayo. {AnA 407.2}

Ariko umwami w'Ubuyuda yirengagije amahirwe akomeye yari afite yo kubahisha izina ry'Imana ihoraho. Ibyanditswe byavuze kuri Sedekiya biti: "Akora ibyangwa n'Uwiteka Imana ye, ntiyicishije bugufi imbere y'umuhanuzi Yeremiya, ubwo yamubwiraga ibiva mu kanwa k'Uwiteka. Kandi agomera Umwami Nebukadinezari yari yamurahirije Imana, ahubwo agamika ijosi, yinangira umutima ngo adahindukirira Uwiteka Imana ya Isirayeli." 2Ngoma 36:12,13. {AnA 407.3}

Igihe Yeremiya yari akomeje gutanga ubuhamya bwe mu gihugu cy'Ubuyuda, umuhanuzi Ezekiyeli na we yahagurkijwe mu bari mu bunyage i Babuloni kugira ngo aburire kandi akomeze abari mu bunyage ndetse ashimangire ijambo ry'Uwiteka ryavugirwaga muri Yeremiya. Mu myaka yari isigaye y'ingoma ya Sedekiya, Ezekiyeli yagaragaje neza ubupfapfa bwo kwiringira ubuhanuzi bupfuye bwavugwaga n'abateraga abanyage kwiringira ko bagiye kugarurwa i Yerusalemu bidatinze. Hakoreshejwe ibimenyetso bitari bimwe n'ubutumwa bukomeye, Ezekiyeli kandi yategetswe guhanura ibyo kugotwa no gusenywa gukomeye kwa Yerusalemu. {AnA 408.1}

Mu mwaka wa gatandatu w'ingoma ya Sedekiya, Uwiteka yahishuriye Ezekiyeli mu iyerekwa bimwe mu bizira byakorerwaga muri Yerusalemu, no mu marembo y'inzu y'Uwiteka ndetse n'imbere mu rugo. Ibyumba birimo ibishushanyo n'ibigirwamana bishushanijwe, "ibyikurura hasi n'inyamaswa zishishana, n'ibigirwamana byose by'inzu ya

Isirayeli”, ibyo byose mu rukurikirane rwihutaga, byanyuze imbere y’umuhanuzi maze abirebye biramutangaza. Ezekiyeli 8:10. {AnA 408.2}

Abantu bagombaga kuba abayobozi mu by’umwuka muri rubanda, “abakuru b’inzu ya Isirayeli,” bageraga kuri mirongo irindwi, bagaragaye bosereza imibavu imbere y’ibishushanyo by’ibigirwamana byari byarinjijwe mu byumba byiherereye byari bikikije ahera y’urusengero. Ubwo abagabo b’Ubuyuda bagiraga uruhare mu mihango yabo ya gipagani bishyeshyaga batuka Imana bagira bati: “Uwiteka ntaturuzi, Uwiteka yataye igihugu.” Umurongo wa 11,12. {AnA 408.3}

Hariho ibizira bikomeye kurushaho umuhanuzi yagombaga kwitegereza. Ku rugi rw’irembo ry’inzu y’Uwiteka ryerekeye mu majyaruguru yaherekewe “abagore bicaye baborogera Tamuzi,” kandi “mu rugo rw’imbere rw’inzu y’Uwiteka, . . . ku irembo ry’urusengero rw’Uwiteka hagati y’umuryango n’igicaniro, abantu bagera nko kuri makumyabiri na batanu bateye imigongo ku rusengero rw’Uwiteka bareba iburasirazuba, kandi basengaga izuba berekeye aho rirasira.” Ezekiyeli 8:13-16. {AnA 409.1}

Noneho Uhebuje wajyanaga na Ezekiyeli muri iri yerekwa ritangaje ryerekanaa ibyaha byakorerwaga ku tununga two mu gihugu cy’Ubuyuda, yaje kubaza umuhanuzi Ezekiyeli ati: “Mbese ibyo urabibonye wa mwana w’umuntu we, ibyo bizira ab’inzu ya Yuda bakorera aha biraboroheye? Kuko igihugu bacyujujemo urugomo kandi bakongera kundakaza, ndetse bakaneguriza izuru. Ni cyo gituma nanjye nzabagirira uburakari, ijisho ryanjye ntirizabareba neza kandi sinzabagirira ibambe, nubwo bantakambira mu matwi bashyize hejuru ntabwo nzabumvira.” Ezekiyeli 8:17,18. {AnA 409.2}

Uwiteka abinyujije muri Yeremiya yari yaravuze ku banyabyaha bigerezagaho bagahagarara imbere y’abantu mu izina rye agira ati: “Umuhanuzi n’umutambyi [baranduye]. Ni ukuri, mu nzu yanjye nabonyemo ibyo bakiranirwaho.” Yeremiya 23:11. Mu kirego gikomeye cyashinjwe Ubuyuda nk’uko cyanditswe mu nkuru iheruka y’uwanditse ibyo ku ngoma ya Sedekiya, iki kirego cyo kuvogera ukwera k’urusengero cyasubiwemo. Umwanditsi wera yaravuze ati: “Kandi abatambyi bakuru bose n’abantu baracumuraga cyane, bagakurikiza ibizira byose bikorwa n’abanyamahanga, bakanduza inzu y’Uwiteka yari yereje i Yerusalemu.” 2Ngoma 36:14. {AnA 409.3}

Umunsi w’amakuba ku bwami bw’Ubuyuda wegerezaga bihuse. Uwiteka ntiyari agishyira imbere yabo ibyiringiro byo gukurahoigihano gikomeye cyane mu bihano atanga. Uwiteka yarabajije ati: “Namwe se mwasigara mudahanwe? Ntimuzabura guhanwa.” Yeremiya 25:29. {AnA 410.1}

Ndetse n'aya magambo ubwayo bayakiriye bayakwena. Abo baro baranze kwihana baravuze bati: "iminsi iratinze, kandi iyerekwa ryose rirahebwe." Ariko binyujijewe kuri Ezekiyeli, uku kwanga ijambo ry'ubuhanuzi kwaracyashywe bikomeye. Uwiteka yaravuze ati: "Noneho ubabwire uti: 'Uku ni ko Umwami Uwiteka avuga ngo: Nzatuma uwo mugani utongera gucibwa, kandi ntibazongera kuwuvuga muri Isirayeli.' Ahubwo ubabwire uti: 'Iminsi igeze hafi, n'iyerekwa ryose rigiye gusohozwa. Nta yerekwa ry'ibinyoma cyangwa ubupfumu bwo kwihakirizwa, bizongera kuba mu nzu ya Isirayeli. Kuko ndi Uwiteka nzavuga, kandi ijambo nzavuga rizasohora. Ntabwo rizongera kurazikwa, kuko mu minsi yanyu mwa ab'inzu y'ubugome mwe, nzavuga kandi nzasohoza icyo navuze.' " Ni ko Umwami Uwiteka avuga. {AnA 410.2}

Ezekiyeli arahamya ati: "Ijambo ry'Uwiteka ryongera kunzaho riti: "Mwana w'umuntu, dore ab'inzu ya Isirayeli baravuga bati 'Iyerekwa yabonye rizasohora bishyize kera, kandi ahanura ibihe bikiri kure cyane.' Nuko rero ubabwire uti 'Uku ni ko Umwami Uwiteka avuga ngo: Amagambo yanjye yose nta na rimwe rizongera kurazikwa, ahubwo ijambo nzavuga rizasohora.'" Ni ko Umwami Uwiteka avuga." Ezekiyeli 12:22-28. {AnA 410.3}

Ku ikubitiro, mu bashoraga ishyanga mu kurimbuka mu buryo bwihuse harimo Sedekiya umwami w'Ubuyuda. Kubera kwanga rwose inama Uwiteka yatangaga nk'uko zanyuzwaga mu bahanuzi, kubwo kwibagirwa umwenda wo gushimira yarimo Nebukadinezari, ndetse no kubwo gutatira indahiro yo kumuyoboka yari yararahiye mu izina ry'Uwiteka Imana ya Isirayeli, umwami w'Ubuyuda yigometse ku bahanuzi, yigomeka kuri [Nebukadinezari wari umutungishije] kandi yigomeka no ku Mana. Mu kwirata ubwenge bwe bwite, umwami w'Ubuyuda yagiye gushakira ubufasha ku mwanzi wa kera w'amahoro ya Isirayeli, "atuma intumwa ze muri Egiputa, kugira ngo bamuhe amafarashi n'abantu benshi." {AnA 411.1}

Uwiteka yabajije ibyerekeye iby'uwari yaratatitiye icyizere cyose yagiriwe ati: "Mbese azahirwa? Ukora nk'ibyo azarokoka? Azica isezerano kandi arokoke? "'Umwami Uwiteka aravuga ati: 'Ndirahiye, ni ukuri aho umwami wamwimitse atuye, uwo yasuzuguye indahiro ye akica n'isezerano rye, ni ho azapfira koko ari kumwe na we i Babuloni. Farawo na we, n'ingabo ze zikomeye n'ibitero bye byinshi, nta cyo azamumarira mu ntambara . . . . Yasuzuguye indahiro yica n'isezerano, ndetse yari yamanitse ukuboko kwe arahira ariko arengaho arabikora byose, ntabwo azarokoka." Ezekiyeli 17:15-18. {AnA 411.2}

Umunsi uheruka wari ugeze kuri uwo mwami wigometse kandi wasuzuguye Imana. Uwiteka yaciye iteka ati: "Ikureho igisingo wiyambure ikamba." Ubuyuda ntibwari kuzongera kwemererwa kugira umwami kugeza igihe Kristo ubwe yagombaga kuzimika ubwami bwe. Iteka Imana yaciye ryerekeye intebe y'ubwami bw'inzu ya Dawidi ryari ri ngo: "Nzabyubika, nzabyubika nzabyubika na byo ntibizongera kubaho, kugeza igihe

nyirabyo ubifitiye ubushobozi azazira, nanjye nzabimuha.” Ezekiyeli 21:25-27. {AnA 411.3}

IGICE CYA 37 - KUJYANWA I BABULONI ARI IMBOHE

Mu mwaka wa cyenda w'ingoma ya Sedekiya "Nebukadinezari umwami {AnA 413.1}

w'i Babuloni yazanye ingabo ze zose atera i Yerusalemu arahagerereza," kugira ngo agote umurwa. 2Abami 25:1. Uko byagaragaraga Ubuyuda nta byiringiro bwari bufite. Uwiteka ubwe yavugiye muri Ezekiyeli agira ati: "Dore ngiye kugukongeza." "nakuye inkota yanjye mu rwubati rwayo, ntabwo izarusubiramo ukundi, . . . umutima wose uzahamuka n'amaboko yose atentebuke, umutima wose uzakuka, n'intege zose zihinduke amazi." "Kandi nzagusukaho umujinya wanjye, nguhuhireho umuriro w'uburakari bwanjye. Nzakugabiza amaboko y'abanyarugomo, abahanga bo kurimbura." Ezekiyeli 21:3, 8-12, 36. {AnA 413.2}

Abanyegiputa bihutiye kuza gutabara umurwa wari ugoswe; kandi kugira ngo Abakaludaya babasubize inyuma, bafashe igihe gito baba baretse kugota umurwa w'Ubuyuda. Ibyiringiro byazamutse mu mutima wa Sedekiya maze atuma intumwa kuri Yeremiya, amusaba ngo asabire ishyanga ry'Abaheburayo ku Mana. {AnA 413.3}

Igisubizo giteye ubwoba umuhanuzi yatanze cyari uko Abakaludaya bazasubira iwabo kandi bagasenya umurwa wa Yerusalemu. Itegeko ryari ryamaze gutangwa; ntabwo ishyanga ryanze kwihana ryari rigoshoboye kwigizayo ibihano by'Imana. Uwiteka yaburiye ubwoko bwe ati: "Ntimwishuke ngo mwizere muti 'Ni ukuri Abakaludaya bazatuvaho' kuko batazahera. Erega naho mwanesha ingabo z'Abakaludaya zose zibarwanya zikaba inkomere gusa, hanyuma bababyukana umuntu wese akava mu ihema rye, bagatwika uyu murwa!" Yeremiya 37:9, 10. Abari barasigaye mu Buyuda bagombaga kujyanwa mu bunyage, bakigira mu mibabaro ibyigisho

bari baranze kwiga mu bihe byari bimeze neza cyane. Iri teka ryari ryaciwe n'Uwera nta wari kurivuguruza. {AnA 414.4}

Mu bakiranutsi bari bakiri muri Yerusalemu bari baramenyeshejwe umugambi w'Imana, harimo bamwe biyemeje guhisha amaboko y'abagome isanduku yera yarimo ibisate by'amabuye byari byaranditsweho Amategeko Cumi. Ibyo barabikoze. Barira kandi bababaye cyane, bajyanye iyo sanduku mu buvumo rwihishwa aho yagombaga guhishwa Abisirayeli n'Abayuda bitewe n'ibyaha byabo, kandi ntibari kuzongera kuyigarurirwa. Iyo sanduku yera na n'ubu iracyahishwe. Nta wigeze ayisagararira kuva igihe yahishiwe. {AnA 414.1}

Yeremiya yamaze imyaka myinshi ahagarara imbere y'abantu ari umuhamya w'Imana ukiranuka; kandi ubu noneho ubwo umurwa wa Yerusalemu wari igiye kujya ma maboko y'abapagani, Yeremiya yabonye ko umurimo we wakozwe maze agerageza kuva muri

Yerusaemu ariko abuzwa n'umwana w'umwe mu bahanuzi b'ibinyoma waje gutanga amakuru ko Yeremiya agiye kwifatanya n'Abanyababuloni, ari na bo yari yaringingiye abaturage b'Ubuyuda kenshi kuyoboka. Umuhanuzi Yeremiya yahakanye icyo kirego cy'ikinyoma, nyamara "Ibikomangoma birakarira Yeremiya biramukubita, bimugira imbohe bimushyira mu nzu ya Yonatani w'umwanditsi, kuko bari bayigize inzu y'imbohe." Yeremiya 37:15. {AnA 414.2}

Ibyiringiro byari byuzuye mu mitima y'ibikomangoma na rubanda igihe ingabo za Nebukadinezari zerekeraga mu majyepfo guhangana n'Abanyegiputa, bidatinze byabaye imfabusa. Uwiteka yari yaravuze ati: "Dore ndakwibasiye Farawo mwami wa Egiputa." Imbaraga za Egiputa nta kindi zari cyo uretse urubingo rusadutse. Ibyanditswe byari byaravuze biti: "Abatuye muri Egiputa bose bazamenye yuko ndi Uwiteka, kuko babereye inzu ya Isirayeli inkoni y'urubingo." "Kandi amaboko y'umwami w'i Babuloni nzayakomeza, na yo amaboko ya Farawo azatentebuka maze bazamenye yuko ndi Uwiteka, igihe nzashyira inkota yanjye mu kuboko k'umwami w'i Babuloni akayuhira igihugu cya Egiputa. Kandi Abanyegiputa nzabatataniriza mu mahanga, mbateragane mu bihugu maze bazamenye yuko ndi Uwiteka." Ezekiyeli 29:3, 6; 30:25-26. {AnA 414.3}

Mu gihe ibikomangoma byo mu Buyuda byari bigihanze amazo Egiputa ngo ibatabare, umwami Sedekiya yari ahagaritse umutima atekereza ku muhanuzi w'Imana wari warajugunywe mu nzu y'imbohe. Hashize iminsi myinshi umwami atuma kuri Yeremiya baramuzana maze amubaza biherereye ati: "Mbese hari ijambo rivuye ku Uwiteka?" Yeremiya yaramusubije ati: "Ririho. Uzashyirwa mu maboko y'umwami w'i Babuloni. {AnA 415.1}

"Yeremiya arongera abaza Umwami Sedekiya ati "Icyo nagucumuyeho ni iki ari wowe cyangwa abagaragu bawe cyangwa ubu bwoko, cyatumye munshyira mu nzu y'imbohe? Mbese ye, ba bahanuzi banyu babahanuriraga bari he? Ngo ntabwo umwami w'i Babuloni azabatera, habe no kuzatera iki gihugu. Noneho ndagusaba ngo wumve, mwami nyagasani, ndakwinginga ngo unyemerere icyo ngusabye, we kunsubiza kwa Yonatani w'umwanditsi ntahagwa." Yeremiya 37:17-20. {AnA 415.2}

Kuri ubwo busabe bwa Yeremia "umwami Sedekiya ategeka ko Yeremiya arindirwa mu rugo rw'inzu y'imbohe, ngo iminsi yose bajye bamuha irobe ry'umutsima rivuye mu nzira y'abavuzi bayo, kugeza ubwo imitsima yose izashira mu murwa. Nuko Yeremiya aguma mu rugo rw'inzu y'imbohe." Umurongo wa 21. {AnA 415.3}

Umwami yanze gushyira ku mugaragaro ko yizera ibyo Yeremiya avuga. Nubwo ubwoba yari yagize bwamuteye kumushakishaho amakuru biherereye, nta mbaraga yari afite zo

guhangana n'uko ibikomangomabye n'abaturage be barwanyaga Yeremiya ngo bityo yumvire ubushake bw'Imana nk'uko bwari bwaragaragajwe n'umuhanuzi. {AnA 416.1}

Yeremiya yakomeje gutangira inama mu rugo rw'inzu y'imbohe ko bayoboka umwami w'i Babuloni. Guhangana na we byari ukwikururira urupfu. Ubutumwa Uwiteka yatumye ku Buyuda bwari ubu ngo: "Uzaguma muri uyu murwa azicishwa inkota n'inzara n'icyorezo, ariko uzawuvamo akayoboka Abakaludaya azabaho, kandi ubugingo bwe azabutabarura abeho." Amagambo yavuzwe yarumvikanaga kandi yari meza. Umuhanuzi yavuze ashize amanga mu izina ry'Uwiteka ati: "Ni ukuri uyu murwa uzagabizwa ingabo z'umwami w'i Babuloni, na we azawuhindūra." Yeremiya 38:2, 3. {AnA 416.2}

Amaherezo ibibkomangoma birakajwe n'inama Yeremiya yahoraga asubiramo kenshi kandi zari zihabanye na gahunda bari bihaye yo kwirwanaho, byigaragambije bikmeye imbere y'umwami bivuga ko umuhanuzi Yeremiya ari umwanzi w'igihugu, kandi ko amagambo ye yatentebuye amaboko ya rubanda kandi akabazanira ibyago kubw'ibyo akaba akwiriye kwicwa. {AnA 416.3}

Uwo mwami w'umunyabwoba yari azi ko ibyo birego ari ibinyoma; ariko kugira ngo agushe neza abari mu myanya yo hejuru kandi y'ubuyobozi, yagaragaje ko yemeye ibinyoma byabo maze atanga Yeremiya mu maboko yabo ngo bamugenze uko bashaka. "Nuko bafata Yeremiya bamujugunya mu rwobo rwa Malikiya umwana w'umwami, rwari mu rugo rw'inzu y'imbohe, bamanuza Yeremiya imigozi. Muri urwo rwobo nta mazi yari arimo, keretse ibyondo gusa. Nuko Yeremiya asaya mu byondo." Yeremiya 37:6. Nyamara Imana yahagurukirije Yeremiya inshuti zagiye kumwingingira umwami maze akurwa muri rwa rwobo agarurwa mu rugo rw'inzu y'imbohe. {AnA 417.1}

Umwamiyongeye gutuma kuri Yeremiya mu ibanga, maze amusaba kumubwizanya ukuri kose iby'umugambi Imana ifitiye Yerusalemu. Mu kumusubiza ibyo amubajije Yeremiya yarasubije ati: "Nabikubwira ntiwanyica? Kandi ninkugira inama ntuzanyumvira?" Umwami agirana isezerano n'umuhanuzi Yeremiya mu ibanga. Umwami Sedekiya aramusezeranira ati: "Nkurahiye Uwiteka uhoraho waduhaye ubu bugingo, ntabwo nzakwica cyangwa ngo ngushyire mu maboko y'abo bantu bahiga ubugingo bwawe." Yeremiya 38:15,16. {AnA 417.2}

Umwami Sedekiya yari agifite amahirwe yo kugaragaza ko afite ubushake bwo kumvira imiburo y'Uwiteka, kandi noneho n'imbabazi akoroshya ibihano byari biri kugwa ku murwa wa Yerusalemu ndetse n'igihugu. Ubutumwa umwami yahawe bwababaye ubu ngo: "Nusanga ibikomangoma by'umwami w'i Babuloni ni bwo ubugingo bwawe buzabaho, kandi uyu murwa ntuzatwikwa, nawe uzabaho n'ab'inzu yawe. Ariko nutemera gusanga

ibikomangoma by'umwami w'i Babuloni, uyu murwa uzatangwa mu maboko y'Abakaludaya kandi bazawutwika, nawe ntuzabava mu maboko." {AnA 417.3}

Umwami yarasubije ati: "Abayuda bagiye kuyoboka Abakaludaya, ntinya ko banshyira mu maboko yabo bakanshinyagurira." Ariko umuhanuzi Yeremiya aramusezeranira ati: "Ntibazagutanga." Yongeyeho amagambo yo kumwinginga agira ati: "Ndakwinginze, umvira ijwi ry'Uwiteka rivuga ibyo nkubwira, ni bwo uzamererwa neza kandi ubugingo bwawe buzarama." Yeremiya 38:17-20. {AnA 418.1}

Uko ni ko no kugeza ku isaha ya nyuma Imana yagaragaje ubushake bwayo bwo kugaragariza impuhwe abari guhitamo kumvira ibyo yabasabaga bitunganye. Iyo umwami Sedekiya ahitamo kumvira, ubuzima bw'abaturage buba bwararokotse kandi umurwa wa Yerusalemu na wo ugakira gukongorwa n'umuriro; nyamara yatekereje ko yageze kure cyane ku buryo atasubira inyuma [ngo yisubireho]. Yatinye Abayuda, atinya gusuzugurika kandi agirira ubwoba ubuzima bwe. Nyuma y'imyaka myinshi yo kwigomeka ku Mana, Sedekiya yatekereje ko byaba bikojeje isoni cyane kubwira abaturage be ati: Nemeye ijambo ry'Uwiteka nk'uko ryavugiwe mu muhanuzi Yeremiya; ntabwo nshobora guhangara kurwanya umwanzi nyuma yo guhabwa iyi miburo yose. {AnA 418.2}

N'amarira menshi, Yeremiya yingingiye Sedekiya kwikiza no gukiza abaturage ayobora. N'agahinda kenshi mu mutima, yamuhamirije ko natumvira inama y'Imana, atazarokora ubugingo bwe kandi ko ubutunzi bwe bwose buzigarurirwa n'Abanyababuloni. Ariko umwami yari yarafashe inzira mbi bityo ntiyashoboraga gusubira inyuma. Yafashe icyemezo cyo gukurikiza inama z'abahanuzi b'ibinyoma, n'iz'abantu yasuzuguraga kandi basuzuguraga intege nke ze muri uko guhita yemera ibyo bifuzaga. Yatatiye umudendezo we nk'umuntu maze ahinduka imbohe y'igitekerezo cya rusange. Nta mugambi uhamye yari afite wo ukora ikibi, ariko kandi nta n'umwanzuro yafashe wo guhagarara ashikamye ku kuri. Nubwo yari yemejwe rwose iby'agaciro k'inama itanzwe na Yeremiya, nta mbaraga y'imicombonera yamukomerezaga mu kumvira; bityo ingaruka iba iyo gukomeza ashikamye mu cyerekezo kibi. {AnA 418.3}

Umwami yai umunyantege nke bikabije ku buryo atashakaga ko ibyegera bye n'abaturage be bamenya ko yagiranye ikiganiro na Yeremiya. Gutinya abantu byari byamaze kwigarurira umutima we. Iyo Sedekiya ahagararana ubutwari maze akavuga ko yizera amagambo y'umuhanuzi Yeremiya yari yamaze gusohora igice, mbega kurimbuka kuba kwarakumiriwe! Yari akwiriye kuvuga ati: "Nzumvira Uwiteka bityo nkize umurwa kurimbuka gukomeye. Sinahangara gusuzugura amategeko y'Imana bitewe n'ubwoba cyangwa kwemerwa n'abantu. Nkunda ukuri, nanga icyaha, bityo nzakurikiza inama y'Ukomeye wa Isirayeli." {AnA 419.1}

Iyo biba bityo abantu baba barubashye umutima we w'ubutwari, kandi abari bari mu rungabangabo hagati yo kwizera no kutizera baba barafashe icyemezo gidakuka bakajya mu ruhande rw'ukuri. Gushirika ubwoba kwe n'ubutabera mu mikorere ye byari gutera abaturage be kumwishimira no kumuyoboka. Aba yaragize gushyigikirwa gukomeye kandi Ubuyuda buba bwararinzwe ishyano ritavugwa ry'uburyo abantu bicishijwe inkota n'inzara n'umuriro. {AnA 419.2}

Ubugwari bwa Sedikiya bwamubereye icyaha yagombaga kwishyura igihano cyacyo giteye ubwoba. Umwanzi yaje yararika nk'urubura rumanuka ku musozi maze umurwa awuhindura umusaka. Ingabo z'Abaheburayo zaratsinzwe zisubizwa inyuma ziravurungana. Ishyanga ry'Ubuyuda ryaratsinzwe. Sedekiya yarafashwe agirwa imfungwa kandi abahungu be bicirwa imbere ye abireba. Umwami Sedekiya yajyanwe ari imbohe akurwa I Yerusalemu, maze bamunogoramo amaso maze ubwo yari ageze I Babuloni apfa urw'agashinyaguro. Urusengero rwiza cyane rwari rumaze imyaka isaga magana ane rutamirije impinga y'Umusozi Siyoni ntirwababariwe n'Abakaludaya. "Maze batwika inzu y'Imana, basenya inkike z'i Yerusalemu, batwika inyumba zaho, barimbura ibintu byaho byiza byose." 2Ngoma 36:19. {AnA 420.1}

Igihe cyo gusenywa guheruka kwa Yerusalemu bikozwe na Nebukadinezari, abantu benshi barokotse amakuba akomeye yaturutse ku kugota Yerusalemu igihe kirekire, ariko baje kwicishwa inkota. Mu baje gusigara, bamwe muri bo ariko cyane cyane umukuru w'abatambyi n'abasirikare bakuru n'ibikmangoma n'imfura z'ibwami, abo bose bajyanywe i Babuloni maze bahicirwa nk'abagambanyi. Abandi bajyanwe ari imbohe bajya kuba inkoreragahato za Nebukadinezari n'abahungu be "kugeza ku ngoma z'abami b'i Buperesi, . . . ngo ijambo Uwiteka yavugiye mu kanwa ka Yeremiya ribe risohoye." 2Ngoma 36:20,21. {AnA 420.2}

Yeremiya ubwe yavuzweho aya magambo ngo: "Nuko Nebukadinezari umwami w'i Babuloni, ategeka Nebuzaradani umutware w'abarinzi ibya Yeremiya ati: "Umujyane, umumenye ntugire icyo umutwara, ahubwo icyo azakubwira abe ari cyo uzamukorera." Yeremiya 39:11,12. {AnA 420.3}

Abatware b'ingabo z'Abanyababuloni bakuye Yeremiya muri gereza, uwo muhanuzi yahisemo kwigumanira n'abari basigaye [mu Buyuda] b'abanyantegenke, "abakene bo mu gihugu" basizwe n'Abakaludaya ngo bite ku mizabibu abandi babe abahinzi. Abo bose Abanyababuloni babashinze Gedaliya ngo abe umutware wabo. Hashize amezi make gusa maze uwo mutware mushya wari ushyizweho yicwa mu buryo bw'uburiganya. (soma Yeremiya 41:1-3). Nyuma yo kunyura mu bigeragezo byinshi, amaherezo ba bakene bemejwe n'abayobozi babo guhungira mu gihug cya Egiputa. Yeremiya yaranguriye ijwe

rye arwanya uwo mugambi. Yarabinginze ati: “Ntimujye mu Egiputa.” Nyamara iyo nama yari iturutse ku Mana ntibayumviye, maze abari “bazanywe no gutura mu gihugu cy’u Buyuda: si abagabo si abagore, si abana si abakobwa b’umwami” bose bahungira mu Egiputa. “Nuko bajya mu gihugu cya Egiputa kuko banze kumvira ijwi ry’Uwiteka, maze bagera n’i Tahapanesi.” Yeremiya 43:5-7. {AnA 421.1}

Ubuhanuzi bwavugaga iby’akaga bwahanuwe na Yeremiya abuhanurira abari barasigaye ariko bakigomeka kuri Nebukadinezari bahungira mu Egiputa bwari buvanze n’amasezerano y’imbabazi ku bari kwihana ubupfapfa bwabo maze bakitegura kugaruka. Nubwo Uwiteka atari kubabarira abatarumviye inama ye ahubwo bakemera imbaraga zishukana zo gusenga ibigirwamana kwa Egiputa, yari kugaragariza imbabazi abari kumuyoboka kandi bakaba abanyakuri. Uwiteka yaravuze ati: “Ariko abazacika ku icumu bazava mu gihugu cya Egiputa basubire mu gihugu cy’u Buyuda ari bake, nuko abasigaye b’i Buyuda bose bari baragiye mu gihugu cya Egiputa guturayo, bazamenya ijambo rihamye iryo ari ryo yuko ari iryanjye cyangwa iryabo.” Yeremiya 44:28. {AnA 421.2}

Umubabaro umuhanuzi Yeremiya yagize bitewe no kugoma kw’abagombaga kuba umucyo w’isi mu by’umwuka, umubabaro yagize kubwa Siyoni ndetse no kubw’abantu bajyanwe i Babuloni ari imbohe, ugaragarira mu maganya yasize yandikishije nk’urwibutso rw’ubupfapfa bwo kutumvira inama z’Uwiteka ahubwo umuntu akayoboka ubwenge bwa muntu. Ndetse no mu kurimbuka kwari kwabayeho Yeremiya yashoboraga kuvuga ati: “Imbabazi z’Uwiteka ni zo zituma tudashiraho;” kandi yahoraga asenga ati: “Dutekereze inzira zacu tuzigenzure, tubone kugarukira Uwiteka.” Amaganya 3:22, 40. Igihe Ubuyuda bwari bukiri ubwami mu mahanga, Yeremiya yari yarabajije Imana ye ati: “Mbese wanze u Buyuda rwose? Umutima wawe wazinutswe i Siyoni?” kandi yari yarasabye ashize amanga ati: “Ntutuzinukwe ugirire izina ryawe, ntukoze isoni ingoma y’icyubahiro cyawe.” Yeremiya 14:19,21. Noneho ukwizera kudakuka umuhanuzi yari afite ku mugambi uhoraho w’Imana wo kuzana gahunda mu rudibi ndetse no kwereka amahanga yo ku isi n’isanzure ryose imico yayo y’ubutabera n’urukundo, kwamuteye gusabana icyizere asabira abari guhindukira bakava mu bibi bakayoboka ubutungane. {AnA 422.1}

Ariko noneho Siyoni yari yarasenywe bikomeye; ubwoko bw’Imana bwari mu bunyage. Ubwo umuhanuzi Yeremiya yari asabwe n’intimba yaratatse ati: “Umurwa w’i Yerusalemu ko usigayemo ubusa, kandi wari wuzuye abantu! Uwari ukomeye mu mahanga, ko yahindutse nk’umupfakazi! Uwari umwamikazi mu ntara yarayobotse, aratura ikoro. Nijoro arira cyane, amarira amutemba mu maso, mu bakunzi be bose ntafite umuhumuriza. Incuti ze zose zaramuriganije, zahindutse abanzi be. Abayuda bajyanywe ari imbohe, babitewe n’akarengane n’uburetwa bwinshi bikabije. Batuye mu banyamahanga, nta buruhukiro

bahabonye, ababarenganya bose babafashe bageze mu gakubiro. Inzira z'i Siyoni ziraboroga, kuko ari nta wukīza mu materaniro yera. Amarembo yaho yose ni amatongo, abatambyi baho barasuhuza umutima. Abari baho bafite umubabaro, na ho ubwaho hafite ishavu abaharwanyaga barahanesheje, ababisha baho bagize ishya. Kuko Uwiteka yahababaje ahahoye ibicumuro byaho byinshi, abana baho bato bajyanywe ho abanyagano imbere y'ababisha. {AnA 422.2}

"Umwami ko yageretse ku mukobwa w'i Siyoni igicu cy'umwijima amurakariye, yajugunye ubwiza bwa Isirayeli ku isi abuhanuye ku ijuru. Kandi ntiyibutse intebe y'ibirenge bye, ku munsi w'uburakari bwe. Umwami yoreje ubuturo bwose bwa Yakobo ntiyamubabarira, yashenye ibihome by'umukobwa wa Yuda abitewe n'umujinya, yabitsinze hasi yanduza n'ubwami n'ibikomangoma byabwo. Yaciye ihembe rya Isirayeli ryose abitewe n'uburakari bukaze, yahinnye ukuboko kwe kw'iburyo imbere y'abanzi, kandi yatwitse Yakobo amumerera nk'umuriro ugurumana, ukongora impande zose yamuforeye umuheto nk'umwanzi, yahagaze abanguye ukuboko kwe kw'iburyo nk'umubisha. Yishe abanyagikundiro bose, yasutse uburakari bwe mu ihema ry'umukobwa w'i Siyoni, bwaka nk'umuriro." {AnA 423.1}

"Nakuvugaho iki? Icyo nakugereranya na cyo ni iki, wa mukobwa w'i Yerusalemu we? Naguhwanya n'iki kugira ngo nguhumurize, wa mwari w'i Siyoni we? Kuko icyuho cyawe ari kinini nk'inyanja, ni nde wabasha kugukiza?" {AnA 423.2}

"Uwiteka, ibuka ibyaduteye, itegereze kandi urebe gukorwa n'isoni kwacu. Umwandu wacu wahindutse uw'abanyamahanga, n'amazu yacu yabaye ay'abimukīra. Turi impfubyi ntitugira ababyeyi, ba mama bameze nk'abapfakazi, . . . Ba data bakoze ibyaha kandi ntibakiriho, natwe twikoreye ibicumuro byabo. Abagaragu ni bo badutegeka, nta wuhari wo kuturokora, ngo adukure mu maboko yabo. . . . Ni cyo gituma umutima wacu urabirana, ibyo ni byo bituma amaso yacu ahunyeza." Amaganya ya Yeremiya 1:1-5; 2:1-4, 13; 5:1-3, 7,8, 17, 19-21. {AnA 424.1}

"Weho Uwiteka, uhoraho iteka ryose, intebe yawe ihoraho uko ibihe biha ibindi. Kuki watwibagirwa iteka, kandi ukatureka igihe kirekire kireshya gityo? Utwigarurire Uwiteka, natwe tuzaba tukugarukiye. Tugarurire ibihe byacu, bibe nk'ibya kera." Amaganya 1:1-5; 2:1-4, 13; 5:1-3, 7, 8, 17, 19-21. {AnA 424.2}

IGICE CYA 38 - UMUCYO MU MWIJIMA

Iyo hatabaho gukomezwa kwabonekaga mu magambo y'ubuhanuzi yavugwaga n'intumwa z'Imana, imyaka yijimye yo kurimbuka n'urupfu yaranze iherezo ry'ubwami bw'Ubuyuda iba yarazanye kwiheba mu mitima yari ifite ubwuzu cyane. Binyijijwe kuri Yeremiya wari muri Yerusalemu, kuri Daniyeli wari ibwami i Babuloni ndetse no kuri Ezekiyeli wari ku nkombe z'uruzi Shebari, Uwiteka mu mbabazi ze yagaragaje neza umugambi we uzahoraho kandi atanga ibyiringiro by'uko afite ubushake bwo gusohoreza ubwoko bwe yatoranyije amasezerano ari mu byanditswe na Mose. Ibyo Uwiteka yari yaravuze yari kubikorera abari kumubaho indahemuka, yari kubisohoza nta kabuza. "Ijambo ry'Imana [ni] rizima [kandi] rihoraho." 1Petero 1:23. {AnA 425.1}

Mu gihe cyo kuzerera mu butayu, Uwiteka yari yarahaye abana be ibibahagije kugira ngo bahore bibuka amagambo y'amategeko yayo. Nyuma yo gutura muri Kanani, amategeko y'Imana yagombaga yagombaga kujya asubirwamo buri munsi mu muryango wose; yagombaga kwandikwa mu buryo bugaragara ku nkomanizo z'imiryango no ku marembo, kandi agakwirakwizwa hose yanditswe ku bisate by'urwibutso bikozwe mu mabuye cyangwa mu mbaho. Ayo mategeko yagombaga gushyirwa mu ndirimbo maze akajya aririmbwa n'abato n'abakuru. Abatambyi bagombaga kujya bigishiriza atyo mategeko mu materaniro yo mu ruhame, kandi abatware bo mu gihugu na bo bagombaga kuyiga buri munsi ubudasiba. Uwiteka yategetse Yosuwa ibyerekeye igitabo cy'amategeko agira ati: "Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe, ahubwo ujye ubitekereza ku manywa na nijoro kugira ngo ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose. Ni ho uzahirwa mu nzira zawe, ukabashishwa byose." Yosuwa 1:8. {AnA 426.1}

Yosuwa yigishije Abisirayeli bose ibyanditswe na Mose. "Nta jambo na rimwe mu yo Mose yategetse yose Yosuwa atasomeye imbere y'iteraniro rya Isirayeli, harimo abagore n'abana n'abanyamahanga bagendanaga na bo." Yosuwa 8:35. Ibi byari bihuje n'itegeko ryumvikana Uwiteka yatanze ryagenaga ko habaho gusubiriramo mu ruhame amagambo yo mu gitabo cy'amategeko buri nyuma y'imyaka irindwi, mu gihe cy'Iminsi mikuru y'Ingando. Abayobozi mu by'umwuka b'Abisirayeli bari barahawe amabwiriza ngo: "Uzajye uteranya abantu, abagabo n'abagore n'abana bato, n'umusuhuke w'umunyamahanga uri iwanyu kugira ngo bayumve, bayige bubahe Uwiteka Imana yanyu, bitondere amagambo yose y'aya mategeko bayumvire, no kugira ngo abana babo batigeze kuyamenya bayumve, bige guhora bubaha Uwiteka Imana yanyu, igihe cyose muri mu gihugu mwambuka Yorodani mujyanwamo no guhindūra." Guteka kwa kabiri 31:12, 13. {AnA 426.2}

Iyo iyi nama yumvirwa mu myaka amagana yaje gukurikiraho, mbega uko amateka ya Isirayeli yari gutandukana n'uko yagenze! Iyo imitima y'ubwoko bwa Isirayeli ikunda kubaha Ijambo Ryera ry'Imana, bari kugira ibyiringiro byo gusohoza umugambi w'Imana. Kuzirikana amategekoy'Imana ni byo byahaye Isirayeli imbaraga ku ngoma ya Dawidi ndetse no mu myaka yabanje y'ingoma ya Salomo. Kubwo kwiringira ijambo rizima ry'Imana byatumye habaho ivugurura n'ubugorozi mu gihe cya Eliya na Yosiya. Ibyo Byanditswe by'ukuri (ari na byo murage wa Isirayeli uhebuje indi) ni byo Yeremiya yifashishije mu muhati yakoresheje ashaka ko habaho ivugurura. Aho yakoreraga umurimo we hose, yabwiraga abantu abinginga ati: "Nimwumve amagambo y'iri sezerano." Ayo yari amagambo yari kubazanira gusobanukirwa umugambi w'Imana byuzuye wo kumenyesha amahanga yose ukuri gukiza. Yeremiya 11:2. {AnA 427.1}

Mu myaka iheruka y'ubuhakanyi bw'Ubuyuda kwinginga kw'abahanuzi kwasaga n'ukutagize icyo kuvuze; kandi ubwo ingabo z'Abakaludaya zazaga ku nshuro ya gatatu n'iya nyuma zije kugota Yerusalemu, abantu bose batakaje ibyiringiro. Yeremiya yahanuye ibyo kurimbuka gukomeye; kandi bitewe n'uko yashimangiraga ko bareka kurwana bakayoboka Abanyababuloni, byatumye amaherezo ajugunywa mu nzu y'imbohe. Nyamara Imana ntiyaretse abari basigaye mu murwa wa Yerusalemu b'indahemuka ngo babeho mu bwihebe nta byiringiro bafite. Ndetse n'igihe Yeremiya yacungishwaga ijisho cyane n'abahinduraga ubutumwa bwe urw'amenyo, yeretswe ibyerekeye ubushake ijuru rifite bwo kubabarira no gukiza. Ayo mayerekwa yagiye aba isoko idakama yo guhumuriza itorero ry'Imana kuva icyo gihe kugeza ubu. {AnA 427.2}

Yeremiya ashikamye ku masezerano y'Imana kandi yifashishije umugani yashyiriye mu bikorwa imbere y'abantu, yagaragarije abaturage b'umurwa wari ugushije ishyano uko yizera bikomeye ugusohora k'umugambi Imana ifitiye ubwoko bwayo kutazabura kubaho. Ari imbere y'abahamya kandi yubahirije rwose ibyari ngombwa byose byasabwaga n'amategeko, yaguze isambu ya gakondo yari iherereye mu mudugudu wari hafi ya Anatoti ayigura shekeli cumi n'indwi z'ifeza. Yeremiya 32. {AnA 428.1}

Mu mirebere y'umuntu wese, uku kugura iyi sambu mu karere kategekwaga n'Abanyababuloni, byasaga n'igikorwa cy'ubupfapfa. Umuhanuzi Yeremiya ubwe yari yaragiye ahanura ibyo gusenyuka kwa Yerusalemu, ibyo guhinduka umusaka kwa Yudaya ndetse no kurimbuka k'ubwami bw'Ubuyuda. Yari yaragiye ahanura iby'igihe kirekire cyo kuba mu bunyage i Babuloni. Kubera ko Yeremiya ageze mu za bukuru, ntiyashoboraga kwiringira kugira inyungu zihariye azakura mu kugura iyo sambu. Nyamara, uko yari yarize ubuhanuzi bwari bwanditswe mu Byanditswe Byera kwari kwarashyize mu mutima we icyemezo kidakuka cy'uko Uwiteka yagambiriye kuzasubiza abana b'abari barajyanywe mu

bunyage gakondo yabo y'Igihugu cy'Isezerano. Arebesheje amaso yo kwizera, Yeremiya yabonye abajyanwe mu bunyage bagaruka ku iiherezo ry'imyaka y'umubabaro maze bakongera gutura mu gihugu cya ba sekuruza. Mu kugura isambu ihererey Anatoti, Yeremiya yakoraga uko ashoboye kugira ngo ashyire mu bandi ibyiringiro byahumurizaga umutima we bene ako kageni. {AnA 428.2}

Bamaze gusinyana ayo masezerano y'ubugure kandi n'abahamya bamaze gushyiraho umukono wabo, Yeremiya yategetse Baruki, umunyamabanga ye ati: "Enda izi nzandiko z'ubuguzi, urwashyizweho ikimenyetso cy'ubushishi n'urutagishyizweho, uzishyire mu kibindi cy'ibumba kugira ngo zihamare iminsi myinshi.' Kuko uku ari ko Uwiteka Nyiringabo Imana ya Isirayeli ivuga iti: 'Amazu n'imirima n'inzabibu byo muri iki gihugu bizongera bigurwe." Yeremiya 32:14, 15. {AnA 429.1}

Ibyagaragaraga ku Buyuda mu gihe cy'uku kugura isambu kwa Yeremiya kudasanzwe byari urucantege ku buryo nyuma gato yo gutera intambwe zose muri ubwo buguzi no gutegura uburyo bwo kurinda amasezerano yabwo, nubwo ukwizera kwa Yeremiya kutari kwarigeze guhungabanywa, noneho kwarageragejwe cyane. Mbese mu muhati we wo gushishikaza Ubuyuda yaba yarigerejeho? Mbese mu cyifuzo cye gushikamisha ibyiringiro bye mu masezerano y'ijambo ry'Imana, yaba yariringiye ikirimo ubusa? Abari baragiranye isezerano n'Imana bari bamaze igihe kirekire bahindura urw'amenyo ibyiza bagenewe. Mbese amasezerano yahawe ishyanga ryatoranyijwe yari kuzasohora nk'uko yatanzwe? {AnA 429.2}

Ahagaritse umutima kandi yiyunamiriye kubera intimba itewe n'imibabaro y'abari baranze kwihana ibyaha byabo, umuhanuzi Yeremiya yatakambiye Imana kugira ngo imuhe umucyo uruseho ku byerekeye umugambi ifitiye inyokomuntu. {AnA 429.3}

Yeremiya yarasenze ati: "Yewe Mwami Uwiteka, dore ni wowe waremesheje ijuru n'isi ububasha bwawe bukomeye n'ukuboko kwawe kurambuye, nta kintu na kimwe kikunanira. Ugirira imbabazi abantu ibihumbi kandi uhanira abana ibyaha bya ba se hanyuma yabo, uri Imana nkuru ikomeye, Uwiteka Nyiringabo ni ryo zina ryawe. Ushobora inama kandi no mu mirimo uyikomeyemo, amaso yawe areba inzira z'abantu zose, ugaha umuntu wese ibihwanye n'imigenzereze ye n'ibihwanye n'imbuto z'imirimo ye. Ni wowe washyize ibimenyetso n'ibitangaza mu gihugu cya Egiputa, mu Bisirayeli no mu bandi na n'ubu ukibikora, kandi wiheshheje izina nk'uko biri n'uyu munsi. Ni wowe wakuje ubwoko bwawe Isirayeli mu gihugu cya Egiputa ibimenyetso n'ibitangaza, n'ukuboko gukomeye n'ukuboko kurambuye n'ibiteye ubwoba bishishana maze ubaha iki gihugu, icyo warahiye ba sekuruza ko uzakibaha, igihugu cy'amata n'ubuki. Bakijyamo baragihindūra ariko ntibarakumvira

ijwi ryawe, habe no kugendera mu mategeko yawe, mu byo wabategetse byose nta cyo bakoze, ni cyo cyatumye ubateza ibyo byago byose.” Yeremiya 32:17-23. {AnA 429.4}

Ingabo za Nebukadinezari zari hafi kwigarurira inkike za Siyoni ari nyinshi cyane. Abantu ibihumbi byinshi bari bari gupfira mu rugamba ruheruka rwo kurwana ku murwa wa Yerusalemu. Abandi ibihumbi bitabarika bicwaga n’inzara n’icyorezo. Iherezo rya Yerusalemu ryari ryamaze gushyirwaho ikimenyetso. Iminara ingabo z’abanzi zakoreshaga zigota uwo murwa yari imaze kurenga uburebure bw’inkike za Yerusalemu. Mu isengesho rye Yeremiya yakomeje gusaba Imana ati: “Dore ibirundo byo kuririraho, umenye ko bazanywe no guhindūra umurwa kandi umurwa ugabijwe Abakaludaya bawuteye, kuko hatejwe inkota n’inzara n’icyorezo, kandi ibyo wavuze birasohoye dore nawe urabiruzi. Kandi warambwiye Mwami Uwiteka uti: Igurire uwo murima ifeza kandi witorere abagabo, kandi umurwa utanzwe mu maboko y’Abakaludaya.” Yeremiya 32:24, 25. {AnA 430.1}

Isengesho ry’umuhanuzi ryasubijwe neza. Muri iyo saha y’amakuba, igihe ukwizera kw’intumwa y’ukuri kwageragezwaga nk’ugucishwa mu muriro, ijambo Uwiteka yabwiye Yeremiya ryabaye iri ngo: “Dore ndi Uwiteka Imana y’ibifite imibiri byose. Mbese hariho ikinanira?” Yeremiya 32:26,27. Umurwa wa Yerusalemu wari ugiye kugwa mu maboko y’Abakaludaya bidatinze; amrembo yawo n’inyumba zaho byari bigiye gutwikwa bigakongoka; ariko nubwo kurimbuka kwawo kwari impamo kandi abaturage bo muri Yerusalemu bakaba baragombaga kujyanwa ari imbohe, nta kabuza umugambi uhoraho Uwiteka yari afitiye Isirayeli wari kuzasohozwa. Mu gisubizo cyagutse Uwiteka yahaye umugaragu we, yavuze ibyerekeye abo bagerwagaho n’ibihano bye ati: {AnA 431.1}

“Dore ngiye kubakoraniriza hamwe mbakuye mu bihugu byose aho nari nabatatanirije, mbitewe n’uburakari bwanjye n’umujinya wanjye ndetse n’umujinya ukaze, kandi nzabagarura ino mpabatuze amahoro. Na bo bazaba ubwoko bwanjye, kandi nanjye nzaba Imana yabo, nzabaha imitima ihuje n’inzira imwe babone kunyubaha iteka ryose, kugira ngo bibabere ibyiza bo n’abana babo bazabakurikira. Kandi nzasezerana na bo isezerano rihoraho yuko ari ntabwo nzabata ngo ndeke kubagirira neza, nzabatera kunyubaha mu mitima yabo kugira ngo batanyimūra. Ni ukuri nzanezezwa no kubagirira neza, rwose nzabatera bamere muri iki gihugu, mbishyizeho umutima wanjye wose n’ubugingo bwanjye bwose.” Uku ni ko Uwiteka avuga ati “Nk’uko nateje ubu bwoko ibyo byago bikomeye byose, ni ko nzabasohoreza ibyiza nabasezeraniye byose. Maze imirima izagurwa muri iki gihugu, icyo muhinyura ngo ‘Ni amatongo, nta muntu ukikibamo, haba n’amatungo, kigabijwe Abakaludaya.’ Abantu bazagura imirima ifeza, bandike inzandiko z’ubuguzi bazishyireho icyitegererezo cy’ubushishi, bitorere abagabo mu gihugu cya Benyamini n’imisozi ikikije i Yerusalemu no mu midugudu y’u Buyuda, mu midugudu yo mu misozi

miremire no mu midugudu yo mu bibaya no mu midugudu y'ikusi, kuko nzagarura ababo bajyanywe ari imbohe." Ni ko Uwiteka avuga." Yeremiya 32:37-44. {AnA 431.2}

Mu rwego rwo guhamya ayo masezerano yo kuzacungurwa no gukomorerwa, "ijambo ry'Uwiteka ryaje kuri Yeremiya ubwa kabiri, agikingiraniwe mu gikari cy'inzu y'imbohe riti: {AnA 432.1}

"Uku ni ko Uwiteka avuga ari we ugira icyo akora, ari we ukirema akagikomeza, Uwiteka ni ryo zina rye aravuga ngo 'Ntabaza ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije utamenya.' Uku ni ko Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuga iby'amazu yo muri uyu murwa, n'iby'inzu z'amanyumba z'abami b'u Buyuda, byasenyewe kugira ngo babone uko barwanya aburirira ku birundo bitwaje inkota iti: 'Baje kurwanya Abakaludaya ariko bazahagwiza intumbi z'abantu, abo nicishije uburakari bwanjye n'umujinya wanjye, kandi ibyaha byabo ari byo byanteye kwima uyu murwa amaso. Ariko rero nzabazanira kumera neza n'agakiza kandi mbakize, ndetse nzabahishurira amahoro n'ukuri bisesekaye. Kandi nzatuma abajyanywe ari imbohe ba Yuda n'aba Isirayeli bagaruka, kandi nzabubaka nka mbere. Nzabeza mbakureho ibibi byabo byose bancumuyeho, kandi nzababababarira ibicumuro byabo byose, ibyo bancumuyeho n'ibyo bakoze bangomera. Kandi uyu murwa uzambera izina rinezereye, iry'ishimwe n'icyubahiro imbere y'amahanga y'isi yose azumva ibyiza mbagirira byose, kandi bazatinya bahindishwe umushyitsi n'ineza yose n'amahoro yose nywuhaye.' {AnA 432.2}

"Uku ni ko Uwiteka avuga ati 'Aha hantu, aho muvuga ngo ni amatongo hatakiba umuntu bona n'amatungo, ndetse no mu midugudu y'u Buyuda no mu nzira z'i Yerusalemu zasibye, zitakinyurwamo n'umuntu cyangwa umuturage cyangwa itungo, aho hantu hazongera kumvikana ijwi ryo kwishima n'ijwi ry'umunezero, ijwi ry'umukwe n'ijwi ry'umugeni, ijwi ry'abavuga bati: Nimuhimbaze Uwiteka Nyiringabo kuko Uwiteka ari mwiza, imbabazi ze zihoraho iteka ryose. N'ijwi ry'abazana ibitambo byo gushima mu nzu y'Uwiteka, uko nzagarura abo mu gihugu bagiye ari imbohe bakaba nka mbere.' Ni ko Uwiteka avuga. {AnA 433.1}

"Uku ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga ati: 'Aha hantu habaye amatongo, hatakigira umuntu cyangwa itungo no mu midugudu yaho yose, hazongera kuba ibiraro by'abashumba aho bazacyura imikumbi yabo. Mu midugudu yo mu misozi miremire no mu midugudu yo mu bibaya, no mu midugudu y'ikusi no mu gihugu cya Benyamini, n'aherekeye i Yerusalemu no mu midugudu y'u Buyuda, intama zizasubira kunyura munsi y'ukuboko kwa nyirazo azibara.' Ni ko Uwiteka avuga. {AnA 433.2}

“Uwiteka aravuga ati ‘Dore iminsi izaza, nzasohoza rya jambo ryiza Nasezeraniye inzu ya Isirayeli n’inzu ya Yuda.” Yeremiya 33:1-14. {AnA 433.3}

Uko ni ko itorero ry’Imana ryahumurijwe muri imwe mu masaha yijimye cyane y’intambara imaze igihe kirekire rihanganye n’imbaraga z’umwanzi. Satani yasaga n’uwatsinze mu muhati we wo kurimbura Isirayeli; ariko Uwiteka ni we wagengaga ibyabaga muri icyo gihe, kandi mu myaka yajyaga gukurikiraho, ubwoko bwe bwari kugira amahirwe yo gutunganya ibyo butatunganyije mu gihe cyashize. Ubutumwa Uwiteka yatumye ku itorero rye bwari ubu ngo: {AnA 433.4}

“Nuko rero ntutinye Yakobo we, mugaragu wanjye, ni ko Uwiteka avuga, nawe Isirayeli ntiwihebe, kuko dore nzagukiza nkuvanye kure n’urubyaro rwawe ndukure mu gihugu cy’uburetwa bwabo, kandi Yakobo azagaruka, ashyikije umutima mu nda kandi aruhutse, nta wuzamutera ubwoba. Kuko ndi kumwe nawe, ni ko Uwiteka avuga, ngira ngo ngukize, kandi nzatsemba rwose amahanga yose aho nabatatanirije ariko weho sinzagutsemba rwose.” “Nzakugarurira amagara yawe, kandi nzagukiza inguma zawe.” Yeremiya 30:10,11,17. {AnA 434.1}

Mu munsi unejeje wo gukomorerwa imiryango ya Isirayeli yari yarigabanyije yari kuzongera guhurizwa hamwe nk’ubwoko bumwe. Uwiteka yari kuzubahwa akamenyekana ko ari we mutware “w’imiryango yose ya Isirayeli.” Uwiteka yaravuze ati: “Icyo gihe nzaba Imana y’imiryango ya Isirayeli yose, na bo bazaba ubwoko bwanjye. Nimuririmbire Imana ku bwa Yakobo mufite umunezero, muyirangururire murangaje imbere y’abanyamahanga, mwamamaze muhimbaze muti ‘Uwiteka, kiza ubwoko bwawe bw’Abisirayeli barokotse.’ Dore nzabazana mbakuye mu gihugu cy’ikasikazi, mbakoranirize hamwe mbavanye ku mpera z’isi, barimo impumyi n’ibirema n’abagore batwite ndetse n’abaramukwa, abazagaruka aha bazaba ari iteraniro rinini. Bazaza barira kandi nzabayobora mbamaze agahinda, nzabanyuza ku migezi y’amazi mu nzira igororotse batazasitariramo, kuko mbereye Isirayeli umubyeyi na we Efurayimu akaba ari imfura yanjye.” Yeremiya 31:1,7-9. {AnA 434.2}

Mu gucishwa bugufi mu maso y’amahanga, abari barigeze kumenyekana ko bahiriwe n’Ijuru bakarutishwa andi moko yose yo ku isi bagombaga kwigira mu bunyage icyigisho cyo kumvira cyari ingenzi cyane kubw’umunezero wabo wo mu gihe kizaza. Uwiteka ntiyashoboraga kubakorera ibyo yifuzaga jkubagirira byose batari biga iki cyigisho. Mu busobanuro yatanze ku mugambi wayo wo kubahana kubwo kubagirira neza mu by’umwuka, Uwiteka yaravuze ati: “Weho sinzagutsemba rwose, ahubwo nzaguhana uko bikwiriye kandi ntabwo nakureka ntaguhannye.” Yeremiya 30:11. Nyamara abari baragaragarijwe urukundo rwayo ntibari kwirengagizwa by’iteka ryose. Uwiteka yari

kwerekanira imbere y'amahanga yose yo ku isi umugambi we wo gukura intsinzi mu cyagaragaraga ko ari ugutsindwa, akerekana umugambi we wo gukiza mu cyimbo cyo kurimbura. Umuhanuzi Yeremiya yahawe ubutumwa buvuga buti: {AnA 434.3}

"Uwatatanije Isirayeli ni we uzabakoraniriza hamwe akabaragira nk'umwungeri uragira umukumbi we.' Kuko Uwiteka yacunguye Yakobo, akamubatura mu maboko y'uwamurushaga gukomera, na bo bazaza baririmbire mu mpinga y'i Siyoni bashikiye ubuntu bw'Uwiteka, ndetse bahasange ingano na vino n'amavuta ya elayo, n'ubwagazi bw'umukumbi n'ubw'ubushyo, ubugingo bwabo buzamera nk'umurima wavomewe, kandi ntabwo bazasubira kugira umubabaro. Maze umwari azishima abyine, abasore n'abasaza *bazishimira* hamwe, kuko umuborogo wabo nzawuhindura umunezero, kandi nzabahumuriza mbatere kunezerwa mu kigwi cy'umubabaro wabo. Ubugingo bw'abatambyi nzabuhagisha ibibyibushye, kandi ubwoko bwanjye buzahazwa n'ubuntu bwanjye." Ni ko Uwiteka avuga." {AnA 435.1}

"Uku ni ko Uwiteka Nyiringabo Imana ya Isirayeli ivuga iti "Bazongera kuramutsa iyi ndamutso mu gihugu cy'u Buyuda no mu midugudu yaho, ubwo nzagarura ababo bajyanywe ari imbohe ngo 'Uwiteka aguhire wa buturo burimo gukiranuka we, wa musozi uriho kwera we!' Kandi ab'i Buyuda n'ab'imidugudu yaho yose bazahabana, abahinzi n'abaragiye imikumbi kuko nahagije ubugingo burembye, n'ubugingo bufite agahinda bwose narabukamaze." {AnA 435.2}

"Uwiteka aravuga ati "Dore iminsi izaza, nzasezerana isezerano rishya n'inzu ya Isirayeli n'inzu ya Yuda, ridakurikije isezerano nasezeranye na ba sekuruza, ku munsi nabafataga ukuboko nkabakura mu gihugu cya Egiputa. Rya sezerano ryanjye bararyishe nubwo nari umugabo wabo wabirongōreye. Ni ko Uwiteka avuga. Ariko isezerano nzasezerana n'inzu ya Isirayeli hanyuma y'iyo minsi ngiri, ni ko Uwiteka avuga ngo: 'Nzashyira amategeko yanjye mu nda yabo kandi mu mitima yabo ni ho nzayandika, nzaba Imana yabo na bo bazaba ubwoko bwanjye.' Kandi ntibazigishanya ngo umuntu wese yigishe mugenzi we, n'umuntu wese uwo bava inda imwe ati: 'Menya Uwiteka', kuko bose bazamenya uhereye ku uworoheje hanyuma y'abandi ukageza ku ukomeye kurusha bose, ni ko Uwiteka avuga, kuko nzababarira gukiranirwa kwabo kandi icyaha cyabo sinzacyibuka ukundi."Yeremiya 31:10-14, 23-25, 31-34. {AnA 436.1}

UMUGABANE WA V - MU BIHUGU BY'ABAPAGANI

***"Mwebwe n'umugaragu wanjye natoranyije, muri abagabo bo guhamya ibyanjye, ni ko Uwiteka avuga."* Yesaya 43:10.** {AnA 437.1}

IGICE CYA 39 - MU RUGO RW'IBWAMI BW'I BABULONI

Mu bana ba Isirayeli bajyanwe ari imbohe i Babuloni ku itangiriro ry'imyaka mirongo irindwi yo kuba mu bunyage, harimo Abakristo bakundaga igihugu cyabo, abantu bari bakomeye ku ihame nk'icyuma, batashoboraga guteshwa umurongo no kwikanyiza, ahubwo bakwemera guhomba ibintu byose kubwo kubaha Imana. Mu gihugu barimo mu bunyage, abo bantu bagombaga gusohoza umugambi w'Imana babinyujije mu guha amahanga y'abapagani imigisha ituruka ku kumenya Uwiteka. Bagombaga guhagararira Imana. Ntibagombaga na hato guhuza n'abasenga ibigirwamana kuko kubwo kwizera kwabo n'izina ryabo nk'abasenga Imana ihoraho bagombaga kugaragaraho icyubahiro gikomeye. Kandi ibi barabikoze. Bubashye Imana mu gihe cyo kugubwa neza n'icy'umuruho n'imibabaro maze Imana na yo irabubaha. {AnA 438.1}

Kuba abo bantu baramyaga Uwiteka bari baei mu bunyage I Babuloni kandi ibikoresho byo mu nzu y'Imana bikaba byari byarashyizwe mu ngoro y'ibigirwamana by'I Babuloni, abari baratsinze Abayuda bavugaga kuri ibyo birata cyane berekana ko ari igihamya cy'uko idini yabo n'imigenzo yabo biruta idini n'imigenzo by'Abayahudi. Nyamara muri uko gukozwa isoni kwari kwaratewe n'uko Isirayeli yariyaratandukanye n'Imana, Imana yahaye Babuloni igihamya cyo gukomera kwayo, igihamya cy'ukwera kw'amategeko yayo ndetse n'icy'ingaruka zo kumvira zitabura kubaho. Kandi ubu buhamya yabutanze ibunyujije mu bayibayeho indahemuka nk'uko ari bwo buryo bwonyine bwagombaga gutangwamo. {AnA 438.2}

Mu bakomeje gushikama ku kubaha Imana harimo Daniyeli na gabenzi be batatu: aba ni ingero z'ibyitegererezo zererekana uko abantu bomatana n'Imana y'ubwenge n'ubushobozi bahinduka. Abo basore bo mu muryango wa cyami bakuwe ahantu hacishije bugufi ho mu miryango yabo y'Abayahudi maze bajyanwa mu mujyi wari uhebuje indi ubwiza ndetse bashyirwa mu rugo rw'umwami wari ukomeye kuruta abandi bose bo ku isi. Nebukadinezari yategetse "Ashipenazi umutware w'inkone ze, kuzana abana b'abasore bamwe bo mu Bisirayeli bo mu muryango w'umwami, n'ab'imfura bandi batagira inenge, ahubwo b'abanyaburanga, b'abahanga mu by'ubwenge bwose, bajijuka mu byo kumenya, b'ingenzuzi mu by'ubwenge, kandi batinyuka guhagarara mu nzu y'umwami, . . . {AnA 439.1}

"Muri abo bana b'Abayuda harimo Daniyeli na Hananiya, na Mishayeli na Azariya." Kubera ko Nebukadinezari yabonaga ubushobozi bugaragara muri abo basore, yiyemeje ko bakwiriye kwigishwa kugira ngo bazakore mu mynanya y'ingenzi mu bwami bwe. Kugira ngo bazabe bujuje ibyangombwa by'umurimo bagombaga gukora mu kubaho kwabo,

umwami yateguye ko bigishwa ururimi rw'Abakaludaya kandi bakamara imyaka itatu bigishwa amasomo yihariye yihishwaga ibikomangoma byo mu gihugu. {AnA 439.2}

Amazina ya Daniyeli na bagenzi be yarahinduwe bahabwa amazina agaragaza ibigirwamana by'Abakaludaya. Hari ubusobanuro bukomeye bwajyaniranaga n'amazina ababyeyi b'Abaheburayo bahaga abana babo. Akenshi ayo mazina yabaga ahagarariye imico umubyeyi yifuzaga kubona ikura mu mwana we. Igikomangoma cyashinzwe kwita kuri abo basore

b'abanyagano cyabahimbye amazina "Daniyeli amwita Beluteshazari, na Hananiya amwita Saduraka, na Mishayeli amwita Meshaki, na Azariya amwita Abedenego." {AnA 440.3}

Ntabwo umwami Nebukadinezari yahatiye aba basore b'Abaheburayo kureka ukwizera kwabo ngo bayoboke gusenga ibigirwamana, ariko yiringiraga ko ibyo azabigerao buhoro buhoro. Kubwo kubahimba amazina afite ubusobanuro bujyanye no gusenga ibigirwamana, kubwo gutuma buri munsi bahura n'imigenzo ijyana no gusenga ibigirwamana, ndetse no kubw'imbaraga y'imihango ireshya yakorwaga mu gusenga kw'abapagani, Nebukadinezari yiringiraga ko azabagusha mu mutego bakazibukira idini y'ishyanga ryabo maze bakifatanya n'Abanyababuloni mu misengere yabo. {AnA 440.1}

Ku itangira ryo kurererwa ibwami kwabo, bahuye n'ikigeragezo gikomeye cyibasiye imico yabo. Hatanzwe itegeko ko bakwiriye kurya ibyo kurya kandi bakanywa no ku nzoga byavaga ku meza y'umwami. Mu gukora atyo, umwami yibwiraga ko abagaragarije ineza abagiriye ndetse n'uko abifuriza kumererwa neza. Nyamara kubera ko umugabane umwe wabaga watuwe ibigirwamana, ibyokurya byo ku meza y'umwami byababaga byerejwe gusenga ibigirwamana; kandi umuntu wese wabiryagaho yafatwaga ko ahaye ikuzo ibigirwamana by'i Babuloni. Kubaha Uwiteka kwa Daniyeli na bagenzi be kwababujije kwifatanya muri uko guha ikuzo ibigirwamana. Ndetse no gusa n'uriye ku byokurya cyangwa unyweye ku nzoga bya nikize byari kuba igikorwa cyo guhakana ukwizera kwabo. Kugenza batyo byari kuba ukwifatanya n'ubupagani ndetse no gusuzuguza amahame y'amategeko y'Imana. {AnA 440.2}

Nta nubwo bahangaye kwishyiraho ingaruka zica intege ziva ku kudamarara no gukuraho gukura mu by'umubiri, ubwenge n'iby'umwuka. Bari bazi amateka ya Nadabu na Abihu, aho ibyanditswe ku kutirinda kwabo ndetse n'ingaruka byabazaniye byashyizwe mu mizingo y'Ibitabo bitanu bya Mose. Daniyeli na bagenzi be bari bazi ko imbaraga zabo z'umubiri n'iz'ubwenge zakwangirizwa no kunywa inzoga. {AnA 441.1}

Daniyeli na bagenzi be bari baratojwe n'ababyeyi babo kwirinda badakebakeba. Bari barigishijwe ko Imana izababaza uko bakoresheje imbaraga n'ubushobozi bwabo, kandi ko

batagomba na mba kugwabiza no guca intege imbaraga zabo. Kuri Daniyeli na bagenzi be ubu burere bwababereye inzira yo kubarindira hagati mu mbaraga ziteshura ku mico mbonera zari ibwami i Babuloni. Bari bakikijwe n'ibigeragezo bikomeye muri urwo rugo rwari rwarokamwe n'ibibi no kuvuyarara, ariko ibyo ntibyabangirije. Nta mbaraga, nta n'ubushobozi byashoboraga kubateshura ku mahame bari baramenye mu buto bwabo binyuze mu kwiga Ijambo ry'Imana n'ibyo yakoze. {AnA 441.2}

Iyo Daniyeli abishaka, ahari hamukikije aba yarahabonye inzitwazo zumvikana zo kuba yatandukira akareka imico idakebakeba yo kwirinda. Aba yarashyigikiye uruhande rwe avuga ko bitewe n'uko yari yishingikirije ku buntu umwami yamugiriye kandi akaba yari munsi y'ububasha bwe, nta kindi yari gukora uretse kurya ku byokurya by'umwami no kunywa kuri vino ye; kuko iyo akurikiza inyigisho z'Imana, yari gukoza umwami isoni kandi bigashoboka ko yatakaza umwanya we ndetse n'ubuzima bwe. Iyo yirengagiza itegeko ry'Uwiteka yari gukomeza kugirirwa icyizere n'umwami kandi akagira inyungu abona mu by'ubwenge ndetse n'ibyiza by'ahazaza. {AnA 441.3}

Nyamara Daniyeli ntishidikanyije. Kwemerwa n'Imana byamurutiraga cyane gutoneshwa n'umutegetsi warushaga abandi gukomera ku isi, ndetse byamurutira n'ubuzima ubwabwo. Yiyemeje gushikama mu budahemuka bwe atitaye ku ngaruka byamuzanira uko ziri kose. "Maze Daniyeli agambirira mu mutima we kutaziyandurisha ibyokurya by'umwami, cyangwa vino yanywaga." Muri uwo mwanzuro yafashe yashyigikiwe na bagenzi be batatu. {AnA 442.1}

Mu gufata iki cyemezo, abasore b'Abaheburayo ntibakoze bigerezaho bashidikanya, ahubwo bari bishingikirije ku Mana bakomeje. Ntibahisemo kwitandukanya n'abandi bantu ariko bari kubikora aho kugira ngo basuzugure Imana. Iyo bifatanya n'ikibi icyo gihe bakemera gukurikiza ibyo basabwaga, gutandukira ihame [bagenderagaho] byari guca intege uko bari basobanukiwe ibitunganye ndetse n'uko bangaga ikibi urunuka. Intambwe ya mbere iganisha mu kibi yari kubateza n'izindi kugeza ubwo isano bafitanye n'ijuru icitse. Bari gutembanwa n'ikigeragezo. {AnA 442.2}

"Kandi Imana yariyatumye Daniyeli atona ku mutware w'inkone, agakundwa na we," bityo ubusabe bwe bw'uko atakwiyanduza bwakiranwa icyubahiro. Nyamara umutware w'inkone yashidikanyije kumuha ibyo asabye. Daniyeli yarasobanuye ati: "Ndatinya umwami databuja, wabategekeye ibyo muzarya n'ibyo muzanywa; kuko nasanga munanutse mudahwanye n'abandi basore mungana, muzaba munshyize mu kaga gatere umwami kunca igihanga." {AnA 442.3}

Nuko Daniyeli asanga Melizari igisonga cyari gishinzwe b'umwihariko kwita kuri abo basore b'Abaheburayo amusaba ko babareka ntibarye ibyokurya by'umwami kandi ntibanywe na vino ye. Yasabye ko babagerageza mu minsi icumi. Muri icyo gihe abasore b'Abaheburayo bagaburiwe ibyokurya byoroheje mu gihe bagenzi be bo baryaga ibyokurya byo ku meza y'umwami. {AnA 443.1}

Nubwo Melizari yatinye ko niyubahiriza ibyo asabwe ashobora kwikururira kutishimirwa n'umwami ntibyamubujije kwemera; kandi Daniyeli amenya ko ibyo yasabye byemewe. Ku musozo wa ya minsi icumi yo kugerageza, ibyavuyemo byaje bihabanye n'ubwoba igisonga cy'umwami cyari cyagize. "Iyo minsi icumi ishize asanga, mu maso habo ari heza kandi habyibushye kuruta abandi basore bose baryaga ku byokurya by'umwami." Uko buri wese yagaragaraga , abo basore b'Abaheburayo basumbye rwose bagenzi babo. Icyakurikiyeho ni uko Daniyeli na bagenzi be bemerewe gukomeza ibyokurya byabo byoroheje mu gihe cyose cyo kwigishirizwa ibwami. {AnA 443.2}

Abo basore b'Abaheburayo bamaze imyaka itatu bigishwa "iby'ubwenge n'ururimi rw'Abakaludaya." Muri iki gihe bashikamye ku kubaha Imana kwabo kandi bahoraga bishingikirije ku mbaraga zayo. Kudatezuka ku mugambi no ushikama babihuje n'imico yabo yo kwiyanga. Ntabwo ubwibone cyangwa kurarikira ari byo byari byarabazanye ibwami, aho babanaga n'abatari bazi Imana cyangwa ngo bayitinye. Bari imbohe mu gihugu cy'amahanga kandi bashyiraga kandi bari barahashyizwe na Nyirubwenge butagerwa. Kubwo gutandukanywa n'imiryango yabo ndetse n'ibyera, bashatse kwitwara uko bikwiriye kubw'icyubahiro cy'ubwoko bwabo bwari bwararibaswe no kubw'ukuzo ry'Imana bari babereye abagaragu. {AnA 443.3}

Uwiteka yemeye gushikama no kwiyanga kw'abasore b'Abaheburayo, kandi yemeye n'ubutungane bw'umugambi wabo bityo imigisha ye ibageraho. "Imana ibaha kujijuka no kuba abahanga mu byo bigishwa no mu bwenge; ariko Daniyeli yagiraga ubwenge bwo kumenya ibyerekanwa byose no gusobanura inzozi." Isezerano rivuga ngo: "abanyubaha ni bo nzubaha" ryarasohojwe. 1Samweli 2:30. Kubera ko Daniyeli yomatanaga n'Imana afite ukwizera kutanyeganyega, umwuka w'imbaraga yo guhanura wamujeho. Igihe yahabwaga amabwiriza n'umuntu wabaga ushinzwe iby'imibereho ibwami, Daniyeli yabaga yigishwa n'Imana gusoma amabanga yo mu gihe kizaza no kwifashisha ibimenyetso n'ibigereranyo akandikira abo mu bisekuru bizakurikiraho ibizaba mu mateka y'iyi si kugeza ku iherezo ry'ibihe. {AnA 444.1}

Ubwo ighe cyageaga ngo abasore bigishirizwa [ibwami] bagenzurwe, Abaheburayo bagenzuranwe n'abandi basore kugira ngo barebe uko bazakorera ubwami bwa Babuloni. "Ariko mu bandi bose ntihabonetse uhwanya na Daniyeli na Hananiya, na Mishayeli na

Azariya.” Imyumvire yabo itunganye, ubwenge bwabo bwagutse, amahitamo yabo n’imvugo yabo inoze byahamije imbaraga zidacogora z’ubusobozi by’ubwenge bwabo. “Mu ijambo ryose ry’ubwenge no kumenya, icyo umwami yababazaga, yabonaga barusha abakonikoni n’abapfumu bose bari mu gihugu cye cyose inkubwe cumi.” {AnA 444.2}

Ibwami I Babuloni hari hateraniye intumwa ziturutse mu bihugu byose, abagabo bafite impano zihebuje, abantu bafite impano kavukire nyinshi cyane kandi bafite umuco wagutse cyane isi yashoboraga gutanga; nyamara muri abo bose, abasore b’Abaheburayo nta n’umwe bari bahwanye. Mu mbaraga z’umubiri n’uburanga, mu mbaraga z’ubwenge no kumenya iby’ururimi, ntawabashaga kubahiga. Igihagararo gishinguye, intambwe ihamye, mu maso hakeye, ibitekerezo biri mu mucyo bitijimye ndetse n’impumeko nziza, ibyo byose byari ibihamya by’ibyiza bari barimenyereje, bikaba n’ikimenyetso cyo gukomera n’ubwiza umuntu agira kubwo kumvira amategeko y’ibyaremwe. {AnA 444.3}

Mu kwiga ubwenge bw’Abanyababuloni, Daniyeli na bagenzi be barushaga cyane abo biganaga; ariko ubwenge bwabo ntibwapfaga kwizana. Bakuraga ubwenge bwabo mu gukoresha imbaraga zabo uko bikwiriye, kandi bayobowe na Mwuka Wera. Bagiranye ubumwe na Soko y’ubwenge bwose, kandi kumenya Imana babigira urufatiro rw’imyigire yabo. Bishyize aho Imana ishobora kubahira. Birinze ikintu cyaca intege imbaraga zabo, kandi bakoresha neza amahirwe yose yatuma bahinduka abanyabwenge mu byerekezo byose by’ubumenyi. Bakurikije amategeko y’ubuzima yashoboraga kubahesha imbaraga z’ubwenge. Bashakaga kugwiza ubwenge kubera umugambi umwe ari wo: kugira ngo bubahe Imana. Babonye ko kigra ngo babe abahagarariye iyobokamana nyakuri hagati y’imyizerere y’ibinyoma ya gipagani, bagombaga kugira ubwenge busobanukiwe kandi bagatunganya n’imico ya Gikristo. Kandi Imana ubwayo ni yo yari umwigisha wabo. Kubera gusenga ubudasiba, bakiga babishyizeho umutima ndetse no kubwo komatana n’Imana itabonwa, bagendanaga n’Imana nk’uko Enoki yagenze. {AnA 445.1}

Kugera ku ntsinzi nyakuri mu byo umuntu akora byose ntabwo ari amahirwe cyangwa impanuka cyangwa se igeno. Ibiramambu ni ugukora gukomeye cyane k’ubuntu bw’Imana, ingororano yo kwizera n’ubushishozi, ubupfura no kwihangana. Ntabwo ubwenge butunganye n’imico mbonera yo ku rwego rwo hejuru ari imbuto z’impanuka. Imana itanga uburyo bityo kugera ku cyo umuntu yifuza bigashingira ku kuntu akoresha ubwo buryo. {AnA 446.1}

Igihe Imana yateraga Daniyeli na bagenzi “gukunda no gukora ibyo yishimira,” babaga bagaragaza agakiza kabo. (Abafilipi 2:13). Aha hahishurirwa gukora kw’ihame ry’Imana ryo gukorana kuko ritabayeho nta ntsinzi nyakuri yagerwaho. Imbaraga za muntu nta cyo zageraho hatabayeho imbaraga z’Imana; kandi hatabayeho gushishikara k’umuntu, kuri

benshi imbaraga z'Imana ntacyo zabagezaho. Kugira ngo ubuntu bw'Imana bube ubwacu bwite, tugomba gukora uruhare rwacu. Ubuntu bwayo bwatangiwe gukorera muri twe bukadutera gukunda no gukora, ariko ntibwigera busimbura umuhati wacu. {AnA 446.2}

Nk'uko Uwiteka yakoranye na Daniyeli na bagenzi, ni nko azakorana n'abantu bose baharanira gukora ibyo ashaka. Kandi kubwo guhabwa Mwuka we, azakomeza umugambi wose nyakuri ndetse n'icyemezo gihamye cyose. Abagendera mu nzira yo kumvira bazahura n'inkomyi nyinshi. Imbaraga zikomeye kandi zitagaragara neza zishobora kubabohera ku isi; ariko Uwiteka ashoboye guhindura ubusa imbaraga yose ikorera kurwanya abo yatoranyije. Mu mbaraga z'Uwiteka bashobora gutsinda ikigeragezo cyose, kandi bakanesha ingorane yose. {AnA 446.3}

Imana yazanye Daniyeli na bagenzibe ibahuza n'abakomeye b'i Babuloni kugira ngo babashe guhagararira imico yayo hagati mu ishyanga ry'abasenga ibigirwamana. Mbese bari guhinduka abantu bakwiriye kuba mu mwanya wo kugirirwa icyizere no kubahwa bikomeye bityo bate? Kuba indahemuka mu tuntu duto ni byo byabahaye imico yaranze imibereho yabo yose. Bubashye Imana mu nshingano nto cyane kimwe no mu zagutse cyane kurushaho. {AnA 447.1}

Nk'uko Imana yahamagariye Daniyeli kuyihamya i Babuloni, ni ko natwe iduhamagarira kuyibera abahamya mu isi muri iki gihe. Haba mu tuntu duto cyane kimwe no mu bikomeye cyane mu buzima, Imana yifuza ko duhishurira abantu amahame y'ubwami bwayo. Abantu benshi bategereje umurimo ukomeye bazahabwa mu gihe buri munsi batakaza amahirwe yo kugaragaza ubudahemuka ku Mana. Buri munsi bananirwa gusohoza inshingano nto zo mu buzima bazishyizeho umutima wose nyamara bakaba bategereje umurimo munini bashobora kugaragarizamo impano zikomeye bibwira ko bafite bityo kubw'ibyo ibyifuzo by'ibyo bagamije bikagerwaho. Nyamara iminsi yabo irabashirana. {AnA 447.2}

Mu mibereho y'Umukristo nyakuri nta bintu bidafite agaciro; mu maso y'Ishoborabyose inshingano yose ni ingenzi. Uwiteka agenzura ubushobozi bwose bwo gukora umurimo atibeshya. Ubushobozi budakoreshwa buragenzurwa nk'uko bimera ku bukoreshwa. Tuzacirwa urubanza n'ibyo twagombye kuba twarakoze ariko tutasohoje bitewe n'uko tutakoresheje imbaraga zacu mu guhesha Imana ikuzo. {AnA 447.3}

Ntabwo imico itunganye iza mu buryo bw'impanuka; ntabwo ituruka ku neza idasanzwe cyangwa impano Imana itanga. Ibiramambu ni umusaruro uva ku kwitegeka, ku kuba uciye bugufi ayoboka akumvira kamere ihanitse. Ni umusaruro uva ku kwegurira kamere gukorera Imana n'abantu. {AnA 448.1}

Imana iravugana n'abasore muri iki gihe ibinyujije ku kudateshuka ku mahame yo kwirinda kwagaragajwe n'abasore b'Abaheburayo. Hakenewe abantu bameze nka Daniyeli bazakora kandi bagatinyuka kubwo kwamamaza ubutungane. Imitima itunganye, amaboko afite imbaraga, n'ubutwari buzira ubwoba birakenewe; kuko urugamba hagati y'icyiza n'ikibi isaba ko habaho kuba maso ubudasiba. Satani asanga umuntu wese amushyiriye igishuko mu buryo bwinshi buyobya ku ngingo yo guhaza irari ry'inda. {AnA 448.2}

Umubiri ni inzira y'ingenzi cyane ubwenge n'ubugingo bikuriramo kugira ngo habeho kubakwa kw'imico. Kubw'ibyo rero, ni yo mpamvu umwanzi w'abantu yerekeza ibishuko bye kugira ngo ace intege kandi agwabize imbaraga z'umubiri. Akenshi gutsinda kwe kuri iyi ngingo gusobanuye kwegurira umuntu wese uko yakabaye mu bibi. Ibyo kamere y'umubiri werekezaho nibatagengwa n'imbaraga isumba izindi, nta kabuza bizazana kurimbuka n'urupfu. Umubiri ugomba kumvira ububasha burenze ubundi mu muntu. Ibyo umuntu ararikira bigomba gutegekwa n'umutimanama, kandi na wo ubwawo ugomba gutegekwa n'Imana. Iyo imbaraga itegeka y'inyurabwenge yejejwe n'ubuntu bw'Imana, itegeka ubugingo. Imbaraga z'ubwenge, iz'umubiri ndetse no kuramba k'ubuzima bishingira ku mategeko adahinduka. Kubwo kumvira ayo mategeko, abantu benshi bashobora guhagarara bitegeka, bategeka imbaraga ibabamo ibasunikira kugira icyo bakora, bagatsinda abatware n'abafite ubushobozi, "n'abategeka iyi si y'umwijima," kandi bagatsinda "n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru." Abefeso 6:12. {AnA 448.3}

Muri wa muhango wa kera werekanaga ubutumwa bwiza mu buryo bw'igishushanyo, nta turo rifite inenge ryashoboraga kuzanwa ku gicaniro cy'Imana. Igitambo cyagombaga guhagararira Kristo cyagombaga kuzira inenge. Ijambo ry'Imana ryerekana ibi nk'ikigereranyo cy'uko abana b'Imana bagomba kuba "igitambo kizima," "cyera kandi kizira inenge." Abaroma 12:1; Abefeso 5:27. {AnA 449.1}

Bariya Baheburayo b'intungane bari abantu bagira ibyo bararikira nka twe; nyamara nubwo bari bari mu bibashuka bw'ibwami i Babuloni, bahagaze bashikamye bitewe n'uko bari bishingikirije ku mbaraga itagira iherezo. Ishyanga ry'abapagani ryababonyemo icyitegererezo cy'ubugwaneza n'ineza by'Imana ndetse ribabonamo n'icyitegererezo cy'urukundo rwa Kristo. Ibyababayeho tubibonamo urugero rw'uko ihame ryatsinze igishuko, ubutungane bugatsinda kwangirika mu mico, kandi kwiyegurira Imana no kuyibera indahemuka bigatsinda guhakana Imana no gusenga ibigirwamana. {AnA 449.2}

Abasore bo muri iki gihe bashobora kugira umwuka wakoreshaga Daniyeli. Bashobora kuvoma mu isoko y'imbaraga nk'iyo yavomagamo, bakagira imbaraga yo kwitegeka nk'iyo yari afite, kandi bakagaragaza imico nk'iye mu mibereho yabo, ndetse n'igihe baba bari mu bihe bitameze neza. Nubwo [abasore] bakikijwe n'ibishuko bibakururira kunezeza kamere,

ariko by'umwihariko mu mijyi minini aho ibintu byose bishimisha umubiri birangwa mu buryo bworoshye kandi bureshya, kubw'ubuntu bw'Imana umugambi wabo wo kubaha Imana ushobora gukomeza gushikama. Binyuze mu kwiyemeza bakomeje no kuba maso, bashobora gutsinda ikigeragezo cyose cyibasira ubugingo. Ariko uzagera ku ntsinzi wenyine ni uwiyemeza gukora ibitunganye bitewe n'uko bitunganye. {AnA 449.3}

Mbega umurimo abo basore b'Abaheburayo bakoze mu buzima bwabo! Igihe basezeraga iwabo aho barerewe bakiri bato, ntibatekereje iherezo rihebuje bari kuzagira. Babaye indahemuka kandi barashikama, biyegurira kuyoborwa n'Imana kugira ngo Imana izasohoreze umugambi wayo muri bo. {AnA 450.1}

Ukuri gukomeye kwahishuriwe muri Daniyeli na bagenzi be, Imana yifuza kuguhishurira mu basore n'abana bo muri iki gihe. Ubuzima bwa Daniyeli na bagenzi be igihamya kigaragaza ibyo Imana izakorera abayiyegurira kandi bagashishikarira gusohoza umugambi wayo n'umutima wabo wose. {AnA 450.2}

IGICE CYA 40 - INZOZI ZA NEBUKADINEZARI

Hashize igihe gito Daniyeli na bagenzi be binjiye mu murimo w'umwami w'I Babuloni, habayeho ibintu byahishuriye ishyanga risenga ibigirwamana imbaraga n'ubudahemuka bw'Imana ya Isirayeli. Nebukadineza yarose inzozi zikomeye zatumye "ahagarika umutima, ntiyarushya agoheka." Ariko nubwo umwami yakozwe ku mutima cyane, ubwo yari akangutse, ntiyashoboye kwibuka ibyazigaragayemo. {AnA 451.1}

Mu guhagarika umutima kwe, Nebukadinezari yateranyije abanyabwenge bo mu gihugu cye — "abakonikoni n'abapfumu n'abashitsi" maze abasaba kumufasha. Yaravuze ati: "Narose inzozi, umutima wanjye uhagarikwa no no gushaka kuzimenya." Hamwe n'uko kuvuga icyari kimuhagaritse umutima, yabasabye kumuhishurira icyahumuriza umutima we. {AnA 451.2}

Kubwo yari asabye abanyabwenge baramusubije bati: "Nyagasani uhoraho iteka ryose; rotorera abagaragu bawe izo nzozi, tubone uko dusobanura impamvu zazo." {AnA 452.1}

Atanyuzwe n'igisubizo cyabo cya nikize, kandi adashize amakenga kuko uretse uko bavugaga ko bashoboye guhishura amabanga y'abantu, basaga n'abadashaka kumuha ubufasha bityo umwami ategeka abanyabwenge be kandi ku ruhande rumwe abasezeranira kubaha ubutunzi n'icyubahiro atari uko bamubwiye ubusobanuro bw'izo nzozi gusa ahubwo nazo ubwazo bakazimubwira ariko ku rundi ruhande abakangisha kwicwa baramutse batabikoze. Yaravuze ati: "Nuko nimutazimbwira ngo muzinsobanurire, muzatemagurwa kandi ingo zanyu zizahindurwa nk'ibyavu. Ariko nimumbwira izo nzozi, nzabagororera mbahe impano n'icyubahiro cyinshi." {AnA 452.2}

Ba banyabwenge bongeye gusubiza umwami bati: "Umwami narotorere abagaragu be izo nzozi, natwe turazisobanura." {AnA 452.3}

Noneho Nebukadinezari agira umujinya mwinshi azabiranywa n'uburakari kubera icyasaga n'uburiganya bw'abo yari yariringiye niko kuvuga ati: "Menye rwose ko mushaka kubyirengagiza, kuko mubonye ko nzibagiwe. Ariko nimutamenyesha izo nzozi mwese muzategekwa itegeko rimwe, kuko mwagiye umugambi wo kuza kubeshyera imbere yanjye, mukirengagiza ibyo mbabajije ngo buzacyana ayandi. Cyo nimumbwire izo nzozi menye ko mushobora no kuzisobanura." {AnA 452.4}

Ba banyabwenge batashywe n'ubwoba bwo gutinya ingaruka z'uko bananiwe kubwira umwami inzozi yarose, bashishikariye kwereka umwami ko ibyo abasaba bidafite ishingiro kandi icyo kigeragezo kirenze icyo ari cyo cyose umuntu yigeze asabwa. Baramusubije bati: "Nta muntu n'umwe wo mu isi Wabasha kumenyesha umwami iryo jambo, kuko nta mwami

cyangwa umutware cyangwa umutegeka, wigeze gusobanuza umukonikoni wese cyangwa umupfumu cyangwa Umukaludaya bene iryo jambo. Icyo umwami aduhatiraho kiraruhanije, kandi nta wundi wabasha kucyerekana imbere y'umwami, keretse imana zitabana n'abafite imibiri." {AnA 453.1}

Nuko "umwami abarakarira uburakari bukabije. Aherako ategeka kurimbura abanyabwenge b'i Babuloni bose." {AnA 453.2}

Daniyeli n'incuti ze bari mu bashakishijwe n'abasirikare bakuru bateguraga gusohoza ibyo iteka ry'umwami ryari ryategetse. Igihe babwirwaga ko nab o bagomba kwicwa nk'uko iteka ryari ryaciwe, Daniyeli yabazanyije ubwenge no kwitonda abaza Ariyoki umutware w'abasirikare barindaga umwami ati: "Ni iki gitumye habaho itegeko ry'ikubagahu rivuye ku mwami?" Ariyoki yabwiye Daniyeli inkuru yo guhagarika umutima k'umwami bitewe n'inzozi zikomeye yarose ndetse n'uko yananiwe kubonera ubufasha ku bo yari yariringiye rwose kugeza ubwo. Daniyeli yumvise ibyo ni ko gushira ubuzima bwe mu kaga maze yiyemeza gusanga umwami maze amusaba ko yamuha igihe kugira ngo abashe gusaba Imana ye ngo imuhishurire izo nzozi n'ubusobanuro bwazo. {AnA 453.3}

Umwami Nebukadinezari yemeye uko gusaba kwa Daniyeli. "Nuko Daniyeli ajya mu nzu ye, abibwira bagenzi be, Hananiya na Mishayeli na Azariya." Bafatanyirije hamwe gushaka ubwenge buva kuri Soko y'umucyo no kumenya. Ukwizera kwabo gushikamye mu kuzirikana ko Imana yari yarabashyize aho bari bari, ko bakoraga umurimo wayo kandi ko buzuzaga ibyo basabwaga mu nshingano yabo. Mu bihe byo guhagarika umuitma n'amakuba, iteka bari baragiye basanga Imana ngo ibayobore kandi ibarinde, kandi yari yarigaragaje ko ari yo mufasha w'ibihe byose. Ubu noneho n'umutima umenetse bongeye kwiyegurira Umucamanza w'isi, bamusaba ko yabarokora muri icyo gihe cy'amakuba adasanzwe barimo. Kandi ntibasengeye ubusa. Noneho Imana bari barubashye na yo yarabubahishije. Mwuka w'Uwiteka yabajeho maze "mu nzozi za nijoro" Daniyeli ahishurirwa inzozi z'umwami n'ubusobanuro bwazo. {AnA 454.1}

Icya mbere Daniyeli yakoze ni ugushimira Imana ibyo yamuhishuriye. Daniyeli yashimye agira ati: "Izina ry'Imana rihore rihimbazwa iteka ryose, {AnA 454.2}

kuko ubwenge n'amaboko ari ibyayo. Ni yo inyuranya ibihe n'imyaka, ni yo yimūra abami ikimika abandi, igaha abanyabwenge ubwenge, n'abazi kwitegereza ikabaha kumenya. Kandi ihishura ibihishwe by'ahatagerwa, izi n'ibyo mu mwijima, umucyo ubana na yo. Ndagushimye, ndaguhimbaza wowe Mana ya ba sogokuruza umpaye ubwenge n'ubushobozi, unsobanuriye ibyo twagusabye kuko utumenyesheje ibyo umwami ashaka." {AnA 454.3}

Daniyeli yahise asanga Ariyoki uwo umwami yari yarategetse kurimbura abanyabwenge b' i Babuloni maze aramubwira ati: "Nturimbure abanyabwenge b'i Babuloni, ahubwo unshyire umwami musobanurire ibyo ashaka." Ariyoki yahise ajyana Daniyeli imbere y'umwami vuba vuba maze abwira umwami ati: "Mbonye umugabo wo mu bantu b'abanyagano b'Abayuda, arabwira umwami inzozi ze." {AnA 454.4}

Nimurebe umunyagano w'Umuyahudi, atuje kandi yiyumanganyije ari imbere y'umwami w'ubwami bwarushaga ubundi bwose gukomera ku isi. Mu magambo ya mbere yavuze ntiyihesheje icyubahiro ubwe ahubwo ahaye Imana ikuzo yo soko y'ubwenge. Umwami amubazanyije amatsiko ati: "Mbega urambwira inzozi neretswe n'icyo zisobanura?" yarasubije ati: "Ibyo bihishwe umwami yasobanuzaga, nta banyabwenge babasha kubimenyesha umwami, cyangwa abapfumu cyangwa abakonikoni cyangwa abacunnyi, ariko mu ijuru hariho Imana ihishura ibihishwe, kandi ni yo yeretse Umwami Nebukadinezari ibizaba mu bihe bizaza." {AnA 455.1}

Daniyeli yaravuze ati: "Inzozi n'ibyo werekewe ku gisasiro ni byo ibi: Nuko ibyawe, nyagasani, watekerezaga uryamye ibizaba mu gihe kizaza; Ihishura ibihishwe ni yo yakubwiye ibizaba. Kandi jyewe ubwanjye, ibyo bihishwe sinabihishuriwe n'uko ndi umunyabwenge kuruta umuntu wese uriho; ahubwo ni ukugira ngo umwami amenyeshwe iby'inzozi ze, amenye n'ibyo umutima we wibwiraga. {AnA 455.2}

"Nuko nyagasani, wabonye igishushanyo kinini kandi icyo gishushanyo cyari kinini cyane, kirabagirana cyane. Cyari kiguhagaze imbere, kandi ishusho yacyo ikaba yari iteye ubwoba. Nuko icyo gishushanyo umutwe wacyo wari izahabu nziza, kandi igituza cyacyo n'amaboko yacyo byari ifeza, inda n'ibibero byacyo byari imiringa, amaguru yacyo yari ibyuma, n'ibirenge byacyo byari igice cy'ibyuma n'icy'ibumba. {AnA 455.3}

"Urabyitegereza ugeza aho ibuye ryaziye ritarimbuwe n'intoki, ryikubita ku birenge by'icyo gishushanyo by'ibyuma n'ibumba, rirabimenagura. Nuko icyuma n'ibumba n'umuringa, n'ifeza n'izahabu biherako bimenagurikira rimwe, bihinduka nk'umurama w'aho bahurira mu cyi, bitumurwa n'umuyaga ntibyagira ishyikizo, maze iryo buye ryakubise igishushanyo rihinduka umusozi munini, rirangiza isi yose." {AnA 456.1}

Daniyeli yavuganye ishema abwira umwami ati: "Inzozi n'ibyo werekewe ku gisasiro ni byo ibi." Umwami yateze amatwi yitaye cyane ku kantu kose kavugwaga, amenya ko izo nzozi ari zo zari zamuhagaritse umutima. Uko ni ko umutima we wateguriwe kwakirana umutima mwiza ubusobanuro bwazo. Umwami w'abami yari agiye kumenyesha umwami wa Babuloni ukuri gukomeye. Imana yari guhishura ko ifite ububasha ku bwami bwose bwo ku isi, ikagira ububasha bwo kwimika ubwami no kubuhangura. Niba bishoboka intekerezo za

Nebukadinezari zagombaga gukangurwa zigasobanukirwa inshingano afite abazwa n’Ijuru. Ibyari kuzaba mu gihe kizaza bigeza ku iherezo ry’ibihe, byagombaga gushyirwa imbere ye. {AnA 456.2}

Daniyeli yakomeje agira ati: “Nuko wowe nyagasani, uri umwami w’abami. Imana yo mu ijuru yaguhaye ubwami n’ubushobozi n’imbaraga n’icyubahiro, yaguhaye n’inyamaswa zo mu gasozi n’ibisiga byo mu kirere by’aho abantu baba hose, ibishyira mu kuboko kwawe ngo ubitegeke byose. Nuko nyagasani, wa mutwe w’izahabu ni wowe. {AnA 456.3}

“Kandi uzakurikirwa n’ubundi bwami budahwanije n’ubwawe gukomera, kandi hazaba ubundi bwami bwa gatatu bw’imiringa butegeke isi yose. {AnA 456.4}

“Ariko ubwami bwa kane buzakomera nk’icyuma, kuko ibyuma ari byo bimenagura ibintu byose bikabijanjagura, kandi nk’uko ibyuma bimenagura ibintu byose, ni ko ubwo bwami buzamenagura bukajanjagura butyo. {AnA 457.1}

“Kandi nk’uko wabonye ibirenge n’amano ari igice cy’ibumba ry’umubumbyi n’igice cy’ibyuma, ni ko ubwo bwami buzigabanyamo, ariko muri bwo hazaba gukomera nk’ibyuma nk’uko wabonye ibyuma bivanzwemo ibumba. Kandi nk’uko amano yari igice cy’ibyuma n’igice cy’ibumba, ni ko ubwo bwami buzamera: igice cyabwo kimwe kizaba gikomeye, ikindi kidakomeye. Kandi nk’uko wabonye ibyuma bivanzwemo ibumba, ni ko bazivanga n’urubyaro rw’abantu, ariko ntibazafatana nk’uko ibyuma bitavanga n’ibumba. {AnA 457.2}

“Nuko ku ngoma z’abo bami, Imana yo mu ijuru izimika ubundi bwami butazarimbuka iteka ryose, kandi ubutware bwabwo ntibuzazungurwa n’irindi shyanga, ahubwo buzamenagura ubwo bwami bwose bukabutsembaho kandi buzahoraho iteka ryose. Uko wabonye ibuye ryavuye ku musozi ritarimbuwe n’intoki, rikamenagura ibyuma n’imiringa n’ibumba n’ifeza n’izahabu, ni uko Imana ikomeye yahishuriye umwami ibizaba mu bihe bizaza. Kandi izo nzozi ni iz’ukuri, no gusobanurwa kwazo ntiguhinyurwa.” {AnA 457.3}

Umwami yanyuzwe n’ukuri k’ubusobanuro, maze mu kwicisha bugufi no kumirwa “aherako yikubita hasi yubamye, aramya Daniyeli” avuga ati: “Ni ukuri Imana yanyu ni yo Mana nyamana, ni umwami w’abami kandi ni yo ihishura ibihishwe, kuko ishoboye guhishura ibyo byahishwe.” {AnA 457.4}

Nebukadinezari yasheshe (yakuyeho) iteka ryari ryavuze ko abanyabwenge b’i Babuloni bagomba kwicwa. Ubuzima bwabo bwarokotse bitewe n’uko Daniyeli yari afitanye umubano n’Imana Ihishura ibihishwe. “Nuko umwami aherako akuza Daniyeli, amugororera ingororano nyinshi zikomeye. Amuha gutwara igihugu cyose cy’i Babuloni,

no kuba umutware mukuru w’abanyabwenge bose b’i Babuloni. Maze Daniyeli asabira Saduraka na Meshaki na Abedenego ubutware bw’igihugu cy’i Babuloni, umwami arabubaha ariko Daniyeli we aguma ibwami.” {AnA 458.1}

Mu byandikwa bivuga ku mateka ya muntu, gukura kw’ishyanga, gukomera no kugwa k’ubwami, ibi byose bisa n’aho bishingiye ku bushake n’ubuhanga buhanitse bwa muntu. Usanga ku rwego rukomeye uko ibintu bigenda bisa n’aho bigenwa n’imbaraga za muntu, umugambi we cyangwa imyanzuro yihuse afata. Ariko rero mu ijambo ry’Imana umwenda ukingiriza ukurwaho u maze tukareba hirya cyane, n’inyuma kandi amaso akahuranya akareba umukino wose w’ibigirira umuntu akamaro, imbaraga ze n’ibimushishikaza kandi ibyo byose bikaba ari ibikoresho by’Imana y’inyampuhwe bikora bucece no mu buryo bwo kwihangana bigashyira mu bikorwa inama z’ubushake bwe bwite. {AnA 458.2}

Akoresheje amagambo meza bitagerwa kandi yuzuye ubugwaneza, intumwa Pawulo yagaragarije abanyabwenge bo muri Atene umugambi Imana yari ifite irema kandi igakwiza amoko n’amahanga ku isi. “Imana yaremye isi n’ibiyirimo byose, iyo kuko ari yo Mwami w’ijuru n’isi, ntiba mu nsengero zubatswe n’abantu, kandi ntikorerwa n’amaboko y’abantu nk’ugira icyo akennye, kuko ari yo yahaye bose ubugingo no guhumeka n’ibindi byose. Kandi yaremye amahanga yose y’abantu bakomoka ku muntu umwe, {AnA 458.3}

ibakwiza mu isi yose. Ni na yo yashyizeho ibihe by’imyaka ko bikuranwa uko yategetse, igabaniriza abantu ingabano z’aho batuye, kugira ngo bashake Imana ngo ahari babashe kuyibona bakabakakabye, kandi koko ntiri kure y’umuntu wese muri twe.” Ibyakozwe n’intumwa 17:24-27. {AnA 459.1}

Imana yavuze neza ko umuntu wese uzabishaka azazanwa “mu ndahiro y’isezerano.” Ezekiyeli 20:37. Mu irema, wari umugambi w’Imana ko isi iturwa n’ibiremwa aho kubaho kwabyo kwari kubibera umugisha hagati yabyo, kandi uko kubaho kukubahisha Umuremyi wabyo. Abantu bose bashaka bashobora kwisanisha n’uwo mugambi. Abo bavugwaho aya magambo ngo: “Abantu niremeye ubwanjye ngo berekane ishimwe ryanjye.” Yesaya 43:21. {AnA 459.2}

Mu mategeko yayo, Imana yamenyekanishije amahame agenga kugubwa neza nyakuri, kwaba ukw’ibihugu n’ukw’abantu ku giti cyabo. Mose yabwiye Abisirayeli iby’aya mategeko agira ati: “Ni ubwenge bwanyu n’ubuhanga bwanyu.” “Kuko kuyitondera atari icyoroheje kuri mwe.” Gutegeka kwa kabiri 32:47. Amasezerano yahawe Isirayeli yanasezeraniwe ishyanga ryose ndetse n’umuntu uwo ari we wese uri munsi y’ijuru hashingiwe ku byangombwa bimwe ndetse no ku rwego rumwe. {AnA 459.3}

Mu myaka amagana menshi mbere y'uko amahanga amwe abaho, Imana nyirubwenge bwose yarebye mu bihe bizabaho maze ivuga ibyo kwima no guhanguka k'ubwami bwagiye buyegeka isi yose. Imana yabwiye Nebukadinezari ko ubwami bwa Babuloni buzahanguka, maze ubwami bwa kabiri bukimikwa kandi ubu nabwo bukazagira igihe cyabwo cyo kugeragezwa. Kubera kudahesha ikuzo Imana nyakuri, icyubahiro cy'ubu bwami cyari kuzayoyoka maze ubwami bwa gatatu bukabusimbura. Ubu bwa gatatu na bwo bwari kuzarangira; maze ubwa kane, bukomeye nk'icyuma bukaganza amahanga yo ku isi. {AnA 459.4}

Iyo abami ba Babuloni (ubwami bwari bukungahaye cyane kuusha ubundu bwami bwose bwo ku isi) bakomeza iteka kubaha Uwiteka, baba barahawe ubwenge n'imbaraga biba byarabomatanyije na We kandi bigatuma bakomeza gukomera. Nyamara Imana bayigize ubuhungiro bwabo igihe gusa babaga babujijwe amahwemo kandi bahagaritse umutima. Mu bihe nk'ibyo, ubwo babaga bananiwe kubonera ubufasha ku bantu bakomeye babushakiraga ku bantu nka Daniyeli — abantu bari bazi ko bubaha Imana ihoraho kandi na Yo ikabubahisha. Basangaga aba bantu kugira ngo babasobanurire amayobera y'Imana; kuko nubwo abami ba Babuloni yiratagaga [gukomera kwayo] bari abantu bafite ubwenge buhanitse, bari baritandukanyije cyane n'Imana kubwo gucumura ku buryo batari gusobanukirwa ibihishurwa n'imiburo bahabwaga yerekeye ahazaza. {AnA 460.1}

Mu mateka yaranze amahanga, umwigishwa w'ijambo ry'Imana ashobora kubonamo gusohora nyakuri k'ubuhanuzi Imana yatanze. Amaherezo Babuloni yarasenyutse kandi iramenagurika, ivaho irashira bitewe n'uko mu bihe byo kugubwa neza abami bayo bari bariyumvishije ko batagengwa n'Imana kandi icyubahiro cy'ubwami bwabo bakavuga ko gituruka bikorwa bya muntu. Ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi nabwo bwagezweho n'umujinya w'ijuru bitewe n'uko muri bwo amategeko y'Imana yari yarakandagiwe akaribatwa. Kubaha Imana nta mwanya byari byaragize mu mitima y'abantu benshi cyane. Gukiranirwa, gutuka Imana no kwangirika kw'imico byari biganje. Ubwami bwakurikiyeho bwarushijeho kuba bubi no gusayisha; kandi ubwo bwami bwakomeje gusigingira bujya hasi cyane y'urugero rw'imico mbonera. {AnA 460.2}

Ububasha bwose umutware wese wo ku isi akoresha butangwa n'Ijuru; kandi kugera ku ntsinzi kwe gushingira ku buryo abukoresha. Ireba byose yo mu ijuru ibwira buri wese iti: "Nzagukenyeza nubwo utigeze kumenya." Yesaya 45:5. Kandi amagambo yabwiwe Nebukadinezari wa kera ni icyigisho mu buzima kuri buri wese: "Kuzaho ibyaha byawe gukiranuka; kandi ibicumuro byawe ubikuzeho ubikuzeho kugirira abakene impuhwe; ahari aho uzungukirwa amahoro." Daniyeli 4:24 (27). {AnA 461.1}

Gusobanukirwa ibyo bintu, - gusobanukirwa ko “gukiranuka gushyira ubwoko hejuru;” ko “ingoma ikomezwa no gukiranuka,” ko “ingoma . . . . ikomezwa n’imbabazi;” kubona imikorere y’aya mahame mu kwigaragaza k’ububasha bw’Imana yo “ikuraho abami ikimika abandi,” ibyo ni ugusobanukirwa amahame n’ubwenge bikubiye mu mateka. Imigani 14:34; 16:12; 20:28; Daniyeli 2:21. {AnA 461.2}

Mu ijambo ry’Imana honyine ni ho ibi bisobanurwa neza. Muri ryo hagaragarizwa ko imbaraga z’amahanga kimwe n’iz’abantu ku giti cyabo, zitabonerwa mu mahirwe cyangwa akito bibaho bigatuma baba indahangarwa. Nta nubwo izo mbaraga ziboneka mu gukomera kwabo birata, ahubwo kugenzuzwa ubudahemuka basohozanya umugambi w’Imana. {AnA 461.3}

[UMUGABANE WA VI - UMUGEREKA KURI IKI GICE]

Igishushanyo Nebukadinezari Yarose

Ubuhanuzi bukomeye bwerekeye ingoma z’abantu ni cyo gishushanyo cyo mu nzozi za Nebukadinezari umwami wa Babuloni wari umwami ukomeye kandi ufite inyota yo kugera ku rwego rusumbyeho. Yifuje kumenya ibizabaho nyuma y’igihe cye; kandi mu nzozi z’igishushanyo yarose kitashoboraga gusobanurwa n’umuntu n’umwe, Imana yamenyekanishije ibyajyaga kuzabaho. {AnA 462.1}

Nebukadinezari wizeraga ko Babuloni izahoraho iteka, Imana yamuhaye kurota inzozi. Imana kandi ikoresheje umuhanuzi wayo, yahaye Nebukadinezari ubusobanuro bw’izo nzozi kugira ngo Nebukadinezari amenye ko Babuloni itazahoraho iteka ndetse umwami amenye ko ukuri kurenze imigambi yo gukomeza ubwami bwa Babuloni. Imana yahaye Nebukadinezari inzozi n’ubusobanuro bwazo atari ukugira ngo umwami wa Babuloni amenye wenyine, ahubwo ari ukugira ngo umwami wese uzamukurikira azamenye ko ubwami bwo ku isi ari ubw’igihe gito, kandi bugomba guhanguka ndetse ko ubwami buhoraho bwonyine, butazahanguka, ari ubwami bwa Kristo, buhagarariwe na rya buye ryaje guhinduka umusozi munini maze rigakwira isi yose. {AnA 462.2}

Icyo gishushanyo cyose cy’umuntu cyari gihagarariye ubwami bwa muntu; ariko imigabane y’icyo gishushanyo, ibishushanyo by’ibyuma, bihagarariye ubwami bune bukomeye bwahinduye isi bwari guhera mu gihe cya Daniyeli bugakomeza bukaganza ku isi. Ubu bwami butangirira kuri Babuloni, kandi ku mutwe w’icyubahiro cyabwo bwari buyobowe na Nebukadinezari ndetse bwabaye ubwami bwahinduye isi mu buryo bugaragara cyane. Uwitwa A.H. Sayce aravuga ati: “Haba mu baturage benshi no mu mateka ya kera, ubwami bwo mu majyepfo bwa Babuloni bwaruse Ashuri birenze urugero. Aha muri Babuloni ni

habaye ihuriro ndetse n'intangiriro ry'isanzuramuco ryaje gukwira hirya no hino muri Aziya y'Uburasirazuba." 15 {AnA 462.3}

"Muri icyo gihugu havumbuwe ibisigisigi tumwe by'isanzuramuco rya kera ryari riteye imbere bitari byaravumbuwe kimwe n'ibyari bimaze igihe kirekire cyane biriho . . . Babuloni . . . yari ihagarariye umuco, isanzuramuco, ubuvanganzo ndetse n'imbaraga itegeka byose y'ibyerekeye iyobokamana." 16 "Nta murwa mukuru mu isi wigeze uba ihuriro ry'ububasha, ubutunzi n'umuco mu gihe kirekire gityo." 17 {AnA 462.4}

Byari bikwiriye ko ihishurirwa n'umuburo biturutse ku Mana byagombaga guhabwa ubwo bwami bukomeye bwahinduraga isi; ariko Babuloni, ikomeye kandi y'izahabu yaje guhanguka mu mwaka wa 539 MK (Mbere y'ivuka rya Kristo) iyobowe n'abami b'abanyantege nke Nabonidusi n'umuhungu we Berushari. Ibyo byabaye mu gisekuru iri hishurirwa rwatangiwemo. {AnA 463.1}

Babuloni yakurikiwe n'ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi n'umwami wabo Kuro Ukomeye. Hafi imyaka igera kuri magana abiri, Ubuperesi bwashushanywaga n'ifeza yo kuri cya gishushanyo [Nebukadinezari yarose] bwicaye ku ntebe y'ubwami bw'iyi yose. {AnA 463.2}

Mu mwaka wa 331 M.K, Darius III (Codomanusi) yarwaniye ubutegetsi na Alekizanderi Mukuru mu rugamba rwabereye ahitwa Arbela, maze Alekizanderi wo mu Bugiriki ahinduka umwami w'isi. Ikimenyetso cyarangaga Ubugiriki cyari umuringa. Alekizanderi yatanze mu mwaka wa 323 M.K; maze mu myaka mike ubwami bwe bugabanywamo ibice bine byari bihanganye maze mu kinyejana cyakurikiyeho ubwami bucika intege cyane bityo bisigara ari umuhigo w'ubutegetsi bwakomeraga bw'umwami w'abami bwari buherereye ku ruzi rwa Tiberi. {AnA 463.3}

Roma yatsinze umugabane wa Siriya w'ubwami bwa kera bwari bukomeye bw'Ubugiriki mu mwaka wa 190 M.K., itsinda akarere ka Makedoniya k'ubwo bwami bwa kera mu mwaka wa 168 M.K., mu gihe Egiputa na yo yemeye ubutegetsi bw'ubwami bw'icyuma bwa Roma muri uwo mwaka. Nubwo yai ubutegetsi bwa repubulika, mu itangira ryayo Roma yari yunze ubumwe. Nyuma yaho yaje kuba ubwami bukubiye hamwe ubundi bwami. Mu bwami bwa Roma hajemo kwigabanya gushushanywa n'uruvange rw'icyuma n'ibumba. Ibyo byabaye biturutse mu kwigarurirwa kwihuse kwakozwe n'ubwoko bw'ababarubaro bari baturutse mu majyaruguru no mu burasirazuba bw'Uburayi mu kinyejana cya kane; kandi Roma (ubwami bw'icyuma) burasenyuka burundu. Binyuze mu gushyingirana (ari byo ubuhanuzi bwavuzeho ko bazivanga n'urubyaro rw'abantu; ariko batazafatana); hakoreshejwe imbaraga zikomeye kugira ngo ibihugu by'u Burayi bifatanyirizwe (ari byo

byakomotse ku kwigabanya k'ubwami bwa Roma) mu ishyanga rimwe rihuje nyamara ntibyashobotse. Bakoresheje imbaraga za gisirikare, Charlemagne na Napoleon bashatse kubaka ubwami bwunze ubumwe; ariko birabananira. Ubuhanuzi bwavuze ko ibyo bice bitazigera bifatana nk'uko icyuma kidashobora kwivanga n'ibumba. Ijambo rivuga ngo "ntibazafatana," rikomeye cyane kurusha imibanire mu bya politiki y'ibihugu cyangwa imbaraga za gisirikare. {AnA 463.4}

Mu minsi y'amahanga aheruka yigabanyije mu bwami bwa Roma, Imana yo mu ijuru izimika ubwami bwayo butazigera buhanguka kandi butazahabwa ubundi bwoko uretse ubwoko bwayo bwite buzabuturamo iteka ryose. "Kandi izo nzozi ni iz'ukuri, no gusobanurwa kwazo ntiguhinyurwa." {AnA 464.1}

ABANDITSI

IGICE CYA 41 - ITANURA RIGURUMANA

Inzozi z'igishushanyo kinini (cyagaragarije Nebukadinezari ibizabho kugeza ku iherezo ry'ibihe) zari zaratanzwe kugira ngo asobanukirwe uruhare yagombaga kugira mu mateka y'isi, ndetse n'isano ubwami bwe bwari bukwiriye kugirana n'ubwami bw'ijuru. Mu busobanuro bw'izo nzizi, Nebukadinezari yari yarasobanuriwe neza ibyerekeye kwimikwa k'ubwami bw'Imana buzahoraho iteka. Daniyeli yari yaravuze ati: "Ku ngoma z'abo bami, Imana yo mu ijuru izimika ubundi bwami, butazarimbuka iteka ryose; kandi ubutware bwabwo ntibuzazungurwa n'irindi shyanga; ahubwo buzamenagura ubwo bwami bwose bukabutsembaho; kandi buzahoraho iteka ryose . . . . Kandi izo nzozi ni iz'ukuri, no gusobanurwa kwazo ntiguhinyurwa." Daniyeli 2:44, 45. {AnA 465.1}

Umwami Nebukadinezari yari yarazirikanye ububasha bw'Imana abwira Daniyeli ati: "Ni ukuri Imana yanyu ni yo Mana nyamana, . . . ni yo ihishura ibihishywe." Daniyeli 2:47. Nyuma y'icyo gihe, Nebukadinezari yamaze iminsi yarakozwe ku mutima kubwo gutinya Imana; ariko umutima we ntiwari warejejwemo inyota y'iby'isi no kwifuza guhabwa ikuzo. Uko ubwami bwe bwari buguwe neza byamwujuje ubwibone. Igihe cyarageze areka kubaha Imana maze yongera gusenga ibigirwamana abishyizeho umwete uruseho kandi atizigamye. {AnA 465.2}

Amagambo avuga ngo: "wa mutwe w'izahabu ni wowe" yari yarakoze cyane ku mutima w'uyu mwami. Abanyabwenge bo mu bwami bwe bishingikirije kuri ibi maze ndetse n'uko yasubiye gusenga ibigirwamana, maze bamugira inama y'uko yacurisha igishushanyo gisa n'icyo yabonye mu nzozi ze bityo kigashingwa aho abantu bose bashobora kureba umutwe w'izahabu wari warasbanuwe ko uhagarariye ubwami bwe. {AnA 465.3}

Nebukadinezari ashimishijwe n'icyo cyifuzo cyo kumushyeshya, yiyemeje kugishyira mu bikorwa, ndetse aranatandukira arenzaho. Aho kugira ngo acurishe cya gishushanyo nk'uko yari yakibonye, yarengeje umwimerere yari yabonye. Igishushanyo yacurishije nticyagombaga kugenda kigabanya agaciro uhereye ku mutwe ugana ku birenge, ahubwo cyose cyari kuba izahabu — bigaragaza muri Babuloni yose ko ari ubwami buzahoraho iteka, butazasenyuka kandi bufite ububasha bwose, ndetse bwari kumenagura ubundi bwami bwose maze Babuloni igahoraho iteka. {AnA 466.1}

Igitekerezo cyo gushyinga ubwami n'ingoma bizahoraho iteka ryose cyareheje uwo mwami wari ufite ingabo amahanga yo ku isi yari yarananiwe gutsinda. N'ubwuzu bwinshi butewe n'ubwibone no kwifuza kutagira umupaka, Nebukadinezari yagiye inama n'abanyabwenge bo mu gihugu cye ku buryo batuma ibyo bibaho (ubwami bwa Babuloni bukazahoraho iteka). Nebukadinezari yibagiwe ibyiza bigaragara bijyanirana n'inzozi za cya gishushanyo

kinini; yibagiwe kandi ko Imana ya Isirayeli yabinyujije mu muhanuzi Daniyeli yari yaratanze ubusobanuro bw'icyo gishushanyo, ndetse ko kubera ubwo busobanuro abakomeye bo mu bwami bwe bari bararokowe urupfu rukojeje isoni bari bagiye kwicwa; bibagiwe ibyo byose uretse icyifuzo cyabo cyo gukomeza imbaraga zabo n'ubutware bwabo, umwami n'abajyanama be bo mu gihugu biyemeje ko bazakoresha uburyo bwose bagaharanira gukuza Babuloni ikaba ikirangirire, kandi ikubahwa n'isi yose. Igishushanyo Imana yari yarakoresheje igahishurira umwami na rubanda umugambi ifitiye amahanga yo ku isi, noneho cyagombaga gukorwa kugira ngo cyifashishwe mu guhesha ikuzo ububasha bw'umuntu. Ubusobanuro Daniyeli yatanze bwagombaga kwirengagizwa kandi bukibagirana; ukuri kwagombaga gusobanurwa no gukoreshwa nabi. Ikimenyetso cyakozwe n'Ijuru kugira ngo kigaragarize intekerezo z'abantu ibintu by'ingenzi byagombaga kubaho mu gihe kiri imbere, cyagombaga gukoreshwa kugira ngo kibangamire gukwirakwira k'ibyo Imana yashakaga ko abatuye isi bamenya bakabyakira. Uko ni ko binyuze mu migambi y'abantu bari bararikiye, Satani yashakaga uko agwabiza umugambi Imana ifitiye abantu. Umwanzi w'abantu yari azi ko ukuri kutavanze n'ikinyoma ari ari imbaraga ikiza; ariko ko igihe uko kuri gukoreshejwe mu guhesha inarinjye ikuzo no kwagura imishinga y'abantu guhinduka imbaraga iganisha ku kibi. {AnA 466.2}

Nebukadinezari yakoze mu nzu y'ububiko b'umutungo we ikungahaye maze acurisha igishushanyo kinini cyane cy'izahabu gisa rwose muri rusange n'icyo yari yabonye mu nzozi, uretse ko cyacuzwe mu ibuye ry'agaciro rimwe ryihariye mu yari agize icyo yeretswe. Abakaludaya bari bamenyereye gukora ibishushanyo byiza cyane by'ibigirwamana byabo bya gipagani, ariko kugeza icyo gihe ntibari barigeze bacura ikintu kinini cyane kandi gisamaje nk'icyo gishushanyo cyari gifite uburebure bwa metero mirongo itatu n'ubugari bwa metero eshatu. Mu gihugu gusenga ibigirwamana byari biganje muri rubanda hose, ntabwo bitangaje kubona igishushanyo (cyari cyiza kandi gifite agaciro katagerwa cyari mu kibaya cya Dura, ndetse cyagaragazaga ikuzo rya Babuloni n'ubwiza bwayo n'imbaraga zayo) cyareguriwe kugirwa ikintu baramya. Ibyo byarateganyijwe maze hatangwa itegeko rikwira hose ko ku munsi wo gutaha [icyo gishushanyo] abantu bose bakwiriye kuzagaragaza ko bumvira bikomeye ububasha bwa Babuloni babinyujije mu kunamira icyo gishushanyo. {AnA 467.1}

Umunsi wagenwe warageze maze imbaga y'abantu "b'amahanga yose n'amoko yose n'abavuga indimi zitari zimwe," iteranira mu kibaya cya Dura. Nk'uko itegekory'umwami ryari ryabivuze, igihe ijwi ry'umuziki ryari kumvikana, iyo mbaga yose yari "kwikubita hasi ikaramya ishusho y'izahabu." Kuri uwo munsi, imbaraga z'umwijima zasaga n'izanesheje bikomeye. Kuramya ishusho y'izahabu byagaragazaga neza ko womatanye burundu

n'uburyo bwashyizweho bwo gusenga ibigirwamana bwari buzwi nk'idini y'icyo gihugu. Kubw'ibyo Satani yiringiraga gutsinda umugambi w'Imana wo gutuma abanyagano b'Abisirayeli bari i Babuloni baba inzira y'umugisha ku mahanga yose y'abapagani. {AnA 468.1}

Ariko Imana yatanze itegeko rihabanye n'iryo. Ntabwo abantu bose bapfukamye ngo baramye igishushanyo cy'ikigirwamana cyerekana ububasha bw'umuntu. Hagati mu mbaga y'abari aho baramya harimo abagabo batatu bari biyemeje bakomeje ko batarasuzugura Imana yo mu ijuru bato. Imana yabo yari Umwami w'abami, n'Umutware utwara abatware. Nta yindi bari gupfukamira. {AnA 468.2}

Nebukadinezari yagejejweho ubutumwa ko mu bisonga bye harimo bamwe bahangaye gusuzugura itegeko rye. Bamwe mu banyabwenge bari baratewe ishyari n'icyubahiro cyari cyarahawe bagenzi ba Daniyeli b'indahemuka, noneho babwiye umwami uko abo bagenzi ba Daniyeli bihandagaje bakarenga ku byo ashaka. Baravuze bati: "Nyagasani Nyaguhoraho. . . . Nuko rero hariho Abayuda wahaye gutwara igihugu cy'i Babuloni, ni bo Saduraka na Meshaki na Abedenego, batakwitayeho, Nyagasani, ntibakorera imana zawe, kandi banze kuramya cya gishushanyo cy'izahabu wahagaritse." {AnA 468.3}

Umwami yategetse ko abo bantu bazanwa imbere ye, maze bahageze arababaza ati: "Mbese ni koko ntimusenga imana zanjye kandi ntimuramya ishusho y'izahabu nahagaritse?" Yagerageje kubakangisha kugira ngo abatere kwifatanya n'imbaga y'abandi [basengaga cya gishushanyo.] Yaberetse itanura riguumana maze abibutsa igihano kibategereje nibakmeza kwinangira bakanga kumvira ubushake bwe. Ariko abo Baheburayo barahikamye bahamya ko bubaha Imana yo mu ijuru kandi ko bizera ububasha bwayo bwo gukiza. Abantu bose bari basobanukiwe ko igikorwa cyo kunamira igishushanyo ari igikorwa cyo kuramya. Imana yonyine ni yo abo Baheburayo bashoboraga guha icyo cyubahiro. {AnA 469.1}

Ubwo abo Baheburayo batatu bahagararaga imbere y'umwami Nebukadinezari, yabonye ko bafite ikintu abandi banyabwenge bo mu bwami bwe batari bafite. Bari barabaye indahemuka mu gusohoza inshingano zose. Umwami yashatse kubagerageza ubwa kabiri. Iyo gusa bagaragaza ubushake bwabo bwo kwifatanya n'imbaga mu kuramya icyo gishushanyo, bayri kubabera byiza. Ariko yongeyeho ati: "nimutakiramya, ako kanya murajugunywa mu itanura ry'umuriro ugurumana." Nuko azamura ukuboko kwe n'agasuzuguro kenshi, arababaza ati: "Mbese imana iri bubakize amaboko yanjye ni iyihe?" {AnA 469.2}

Ibikangisho by'umwami byabaye imfabusa. Umwami ntiyashoboraga guteshura abo bagabo ku kubaha Umutegeka w'isi n'ijuru kwabo. Uhereye ku mateka ya ba sekuruza babo, bari

barize gusuzugura Imana bibyara gusuzugurika, ibyago ndetse n'urupfu; kandi ko kubaha Uwiteka ari ryo tangiriro ry'ubwenge ndetse n'ishingiro ryo kugubwa neza nyakuri kose. Bitegereje itanura ry'umuriro batuje maze baravuga bati: "Nebukadinezari, nta mpamvu ituma tugusubiza iryo jambo. Niba ari ibyo, Imana yacu dukorera ibasha kudukiza mu itanura ry'umuriro ugurumana, kandi izadukiza ukuboko kwawe nyagasani." Ukwizera kwabo kwakomejwe ubwo bavugaga Imana irahabwa ikuzo kubwo kubarokora, maze kubw'ibyiringiro byo kunesha bikomotse ku kwiringira Imana kutajegajega, bongeraho bati: "Ariko naho itadukiza, Nyagasani, umenye ko tutari bukorere imana zawe haba no kuramya icyo gishushanyo cy'izahabu wakoze." {AnA 470.1}

Uburakari bw'umwami bwaramusabye. "Azabiranywa n'uburakari, mu maso hahinduka ukundi, areba Saduraka na Meshaki na Abedenego," bari bahagarariye ubwoko bw'insuzugurwa kandi bwazanywe mu bunyage. Umwami yatanze amabwiriza ko itanura ryenyegezwa kugira ngo rirushe uko ryari rikwiriye kwaka karindwi, yategetse kandi abanyambaraga nyinshi bo mu ngabo ze kuboha abaramya Imana ya Isirayeli, bakitegura kubajugunya mu muriro. {AnA 470.2}

"Nuko baboha abo bagabo uko bakambayeamafurebo n'imyambaro n'imyitero n'ibindi bambaye, babajugunya mu itanura ry'umuriro ugurumana. Maze kuko itegeko ry'umwami ryari iry'ikubagahu, kandi umuriro ugurumana cyane, bituma ibirimi by'umuriro bisumira abo bagabo bari bateruye Saduraka na Meshaki na Abedenego, birabica." {AnA 470.3}

Ariko Uwiteka ntiyigeze yibagirwa abe. Ubwo abahamya be bajugunywaga mu itanura y'umuriro, Umukiza ubwe yarabigaragarije, maze bagendagendana hagati muri iryo tanura. Imbere y'Umwami w'ubushyuhe n'ubukonje, ibirimi by'umuriro byatakaje imbaraga yabyo yo gutwika bigakongora. {AnA 471.1}

Umwami yarebeye kuntebe ye ya cyami yiteze ko arabona ba bantu bamusuzuguye bahiye bagakongoka. Ariko ibyo yibwiraga by'intsinzi byahise bihinduka. Ibyegera byari bihagaze hafi aho byabonye mu maso he hahindutse ukundi ubwo yahagurukanaga ingoga mu ntebe ye ya cyami maze agatumbira mu birimi by'umuriro. Umwami yaratangaye cyane maze ahindukirira ibyegera bye arabaza ati: "Harya ntitwajugunye mu muriro abantu batatu baboshywe? . . . . Dore ndareba abantu bane babohowe bagenda mu muriro hagati, kandi nta cyo babaye. Ariko ishusho y'uwa kane irasa n'iy'umwana w'Imana." {AnA 471.2}

Mbese uriya mwami w'umupagani yamenye ate ko Umwana w'Imana asa atyo? Ba banyagano b'Abaheburayo bari mu myanya y'icyubahiro i Babuloni bari baragaragarije ukuri mu buzima bwabo n'imico yabo imbere y'umwami. Igihe babazwaga impamvu yo kwizera kwabo, bari barayivuze badashidikanya. Bari baragaragaje amahame yo gukiranuka

beruye kandi boroheje, bityo bakigisha ababazengurutse iby'Imana baramyaga. Bari baravuze ibya Kristo, Umucunguzu wari kuzaza; bityo mu ishusho y'umuntu wa kane wari mu itanura ry'umuriro umwami abonamo ko ari Umwana w'Imana. {AnA 471.3}

Ubu noneho Nebukadinezari yibagiwe gukomera kwe n'icyubahiro cye maze amanuka mu ntebe ye ya cyami bityo ajya mu munwa w'itanura, arahamagara ati: "Bagaragu b'Imana Isumbabyose mwe, nimusohoke muze hano." {AnA 472.1}

Nuko Shadarake na Meshaki na Abedenego basohokera imbere y'imbaga nini y'abantu babiyereka ntacyo babaye. Kuba Umukiza wabo yari kumwe na bo byabarinze kugira icyo baba, uretse gusa imigozi yari ibaboshye ni yo yari yahiye. "Maze abatware b'intebe n'ibisonga byabo, n'abanyamategeko n'abajyanama b'umwami baraterana bareba abo bagabo, basanga umuriro utashoboye kugira icyo ubatwara, kandi umusatsi wo ku mitwe yabo utababutse, n'imyambaro yabo nta cyo yabaye habe ngo wakumva umuriro ubanukaho." {AnA 472.2}

Cya gishushanyo cy'izahabu kinini cyari cyahagarikanywe ishema cyari cyibagiranye. Abantu bagize ubwoba kandi bahindira umushyitsi imbere y'Imana ihoraho. Byabaye ngombwa ko wa mwami wari wacishijwe bugufi yatura akavuga ati: "Imana ya Saduraka na Meshaki na Abedenego ishimwe, ni yo yohereje marayika wayo ikiza abagaragu bayo bayiringiye, kuko bigurukije ijambo ry'umwami bagahara amagara yabo, kugira ngo batagira indi mana yose bakorera cyangwa basenga itari Imana yabo." {AnA 472.3}

Ibyabaye uwo munsi byateye Nebukadinezari guca iteka ko: "umuntu wese wo mu moko yose y'indimi zitari zimwe uzavuga nabi Imana ya Saduraka na Meshaki na Abedenego, azatemagurwe kandi urugo rwe ruzahindurwe nk'icyavu." Yavuze ko impamvu aciye iryo teka ari uko "nta yindi mana ibasha gukiza bene aka kageni." {AnA 472.4}

Muri ayo magambo ndetse n'andi nk'ayo umwami w'I Babuloni yashishikariraga gukwiza hirya no hino imbere y'amoko yose yo ku isi ko yemera ko ububasha n'ubutware by'Imana y'Abaheburayo bikwiriye kuramywa bihebuje. Kandi Imana yashimishijwe cyane n'umwete w'umwami wo kuyereka kuyubaha no kwatura icyubahiro cyayo umwami yakwije mu bwami bwose bwa Babuloni. {AnA 473.1}

Byari bikwiriye ko umwami yatura mu ruhame, kandi agashaka guhesha ikuzo Imana yo mu ijuru akayirutisha ibigirwamana byose; ariko muri uko gushishikarira guhatira abo ategeka kwatura ukwizera kwabo no kugaragaza ukubaha nk'ukwe, Nebukadinezari yarengaga ku burenganzira bwe nk'umwami umara igihe gito. Nta burenganzira yari agifite bwaba ubwa gisiviri cyangwa umuco bwo gukangisha abantu urupfu kubwo kutaramya Imana burenze ubwo guca iteka ryashyiraga mu muriro ugurumana abantu bose banze kuramya

igishushanyo cy'izahabu. Imana ntiyigera ihatira umuntu kuyumvira. Irekera abantu bose umudendezo wo guhitamo uwo bazakorera. {AnA 473.2}

Kubwo kurokora abagaragu bayo b'indahemuka, Uwiteka yagaragaje ko abana n'abakandamizwa agahagararana nabo, kandi agacyaha abatware bose bo ku isi bigomeka ku butware bw'Ijuru. Bariya Baheburayo batatu bagaragarije ishyanga rya Babuloni ryose ukwizera kwabo bizera uwo baramya. Bishingikirizaga ku Mana. Mu isaha yo kugeragezwa kwabo bibutse isezerano ngo: "Nunyura mu mazi nzaba ndi kumwe na we; nuca no mu migezi, ntizagutembana; nunyura mu muriro ntuzashya, kandi ibirimi byawo ntibizagufata." Yesaya 43:2. Kandi ukwizera Ijambo rizima kwabo kwagororewe mu buryo butangaje mu maso y'abantu bose. Inkuru yo kurokorwa kwabo mu buryo bw'igitangaza yagejejwe mu bihugu byinshi n'intumwa z'amahanga atandukanye zari zatumiwe na Nebukadinezari kuza mu itahwa ry'igishushanyo yari yakoze. Imana yahawe ikuzo ku isi yose binyuze mu kuba indahemuka kw'abana ba Yo. {AnA 473.3}

Hari ibyigisho by'ingenzi twakwigira ku byabaye ku basore b'Abaheburayo mu kibaya cya Dura. Muri iki gihe cyacu, nubwo nta kibi bazaba bakoze, benshi mu bagaragu b'Imana bazatangwa mu maboko y'abantu buzuye ishyari n'ubugome mu by'idini bakoreshwa na Satani kugira ngo bakozwe isoni kandi bahohoterwe. By'umwihariko, umujinya w'abantu uzahagurukira abubahiriza Isabato yo mu itegeko rya kane; kandi amaherezo ku isi hazacibwa iteka rirwanya bene abo ribacira urwo gupfa. {AnA 474.1}

Igihe cy'amakuba kiri imbere y'ubwoko bw'Imana kizasaba kugira ukwizera kutadohoka. Abana bayo bagomba kugaragaza ko ari Yo baramya yonyine, kandi ko nta kintu ka kimwe gifite agaciro, ndetse n'ubuzima ubwabwo, gishobora kubashora na gato mu kuramya kutari uk'ukuri. Ku mutima w'indahemuka [ku Mana], amategeko y'abantu b'abanyabyaha kandi bagira iherezo azahinduka ubusa imbere y'ijambo ry'Imana ihoraho. Ukuri kuzumvirwa nubwo ingaruka zo kukumvira zizaba ari ugufungwa cyangwa guhunga cyangwa se urupfu. {AnA 474.2}

Nk'uko byagenze mu gihe cya Shadarake, Meshake na Abedenego, ni ko no mu gihe giheruka cy'amateka y'isi Uwiteka azagira icyo akorera bikomeye abahagararira ukuri bashikamye. Uwagendanye n'abasore b'Abaheburayo mu itanura ry'umuriro azabana n'abayoboke be aho bazaba bari hose. Kubana nabo kwe kuzabahumuriza kandi kubakomeze. Hagati mu gihe cy'amakuba (amakuba atarigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho) abo Uwiteka yitoranyirije bazahagarara batanyeganyezwa. Satani n'ingabo z'ikibi zose ntizishobora kurimbura umunyantege nke hanyuma y'abandi wo mu bera b'Imana. Abamarayika bahebuje mu mbaraga bazabarinda, kandi Uwiteka

azabigaragariza ari “Imana isumba ibigirwamana,” ishoboye gukiza rwose abayiringiye. {AnA 474.3}

IGICE CYA 42 - GUKOMERA NYAKURI

Nubwo yari yarakujijwe akagera ku gasongero k'icyubahiro cy'isi, ndetse n'Uwiteka akaba yari amuzi ko ari "umwami w'abami" (Ezekiyeli 26:7), incuro nyinshi Nebukadinezari yari yaragiye azirikana ko ikuzo ry'ubwami bwe n'ubwiza buhebuje bw'ingoma ye bituruka ku buntu bw'Uwiteka. Uko ni ko byagenze nyuma y'igishushanyo kinini yarose. Intekerezo ze zari zarakozweho mu buryo bwimbitse n'izi nzozi ndetse no gutekereza ko Ubwami bwa Babuloni, nubwo bwari bukwiriye isi yose, amaherezo bwari kuzahanguka maze ubundi bwami bukabuzimbura, kugeza ubwo amaherezo ubutegetsi bwose bwo ku isi buzasimburwa n'ubwami buzimikwa n'Imana yo mu ijuru, Yo izahanga ubwami butazigera buhanguka. {AnA 475.1}

Uburyo bukomeye Nebukadinezari yasobanukiwe umugambi Imana ifitiye amahanga bwaje kwibagirana nyuma y'aho mu byo yanyuragamo; nyamara igihe umutima we w'ubwibone wacishirizwaga bugufi imbere y'imbaga y'abantu mu kibaya cya Dura, yari yarongeye kuzirikana ko ubwami bw'Imana ari "bwo bwami butazashira, kandi ingoma yayo ihoraho, uko ibihe bihaye ibindi." Nubwo Nebukadinezari yavukiye mu basenga ibigirwamana kandi na we akabitozwa, ndetse akaba yari umwami w'ishyanga risenga ibigirwamana, yari afite umutima mwiza yavukanye w'ubutabera n'ukuri, kandi Imana yashoboraga kumukoresha nk'uburyo bwo guhana ibyigomeke ndetse no gusohoza umugambi wayo. Nyuma y'imyaka myinshi yo kwihangana, Nebukadineza yahawe gutsinda "inzaduka z'abanyamahanga bateye ubwoba" (Ezekiyeli 28:7), atsinda Tiro; Egiputa na yo itsindwa n'ingabo ze zikomeye; kandi uko yagendaga atsinda ibihugu abyomeka ku bwami bwa Babuloni, ni ko yagendaga yongera kumenyekana kwe nk'umwami uruta abandi muri icyo gihe. {AnA 475.2}

Ntabwo bitangaje kubona uriya mwami (wari warageze ku byo yifuzaga, wari ufite inyota kandi wari ufite umutima wuzuwe ubwibone), yaragiye mu gishuko cyo guteshuka inzira yo ***kwicisha bugufi*** kandi ari yo yonyine igeza ku gukomera nyakuri. Igihe yabaga atari mu ntambara zo kwigarurira ibihugu yatekerezaga cyane ku gukomeza no kurimbisha umurwa mukuru we kugeza ubwo amaherezo umurwa wa Babuloni waje guhinduka ikuzo ry'ubwami bwe, "umurwa w'izahabu," "ikuzo ry'isi yose." Ubwuzu bwe nk'umwubatsi ndetse n'uko yari yarageze ku byo yifuzaga mu buryo bukomeye atuma Babuloni ihinduka kimwe mu bitangarirwa byo ku isi, ibyo byahaye urwaho ubwibone bwe kugeza ubwo yari mu kaga gakomeye ko kwangiriza ibyari bimuzwiho nk'umwami w'umunyabwenge Imana yari gukomeza gukoresha nk'igikoresho cyo gusohoza umugambi wayo. {AnA 476.1}

Mu mbabazi zayo Imana yahaye umwami Nebukadinezari izindi nzozi kugira ngo imiburire iby'akaga yarimo ndetse n'umutego yari yaratezwe ngo uzamurimbure. Mu nzozi za nijoro, Nebukadinezari yabonye igiti kinini cyane cyakuze cyane mu isi maze ubushorishori bwacyo bugakora ku ijuru kandi amashami yacyo akagera ku mpera z'isi. Amashyo n'imikumbi byo mu misozi byazaga byazaga gushakira amahumbezi munsi y'igicucu cyacyo, kandi inyoni zo mu kirere zubakaga ibyari byazo mu mashami yacyo. "Ibibabi byacyo byari byiza, cyari guhunze imbuto nyinshi, kandi muri cyo harimo ibyokurya bihaza abantu bose . . . kandi ibyari bifite umubiri byose byatungwaga nacyo." {AnA 477.1}

Ubwo umwami Nebukadinezari yitegerezaga icyo giti cy'inganzamarumbu, yabonye "Uwera wagizwe Umurinzi" wegereye icyo giti maze avuga n'ijwi rirenga ati: "Tsinda icyo giti ugikokoreho amashami, ugihungureho ibibabi, unyanyagize imbuto zacyo, kugira ngo inyamaswa zikive munsi kandi n'ibisiga bive mu mashami yacyo. Ariko igishyitsi n'imizi byacyo ubihambirize ibyuma n'imiringa, ubirekere mu gitaka mu bwatsi bwo ku gasozi, kugira ngo kijye gitondwaho n'ikime kiva mu ijuru, kandi kirishane n'inyamaswa ubwatsi bwo ku gasozi. Maze umutima wacyo we kugumya kuba nk'uw'umuntu, ahubwo gihabwe umutima nk'uw'inyamaswa, kimere gityo ibihe birindwi. Iki gihano cyategetswe n'abarinzi gihamywa n'ijambo ry'abera, kugira ngo abakiriho bamenye ko Isumbabyose ari yo itegeka ubwami bw'abantu, kandi ko ibugabira uwo ishaka ikimikamo uworoheje nyuma ya bose." Daniyeli 4:11-14. {AnA 477.2}

Umwami ahagaritswe umutima cyane n'izo nzozi zamuhanuriraga ibyago nk'uko byagaragaraga, yazirotoreye "abapfumu n'abakonikoni n'Abakaludaya n'abashitsi;" ariko nubwo izo nzozi zumvikanaga rwose, nta n'umwe mu banyabwenge washoboye kuzisobanura. {AnA 477.3}

Muri iki gihugu cyasengaga ibigirwamana hagombaga kongera gutangwa ubuhamya bwerekana ko abakunda Imana kandi bakayubaha bonyine ari bo bashobora gusobanukirwa ubwiru bw'ubwami bw'ijuru. Umwami mu guhagarika umutima kwe yatumye ku mugaragu we Daniyeli, umugabo wubahwaga kubera ubupfura bwe no kudahuzagurika ndetse n'ubwenge bwe butagereranywa. {AnA 478.1}

Igihe Daniyeli yitabaga ihamagara ry'umwami maze akamuhagarara imbere, Nebukadinezari yaravuze ati: "Yewe Beluteshazari mutware w'abakonikoni, nzi ko umwuka w'imana zera aba muri wowe, kandi ko nta bihishwe unanirwa guhishura, cyo mbwira ibyo neretswe mu nzozi narose kandi n'uko bisobanurwa" Nyuma yo kumurondorera izo nzozi, Nebukadinezari yaravuze ati: "Nuko Beluteshazari, cyo zinsobanurire ubwo abanyabwenge bose bo mu gihugu cyanjye badashoboye

kuzinsobanurira, ariko wowe urabibasha kuko umwuka w'imana zera ukurimo." {AnA 478.2}

Kuri Daniyeli ubusobanuro bw'izo nzizi bwarumvikanaga, kandi ubusobanuro bwazo bwamuteye ubwoba: "Nuko Daniyeli wahimbwe Beluteshazari amara akanya yumiwe, ahagarikwa umutima n'ibyo atekereje." Umwami abonye gushidikanya no guhagarika umutima kwa Daniyeli ni ko kugaragaza impuhwe afitiye umugaragu we. Yaravuze ati: "Yewe Beluteshazari, izo nzozi no gusobanurwa kwazo bye kuguhagarika umutima." {AnA 478.3}

Daniyeli yarasubije ati: "Nyagasani, izo nzozi zirakaba ku banzi bawe, kandi gusobanurwa kwazo kurakaba ku babisha bawe." Umuhanuzi Daniyeli yabonye ko Imana yamuhaye inshingano ikomeye yo guhishurira Nebukadinezari igihano cyari kigiye kumugeraho bitewe n'ubwibone bwe no kwikuza kwe. Daniyeli yagombaga gusobanura inzozi mu rurimi umwami yashoboraga kumva; kandi nubwo ubusobanuro bwazo buteye ubwoba bwari bwamuteye gushidikanya agaceceka yumiwe, yagombaga kuvuga ukuri atitaye ku ngaruka izo ari zo zose zari kumugeraho. {AnA 479.1}

Nuko Daniyeli amenyesha umwami iteka ry'Ishoborabyose agira ati: "Nuko icyo giti wabonye gikura kigakomera, ubushorishori bwacyo bukagera ku ijuru, kikitegera abo ku mpera y'isi yose, kandi ibibabi byacyo byari byiza kikaba cyari gihunze imbuto nyinshi, muri cyo hakaba harimo ibyokurya bihaza abantu bose, kandi inyamaswa zo mu ishyamba zikaba munsi yacyo, ibisiga byo mu kirere bikaba mu mashami yacyo, icyo giti ni wowe, nyagasani. Warakuze urakomera. Gukomera kwawe kurakura kugera ku ijuru, n'ubutware bwawe bugera ku mpera y'isi. {AnA 479.2}

"Kandi nk'uko umwami yabonye uwera wagizwe umurinzi amanuka ava mu ijuru, akavuga ngo 'Tsinda icyo giti ukimareho, ariko igishyitsi n'imizi byacyo ubihambirize icyuma n'umuringa ubirekere mu gitaka mu bwatsi bwo ku gasozi, kugira ngo kijye gitondwaho n'ikime kiva mu ijuru, kandi kirishane n'inyamaswa zo mu ishyamba kugeza aho ibihe birindwi bizashirira.' "Nuko nguku gusobanurwa kwabyo, nyagasani: umenyeko ari itegeko ry'Isumbabyose rigeze ku mwami databuja ngo: Uzirukanwa mu bantu ubane n'inyamaswa zo mu ishyamba, uzarisha nk'inka, uzatondwaho n'ikime kiva mu ijuru uzamare ibihe birindwi umeze utyo, kugeza aho uzamenyera ko Isumbabyose ari yo itegeka ubwami bw'abantu, ikabugabira uwo ishaka wese. Kandi nk'uko bategetse ko igishyitsi n'imizi by'icyo giti bigumaho, ni ko ubwami bwawe buzakomeza kuba ubwawe, umaze kumenya ko ijuru ari ryo ritegeka." {AnA 479.3}

Daniyeli amaze gusobanura inzozi nk'uko ziri, yasabye uwo mwami w'umwibone kwihana no guhindukirira Imana, amubwira ko akwiriye guhagarika ako kaga ntikamubeho akoresheje gukora ibitunganye. Daniyeli yinginze umwami ati: "Ni cyo gituma ngusaba, nyagasani, ngo wemere inama nkugira: Kuzaho ibyaha byawe gukiranuka kandi ibicumuro byawe ubikuzeho kugirira abakene impuhwe, ahari aho uzungukirwa amahoro." {AnA 480.1}

Umuburo n'inama umuhanuzi yatanze byamaze igihe gito byakoze ku mutima wa Nebukadinezari; ariko bidatinze umutima utarahinduwe n'ubuntu bw'Imana uhita urekura uko Mwuka Wera yari yawukozeho. Kwikuza no kurarikira byari bitararandurwa mu mutima w'umwami, maze nyuma y'aho za ngeso zongera zongera kugaragara. Atitaye ku mabwiriza yari yahawe n'umutima mwiza ndetse n'imiburo y'ibyari byaramubayeho mu gihe cyashize, Nebukadinezari yongeye kwemera ubwe kuyoborwa n'umwuka wo kugirira ishyari ubwami bwagombaga gukurikiraho. Ubutegetsi bwari busanzwe burangwa n'ubutabera n'impuhwe ku rwego rukomeye, bwaje guhinduka ubutegetsi bukandamiza. Yinangiye umutima maze impano Imana yamuhaye azikoresha yihesha ikuzo kandi yishyira hejuru y'Imana yari yaramuhaye ubuzima n'ububasha. {AnA 480.2}

Hashize amezi menshi urubanza rw'Imana rutegereje gusohora. Ariko aho kugira ngo uko kwihanga kw'Imana kumutere kwihana, umwami yahaye intebe ubwibone bwe kugeza ubwo atakomeje kwizera ubusobanuro bwa za nzozi, maze ubwoba yari yaragize abuhindura urw'amenyo. {AnA 480.3}

Ubwo hari hashize umwaka amaze guhabwa umuburo, Nebukadinezari yagendagendaga mu ngoro ye kandi atekerezanya ubwibone iby'imbaraga ze nk'umwami ndetse n'ibyo yagezeho nk'umwubatsi ni ko kuvuga ati: "Ngiyi {AnA 481.1}

Babuloni hakomeye niyubakiye ngo habe umurwa wanjye nturaho, mpubakishije imbaraga z'amaboko yanjye ngo haheshe ubwami bwanjye icyubahiro." {AnA 481.2}

Igihe umwami yari agisohora ayo magambo y'ubwibone mu kanwake, ijwi ryavugiye mu ijuru ko igihe Imana yashyizeho cy'urubanza rwe cyageze. Yagiye kumva yumva iteka Uwiteka amuciriye ati: "Yewe Mwami Nebukadinezari, ni wowe ubwirwa. Ubwami bwawe ubukuwemo, bazakwirukana bagukure mu bantu, ubane n'inyamaswa zo mu ishyamba kugeza aho uzamenyera ko Isumbabyose ari yo itegeka ubwami bw'abantu, kandi ko ibwimikamo uwo ishaka." {AnA 481.3}

Mu kanya gato, ubwenge Imana yari yaramuhaye bumuvamo; gushyira mu gaciro umwami yatekerezanyaga, ubwenge yiratanaga ubwe bumukurwamo, maze wa wundi wahoze ari umwami ahinduka umusazi (maniac). Ukuboko ntikwari kugishoboye gufata inkoni

y'ubwami. Ubutumwa bw'imbuzi bwari bwarirengagijwe; noneho yakuwe ku butware Umuremyi we yari yaramuhaye maze yirukanwa mu bantu. Nebukadinezari "akajya arisha nk'inka, umubiri we utondwaho n'ikime kiva mu ijuru kugeza aho umusatsi we wabereye urushoke nk'amoya y'ikizu, inzara ze zihinduka nk'iz'ibisiga." Nebukadinezari yamaze imyaka irindwi atangarirwa n'abagaragu be bose; yamaze imyaka irindwi yaracishirijwe bugufi imbere y'abatuye isi bose. Nuko yongera kugarura ubwenge, nuko yubura amaso yicishije bugufi areba ku Mana yo mu ijuru, maze abona ko ukuboko kw'Imana ari ko kwamuhannye. Yeruriye mu ruhame maze yatura icyaha kandi ahamya imbabazi zikomeye z'Imana zigaragaye muri uko gukomorerwa kwe. Yaravuze ati: "Hanyuma y'iyo minsi jyewe Nebukadinezari nuburira amaso yanjye mu ijuru, ngarura akenge mperako nshima Isumbabyose, ndayambaza nubaha Ihoraho iteka ryose, kuko ubwami bwayo ari bwo bwami butazashira, kandi ingoma yayo izahoraho uko ibihe bihaye ibindi. Ariko abo mu isi yose ni nk'ubusa imbere yayo, ikora uko ishaka mu ngabo zo mu ijuru no mu bantu bo mu isi, kandi nta wubasha kuyikoma mu nkokora cyangwa kuyibaza ati "Uragira ibiki? {AnA 481.4}

"Icyo gihe nsubizwamo ubwenge, ubwiza burabagirana nahoranye bungarukamo, butuma ubwami bwanjye bugira icyubahiro. Maze abajyanama banjye n'abatware banjye baza kunshaka, mperako nkomezwa mu bwami bwanjye ndetse nongerwa icyubahiro cyinshi." {AnA 482.1}

Wa mwami wigeze kuba umwibone yari yarahindutse umwana w'Imana wicisha bugufi; uwari umwami w'umunyagitugu akandamiza abandi yari yarahindutse umwami w'umunyabwenge kandi w'umunyampuhwe. Uwari yarasuzuguye kandi agahinyura Imana yo mu ijuru noneho yemeye ububasha bw'Imana Isumbabyose kandi ashishikarira gukangurira abantu kubaha Uwiteka no guharanira umunezero w'abo yayoboraga. Kubwo gucyahwa n'Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware, amaherezo Nebukadinezari yari yarize icyigisho abami n'abategetsi bose bakaneye kwiga: Icyo cyigisho ni uko gukomera nyakuri ari ukugira imico myiza nyakuri y'ubupfura n'ubugwaneza. Nebukadineza yazirikanye ko Uwiteka ari we Mana ihoraho avuga ati: "None jyewe Nebukadinezari ndashimisha Umwami wo mu ijuru, ndamusingiza, ndamwubaha kuko imirimo ye yose ari iy'ukuri kandi inzira ze ari izigororotse, ariko abibone abasha kubacisha bugufi." {AnA 482.2}

Umugambi Imana yari ifite w'uko ubwami bukomeye kurusha ubundi bwose ku isi bwagaragaza ikuzo ryayo noneho warasohoye. Uku kwaturira mu ruhame aho Nebukadinezari yahamije imbabazi z'Imana, kugira neza kwayo n'ubutware bwayo, ni ko kwabaye igikorwa giheruka yakoze mu buzima bwe cyanditswe mu mateka yera. {AnA 483.1}

IGICE CYA 43 - UMURINZI (UWITEGEREZAGA) UTABONESHWA (UTARABONESHWAGA) IJISHO

Ahagana ku iherezo ry'ubuzima bwa Daniyeli, hari impinduka zikomeye zari ziri kuba mu gihugu we na bagenzi be b'Abaheburayo baribarajyanywemo ari abanyagano bamazemo imyaka isaga mirongo itandatu. Nebukadinezari wateraga amahanga ubwoba yari yarapfuye (Ezekiyeli 28:7), kandi Babuloni "inyamibwa y'isi yose" (Yeremiya 51:41), yari yaragiye inyura mu miyoborere mibi y'abamusimbuye, bityo ingaruka iba guhanguka kwayo kwabagaho buhoro buhoro kandi nta kiguhagarika. {AnA 483.2}

Binyuze ku bupfapfa n'intege nke za Belushazari, umwuzukuru wa Nebukadinezari, Babuloni yarangwaga n'ubwibone yagombaga guhanguka bidatinze. Kubera kwemererwa gukora inshingano z'ubwami akiri umusore, Belushazari yirase ububasha bwe kandi ashyirira umutima hejuru kurwanya Imana yo mu ijuru. Yari yaragize amahirwe menshi yo kumenya ubushake bw'Imana no gusobanukirwa inshingano afite yo kuyubaha. Yari yaramenye uko sekuru yigeze gucibwa mu bantu kubw'iteka ry'Imana; kandi yari azi neza uko Nebukadinezari yahindutse n'uburyo yakomorewe mu buryo bw'igitangaza. Ariko Belushazari yemereye gukunda ibinezeza no kwikuza maze bihanagura ibyigisho atari akwiriye kwibagirwa. Yapfushije ubusa amahirwe yari yarahawe mu buryo bw'agahozo, kandi yirengagiza gukoresha uburyo yari afite bwo kurushaho kumenya ukuri mu buryo bwuzuye. Ibyo Nebukadinezari yari yaragezeho ku iherezo ry'umubabaro no gucishwa bugufi bitavugwa, Belushazari yarabyirengagije arabihinyura. {AnA 484.1}

Ntibyatinze maze habaho impinduka. Babuloni yagoswe na Kuro, mwishywa wa Dariyusi w'Umumede, kandi akaba ari na we wayoboraga ingabo zishyize hamwe z'Abamedi n'Abaperesi. Ariko Belushazari wasayishaga yumvise atekanye maze ahugira mu gusayisha no kuvuyarara ari mu gihome cyasaga n'ikitamenwa kandi cyari gifite inkuta nini cyane n'inzugi zazo z'icyuma kandi cyari gikikijwe n'uruzi Efurati. Icyo gihome kandi cyarimo ububiko bw'ibiribwa byinshi. {AnA 484.2}

Mu bwibone bwe no kwishyira hejuru, ari aho atekanye yumva nta kibi yikanga, Belushazari "ararika abatware be bakuru igihumbi, nga baze mu birori, abatunganiriza ibyokurya n'ibyokunywa; muri ibyo birori umwami na we anywera vino imbere y'abo batware igihumbi." Ibikurura byose ubukungu n'ububasha bishobora gusaba, byongereye ubwiza ibyo birori. Abagore b'uburanga n'ibikurura byabo bari bari mu bashyitsi batumiwe mu munsi mukuru ibwami. Abagabo b'abahanga kandi bize bari bahari. Ibikomangoma n'abatware banyweye inzoga nk'abanywa amazi maze inzoga ibageza aho ibahindura nk'abasazi (and leveled under its maddening influence). {AnA 485.1}

Ubwenge bwa Belushazari bwari bwataye umurongo binyuze mu gusinda gukojeje isoni, kandi noneho ibyifuzo bibi no kurarikira nibyo byategekaga, bityo umwami ubwe afata iya mbere mu gusayisha gukabije. Ubwo ibirori byakomezaga, Belushaza "ategeka ko bamuzanira ibintu by'izahabu n'ifeza . . . . Nebukadinezari yari yaranyaze mu rusengero rw'i Yerusalemu, kugira ngo umwami n'abatware be n'abagore be n'inshoreke ze babinyweshe." Umwami yashatse kwerekana ko nta kintu na kimwe cyera cyane kuri we ku buryo atagikozaho intoki ze. "Bamuzanira ibyo bintu by'izahabu, . . . maze umwami n'abatware be n'abagore be n'inshoreke ze barabinywesha, banywa vino, bahimbaza ibigirwamana by'izahabu n'iby'ifeza n'iby'imiringa n'iby'ibyuma n'iby'ibiti n'iby'amabuye." {AnA 485.2}

Belushazari ntiyatekereje ko hariho Umuhamya wo mu ijuru witegereza iyo mihango yo gusenga ibigirwamana. Ntiyatekereje ko Uwitegererezaga mu ijuru, utarabonwaga, yiterezaga ibyo birori byo gusuzuguza Imana, kandi akumva ibitwenge byuzuyemo gusuzugura ibyera ndetse yarebaga uko gusenga ibigirwamana. Nyamara mu kanya gato Umushyitsi utatumiwe yaje kwigaragaza. Ubwo ibyishimo byuzuyemo urusaku rwo kuvuyarara no kubyina byari birimbanije, haje ikiganza kitari icy'umuntu maze cyandika ku nkuta z'ingoro y'umwami inyuguti zashashagiranaga nk'umuriro. Nubwo ayo magambo atamenywe n'imbaga y'abantu bari aho, yavugaga iby'akaga kagiye kuba ku mwami wari wataye ubwenge ndetse no ku batumirwa be. {AnA 485.3}

Bya bitwenge byuzuyemo ubwirasi byahise bicecekeshwa mu gihe abagabo n'abagore bafashwe n'ubwoba butavugwa bitegerezaga cya kiganza cyandika buhoro buhoro inyuguti z'amayobera. Nk'uko bimera herekanwa uruhererekane rw'ibintu, imbere yabo haciye ibikorwa byaranze imibereho yabo mibi. Babaye nk'abahagaze imbere y'urukiko w'Imana ihoraho nyiri ububasha bari barasuzuguye. Ahari hashize umwanya muto harangwa n'ibitwenge n'amagambo yo gusuzugura Imana noneho hari abantu bafite mu maso hijimye ndetse baboroga kubera ubwoba. Igihe Imana iteye abantu kugira ubwoba, ntabwo bashobora guhisha uburemere bw'ubwoba bafite. {AnA 486.1}

Belushazari ni we wari warushije abandi gutahwa n'ubwoba. Ni we wari ukuriye abandi mu kubarwaho uko kwigomeka ku Mana kwari kwageze ku rwego rwo hejuru cyane muri iryo joro mu bwami bwa Babuloni. Ubwo bari bari imbere y'Uwabitegerezaga bataboneshaga amaso kandi wari uhagarariye Uwo [Uwiteka] bari barasuzuguriye ububasha ndetse bagatuka izina rye, umwami yagushijwe ikinya n'ubwoba. Umutima we warakangutse. "Ingingo z'amatako ye zicika integer, kandi amavi ye arakomangana." Belushazari yari yarikujije arwanya Imana yo mu ijuru kandi yari yariringiye imbaraga ze ubwe, ntiyatekereza ko hari uwahangara kumubwira ati: "Kuki wakoze ibyo?" ariko noneho

yabonye ko agomba gutanga ibisobanuro ku byo yaragijwe nk'igisonga, kandi ko kubera amahirwe yapfushije ubusa n'inyifato ye y'agasuzuguro adashobora gutanga urwitwazo na ruke. {AnA 486.2}

Umwami yagerageje gusoma za nyuguti zarabagiranaga nk'umuriro ariko biba iby'ubusa. Nyamara hari ibanga atashoboraga gusobanukirwa, imbaraga atashoboraga kumva cyangwa ngo avuguruze. Mu bwihebe yahindukiriye abanyabwenge bo mu bwami bwe kugira ngo bamufashe. Kuboroga kwe kwageze mu matwi y'abari bateraniye aho maze ahamagaza abapfumu n'Abakaludaya n'abacunnyi kugira ngo baze basome iyo nyandiko. Yarabasezeraniye ati: "Uri busome iyi nyandiko wese akansobanurira impamvu yayo, azambikwa umwenda w'umuhengeri n'umukufi w'izahabu mu ijosi, kandi azaba umutware wa gatatu mu bwami." Ariko kwa kwitabaza abajyanama yiringiraga ndetse n'ingororano zikomeye yabasezeraniye byabaye iby'ubusa. Ubwenge bwo mu ijuru ntibushobora kugurwa cyangwa kugurishwa. "Nuko abanyabwenge . . . . {AnA 487.1}

bananirwa gusoma yo nyandiko cyangwa kumenyesha umwami uko isobanurwa." Ntibashoboraga na mba gusoma iyo nyandiko y'amayobera ngo barushe abanyabwenge bo mu gisekuru cyabanje bananiwe gusobanura inzozi za Nebukadinezari. {AnA 487.2}

Umugabekazi yibutse Daniyeli wari waramenyesheje umwami Nebukadinezari inzozi z'igishushanyo kinini kandi amubwira n'ubusobanuro bwazo mu myaka mirongo itanu mbere y'icyo gihe. Umugabekazi yaravuze ati: "Nyagasani nyaguhoraho, ibyo utekereza bye kuguhagarika umutima ngo mu maso hawe hahinduke ukundi, kuko mu gihugu cyawe harimo umugabo urimo umwuka w'imana zera. Ndetse ku ngoma ya so yabonekwagamo n'umucyo no witegereza n'ubwenge buhwanye n'ubwenge bw'imana, kandi so Umwami Nebukadinezari yamugize umutware w'abakonikoni n'abapfumu n'Abakaludaya n'abacunnyi, kuko muri uwo mugabo Daniyeli, uwo umwami yahimbye Beluteshazari habonetsemo umwuka mwiza no kwitegereza, yashoboraga gusobanura inzozi no guhishura ibihishwe, no guhangura ibyananiranye. Nuko nibahamagare Daniyeli, aze asobanure impamvu yabyo. {AnA 487.3}

"Nuko bazana Daniyeli imbere y'umwami." Umwami Nebukadinezari yagerageje kwihagararaho maze abwira umuhanuzi Daniyeli ati: "Ni wowe Daniyeli wo mu banyagano b'Abayuda, umwami data yakuye i Buyuda? Numvise bakuvuga ko umwuka w'imana ari muri wowe, kandi ko umucyo no kwitegereza n'ubwenge bwiza bikubonekaho. Ubu ngubu banzaniye abanyabwenge n'abapfumu, kugira ngo bansomere iyi nyandiko bansobanurire impamvu yayo, ariko ntibashoboye kubisobanura. Ariko numvise ko ushobora gusobanura amagambo no guhangura ibyananiranye. Nuko rero niba ushobora kunsomera iyi nyandiko

ukansobanurira impamvu yayo, uzambikwa umwenda w'umuhengeri n'umukufi w'izahabu mu ijosi, kandi uzaba umutware wa gatatu mu bwami." {AnA 488.1}

Ari imbere y'iyo mbaga yari yatashywe n'ubwoba, Daniyeli adakoreshejwe n'ibyo umwami yari amusezeraniye, yahagararanye ishema n'isheja by'umugaragu w'Imana Isumbabyose. Ntiyahagaritswe no kuvuga amagambo yo gushyeshya, ahubwo yahagurukijwe no gusobanura ubutumwa bw'amakuba. Yaravuze ati: "Impano zawe uzigumanire, kandi ingororano zawe uzihe undi. Ariko ndasomera umwami iyi nyandiko, musobanurire impamvu yayo." {AnA 488.2}

Umuhanuzi Daniyeli yabanje kwibutsa Belushaza ibyo yari azi neza, ariko bitari byaramwigishije amasomo yo kwicisha bugufi aba yaramukijije. Daniyeli yavuze iby'icyaha cya Nebukadinezari no kugwa kwe, kandi amubwira iby'uko Uwiteka yamugiriye: ubutware n'icyubahiro yamuhaye, urubanza Imana yamuciriye kubera ubwibone bwe, ndetse n'uko nyuma y'aho yaje kuzirikana ububasha n'imbabazi by'Imana ya Isirayeli. Ibyo abirangije, Daniyeli yavize ashize amanga kandi ashimangira maze acyaha Belushazari kubwo gukiranirwa kwe gukomeye. Yagaragarije umwami icyaha cye, amereka ibyigisho yagombye kuba yarize nyamara ntabe yarabyize. Belushazari ntiyari yarasomye neza ibyabaye kuri sekuru, kandi ntiyumviye n'umuburo w'ibyabayeho byari bifite ubusobanuro bukomeye kuri we. Yari yarahawe amahirwe yo kumenya no kubaha Imana nyakuri, ariko ntiyari yarayitayeho, bityo yari agiye gusarura ingaruka zo kwigomeka kwe. {AnA 489.1}

Umuhanuzi Daniyeli yaravuze ati: "Ariko wowe umwana we Belushazari, ntiwicishije bugufi mu mutima wawe nubwo wamenye ibyo byose, ahubwo wishyize hejuru ugomera Uwiteka Imana nyir'ijuru, bakuzanira ibintu byo mu nzu yayo kugira ngo wowe n'abatware bawe n'abagore bawe n'inshoreke zawe mubinyweshe vino, maze uhimbaza ibigirwamana by'ifeza n'iby'izahabu, n'iby'imiringa n'iby'ibyuma, n'iby'ibiti n'iby'amabuye bitareba, ntibyumve, ntibyitegereze. Ariko Imana ifite umwuka wawe mu kuboko kwayo, nyir'ukumenya imigendere yawe yose, nturakayishimisha. Ni cyo gitumye itegeka ko icyo kiganza kiza, ikacyandikisha iyi nyandiko." {AnA 489.2}

Umuhanuzi Daniyeli yahindukiriye bwa butumwa bwari bwoherejwe n'Ijuru bwari ku rukuta maze arasoma ati: "MENE MENE TEKELI UFARISINI." Cya kiganza cyari cyanditse izo nyuguti nticyari kikiboneka, ariko aya magambo uko ari ane yari akirabagirana umucyo uteye ubwoba; kandi noneho abantu bateze amatwi bari guhumeka insigane ubwo umuhanuzi wari ugeze mu zabukuru yavugaga ati: {AnA 490.1}

“Kandi bisobanurwa bitya: MENE bisobanurwa ngo Imana ibaze imyaka umaze ku ngoma, iyishyiraho iherezo. TEKELI bisobanurwa ngo: wapimwe mu bipimo, ugaragara ko udashyitse. Kandi PERĒSI bisobanurwa ngo: ubwami bwawe buragabwe, buhawe Abamedi n’Abaperesi.” {AnA 490.2}

Muri iryo joro riheruka ry’ubupfapfa, Belushazari n’abatware be bari bujuje igikombe cyo gukiranirwa kwabo ndetse no gukiranirwa k’ubwami bw’Abakaludaya. Ukuboko kw’Imana kwari kutagikumiriye akaga kari kegereje. Imana ikoresheje inzira nyinshi, yari yarashishikariye kubigisha kubaha amategeko yayo. Imana yavuze kuri abo bantu urubanza rwabo rwari rwamaze kugera mu ijuru iti: “Twashatse gukiza i Babuloni, ariko ntibyashobotse: nimuhareke kandi umuntu wese asubire mu gihugu cy’iwabo.” Yeremiya 51:9. Bitewe no kwinangira kudasanzwe k’umutima w’umuntu, amaherezo Imana yabonye ko ari ngombwa guca urubanza rudasubirwaho. Belushazali yagombaga kuva ku ngoma kandi ubwami bwe bugahabwa abandi. {AnA 490.3}

Ubwo umuhanuzi Daniyeli yahagarikaga kuvuga, umwami yategetse ko agororerwa ibyo yamusezeraniye; kandi mu rwego rwo gusohoza ibyo “bambika Daniyeli umwenda w’umuhengeri n’umukufi w’izahabu mu ijosi, kandi ko bavuga baranguruye ko azaba umutware wa gatatu mu bwami.” {AnA 490.4}

Mu myaka isaga ijana mbere y’icyo gihe, Imana yari yaravuze bitaraba ko “ijoro . . . ry’ibyishimo” umwami n’abajyanama be bari kuzarushanwa gusuzugura Imana, iryo joro ryari guhindurwamo igihe cy’ubwoba no kurimbuka mu buryo butunguranye. Noneho ibintu bikomeye byaje mu buryo bwihuse bikurikirana rwose nk’uko byari byaravuzwe mu byanditswe mu buhanuzi mu myaka myinshi mbere y’ivuka ry’abantu bakomeye babigaragayemo. {AnA 491.1}

Ubwo bari bakiri muri icyo cyumba cy’ibirori umwami akikijwe n’abo iherezo ryabo ryari ryamaze gushyirwaho ikimenyetso, intumwa yaraje imubwira ko “umurwa [we] wafashwe impande zose” n’abanzi yari yaribwiye ko azatsinda amayere yabo. Yabwiwe kandi ko “ibyambu byakinzwe, . . . kandi ingabo zaho zihiye ubwoba.” Yeremiya 51:31,32. Ndetse n’igihe umwami n’ibisonga bye banyweshaga ibikoresho byera by’Uwiteka kandi basingiza ibigirwamana byabo by’ifeza n’izahabu, Abamedi n’Abaperesi bari bamaze kuyobya uruzi rwa Ufurate bityo bagendagendaga hagati muri uwo murwa utari urinzwe. Ingabo za Kuro noneho zari zihagaze munsi y’inkuta z’ingoro y’umwami; kandi umurwa wose wari wuzuye ingabo z’umwanzi zawuzimagije “nk’inzige,” (Yeremiya 51:14); kandi urusaku rwo kunesha kwazo rwumvikaniraga hejuru y’imiborogo y’abari bahoze mu birori byo kuvuyarara. {AnA 491.2}

“Muri iryo joro Belushazari umwami w’Abakaludaya yarishwe,” maze umwami w’umunyamahanga yicara ku ntebe ye y’ubwami. {AnA 491.3}

Abahanuzi b’Abaheburayo bari baravuze beruye ibyerekeye uburyo Babuloni yari kuzahanguka. Mu iyerekwa Imana yari yarabahishuriye ibizaba mu gihe kizaza bityo bari baravuze bati: “Yemwe i Sheshaki ko hanyazwe! Harafashwe kandi ari ho hari inyamibwa y’isi yose! Yemwe, i Babuloni ko hahindutse amatongo mu yandi mahanga!” “Yemwe, inyundo y’isi yose ko yacitse igatāna! I Babuloni hahindutse amatongo mu yandi mahanga!” “Isi itigiswa n’urusaku rwo kunyagwa kw’i Babuloni, kandi gutaka kumvikana mu mahanga.” {AnA 492.1}

“I Babuloni haguye hatunguwe hararimburwa.” “Kuko umurimbuzi ageze i Babuloni, kandi intwari zaho zirafashwe, n’imiheto yabo iravunaguritse kuko Uwiteka ari Imana yitūra, ni ukuri izitūra. Kandi nzasindisha ibikomangoma byaho n’abanyabwenge baho, abategeka baho n’ibisonga byaho n’intwari zaho, na bo bazasinzira ubudakanguka.” Byavuzwe n’Umwami, izina rye ni Uwiteka Nyiringabo.” {AnA 492.2}

“Naguteze umutego none uwuguyemo yewe Babuloni, kandi ntiwabimenye, wabonetsweho kurwanya Uwiteka maze urafatwa. Uwiteka yakinguye ububiko bwe bw’intwaro avanamo intwaro z’uburakari bwe, kuko Umwami Uwiteka Nyiringabo afite umurimo wo gukora mu gihugu cy’Abakaludaya.” {AnA 492.3}

“Uku ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga ati “Aba Isirayeli n’aba Yuda barenganirijwe hamwe, kandi ababajyanye ari imbohe barabakomeza, banga kubarekura ngo bagende. Umucunguzi wabo arakomeye, Uwiteka Nyiringabo ni ryo zina rye. Azababuranira rwose kugira ngo aruhure isi, kandi atere impagarara abatuye i Babuloni.” Yeremiya 51:41; 50:23, 46; 51:8.56,57; 50:24, 25, 33, 34. {AnA 492.4}

Uko ni ko “inkike ngari z’i Babuloni [zasenywe] rwose, n’amarembo yaho maremare [agatwikwa].” Uko ni ko Uwiteka Nyiringabo yamazeho “ubwibone bw’abibone, n’agasuzuguro k’abanyagitinyiro [akagacisha] bugufi.” Uko ni ko “i Babuloni ari ho cyubahiro cy’amahanga y’abami, ari ho bwiza bw’ubwibone bw’Abakaludaya,” hahindutse nka Sodomu na Gomora- hakaba ahantu havumwe burundu. Ijambo ry’Imana ryari ryaravuze riti: “Ntihazongera guturwa kandi ntihazongera kubabwa uko ingoma yimye. Abarabu ntibazahashinga amahema, kandi n’abungeri ntibazahabyagiza imikumbi yabo. Ahubwo inyamaswa z’inkazi zo mu butayu ni zo zizahaba, amazu yabo azababwamo n’ibikoko bitera ubwoba, imbuni zizahaba n’ihene z’ibikomo zizahateganira. Amasega azakankamira mu mazu yabo y’inyumba, n’imbwebwe zizamokera mu mazu y’abami babo ashimwa.” “Nzahahindura igihugu cy’ibinyogote n’ibidendezi by’amazi, nzahakubuza

umweyo urimbura." Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga." Yeremiya 51:58; Yesaya 13:11, 19-22; 14:23. {AnA 493.1}

Nk'uko byagendekeye umwami wayo wa mbere, umwami wa nyuma wa Babuloni yaciriwe iteka n'Uwitegerezaga ari mu ijuru. Iryo teka ryaravugaga riti: "Yewe Mwami, . . . , ni wowe ubwirwa. Ubwami bwawe ubukuwemo." Daniyeli 4:28 (31). {AnA 493.2}

"Manuka wicare mu mukungugu, wa mwari w'i Babuloni we.
Wa mukobwa w'Abakaludaya we, icara hasi ukuwe ku ntebe y'ubwami,
Kuko utazongera kuvugwaho ko udamaraye
Kandi ko umenyereye kugubwa neza. . . . . {AnA 493.3}

Ubwambure bwawe buzatwikururwa,
Ni koko isoni zawe zizagaragara.
Wa mukobwa w'Abakaludaya we, icara uceceke
Ujye mu mwijima, kuko utazongera kwitwa umugabekazi w'abami.

"Narakariye ubwoko bwanjye,
Nsuzugura gakondo yanjye ndabakugabiza,
Ntiwababarira na hato . . . .

"Uravuga uti 'Nzaba umugabekazi iteka ryose.'
Ibyo ntiwabyitayeho kandi ntiwibuka iherezo ryabyo.

"Nuko rero umva ibi yewe uwihaye kwinezeza,
Ukicara udabagira,
Ukibwira mu mutima uti
'Ni jye uriho nta wundi,
Sinzaba umupfakazi kandi sinzapfusha abana.'

"Ariko ibyo gupfusha abana no gupfakara byombi
Bizakugeraho umunsi umwe bigutunguye,
Uburozi bwawe nubwo ari bwinshi bute,
N'ibikagiro byawe nubwo ari byinshi cyane,
Bizakugeraho byimazeyo
Kuko wiringiye ubugome bwawe ukavuga uti 'Nta wundeba.'

"Ubwenge bwawe n'ubuhanga bwawe

Ni byo bikuyobeje uribwira uti
‘Ni jye uriho nta wundi.’ Ni cyo kizatuma ibyago bikugeraho
Ntumenye irasukiro ryabyo,
Ishyano rizakugwira ntuzashobora kuryikuraho,
Kandi kurimbuka utari wamenya kuzagutungura.

“Nuko komeza ibikagiro byawe n’uburozi bwawe uko bingana,
Ibyo wahirimbaniye uhereye mu buto bwawe
Ahari aho bizagira icyo bikuvura,
Ahari bizatuma unesha.

“Inama zawe nyinshi zirakuruhije,
Abaraguza ijuru n’abaraguza inyenyeri {AnA 494.1}

N’abahanura ukwezi kubonetse bakavuga ibizaba,
Nibahaguruke bagukize ibizakuzaho.

“Dore bazamera nk’ibishingwe umuriro ubatwike,
Ntibazikiza imbaraga z’ibirimi byawo.
Uwo muriro ntuzaba amakara yo kotwa,
Cyangwa icyotero cyo kwicarwa iruhande.
Uko ni ko ibyo wahirimbaniye bizakubera,
Abaguranaga nawe uhereye mu buto bwawe
Bazigendera umuntu wese yigira ahe,
Nta wuzaba uhari wo kugukiza.” {AnA 495.1}

Yesaya 47:1-15.

Ishyanga ryose ryageze ku rwego rw’aho ryagira icyo rikora ryemerewe kuba mu mwanya waryo ku isi kugira ngo rihamye kandi rigaragaze niba rizasohoza imigambi y’Urwitegereza ari we Uwera. Ubuhanuzi bwagaragaje kwaduka no gutera imbere k’ubwami bukomeye bwabaye ku isi ari bwo Babuloni, Abamedi n’Abaperesi, Ubugiriki na Roma. Haba kuri ubu bwami kimwe no ku mahanga yaranzwe n’imbaraga nke, usanga amateka yaragiye yisubiramo. Buri bwami (cyangwa ishyanga) bwigeze kugira igihe cyo kugeragezwa; buri bwami bwaratsinzwe, ikuzo ryabwo ryarayoyotse kandi imbaraga zabwo zarashize. {AnA 495.2}

Nubwo amahanga yanze amahame y’Imana kandi muri uko kuyanga akizanira kurimbuka, nyamara umugambi w’Imana ugenga byose wagaragaye ukora mu bihe byose. Ibi ni byo

umuhanuzi Ezekiyeli mu iyerekwa ritangaje yagize igihe yari mu bunyage mu gihugu cy’Abakaludaya, ubwo yari imbere y’ibyo yitegerezaga bimutangaje yeretswe ibimenyetso byahishuraga Ububasha butegeka byose bwagombaga gukuraho abami bo ku isi. {AnA 495.3}

Ubwo yari ku nkengero z’uruzi Kebari, Ezekiyeli yabonye umuyaga w’ishuheri wasaga n’iturutse mu majyaruguru, “igicu cya rukokoma gishibagura umuriro, gikikijwe n’umucyo w’itangaza, kandi hagati y’uwo muriro haturukaga ibara nk’iry’umuringa ukubye.” Ibizima bine byagenderaga mu nziga nyinshi zari zisobekeranye. “Kandi hejuru y’ikirere cyari hejuru y’imitwe yabyo hari igisa y’ubwami isa n’ibuye rya safiro; kanid hejuru y’iyo ntebe y’ubwami hariho igisa n’umuntu.” “Nuko munsi y’amababa y’abakerubi haboneka igisa n’ikiganza cy’umuntu.” Ezekiyeli 1:4, 26; 10:8. Mu buryo izo nziga zari zitondetse, zari zisobekeranye biruhije cyane ku buryo ukizibona zasaga n’aho zitari kuri gahunda; nyamara nubwo byari bimeze bityo zagendaga kuri gahunda itunganye. Ibizima byo mu ijuru byari bifashwe kandi biyobowe n’ukuboko kwari munsi y’amababa y’umukerubi, nibyo byateraga izo nziga kwikaraga zikagenda; kandi hejuru yabyo, hejuru y’intebe y’ubwami yo mu ibuye rya safiro, hari hicaye Imana Ihoraho; ndetse ahakikije intebe y’ubwami hari umukororombya, ari wo kimenyetso cy’imbabazi z’Imana. {AnA 496.1}

Nk’uko rwa rusobekerane rw’inziga rwari ruyobowe n’ukuboko kwari munsi y’amababa y’umukerubi, ni ko ibyo abantu banyuramo usanga bibakomereye byose biri munsi y’ububasha bw’Imana. Hagati mu ntambara no kuvurungana kw’amahanga Iyicaye hejuru y’abakerubi iracyayoboye ibibera kuri iyi si. {AnA 496.2}

Amateka y’ibyabaye ku mahanga agira icyo atubwira muri iki gihe. Imana yahaye umuntu wese n’ishyanga ryose umwanya mu mugambi wayo ukomeye. Muri iki gihe abantu ndetse n’amahanga bigeragezwa n’umugozi ugera imfuruka uri mu kiganza cy’Imana itibeshya. Kubwo guhitamo kwabo abantu bose bagenda bashyira umwanzuro ku iherezo ryabo, kandi Imana igenga bose kubwo gusohoza imigambi yayo. {AnA 496.3}

Ubuhanuzi NDIHO ukomeye yatanze mu ijambo rye bugenda buhuza amapfundo ku mugozi w’uruhererekane rw’ibibaho uhereye ibihe bizira iherezo mu gihe cyashize kugeza mu bihe bidashira mu gihe kizaza, butubwira aho tugeze uyu munsi mu rukurikirane rw’ibihe ndetse n’ibyo twakwitega bizabaho mu gihe kigiye kuza. Kugeza uyu munsi ibyo ubuhanuzi bwavuze byose ko bizaba, byanditswe ku mpapuro z’amateka, kandi dushobora kumenya tudashidikanya ko ibitari byaba na byo bizasohora byose nk’uko bigomba gukurikirana. {AnA 497.1}

Muri iki gihe, ibimenyetso by'ibihe bigaragaza ko duhagaze ku itangiriro ry'ibintu bikomeye. Muri iyi si yacu ibintu byose biri kwivumbagatanya. Ubuhanuzi Umukiza yahanuye bwerekeye ibintu bizabanziriza kugaruka kwe burasohorera imbere yacu tubureba. "Muzumva iby'intambara n'impuha z'intambara . . . . Ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami buzatera ubundi bwami, hazabaho inzara n'ibishitsi hamwe na hamwe." Matayo 24:6,7. {AnA 497.2}

Igihe turimo ni igihe cy'ibintu biteye ubwoba ku bariho bose. Abami n'abatware ari bo bari mu myanya ikomeye kandi y'ubuyobozi, abagabo n'abagore batekereza bo mu nzego zose, abo bose bahanze amaso yabo ku biri kuba ahadukikije. Bitegereza imibanire iri hagati y'ibihugu. Bitegereza ubukare bugenda bufata ikintu cyose kiri ku isi, kandi basobanukirwa ko hari ikintu gikomeye kandi kidasubirwaho kigiye kubaho. Babona ko isi igiye kugera mu kaga gakomeye cyane. {AnA 497.3}

Bibiliya yonyine ni yo itanga ishusho itunganye y'ibyo bintu. Muri yo ni ho hahishurirwa ibintu bikomeye biheruka bizaba mu mateka y'iyi si yacu, kandi ibyo bintu byamaze gutangira kohereze igicucu cyabo, ndetse urusaku rwo kwegereza kwabyo rutera isi gutigita kandi imitima y'abantu igahagarikwa n'ubwoba. {AnA 498.1}

"Dore Uwiteka arahindura isi umwirare, arayiraza, arayubika, atatanya abaturage bayo; . . . . uko bishe amategeko, bagahindura ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka. Ni cyo gitumye umuvumo utsemba isi n'abayibamo bagatsindwa n'urubanza, ni cyo gitumye abaturage b'isi batwikwa hagasigara bake." Yesaya 24:1-6. {AnA 498.2}

"Tubonye ishyano, kuko umunsi w'Uwiteka ugeze hafi, uzaza ari uwo kurimbura kuvuye ku Ishoborabyose! . . . Imbuto zumiye mu mayogi, ibigega birimo ubusa, ibigonyi byarasenyutse kuko imyaka yumye. Yemwe, nimwumve uko amatungo aboroga! Amashyo y'inka yanāniwe kuko yabuze ubwatsi, imikumbi y'intama yanyukiwe." "Uruzabibu rwumye kandi umutini warabye, umukomamanga n'imikindo na yo, n'ibiti by'amapera ndetse n'ibiti byose byo mu mirima byumye, kandi umunezero ushira mu bantu." Yoweli 1:15-18,12. {AnA 498.3}

"Ye baba we, ye baba we! Mfite umubabaro mu gisenge cy'umutima, umutima wanjye urandihagura, naniwe kwiyumanganya kuko wumvise ijwi ry'impanda n'induru z'intambara mutima wanjye. Kurimbuka guhamagara ukundi kuko igihugu cyose kinyazwe, amahema yanjye arasahurwa atunguwe n'inyegamo zanjye zitamururwaho muri ako kanya." Yeremiya 4:19,20. {AnA 498.4}

"Ayii, uwo munsi urakomeye nta wundi umeze nka wo! Ni igihe cy'umubabaro wa Yakobo ariko azakirokokamo." Yeremiya 30:7. {AnA 499.1}

“Kuko ari wowe buhungiro bwanjye Uwiteka,
Wagize Isumbabyose ubuturo,
Nuko nta kibi kizakuzaho,
Kandi nta cyago kizegera ihema ryawe” {AnA 499.2}

Zaburi 91:9, 10.

“Ubabare ugire ibise byo kubyara, mukobwa w’i Siyoni we nk’umugore uri ku nda, . . . Uwiteka azagukiriza akuvane mu maboko y’ababisha bawe. Ubu amahanga menshi ateraniye kugutera aravuga ati “I Siyoni nihangizwe, amaso yacu arebe ibibi tuhifuriza.” Ariko ntibazi ibyo Uwiteka atekereza kandi ntibumva n’imigambi ye, yuko azabateraniriza hamwe nk’imiba irunze ku mbuga.” Mika 4:10-12. Ntabwo Imana izatererana itorero ryayo mu isaha y’akaga gakomeye rizaba ririmo. Yasezeranye kuzarirokora. Yaravuze iti: “Dore ngiye kugarura abo mu mahema ya Yakobo mbakure mu buretwa; kandi nzagirira imbabazi ubuturo bwe; na wo umurwa uzubakwa ku birundo by’aho amaziu yabo yasenyukiye, kanid inyumba izubakwa nk’uko yari isanzwe.” Yeremiya 30:18. {AnA 499.3}

Icyo gihe umugambi w’Imana uzasohora; amahame y’ingoma yayo azubahwa n’abari munsi y’izuba bose. {AnA 499.4}

IGICE CYA 44 - DANIYELI MU RWOBO RW'INTARE

Igihe Dariyusi w'Umumedi yimaga ingoma yari isanzwe ifitwe n'abami b'Abanyababuloni, yabanje kuvugurura imiterere y'ubutegetsi. "Bukeye Dariyo ashaka kugabanya igihugumo intara ijana na makumyabiri, ngo azigabire abatware b'intebe bakwire igihugu cyose. Kandi abaha n'abatware bakuru batatu, umwe muri bo yari Daniyeli, kugira ngo abo batware b'intebe bajye babashyikiriza iby'umwami, ngo umwami adapfirwa ubusa. Ariko Daniyeli aratona cyane kuruta abandi batware bakomeye n'abandi b'intebe, kuko umwuka mwiza cyane yari ari muri we. Ndetse umwami yibwiraga kumwegurira igihugu cyose." {AnA 500.1}

Icyubahiro Daniyeli yahawe cyabyukije ishyari ry'abatware bo muri ibwo bwami maze bashaka impamvu yose yatsindisha Daniyeli. Nyamara bamibuzeho impamvu n'imwe, "kuko yari umwiringirwa ntabonekweho n'amafuti cyangwa igicumuro." {AnA 500.2}

Imyitwarire izira amakemwa ya Daniyeli yakomeje gukaza ishyari ry'abanzi be. Byabaye ngombwa ko bahamya bati: "Nta mpamvu tubona kuri Daniyeli keretse nituyibona mu magambo y'amategeko y'Imana ye." {AnA 501.1}

Nuko abatware bakomeye n'ib'intebe bajya inamamaze bacura umugambi biringiraga ko uzabashoboza guhitana uwo muhanuzi. Biyemeje gusaba umwami gusinya iteka bagombaga gutegura ryasabaga umuntu uwo ari we wese mu bwami bwe kutagira icyo asaba Imana cyangwa undi muntu atari umwami Dariyusi mu gihe cy'iminsi mirongo itatu. Kurenga kuri iri tegeko byagombaga guhanisha uwaryishe kujugunywa mu rwobo rw'intare. {AnA 501.2}

Nk'uko babiteguye, abo batware bategura iryo tekamaze barishyira umwami Dariyo ngo arishyireho umukono cyangwa ikimenyetso cye. Mu rwego rwo kubyutsa ubwibone bwe, bamwemeje ko ishyirwa mu bikorwa ry'iri teka bizamwongerera bikomeye icyubahiro n'ubutware. Kubwo kutamenya umugambi uhishwe w'ibikomangoma, umwami ntiyasobanukiwe ubunyamaswa bwabo nk'uko bwagaragaraga muri iryo teka, maze yemera amagambo yabo yo kumushyeshya, ashyira umukono we (ikimenyetso cye) kuri iryo teka. {AnA 501.3}

Abanzi ba Daniyeli bavuye imbere y'umwami Dariyo bishimye cyane kubera umutego bari bateze umugaragu w'Uwiteka. Ubugambanyi bumeze butyo bari bakoze, Satani yari yabugizemo uruhare rukomeye. Umuhanuzi Daniyeli yari umutegetsi wo ku rwego rwo hejuru mu bwami bityo abamarayika babi batinye ko ububasha bwe buzaca intege ubutware bafite ku batware bo muri ubwo bwami. Abo bakozi ba Satani nibo bari bateye abatware kugira igomwa n'ishyari. Abakozi ba Satani kandi ni bo bari bacurishije umugambi wo

kurimbura Daniyeli; kandi abatware kubwo kwitanga bakaba ibikoresho by'ikibi, bashyize uwo mugambi mu bikorwa. {AnA 501.4}

Kugira ngo bagere ku ntego y'umugambi wabo, abanzi b'uyu muhanuzi bishingikirije ku kuntu Daniyeli yumvira amahame adakebakeba. Kandi ntibibeshye ku buryo babonaga imico ye. Daniyeli yahise abona umugambi mubisha muri uko gutegura iryo teka, ariko ntiyigeze ahindura imikorere ye hato. Kuki se noneho yari kureka gusenga kandi ari cyo gihe yari abikeneye cyane? Yari guhara ubuzima ubwabwo aho kugira ngo atakaze ibyiringiro by'uko Imana ari Yo aboneraho ubufasha. Yakoraga inshingano z'umutware mukuru atuje; kandi isaha yo gusenga yajyaga mu cyumba cye agakingura amadirishya yerekeye i Yerusalemu nk'uko yari asanzwe abigenza maze agasenga Imana yo mu ijuru. Ntabwo yagerageje guhisha igikorwa cye. Nubwo yari azi neza ingaruka zo kuba indahemuka ku Mana kwe, umutima we ntiwigeze udohoka. Imbere y'abacuraga umugambi mubisha wo kumurimbura ntiyari kwemera ko bigaragara umubano we n'Ijuru uri mu kaga. Mu bintu byose umwami yari afitemo uburenganzira bwo gutegeka, Daniyeli yarumviraga; ariko yaba umwami cyangwa iteka yaciye nta cyashoboraga kumuteshura ku kuba indahemuka ku Mwami w'abami. {AnA 502.1}

Uko ni ko umuhanuzi Daniyeli yavuze ashize amanga ariko atuje kandi yicishije bugufi ko nta butware bwo ku isi bufite uburenganzira bwo kwitambika hagati y'umuntu n'Imana. Nubwo yari akikijwe n'abasenga ibigirwamana, yari umuhamya umudahemuka w'uku kuri. Uko yayobokaga ibitunganye ashiritse ubwoba kwari umucyo urabagiranira mu mwijima w'icuraburindi mu by'imico mbonera warangwaga muri urwo rugo rw'abapagani. Kuri iyi si ya none Daniyeli ni urugero rwiza rwerekana ubudahemuka no gushirika ubwoba bya Gikristo. {AnA 502.2}

Abatware bamaze umunsi wose bitegereza Daniyeli. Bamubonye inshuro eshatu ajya mu cyumba cye, kandi bamwumva gatatu arangurira ijwi rye asenga Imana. Mu gitondo cyakurikiyeho bajyanye ikirego cyabo imbere y'umwami. Daniyeli umutware we wari wubashywe cyane kandi wiringirwaga, yari yasuzuguye iteka umwami yaciye. Bibukije umwami bati: "Mbese harya, Nyagasani ntiwashyizeho ukuboko ku rwandiko rw'iteka waciye ngo mu minsi mirongo itatu umuntu wese uzagira icyo asaba imana yose cyangwa umuntu wese atari wowe asabye, Nyagasani, ngo azajugunywe mu rwobo rw'intare?" {AnA 503.1}

Umwami yarasubije ati: "Narabitegetse koko, nkurikije amategeko y'Abamedi n'Abaperesi atavuguruzewa." {AnA 503.2}

Bafite ishema n'isheja ryinshi noneho babwiye Dariyo iby'imyitwarire y'umujyanama we yiringira cyane. Bateye hejuru bati: "Ariko Daniyeli we wo mu banyagano b'Abayuda ntakwitayeho, Nyagasani, cyangwa iteka washyizeho ukuboko, ahubwo ajya asenga gatatu ku munsi." {AnA 503.3}

Igihe umwami yumvaga ayo magambo, yahise abona umutego bari bateze umugaragu we ukiranuka. Yabonye ko Atari ishyaka ry'uko umwami agira ikuzo n'icyubahiro, ko ahubwo ishyari bari bafitiye Daniyeli ari ryo ryabaye intandaro yo gutekereza rya teka ry'umwami. Umwami yarirakariye cyane kubera uruhare yari yagize mu kibi cyari cyakozwe, maze "ashyira umwete cyane kuri Daniyeli kugira ngo amukize, burinda bwira." Abo batware barogoya umwete umwami yari afite maze bateranira umwami baramubwira bati: "Nyagasani, umenye ko ari itegeko ry'Abamedi n'Abaperese ngo nta tegeko cyangwa iteka ryahamijwe n'umwami rivuguruzwa." Nubwo iryo teka ryari ryaciwe huti huti, ntiryahindukaga kandi ryagombaga gushyirwa mu bikorwa. {AnA 503.4}

"Nuko umwami arategeka, bajya kuzana Daniyeli bamujugunya mu rwobo rw'intare. Ariko umwami yari yamubwiye ati "Imana yawe ukorera iteka iragukiza." Maze bazana igitare bagikinga ku munwa w'urwobo. Umwami ubwe "ahomaho ikimenyetso cye bwite n'icy'abatware be, kugira ngo ibyo ategetse kuri Daniyeli bidahindurwa. Nuko umwami asubira mu nzu ye akesha ijoro yiraje ubusa, ntibamuzanira ibyo kumucurangira, ntiyarushya agoheka." {AnA 504.1}

Imana ntiyabujije abanzi ba Daniyeli kumujugunya mu rwobo rw'intare; yemeye ko abamarayika babi ndetse n'abantu b'abanyabyaha batyo basohoza umugambi wabo; ariko ibyo yabyemereye kugira ngo itume kurokorwa k'umugaragu wayo kurushaho kugaragara kandi no gutsindwa kw'abanzi b'ukuri nogukiranuka kurusheho guhama. Umuhimbyi wa Zaburi yarahamije ati: "Ni ukuri umujinya w'abantu uzagushimisha" (Zaburi 76:10). Satani yagombaga gutsindwa binyuze mu butwari bw'uyu muntu umwe wahisemo gukurikiza ibitunganye aho gukurikiza amategeko y'abantu, kandi izina ry'Imana ryagombaga gukuzwa kandi rikubahwa. {AnA 504.2}

Mu gitondo cya kare kare cy'umunsi wakurikiyeho, umwami Dariyo yihutiye kujya ku rwobo rw'intare maze "ageze hafi yarwo . . . atera hejuru n'ijwi ry'umubabaro, abaza Daniyeli ati: 'Yewe Daniyeli mugaragu w'Imana ihoraho, mbese Imana yawe ukorera iteka yabashije kugukiza intare?'" {AnA 504.3}

Ijwi ry'umuhanuzi Daniyeli ryarasubije riti: "Nyagasani uhoraho, Imana yanjye yohereje marayika wayo, abumba iminwa y'intare; ntacyo zantwaye, kuko nabonetse imbere yayo ntafite icyaha, kandi na we, Nyagasani, nta cyo nagucumuyeho. {AnA 505.1}

“Umwami aherako anezerwa cyane, ategeka ko bakura Daniyeli mu rwobo. Nuko bamukuramo, basanga ntacyo yabaye, kuko yari yiringiye Imana ye. {AnA 505.2}

“Maze umwami ategeka ko bamuzanira ba bagabo bareze Daniyeli; babazanana n’abagore babo n’abana babo, babajugunya muriurwo rwobo rw’intare; zibasamira mu kirere, zibamenagurana n’amagufwa yabo, batararushya bagera mu rwobo hasi.” {AnA 505.3}

Nuko itangazo ryongera gutangwa n’umwami w’umupagani, rihesha ikuzo Imana ya Daniyeli rivuga ko ari yo Mana nyakuri. “Umwami Dariyo aherako yandikira abantu b’amoko yose y’indimi zitari zimwe, batuye mu si yose, ati: ‘Amahoro agwire muri mwe! Nshyizeho itegeko ngo abantu bo mu butware bwose bwo mu gihugu cyanjye bajye bubaha Imana ya Daniyeli, bahindire imishyitsi imbere yayo, kuko ari yo Mana nzima, ihoraho iteka ryose; ubwami bwayo ntibuzarimburwa, kandi ubutegetsi bwayo buzageza ku mperuka. Ni yo irokora igakiza, ikora ibimenyetso n’ibitangaza mu ijuru no mu isi, kandi ni yo yakijije Daniyeli inzara z’intare.’” {AnA 505.4}

Duhereye ku gitekerezo cyo kurokorwa kwa Daniyeli, twakwiga ko mu bihe by’ibigeragezo n’amakuba abana b’Imana bakwiriye kuba nk’uko bari basanzwe igihe ibyo baro biteze byarabagiranaga umucyo w’ibyiringiro kandi n’ahabakikije huzuye ibyo bashobora kwifuza byose. Daniyeli mu rwobo rw’intare ni wa Daniyeli wahagaze imbere y’umwami ari umutware mukuru w’abatware b’igihugu kandi ari n’umuhanuzi w’Isumbabyose. Mu gihe cyo kugeragezwa kwe gukomeye cyane, umuntu ufite umutima ushikamye ku Mana azakomeza kuba nk’uko yari ari mu gihe cyo kugubwa neza, igihe umucyo no gukundwa n’Imana n’abantu bimumurikaho. Ukwizera kugera ku bitagaragara, kandi kugasingira ukuri guhoraho. {AnA 506.1}

Ijuru riri hafi cyane y’abababazwa bazira gukiranuka. Kristo ahuza inyungu ze n’iz’abe b’indahemuka; ababarana n’abera be, kandi umuntu wese ukoze ku bo yitoranyirije ni we aba akozeho. Imbaraga iri hafi kugira ngo irokore umuntu kwangizwa ku mubiri iri no hafi kugira ngo imukize ikibi gikomeye, itume gukomera ku bunyangamugayo mu bibaho byose no gutsinda kubw’ubuntu bw’Imana bishobokera umugaragu w’Imana. {AnA 506.2}

Imibereho ya Daniyeli nk’umutegetsi mu bwami bwa Babuloni n’ubw’Abamedi n’Abaperesi ihishura ukuri ko umuntu ukorera inzego za Leta (cyangwa umunyapolitike) atari ngombwa ko aba umuntu utekereza cyangwa ugena ingamba za politike gusa, ahubwo ko ashobora kuba umuntu uyoborwa n’Imana ku ntambwe yose atera. Daniyeli wabaye minisitiri w’intebe w’ubwami bwari bukomeye kurusha ubundi ku isi, yari n’umuhanuzi w’Imana, yakiraga umucyo uturuka mu ijuru. Ibyanditswe byahishuwe bisobanura uwo

muntu wagiraga ibyo ararikira nkatwe bikavuga ko yari inziramakemwa. Igihe ibyo yakoraga byasuzumanwaga ubushishozi

n'abanzi be, basanze nta nenge n'imwe ibirangwamo. Yari icyitegererezo cy'uko umukozi wese yahinduka igihe umutima we wahindutse kandi wejejwe, ndetse n'igihe impamvu zimutera gukora zitunganye mu maso y'Imana. {AnA 506.3}

Gukurikiza ibyo Ijuru risaba udakebakeba bizana imigisha yo kuri iyi si ndetse n'imigisha y'iby'umwuka. Nubwo Daniyeli yari akiri umusore, kudahuzagurika mu kubaha Imana kwe, kutadohoka ku kwitegeka kwe binyuze mu bupfura bwe butangaje n'ubunyangamugayo bwe byatumye atona kandi akundwa n'umutware wari umushinzwe. (Daniyeli 1:9). Iyo mico kandi ni yo yaranze ubuzima bwe bwakurikiyeho. Yazamutse mu ntera mu buryo bwihuse aba minisitiri w'intebe w'ubwami bwa Babuloni. Mu gihe cy'ingoma z'abami bagiye basimburana, mu guhanguka kw'ishyanga ndetse no mu kwima k'ubundi bwami bwategekaga isi yose, ubwenge bwa Daniyeli, gukorera igihugu kwe neza, urugwiro rwe, ubugwaneza nyakuri bw'umutima, kuba indahemuka ku mahame no gukorana ubushishozi byari bitunganye rwose ku buryo byabaye ngombwa ko n'abanzi be bahamya ko "bamuburaho impamvu cyangwa igicumuro; kuko yari umwiringirwa, ntabonekweho n'amafuti cyangwa igicumuro." {AnA 507.1}

Daniyeli yubashywe n'abantu bamuha inshingano zo kuyobora mu gihugu kandi bamushinga n'amabanga y'ubwami, kandi yubahishijwe n'Imana nk'uyihagarariye, ndetse yahishuriwe byinshi by'amayobera bijyane n'igihe kizaza. Ubuhanuzi bwe butangaje nk'uko bwanditswe mu cya 7 kugeza mu cya 12 by'igitabo cye ntibwmviswe mu buryo bwuzuye n'umuhanuzi Daniyeli ubwe; ahubwo mbere y'uko imihati yo mu buzima bwe irangira, yahawe ibyiringiro by'umugisha ko "ku iherezo ry'ibihe" —(mu gihe gisoza amateka y'isi)- azongera kwemererwa guhagarara mu mugabane we. Ntabwo yahawe gusobanukirwa ibintu byose Imana yari yarahishuye bijyanye n'umugambi wayo. Ku byerekeye ubuhanuzi yanditse yahawe amabwiriza ngo: "Bumba igitabo ugifatanishe ikimenyetso." Ibyo byagombaga gufatanishwa ikimenyetso "kugeza igihe cy'imperuka." Umumarayika yongeye kubwira intumwa y'Uwiteka ikiranuka ati: "Nuko igendere utegereze imperuka; kuko uzaruhuka, kandi uzahagarara mu mugabane wawe, iyo minsi nishira." Daniyeli 12:4, 9, 13. {AnA 507.2}

Igihe twegereza iherezo ry'amateka y'iyi si, ubuhanuzi bwanditswe na Daniyeli budusaba kuba maso mu buryo budasanzwe kuko buhuje n'igihe turimo. Ibyo Daniyeli yahanuye byahuzwa n'inyigisho zo mu gitabo giheruka cy'Isezerano Rishya. Satani yateye abantu benshi kwizera ko imigabane imwe y'ubuhanuzi bwa Daniyeli na Yohana umuhishuzi idashobora kumvikana. Nyamara isezerano rirasobanutse ko umugisha udasanzwe

uzaherekeza kwiga ubwo buhanuzi. Amagambo ngo: "Abanyabwenge bazayamenya" (umurongo wa 10) yavuzwe ku byo Daniyeli yeretswe byagombaga gukurwaho ikimenyetso mu minsi ya nyuma; naho ku byahishuwe Kristo yahaye umugaragu we Yohana kugira ngo biyobore ubwoko bw'Imana mu myaka amagana menshi, hatanzwe isezerano ngo: "Hahirwa usoma amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n'abayumva bakitondera ibyanditswe muri bwo. . . " Ibyahishuwe 1:3. {AnA 508.1}

Ku guhangwa no guhanguka kw'amahanga nk'uko kwagaragajwe neza mu gitabo cya Daniyeli n'icy'Ibyahishuwe, dukeneye kumenya uburyo icyubahiro cy'isi n'ibigaragara inyuma nta gaciro bifite. Mbega uburyo Babuloni n'imbaraga zayo n'ubwiza bwayo isi turimo muri iki gihe itigeze ibona yahangutse burundu! (Abantu bo muri icyo gihe babonaga imbaraga n'ubwiza bya Babuloni bihamye rwose bizahoraho.) Yashizeho "nk'uburabyo bw'ibyatsi." Yakobo 1:10. Ni nako ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi, ubwami bw'Abagiriki n'ubwa Roma byahangutse. Uko ni nako ubwami bwose butubakiye ku Mana ngo ibubere umusingi buhanguka. Ubwami bwomatanye n'umugambi wayo bwonyine kandi bugaragaza imico yayo, ni bwo bushobora kurama. Amategeko y'Imana ni yo yonyine ahamye isi yacu izi. {AnA 508.2}

Kwigana ubushishozi ugusohora k'umugambi w'Imana mu mateka yaranze amahanga ndetse no mu ihishurwa ry'ibigiye kuzabaho, kuzadufasha guha ibyo twabonye n'ibyo tutabonye agaciro kabyo nyakuri, ndetse no kumenya intego nyakuri y'ubuzima. Muri kwigereza ibintu bihabo mu gihe mu cyerekezo cy'iteka ryose, dushobora kubaho turangwa n'iby'ukuri, bitunganye kandi biramba nk'uko Daniyeli na bagenzi be babayeho. Bityo kubwo kwiga amahame y'ingoma y'Umwami n'Umukiza wacu, (ya ngoma ihiriwe izahoraho iteka), dushobora kuba twiteguye tukazinjirana nawe muri iyo ngoma ubwo azaza. {AnA 509.1}

UMUGABANE WA VII - NYUMA YO KUBA MU BUNYAGE

"Uwiteka aguhane, yewe Satani; ni koko Uwiteka watoranyije i Yerusalemu, aguhane. Mbese uwo si umushimu ukuwe mu muriro?" Zekariya 3:2.

IGICE CYA 45 - KUGARUKA KW'ABARI BARAJYANWE MU BUNYAGE

Kuza kw'ingabo za Kuro zikagera imbere y'inkuta za Babuloni byari ikimenyetso ku Bayuda ko gukurwa mu bunyage kwabo kwegereje. Mu myaka isaga ijana mbere y'ivuka rya Kuro, Imana yari yaramuvuze mu izina, kandi yari yarandikishije umurimo nyawo yagombaga kuzakora mu kwigarurira umurwa wa Babuloni mu buryo utunguranye ndetse no gutegura inzira kugira ngo abajyanwe mu bunyage barekurwe. Ijambo ryari ryaravuzwe rinyujijwe muri Yesaya rigira riti: {AnA 511.1}

"Ibi ni byo Uwiteka abwira Kuro, uwo yimikishije amavuta ati: "Ni we mfashe ukuboko kw'iburyo nkamuneshereza amahanga ari imbere ye, kandi nzakenyuruza abami kugira ngo mukingurire inzugi, kandi n'amarembo ntazugarirwa. Nzakujya imbere ahataringaniye mparinganize, nzamenagura inzugi z'imiringa, n'ibihindizo by'ibyuma nzabicamo kabiri. Nzaguha ubutunzi buri mu mwijima n'ibintu bihishwe ahantu hiherereye, kugira ngo umenye ko ari jye Uwiteka uguhamagara mu izina ryawe, ari jyewe Mana ya Isirayeli." Yesaya 45:1-3. {AnA 512.1}

Mu kwinjira gutunguranye kw'ingabo z'umurwanyi ukomeye w'Umuperesi (Kuro) zikagera rwagati mu murwa mukuru wa Babuloni zinyuze mu nzira uruzi rwari rwayobejwe rwari rusanzwe runyuramo, kandi zinyuze no mu marembo yo mu bikari yari yaretswe ntakingwe cyangwa ngo arindwe bitewe no kutita ku mutekano, Abayuda babonye ibihamya bihagije byo gusohora rwose k'ubuhanuzi bwa Yesaya bwerekeye guhirikwa ku butegetsi gutunguranye kw'ababakandamizaga. Kandi ibi bishobora kuba byarababereye ikimenyetso kidashidikanywaho cy'uko kubwabo Imana ari yo iri kugena ibiba ku mahanga; kuko ibijyana n'ubuhanuzi bwavugaga uburyo Babuloni izafatwa kandi igahanguka byari byaravuzwe muri aya magambo: {AnA 512.2}

"Kandi avuga ibya Kuro ati: 'Ni umushumba wanjye, azasohoza ibyo nshaka byose.' Akavuga iby'i Yerusalemu ati: 'Hazubakwa,' kandi avuga iby'urusengero ati: 'Urufatiro rwawe ruzashyirwaho.'" "Mpagurukishije Kuro gukiranuka, kandi nzatunganya inzira ze zose. Ni we uzubaka umurwa wanjye kandi ni we uzarekura abantu banjye banyazwe, adahawe ibiguzi cyangwa impongano." Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga." Yesaya 44:28; 45:13. {AnA 512.3}

Ntabwo ubwo ari bwo buhanuzi bwonyine abari barajyanwe mu bunyage bashingiragaho ibyiringiro byabo byo gucungurwa kwihuse. Bari bafite inyandiko za Yeremiya, kandi muri zo hari haravuzwe mu buryo bweruye uburebure bw'igihe cyagombaga gushira mbere yo gukomorerwa kw'Abisirayeli bagakurwa i Babuloni. Uwiteka yari yaravugiye mbere mu ntumwa ye ati: "Imyaka mirongo irindwi nishira nzahana umwami w'i Babuloni, n'ubwo

bwoko n'igihugu cy'Abakaludaya, ni ko Uwiteka avuga, mbahora ibyaha byabo. Nzahagira amatongo iteka ryose." Yeremiya 25:12. Mu rwego rwo gusubiza isengesho rivuye ku mutima abasigaye bo mu Buyuda bari kuzagirirwa ubuntu. "Nzabonwa namwe, ni ko Uwiteka avuga, kandi nzagarura abanyu bajyanywe ari imbohe, nzabakoranya mbakuye mu mahanga yose n'ahantu hose, aho nari narabatatanyirije, ni ko Uwiteka avuga, kandi nzabagarura aho nabakuje mukajyanwa muri imbohe." Yeremiya 29:14. {AnA 513.1}

Incuro nyinshi Daniyeli na bagenzi bari bari baragiye basoma ubwo buhanuzi ndetse n'ubundi busa nabwo bwavugaga umugambi Imana ifitiye ubwoko bwayo. Noneho ubwo ibyababaga byihuta byerekanaga ko ukuboko gukomeye kw'Imana hari icyo kuri gukora mu mahanga, Daniyeli yitaye mu buryo bwihariye ku masezerano yahawe Isirayeli. Uko yizeraga ijambo ry'ubuhanuzi kwamuteye kwinjira mu byari byaravuzwe n'abanditsi bera. Uwiteka yari yaravuze ati: "Uwiteka ara vu ga ati "Imyaka mirongo irindwi yahanuriwe i Babuloni nishira nzabagenderera, mbasohozeho ijambo ryanjye ryiza rituma mugaruka ino. Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga. Kandi muzanyambaza, muzagenda munsenga nanjye nzabumvira. Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose." Yeremiya 29:10-13. {AnA 513.2}

Mbere gato yo guhanguka kwa Babuloni, igihe Daniyeli yatekerezaga kuri ubwo buhanuzi kandi asaba Imana ngo imusobanurire ibyo bihe, yeretswe ibyerekeye guhangwa no guhanguka kw'ingoma zitandukanye. Iyerekwa rya mbere, nk'uko ryanditswe mu gice cya karindwi cy'igitabo cya Daniyeli, ryatangiwe ubusobanuro; ariko umuhanuzi Daniyeli ntiyasobanuriwe ibintu byose uko byakabaye. Yanditse ibyamubayeho icyo gihe agira ati: "Ariko jyewe ubwanjye Daniyeli ibuyo natekereje bimpagarika umutima cyane, bituma mu maso hanjye hahinduka ukundi; ariko mbika iryo jambo mu mutima wanjye." Daniyeli 7:28. {AnA 514.1}

Binyuze mu rindi yerekwa, undi mucyo watanzwe ku byagombaga kuzabaho mu gihe kizaza; kandi ku iherezo ry'iri yerekwa ni ho Daniyeli yumvise "uwera avuga; maze undi wera abaza uwo wavugaga ati: 'Ibyo byerekanywe by'igitambo gihoraho n'igicumuro kinyagisha bizageza ryari?'" Daniyeli 8:13. Igisubizo cyatanzwe ari cyo iki ngo: "Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira: nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa" (umurongo wa 14), cyamujuje guhagarika umutima. Yashatse ubusobanuro bw'iryo yerekwa abikuye ku mutima. Ntabwo yashoboraga gusobanukirwa isano iri hagati y'imyaka mirongo irindwi yo kuba mu bunyage (nk'uko yari yarahanuwe na Yeremiya) n'imyaka ibihumbi bibiri na magana atatu yari yumvise mu iyerekwa intumwa yo mu ijuru ivuga ko ikwiriye kuzashira maze ubuturo bwera bw'Imana bukabona kwezwa. Marayika

Gaburiyeli yanuhaye ubusobanuro bw'igice; nyamara igihe umuhanuzi yumvaga amagambo ngo: "Ibyerekanywe . . . . ni iby'igihe gishyize kera," yacitse intege araraba. Yandika ibyamubayeho agira ati: "Nuko jyewe Daniyeli mperako ndaraba, mara iminsi ndwaye. Bukeye ndahaguruka nkora imirimo y'umwami; ariko ntangazwa n'ibyo neretswe ibyo; nyamara nta muntu wabimenye." Daniyeli 8:26,27. {AnA 514.2}

Kubera ko yari akiremerewe kubw'Abisirayeli, Daniyeli yongeye kwiga ubuhanuzi bwa Yeremiya. Ubu buhanuzi bwari busobanutse neza cyane ku buryo kubw'ibyo bihamya byari byanditswe mu bitabo yasobanukiwe "umubare w'imyaka i Yerusalemu hazamara hashenywe, ko ari imyaka mirongo irindwi, byavuzwe n'ijambo ry'Uwiteka mu kanwa k'umuhanuzi Yeremiya." Daniyeli 9:2. {AnA 515.1}

Kubwo kwizera yari afite kwari gushingiye ku ijambo ry'ubuhanuzi ritabeshya, Daniyeli yinginze Uwiteka amusaba ko yasohoza ayo masezerano vuba. Yarasenze kugira ngo icyubahiro cy'Imana gikomeze kurindwa. Mu gusaba kwe, yisanishije rwose n'abari barateshutse ku mugambi w'Imana, yatura ibyaha byabo nk'ibye bwite. {AnA 515.2}

Umuhanuzi Daniyeli yaravuze ati: "Mpanga amaso Umwami Imana yanjye, mushakisha gusenga no kwinginga, niyiriza ubusa, nambara ibigunira nisiga ivu. Nsenga Uwiteka Imana yanjye, nyaturira." Daniyeli 9:3, 4. Nubwo Daniyeli yari amaze imyaka myinshi akorera Imana kandi ijuru rikaba ryaramuvuzeho ko ari "ukundwa cyane," ubu noneho yaje imbere y'Imana nk'umunyabyaha, yerekana ubukene bukomeye bw'ishyanga yakundaga. Isengesho rye ryari ryumvikanaga neza ku kwiyirishya kwaryo, kandi ryari rivuye ku mutima mu buryo bukomeye. Nimwumve uko yinginze: {AnA 515.3}

"Nyagasani Mana nkuru y'igitinyiro, ikomeza gusohoza isezerano no kugirira ibambe abayikunda bakitondera amategeko yayo. "Twaracumuye tuba ibyigenge, twakoze nabi twaragomye, turateshuka tuva mu mategeko n'amateka yawe. Ntitwumviye abagaragu bawe b'abahanuzi, bajyaga babwira abami bacu n'abatware bacu na basekuruza bacu, n'abantu bo mu gihugu bose mu izina rya we. {AnA 516.1}

"Nyagasani, gukiranuka ni ukwawe ariko ibyacu ni ugukorwa n'isoni, nk'uko bibaye ubu ku Bayuda n'abaturage b ' i Yerusalemu , n 'Abisirayeli bose ba bugufi n'abatuye kure mu bihugu byose, aho wabirukaniye ubahoye ibicumuro bagucumuyeho. Nyagasani, kubwacu n'abami bacu n'abatware bacu na ba sogokuruza bacu, ni ugukorwa n'isoni kuko twagucumuyeho. . . {AnA 516.2}

"Umwami Imana yacu ni yo ifite imbabazi n'ibambe nubwo twayigomeye." "Nyagasani , ndakwinginze kubwo gukiranuka kwawe kose, uburakari bwawe bw'inkazi buve ku murwa wawe i Yerusalemu no ku musozi wawe wera, kuko i Yerusalemu n'ubwoko bwawe

bihindutse igisuzuguriro mu bantu bose badukikije, kubw'ibyaha byacu no gukiranirwa kwa basogokuruza bacu. {AnA 516.3}

"Nuko none ho Mana yacu, umva gusenga k'umugaragu wawe no kwinginga kwe, kandi kubwawe Uwiteka, umurikishirize mu maso hawe ubuturo bwawe bwera bwasenyutse. Mana yanjye, tega amatwi yawe wumve, hwejesha amaso yawe urebe ibyacu byacitse n'umurwa wawe witwa uw'izina rya we, kuko ibyo twakwingingiye tutabigushyize imbere twishingikirije ku gukiranuka kwacu, ahubwo ni kubw'imbabazi zawe nyinshi. {AnA 516.4}

"Umva Nyagasani babarira, Nyagasani twumvire, Nyagasani ugire icyo ukora ntutinde, Mana yanjye kugira ngo izina ryawe ryubahwe, kuko umurwa wawe n'abantu bawe byitwa iby'izina ryawe." Daniyeli 9:4-9, 16-19. {AnA 517.1}

Ijuru ryaciye bugufi kugira ngo ryumve kwinginga k'umuhanuzi Daniyeli. Ndetse ubwi yari atararangiza kwinginga kwe asaba imbabazi no gukomorerwa, marayika aukomeye witwa Gabuliyeli yongeye kumubonekera maze amukangurira kweerekeza intekerezo ze ku iyerekwa yari yaragize mbere yo guhanguka kwa Babuloni n'urupfu rwa Berushazari. Nuko marayika amusobanurira mu magambo arambuye iby'igihe cy'ibyumweru mirongo irindwi byagombaga gutangira igihe "bazategekera kubaka i Yerusalemu bayisana." Umurongo wa 25. {AnA 517.2}

Daniyeli yari yarasenze ririya sengesho "mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Dariyo" (umurongo 1), ari we wari umwami w'Umumedi kandi Kuro umutware we mukuru w'abasirikare yari yarambuye Babuloni inkoni yo gutwara isi yose. Imana yuhabishije ingoma ya Dariyo. Yohererejwe marayika Gabuliyeli kugira ngo amufashe kandi amukomeze. (Daniyeli 11:1). Ubwo Dariyo yapfaga hasize nk'imyaka ibiri ubwami bwa Babuloni buhangutse, Kuro yamusimbuye ku ngoma, maze intangiriro y'ingoma ye iba isoza ry'imyaka mirongo irindwi uhereye igihe itsinda rya mbere ry'Abaheburayo ryari ryarajyanywe na Nebukadinezari abakuye mu Buyuda abajyanye i Babuloni. {AnA 517.3}

Imana yari yarakoresheje kurokora Daniyeli mu rwobo rw'intare maze ikora ku mutima wa Kuro ukomeye. Imico myiza cyane y'umuntu w'Imana y'bubasha bwo kureba kure nk'umuyobozi mu butegetsi yateye umwami w'Umuperesi kumwubaha bikomeye no kubaha imitekerereze ye. Noneho igihe Imana yari yaravuze kigeze, ubwo yari igiye gutuma urusegero rwayo i Yerusalemu rusanwa. Yagendereye Kuro nk'umukozi wayo imutera gusobanukirwa ubuhanuzi bumwerekeye (ari nabwo Daniyeli we yari asanzwe azi) no guha ubwoko bw'Abayuda umudendezo. {AnA 518.1}

Ubwo umwami Kuro yabonaga amagambo yari yaravuze uburyo Babuloni yari kuzigarurirwa (yavuzwe mu myaka isaga ijana mbere y'ivuka rye); ubwo yasomaga ubutumwa Umutware w'ijuru n'isi yamwoherereje bwavugaga ngo: "Nzagukenyeza nubwo utigeze kumenya, kugira ngo uhereye iburasirazuba ukageza iburengerazuba bamenye ko ari nta yindi iriho itari jye;", ubwo kandi yabonaga imbere ye ibyo Imana ihoraho yavuze iti: "Kubw'umugaragu wanjye Yakobo, Isirayeli natoranije, nguhamagaye mu izina ryawe, nguhimbye izina, nubwo utigeze kumenya;" ndetse agakurikirana ibyanditswe bivuga biti: "Mpagurukishije Kuro gukiranuka, kandi nzatunganya inzira ze zose; ni we uzubaka umurwa wanjye, kandi ni we uzarekura abantu banjye banyazwe, adahawe ibiguzi cyangwa impongano," umutima wa Kuro wakozweho bikomeye maze yiyemeza gusohoza inshingano ijuru ryamuhaye. Yesaya 45:5, 6, 4, 13. Yagombaga kureka abanyagano bo mu Buyuda bakajya iwabo mu mudendezo; kandi yari kubafasha gusana ingoro y'Uwiteka. {AnA 518.2}

Mu itegeko ryanditswe yakwije "mu gihugu cye cyose," Kuro yamenyesheje abantu icyifuzo cye cyo gutegurira Abaheburayo gusubira iwabo no gusana urusengero rwabo. Mu itangazo yohereje rubanda rwose, umwami Kuro yavuganye umutima ushima ati: "Uwiteka Imana nyir'ijuru yangabiye ibihugu by'abami bose byo mu isi, kandi yanyihanangirije kuyubakira inzu i Yerusalemu mu Buyuda. None umuntu wo mu bantu bayo wese uri muri mwe Imana ye ibane nawe, azamuke ajye i Yerusalemu mu Bayuda yubake inzu y'Uwiteka Imana ya Isirayeli, ari yo Mana iba i Yerusalemu. Kandi umusuhuke wese usigara aho yasuhukiye, abantu baho nibamufashishe ifeza n'izahabu n'ibintu n'amatungo, ukuyemo amaturo baturira inzu y'Imana y'i Yerusalemu babikunze.'" Ezira 1:1-4. {AnA 519.1}

Yakomeje atanga amabwiriza yerekeye imiterere y'urwo usengero agira ati: "I Yeruzalemu hagomba kongera kubakwa Ingoro y'Imana hakajya hatambirwa ibitambo, kandi urufatiro rwayo rusanwe. Iyo Ngoro izagire metero makumyabiri n'indwi z'uburebure na metero makumyabiri n'indwi z'ubugari. Bazubake impushya eshatu z'amabuye manini, bakurikizeho urundi ruhushya rw'ibiti by'imigogo. Ibyo umushinga uzatwara bizavanwe mu mutungo w'umwami. Bagomba kandi gusubiza mu Ngoro y'Imana ibikoresho by'izahabu n'ifeza byakoreshwaga muri yo, buri kintu kigashyirwa mu mwanya wacyo. Ibyo bikoresho Umwami Nebukadinezari yari yarabinyaze i Yeruzalemu abijyana i Babiloni." Ezira 6:3-5. [*Bibiliya Ijambo ry'Imana*]. {AnA 519.2}

Inkuru z'iri teka zageze mu ntara za kure cyane z'ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi, kandi mu bari baratatanyijwe aho bari bari hose haba ibyishimo byinshi. Abantu benshi bigaga ubuhanuzi nka Daniyeli, kandi kubwa Siyoni, bari baragiye basaba Imana kubagoboka nk'uko yasezeranye. Noneho ubu amasengesho yabo yari asubijwe; kandi noneho

kubw'ibyishimo byari byasabye imitima yabo bashoboraga gufatanyiriza hamwe kuririmba bati: {AnA 519.3}

"Ubwo Uwiteka yagaruraga abajyanyweho iminyago b'i Siyoni,
Twari tumeze nk'abarota.
Icyo gihe akanwa kacu kari kuzuye ibitwenge,
N'indimi zacu zari zuzuye indirimbo.
Icyo gihe bavugiraga mu mahanga bati
"Uwiteka yabakoreye ibikomeye."
Uwiteka yadukoreye ibikomeye,
Natwe turishimye." {AnA 520.1}

Zaburi 126:1-3.

"Abatware b'amazu ya ba sekuruza b'Abayuda n'ab'Ababenyamini bahagurukana n'abatambyi n'Abalewi n'abandi bose Imana yateye umwete wo guhagurukana," kandi abo bantu bari abasigaye batunganye, bageraga ku bantu bihumbi mirongo itanu b'abanyambaraga bo mu Bayuda bo mu bihugu bajyanwemo ari abanyagano, biyemeje gukoresha amahirwe atangaje bari bahawe maze barahaguruka "ngo bajye kubaka inzu y'Uwiteka i Yerusalemu." Ntabwo incuti zabo zabemereye kugenda amara masa. "Maze abaturanyi babo babatwerera ibikoreshwa by'ifeza n'izahabu n'ibindi bintu n'amatungo n'ibintu by'igiciro cyinshi." Kandi kuri ibyo byose ndetse n'andi maturo batuye babikunze hongeweho "ibintu byakoreshwaga mu nzu y'Uwiteka ibyo Nebukadinezari yari yaranyaze i Yerusalemu; . . . Ibyo Kuro umwami w'u Buperesi abikuzamo Mitiredati w'umunyabintu, ... Ibikoreshwa byose by'izahabu n'ifeza byari ibihumbi bitanu na Magana ane," byagombaga gukoreshwa mu rusengero rwari rugiye gusanwa. Ezira 1:1-5. {AnA 520.2}

Kuro yafashe uwitwa Zerubabeli (witwaga na none Sheshibasari) wo mu rubyaro rwa Dawidi, amuha inshingano yo kuba umutware w'itsinda ryari risubiye mu Buyuda; akunganirwa na Yosuwa umutambyi mukuru. Urugendo rurerure bakoze bambukiranya ubutayu rwarangiye amahoro, maze iryo tsinda ryari rinezerewe, rishimira Imana imbabazi zayo nyinshi rihita ritangira umurimo wo gusana urusengero rwari rwarahitswe rugasenywa. "Abatware b'amazu ya ba sekuruza" bafashe iya mbere mu gutanga ku mutungo wabo kugira ngo bafashe mu kwishyura ibyakoreshwaga mu gusana urusengero; maze rubanda rukurikiza urugero rwabo, rutangana umutima ukunze kubyo rwari rutunze bike. Soma Ezira 2:64-70. {AnA 521.1}

Bakoze vuba vuba cyane maze bubaka igicaniro aho icya kera cyahoze mu rugo rw'urusengero. Abantu bari barateraniye hamwe nk'umuntu umwe mu mirimo ijyanye no

kwegurira Imana iki gicaniro; kandi aho ni ho bafatanyirije hamwe mu gusubizaho imihango yera yari yarahagaritswe igihe Nebukadinezari yasenyaga Yerusalemu. Mbere y'uko batandukana ngo bajye mu ngo zabo bashishikariraga kuvugurura, "bagira ibirori byo kuziririza iminsi mikuru y'ingando." Ezira 3:1-6. {AnA 521.2}

Kubaka igicaniro cy'ibitambo bikongorwa n'umuriro buri munsi byanejeje cyane abasigaye b'indahemuka. Binjiranye umutima ukunze mu myiteguro yari ikeenewe mu gusana urusengero, bagahuriza hamwe umwete mu gihe iyo myiteguro yajyaga mbere uko ukwezi gushize ukundi kugataha. Bari bamaze imyaka myinshi batabona ibimenyetso bigaragara by'uko Imana iri aho hantu. Ariko noneho ubwo bari bakikijwe n'ibintu byinshi bibabaje byabibutsaga ubuhakanyi bwa ba sekuruza, bifuzaga cyane ikimenyetso gihoraho cy'ubuntu n'imbabazi by'Imana. Hejuru yo kongera gusubizwa umutungo w'umuntu ku giti cye ndetse n'uburenganzira yahoranye, bahaye agaciro kwemerwa n'Imana. Imana yari yarabakoreye ibitangaje, kandi bumvaga bafite ibyiringiro by'uko iri kumwe nabo; nyamara bifuzaga n'imigisha iruseho. Kubwo kwishimira ibyo bari bategereje, bari bahanze amaso igihe bari kuzabona ukurabagirana kw'ikuzo ry'Imana kubonekera mu rusengero rwasanwe. {AnA 521.3}

Abakozi batangiye gutegura ibikoresho byo kubaka, maze mu matongo bahabona amwe mu mabuye manini cyane yari yarazanwe na Salomo aho urusengero rwubatswe. Ayo mabuye yarateguwe kugira ngo akoreshwe, kandi hatanzwe n'ibindi bikoresho bishya byinshi; bityo bidatinze umurimo urihutishwa ku buryo byari bigeze aho bagomba gushing ibuye ry'ifatizo. Ibi byakorewe mu maso y'abantu ibihumbi byinshi bari bateranyijwe no kureba aho umurimo ugeze ndetse no kugaragaza ibyishimo byabo byo kuwugiramo uruhare. Igihe ibuye nsanganyarukuta ryashyirwaga mu mwanya waryo, abantu bafashijwe n'impanda z'abatambyi n'ibyuma birenga bya bene Asafu, "bikiranyaga basingiza Uwiteka bamushima bati: 'Erega Uwiteka ni mwiza; n'imbabazi agirira Abisirayeli zihoraho iteka ryose.'" Umurongo wa 11. {AnA 522.1}

Inzu yari igiye gusanwa yari yaravuzwe n'ubuhanuzi bwinshi bwerekeye ubuntu Imana yashakaga kugirira Siyoni, kandi abantu bose bari aho ubwo ibuye nsanganyarukuta ryashingwaga bagombaga kuba barinjiye mu mwuka w'icyo gikorwa n'umutima ukunze. Nyamara kuri uwo munsi unejeje humvikanye ijwi ribusanye n'andi y'indirimbo n'amajwi arenga yo gushima. "Ariko benshi mu batambyi n'Abalewi n'abatware b'amazu ya ba sekuruza, ab'abasaza bari babonye urufatiro rw'inzu rushinzwe imbere yabo, bararira cyane baboroga." Ezira 3:12. {AnA 522.2}

Byari ibisanzwe ko agahinda kuzura imitima y'abo basaza, ubwo batekerezaga ku ngaruka zo kutihana kwamaze igihe kirekire. Iyo bo ubwabo ndetse n'abo mu gihe cyabo baba

barumviye Imana kandi bagashyira mu bikorwa umugambi yari ifitiye Isirayeli, urusengero rwubatswe na Salomo ntiruba rwarasenywe kandi no kujyanwa mu bunyage ntibiba byarabaye ngombwa. Ariko bitewe no kudashima n'ubuhemu, bari baratatanyirijwe mu bapagani. {AnA 523.1}

Noneho ibintu byarahindtse. Uwiteka mu mbabazi ze nyinshi yari yarongeye kugenderera ubwoko bwe kandi abwemerera gusubira mu gihugu cyabo. Agahinda gatewe n'amakosa yari yarakozwe mu gihe cyashize kagombaga kagombaga guha umwanya ibyishimo bikomeye. Imana yari yagendereye umutima wa Kuro iwutera kubafasha mu gusana urusengero, kandi ibi byari bikwiriye kubatera kugaragaza gushima kuvuye ku mutima. Nyamara bamwe ntibashoboye gusobanukirwa ubuntu bw'Imana bwari bubakinguriye amayira. Aho kwishima bagundiriye ibitekerezo byo kubabara no gucika intege. Bari barabonye ubwiza bw'urusengero rwubatswe na Salomo maze baganyishwa n'ubwiza bucishije bugufi bw'inyubako yari igiye kuzamurwa ubwo. {AnA 523.2}

Kwitotomba no kwinuba, ndetse n'igereranya ridakwiriye ryakozwe, byakoze ku ntekerezo za benshi bibatera kwiheba kandi byatentebuye amaboko y'abubatsi. Abakoraga [kuri iyo nyubako] batewe kwibaza niba bakomeza kuzamura iyo nyubako yanengwaga icyo mu itangira ryayo kandi ikaba n'impamvu yo kuganya bene ako kageni. {AnA 523.3}

Nyamara mu mbaga y'abari aho harimo benshi barebaga kure kandi bari bafite ukwizera kwagutse kutabateye kurebana kutanyurwa ubwo bwiza buciye bugufi [y'urusengero rwa mbere]. "Abandi benshi basakuza cyane bishima; bituma abantu batabasha gutandukanya ijwi ry'ibyishimo by'abantu n'ijwi ryo kurira kwabo, kuko abantu basakuzaga amajwi arenga, urusaku rukagera kure." Ezira 3:12,13. {AnA 524.1}

Iyaba abantu batishimye igihe ibuye ry'ifatizo ry'urusengero ryashingwaga bararebye kure bakabona ingaruka zo kubura kwizera kwabo uwo munsi, baba barumiwe. Ntibasobanukiwe neza uburemere bw'amagambo yabo yo kugaya n'urucantege; ntibamenye neza uko kutanyurwa bagaragaje kwari gutinza irangira ry'inzu y'Uwiteka. {AnA 524.2}

Ubwiza buhebuje bw'urusengero rwa mbere ndetse n'imigenzo ikomeye yakorwaga mu mihango y'iby'iyobokamana yarukorerwagamo, byari byarabaye isoko y'ubwibone bwa Isirayeli mbere yo kujyanwa mu bunyage; nyamara akenshi kuramya kwabo kwari kwaragiye kuburamo ibyangombwa Imana ifata ko ari byo by'ingenzi. Ubwiza bw'urusengero rwa mbere n'uko imihango yarukorerwagamo yari ihebuje ntibyashoboraga gutuma Imana ibemera; kuko batatangaga igifite agaciro cyonyine mu maso yayo. Ntabwo bayizaniraga igitambo cy'umutima uciye bugufi kandi umenetse. {AnA 524.3}

Iyo amahame shingiro y'ubwami bw'Imana yirengagijwe ni ho imihango ihinduka myinshi cyane kandi ikarangwa no gukabya. Iyo kubaka imico byirengagijwe, iyo kurimbisha umutima bibuze, iyo kubaha Imana gucishije bugufi gusuzuguwe, ni ho ubwibone no gukunda kwigaragaza bisaba inyubako z'insengero zifite ubwiza bw'akataraboneka, imirimbo y'agahebuzo ndetse n'imihango y'agahano. Nyamara muri ibi byose Imana ntiyubahwa. Imana iha agaciro itorero ryayo idashingiye ku byiza byaryo bigaragara inyuma, ahubwo iriha agaciro kubw'ubutungane nyakuri buritandukanya n'isi. Iriha agaciro ikurikije gukura mu kumenya Kristo kw'abarigize ndetse no mu iterambere ryabo mu by'umwuka. Ishaka amahame y'urukundo n'ubugwaneza. Ntabwo ubwiza bwose bw'ubugeni n'ubukorikori bushobora kugereranywa n'ubwiza bw'umutima n'imico bigomba kugaragarira mu bantu bahagarariye Kristo. {AnA 524.4}

Itsinda ry'abizera rishobora kuba ari ryo rikennye cyane mu gihugu. Rishobora kuba ridafite ibikurura ibyo ari byo byose bigaragara inyuma; ariko iyo abarigize bafite amahame y'imico ya Kristo, abamarayika bazifatanya nabo mu kuramya kwabo. Gusingiza no gushima bivuye ku mitima inyuzwe bizazamuka bijya ku Mana bimeze nk'umubavu uhumura neza. {AnA 525.1}

"Nimushime Uwiteka yuko ari mwiza,
Kuko imbabazi ze zihoraho iteka ryose.
Abacunguwe n'Uwiteka bavuge batyo,
Abo yacunguye akabakura mu kuboko k'umwanzi."

"Mumuririmbire, mumurimbire ishimwe;
Muvuge imirimo itangaza yakoze yose.
Mwirate izina rye ryera,
Imitima y'abashaka Uwiteka yishime."

"Kuko yahagije umutima wifuza,
N'umutima ushonje yawujuje ibyiza." {AnA 525.2}

Zaburi 107:1,2; 105:2,3; 107:9.

IGICE CYA 46 - "ABAHANUZI B'IMANA BABAFASHA"

Hafi y'Abisirayeli bari biyemeje gukora umurimo wo gusana urusengero hari hatuye Abasamariya. Aba bari ubwoko bw'uruvange bwari bwarakomotse ku gushyingirana kw'abakoloni b'abapagani bari baraturutse mu ntara zo muri Ashuri n'abasigaye bo mu miryango cumi yari yarasigajwe i Samariya n'i Galileya. Mu myaka yaje gukurikiraho Abasamariya bavugaga ko basenga Imana nyakuri, ariko mu mitima n'imikorere yabo basengaga ibigirwamana. Ni iby'ukuri kuba barizeraga ko bigirwamana byabo nta kindi bimaze uretse kubibutsa Imana ihoraho, Umutware w'ijuru n'isi; nyamara abantu bari babogamiye ku kubaha ibishushanyo bibajwe. {AnA 526.1}

Mu gihe cyo gukomorerwa, abo Basamariya baje kumenyekana ko ari "abanzi b'Abayuda n'Abababenyamini." Ubwo bumvaga ko "abavukiye mu bunyage bubakira Uwiteka Imana ya Isirayeli urusengero," bahereyeko "begera Zerubabeli n'abatware b'amazu ya ba sekuruza," maze bamugezaho icyifuzo cyabo cyo gufatanya nabo kubaka urwo rusengero. Barasabye bati: "Nimureke twubakane, kuko dushaka Imana yanyu, nk'uko namwe muyishaka; kandi twayitambiraga ibitambo uhereye ku ngoma ya Esarihadoni, umwami wa Ashuri, watuzamuye akatuzana hano." Nyamara ibyo basabye barabyangiwe. Abayobozi b'Abisirayeli barababwiye bati: "Nta cyo duhuriyeho cyatuma mwubakira Imana yacu inzu; ahubwo ni twe ubwacu tuzubakira Uwiteka Imana ya Isirayeli, nk'uko Kuro umwami w'u Buperesi yadutegetse." Ezira 4:1-3. {AnA 526.2}

Abari barasigaye gusa nib o bari baremeye kugaruka bakava I Babuloni; kandi noneho ubwo batangiraga umurimo wo wasaga n'aho ubarusha ubushobozi, abaturanyi babo ba bugufi baje basaba kubafasha. Abasamariya bitwajeko baramya Imana nyakuri maze bagaragaza icyifuzo cyabo cy'uko bashaka gufatanya amahirwe n'imigisha bijyana n'umurimo w'urusengero. Baravuze bati: "dushaka Imana yanyu, nk'uko namwe muyishaka." "Nimureke twubakane." Nyamara iyo abayobozi b'Abayuda bemera ubu busabe, baba barakinguye amarembo maze gusenga ibigirwamana kukinjira. Batahuye kutavugisha ukuri kw'Abasamariya. Basobanukiwe ko ubufasha babona binyuze mu kwifatanya n'abo bantu bwaba ari ubusa bugereranyijwe n'umugisha bari biteze kuzabona kubwo gukurikiza amategeko yumvikana y'Uwiteka. {AnA 527.1}

Ku byerekeye umubano Isirayeli yagombaga kugirana n'amoko abakikije, Uwiteka yari yaravugiye mu kanwa ka Mose ati: "Ntuzagire isezerano usezerana nabo, ntuzababababarire. Kandi ntuzashyingirane na bo, ngo umukobwa wawe umushyingire umuhungu wabo, n'umukobwa wabo ngo umushyingire umuhungu wawe. Kuko bahindura umuhungu wawe, ntayoborwe nanjye, ahubwo agakorera izindi mana; ibyo bigatuma wikongereza uburakari

bw'Uwiteka, akakurimbura vuba." "Kuko uri ubwoko bwerejwe Uwiteka Imana yawe, kandi Uwiteka akagutoraniriza mu mahanga yose yo mu isi kuba ubwoko yironkeye." Gutegeka kwa kabiri 7:2-4; 14:2. {AnA 527.2}

Ingaruka yari kuzakurikira kugirana isezerano ry'umubano n'amahanga abakikije yari yaravuzwe mbere mu buryo bweruye. Mose yari yaravuze ati: "Kandi Uwiteka azabatataniriza mu mahanga yose, uhereye ku mpera y'isi ukageza ku yindi mpera yayo, kandi uzakorererayo izindi mana utigeze kumenya, na basekuruza banyu batigeze kumenya, z'ibiti n'amabuye. Kandi muri ayo mahanga nta mahoro uzabona, ntuzabona aho uruhurira ibirenge byawe. Ariko Uwiteka azaguherayo umutima uhinda umushyitsi, n'amaso aremba n'umutima wonze. Uzashidikanya ubugingo bwawe, uzahora utinya ku manywa na nijoro, ntuzagira ikikwiringiza ubugingo bwawe. Buzacya ugira uti "Iyo bwira", buzagoroba ugira uti: "Iyo bucya", ubitewe n'ubwoba bwo mu mutima wawe bugutinyisha, n'ibyo amaso yawe azibonera." Gutegeka kwa kabiri 28:64-67. Hari haratanzwe isezerano rigira riti: "Ariko niba uzashakirayo Uwiteka Imana yawe, uzayibona nuyishakisha umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose." Gutegeka kwa kabiri 4:29. {AnA 528.1}

Zerubabeli n'abari bamwungirije bari bazi neza ibyo byanditswe ndetse n'ibindi nkabyo; kandi mu kujyanwa mu bunyage kwari guherutse baribarabonyemo ibihamya bikurikirana byo gusohora kw'ibyo byanditswe. Kandi noneho ubwo bari barihannye ibibi byari byaratumye bo na basekuruza babo bagerwaho n'ibihano by'Imana nk'uko byari byaravuzwe mu buryo bweruye binyujijwe muri Mose; ubwo bari bamaze kugarukira Imana n'umutima wabo wose kandi bakavugurura isezerano bagiranye na Yo, byari byaratumye bemererwa kugaruka mu Buyuda, kugira ngo basane ibyari byarasenywe. Mbese aho ku itangiriro ry'umurimo wabo bari kugirana isezerano n'abasenga ibigirwamana? {AnA 528.2}

Imana yari yaravuze iti: "Ntuzagire isezerano usezerana nabo," kandi abari bamaze kwiyegurira Uwiteka ku gicaniro cyari cyubatswe imbere y'urusengero rwe rwasenyutse, babonye ko umurongo utandukanya ubwoko bw'Uwiteka n'isi ugomba guhora ugaragara mu buryo budashidikanywaho. Banze gufatanya n'abatari kuyoboka ngo bemere ibyo Imana isaba nubwo abo bari bazi ibisabwa n'amategeko y'Imana. {AnA 529.1}

Amahame yavuzwe mu Gutegeka kwa kabiri kugira ngo yigishe Abisirayeli agomba gukurikizwa n'ubwoko bw'Imana kugeza ku iherezo ry'ibihe. Kugubwa neza nyakuri bishingiye mu gukomeza umubano ushingiye ku isezerano twagiranye n'Imana. Ntidukwiriye na rimwe gukoresha ihame mu buryo budakwiriye tubinyujije mu kugirana ubufatanye n'abatubaha Imana. {AnA 529.2}

Hari akaga gahoraho k'uko abavuga ko ari Abakristo bazagera aho batekereza ko kugira ngo bagire ijambo mu b'isi bagomba kwisanisha n'isi ku rwego runaka. Nyamara nubwo imikorere nk'iyo yasa n'aho izana inyungu zikomeye, iteka amaherezo yayo aba igihombo mu by'umwuka. Ubwoko bw'Imana bugomba kwirinda budakebakeba imbaraga nto yose ishaka kwinjira yifashishije inyungu zireshyareshya zituruka ku mwanzi w'ukuri. Ubwoko bw'Imana ni abagenzi n'abimukira muri iyi si, kandi baca mu nzira yugarijwe n'akaga. Ntibugomba kumvira ibishuko byihishemo uburyarya ndetse n'inyungu zireshyareshya dushyirwa imbere kugira ngo bibe byaduteshura ku kumvira. {AnA 529.3}

Ntabwo abanzi beruye kandi bamaramaje b'umurimo w'Imana ari bo bagomba gutinywa cyane. Ahubwo nk'uko abanzi b'Abayuda n'ab'Ababenyamini baje, abantu baza bafite amagambo atuje n'imvugo isize umunyu, abantu basa n'abashaka ubufatanye bw'ubucuti n'abana b'Imana, ni bo bafite imbaraga zikomeye cyane zo gushuka. Umuntu wese akwiriye kuba maso akirinda bene abo, nibitaba bityo umutego uhishwe mu buryo bukomeye kandi utoroshye uzamufata atabizi. Kandi by'umwihariko muri iki gihe, mu gihe amateka y'isi ari kugana ku iherezo, Uwiteka asaba abana be kuba maso kutarangwamo kujenjeka. Ariko nubwo intambara idacogora, nta muntu n'umwe waretswe ngo arwane wenyine. Abamarayika bafasha kandi bakarinda abagenda bicishirije bugufi imbere yayo. Imana yacu ntizigera na rimwe itererana umuntu uyiringira. Iyo abana bayo bayegereye bayisaba kubarinda umubi, mu mbabazi zayo n'urukundo, izamura inkota yo kubarwanyiriza umwanzi. Iravuga iti: "Ntubakoreho; kuko ari abanjye. Nabaciye mu biganza byanjye nk'uca imanzi." {AnA 530.1}

Kubwo kudacogora ku kurwanya Abisirayeli kwabo, Abasamariya bateye "Abayuda gucika intege; mu iyubaka barabarushya. Bagurira abo guhimba inama zo kubabuza gusohoza ibyo bagambiriye; biba bityo igihe Kuro umwami w'u Buperesi yamaze ku ngoma, bageza ku ngoma ya Dariyo umwami w'u Buperesi." Ezira 4:4,5. Kubwo gutanga amakuru y'ibinyoma, abo banzi bateye urwikekwe mu ntekerezo z'abakangaranagana mu buryo bworoshye. Nyamara hashize imyaka myinshi imbaraga z'umubi zarashegeshwe bityo abatuye Ubuyuda bagira umudendezo wo gukomeza umurimo wabo. {AnA 530.2}

Mu gihe Satani yarwanaga inkundura kugira ngo atere abategetsi bo hejuru bo mu bwami bw'Abamedi n'Abaperesi kutagaragariza ineza ubwoko bw'Imana, abamarayika b'Imana nabo bakoraga ku ruhande rw'abari bavuye mu bunyage. Urwo rugamba ijuru ryose ryari rirwitayeho. Binyujijwe ku muhanuzi Daniyeli twahawe ishusho nto y'iyi ntambara ikomeye hagati y'ingabo z'icyiza n'iz'ikibi. {AnA 531.1}

Marayika Gabuliyeli yamaze ibyumweru bitatu arwana n'ingabo z'umwijima, ashaka kugwabiza imbaraga zakoraga ku ntekerezo za Kuro; kandi mbere y'uko iyo ntambara

irangira, Kristo ubwe yaje gufasha Gabuliyeli. Gabuliyeli aravuga ati: “Ariko umutware w’ibwami b’u Buperesi amara iminsi makumyabiri n’umwe ambuza. Nyuma Mikayeli, umwe wo mu batware bakomeye, aza kuntabara; ntinda mu bami b’u Buperesi.” Daniyeli 10:13. Ibyo ijuru ryashoboraga gukorera ubwoko bw’Imana byose byarakozwe. Amaherezo intsinzi yagezweho; ingabo z’umwanzi zarashegeshwe mu minsi yose y’ingoma ya Kuro no mu minsi yose y’umuhungu we witwaga Kambize wategetse imyaka igera kuri irindwi n’igice. {AnA 531.2}

Iki cyari gihe cy’amahirwe atangaje ku Bayuda. Abatware bakomeye cyane bo mu ijuru bakoraga ku mitima y’abami, bityo ubwoko bw’Imana bwagombaga gukorana umwete wose kugira ngo bushyire mu bikorwa iteka rya Kuro. Nta mbaraga na nke bari kuzigama kugira ngo basubizeho urusengero n’imihango yarukorerwagamo ndetse no kongera gutura mu mazu yabo yo mu Buyuda. Nyamara mu gihe Imana yerekanaga ububasha bwayo abantu benshi bagaragaje ko badafite ubushake. Uko abanzi babo babarwanyaga kwari gukomeye cyane kandi kudatezuka bityo abubatsi bagenda bacika intege buhoro buhoro. Bamwe ntibashoboraga kwibagirwa ibyabaye igihe hashingwaga ibuye nkomezarukuta, igihe abantu benshi bari baragaragaje ko badafitiye icyizere uwo mirimo wari ugiye gukorwa. Kandi nk’uko Abasamariya barushagaho kubakwena babaseka, benshi mu Bayuda bibajije niba koko igihe cyo kongera kubaka cyari cyarageze. Bidatinze uwo mwuka waje kuba gikwira. Benshi mu bakoze baratentebutse kandi bacika integer maze bisubirira iwabo bajya kwikomereza ibyo bari basanzwe bakora mu buzima bwabo. {AnA 531.3}

Ku ngoma ya Kambize umurimo wo kubaka urusengero wateye imbere buhiri buhoro. Kandi no ku ngoma y’uwiyise Simeridisi nyamara atari we (ari we witwa Aritazerusi dusanga muri Ezira 4:7) Abasamariya batumye umuntu wiyoberanyije maze atanga itegeko ribuza Abayuda gusana urusengero rwabo n’umurwa wabo. {AnA 532.1}

Hashize umwaka usaga urusengero rwarirengagijwe ndetse rwenda kurekwa. Abantu babaga mu ngo zabo bagashishikarira kugera ku kugubwa neza mu by’isi, ariko uko bari babayeho byari biteye agahinda. Bakoraga uko bashoboye kose ariko ntibahirwe. Byasaga n’aho ibigize ibyaremwe byabahagurukiye. Bitewe n’uko bari bararetse urusengero rukaba umusaka, Uwiteka yabohereje amapfa. Nk’ikimenyetso cy’ubuntu yabagiriye, Imana yari yarabahaye imbuto zo mu mirima, impeke na vino n’amavuta; ariko bitewe n’uko izo mpano nyinshi cyane bari barazikoresheje mu kwikanyiza, iyo migisha yakuweho. {AnA 532.2}

Uko ni ko ibintu byari bimeze mu myaka ibanza y’ingoma ya Dariyo Hisitasipesi. Haba mu by’umwuka n’iby’isi, Abisirayeli bari mu mibereho iteye imbabazi. Bari baritotombye kandi bashidikanya igihe kirekire; bari bamaze igihe kirekire barahisemo gushyira imbere inyungu zabo bwite, mu gihe batari bitaye ku ngoro y’Uwiteka yari yarabaye amatongo, kandi benshi

bari batacyitaye ku mugambi Imana yari ifite ibagarura mu Buyuda; ndetse bene abo baravugaga bati: “Igihe cyo kongera kubaka inzu y’Uwiteka ntikiragera.” Hagayi 1:2. {AnA 532.3}

Nyamara no muri iki gihe cy’umwijima abari biringiye Imana bari bagifite ibyiringiro. Abahanuzi Hagayi na Zekariya barahagurukijwe kugira ngo bahangane n’ako kaga. Babinyijije mu buhamya bukangura, izo ntumwa zari zashyizweho zahishuriye abantu impamvu y’amakuba barimo. Abahanuzi bavuze ko kudahirwa mu by’isi yari ingaruka yo kwirengagiza gushyira inyungu z’Imana imbere. Iyo Abisirayeli bubaha Imana, iyo bayubaha kandi bakayikunda nk’uko bikwiriye bagira nyambere umurimo wo kubaka inzu yayo, baba barayirarikiye kubana nabo kandi bakabona n’umugisha wayo. {AnA 533.1}

Abari baracitse intege Hagayi yababajije ibibazo bikora ku mutima ati: “Mbese birakwiye ko mwibera mu mazu yanyu y’ibitabashwa, na rwo uru rusengero rukaba umusaka?” Noneho rero Uwiteka Nyiringabo aravuga ati “Nimwibuke ibyo mukora. Mwabibye byinshi ariko musarura bike, murarya ariko ntimuhaga, muranywa ariko ntimushira inyota, murambara ariko ntimushira imbeho, kandi n’ukorera ibihembo abibika mu ruhago rutobotse.” Hagayi 1:4-6. {AnA 533.2}

Noneho akoresheje amagambo batari kunanirwa gusobanukirwa, Uwiteka yabahishuriye impamvu yabateye ubukene ati: “Mwiringiraga kubona byinshi ariko dore byabaye bike, mubizanye imuhira mbitumuza umwuka wanjye. Ibyo byatewe n’iki? Ni ko Uwiteka Nyiringabo abaza. Byatewe n’inzu yanjye isigaye ari umusaka, kandi umuntu wese wo muri mwe yihutira kwiyubakira iye nzu. Ni cyo gituma ijuru kubwanyu ryimana ikime, n’isi ibura umwero wayo. Nuko ntera amapfa mu gihugu no ku misozi, no ku myaka no ku nzabibu, no ku mavuta ya elayo no ku byera mu butaka byose, no ku bantu no ku matungo, no ku mirimo yose ikoreshwa amaboko.” Hagayi 1:9-11. {AnA 533.3}

Uwiteka yarabategetse ati: “Nimwibuke ibyo mukora. Nimuzamuke mujye ku misozi muzane ibiti maze mwubake urusengero, nzanezezwa na rwo kandi nzahimbazwa. Ni ko Uwiteka avuga.” Hagayi 1:7,8. {AnA 534.1}

Ubutumwa butanga inama kandi bucyaha bwatanzwe bunyujijwe muri Hagayi bwagejejwe ku mutima w’abayobozi n’uw’ubwoko bw’Abisirayeli. Bumvise ko Imana ibitayeho. Ntabwo bahangaye kwirengagiza amabwiriza yasubiwemo kenshi bohererejwe yavugaga ko kugubwa neza kwabo kwaba uko ku by’ubu buzima by’igihe gito ndetse n’uko mu by’umwuka gushingiye ku kumvira iby’Imana ibategeka badakebakeba. Bakanguwe n’imiburo y’umuhanuzi, Zerubabeli na Yosuwa “hamwe n’abasigaye bo muri ubwo bwoko,

bumvira ijwi ry'Uwiteka Imana yabo, n'amagambo y'umuhanuzi Hagayi, nk'uko yatumwe n'Uwiteka Imana yabo." Hagayi 1:12. {AnA 534.2}

Abisirayeli bakimara gufata icyemezo cyo kumvira, amagambo yo gucyaha yahise akurikirwa n'ubutumwa bubakomeza. "Maze Hagayi intumwa y'Uwiteka abwira abantu . . . . ati: 'Ndi kumwe namwe.' Ni ko Uwiteka avuga. Maze Uwiteka akangura umutima wa Zerubabeli mwene Sheyalutiyeli, umutegeka w' Buyuda, n'umutima wa Yosuwa mwene Yosadaki umutambyi mukuru n'imitima y'abasigaye bo muri ubwo bwoko bose, nuko baza bubaka inzu y'Uwiteka Nyiringabo Imana yabo." Hagayi 1:13, 14. {AnA 534.3}

Nyuma yaho mu gihe kitageze ku kwezi, umirimo wo ku rusengero wongeye gusubukurwa maze abubatsi bahabwa ubundi butumwa bubakomeza. Uwiteka ubwe yavugiye mu kanwa k'umuhanuzi agira ati: "Ariko rero, Komera Zerubabeli we! 'Kandi na we ukomere Yosuwa we, mwene Yosadaki; . . . . mukomere namwe bantu bo mwese bo mu gihugu, kandi mukore kuko ndi kumwe namwe,' Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga." Hagayi 2:4. {AnA 535.1}

Igihe Abisirayeli bari babambye amahema imbere y'umusozi Sinayi Uwiteka yari yarababwiye ati: "Kandi nzatura hagati mu Bisirayeli, mbe Imana yabo. Nabo bazamenya yuko ndi Uwiteka Imana yabo, yabakuriye mu gihugu cya Egiputa kugira ngo nture hagati muri bo. Ndi Uwiteka Imana yabo." Kuva 29:45,46. Kandi ubu noneho nubwo bari baragomeye Imana kenshi kandi bakababaza Umwuka wayo Wera, (Yesaya 63:10) , Imana binyujije mu butumwa bw'umuhanuzi wayo, yongeye kurambura ukuboko kwayo ngo ibakize. Mu rwego rwo kuzirikana uko bemeye gukorana n'umugambi wayo, Imana yavuguruye isezerano ryayo ko Mwuka wayo azakomeza kubana nabo; kandinoneho irababwira iti: "Mwitinya." {AnA 535.2}

Uwiteka abwira abana be muri iki gihe ati: "Mukomere . . . kandi mukore: Kuko ndi kumwe namwe." Iteka Umukristo aba afite Uwiteka ho umufasha ukomeye. Dushobra kutamenya inzira Uwiteka adufashirizamo; ariko ibi tubizi neza: Ntazigera atererana abamwiringira. Iyaba A/bakristo basobanukirwaga incuro nyinshi Uwiteka yabaciriye inzira kugira ngo imigambi umwanzi abafitiye idasohora, ntibagwaguje bitotomba. Ukwizera kwabo kwashikamaku Mana, kandi nta kigeragezo cyagira imbaraga yo kubakura mu byimbo. Bazirikana ko Imana ari yo bwenge bwabo n'ububasha bwabo, kandi Imana na Yo izatuma ibyo ishaka ko bibakorerwamo bibaho. {AnA 535.3}

Ukwinginga ndetse no gukomeza kwatanzwe binyujijwe mu muhanuzi Hagayi kwashimangiwe kandi kongerwaho na Zekariya, uwo Imana yahagurukirije gufasha Hagayi guhamagarira Isirayeli gushyira mu bikorwa itegeko ryabasabaga guhaguruka bakubaka. Ubutumwa bwa mbere bwa Zekariya bwari ubw'ibyiringiro ko ijambo ry'Uwiteka ritigera

rihera kandi bwari isezerano ry'umugisha ku bantu bazumvira ijambo ry'ubuhanuzi. {AnA 536.1}

Imirima y'Abisirayeli yari yarabaye imyirare, ububiko bwabo bw'ibyokurya bike bari bafite bwashiraga vuba vuba, bari bakikijwe n'amoko abanga ariko kubwo kwizera bakomeje kujya mbere kubwo kumvira irarika ry'intumwa z'Imana, kandi bakoze bashishikaye kugira ngo basane urusengero rwari rwarasenywe. Wari umurimo wasabaga kwishingikiriza ku Mana badakebakebа. Igihe abantu bashishikariraga gukora uruhare rwabo, kandi basaba ko ubuntu bw'Imana buvugururwa mu mitima yabo no mu bugingo bwabo, bajyaga bohererezwa ubutumwa bukurikirana bunyujijwe kuri Hagayi na Zekariya bubaha ibyiringiro ko ukwizera kwabo kuzagororerwa bikomeye kandi ko ijambo ry'Imana ryerekeye ubwiza bw'ahazaza bw'urusengero bazamuriraga inkuta ritazahera. Igihe gisohoye, muri iyo nzu hari kuzahagarara Uwifuzwa n'amahanga yose ari Umwigisha n'Umukiza w'abantu. {AnA 536.2}

Uko ni ko abubatsi batatereranwe muri urwo rugamba bonyine; "bari kumwe n'abahanuzi b'Imana bababafashaga;" kandi Uwiteka Nyiringabo ubwe yari yaravuze ati: "Komera, . . . kandi mukore; kuko ndi kumwe namwe." Ezira 5:2; Hagayi 2:4. {AnA 537.1}

Kubwo kwihana kuvuye ku mutima n'ubushake bwo kujya mbere kubwo kwizera, bahawe isezerano ryo kugubwa neza mu by'ubu buzima. Uwiteka yaravuze ati: "Uhereye uyu munsi nzabaha umugisha." Hagayi 2:19. {AnA 537.2}

Zerubabeli, umuyobozi wabo wari warageragejwe cyane mu myaka yose bamaze uhereye igihe baviriye i Babuloni, yahawe ubutumwa bw'agaciro kenshi cyane. Uwiteka yavuze ko umunsi ugiye kugera ubwo abanzi bose b'ubwoko bwe yitoranyirije bazararikwa. "Uwo munsi, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, nzakujyana Zerubabeli we, mugaragu wanjye, ... nzakugira ikimenyetso; kuko nagutoranyije.'" Hagayi 2:23. Noneho umutware wa Isirayeli yashoboraga kubona ubusobanuro bw'ubwenge bwari bwaramuyoboye mu gihe cyo gucika intege no guhagarika umutima. Noneho ibyo byose yashoboraga kubibonamo umugambi w'Imana. {AnA 537.3}

Iri jambo ryabwiwe Zerubabeli ryandikiwe kugira ngo rizakomeze abana b'Imana bo mu bihe byose. Iyo Imana yoherereje abana bayo ikigeragezo iba ifite umugambi. Ntiyigera ibayobora mu bundi buryo butandukanye n'ubwo bajyaga guhitamo kuyoborwamo iyaba bashoboraga kubonera iherezo mu itangiriro, kandi bagasobanukirwa ubwiza bw'umugambi bari gusohoza. Ibyo ibazanira byose mu bigeragezo bizira kugira ngo bashobore gukomera bityo bayikorere kandi bababazwe ku bwayo. {AnA 537.4}

Ubutumwa bwatanzwe na Hagayi na Zekariya bwakanguriye abantu gukora uko bashoboye kose kugira ngo basane urusengero; ariko ubwo bakoraga babujijwe amahoro bikomeye n'Abasamariya ndetse n'abandi bacuze [imigambi] y'imbogamizi nyinshi. Igihe kimwe abatware b'intara z'ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi basuye i Yerusalemu maze babaza izina ry'uwari yaratanze uburenganzira bwo gusana urwo rusengero. Iyo icyo gihe Abayuda baba batariringiye Uwiteka ngo abayobore, iki kibazo kiba cyarabazaniye ingaruka mbi cyane. "Ariko amaso y'Imana yabo aba ku batware b'Abayuda, ntibabuza kubaka, mu gihe batumye kuri Dariyo, kugeza ubwo igisubizo cyaje mu rwandiko rw'ibyo." Ezira 5:5. Abo batware basubizanyijwe ubwenge cyane ku buryo bafashe umwanzuro wo kwandikira urwandiko Dariyo Hisitasipesi (wari umwami w'ingoma y'Abamedi n'Abaperesi icyo gihe), rwerekezaga intekerezo ze ku iteka ryaciwe bwa mbere na Kuro ryari ryarategetse ko inzu y'Imana i Yerusalemu isanwa, kandi ko ibizayigendaho byose bizishyurwa mu mutungo w'umwami. {AnA 538.1}

Dariyo yashatse iryo tegeko maze araribona; maze arishingiraho ategeka abari babajije icyo kibazo kureka gusana urusengero bigakomeza. Yarategetse ati: "Mureke umurimo w'iyo nzu y'Imana ukorwe, igisonga cy'Abayuda n'abakuru babo mubareke, abe aribo bubaka iyo nzu y'Imana mu kibanza cyayo. {AnA 538.2}

Dariyo yakomeje agira ati: "*Kandi ntegetse itegeko* ry'ibyo kubakisha iyo nzu y'Imana, mukwiriye gukorera abakuru b'Abayuda: mwende ku bintu by'umwami ni byo musoro w'abo hakurya y'uruzi, mugire umwete cyane wo guha abo bagabo ibizatangwa, kugira ngo be kuzagira ikibabuza gukora. Kandi n'ibyo bazakena, nk'ibimasa n'amasekurume y'intama n'abana b'intama byo gutamba ho ibitambo byoswa by'Imana nyir'ijuru, n'ingano n'umunyu na vino n'amavuta, ibyo abatambyi b'i Yerusalemu bazashaka bajye babihabwa uko bukeye, ntibagasibe kugira ngo bazajye batambira Imana nyir'ijuru ibitambo by'umubabwe uhumura neza, kandi basabire umwami n'abahungu be kurama." Ezira 6:7-10. {AnA 538.3}

Umwami yongeyeho gutegeka ko ibihano bikomeye cyane bizahabwa abantu bazahindura iryo tegeko mu buryo ubwo ari bwo bwose; kandi yasoresheje ijambo rikomeye cyane ati: "Kandi Imana yabahesheje izina ryayo, nineshe abami bose n'amahanga yose, n'abazaca ku itegeko ryanjye, bakaramburira amaboko yabo, ngo basenye iyo nzu y'Imana y'i Yerusalemu. Jyewe Dariyo, ntegetse iryo tegeko; risohozwe n'umwete wose." Ezira 6:12. Uko ni ko Uwiteka yateguye inzira kugira ngo urusengero rurangire gusanwa. {AnA 539.1}

Mu mezi atari make mbere y'uko iri tegeko ritangwa, Abisirayeli bari barakomeje gukora kubwo kwizera, abahanuzi b'Imana bakomeje kubafashisha ubutumwa bujyanye n'icyo gihe, kandi muri bwo umugambi Imana ifitiye Isirayeli wahoraga werekwa abakozi. Nyuma

y'amezi abiri ubutumwa bwanditswe buheruka bwa Hagayi butanzwe, Zekariya yagize amayerekwa atari amwe yerekeye umurimo w'Imana mu isi. Ubwo butumwa bwatanzwe bunyujijwe mu migani n'ibigereranyo, bwaje mu gihe cy'urungabangabo no guhagarika umutima gukomeye, kandi bwari bufite ubusobanuro bwihariye ku bantu bajyaga mbere [bakomeza umurimo wabo] mu izina ry'Imana ya Isirayeli. Ku bayobozi byasaga n'aho uburenganzira bwo gusana Abayuda bari barahawe bugiye gukurwaho. Ahazaza hasaga n'ahacuze umwijima w'icuraburindi. Imana yabonye ko ubwoko bwayo bukeneye gukomezwa no guterwa umwete no guhishurwa kw'imbabazi n'urukundo byayo bitagerwa. {AnA 539.2}

Mu iyerekwa Zekariya yumvise marayika w'Uwiteka abaza ati: "Uwiteka Nyiringabo uzageza ryari kutababarira i Yerusalemu n'imidugudu y'u Buyuda, kandi umaze imyaka mirongo irindwi ubarakariye?" Zekariya yaravuze ati: "Uwiteka asubiza marayika twavuganaga amagambo meza amara umubabaro. {AnA 540.1}

Marayika twavuganaga arambwira ati: "Rangurura uvuge cyane uti: Uwiteka Nyiringabo aravuga ati: 'Mfuhiye i Yerusalemu n'i Siyoni ifuhe ryinshi. Kandi ndakariye amahanga yiraye uburakari bwinshi, kuko narakariye Abisirayeli buhoro, ariko bo babagiriye nabi birenze urugero.' Ni cyo gituma Uwiteka avuga ati: 'Ngarukiye i Yerusalemu mpafitiye imbabazi. Inzu yanjye izahubakwa, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, i Yerusalemu hazagereshwa umugozi.'" Zekariya 1:12-16. {AnA 540.2}

Noneho umuhanuzi yabwirijwe guhanura ati: "Uwiteka Nyiringabo aravuga ati 'Muzabona imidugudu yanjye yongeye kuzura ibyiza biyisaguke, Uwiteka azongera kumara i Siyoni umubabaro, kandi azongera guhitamo i Yerusalemu.'" Zekariya 1:17. {AnA 540.3}

Icyo gihe Zekariya yabonye ubutegetsi bwari bwaratatanyije Abayuda n'Abirayeli n'ab'i Yerusalemu buhagarariwe n'amahembe ane. Nyuma yaho yahise abona abacuzi bane, bagereranyaga abakozi Uwiteka yakoresheje mu kuzahura ubwoko bwe no gusana inzu yo kumusengeramo. Soma Zekariya 1:18-21. (2:1-4). {AnA 540.4}

Zekariya yaravuze ati: "Nuko nubura amaso, ngiye kubona mbona umuntu ufite umugozi mu ntoki wo kugera. Ndamubaza nti "Urajya he? Ati "Ndajya kugera i Yerusalemu ngo ndebe ubugari n'uburebure bwaho uko bureshya." {AnA 541.1}

Maze marayika twavuganaga arasohoka, marayika wundi aza kumusanganira, aramubwira ati "Nyaruka ubwire uwo musore uti 'I Yerusalemu hazaturwa hamere nk'imidugudu itagira inkike, kuko abantu n'amatungo bizahaba byinshi. Ni jye uzababera inkike y'umuriro ihakikije, kandi ni jye uzahabera icyubahiro imbere muri wo.' Ni ko Uwiteka avuga." Zekariya 2:5-9. {AnA 541.2}

Imana yari yarategetse ko Yerusalemu isanwa; iyerekwa ryerekeye gupimwa k'umujyi cyari icyizere Imana yari itanze ko izahumuriza kandi igakomeza ubwoko bwayo bwababajwe, ndetse ko izabasohoreza amasezerano akubiye mu isezerano ryayo rihoraho. Imana yavuze ko uburinzi bwayo buzaba nk'uruzitiro rw'umuriro ruhakikije; kandi icyubahiro cye cyari kuzahishurirwa abana b'abantu bose. Ibyo Uwiteka yakoreraga ubwoko bwe byari kuzamenyekana ku isi yose. "Wa muturage w'i Siyoni we, shyira ejuru, uvuge cyane: kuko Uwera wa Isirayeli, uri hagati yawe, akomeye." Yesaya 12:6. {AnA 541.3}

IGICE CYA 47 - YOSUWA NA MARAYIKA

Iterambere rikomeye ryakozwe n'abubatsi b'urusengero ryakojeje isoni kandi rikangura bikoemeye ingabo z'umubi. Satani yiyemeje gukaza umurego kugira ngo acogoze kandi ace intege ubwoko bw'Imana akoresheje kubwereka ukudatungana kw'imico yabwo. Iyo abari barababaye igihe kirekire bitewe no gucumura bongera kugushwa mu gusuzugura amategeko y'Imana, bari kongera gushyirwa mu bubata bw'icyaha. {AnA 542.1}

Bitewe n'uko Abisirayeli bari baratoranyijwe kugira ngo barindire (preserve) kumenya Imana mu isi, Satani yari yaragiye abagaragariza urwango mu buryo bwihariye; yari yariyemeje kubarimbuza. Igihe babaga bumvira [Imana], ntiyashoboraga kugira ikibi abakorera. Ni yo mpamvu yari yarakoresheje imbaraga ze zose n'uburyarya bwe bwose kugira ngo abagushe mu cyaha. Kubwo gufata mu mutego n'ibidhuko bye, bari barishe amategeko y'Imana kandi bari bararetswe ngo bahinduke umuhigo w'abanzi babo. {AnA 542.2}

Nyamara nubwo bajyanywe i Babuloni ari abanyagano, ntabwo Imana yahānnye. Yaboherereza abahanuzi bo kubacyaha no kubaburira, kandi bakabakangurira kubona icyaha cyabo. Igihe bicishaga bugufi imbere y'Imana kandi bakayigarukira bihannye by'ukuri, Imana yabohereje ubutumwa bwo kubakomeza, ivuga ko izabarokora ikabakuva mu bunyage barimo, ikabakomorera ku buntu bwayo kandi ikongera kubatuza mu guhugu cyabo. Noneho ubwo uyu murimo wo kubakomorera wari waratangiye kandi abasigaye bo mu Bisirayeli bakaba bari baramaze kugaruka mu Buyuda, Satani yiyemeje kugwabiza ishyirwa mu bikorwa ry'umugambi w'Imana, kandi kubw'uwo mugambi we yashakaga gukoresha amahanga y'abapagani kugira ngo abarimbure burundu. {AnA 542.3}

Nyamara muri ako kaga Uwiteka yakomeresheje ubwoko bwe "amagambo meza amara umubabaro." Zekariya 1:13. Binyujijwe mu mfashanyigisho ikomeye igaragaza umurimo wa Satani n'umurimo wa Kristo, Uwiteka yerekanye ububasha bw'Umuhuza w'Abisirayeli bwo gutsinda [umwanzi] urega ubwoko bwe. {AnA 543.1}

Mu iyerekwa, umuhanuzi Zekariya yabonye "Yosuwa umutambyi mukuru," "yari yambaye imyenda y'ibizinga" (Zekariya 3:1,3), ahagaze imbere ya Marayika w'Uwiteka, asaba Imana imbabazi mu cyimbo cy'ubwoko bwe bwari bubabajwe. Ubwo yasabaga ko amasezerano y'Imana yasohozwa, Satani yahagurukanye ishema n'isheja kugira ngo amurwanye. Satani yatunze agatoki ibicumuro by'Abisirayeli avuga ko ari byo mpamvu yatuma batakomorerwa ngo bagirirwe ubuntu bw'Imana. Yavuze ko ari umuhigo we, kandi asaba ko batangwa bagashyirwa mu maboko ye. {AnA 543.2}

Umutambyi mukuru ntiyashoboye kwiburanira ubwe cyangwa ubwoko bwe ngo yisobanure ku birego by'umwanzi. Ntabwo avuga ko Abisirayeli ari ba miseke igoroye. Mu myenda y'ibizinga yari yambaye yashushanyaga ibyaha by'ubwoko bwe yari ahagarariye, yahagaze imbere ya Marayika, yatura gukiranirwa kwabo, ariko kandi atunga urutaroki ukwihana no gukorwa n'isoki kwabo ari nako yishingikirije ku mbabazi z'Umucunguzi ubabarira ibyaha. Mu kwizera yasabye gusohorezwa amasezerano y'Imana. {AnA 543.3}

Nuko wa Marayika, ari we Kristo ubwe, Umukiza w'abanyabyaha aherako acecekesha umurezi w'ubwoko bwe avuga ati: "Uwiteka aguhane, yewe Satani; ni koko Uwiteka watoranyije i Yerusalemu, aguhane. Mbese uwo si umushimu ukuwe mu muriro?" Zekariya 3:2. Abisirayeli bari baramaze igihe kirekire mu itanura ry'umubabaro. Kubera ibyaha byabo bari barageze hafi rwose yo gukongorerwa mu muriro ugurumana wacanwe na Satani n'abakozi be kugira ngo ubarimbure, ariko noneho Imana yari yararambuye ukuboko kwe kugira ngo ibakure muri uwo muriro. {AnA 544.1}

Ubwo kwinginga kwa Yosuwa kwemerwaga, hatanzwe itegeko ngo: "Nimumwambure iyo myenda y'ibizinga;" maze Marayika abwira Yosuwa ati: "Ngukuyeho gukiranirwa kwawe, kandi ndakwambika n'imyenda." "Nuko bamwambika igitambaro cyiza mu mutwe, bamwambika n'imyenda." Zekariya 3:4,5. Ibyaha bye bwite n'iby'ubwoko bwe byari bibabariwe. Isirayeli yari yambitswe "imyenda mishya" — ari yo gukiranuka kwa Kristo bari babazweho. Igitambaro cyashyizwe ku mutwe wa Yosuwa kimeze nk'icyambarwaga n'abatambyi, kandi cyabaga cyanditsweho ngo: "YEREJWE UWITEKA" (Kuva 28:36), bisobanuye ko nubwo hari ibicumuro byamuranzweho kera, noneho yujuje ibyangombwa byo gukorera imbere y'Imana mu buturo bwayo bwera. {AnA 544.2}

Noneho Marayika yabwiye Yosuwa ati: "Uwiteka Nyiringabo aravuze ati: 'Nuko nugendera mu nzira zanjye, kandi ukitondera ibyo nagutegetse, nawe uzacira inzu yanjye imanza, n'ibikari byanjye uzabirinda: nanjye nzagushyira mu byegera muri aba bahagaze aha.'" Zekariya 3:7. Iyo yumvira yari kuzahabwa ikuzo akagirwa umucamanza, cyangwa umutware w'urusengero n'imirimo yose yarukorerwagamo; kandi muri ubu buzima yagombaga kugendera hagati y'abamarayika bamufasha; ndetse amaherezo akazaba ari kumwe n'imbaga izaba ihawe ikuzo izaba ikikije intebe y'ubwami y'Imana. {AnA 544.3}

"Umva yewe Yosuwa umutambyi mukuru, wowe na bagenzi bawe bahora imbere yawe; kuko abo ari abantu b'ikimenyetso. Dore nzazana umugaragu wanjye Shami uzumbura." Zekariya 3:8. Ibyiringiro by'Abisirayeli byari bishingiye muri Shami, Umurengezi. Yosuwa n'ubwoko bwe bari barabonye imbabazi kubwo kwizera Umukiza wajyaga kuzaza. Kubwo kwizera Kristo, bari barakomorewe ubuntu bw'Imana. Kubwo kwishingikiriza kubyo Kristo yakoze, iyo bagendera mu nzira ze kandi bagakurikiza amategeko ye, bari kuzaba

“ibitangarirwa,” bakubahwa nk’abatoranyijwe n’Ijuru mu mahanga yose yo ku isi. {AnA 545.1}

Nk’uko Satani yaregaga Yosuwa n’ab’ubwoko bwe, ni ko mu bihe byose arega abantu bashaka imbabazi n’ubuntu by’Imana. Ni “umurezi wa bene Data . . . uhora abarega ku manywa na nijoro imbere y’Imana.” Ibyah. 12:10. Urugamba ruhora ruhinaniye ku muntu wese wacunguwe agakurwa mu butware bw’ikibi kandi izina rye rikaba ryanditswe mu gitabo cy’ubugingo cy’Umwana w’intama. Ntabwo umuntu wakiriwe mu muryango w’Imana abura gutera umwanzi kumurwanya akomeje. Ariko Uwari ibyiringiro bya Isirayeli mu gihe cya Yosuwa, akababera umurinzi, akabatsindishiriza kandi akabacungura, ni We byiringiro by’itorero muri iki gihe. {AnA 545.2}

Ibirego Satani arega abashaka Uwiteka ntibiterwa n’uko atanejejwe n’ibyaha byabo. Yishimira cyane imico yabo irimo ibizinga; kuko azi neza ko ashobora kubanesha gusa ari uko bishe amategeko y’Imana. {AnA 545.3}

Ibirego abarega bituruka gusa ku rwango afitiye Kristo. Binyuze mu mugambi w’agakiza, Yesu acagagura ingoyi Satani yaboheshe je umuryango wa muntu kandi akarokora abantu abakura mu bubasha bwa Satani. Iyo umwigomeke gica yitegereje ibihamya by’ubutware bw’ikirenga bwa Kristo, urwango rwe n’ubgome bwe bwose birabyuka; maze agakoresha imbaraga z’ubugome bwe ndetse n’uburyarya kugira ngo akure mu maboko ya Kristo abana b’abantu bakiriye agakiza. Satani ajyana abantu mu gushidikanya, akabatera kutagirira Imana icyizere ndetse no kwitandukanya n’urukundo rwayo. Abageragerasha kwica amategeko maze bamara kuyica akavuga ko ari imbohe ze, akarwana avuga ko Kristo nta burenganzira afite bwo kubamwambura. {AnA 546.1}

Satani azi ko abantu basaba Imana imbabazi no kugirirwa ubuntu bazabibona; ni yo mpamvu ashyira imbere yabo ibyaha byabo kugira ngo abace intege. Ahora iteka ashaka akito ko kurega abagerageza kumvira Imana. Ndetse n’umurimo wabo uhebuje kandi wemewe rwose ashaka ko ugaragara ko wanduye. Akoresheje amayere atabarika ndetse n’ubugome bwihishe cyane kandi bukabije, aharanira ko bacirwaho iteka. {AnA 546.2}

Mu mbaraga ze bwite, umuntu ntashobora guhangana n’ibirego by’umwanzi. Ahubwo ahagarara imbere y’Imana yambaye imyambaro yandujwe n’icyaha kandi yatura icyaha cye. Ariko Yesu Umuvugizi wacu we ahazana kwinginga gufite umumaro asabira abantu bose bamuragije ubugingo bwabo kubwo kwihana no kwizera. Arababuranira, kandi kubw’ingingo zifite ububasha z’I Kaluvari, atsinda umurezi wabo. Kumvira amategeko y’Imana kwe gutunganye kwamuhaye ububasha bwose mu ijuru no ku isi, kandi asaba se kugirira imbabazi no kwiyunga n’umuntu wacumuye. Abwira uwaregaga ubwoko bwe ati:

“Uwiteka aguhane, yewe Satani. Aba ni abo naguze amaraso yanjye, ni imishimu ikuwe mu muriro.” Kandi abamwishingikirizaho mu kwizera, abaha ibyiringiro ati: “Ngukuyeho gukiranirwa kwawe, kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane.” Zekariya 3:4. Abantu bose bambaye ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo bazahagarara imbere ye ari abatoranijwe, indahemuka n’abanyakuri. Satani nta bushobozi afite bwo kubavuvunura mu biganza by’Umukiza. Nta muntu n’umwe wigeze asaba kurindwa afite kwihana no kwizera Kristo azigera yemera ko aba munsi y’ubutware bwa Satani. Yarahiriye mu ijambo rye ati: “Ahubwo yisunge imbaraga zanjye, abone kuzura nanjye: ndetse niyuzure nanjye.” Yesaya 27:5. Isezerano Yosuwa yahawe ryahawe abantu bose: “Nugendera mu nzira zanjye, . . . nanjye nzagushyira mu byegera muri aba bahagaze aha.” Zekariya 3:7. No kuri iyi si abamarayika b’Imana bazagendera iruhande rwabo, kandi amaherezo bazahagararana n’abamarayika bakikije intebe y’ubwami y’Imana. {AnA 546.3}

Iyerekwa Zekariya yagize ryerekeye Yosuwa na Marayika rihuje cyane rwose n’ibiba ku bwoko bw’Imana mu mirimo isoza yo mu munsi ukomeye w’impongano. Icyo gihe itorero ryasigaye rizagera mu kigeragezo n’umubabaro bikomeye. Abakurikiza amategeko y’Imana kandi bagakomeza kwizera Yesu bazagerwaho n’umujinya w’ikiyoka n’ingabo zacyo. Satani abara ko abatuye isi ari abe; yigaruriye ndetse na benshi mu bavuga ko ari Abakristo. Ariko hariho itsinda rito ry’abarwanya ubutware bwe. Ashoboye kubatsemba ku isi, yaba ageze ku nsinzi ye rwose. Nk’uko yateye amahanga y’abapagani gushaka kurimbura Abisirayeli, ni ko mu gihe kiri imbere cyegereje azahagurukiriza ubutegetsi bw’inkozi z’ibibi bwo ku isi kurimbura ubwoko bw’Imana. Abantu bazasabwa kubaha amategeko y’abantu kandi bica amategeko y’Imana. {AnA 547.1}

Abantu b’indahemuka ku Mana bazameneshwa, barwanywe kandi bagirwe ibicibwa. Bazagambanirwa “n’ababyeyi ndetse n’abavandimwe na bene wabo n’incuti,” ndetse bigere n’aho bicwa. Ibyiringiro byabo rukumbi biri mu mbabazi z’Imana; kandi uburinzi bwabo bwonyine buzaba isengesho. Nk’uko Yosuwa yasabiraga imbere ya Marayika, ni ko abagize itorero ryasigaye bazasabira kubabarirwa no gucungurirwa muri Yesu, Umuvugizi wabo bafite umutima umenetse no kwizera kudacogora. Basobanukiwe neza uburyo imibereho yabo irangwa n’icyaha, babona intege nke zabo ndetse n’uko badakwiriye; ndetse biteguye kwiheba. {AnA 548.1}

Umushukanyi aba yiteguye kubarega nk’uko yari yiteguye kurwanya Yosuwa. Atunga urutoki imyenda yabo y’ibizinga, ari yo mico yabo yanduye. Yerekana integer nke zabo n’ubupfapfa bwabo, ibyaha byabo byo kudashima, kuba badasa na Kristo, kandi ibyo bikaba byarasuzuguje Umucunguzi wabo. Ashishikarira kubatera ubwoba kubwo gutekereza ko ibyabo nta garuriro bifite, ndetse ko ibizinga byo kwandura kwabo bitazigera byuhagirwa

ngo bikurweho. Iyo Satani akora atyo aba yiringira kurimbura ukwizera kwabo kugira ngo batwarwe n'ibishuko bye, ndetse bareke kubaha Imana. {AnA 548.2}

Satani azi neza ibyaha yateye ubwoko bw'Imana gukora, kandi abarega avuga ko kubw'ibyaha byabo bikuriyeho uburinzi bw'Imana bityo akavuga ko afite uburenganzira bwo kubarimbura. Avuga ko bakwiriye gucibwa ntibagirirwe ubuntu n'Imana nk'uko na we byamugendekeye. Aravuga ati: "Mbese aba ni bo bantu bagomba gufata umwanya wanjye mu ijuru, ndetse n'umwanya w'abamarayika bifatanyije nanjye? Bavuga ko bubaha amategeko y'Imana; ariko se bakurikije amabwiriza yayo? Mbese ntibabaye abikunda aho gukunda Imana? Mbese inyungu zabo bwite ntibazirutishije umurimo wayo? Mbese ntibakunze iby'isi? Reba ibyaha byaranze imibereho yabo. Reba ukwikanyiza kwabo, ubugome bwabo n'uburyo bangana. Mbese Imana izanca imbere yayo n'abamarayika banjye, ariko igororere abakoze ibyaha nk'ibyo twakoze? Uwiteka, ntushobora gukora ibi mu butabera. Ubutabera busaba ko batsindwa n'urubanza." {AnA 548.3}

Nyamara nubwo abayoboke ba Kristo bakoze icyaha, ntabwo birunduriye mu gutegekwa n'abakozi ba Satani. Bihannye ibyaha byabo ndetse bashatse Uwiteka bicishije bugufi kandi bafite imitima imenetse bityo Umuvugizi wabo wo mu ijuru arabasabira. Uwagiriwe nabi bikomeye cyane kubwo kuba indashima kwabo, We uzi icyaha cyabo ndetse no kwihana kwabo aravuga ati: "Uwiteka aguhane, yewe Satani. Aba bantu nabatangiye ubugingo bwanjye. Banditswe mu biganza byanjye. Bashobora kuba bafite ibidatunganye mu mizo yabo; bashobora kuba baratsinzwe mu mihati yabo, ariko barihannye, kandi narababababariye kandi ndabemera." {AnA 549.1}

Ibitero bya Satani birakomeye, ibinyoma bye ntibigaragara neza; ariko ijisho ry'Uwiteka riri ku bwoko bwe. Umubabaro wabo urakomeye, ibirimi by'umuriro w'itanura rigurumana bisa n'ibyenda kubakongora; ariko Yesu Kristo azabakuramo bameze nk'izahabu yanyujijwe mu muriro. Imico y'isi ibarangwaho izakurwaho kugira ngo ishusho ya Kristo igaragazwe mu buryo butunganye. {AnA 549.2}

Incuro nyinshi bibasha gusa n'aho Uwiteka yibagiwe akaga itorero rye ririmo ndetse n'ibikomere riterwa n'abanzi baryo. Nyamara Imana ntiyibagiwe. Nta kintu na kimwe muri iyi si izirikana ku mutima wayo nk'itorero ryayo. Ntabwo ari ubushake bwayo ko amategeko y'isi yakwanduza amateka y'itorero. Ntabwo Imana yigera isiga ubwoko bwayo ngo butsindwe n'ibishuko bya Satani. Imana izahana abantu bayihagararira nabi, ariko izagirira imbabazi abantu bose bihana babikuye ku mutima. Abamutabaza ngo abahe imbaraga zo gukuza imico ya Gikristo, azabaha ubufasha bakeneye bwose. {AnA 550.1}

Mu bihe biheruka ubwoko bw'Imana buzanihishwa kandi burizwe n'ibizira bikorerwa mu isi. Bazaburira abanyabyaha barira [bababwire] iby'akaga barimo kubwo kuribata amategeko y'Imana, kandi bazicisha bugufi imbere y'Uwiteka bihana bafite agahinda katavugwa. Abanyabyaha bazabaseka kubw'ako gahinda kabo kandi bagire urw'amenyo kubararika kwabo bakomeje. Nyamara agahinda no gukozwa isoni by'ubwoko bw'Imana ni igihamya kidashidikanywaho cy'uko buri gusubizwamo imbaraga no gukuzwa kw'imico batakaje kubera icyaha. Basobanukirwa neza ububi bukabije bw'icyaha bitewe n'uko barushaho kwegera Kristo kandi amaso yabo bakaba bayahanze ku butungane bwe buzira amakemwa. Ubugwaneza no kwicisha bugufi ni byo byangombwa bituma umuntu agera kubyo agambiriye no ku ntsinzi. Ikamba ry'icyubahiro ritegereje abantu bapfukama munsi y'umusaraba. {AnA 550.2}

Abana b'Imana b'indahemuka kandi basenga, barinzwe nayo. Bo ubwabo ntibazi uko barinzwe bikomeye. Abatware b'iyi si bakoreshejwe na Satani, bashaka kurimbura [abana b'Imana]; ariko iyaba amaso y'abana b'Imana yahumukaga nk'uko byagendekeye amaso y'umugaragu wa Elisa ubwo bari i Dotani, babona abamarayika b'Imana babagose, babakingiye ingabo z'umwijima. {AnA 551.1}

Igihe ubwoko bw'Imana bubabariza imitima yabwo imbere ya Yo, busaba kubonezwa umutima, hatangwa itegeko rigira riti: "Nimubambure iyo myenda y'ibizinga," kandi hakavugwa amagambo akomeza agira ati: "Ngukuyeho gukiranirwa kwawe, kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane." Zekariya 3:4. Ikanzu izira ikizinga yo gukiranuka kwa Kristo yambikwa abana b'Imana bageragejwe kandi b'indahemuka. Abasigaye b'insuzugurwa bambikwa imyambaro myiza cyane itazongera kwanduzwa kwangirika ko mu isi. Amazina yabo akomerezwa mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'intama, akandikwa mu mazina y'indahemuka zo mu bihe byose. Batsinze amayere y'umushukanyi; ntibigeze bateshurwa ku kuba indahemuka kwabo no gutontoma kw'ikiyoka. Noneho barinzwe amayere y'umushukanyi by'iteka ryose. Ibyaha byabo bishyirwa kuri nyirabayazana w'icyaha. Bambikwa igitambaro cyiza mu mutwe. {AnA 551.2}

Igihe Satani we yasukiranyaga ibirego bye, abamarayika bera bataboneshwa amaso babaga bakubita hirya no hino, bashyira ikimenyetso cy'Imana ihoraho ku ndahemuka. Abo ni ba bandi bahagararana n'Umwana w'intama ku Musozi Siyoni, bafite izina rya Data wa twese ryanditswe mu ruhanga rwabo. Baririmbira indirimbo nshya imbere y'intebe y'ubwami, kandi iyo ndirimbo nta muntu wabasha kuyimenya keretse ba bandi ibihumbi ijana na mirongo ine na bine bacunguwe bagakurwa mu isi. "Abo nibo bakurikira Umwana w'intama, aho ajya hose. Bacunguriwe mu bantu, kugira ngo babe umuganura ku Mana no

ku Mwana w'Intama. Mu kanwa kabo ntihabonetsemo ibinyoma; kuko ari abaziranenge." Ibyahishuwe 14:4, 5. {AnA 551.3}

Noneho ugusohora kuzuye kw'amagambo ya Marayika kuba kugezweho: "Umva, yewe Yosuwa umutambyi mukuru, wowe na bagenzi bawe bahora imbere yawe; kuko abo ari abantu b'ikimenyetso. Dore nzazana umugaragu wanjye Shami uzumbura." Zekariya 3:8. Kristo agaragara ari Umucunguzi n'Umurengezi w'ubwoko bwe. Noneho abasigaye babaye "ibitangaririrwa," rwose, kuko amarira yabo no gukorwa n'isoni ko mu rugendo rwabo bisimbuwe n'ibyishimo n'icyubahiro imbere y'Imana n'Umwana w'intama. "Uwo munsi ishami ry'Uwiteka rizaba ryiza rifite icyubahiro. Abisirayeli bazarokoka, imyaka yo mu gihugu izabaryohera cyane ibabere myiza. Maze uzasigara i Siyoni n'i Yerusalemu wese, yanditswe mu bazima b'i Yerusalemu, azitwe uwera." Yesaya 4:2, 3. {AnA 552.1}

IGICE CYA 48 - “SI KUBW’AMABOKO KANDI SI KUBW’IMBARAGA”

Umuhanuzi Zekariya akimara kwerekwa Yosuwa na Marayika, yahawe ubutumwa bwerekeye umurimo wa Zerubabeli. Zekariya aravuga ati: “Marayika twavuganaga agaruka aho ndi, arankangura nk’uko umuntu akangurwa akava mu bitotsi, arambaza ati: “Ubonye iki?” Ndamusubiza nti: “Ndarebye mbona igitereko cy’itabaza cy’izahabu cyose, kandi mbonye n’urwabya rwacyo ruteretse hejuru yacyo, mbona n’amatabaza arindwi yo kuri cyo. Kandi ayo matabaza ari hejuru yacyo yose, itabaza ryose ryari rifite imiheha irindwi. Kandi impande zombi hari imyelayo ibiri, umwe wari iburyo bw’urwabya, undi wari ibumoso bwa rwo.” {AnA 553.1}

“Ndongera mbaza marayika twavuganaga nti: “Ibyo bisobanurwa bite, nyagasani?” Marayika twavuganaga arambaza ati: “Ibyo ntuzi uko bisobanurwa?” Ndamusubiza nti: “Oya, nyagasani.” Aransubiza ati: “Ijambo Uwiteka atumye kuri Zerubabeli ngiri ati: ‘Si ku bw’amaboko kandi si ku bw’imbaraga, ahubwo ni kubw’Umwuka wanjye.’ Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.” {AnA 553.2}

“Ndongera ndamubaza nti: “Iriya myelayo uko ari ibiri, umwe uri iburyo bw’igitereko cy’amatabaza, undi ukaba ibumoso bwacyo isobanurwa ite?” Nongera kumubaza ubwa kabiri nti: “Ariya mashami y’imyelayo abiri, ari impande zombi z’imibirikira y’izahabu uko ari ibiri, akīkamuramo amavuta asa n’izahabu asobanurwa ate?” Arambaza ati: “Ariya ntuzi uko asobanurwa?” Ndamusubiza nti: “Oya nyagasani. Arambwira ati: “Ariya mashami ni ba bantu babiri bejeshejwe amavuta, bahora bahagaze imbere y’Umwami w’isi yose.” Zekariya 4:1-6, 11-14. {AnA 554.1}

Muri iri yerekwa amashami abiri y’imyerayo ahagaze imbere y’Imana agaragara ko asohora amavuta y’izahabu akanyuramo aca mu mibirikira y’izahabu akajya mu rwabya rw’igitereko cy’amatabaza. Muri uru rwabya ni ho amatabaza yo mu buturo bwera akura amavuta kugira ngo akomeze gutanga urumuri ruhoraho. Bityo kuri bariya bantu bejeshejwe amavuta ni ho bahagaze imbere y’Imana ni ho haturuka umucyo w’Imana mu kuzura kwawo ndetse n’urukundo n’imbaraga bigahabwa ubwoko bw’Imana, kugira ngo bubashe kugeza umucyo n’ibyishimo no guhemburwa ku bandi. Abantu bakungahazwa muri ubwo buryo bagomba gukungahaza abandi ubutunzi bw’urukundo rw’Imana. {AnA 554.2}

Mu gusana inzu y’Uwiteka, Zerubabeli yari yarakoze ahanganye n’ingorane nyinshi cyane. Uhereye mu itangira ry’uwo murimo, abanzi “bateye Abayuda gucika intege, mu iyubaka barabarushya,” “bababuza kubaka ku maboko no ku gahato.” Ezira 4:4, 23. Ariko Uwiteka yari yaragiye agoboka abubatsi, maze noneho atuma umuhanuzi kuri Zerubabeli agira ati: “Wa musozi munini we, wiyita iki? Imbere ya Zerubabeli uzaba ikibaya. Azazana n’ibuye

risumba ayandi, barangurure bati: ‘Nirihabwe umugisha! Nirihabwe umugisha!’” Zekariya 4:7. {AnA 554.3}

Mu gihe cyose cy’amateka y’ubwoko bw’Imana, imisozi minini cyane y’ingorane, ndetse zisa n’izitatambukwa, yagiye ihagarara imbere y’abageragezaga gusohoza imigambi y’Ijuru. Bene izo nzitizi zemerwa n’Uwiteka kugira ngo zibe ikigeragezo cyo kwizera. Igihe dusumbirijwe ku mpande zose, iki aba ari cyo gihe gisumba ibindi byose cyo kwiringira Imana n’imbaraga y’Umwuka wayo. Gushyira ukwizera kuzima mu bikorwa bisobanuye kwiyongera kw’imbaraga z’iby’umwuka ndetse n’iterambere ry’ukwizera kutadohoka. Muri ubwo buryo ni ho umuntu ahinduka imbaraga itsinda. Imbere y’ibyo ukwizera kudusaba, inzitizi Satani ashyira mu nzira y’Umukristo zizatamuruka; kuko ingabo zo mu ijuru zizamanukira kumufasha. “Ntakizabananira.” Matayo 17:20. {AnA 555.1}

Inzira y’isi igomba gutangirana no kwiyerekana no kwirata. Inzira y’Imana igomba guhindura umunsi ugaragaramo utuntu duto ukaba intangiriro y’insinzi ihebuje y’ukuri no gukiranuka. Rimwe na rimwe Imana yigisha abayikorera ikoresheje kutabageza ku byo bari biteze ndetse no kubageza mu byasa no gutsindwa. Umugambi wayo ni uko bamenya uko bitwara mu ngorane. {AnA 555.2}

Akenshi abantu bagwa mu kigeragezo cyo gucogora no gutentebukira imbere y’ibibahagarika umutima n’inzitizi bahura nazo. Ariko nibakomera ku byiringiro batangiranye ntibatezuke kugeza ku iherezo, Imana izabatunganyiriza inzira. Igihe bazaba bahangana n’izo nzitizi amaherezo bazagera ku nsinzi. Imbere y’umutima ushiritse ubwoba no kwizera kudacogora kwa Zerubabeli, imisozi minini y’ingorane izahinduka ikibaya; kandi nyiri amaboko yashinze urufatiro, ni we n’ubundi uzawurangirisha amaboko ye. “Azazana n’ibuye risumba ayandi, barangurure bati: ‘Nirihabwe umugisha! Nirihabwe umugisha!’” Zekariya 4:9,7. {AnA 555.3}

Imbaraga n’ububasha by’umuntu si byo byashinze itorero ry’Imana, kandi ntibishobora no kurisenya. Itorero ntiryashinzwe ku rutare rw’imbaraga z’umuntu, ahubwo ryashinzwe kuri Kristo Yesu, Urutare rw’iteka, “kandi amarembo y’ikuzimu ntazarishobora.” Matayo 16:18. Kuba Imana iri mu murimo wayo bituma muri wo haba gutuza. Ijambo tubwirwa ni iri ngo: “Ntimukiringire abakomeye cyangwa umwana w’umuntu.” Zaburo 146:3. “Mu ituza no mu byiringiro ni mo muzaherwa imbaraga.” Yesaya 30:15. Umurimo uhebuje w’Imana ushingiye ku mahame y’ubutungane y’iteka ryose, kandi uwo murimo ntuzigera uhinduka ubusa. Uzakomeza gukura ugenda wongerwa imbaraga kuko atari “ku bw’amaboko kandi si ku bw’imbaraga, ahubwo ni kubw’Umwuka wanjye.’ Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.” Zekariya 4:6. {AnA 556.1}

Isezerano ryavugaga riti: “Amaboko ya Zerubabeli ni yo yashyizeho urufatiro rw’iyi nzu; kandi amaboko ye ni yo azayuzuza,” ryaje gusohora rwose nk’uko ryari ryaravuzwe. (Umurongo wa 9). “Nuko abakuru b’Abayuda barubaka, babibashishwa no guhanura kwa Hagayi umuhanuzi na Zekariya mwene Ido. Barayubaka iruzura nk’uko itegeko ry’Imana ya Isirayeli ryari riri, kandi no ku bw’itegeko rya Kuro na Dariyo, na Aritazeruzi umwami w’u Buperesi. Iyo nzu yuzura ku munsi wa gatatu w’ukwezi kwa Adari [ukwezi k’Ukuboza], ko mu mwaka wa gatandatu wo ku ngoma y’Umwami Dariyo.” Ezira 6:14,15. {AnA 556.2}

Nyuma yahoo gato rwa rusengero rwari rwasanwe ryaje gutahwa. “Maze Abisirayeli n’abatambyi, n’Abalewi n’abandi bavuye mu bunyage, bagira umunsi w’ibirori wo gutaha iyo nzu y’Imana banezerewe;” “maze ku munsi wa cumi n’ine w’ukwezi kwa mbere” “baziririza Pasika.” Ezira 6:16,17,19. {AnA 556.3}

Urusengero rwa kabiri ntirwanganyije ubwiza n’urwa mbere, kandi nta nubwo rwubahishijwe bya bimenyetso bigaragara by’uko Imana ije aho byagaragaye ku rusengero rwa mbere. Nta kwigaragaza kw’imbaraga ndengakamere kwaranze itahwa ry’urwo rusengero. Nta gicu cy’ikuzo cyagaragaye ngo cyuzure ubwo buturo bwari bwubatswe bundi bushya. Nta muriro wamanutse uva mu ijuru ngo ukongore igitambo cyari ku gicaniro cyo muri ubwo buturo. Nta Shekina yari ikiba hagati y’abakerubi babaga mu cyumba cy’ahera cyane; isanduku y’isezerano, intebe y’ubuntu n’ibisate by’ibihamya ntibyari bikirangwa muri ubwo buturo. Nta kimenyetso kivuye mu ijuru cyamenyeshaga umutambyi ubushake bw’Uwiteka. {AnA 557.1}

Ariko kandi iyo yari inyubako Uwiteka yari yaravuze ibyayo abinyujije mu muhanuzi Hagayi agira ati: “Ubwiza bw’iyi nzu bwo hanyuma buzaruta ubwa mbere.” “Kandi nzahindisha amahanga yose umushyitsi, n’ibyifuzwa n’amahanga yose bizaza, kandi iyi nzu nzayuzuzamo ubwiza.” Hagayi 2:9,7. Mu myaka amagana menshi, abantu bajijutse bari barashishikariye kugaragaza uburyo isezerano Imana yahaye Hagayi ryaba ryarasohojwe; nyamara mu kuza kwa Yesu w’i Nazareti, Uwifuzwa n’amahanga yose (uwuharishije ibikari by’urwo rusengero ukuza kwe bwite) abantu benshi bari barinangiye banga kumubonamo agaciro kadasanzwe. Ubwibone no kutizera byari byarahumye intekerezo zabo ntibumve ubusobanuro nyakuri bw’amagambo y’umuhanuzi. {AnA 557.2}

Urusengero rwa kabiri ntirwubahishijwe igicu cy’ikuzo rya Yehova, ahubwo rwubahishijwe no kugerwamo na wundi muri we hari “ukuzura k’Ubumana kose mu buryo bw’umubiri” — Imana ubwayo yerekanwe “ifite umubiri.” Abakolosayi 2:9; 1Timoteyo 3:16. Mu guhabwa icyubahiro no kugerwamo na Kristo ubwe igihe yari mu murimo we hano ku isi, muri ibyo byonyine ni ho urusengero rwa kabiri rwarushije ubwiza urwa mbere. “Uwifuzwa

n’amahanga yose” yaje muri rusengero Rwe, igihe Umunyanazareti yigishirizaga kandi agakiriza mu bikari byarwo byera. {AnA 557.3}

IGICE CYA 49 - MU GIHE CY'UMWAMIKAZI ESITERI

Bitewe n'ubuntu bagiriwe na Kuro, hafi abari baravukiye mu bunyage bagera ku bihumbi mirongo itanu bari baraboneye icyanzu ku itegeko ryabemereraga gusubira iwabo. Nyamara abo ubagereranyije n'abandi ibihumbi byinshi bari baratatanyirijwe mu ntara zose z'ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi, bari abasigaye bake cyane. Umubare munini w'Abisirayeli bari barahisemo kwigumira mu gihugu bari barajayanwemo ari abanyagano aho guca mu miruho y'urugendo rubagarura iwabo n'iyo kongera kubaka imijyi n'ingo byabo byari byarabaye umusaka. {AnA 558.1}

Hashize indi myaka itari mike, ubwo itegeko rya kabiri, (ryari ryiza kuri bo nk'irya mbere) ryatangwaga na Dariyo Hiyasitasipesi, umwami wategekaga muri icyo gihe. Uko ni ko Imana mu mbabazi zayo yahaye andi mahirwe Abayuda bari mu gihugu cy'Abamedi n'Abaperesi kugaruka mu gihugu cya ba sekuruza babo. Uwiteka yabonye mbere ibihe bishishana byari kuzakurikiraho mu gihe cy'ingoma y'umwami Ahasuwerusi uvugwa mu gitabo cya Esiteri, maze ntiyatuma mu mitima y'abantu bari ku butegetsi habamo impinduka gusa, ahubwo inatera Zekariya kwingingira abajyanwe ari abanyagano kugaruka iwabo. {AnA 559.1}

Ubutumwa bwahawe imiryango y'Abisirayeli yari yaratatanyirijwe mu bihugu byinshi bya kure y'iwabo bwari ubu ngo: "Ngaho, ngaho, nimuhunge muve mu gihugu cy'ikasikazi, ni ko Uwiteka avuga, uko ibirere ari bine, ni byo nabatatanirijemo. Ni ko Uwiteka avuga. Yewe Siyoni wicaranye n'umukobwa w'i Babuloni, iruka ucike! Kuko Uwiteka Nyiringabo avuze ngo yantumye kumuhesha icyubahiro mu mahanga yabanyagaga, kuko ubakoraho aba akoze ku mboni y'ijisho rye. Dore nzayabanguriraho ukuboko kwanjye, kandi ayo mahanga azaba umunyago w'abayakoreraga. Ubwo muzamenya yuko Uwiteka Nyiringabo ari we wantumye." Zekariya 2:10-13. {AnA 559.2}

Nk'uko byari biri kuva mu itangiriro, umugambi w'Imana wari ukiri uw'uko ubwoko bwayo busingiza ikuzo ry'icyubahiro cyayo mu isi. Mu myaka myinshi yo kuba mu bunyage kwabo, Imana yari yaragiye ibaha amahirwe menshi yo guhindukira bakayubaha. Bamwe muri bo bari barahisemo gutega amatwi no kwiga; abandi bari baraboneye agakiza hagati mu mibabaro. Benshi muri abo bagombaga kubarirwa mu basigaye bari kuzagaruka iwabo. Ijambo ryahumetswe n'Imana ryabagereranyije n'ishami risumba ayandi ry'umwerezi muremure wagombaga guterwa "ku musozi muremure wa Isirayeli." Ezekiyeli 17:22, 23. {AnA 559.3}

"Abo Uwiteka yateye umwete wo guhaguruka" (Ezira 1:5) nib o bari barahagurutse kubw'itegeko ryatanzwe na Kuro. Ariko Imana ntiyigeze ihwema kwinginga abari

barihitiyemo kuguma mu gihugu cy'ubunyage ku bushake bwabo, kandi binyujjwe mu buryo bwinshi cyane Imana yari yarakoze ibishoboka kugira ngo nabo bagaruke iwabo. Nyamara umubare munini mu baratabashije kubahiriza itegeko rya Kuro bakomeje kudakorwa ku mutima no kurarika kwagiye gukurikiraho; ndetse n'igihe Zekariya yababuriraga guhunga ngo bave muri Babuloni badatindiganyije, ntibumviye irarika rye. {AnA 560.1}

Hagati aho mu bwami bw'Abamedi n'Abaperesi ibintu byagendaga bihinduka mu buryo bwihuse. Dariyo Hiyasitasipesi, uwo Abayuda bari baragiriwe ineza ikomeye ku ngoma ye yaje gusimburwa na Ahasuwerusi Ukomeye. Ku ngoma y'uyu Ahasuwerusi ni ho bamwe mu Bayuda bari baranze kumvira ubutumwa bwabasabaga guhunga bahuye n'akaga gakomeye. Kubera ko bari baranze kubonera icyuho mu nzira yo gucika Imana yari yaratanze, ubu noneho urupfu rwari rubibasiye. {AnA 560.2}

Akoresheje Hamani wakomokaga kuri Agagi kandi wari umutware ukomeye mu bwami bw'Abamedi n'Abaperesi, ubu noneho Satani yakoze uko ahsoboye kugira ngo arwanye imigambi y'Imana. Hamani yangaga urunuka Moridekayi w'Umuyuda. Nta kintu kibi Moridekayi yari yarakoreye Hamani, uretse gusa yari yaranze kumwubaha bisa no kumuranya. "Abonye ko gufata Moridekayi wenyine ntacyo bimaze" Hamani yacuze umugambi mubisha wo kurimbura Abayuda bose aho bari bari hose mu gihugu cya Ahasuwerusi, ndetse akarimbura ubwoko bwa Moridekayi. Esiteri 3:6. {AnA 560.3}

Ayobejwe n'ibinyoma bya Hamani, umwami Aritazerusi yagushijwe mu mutego wo guca iteka ryasabaga ko Abayuda bari baratatanye ndetse banyanyagiye mu mahanga yo mu ntara zose z'ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi bose bicwa. (umurongo wa 8). Hashyizweho umunsi Abayuda bagombaga kurimburwa kandi imitungo yabo ikanyagwa. Ntabwo umwami yigeze azirikana ingaruka ndende zari guherekeza ishyirwa mu bikorwa ryuzuye ry'iryo teka yari aciye. Satani ubwe, ari wari nyirabayazana wihishe w'uwo mugambi mubisha, yageragazaga gutsemba ku isi abari bakibarizwaho kumenya Imana y'ukuri. {AnA 561.1}

"Kandi mu bihugu byose, aho itegeko n'iteka ry'umwami byageraga, habagaho umubabaro mwinshi mu Bayuda bakiyiriza ubusa, kandi benshi muri bo biryamira hasi ku bigunira no mu ivu." Esiteri 4:3. Itegeko ry'Abamedi n'Abaperesi ntiryashoboraga kuvuguruzwa; uko byagaragaraga nta byiringiro byariho; Abisirayeli bose bagombaga kurmburwa. {AnA 561.2}

Ariko imigambi mibisha y'umwanzi yatsinzwe n'Imbaraga iganje mu bana b'abantu. Mu buntu bw'Imana, Esiteri Umuyudakazi wubahaga Isumbabyose, yari yaragizwe

umwamikazi w’ubwami bw’Abamedi n’Abaperesi. Moridekayi yari umuntu wa bugufi mu muryango wa Esiteri. Mu kaga gakomeye barimo, biyemeje gusanga umwami Ahasuwerusi kugira ngo bavuganire ubwoko bwabo. Esiteri yagombaga kwigerezaho akajya imbere nk’umuvugizi w’ubwoko bwe. Moridekayi yaravuze ati: “Ahari aho icyakwimitse ngo ube umwamikazi ni ukugira ngo ugire akamaro mu gihe gisa n’iki.” Esiteri 4:14. {AnA 561.3}

Akaga Esiteri yahuye na ko kasabaga ko habaho kugira igikorwa mu buryo bwihuse kandi agishimikiriye; ariko we na Moridekayi babonye ko Imana nitagira icyo ibakorera gikomeye, umuhati wabo ubwabo ntacyo ushobora kugeraho. Kubw’ibyo, Esiteri yafashe igihe cyo kwihererana n’Imana, Yo soko y’imbaraga ze. Esiteri yabwiye Moridekayi ati: “Genda uteranye Abayuda bari I Shushani bose, mwiyirize ubusa munsabire, mumare iminsi itatu ku manywa na nijoro,mutagira icyo murya cyangwa munywa. Nanjye n’abaja banjye tuzabigenza dutyo. Uko ni ko nzasanga umwami, nirengagije itegeko: kandi niba nzarimbuka nzarimbuke.” Esiteri 4:16. {AnA 561.4}

Ibyabaye byaje gukurikirana mu buryo bwihuse ari byo: kujya imbere y’umwami kwa Esiteri, ineza ikomeye yagaragarijwe, inkera y’umwami n’umwamikazi yatumiwemo Hamani wenyine, uko umwami yabuze ibitotsi, icyubahiro Moridekayi yaherewe mu ruhame ndetse no gukorwa n’isoni no gupfa kwa Hamani ubwo umugambi we mubisha watahurwaga — ibyo byose ni imigabane igize igitekerezo kizwi. Imana yakoreye ibitangaza ubwoko bwayo bwari bwihannye; maze umwami atanga itegeko rivuguruza irya mbere, ryemerera Abayuda kwirwanaho, bityo iryo tegeko rijyanwa mu turere twose tw’igihugu vuba vuba n’intumwa zihetswe n’amafarashi zagiye “zitewe umwete zihutishwa n’itegeko ry’umwami.” “Nuko mu gihugu cyose no mu mudugudu wose, aho itegeko n’iteka by’umwami byageraga, Abayuda baranezerwa bakishima; bakagira ibirori by’umunsi mukuru. Maze abantu benshi bo mu mahanga yo mu gihugu bihindura Abayuda, kuko Abayuda bari babateye ubwoba.” Esiteri 8:14,17. {AnA 562.1}

Umunsi wari washyiriweho ko ari ho bari burimburwe, “Abayuda bateranira mu midugudu yabo mu bihugu by’umwami Ahasuwerusi byose, ngo bafate abashakaga kubagirira nabi; nta muntu wabashaga kubabuza, kuko amahanga yose yari yabatinye.” Abamarayika bafite imbaraga z’ikirenga bari boherejwe kugira ngo barinde ubwoko bw’Imana mu gihe bwari bwahagurukiye kurengera ubuzima bwabwo. Esiteri 9:2,16. {AnA 562.2}

Moridekayi yahawe umwanya w’icyubahiro wari usanzwe ufitwe na Hamani. “Moridekayi yari uwa kabiri ku mwami Ahasuwerusi, kandi yari akomeye mu Bayuda, agashimwa na bene se uko bangana” (Esiteri 10:3); kandi yashakaga uko ateza imbere imibereho myiza y’Abisirayeli. Uko ni ko Imana yongeye guhesha icyubahiro ubwoko bwayo yatoranyije mu rugo rw’ibwami ku ngoma y’Abamedi n’Abaperesi, ituma bishoboka ko umugambi wayo

wo kubugarura mu gihugu cyabwo ushyirwa mu bikorwa. Nyamara nyuma y'imyaka myinshi, mu mwaka wa karindwi w'ingoma ya Aritazerusi wa I wasimbuye Ahasuwerusi Ukomeye, ni ho Abayuda benshi cyane basubiye i Yerusalemu bayobowe na Ezira. {AnA 563.1}

Ibintu bishishana byageze ku bwoko bw'Imana mu gihe cya Esiteri ntibyari umwihariko ku bo muri icyo gihe gusa. Ubwo umuhishuzi yarebaga kure mu bihe biheruka, yaravuze ati: "Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu." Ibyahishuwe 12:17. Abantu bamwe batuye ku isi muri iki gihe bazabona aya magambo asohora. Umwuka wateye abantu gutoteza itorero nyakuri mu bihe byashize, mu gihe kiri imbere uzatera abantu gukora nk'ibyakozwe kera bibasire abakomeza kuba indahemuka ku Mana. Ndetse no muri iki gihe imyiteguro y'uru rugamba rukomeye iri gukorwa. {AnA 563.2}

Itegeko rizatangwa ryibasiye ubwoko bw'Imana bwasigaye rizaba amaherezo risa rwose n'iryatanzwe na Ahasuwerusi ryibasiye Abayuda. Muri iki gihe, abanzi b'itorero nyakuri babona ko itsinda rito ryubahiriza itegeko ry'Isabato ari Moridekayi wicaye ku irembo ry'ibwami. Uko ubwoko bw'Imana bwubaha amategeko yayo ni [ijwi] rihoraho ricyaha abaretse kubaha Uwiteka kandi baribata Isabato Ye. {AnA 563.3}

Satani azahagurukiriza umujinya itsinda rito ryanga kwemera imigenzo n'imihango byabaye gikwira. Abantu bafite imyanya ikomeye kandi b'ibyamamare bazifatanya n'abatumvira amategeko n'inkozi z'ibibi bajye inama yo kwibasira ubwoko bw'Imana. Ubutunzi, ubuhanga n'amashuri yizwe bizafatanyiriza hamwe kubapfukirana ngo bagire igisuzuguriro. Abatware, abagabura na bamwe mu bagize itorero bazaba batoteza bazafatanya bacurire ubwoko bw'Imana imigambi mibisha. Bazashaka uko barimbura ukwizera kwabo bakoresheje imvugo, inyandiko, kubagira urw'amenyo, kubakangisha no kubakoza isoni. Kubwo kubavuga ibinyoma n'amagambo atera uburakari, abantu bazatera rubanda kubahagurukira. Bitewe no kutagira ijambo rivuga ngo: "Uku ni ko Ibyanditswe bivuga" bakwifashisha kugira ngo bavuguruze abashigikiye Isabato ivugwa na Bibiliya, [ababi] bazifashisha ibikorwa byo gukandamiza kugira ngo batwikire kubura icyo bavuga kwabo. Kugira ngo bamenyekane kandi bakundwe, abashinzwe gushyiraho amategeko bazemera gushyiraho amategeko ashyigikira Icyumweru. Nyamara abubaha Imana ntibashobora kwemera gahunda yica itegeko ryo mu Mategeko Cumi y'Imana. Kuri uru rubuga ni ho hazarwanirwa urugamba rukomeye ruheruka mu ntambara iri hagati y'ukuri n'ikinyoma. Nyamara ku byerekeye iki kibazo ntitwarekewe mu gushidikanya. Nk'uko byagenze mu gihe cya Esiteri na Moridekayi, no muri iki gihe Uwiteka azarengera ukuri kwe n'ubwoko bwe. {AnA 564.1}

IGICE CYA 50 - EZIRA, UMUTAMBYI N'UMWANDITSI

Ubwo hari hashize imyaka ijya kugera kuri mirongo irindwi itsinda rya mbere ry'abari barajyanwe mu bunyage bagarutse mu Buyuda bayobowe na Zerubabeli na Yosuwa, Aritazerusi Longimanusi yimye ingoma y'Abamedi n'Abaperesi. Izina ry'uyu mwami rifitanye isano n'amateka yera kubw'ibintu byiza byinshi bigaragara yakoze. Ku ngoma ye ni ho Ezira na Nehemiya babayeho kandi bakora umurimo wabo. Ni we mu mwaka wa 457 M.K (Mbere y'ivuka rya Kristo) watanze itegeko rya gatatu ari na ryo rya nyuma ryo gusana Yerusalemu. Ku ngoma ye habayeho gutahuka kw'itsinda ry'Abayuda bayobowe na Ezira, kuzuzwa kw'inkike za Yerusalemu zisanwe na Nehemiya n'abafasha be, gusubizwaho kw'imihango yo mu rusengero ndetse n'amavugurura (cyangwa ubugorozi) akomeye mu by'iyobokamana yakozwe na na Ezira na Nehemiya. Mu gihe kirekire Aritazerusi Longimanusi yamaze ku ngoma, akenshi yagiye agirira neza ubwoko bw'Imana, kandi Ezira na Nehemiya, incuti ze yiringiraga kandi yakundaga cyane, yababonyemo kuba barashyizweho n'Imana, ndetse barahagurukijwe kugira ngo bakore umurimo wihariye. {AnA 565.1}

Ibyo EZIRA yahuye nabyo igihe yabanaga n'Abayuda bari barasigaye muri Babuloni byari ibintu bidasanzwe ku buryo byatumye umwami Aritazerusi abyitaho. Ezira yaganiriye n'umwami bisanzuye ibyerekeye imbaraga z'Imana yo mu ijuru ndetse n'umugambi wayo wo gusubiza Abayuda i Yerusalemu. {AnA 565.2}

Ezira wari waravutse kuri umwe muri bene Aroni, yari yaratojwe iby'ubutambyi; kandi icyiyongera kuri ibyo, yari azi kandi amenyereye neza inyandiko z'abapfumu n'abashitsi, abahanga mu by'inyenyeri ndetse n'abanyabwenge bo mu bwami bw'Abamedi n'Abaperesi. Nyamara ntiyari anyuze n'imibereho ye y'iby'umwuka. Yifuzaga cyane guhuza rwose n'ubushake bw'Imana; yifuzaga ubwenge bwo kumubashisha gusohoza ubushake bw'Imana. "yari yaramaramaje mu mutima we gushaka amategeko y'Uwiteka ngo ayasohoze." Ezira 7:10. Ibi byamuteye kwiga amateka y'ubwoko bw'Imana abishimikiriye nk'uko yari yanditswe mu nyandiko z'abahanuzi n'abami. Yashatse ibitabo by'amateka n'iby'ubusizi biri muri Bibiliya kugira ngo amenye impamvu Uwiteka yemeye ko Yerusalemu isenywa ndetse n'ubwoko bwayo bukajyana ari abanyagano mu gihugu cy'abapagani. {AnA 565.3}

Ezira yatekereje mu buryo bwihariye ku byo Abisirayeli banyuzemo uhereye igihe Aburahamu yaherewe isezerano. Yize amabwiriza yatangiwe ku musozi Sinayi n'ayagiye atangwa mu gihe kirekire cy'urugendo rwo kuzerera mu butayu. Ubwo yagendaga rushaho kumenya byinshi byerekeye ibyo Imana yagiye igirira abana bayo, kandi agasobanukirwa

ukwera kw'amategeko yatangiwe kuri Sinayi, umutima wa Ezira warakangutse. Yagize guhinduka gushya kandi kumaramaje ndetse yiyemeza kumenya neza ibyanditswe byerekeye amatek yera kugira ngo ubwo bumenyi ajye abukoresha mu kugeza umugisha n'umucyo ku b'ubwoko bwe. {AnA 566.1}

Ezira yashishikariye kwitegura neza umurimo yizeraga ko uri imbere ye. Yashatse Imana abikuye ku mutima kugira ngo abashe kuba umwigisha w'umunyabwenge muri Isirayeli. Ubwo yigaga kwegurira Imana ubwenge n'ubushake bwe kugira ngo abe ari Yo ibigenga, amahame yo kwezwa nyakuri yaje mu bugingo bwe ku buryo mu myaka yaje gukurikiraho ayo mahame kugira imbaraga ihindura urubyiruko rwamushatse ngo arwigishe ndetse n'abandi bose bifatanyaga na we. {AnA 566.2}

Imana yatoranyije Ezira kugira ngo abe igikoresho kizanira ibyiza Isirayeli no kugira ngo Imana yubahishe gahunda y'ubutambyi kuko ubwiza bwayo bwari bwarasiribanzwe bikomeye mu gihe cyo kuba mu bunyage. Ezira yaje kuba umuntu ufite ubwenge bw'indengakamere kandi ahinduka "umwanditsi w'umuhanga mu by'amategeko ya Mose." Ezira 7:6. Ibyo byangombwa yari yujuje byamugize umuntu w'ikirangirire mu bwami bw'Abamedi n'Abaperesi. {AnA 567.1}

Ezira yahindutse uvugira Imana, akigisha abamuzengurutse amahame agenga ijuru. Mu myaka yakurikiyeho yo kubaho kwe, haba igihe yari hafi y'ingoro y'umwami w'Abamedi n'Abaperesi cyangwa i Yerusalemu, umurimo we w'ingenzi wari uw'umwigisha. Igihe yamenyeshaga abandi ukuri yamenye, ubushobozi bwe bwo gukora bwariyongeraga. Yahindutse umuntu utunganye kandi ufite umwete. Yari umuhamya w'Uwiteka akabwira abatuye isi imbaraga ukuri kwa Bibiliya gufite zo kuboneza imibereho ya buri munsi. {AnA 567.2}

Imihati Ezira yagize yo gukangurira abantu kwita ku kwiga Ibyanditswe Byera yahawe ikimenyetso kitazibagirana n'umurimo ugoye kandi yakoze mu buzima bwe wo kurinda no kwandukura ibitabo byinshi by'Inyandiko Zera. Yakusanyije ibitabo byose by'amategeko yashoboraga kubona maze arongera arabyandukura kandi arabikwirakwiza. Ijambo ritunganye ryari ryarandukuwemo ibitabo byinshi muri ubwo buryo kandi rigashyikirizwa abantu benshi, ryatanze ubwenge bufite agaciro katagerwa. {AnA 567.3}

Uko Ezira yizeraga ko Imana izakorera ubwoko bwayo umurimo ukomeye kwamuteye kubwira umwami Aritazerusi icyifuzo cye cyo gusubira i Yerusalemu gukangurira abantu gushishikarira kwiga ijambo ry'Imana ndetse no gufasha bagenzi be gusana Umurwa Wera. Ubwo Ezira yavugaga uko yiringiraga ko Imana ya Isirayeli ari Imana ishoboye rwose kurinda no kwita ku bwoko bwayo, ibyo byakoze umwami ku mutima cyane. Yasobanukiwe

neza ko Abisirayeli bari gusubira i Yerusalemu kugira ngo babashe gukorera Yehova; nyamara kandi icyizere umwami yari afitiye ubudahemuka bwa Ezira cyari gikomeye cyane ku buryo yamugaragarije ineza itangaje, amwemerera ibyo yamusabye kandi amuha n’impano nyinshi zo kwifashisha mu mirimo y’urusengero. Yamugize intumwa idasanzwe ihagarariye ubwami bw’Abamedi n’Abaperesi kandi amuha ububasha busesuye bwo gusohoza imigambi yari mu mutima we. {AnA 567.4}

Itegeko ryatanzwe na Aritazerusi Longimanusi ryo gusana no kubaka Yerusalemu (ari naryo ryabaye irya gatatu ryatanzwe nyuma y’irangira ry’imyaka mirongo irindwi yo kuba mu bunyage), ririgaragaza cyane bitewe n’imvugo ryakoresheje yerekeye Imana yo mu ijuru, uko ryahaye agaciro ibyo Ezira yagezeho ndetse n’impano zatanganwe ubuntu bwinshi zahawe ubwoko bw’Imana bwasigaye. Aritazerusi avuga kuri Ezira amwita “umutambyi n’umwanditsi; ndetse yari n’umwanditsi w’amagambo y’amategeko y’Uwiteka n’ibyo yategetse Abisirayeli;” “umwanditsi w’amategeko y’Imana nyir’ijuru.” Umwami yafatanyije n’abajyanama be gutangana ubuntu bagatura “Imana ya Isirayeli iba i Yerusalemu;” kandi ikigeretse kuri ibyo yatanze ibyari kwishyura ibyakoreshejwe bikomeye maze ategeka ko bizishyurwa bikuwe “mu nzu ibikwamo ibintu by’umwami.” Ezira 7:11,12,15, 20. {AnA 568.1}

Aritazerusi yabwiye Ezira ati: “Kuko jyewe umwami n’abajyanama banjye barindwi tugutumye ngo ujye kubaza iby’i Buyuda n’i Yerusalemu, nk’uko amategeko y’Imana yawe ufite ameze.” Yarakomeje aca iteka ati: “Ikizategekwa n’Imana nyir’ijuru cyose gukorwa ku nzu yayo, kijye gikorwa bitunganye; kugira ngo uburakari butagera mu gihugu cy’umwami n’abahungu be.” Ezira 7:14, 23. {AnA 568.2}

Ubwo yahaga Abisirayeli uburenganzira bwo gusubira iwabo, Aritazerusi yateguye uburyo abari bashinzwe umurimo w’ubutambyi bazasubizwa ku mihango bayoboraga kera kandi bagahabwa n’ibyo bari bagenewe. Yaravuze ati: “Kandi tubasobanuriye iby’abatambyi n’Abalewi n’abaririmbyi n’abakumirizi n’Abanetinimu n’abagaragu b’iyo nzu y’Imana bose uko bangana, nta tegeko ryo kubaka umusoro cyangwa ihoro cyangwa ikoro.” Yateguye kandi uburyo bwo gushyiraho abayobozi ba gisivili bo kuyobora abantu mu buryo butunganye kandi buhuje rwose n’igitabo cy’amategeko y’Abayuda. Yarategetse ati: “Kandi nawe Ezira, uko ubwenge bw’Imana yawe bukurimo, uzatoranye abatware n’abacamanza bo gucira imanza abantu bo hakurya y’uruzi, abazi amategeko y’Imana yawe bose, n’utayazi muzajye muyamwigisha. Maze utazemera kwitondera amategeko y’Imana yawe n’amategeko y’umwami, bajye bagira umwete wose wo kumucira urubanza, rwaba urwo kwicwa cyangwa urwo gucibwa, cyangwa urwo kunyagwa ibye cyangwa urwo kumuboha.” Ezira 7:24-26. {AnA 569.1}

Uko ni ko Ezira “abiheshejwe n’ukuboko kw’Imana ye kwari kuri we,” yemeje umwami gutanga ibintu byinshi bizafasha mu gutahuka kw’Abisirayeli bose n’abatambyi n’Abalewi babaga mu bwami bw’Abamedi n’Abaperesi, “bashakaga ubwabo kujya i Yerusalemu.” (umurongo wa 9,13). Uko ni ko abari baratatanyijwe bongeye guhabwa amahirwe yo gusubira mu gihugu ab’inzu ya Isirayeli bari barasezeraniwe guturamo kikaba icyabo. {AnA 569.2}

Iri tegeko ryashimishije cyane abari barafatanyije na Ezira kwiga iby’umugambi Imana ifitiye ubwoko bwayo. Ezira yateye hejuru aravuga ati: “Uwiteka Imana ya ba sogokuruza ishimwe, yashyize mu mutima w’umwami imigambi imeze ityo yo kurimbisha inzu y’Uwiteka iri i Yerusalemu. Kandi niyo yansaguriyeho imbabazi zayo imbere y’umwami n’abajyanama, n’imbere y’ibikomangoma bye bikomeye byose. Nuko mpeshwa imbaraga n’ukuboko k’Uwiteka Imana yanjye kwari kuri jye, mpera ko nteranya abakuru bo mu Bisirayeli ngo tuzamukane.” Ezira 7:27, 28. {AnA 569.3}

Ubuntu bw’Imana bwigaragarije mu itangazwa ry’iri tegeko ryatanzwe na Aritazerusi. Abantu bamwe basobanukiwe ibi kandi bakoresha ayo mahirwe babonye yo gusubira iwabo bishimye mu bihe byari byiza nk’ibyo. Hashyizweho ahantu rusange bari buhurire, maze igihe cyagenwe kigeze abifuzaga kujya i Yerusalemu barahateranira kugira ngo bafate urwo rugendo rurerure. Ezira aravuga ati: “Abo mbateraniriza ku mugezi ujya Ahava, tuhaca ingando, tuhamara gatatu.” Ezira 8:15. {AnA 570.1}

Ezira yari yiteze ko umubare munini cyane w’abantu uri bugaruke iYerusalemu, ariko umubare w’abitabiriye iryo rarika wari muto ku buryo wari urucantege. Abantu benshi bari barubatse amazu kandi baraguze n’amasambu ntibifuzaga gusiga ubwo butunzi. Bakundaga ubuzima buboroheye no kugubwa neza kandi bari banyuzwe no kwigumira [mu gihugu cy’ubunyage]. Urugero batanze rwabaye inkomyi ku bandi bajyaga guhitamo kwifatanya n’abajyaga imbere kubwo kwizera. {AnA 570.2}

Ubwo Ezira yitegerezaga itsinda ry’abari bateraniye aho, yatangajwe no kutabona n’umwe wo muri bene Lewi. Mbese abo mu muryango wari waratoranyirijwe gukora imihango yera yo mu rusengero bari hehe? Ku ihamagara ryavuze riti: ‘Ni nde uri ku ruhande rw’Uwiteka?’ Abalewi bagombye kuba ari bo baba aba mbere gusubiza. Mu gihe cyo kuba mu bunyage ndetse na nyuma yaho, Abalewi bari barahawe amahirwe menshi. Bari barahawe umudendezo usesuye wo kwita ku bukene bw’iby’umwuka bw’abavandimwe babo aho mu gihugu cy’ubunyage barimo. Amasinagogi yari yarubatswe, kandi muri yo ni ho abatambyi bayoboreraga gahunda yo kuramya Imana no kwigisha abantu. Bari barahawe umudendezo usesuye kandi wo kubahiriza Isabato no gukora imihango yera yajyaniranaga n’ukwizera kw’Abayahudi. {AnA 570.3}

Ariko uko imyaka yahitaga nyuma kurangira ku kuba mu bunyage, ibintu byarahindutse, kandi abayobozi bo muri Isirayeli bari bafite inshingango nshya nyinshi. Urusengero rw'i Yerusalemu rwari rwarasanwe kandi rwaratashywe, bityo hari hakenewe abatambyi benshi kugira ngo bakomeze gukora imirimo yo mu rusengero. Hari hakenewe cyane abantu b'Imana bagombaga gukora ari abigisha b'ishyanga. Ikindi kandi, Abayuda bari barasigaye i Babuloni bari bari mu kaga ko kuvutswa umudendezo wabo mu by'idini. Binyujijwe ku muhanuzi Zekariya kimwe n'ibyo bari baherutse kunyuramo mu bihe bishishana bya Esiteri na Moridekayi, Abayuda bari mu bwami bw'Abamedi n'Abaperesi bari baraburiwe mu buryo bweruye ko bagomba gusubira mu gihugu cyabo. Igihe cyari kigeze ubwo gukomeza kubana n'abapagani igihe kirekire byari biteje akaga gakomeye kuri bo. Kubera ko uko ibintu byari bimeze kwari kwahindutse, i Babuloni abatambyi bagombaga gusobanukirwa mu buryo bwihuse ko mu itangwa ry'iryo tegeko harimo irarika ridasanzwe ribahamagarira gusubira i Yerusalemu. {AnA 571.1}

Umwami n'ibikomangoma bye bari bakoze byinshi birenze uruhare rwabo maze bakingura inzira ngo abasubura iwabo bagende. Bari batanze ibyo kwifashisha byinshi, ariko se abantu bo bari hehe? Bene Lewi batsinzwe igihe imbaraga iturutse ku cyemezo bari gufata cyo kujyana n'abavandimwe babo iba yarateye abandi gukurikiza urugero rwabo. Kutagira icyo bitaho kwabo kudasanzwe ni ihishurwa ribabaje ry'uko Abisirayeli muri Babuloni bafataga umugambi Imana yari ifitiye ubwoko bwayo. {AnA 571.2}

Ezira yongeye guhamagaza Abalewi, abohereza irarika ry'ikubagahu ribahamagarira kwifatanya n'abari kumwe na we. Kugira ngo ashimangire akamaro k'uko bagomba kugira icyo bakora byihuse, Ezira yatumye benshi mu bakuru bo mu Bisirayeli n'abigisha abaha urwandiko rubinginga yiyandikiye ubwe. Ezira 7:28; 8:16. {AnA 572.1}

Mu gihe abari biteguye kugenda bari bagitindanye na Ezira,mizo ntumwa zizewe zihutiye gusubiranayo ubutumwa bwasabaga ngo: "batwohereze abahereza b'inzu y'Imana yacu." Ezira 8:17. Iryo rarika ryarumviwe maze bamwe mu bari banze kugenda bafata icyemezo giheruka cyo gutaha iwabo. Muri abo bose, aho bari bateraniye haje abatambyi bagera kuri mirongo ine ndetse n'abagabo b'Abanetinimu ijana na makumyabiri Ezira yashoboraga kwishingikirizaho nk'abantu b'abanyabwenge n'abigisha n'abahereza beza. {AnA 572.2}

Noneho bose bari biteguye guhaguruka bakagenda. Imbere yabo hari urugendo rwari gutwara amezi menshi. Abagabo bajyanaga n'abagore babo n'abana babo n'imitungo yabo, kandi bagatwara n'ubutunzi bwinshi bwo gukoreshwa mu rusengero no mu mihango yarukorerwagamo. Ezira yari azi neza ko abanzi babategeye mu nzira bituguye kumunyaga nokumurimbura we n'abo bari kumwe; nyamara ntiyigeze asaba umwami Aritazerusi ingabo zo kubarinda. Yari yarasobanuye ati: "Kuko nagize isoni zo gusaba umwami umutwe

w'ingabo z'abasirikare n'iz'abagendera ku mafarashi, ngo badutabare ku babisha bacu bari mu nzira, kuko twari twavuganye n'umwami tuti: "Amaboko y'Imana yacu ari ku bayishaka bose ngo abagirire neza, ariko imbaraga zayo n'uburakari bwayo birwanye abayireka bose." Ezira 8:22. {AnA 572.3}

Muri iki kibazo, Ezira n'abo bari kumwe babonye umwanya wo kwerereza izina ry'Imana imbere y'abapagani. Kwizera imbaraga z'Imana ihoraho kuba kwarakomejwe iyo Abisirayeli ubwabo bagaragaza kwizera Umuyobozi wabo mu buryo bwimbitse (implicit faith). Kubw'ibyo rero, biyemeje gushyira ibyiringiro byabo byose mu Mana. Ntibajyaga gusaba abasirikare bo kubarinda. Ntibari guha abapagani amahirwe yo guha imbaraga za muntu ikuzo rikwiriye Imana yonyine. Ntibashoboraga kwemera gutera mu ntekerezo z'incuti zabo z'abapagani igitekerezo na kimwe cyo gushidikanya ku kuvugisha ukuri kwabo ko bishingikirije ku Mana nk'ubwoko bwayo. Ntabwo bari kugira imbaraga bikomotse ku butunzi, cyangwa ku maboko n'ububasha by'abantu basenga ibigirwamana, ahubwo bari kugira imbaraga kubw'ubuntu bw'Imana. Bari kurindwa gusa kubwo gukomereza amategeko y'Uwiteka imbere yabo no guharanira kuyakurikiza. {AnA 572.4}

(p.616 original) Uku kumenya ibyangombwa bari kuba bujuje kugira ngo bakomeze kubana n'ukuboko gutanga amahoro kw'Imana, byasabye ibirenze kumaramaza gusanzwe ku muhango wo kwitanga wabaye mbere yo gufata urugendo wakozwe na Ezira n'itsinda bari kumwe ry'abantu b'indahemuka. Ezira yavuze kuri ibyo agira ati: "Maze ntegekera kwiyiriza ubusa aho ngaho kuri uwo mugezi Ahava, kugira ngo twicishe bugufi imbere y'Imana yacu, ngo tuyiyoboze inzira idutunganiye, twebwe n'abana bacu bato n'ibintu byacu byose." "Nuko twiyiriza ubusa, dusaba Imana yacu tuyinginga, yemera kutwumvira." Ezira 8:21, 23. {AnA 573.1}

Nyamara imigisha y'Imana ntituma bitaba ngombwa ko tugira gushishoza no kugira amakenga. Nk'uburyo bwihariye bwo kurinda ubutunzi bari bafite, Ezira yatoranyije "cumi na babiri mu batware b'abatambyi," — bari abagabo bari baragaragaye ko ari abiringirwa n'indahemuka - maze "abahereza ifeza n'izahabu n'ibintu by'amaturo y'inzu y'Imana yacu, iby'umwami n'abajyanama be n'abatware be n'Abisirayeli bari bahari bose batuye." Abo bagabo bashinzwe mu buryo bukomeye gukora nk'ibisonga bidahuga bakita cyane ku butunzi bari baragijwe. Ezira yarababwiye: "Mwebwe muri aberejwe Uwiteka, n'ibintu bikoreshwa na byo ni ibyera, hamwe n'izo feza n'izahabu n'ituro batuye Uwitek Imana ya ba sogokuruza babikunze. Mube amso mubirinde, kugeza aho muzabigerera imbere y'abatware b'abatambyi n'Abalewi n'abatware b'amazu ya aba sogokuruza b'Abisirayeli, mu byumba byo mu nzu y'Uwiteka i Yerusalemu." Ezira 8:24,25,28,29. {AnA 573.2}

Ubushishozi Ezira yakoresheje ategura uburyo bwo gutwara ndetse n'ubw'umutekano w'umutungo w'Uwiteka, butwigisha isomo rigomba kwiganwa gutekereza byimbitse. Hatoranyijwe abantu bari baragaragaweho ko ari abiringirwa gusa, kandi bahawe amabwiriza yumvikana yerekaye uko inshingano bafite. Mu gushyiraho abatware b'abiringirwa bagombaga gucunga ibintu by'Uwiteka, Ezira yazirikanye ko gahunda mu byerekeye umurimo w'Imana ari ngombwa kandi ko ifite agaciro. {AnA 574.1}

Mu minsi mike Abisirayeli batinze ku mugezi Ahava, ibintu byose bijyana n'urugendo byararinganijwe. Ezira yaranditse ati: "Bukeye ku munsi wa cumi n'ibiri w'ukwezi kwa mbereduhaguruka ku mugezi Ahava, tujya ii Yerusalemu; ukuboko kw'Imana yacu kuba kuri twe; idukiza amaboko y'ababisha, n'abaduciriye ibico mu nzira." Ezira 8:31. Urwo rugendo rwamaze hafi amezi ane bitewe n'uko imbaga yajyanaga na Ezira yari igizwe n'abantu ibihumbi byinshi, harimo abagore n'abana bigatuma bagenda buhoro buhoro. Nyamara bose bararinzwe baba amahoro. Abanzi babo babujijwe kubagirira nabi. Urugendo rwabo rwabaye amahoro rwose, bityo bagera i Yerusalemu ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa gatanu, mu mwaka wa karindwi w'ingoma ya Aritazerusi. {AnA 574.2}

IGICE CYA 51 - UBUBYUTSE MU BY'UMWUKA

Kugera i Yerusalemu kwa Ezira byababaye amahirwe. Hari ubukene bukomeye bw'impinduka yari guteza aramutse ahari. Kuza kwe kwazanye ubutwari n'ibyiringiro mu mitima y'abantu benshi bari bamaze igihe kirekire bakora mu bihe bigoye. Uhereye igihe abari barajyanwe ho iminyago bagarukaga ubwa mbere bayobowe na Zerubabeli na Yosuwa - hari hashize imyaka isaga mirongo irindwi — hari ibintu byinshi byari byarakozwe. Urusengero rwari rwararangiye gusanwa, kandi inkike z'umurwa zari zigeze mu cyeragati zisanwa. Nyamara hari ibintu byinshi byari bitarakorwa. {AnA 575.1}

Abari baragarutse i Yerusalemu mu myaka ya mbere y'icyo gihe, harimo benshi bari barakomeje kuba indahemuka ku Mana mu minsi yose yo kubaho kwabo; nyamara umubare munini w'abana n'abuzukuru babo batakobwe ku kwera kw'amategeko y'Imana. Ndetse na bamwe mu bantu bari barahawe inshingano zikomeye bakoraga ibyaha ku mugaragaro. Ku rwego rukomeye, ibyo bakoraga byahinduraga ubusa umuhati wagirwaga n'abandi bashakaga guteza imbere umurimo w'Imana. Bitewe n'uko kwica amategeko y'Imana bihandagaje byaretswe ntibicyahwe igihe kirekire cyane, umugisha w'Ijuru ntiwashoboraga kugera ku bantu. {AnA 575.2}

Kubw'ubuntu bw'Imana, abagarukanye na Ezira bagize ibihe byihariye byo gushaka Uwiteka. Ibyo bari baranyuzemo mu rugendo rwabo bava i Babuloni batarinzwe n'ububasha ubwo ari bwo bwose bw'umuntu, byari byarabigishije ibyigisho bikomeye mu by'umwuka. Benshi bari barakuze maze bakomera mu byo kwizera; kandi ubwo abo bivangaga n'abari bacise intege n'abandi batari bafite icyo bitayeho muri Yerusalemu, impinduka bashoboraga guteza zari ikintu gikomeye mu bugorozi bwakurikiyeho bidatinze. {AnA 576.1}

Nyuma yo kugera i Yerusalemu, ku munsi wa kane ubutunzi bw'ifeza n'izahabu, ndetse n'ibikoresho byifashishwa mu mihango y'ubuturo bwera, byatanzwe n'ababitsi maze bishyikirizwa abakuru b'urusengero mu maso y'abahamya babirebaga kandi babitanga uko biri nta kwibeshya. Ibintu byose "byarabaruwe kandi birapimwa ntihagira ikibura." Ezira 8:34. {AnA 576.2}

Abana bari baravukiye mu bunyage bari baragarukanye na Ezira "batura Imana ya Isirayeli ibitambo bikongorwa n'umuriro" nk'igitambo gitambirwa ibyaha ndetse n'ikimenyetso cyo kunyurwa no gushimira Imana kubarindisha abamarayika bayo bera mu rugendo. "Maze bashyikiriza abatware b'umwami n'ibisonga bye bo hakurya y'uruzi amategeko y'umwami, na bo bafasha abantu n'inzu y'Imana." Ezira 8:35, 36. {AnA 576.3}

Bidatinze nyuma yaho, bake mu batware b'Abisirayeli basanze Ezira bitotomba bikomeye. Bamwe mu "Bisirayeli n'abatambyi n'Abalewi" bari barirengagije amategeko yera

y'Uwiteka kugeza ubwo bashyingirana n'amahanga yari abakikije. Ezira yabwiwe ko "ubwabo [abanyamahanga] birongorera abakobwa babo bakabashyingira n'abahungu babo, bigatuma urubyaro rwera rwivanga n'abantu bo muri ibyo bihugu;" by'abapagani; {AnA 576.4}

"ndetse abatware n'abanyamategeko ni bo barushijeho gucumura muri ibyo." Ezira 9:1,2. {AnA 577.1}

Ubwo Ezira yigaga impamvu zatumye bajyanwa mu bunyage i Babuloni, yari yaramenye ko ubuhakanyi bwa Isirayeli bwagiye bugirana isano cyane no n'uko bivangaga n'amahanga y'abapagani. Yari yarabonye ko iyo bumvira itegeko ry'Imana ryabasabaga kwitandukanya n'amahanga yari abakikije, baba bataragezweho n'ibintu bibabaje kandi bibakoza isoni bahuye nabyo. Ariko noneho ubwo yamenyaga ko nubwo hari ibyigisho byo mu gihe cyashize, abantu bo mu rwego rwo hejuru bari barahangaye kwica amategeko yatangiwe kugira ngo abarinde ubuhakanyi, yakutse umutima. Yatekereje ku kugira neza kw'Imana kwagaragaye mu kongera gutuma ubwoko bwayo bugaruka mu gihugu cyabwo, bityo Ezira atangara cyane yuzuye uburakari bwera n'intimba kubwo kuba indashima kwabo. Yaravuze ati: "Numvise ibyo, nshishimura umwambaro n'umwitero wanjye, nipfura umusatsi ku mutwe, ndetse n'ipfura n'ubwanwa, nicara numiwe." {AnA 577.2}

"Aho nari ndi hateranira abantu bose bahindishijwe umushyitsi n'amagambo y'Imana ya Isirayeli, kubw'igicumuro cy'abavuye mu bunyage; ngumya kwicara numiwe, ngeza ku gihe cyo gutura kwa nimugoroba." Ezira 9:3,4. {AnA 577.3}

Igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba Ezira yarahagurutse, maze arongera ashishimura umwambaro n'umwitero we, arapfukama maze umutwaro wari uremereye umutima we abitura Ijuru asenga yinginga. Yaramburiye amaboko ye Uwiteka maze aravuga ati: "Ayii! Mana yanjye, nkozwe n'isoni, mu maso hanjye hara tugengeza bimbuza kukuburiraho amaso. Mana yanjye, kuko ibicumuro byacu bigwiriye bikaturengerana, dutsinzwe n'imanza nyinshi zarundanijwe zikagera mu ijuru. {AnA 577.4}

Yakomeje asenga ati: "Uhereye mu bihe bya ba sogokuruza twagibwaga ho n'urubanza rukomeye cyane na bugingo b'ubu, kandi ibicumuro byacu ni byo byatumye dutanganwa n'abami bacu n'abatambyi bacu tugahabwa abami bo mu bindi bihugu, tukicwa n'inkota, tukajyanwa turi imbohe, tukanyagwa, tugakorwa n'isoni nk'uko bimeze ubu. Ariko noneho muri uyu mwanya muto, Uwiteka Imana yacu yerekanye imbabazi zayo idusigariza igice cy'abantu kirokotse, idushyiriye ingango Ahera hayo kugira ngo ihwejeshe amaso yacu, iduhumurize buhoro mu buretwa bwacu. {AnA 578.1}

Erega turi abaretwa ko! Ariko Imana yacu ntiduhānye mu buretwa bwacu, ahubwo idusaguriyeho imbabazi zayo imbere y'abami b'u Buperesi, iraduhumuriza kugirango twubake inzu y'Imana yacu kandi ngo dusane ahasenyutse hayo, ngo iduhe n'inkike idukikije i Buyuda n'i Yerusalemu. {AnA 578.2}

"Noneho Mana yacu, ibyo ko byarangiye turavuga iki kandi? Ko twaretse amategeko yawe wategekeye mu bagaragu bawe b'abahanuzi, ukavuga uti 'Igihugu mujyamo ngo mugihīndure, ni igihugu cyandujwe no gukiranirwa n'ibizira bikorwa n'abanyamahanga bo mu bihugu, bacyujuje n'imyanda yabo hose irasāngana, kandi ngo nuko rero ntimuzashyingirane na bo, kandi ntimuzabashakire amahoro cyangwa kugubwa neza iminsi yose kugira ngo mube abantu bakomeye, murye ibyiza byo mu gihugu, muzakirage abana banyu kibe gakondo yabo iteka ryose.' None rero ubwo ibyo byose bitugezeho, tukagibwaho n'urubanza rukomeye tuzira ingeso zacu mbi. Kandi none Mana yacu, ukaba uduhannye igihano kidahwanye n'ibicumuro byacu ukadusigariza igice kingana gityo, mbese twakongera guca mu mategeko yawe, tugashyingirana n'abanyamahanga bakora ibyo bizira? Ntiwaturakarira ukageza aho wazaturimburira, ntihagire igice kirokoka cyangwa ucika ku icumu? Uwiteka Mana ya Isirayeli, ni wowe ukiranuka kuko twebwe dusigaye turi igice kirokotse nk'uko bimeze ubu. Dore turi imbere yawe turiho urubanza, ibyo ni byo bituma tutabasha guhagarara imbere yawe." Ezira 9:6-15. {AnA 578.3}

Agahinda ka Ezira n'abari bamwungirije bababajwe n'ibibi byari byarinjijwe mu murimo w'Uwiteka buhoro buhoro, kateye abantu kwihana. Benshi mu bari baracumuye bakozwe ku mutima mu buryo bwimbitse. "Abantu barariraga cyane." Ezira 10:1. Ku rwego runaka batangiye gusobanukirwa n'ububi bukabije bw'icyaha ndetse n'uburyo Imana icyanga urunuka. Babonye ukwera kw'amategeko yavugiwe kuri Sinayi, kandi abantu benshi bahindishwa umushyitsi no gutekereza ibicumuro byabo. {AnA 579.1}

Umwe mu bari aho witwaga Shekaniya yazirikanye ko amagambo yavuzwe na Ezira yose ari ukuri. Yaratuye aravuga ati: "Twacumuye Imana yacu, dushaka abagore b'abanyamahangakazi bo mu mahanga yo mu bihugu; ariko noneho muri ibyo haracyariho ibyiringiro by'uko Abisirayeli bakira." Shekariya yatanze icyifuzo cy'uko abantu bose bacumuye bagirana isezerano n'Imana ry'uko bazinutswe icyaha cyabo kandi ko bacirwa urubanza "hakurikijwe uko amategeko ateganya." Yasabye Ezira ati: "Byuka, kuko ari ibyawe, kandi turi kumwe nawe; ntutinye ubikore." "Ezira aherako arabyuka, arahiza abakuru b'abatambyi n'Abalewi n'Abisirayeli bose, yuko bazabigenza nk'uko bagiye inama. Nuko bararahira." Ezira 10:2-5. {AnA 579.2}

Iri ryari itangiriro ry'ubugorozi butangaje. Ezira n'abari bamwungirije bashishikariye kuyobora abari bihannye mu Bisirayeli mu nzira itunganye bafite ukwihangana kutgerwa

n'ubushishozi, kandi afite kuzirikanana ubushishozi uburenganzira n'imibereho myiza y'umuntu wese byarebaga. Hejuru y'ibyo byose, Ezira yari umwigisha w'amategeko; kandi ubwe yitaga ku gusesengura no kurebana ubushishozi ikintu cyose, yashakaga ko abantu bazirikana ukwera kw'aya mategeko ndetse n'imigisha yagombaga kugerwaho binyuze mu kuyumvira. Ahantu hose Ezira yakoreraga hatangiraga kuboneka ububyutse mu kwiga Ibyanditswe Byera. Hashyizweho abigisha bo kwigisha abantu; amategeko y'Uwiteka yarererejwe kandi arubahwa. Ibitabo by'abahanuzi byarashakishijwe birasomwa, kandi ubutumwa bubirimo bwavugaga ukuza kwa Mesiya buzanira ibyiringiro no guhumuriza abantu benshi bari bafite umutima ubabaye kandi uremerewe. {AnA 579.3}

Imyaka isaga ibihumbi bibiri yari ishize uhereye igihe Ezira yari "yaramaramaje mu mutima gushaka amategeko y'Uwiteka ngo ayasohoze" (Ezira 7:10), nyamara guhita kw'igihe ntikwari kwaragabanuye impinduka urugero rwo gutungana kwe kwari kwarateje. Mu myaka amagana menshi yagiye ahita, amateka yanditswe yavugaga iby'imibereho ye yaranzwe no kwitanga yari yarateye abantu benshi kwiyemeza "gushaka amategeko y'Uwiteka" no kuyasohoza. {AnA 580.1}

Imbaraga zari muri Ezira zikamutera kugira icyo akora zari izo ku rwego rwo hejuru kandi zera; mu byo yakoraga byose, yakoreshwaga n'urukundo rwimbitse yakundaga abantu. Impuhwe no kugira neza yagaragarizaga ababaga bakoze icyaha, baba babigambiriye cyangwa batabizi, bikwiriye kuba icyigisho ku bantu bose bashaka ko habaho ivugurura. Mu bijyanye n'amahame atunganye, abagaragu b'Imana bagomba gushikama nk'urutare; nyamara kandi, bagomba kugaragaza impuhwe no kwihangana. Nk'uko Ezira yabigenje, bagomba kwigisha abacumura inzira y'ubugingo babinyujije mu gucengeza mu bantu amahame agize urufatiro rwo gukora ibitunganye kose. {AnA 580.2}

Muri iki gihe isi igezemo, igihe Satani abinyujije mu nzira z'uburyo butari bumwe ashakisha uko yahuma amaso y'abagabo n'abagore ntibabone ibyo amategeko y'Imana asaba, hakenewe abantu bashobora gutera abantu benshi "guhindira imishyitsi itegeko ry'Imana yacu." Ezira 10:3. Hakenewe abagorozi nyakuri bazereka abica amategeko y'Imana Ukomeye watanze amategeko kandi babigishe ko "amategeko Uwiteka atungana rwose, asubiza intege mu bugingo." Zaburi 19:8. Hakenewe abantu bafite imbaraga mu Byanditswe Byera, abantu berereza amategeko y'Uwiteka mu ijambo ryose bavuga n'igikorwa cyose bakora, abantu bashaka gushyigikira no gukomeza ukwizera. Mbega uburyo abigisha bazatera imitima y'abantu kubaha no gukunda Ibyanditswe byera bakenewe cyane! {AnA 581.1}

Icyaha cyabaye gikwira kandi kikaba kiganje muri iki gihe gishobora kubarwa ku rwego rukomeye ku kuba abantu batiga kandi ngo bumvire Ibyanditswe Byera, kuko igihe ijambo

ry'Imana ryirengijwe, imbaraga zaryo zo gukumira ibyifuzo bibi by'umutima wa kamere zirirengagizwa. Abantu babiba iby'umubiri kandi bakabibira mu mubiri bityo bagasarura kubora. {AnA 581.2}

Kubwo kwirengagiza Bibiliya ingaruka yabaye gutera amategeko y'Imana umugongo. Inyigisho ivuga ako abantu babatuwe ku kumvira amategeko y'Imana, yaciye intege imbaraga z'ibyo umuntu asabwa mu by'imico mbonera kandi yakinguriye imiryango ibicumuro byinjira mu isi. Kudakurikiza amategeko, kwiyandarika, no kwangirika kw'imico birakwira hose nk'umwuzure uteye ubwoba. Ahantu hose, hagaragara igomwa, kuvuga ibinyoma, uburyarya, kwitandukanya, kurushanwa [abantu bahangana], amakimbirane, gutatira igihango cyera ndetse no kwirundurira gutwarwa n'irari. Gahunda yose yerekeye amahame n'inyigisho by'iyobokamana, kandi yagombye kuba urufatiro n'umuroongo ngenderwaho w'ubuzima mu mibanire y'abantu n'abandi, isa n'ikirundo cyenda guhirima, kigiye gihinduka umusaka. {AnA 581.3}

Muri iyi minsi iheruka y'amateka y'iyi si, ijwi ryumvikaniye kuri Sinayi riracyavuga riti: "Ntukagire izindi mana mu maso hanjye." Kuva 20:3. Umuntu yigometse ku bushake bw'Imana, ariko ntashobora gucecekesha uwatanze ririya tegeko. Intekerezo za muntu ntizishobora kwirengagiza inshingano afite ku bubasha bw'Imana bumurenze. Inyigisho n'ibyo abantu bitekerereza bishobora kuba byinshi; abantu bashobora guhanganisha ubuhanga buhanitse n'ibyahishuwe, bityo mu gukora batyo bakarimbura amategeko y'Imana; ariko itegeko rikomeza kuza rifite imbaraga rigira riti: "*Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine.*" Matayo 4:10. {AnA 582.1}

Nta kintu kiriho cyaca intege cyangwa ngo cyongerere imbaraga amategeko ya Yehova. Ayo mategeko aracyari uko yari ari. Uko yahoze iteka ryose n'ubu ni ko ari: arera, arakiranuka, ni meza kandi muri yo arihagije. Ntabwo ashobora gukurwaho cyangwa ngo ahindurwe. Kuyumvira cyangwa kuyasuzugura ni imvugo y'abantu. {AnA 582.2}

Hagati y'amategeko y'abantu n'amategeko y'Uwiteka ni ho hazaturuka urugamba rukomeye ruheruka rw'intambara hagati y'ukuri n'ikinyoma. Turi kwinjira muri uru rugamba- ntabwo ari urugamba hagati y'amatorero ahanganye arwanira ikuzo, ahubwo ni hagati y'imyizerere ya Bibiliya n'imyizerere ishingiye ku nkuru mpimbano n'imigenzo. Ubu imbaraga zishyiriye hamwe kurwanya ukuri zirakora ubudacogora. Ijambo ry'Imana twahawe ku kiguzi gikomey cyane cy'imibabaro no kumena amaraso, rihabwa agaciro gake. Hariho abantu bake cyane bayemera nk'umuringo ngenderwaho w'ubuzima. Ubuhemu buraganje ku rwego ruteye ubwoba. Ntibuganje mu isi gusa ahubwo no mu itorero. Abantu benshi bageze aho bahakana inyigisho zikoze inkingi z'ukwizera kwa Gikristo. Ibihamya bikomeye byerekeye irema nk'uko byagaragajwe n'abanditsi bahumekewe, ugucumura kwa

muntu, impongano no guhoraho iteka kw'amategeko, ibyo byose byangwa mu buryo bufatika n'umugabane munini w'abavuga ko ari Abakristo. Abantu ibihumbi byinshi birata ubwenge bwabo bafata irema nk'igihamya cy'intege nke z'abiringira Bibiliya badakebakeba, ndetse n'igihamya cy'ubwenge bwo kuvuguruza Ibyanditswe byera no gusobanura no kugaragaza ukuri kw'ingenzi bigisha nk'aho ari uk'iby'umwuka. {AnA 582.3}

Abakristo bakwiriye kuba bari kwitegura ibigiye kwaduka mu isi vuba bidatinze bitangaje kandi bitunguranye, kandi bakwiriye gukora iyi myiteguro biga ijambo ry'Imana badakebakeba ndetse bagashishikarira ko imibereho yabo ikurikiza amahame yaryo. Ingingo zikomeye cyane zerekeye ibizahoraho zidusaba ikintu kirenze iyobokamana ry'ibyo dutekereza, iyobokamana ry'amagambo n'imihango, aho ukuri kuri inyuma y'urugo. Imana ihamagarira abantu ububyutse n'ivugurura. Amagambo ya Bibiliya ubwayo, kandi Bibiliya yonyine ni yo akwiriye kumvikanira ku ruhiimbi. Nyamara Bibiliya yambuwe ububasha bwayo, bityo umusaruro ugaragarira mu gucisha bugufi imyumvikanire y'ubuzima bw'iby'umwuka. Mu bibwirizwa byinshi byo muri iki gihe ntiharangwamo kwa kwigaragaza kw'Imana gukangura intekerezo kandi kukazana ubuzima mu bugingo. Abumva ibyo bibwirizwa ntibashobora kuvuga bati: "Yewe, ntiwibuka ukuntu imitima yacu yari ikeye ubwo yavunaga natwe turi mu nzira, adusobanurira Ibyanditswe." Luka 24:32. Hariho abantu benshi batakira Imana ihoraho, bifuza cyane ko ibaba iruhande. Nimureke ijambo ry'Imana rivugane n'umutima. Nimutyo abumvise iby'imigenzo n'inyigisho z'abantu n'imigani yabo gusa bumve ijwi ry'Imana Yo ishobora gutuma ubuzima bugirwa bushya kugeza ku bugingo buhoraho. {AnA 583.1}

Umucyo ukomeye umurika uturuka ku bakurambere n'abahanuzi. Hari ibintu bihebuje byavuzwe kuri Siyoni, umurwa w'Imana. Uko ni ko Uwiteka yagennye ko umucyo uzamurikira mu bayoboke be muri iki gihe. Niba intungane zo mu Isezerano rya Kera zaratanze ubuhamya bukomeye butyo bwo kuba indahemuka, mbese ntibikwiriye ko abo uwo mucyo warashe imyaka amagana n'amagana urasira muri iki gihe batanga ubuhamya nk'ubwo burushijeho gukomera bagahamya imbaraga z'ukuri? Ubwiza buhebuje bw'ubuhanuzi bumurika umucyo wabwo mu nzira tunyuramo. Mu rupfu rw'umwana w'Imana, ibyashushanywaga byahuye n'uwashushanywaga nyakuri. Kristo yarazutse, avugira hejuru y'igituro kimenetse ati: "Ni njye kuzuka n'ubugingo." Yohana 11:25. Yesu Kristo yohereje Mwuka we mu isi kugira ngo atwibutse byose. Kubw'igitangaza cy'imbaraga ze, yarinze ijambo rye ryanditswe mu bihe byose. {AnA 584.1}

Abagorozi baranzwe no guhakana [inyigisho z'ibinyoma] tukaba tubakesha izina ry'Abaporotesitanti bumvaga ko Imana yabahamagariye kugeza umucyo w'ubutumwa

bwiza ku batuye isi; kandi mu muhati wo gukora ibyo, bari biteguye gutanga imitungo yabo, guhara umudendezo wabo ndetse n'ubuzima ubwabwo. Igihe bari bahanganye no gutotezwa ndetse n'urupfu, ubutumwa bwiza bwamamajwe hafi na kure. Ijambo ry'Imana ryagejejwe ku bantu; kandi amatsinda yose, abakomeye n'aboroheje, abakire n'abakene, abize n'abatarize, biganye iryo jambo ubwuzu. Mbese muri uru rugamba ruheruka rw'intambara ikomeye twaba turi indahemuka ku cyizere twagiriwe nk'uko Abagorozi ba mbere bari indahemuka ku cyo baragijwe? {AnA 584.2}

"Muvugirize impanda i Siyoni, mutegeke kwiyiriza ubusa, mugire iteraniro ryera, uteranye abantu mweze iteraniro, muteranye abakuru n'abana n'abakiri ku ibere: . . . . Abatambyi bakorera Uwiteka nibaririre hagati y'umuryango w'urusengero n'igicaniro, maze bavuge bati "Uwiteka we, kiza ubwoko bwawe, ntureke ab'umwandu wawe bashinyagurirwa, kandi ngo bategekwe n'abanyamahanga. Ni iki gituma duhinyurwa mu banyamahanga, bati 'Imana yabo iri hehe?'" "Uwiteka aravuga ati "Ariko n'ubu nimungarukire n'imitima yanyu yose mwiyirize ubusa, murire muboroge. Imitima yanyu abe ari yo mutanyura mureke imyenda yanyu, muhindukirire Uwiteka Imana yanyu kuko igira impuhwe. Yuzuwe n'imbabazi, ntiyihutira kurakara ahubwo ihorana ibambe ryinshi, kandi yitangīra kuzana ikibi. Ni nde uzi ko itazahindukira ikigarura ngo ibasigire umugisha, . . ." Yoweli 2:15-17, 12-14. {AnA 585.1}

IGICE CYA 52 - UMUGABO WAKORESHEJE NEZA AMAHIRWE YARI AFITE (A MAN OF OPPORTUNITY)

Nehemiya, umwe mu Baheburayo bari barajyanwe mu bunyage, yari afite umwanya ukomeye n'icyubahiro ibwami ho mu Buperesi. Nk'uwari w'umuhereza w'umwami, yemerewe kwinjira imbere y'umwami nta nkomyi. Bitewe n'umwanya yari afite, kandi kubw'ubushobozi bwe no kuba umwiringirwa kwe, yari yarahindutse incuti y'umwami n'umujyanama we. Nyamara nubwo yari yaragiriwe neza n'umwami, kandi nubwo yari akikijwe n'icyubahiro n'ikuzo, ntabwo yibagiwe Imana ye ndetse n'ubwoko bwe. Umutima we werekeye i Yerusalemu uhitayeho cyane; ibyiringiro bye n'ibyishimo bye byari byomatanye no kugubwa neza kwa Yerusalemu. Binyujijwe muri uyu mugabo wari warateguriwe umurimo yari yarahamagariwe biciye mu kuba ibwami mu Buperesi kwe, Imana yagambiriye guha umugisha ubwoko bwayo bwari mu gihugu cya gakondo ya ba sekuruza. {AnA 586.1}

Abibwiwe n'intumwa zari zivuye mu Buyuda, uwo Muheburayo wakundaga igihugu cye yaje kumenya ko ibihe byo kugeragezwa byageze kuri Yesalemu, umurwa watoranyijwe. Abari barajyanwe bunyago ariko bari baragarutse i Yerusalemu bari bari mu makuba menshi kandi baratukwaga. Urusengero [rw'i Yerusalemu] n'ibice bimwe by'umurwa byari byarasanwe; ariko umurimo wo gusana wari warakomwe mu nkokora, imirimo yo mu rusengero yararogowe, kandi abantu bahoraga bahangayikishijwe n'uko inkike z'umurwa zari zikiri amatongo. {AnA 586.2}

Asabwe n'umubabaro, Nehemiya ntiyashoboraga kurya cyangwa kunywa; yamaze iminsi ababaye, yiyiriza ubusa. Mu mubabaro we yahanze amaso Umufasha wo mu ijuru. Yaravuze ati: "Nsengera imbere y'Imana nyir'ijuru." Yatuye ibyaha bye bwite n'ibyaha by'ubwoko bwe ntacyo ahishe. Yasabye ko Imana yarengera Isirayeli, ikabasubiza ubutwari n'imbaraga bari bafite, kandi ikabafasha kubaka amatongo yo mu Buyuda. {AnA 586.3}

Igihe Nehemiya yasengaga, ukwizera kwe n'ubutwari bwe byongerewe imbaraga. Akanwa ke kuzuye amagambo yera. Yerekanye igisuzuguriro cyari kujya ku Mana igihe ubwoko bwayo (bwari bumaze kuyihindukirira noneho) bwari kurekerwa mu kugira intege nke no gukandamizwa; maze asaba Uwiteka akomeje gusohoza isezerano rye rivuga riti: "Nimungarukira, mukitondera amategeko yanjye mukayasohoza, nubwo abirukanywe banyu bazaba ku mpera y'isi, nzabakurayo mbateranye, mbazane aho nitoranyirije nkahatuza izina ryanjye." Nehemiya 1:9. (Soma no Gutegeka kwa Kabiri 4:29-31). Iri sezerano ryahawe Isirayeli bicishijwe kuri Mose mbere y'uko binjira muri Kanani, kandi mu myaka amagana menshi ntiryigeze rihinduka. Noneho ubwoko bw'Imana bwari

bwayigarukiye bwihannye kandi bwizeye, kandi isezerano ryayo ntiryari guhera. {AnA 587.1}

Inshuro nyinshi Nehemiya yari yaratuye Imana ibiri mu mutima we kubw'ubwoko bwe. Ariko noneho ubwo yasengaga, umugambi wera waje mu ntekerezo ze. Yiyemeje ko nabyemererwa n'umwami, kandi agahabwa ubufasha yari akeneye mu kubona ibyangombwa n'ibikoresho, ubwe yari gukora umurimo wo gusana inkike za Yerusalemu kandi akagarurira iryo shyanga imbaraga ryahoranye. Bityo yasabye Uwiteka kumufasha akagirira ubuntu imbere y'umwami, kugira ngo umugambi we usohozwe. Yaringinze ati: "Nyagasani ndakwinginze, tegera ugutwi kwawe gusenga k'umugaragu wawe, [. . .] none uhe umugaragu wawe umugisha, umuhe no kugirirwa imbabazi n'uyu mugabo." {AnA 587.2}

Nehemiya yamaze amezi menshi ategereje umwanya mwiza ukwiriye kugira ngo amenyeshe umwami icyo yifuza. Muri iki gihe, nubwo umutima we wari uremerewe n'intimba, yakoze uko ashoboye aratwaza maze ajya imbere y'umwami. Muri izo nzu z'ibwami harangwaga ubuzima bwuzuye ibyiza gusa n'icyubahiro cyinshi, ibintu byose byagombaga kuba bitaremereza umutima kandi binejeje. Umubabaro ntiwagombaga kugaragara mu maso h'umugaragu n'umwe w'umwami. Ariko mu bihe byihariye Nehemiya yarimo, amasengesho menshi, kwatura ndetse n'amarira byumvwaga kandi byarebwaga n'Imana n'abamarayika, ariko byari bihishwe amaso y'abantu. {AnA 587.3}

Nyamara amaherezo umubabaro wari uremereye umutima wa Nehemiya wakundaga igihugu cye ntiwashoboraga guhishwa. Amajoro yamaraga adasinzira n'iminsi yirirwaga ahagaritse umutima byasize icyasha mu maso he. Umwami wabaga afitiye amakenga umutekano we, yari afite akamenyero ko kwitegereza mu maso no gucengera akamenya ibihishwemo, bityo aza kubona ko hari ikibazo gihishwe cyari kiremereye umuhereza we. Yarabajije ati: "Ni iki gitumye ugaragaza umubabaro, kandi utarwaye? Ibyo ntibiterwa n'ikindi keretse umubabaro wo mu mutima." {AnA 588.1}

Iki kibazo cyateye Nehemiya ubwoba. Mbese umwami ntiyari kurakazwa no kumva ko mu bigaragara igihe Nehemiya yakoraga umurimo we intekerezo ze zari zibereye ahandi ziri kumwe n'ubwoko bwe bwari bubabaye? Mbese Nehemiya ntiyari kuhatakariza ubuzima bwe? Mbese umugambi yari ashishikariye cyane wo kuzahura imbaraga Yerusalemu yari isanganwe ntiwari ugiye kugirwa ubusa? Nehemiya yaranditse ati: "Mbyumvise ndatinya." Nehemiya yahishuriye umwami impamvu y'umubabaro we avuga adedemanga kandi afite ubwoba bugaragara mu maso. Yasubije umwami ati: "Umwami arakarama! Icyambuza kugaragaza umubabaro ni iki, ko umurwa n'ahantu h'ibituro bya ba sogokuruza habaye amatongo, n'amarembo yaho akaba yarahiye?" {AnA 588.2}

Kuvuga uko i Yerusalemu hari hameze byabyukije impuhwe z'umwami ariko ntibyatuma agira urwikekwe. Yabajije ikindi kibazo cyahaye Nehemiya andi mahirwe yari amaze igihe kirekire ategereje. Umwami yarabajije ati: "Hari icyo unsaba?" Nyamara umuntu w'Imana ntiyahangaye gusubiza atarasaba amabwiriza Uwiteka we uruta Aritazerusi. Nehemiya yari afite inshingano yera agomba gusohoza kandi muri yo byari ngombwa ko asaba umwami ubufasha; ndetse yabonye ko ibintu byinshi bishingiye ku kuntu yagaragaje ikibazo mu buryo bwatumye umwami yemera ibyo amubwiye ndetse akamuha n'ubufasha. Nehemiya yaravuze ati: "Nuko nsaba Imana nyir'ijuru." Muri iryo sengesho rigufi Nehemiya yagiye imbere y'Umwami w'abami maze amukuraho imbaraga zishobora guhindura imitima nk'uko imigezi y'amazi iyoborwa mu yindi nzira. {AnA 588.3}

Gusenga nk'uko Nehemiya yasenze mu gihe yari akeneye ubufasha ni isoko yagomorokera Umukristo mu gihe cy'ibibazo igihe ubundi buryo bwose bwo gusenga bwaba budashoboka. Abagenzi bagenda mu nzira irimo ibibahuza byinshi byo muri ubu buzima, baba babudikiwe ndetse bibasiwe guhagarika umutima, bene abo bashobora kwerekeza isengesho ryabo ku Mana kugira ngo ibayobore. Igihe abagenzi banyura mu mazi no ku butaka bugarijwe n'akaga gakomeye, bashobora kwiragiza uburinzi bw'Ijuru. Mu bihe by'ingorane zitunguranye cyangwa mu bihe by'amakuba, umutima ushobora gutaka kugira ngo ufashwe n'Imana yarahiriye kuzaza igafasha abayo bayiringira kandi bizera igihe cyose bamutabaje. Mu bibaho byose, uko ibihe biba bimeze kose, umutima utsikamiwe n'intimba no guhangayika, cyangwa wibasiwe bikomeye n'ikigeragezo, ushobora kubonera ibyiringiro, ubwunganizi n'ubufasha mu rukundo n'imbaraga bidacogora by'Imana itabura gusohoza isezerano. {AnA 589.1}

Muri ako kanya gato ko gusenga kwa Nehemiya asaba Umwami w'abami, yahawe ubutwari bwo kubwira Aritazerusi icyifuzo yari afite cyo kuba amuhaye uruhusa ku nshingano ze z'ibwami, kandi asaba uburenganzira bwo kubaka amatongo y'i Yerusalemu no kongera kuhagira umurwa ukomeye kandi urinzwe. Umusaruro ukomeye cyane ku ishyanga ry'Abayuda wari ushingiye kuri uku gusaba kwa Nehemiya. Nehemiya aravuga ati: "Umwami arabinyemerera, abitewe n'ukuboko kwiza kw'Imana yanjye kwari kundiho." {AnA 589.2}

Amaze kubona ubufasha yashakaga, Nehemiya yakoranye ubwitonzi n'ubushishozi maze akurikizaho gutegura ibyari bikenewe kugira ngo agere ku ntego y'igikorwa yari agendereye. Nta kintu na kimwe yagombaga kwitwararikaho yirengagije cyajyaga kumugeza ku isohozwa ry'uwo mugambi. Na bene wabo b'Abayuda ntiyigeze abahishurira umugambi we. Nubwo yari azi ko benshi bakwishimira kugera ku nsinzi kwe, yatinye ko

bamwe babyutsa ishyari ry'abanzi babo kubw'ibikorwa bakora bitarimo ubushishozi bityo ahari ibyo bikazana gupfuba k'igikorwa yari yiyemeje. {AnA 590.1}

Ibyo yasabye umwami byari byarakiriwe neza ku buryo Nehemiya yagize ubutwari bwo gusaba ubundi bufasha bw'inyongera. Kugira ngo umurimo yari agiyemo wubahwe kandi ugire ubutware, kimwe no kugira ngo agire uburinzi mu rugendo, yasabye guherekezwa n'abasirikare kandi arabahabwa. Umwami yamwandikiye inzandiko ashyira abatware b'intara zo hakurya y'uruzi rwa Efurate kuko ako kari akarere yagombaga kunyuramo yerekeje mu Buyuda. Ikindi kandi yahawe urwandiko yagombaga gushyira umurinzi w'ishyamba ry'umwami ryari mu misozi ya Lebanoni rumuha mabwiriza yo kumuha ibiti byose byari kuzakenerwa. Kugira ngo hatazabaho akito ko kumwitotombera ko yakoze ibirenze ibyamuzanye, Nehemiya yagombaga kugira ubutware ndetse n'ibyo yemerewe akabihabwa bisobanuwe mu buryo bwumvikana. {AnA 590.2}

Uru rugero kubanza gutekerezanya ubushishozi no gufata icyemezo kidakuka rukwiriye kubera icyigisho Abakristo bose. Ntabwo abana b'Imana bagomba gusengana kwizera gusa, ahubwo bagomba no gukora badakebakeba kandi bagakorana ubushishozi. Bahura n'ingorane nyinshi kandi akenshi babera inkomyi ibyo Imana ishaka kubakorera bitewe n'uko bafata ko ubushishozi no kugira umwete udacogora nk'ibidafite aho bihuriye n'iyobokamana. Ubwo yari amaze kuririra imbere y'Uwiteka no kumusaba, ntabwo Nehemiya yabonye ko umurimo we urangiye. Yafatanyije gusaba kwe no gushishikara kwera, akoresha imbaraga zitadohoka kandi asenga kugira ngo agere ku ntego y'ibyo yari yiyemeje gukora. Ubushishozi ndetse n'imigambi yateguwe neza ni ingenzi mu gushyira mu bikorwa imishinga yera muri iki gihe nk'uko byari biri mu gihe cyo gusana inkike za Yerusalemu. {AnA 590.3}

Ntabwo Nehemiya yari yishingikirije ku cyuka. Ibyo yaburaga yabisabye abashoboraga kubitanga. N'ubu Uwiteka aracyafite ubushake bwo kugenderera imitima y'abafite ubutunzi bwe [yabaragije] ngo babutangire gushyigikira umurimo wo [kwamamaza] ukuri. Abakorera Uwiteka bagomba kwakira ubufasha atera abantu gutanga. Izo mpano zishobora gukingura inzira umucyo w'ukuri wanyuramo kugira ngo ugere mu bihugu byinshi bibudikiwe n'umwijima. Abatanga izo mpano bashobora kuba batizera Kristo, ndetse batarigeze bamenya n'ijambo rye; ariko ibyo ntibyatuma impano zabo zitakirwa. {AnA 591.1}

IGICE CYA 53 - ABUBATSI B’INKIKE

Urugendo Nehemiya yafashe yerekeza i Yerusalemu rwarangiye mu mahoro. Inzandiko umwami yandikiye ibisonga bye byo mu ntara z’aho Nehemiya yari kunyura zatumye yakiranwa icyubahiro kandi byihutisha ubufasha yari akeneye. Nta mwanzi wahangaye kubangamira Nehemiya wari urinzwe n’ububasha bw’umwami w’Abaperesi kandi abatware b’intara bafashe Nehemiya neza. Nyamara kugera i Yerusalemu kwe aherekejwe n’abasirikare, byerekanaga ko yazanwe n’umurimo ukomeye, kwabukije ishyari ry’amoko y’abanyamahanga yari atuye hafi y’umurwa wa Yerusalemu, yari yarahaye intebe urwango yangaga Abayuda akoresheje kubagirira nabi no kubatuka. Abari ku ruhembe rw’imbere muri icyo gikorwa kibi barimo bamwe mu batware b’ubwo bwoko ari bo Sanibalati w’Umuhoroni, Tobiya w’Umwamoni na Geshemu w’Umwarabu. Guhera mu itangiriro abo bayobozi bitegerezaga ibyo Nehemiya akora babinenga kandi bakora uko bashoboye kose bashishikarira kugwabiza imigambi ye no kubangamira umurimo we. {AnA 592.1}

Nehemiya yakomeje gukorana ubushishozi n’ubwitonzi byari byararanze imikorere ye kugeza ubwo. Amenye ko abanzi gica kandi bamaramaje bahagurutse kandi biteguye kumurwanya, yabahishe umugambi wamuzanye kugeza ubwo kwiga no gusesengura uko ibintu bimeze bimibashishije gufata ingamba. Uko ni ko yagize ibyiringiro by’uko azakorana n’ab’ubwoko bwe kandi abatangiza umurimo mbere y’uko abanzi be bahagururkira kumurwanya. {AnA 592.2}

Nehemiya yatoranyije abagabo bake yari azi ko ari abo kugirirwa icyizere maze ababwira icyamuteye kuza i Yerusalemu, intego yashakaga kugeraho ndetse n’imigambi yari akurikiranye. Bahise bishimira icyo gikorwa kandi amusezeranira kumufasha. {AnA 592.3}

Mu ijoro ry’umunsi wa gatatu ageze i Yerusalemu, Nehemiya yabyutse mu gucuku maze ajyana na bagenzi be bake yiringiraga ajya kwirebera uko Yerusalemu yabaye amatongo. Yuriye ifarashi ye, anyura mu gice kimwe cy’umurwa agera mu kindi, yitegereza inkike n’amarembo by’umurwa wa ba sekuruza byari byarasenyutse. Intekerezo z’uwo Muyuda wakundaga igihugu cye zuzuye ibitekerezo bimubabaza cyane ubwo yitegerezaga inkike za Yerusalemu yakundaga cyane zari zarabaye amatongo. Kwibuka gukomera kwa Isirayeli kwa kera kwaje muri we maze abona ihabanye cyane n’uko yari iri icyo gihe ubwo yari insuzugurwa. {AnA 593.1}

Nehemiya yarangije kuzenguruka inkike z’umurwa mu ibanga kandi bucece. Aravuga ati: “Ariko abatware ntibamenye iyo nagiye cyangwa icyo nakoze, ndetse sinari nabwiye Abayuda cyangwa abatambyi n’abanyacyubahiro n’abatware, haba n’abandi bakora umurimo.” Igihe cyari gisigaye muri iryo joro yakimaze asenga; kuko yari azi ko igitondo

kiramusaba umuhati ukomeye wo gukangura no guhuriza hamwe bene wabo bari baracitse intege kandi bariremyemo ibice. {AnA 593.2}

Nehemiya yari afite ubutumwa yahawe n'umwami bwasabaga abaturage gukorana nawe mu gusana inkike z'umurwa, ariko ntiyishingikirije ku gukoresha ubutware yari afite. Ahubwo yashatse uko yagiririrwa icyizere ndetse agakundwa n'ab'ubwoko bwe, kuko yari azi ko guhuriza imitima n'amaboko hamwe byari ngombwa mu murimo ukomeye wari imbere ye. Mu gitondo cyaho ubwo yahurizaga abantu hamwe yabagejejeho uko ibintu bimeze akoresheje amagambo yatumye imbaraga zabo zari zisinziriye zikanguka kandi noneho uko bari batatanye bongera guhuriza hamwe. {AnA 593.3}

Abari bateze Nehemiya amatwi ntibamenye, kandi na we ntiyigeze ababwira urugendo rwo kuzenguruka Yerusalemu yari yakoze muri iryo joro. Ariko kuba yari yazengurutse umurwa byagize uruhare runini mu kumugeza ku cyo yashakaga; kuko yashoboraga kuvuga uko umurwa umeze adategwa kandi akavuga n'amakuru asesenguye cyane ku buryo byatangaje abamwumva. Uko yakozwe ku mutima ubwo yitegerezaga intege nke no guta agaciro kwa Yerusalemu, byahaye amagambo ye imbaraga no kudakebakeba. {AnA 594.1}

Nehemiya yeretse abantu igisuzuguriro bafite imbere y'amahanga y'abapagani — idini yabo yari isuzuguritse kandi n'Imana yabo yaratutswe. Yababwiye ko yumviye iby'imibabaro yabo mu gihugu cya kure, ababwira ko yinginze Ijuru kubagirira ubuntu, kandi ko nk'uko yasengaga, yari yariyemeje gusaba uruhusa umwami kugira ngo aze kubagoboka. Yari yarasabye Imana ko umwami Aritazerusi atamuha uruhusa gusa, ko ahubwo amuha n'ububasha ndetse n'ubufasha yari akeneye muri uwo murimo; kandi isengesho rye ryari ryarasubijwe mu buryo bwagaragaje ko uwo mugambi uturutse ku Uwiteka. {AnA 594.2}

Ibyo byose yarabivuze kandi noneho amaze kugaragaza ko ashyigikiwe n'ububasha bw'Imana ya Isirayeli n'ubw'umwami w'Ubuperesi, Nehemiya yasabye abantu niba bashobora kubyaza umusaruro ayo mahirwe maze bagahaguruka bakubaka inkike. {AnA 594.3}

Iryo rarika ryageze ku mitima y'abantu. Gutekereza uburyo Ijuru ryabagiriye ubuntu byakuyeho ubwoba bari bafite, maze bavugira icyarimwe n'ubutwari bushya bagira bati: "Nimuhaguruke twubake." "Nuko biyungamo bagira imbaraga zo gukora uwo murimo mwiza." {AnA 594.4}

Umutima wa Nehemiya wose wari wirunduriye mu murimo yari yiyemeje gukora. Ibyiringiro bye, imbaraga ze, ubwuzu bwe no kwiyemeza kwe byinjiraga no mu bandi kandi bikabatera ubutwari bukomeye no kugira umugambi ukomeye nk'ibya Nehemiya. Buri wese

ku ruhande rwe yaje guhinduka Nehemiya kandi agafasha mu gukomeza umutima n'amaboko bya mugenzi we. {AnA 594.5}

Igihe abanzi b'Abisirayeli bumvaga ibyo Abayuda bagambiriye kugeraho, barabasetse babagira urw'amenyo, baravuga bati: "Ibyo mukora ibyo ni ibiki? Murashaka kugomera umwami?" Ariko Nehemiya yarabasubije ati: "Imana nyir'ijuru ni yo izatubashisha; ni cyo kizatuma twebwe abayoboke bayo duhaguruka tukubaka; ariko mwebwe nta mugabane, nta buryo, nta n'urwibutso mufite muri Yerusalemu." {AnA 595.1}

Mu bantu baje ku ruhembe rw'imbere mu kwakira umutima w'ubwuzu n'ishyaka Nehemiya yari afite harimo abatambyi. Bitewe n'umwanya ukomeye bari bafite, abo bantu bashoboraga gukora ibintu byinshi kugira ngo bateze imbere umurimo cyangwa bawugwabize; bityo uko bagaragaje ko biteguye ku ikubitiro, byagize uruhare runini cyane ku kugera ku ntego kwawo. Umubare munini w'ibikomangoma n'abatware ba Isirayeli barahagurutse bakora inshingano yabo, kandi abo bagabo b'abiringirwa bafite umwanya w'icyubahiro mu gitabo cy'Imana. Habayeho bake cyane mu bakomeye b'i Tekowa "bagamitse amajosi ntibakora umurimo w'Uwiteka Imana yabo." Urwibutso rw'abo bagaragu b'abanyabute ruriho ikimenyetso cy'ikimwaro kandi rwagiye ruhererekanywa ngo rubere umuburo abo mu bisekuru bizaza byose. {AnA 595.2}

Mu ntambwe zose zijya ziterwa mu by'iyobokamana, habaho abantu bamwe nubwo baba badashobora guhakana ko umurimo ari uw'Imana, barifata, bakanga gukoresha umuhati na muke ngo bafashe. Byaba byiza bene abo bibutse ibyandikwa mu ijuru — muri cya gitabo ahatajya hagira ibihanagurwa, hatandikwa ikosa kandi bakaba bazacirwa urubanza hashingiwe ku byanditswemo. Muri icyo gitabo handikwa amahirwe yose yo gukora umurimo w'Imana yirengagijwe; kandi muri cyo handikwa igikorwa cyose cyo kwizera n'urukundo kikahaba ubutazibagirana by'iteka ryose. {AnA 595.3}

Urugero rw'abakomeye b'i Tekowa rwabaye ubusa imbere y'imbaraga zikangura intekerezo zazanwe no kuza kwa Nehemiya. Muri rusange, abantu bakoreshwaga n'umutima wo gukunda igihugu n'ubwuzu. Abagabo bari bafite ubushobozi kandi bagiraga ijambo mu bandi bagiye mu nzego zitandukanye z'abaturage maze babashyira mu matsinda atari amwe, kandi buri muyobozi akiha inshingano yo kuzamura umugabane runaka w'inkike. Kandi bamwe muri bo bagiye ibyabo byagiye byandikwa ko buri wese yubatse ahateganye n'inzu ye. {AnA 596.1}

Ubwo mu by'ukuri umurimo wari utangiye, imbaraga za Nehemiya ntizigeze zicogora. Yakoranye ubushishozi adacogora maze ahagarikira inyubako, agaha amabwiriza abakozi, akareba imbogamizi bafite kandi ahagize ibikenerwa byihutirwa akabitanga. Kuri urwo

rukuta rwose rurerure rw'ibirometero hafi bitanu hahoraga hagaragara ko Nehemiya ahari. Akoresheje amagambo akwiriye, yateraga ubutwari abababaga bafite ubwoba, agashishikaza abasetaga ibirenge, kandi agashimira abababaga bashishikaye. Kandi yahoraga iteka akurikirana ibyo abanzi babo bakoraga, kuko uko ibihe byahaga ibindi bateraniraga aho babitegeye bakaganira nk'aho bari gucura imigambi mibisha, maze byagera aho bakegera abari gukora ku nyubako bagerageza kubarangaza. {AnA 596.2}

Mu bikorwa byinshi Nehemiya yakoraga, ntabwo yigeze yibagirwa isoko y'imbaraga ye. Umutima we wahoraga urangamiye Imana ikomeye Ireberera byose. Nehemiya yaravuze ati: "Imana nyir'ijuru ni yo izatubashisha;" kandi ayo magambo yagiye akomeza kwirangira, akora ku mitima y'abubakaga inkike bose. {AnA 596.3}

Nyamara gusana ibihome by'i Yerusalemu ntibyakomeje bitabangamiwe. Satani yarakoraga kugira ngo ahagurutse ababababarwanyaga kandi azane gucika intege. Sanibalati, Tobiya na Geshemu, bari ibikoresho shingiro bya Satani muri uwo murimo we, barahagurutse kugira ngo bagwabize umurimo wo gusana. Bashishikariye guteza kwirema ibice mu bakozi. Bahinduye urw'amenyo umwete w'abubatsi, bakavuga ko uwo murimo utazashoboka kandi ko uzageraho ukabananira. {AnA 597.1}

Sanibalati yavuze abashinyagurira ati: "Ese abo bayahudi batagize icyo bashoboye barashaka kugera kuki? Mbese koko urwo rukuta bazarangiza kurwubaka? . . . Ese baragira ngo bataburure ibirundo by'amabuye yangijwe n'umuriro maze bayubakishe?" Nehemiya 3:34 (BII). Tobiya nawe yongeyeho agira ati: "N'ibyo bubaka ibyo, ingunzu nibyurira, izasenya iyo nkike yabo y'amabuye." {AnA 597.2}

Bidatinze abubatsi bari bugarijwe n'ukundi kurwanywa kuruseho. Byabaye ngombwa ko bakomeza kwirinda imigambi mibisha y'abanzi babo bavugaga ko ari incuti zabo nyamara mu buryo bwnshi barashakaga guteza urujijo no guhagarika umutima, ndetse no kubyutsa kwinuba. Abanzi bashishikaririaga gukuraho umwete Abayuda abari bafite. Bakoze ubugambanyi kugira ngo bagushe Nehemiya mu mitego yabo; kandi basanze Abayuda b'umitima mubi biteguye kubafasha muri icyo gikorwa cy'ubugambanyi. Inkuru yakwijwe hose ko Nehemiya ari gucurira umugambi mubisha umwami w'Ubuperesi, ko agamije kwishyira hejuru akaba umwami wa Isirayeli, kandi ko abamufasha bose ari abagambanyi. {AnA 597.3}

Ariko Nehemiya yakomeje guhanga Imana amaso ngo umuyobore kandi imufashe, kandi abantu bagira imbaraga zo gukora. Uwo mushinga wakomeje kujya mbere kugeza ubwo ahari ibyuho hasibwe kandi n'urukuta

rwose rurubakwa rugera muri kimwe cya kabiri cy'ubuhagarike rwagombaga kugira. {AnA 597.4}

Ubwo abanzi b'Abisirayeli babonaga uko umuhati wabo udacogora, bazabiranyijwe n'uburakari bwinshi. Kugeza icyo gihe ntibari baratinyutse gukoresha inzira z'urugomo kuko bari bazi ko Nehemiya na bagenzi be bakoraga batumwe n'umwami, kandi batinye kumurwanya bakomeje bishobora kubakururira kutishimirwa n'umwami. Ariko noneho muri ubwo burakari bwabo, ubwabo bagiweho n'icyaha bashinjaga Nehemiya. Bateraniye hamwe ngo bajye inama, maze "bajya imigambi bose uko bangana ngo bajye kurwanya ab'i Yerusalemu, babatere imidugararo." {AnA 598.1}

Muri icyo gihe kandi ubwo Abasamariya nabo bacuraga imigambi mibisha yo kurwanya Nehemiya n'umurimo akora, bamwe mu bayobozi b'Abayuda bari badohotse, bashatse kumuca integer bakoresheje gukuririza ingorane zari zibasiye uwo murimo. Baravuze bati: "Abikorezi bacitse intege, kandi hariho ibishingwe byinshi. Nuko ntitukibashije kubaka inkike." {AnA 598.2}

Urucantege rwaturutse n'ahandi. "Abayuda bari baturanye n'abanzi," batari baritabiriye uwo murimo, bakusanyaga amagambo n'inkuru bivuye mu banzi babo maze bakabikoresha baca intege kandi bateza kuzinukwa uwo murimo. {AnA 598.3}

Ariko gusuzugurwa no guhinyura, kurwanywa no gukangishwa byose byasaga n'ibitera Nehemiya kurushaho kumaramaza no kuba maso. Yabonaga akaga agomba guhura na ko muri urwo rugamba yari ahanganiyemo n'abanzi babo, ariko ubutwari bwe ntibwacogoye. Yaravuze ati: "Ariko twebwe dusenga Imana yacu, dushyiraho n'abarinzi bo kubarinda ku manywa na nijoro." "Ni cyo cyatumye nshyira abantu inyuma y'inkike mu bikombe no mu mpinga, nkajya mbashyira hamwe n'ab'imiryango yabo, bitwaje inkota n'amacumu n'imiheto. Nitegereje ndahaguruka mbwira abantu b'imfura, n'abatware n'abandi bantu bose nti "Ntimubatinye. Mwibuke Uwiteka Umwami ukomeye uteye ubwoba, murwanire bene wanyu: abahungu n'abakobwa banyu n'abagore banyu, n'ingo zanyu. {AnA 598.4}

"Nuko abanzi bacu bumva ko byamenyekanye muri twe, kandi yuko Imana yahinduye ubusa imigambi yabo maze twese dusubira ku nkike, umuntu wese asubira ku murimo we. Uhereye ubwo abagaragu banjye bamwe bakomezaga gukora uwo murimo, abandi bakenda amacumu n'ingabo n'imiheto n'amafurebo y'ibyuma, kandi abatware bari inyuma y'ab'umuryango wa Yuda babavuna. Abubakaga inkike n'abikoreraga n'ababakoreraga, umuntu wese yakoreshaga ukuboko kumwe ukundi gufashe intwaro ye y'intambara, n'abubatsi umuntu wese yabaga afite inkota ye mu rukenyerero akubaka ameze atyo." {AnA 599.1}

Iruhande rwa Nehemiya hari hahagaze umuntu uvuza ikondera, kandi mu bice bidandukanye by'inkike hari hahagaze abatambyi bafite impanda zera. Abantu boherejwe mu mirimo yabo, ariko ubwo akaga kabaga kegereje ahantu aho ari ho hose, bahabwaga ikimenyetso kibasaba kuva iyo bari nta gutinda. Nehemiya aravuga ati: "Uko ni ko twakoraga umurimo, bamwe bagafata amacumu uhereye mu museke, ukageza nimugoroba inyenyeri zigaragara." {AnA 599.2}

Abari batuye mu mijyi n'imidugudu inyuma ya Yerusalemu noneho basabwe kuza kuba imbere mu murwa, bazanwe no kurinda umurimo no kuba biteguye gukora inshingano zabo mu gitondo. Ibi byari ukubuza ko habaho gukererwa kutari ngombwa, kandi byari gukuraho icyuho umwanzi yari kuboneramo akito ko gutera ababaga bari ku murimo igihe babaga bagiye mu ngo zabo cyangwa bagarutse. Nehemiya na bagenzi be ntibigeze batinya imiruho cyangwa umurimo ugoye. Haba ku manywa cyangwa nijoro, haba ndetse no mu gihe kigufi cyagenewe cyabaga kigenewe kuryama, ntabwo bigeze bakuramo imyenda yabo cyangwa ngo barambike intwaro zabo hasi. {AnA 599.3}

Kurwanywa no gucika intege abubatsi bahanganye nabyo mu gihe cya Nehemiya bivuye ku banzi babo n'abandi biyitaga incuti zabo bisa rwose n'ibyo abakorera Imana muri iki gihe bazahura nabyo. Abakristo ntibageragezwa n'uburakari, gusuzugurwa ndetse n'ubugome bw'abanzi gusa, ahubwo banageragezwa n'ubute, guhuzagurika, ubukonje (lukewarm) n'uburiganya by'abagaragara ko ari incuti n'abafasha babo. Bagirwa urw'amenyo kandi bakagawa. Kandi wa mwanzi utera abantu gusuzugurwa, ni nawe iyo abonye urwaho ukoresha ubugome buruseho n'inzira z'urugomo. {AnA 600.1}

Satani aca urwaho umuntu wese utejejwe kugira ngo asohoze imigambi ye. Mu bavuga ko bashyigikira umurimo w'Imana harimo abifatanya n'abanzi b'Imana bityo bagatuma umurimo wayo ugabwaho ibitero n'abanzi gica b'Imana. Nyamara na bamwe bifuza ko umurimo w'Imana wagubwa neza, bazaca intege amaboko y'agabaragu bayo kubwo gutega amatwi, gusubiramo no kwizera igice amagambo asebanya, ay'ubwirasi ndetse n'ubushotoranyi y'abanzi b'Imana. Satani abinyujije mu bakozi be arakora akagera ku ntego mu buryo butangaje, kandi abantu bose batwarwa n'imbaraga z'abakozi ba Satani batwarwa n'imbaraga ireshya kandi irimbura ubwenge bw'abanyabwenge no gusobanukirwa kw'abagenda bigengesereye. Ariko nk'uko Nehemiya yabigenje, ubwoko bw'Imana ntibugomba gutinya cyangwa gusuzugura abanzi babwo. Kubwo kwiringira Imana, ubwoko bw'Imana bugomba kujya mbere bushikamye, bukora umurimo wayo butikanyiza, kandi buragiza ubuntu bwayo umurimo buhagarariye. {AnA 600.2}

Mu gucika intege gukomeye, Nehemiya yiringiye Imana, Yo murinzi we udahuga. Kandi Imana Yo yashyigikiye ubwoko bwayo icyo gihe yagiye iba urwishingikirizo rw'ubwoko

bwayo mu bihe byose. Mu kaga kose kabaho ubwoko bwayo bushobora kuvugana ishema n'isheja buti: "Ubwo Imana iri mu ruhande rwacu, umubisha wacu ni nde?" Abaroma 8:31. Uko imigambi mibisha ya Satani n'abakozi be ishobora gucuranwa uburyarya kose, Imana ishobora kuyitahura maze igahindura ubusa inama zabo zose. Igisubizo cyo muri iki gihe kizaba igisubizo cyatanzwe na Nehemiya avuga ati: "Imana yacu izaturwanirira;" kuko Imana iri mu murimo wayo, kandi nta muntu ushobora kuwubuza kugera ku ntego kwawo gukomeye. {AnA 601.1}

IGICE CYA 54 - GUCYAHA KWEREYE KWAKA INYUNGU IRENZE URUGERO (UBUNYAZI NO KWAMBURA) (EXTORTION)

Igihe intekerezo za Nehemiya zerekezwaga ku mibereho ibabaje y'abakene bo mu bwoko bwe, inkike za Yerusalemu zari zitararangira. Muri icyo gihe igihugu cyari kitaratungana neza, gutunganya ubutaka babuhinga byari byarirengagijwe ku rwego runaka. Ikirenze ibyo, bitewe n'imikorere irangwamo kwikanyiza yagirwaga na bamwe mu bari baragarutse mu Buyuda, umugisha w'Uwiteka ntiwari ukirangwa mu masambu yabo, bityo habaho kubura kw'impeke. {AnA 602.1}

Kugira ngo babone ibyokurya byo gutunga imiryango yabo, byababaye ngombwa ko abakene bahaha bagurijwe kandi bakagura ku biciro bihanitse cyane. Byababaye ngombwa kandi ko babona amafaranga bayagurijwe mu buryo bubyara inyungu kugira ngo bishyure imisoro basabwaga n'abami b'Ubuperesi. Kuri iyo mibabaro y'abakene, hiyongeyeho ko abakire cyane mu Bayuda bari baraciye urwaho ibyo abakene bakeneye maze bakikungahaza. {AnA 602.2}

Imana ibinyujije kuri Mose yari yarategetse Abisirayeli ko buri myaka itatu bakusanya icyacumi kugira ngo gihabwe abakene; kandi hari n'ikindi cyari cyarakozwe mu byerekeye guhagarika imirimo y'ubuhinzi buri nyuma y'imyaka irindwi, ubutaka ntibwagombaga guhingwa, kandi ibyimezaga bikera muri uwo mwaka byarekerwaga abakene. Ubudahemuka mu gutanga ayo maturo kugira ngo yunganire abakene ndetse no mu bindi bikorwa by'ubugiraneza, byari byarabereyeho gutuma abantu bahora bazirikana ukuri k'uko Imana ari yo nyiri bose ndetse n'amahirwe bafite yo kuba imiyoboro inyuzwamo imigisha. Byari umugambi w'Uwiteka ko Abisirayeli banyuzwa mu nzira yo gutozwa yari kurandura ukwikanyiza, kandi igakuza imico yabo. {AnA 603.1}

Nanone Imana yari yaratanze amabwiriza iyanyujije kuri Mose igira iti: "Nuguriza ifeza umukene wese wo mu bwoko bwanjye muri kumwe, ntuzamugirire nk'uko abishyuza bakora; kandi ntuzamwake inyungu." "Ntuzagurize mwene wanyu kumwaka inyungu, naho yaba iy'ifeza, cyangwa iy'ibyokurya, cyangwa iy'ikindi kintu cyose kugiririzwa kubona inyungu." Kuva 22:25; Gutegeka kwa kabiri 23:19. Uwiteka yari yaravuze na none ati: "Nihaba muri mwe umuekene, ari umwe muri bene wanyu, ahantu hose h'iwanyu mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha,ntuzanangire umutima wawe, ntuzagundire ibyawe ngo ubyime mwene wanyu w'umukene; ahubwo ntuzabure kumuramburira iminwe, ntuzabure kumuguriza ibimumaze ubukene bw'icyo akeneye." "Kuko ari ntabwo abakene bazashira mu gihugu: ni gitumye ngutegeka nti: 'Ntuzabure kuramburira iminwe mwene wanyu

w’umukene w’umworo, uri mu gihugu cyawe.’” Gutegeka kwa kabiri 15:7, 8,11. {AnA 603.2}

Mu bihe byakurikiye kugaruka kw’abari barajyanwe mu bunyage I Babuloni, Abayuda b’abakire bakoze ibinyuranye n’aya mategeko. Igihe byabaga ngombwa ko abakene baguza kugira ngo bishyure imisoro y’umwami, abakire babagurizaga amafaranga, ariko babakaga inyungu yo ku rwego rwo hejuru. Kubwo gufata ingwate ho amasambu y’abakene, buhoro buhoro bajyaga bakenesha kurutaho abo babaga barahaye imyenda. Byabaye ngombwa ko benshi bahatitwa kugurisha abana babo bakaba abagaragu n’abaja; kandi byasaga n’aho nta byiringiro byo gutuma imibereho yabo igenda neza kurutaho, ndetse nta n’uburyo bwo gucungura abana babo no kugaruza amasambu yabo, nta byiringiro by’igihe cyiza byari imbere yabo ahubwo hariho guhagarika umutima kwahoraga kwiyongera, ndetse ubukene no gushyirwa mu bubata bigahoraho. Nyamara abo bose bari ishyanga rimwe, abana b’isezerano rimwe kimwe n’abavandimwe babo bari baguwe neza. {AnA 603.3}

Amaherezo abantu bagiye kuwira Nehemiya uko bamerewe. Baravuze bati: “Abahungu bacu n’abakobwa bacu tubatanaho ibiretwa; ndetse abakobwa bacu bamwe bageze mu buretwa, kandi tubuze uko twagira ngo tubacungure, kuko amasambu yacu n’inzabibu zacu bifitwe n’abandi.” {AnA 604.1}

Ubwo Nehemiya yumvaga iby’uko gukandamizwa kuzuye ubugome, umutima we wuzuye agahinda. Nehemiya aravuga ati: “Numvise kwitotomba kwabo n’amaganya yabo, ndarakara cyane.” Nehemiya yabonye ko nashobora gukuraho umuco w’ikandamiza ryo kwaka abantu inyungu zirenze urugero agomba gufata icyemezo kidakuka aharanira ubutabera. Yajyanye imbaraga no kumaramaza maze ajya ku murimo kugira ngo aruhure abavandimwe be. {AnA 604.2}

Kuba abari barakandamije abandi bari abantu b’abakire, kandi ubufasha bwabo bukaba bwari bukenewe cyane mu murimo wo gusana umurwa wa Yerusalemu, ntibyigeze na hato bitera Nehemiya kubogama. Yacyashye abatware n’abakomeye mu buryo bukomeye, kandi ubwo yari amaze guteranya iteraniro rikomeye ry’abantu yababwiye ibyo Imana isaba byerekeranye n’icyo kibazo. {AnA 604.3}

Yabibukije ibyari byarabaye ku ngoma y’umwami Ahazi. Yabasubiriyemo ubutumwa yari yarohererejе Abisirayeli muri icyo gihe kugira ngo ibacyahire ubugome no gukandamiza kwabo. Bitewe no gusenga ibigirwamana kwabo, abaturage b’Ubuyuda bari barahanwe mu maboko y’abavandimwe babo basengaga ibigirwamana kubarusha ari bo Bisirayeli. Abisirayeli bari barakabije kuba abanzi binyuze mu mu kwica abantu ibihumbi byinshi bo

mu Bayuda mu ntambara kandi bari barafashe abagore n'abana bose, bagambiriye kubagira inkorerahagato cyangwa kubagurisha mu bapagani bakaba imbata zabo. {AnA 605.1}

Bitewe n'ibyaha by'Ubuyuda, Uwiteka ntiyari yaragobotse ngo abuze iyo ntambara kubaho; ariko akoresheje umuhanuzi Odedi, Uwiteka yacyashye imigambi mibisha y'ingabo zari zatsinze urugamba. Odedi yaravuze ati: "Kandi mugambiriye kunyitsa Abayuda n'ab'I Yerusalemu ngo mubagire abaretwa n'abaja; ariko aho mwebwe nta bicumuro mwacumuye ubwanyu ku Uwiteka Imana yanyu?" 2Ngoma 28:10. Odedi yaburiye Abisirayeli ko uburakari bw'Uwiteka bubakongerejwe, kandi ko imigirire yabo yo kurenganya no gukandamiza bizabazanira ibihano by'Imana. Bumvise ayo magambo, ingabo zasize abo zari zafashe bunyago ndetse zisiga n'iminyago imbere y'ibikomangoma n'iteraniro ryose. Nuko bamwe mu bayobozi bo mu muryango wa Efurayimu "bajyanye abanyagano, abari bamabaye ubusa bose bo muri bo babambika iminyago, babaha imyambaro, babambika inkweto, barabagaburira, babaha n'ibyokunywa, barabahezura, n'abanyantege nke bo muri bo bose babaheka ku ndogobe babageza i Yeriko umudugudu w'imikindo, kwa bene wabo baherako basubira i Samariya." 2Ngoma 28:15. {AnA 605.2}

Nehemiya n'abandi bari baracunguye bamwe mu Bayuda bari baragurishijwe abapagani, bityo noneho agereranya icyo gikorwa n'imyitwarire y'abashyiraga abavandimwe babo mu bubata kubwo gukunda indamu z'iby'isi. Nehemiya yaravuze ati: "Mbese ibikwiriye si uko mwagenda mwubaha Imana yacu, ntimwitukishe mu banzi bacu b'abanyamahanga?" {AnA 606.1}

Nehemiya yaberetse ko we ubwe kubw'uko yari afite ububasha yahawe n'umwami w'Ubuperesi, yagombye kuba yarabatse umusanzu munini kubw'inyungu ze bwite. Nyamara aho kugenza atya, nta nubwo yari yarafashe ibyo agenewe, ahubwo yari yaratanganye umutima ukunze kugira ngo yunganire abakene mu bukene bwabo. Yasabye bamwe bo mu bayobozi b'Abayuda bahamwaga n'icyaha cyo kunyunyuza imitsi y'abakene guhagarika icyo gikorwa cyo gukiranirwa; ahubwo bagasuziba amasambu abakene bene yo, ndetse bakabasubiza n'amafaranga y'umurengera bari barabatse ho inyungu. Yabasabye kandi kubaguriza nta ngwate cyangwa inyungu babatse. {AnA 606.2}

Ayo magambo yavuzwe iteraniro ryose riraho ryumva. Iyo abatware bahitamo gutanga impamvu zumvikana z'ibyo bakoze, baba barahawe umwanya wo kubikora. Nyamara nta rwitwazo batanze. Baravuze bati: "Tuzabibasubiza, kandi nta cyo tuzabaka; tuzabigenza nk'uko uvuze." Kubw'ibyo bari biyemeje, Nehemiya ari imbere y'abatambyi "yarahije abo bantu imbere yabo, yuko bazakora nk'uko basezeranye." "Iteraniro ryose riremera riti: 'Amen.' Bahimbaza Uwiteka. Nuko abantu bakora nk'uko basezeranye." {AnA 606.3}

Ibi byanditswe byigisha isomo ry'ingenzi. "Gukunda impiya ni umuzi w'ibibi byose." 1Timoteyo 6:10. Muri iki gihe tugezemo, kwifuza inyungu byatwaye intekerezo z'abantu. Akenshi ubukire bugerwaho binyuze mu buriganya. Hariho abantu batabarika bugarijwe n'ubukene, bikaba ngombwa kobakora cyane kugira ngo bahabwe ibihembo bito, ndetse bakaba badashobora no gukemura iby'ibanze mu buzima. Imiruho n'ubukene, ndetse no kutagira ibyiringiro ko hari ibyiza bazabona, bituma umutwaro wabo urushaho kubaremerera. Kuba baremerewe no guhagarika umutima no gukandamizwa, bituma batamenya aho bashakira icyabagoboka. Kandi ibi biba kugira ngo abakire babashe kubona ibyo batanga mu kwaya kwabo cyangwa kunezeza ibyifuzo byabo bigwizaho ibintu! {AnA 606.4}

Gukunda amafaranga no kwigaragaza byahinduye iyi si isenga ry'ibisambo n'abambuzi. Ibyanditswe bigaragaza umururumba no gukandamiza bizaba biganje mbere yo kugaruka kwa Kristo. Yakobo yaranditse ati: "Ngaho, yemwe batunzi mwe, nimurizwe muborozwe n'ibyago mugiye kuzabona. [. . . .] izahabu zanyu n'ifeza zanyu ziriwe n'ingese. Ingese yazo ni yo izaba umugabo wo kubahamya, izarya imibiri yanyu nk'umuriro. Mwabitse ubutunzi bwanyu mu minsi y'imperuka. Dore, ibihembo by'abasaruzi basaruye imirima yanyu, ibyo mwabimishije uburiganya birataka; kandi umuborogo w'abo basaruzi winjiye mu matwi y'Uwiteka Nyiringabo. Mwadamarariye mu isi, mwishimira ibibanezeza bibi: mwihagije mu mitima ku munsi wo kurimbuka. Umukiranutsi mwamuciriyeho iteka, muramwica, atabarwanya." Yakobo 5:1, 3-6. {AnA 607.1}

Ndetse no mu bavuga ko bagenda bubaha Imana, harimo bamwe bongera gukora nk'uko abakomeye bo mu Bisirayeli bakoze. Bitewe n'uko babifitiye ububasha bwo kubikora, basaba inyungu zirenze izikwiriye bityo bagahinduka abakandamiza. Kandi bitewe n'uko umururumba n'uburiganya bigaragara mu mibereho y'abitirirwa izina rya Kristo, bitewe n'uko itorero rifite mu bitabo byaryo amazina y'abageze ku butunzi bafite babukuye mu kurenganya, idini ya Kristo ishyirwaho igisuzuguriro. Gusesagura, kugwiza imitungo bivuye mu buriganya, kwaka inyungu z'ikirenga bigenda byangiza ukwizera kwa benshi kandi bigasenya imibereho yabo y'iby'umwuka. Ku rwego rukomeye, itorero ribarwaho ibyaha by'abarigize. Iyo rinaniwe kwatura rivuga ngo ryamagane ikibi, riba rigiha intebe. {AnA 607.2}

Imigenzo y'isi si yo Umukristo agomba gufatiraho icyitegererezo. Ntabwo agomba kwigana imikorere yayo ikarishye, kugwiza imitungo kw'ab'isi bivuye mu buriganya ndetse no kwaka inyungu z'ikirenga bibaranga. Igikorwa cyose cyo kurenganya gikorewe umuntu mugenzi wawe ni ukwica itegeko ry'izahabu. Ikibi cyose gikorewe abana b'Imana kiba gikorewe Kristo ubwe binyuze ku ntore ze. Kugerageza guca urwaho ubujiji, integer nke,

cyangwa ibyago by'undi, byandikwa mu bitabo byo mu ijuru ko ari ubriganya dukoze. Umuntu wubaha Imana by'ukuri, yagombye gukora amanywa n'ijoro, kandi akarya umugati w'ubukene, aho guha intebe umwuka wo kurarikira indamu ukandamiza abapfakazi n'impfubyi cyangwa wambura umunyamahanga uburenganzira bwe. {AnA 608.1}

Gutandukira gato umuntu akareka kugendera mu mico itunganye bisenya imbibi [umuntu adakwiriye kurenga] kandi bigategurira umutima kurenganya bikomeye kurushaho. Igihe bigeze aho umuntu yigwiriza inyungu biciye mu guhombya abandi, umutima uzagwa ikinya ntube ucyumva imbaraga y'Umwuka w'Imana. Inyungu umuntu abonye binyuze muri iyo nzira, ni igihombo giteye ubwoba. {AnA 608.2}

Twese twarimo umwenda w'ubutabera bw'Imana, nyamara nta cyo twari dufite twashoboraga kwishyura uwo mwenda. Ubwo ni bwo Umwana w'Imana, watugiriye imbabazi, yishyuye ikiguzi cyo gucungurwa kwacu. Yahindutse umukene kugira ngo binyuze mu bukene bwe tubashe kuba abakire. Dushobora kugaragaza tubikuye ku mutima ko twanyuzwe n'ubuntu twagiriwe dukoresheje ibikorwa byo gutangana ubuntu tugirira abakene be. Intumwa Pawulo aradutegeka ati: "Nuko rero, tugirire bose neza uko tubonye uburyo, ariko cyane cyane ab'inzu y'abizera." Abagalatiya 6:10. Kandi amagambo ya Pawulo ahuje n'ay'Umukiza wagize ati: "Abakene bo muba muri kumwe na bo iteka: kandi aho mwashakira mwabagirira neza." "Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose, mube ari ko mubagirira namwe: kuko ayo ari yo mategeko n'ibyahanuwe." Matayo 7:12. {AnA 608.3}

IGICE CYA 55 - UBUGAMBANYI BW'ABAPAGANI

Sanibalati n'abo bari bafatanyije ntibahangaye kurwanya Abayuda ku mugaragaro; ariko kubw'ubugome bwiyongeraga bakomeje gukorana umuhati wabo mu ibanga kugira ngo bace intege, bakure umutima, kandi bagirire Abayuda nabi. Urukuta ruzengurutse Yerusalemu rwari rwegereje kurangira imirimo yihuta cyane. Ighe rwari kuba rwuzuye ndetse n'amarembo yarwo agashingwa, abo banzi ba Isirayeli ntibari kugira ibyiringiro byo kuba bakoresha imbaraga ngo binjire mu murwa. Hariho abari bashishikariye cyane guhagarika uwo murimo badatindiganyije. Amaherezo baje kunoza umugambi bari biringiye ko bazakoresha bagakura Nehemiya ku mwanya yari ahagazemo, maze igihe bari kuba bamwifitiye bakamwica cyangwa bakamushyira mu nzu y'imbohe. {AnA 609.1}

Mu rwego rwo kugaragaza ko bifuza bagira ibyo bumvikanaho nk'impande zihanganye, bashatse kugirana inama na Nehemiya, maze bamutumira guhirira na bo mu mudugudu wo mu gisiza cya Ono. Ariko Nehemiya amurikiwe na Mwuka Wera akamuhishurira umugambi wabo nyakuri, yaranze [ntiyajyayo]. Yandika agira ati: "Nanjye mbatumaho intumwa, ndababwira nti: 'Ndakora umurimo ukomeye, sinashobora kumanuka; nta mpamvu yo kwica umurimo ngo manuke mbasange.'" Nyamara abangeragezaga banga kuva ku izima. Bohereje ubutumwa bumeze nk'ubwo incuro enye, kandi igihe cyose babwoherezaga, nabasubizaga nk'uko nabasubije mbere. {AnA 610.1}

Babonye ko uwo mugambi ntacyo uzageraho, bifashishije andi mayere akomeye. Sanibalati yohereje Nehemiya intumwa yamuzaniye urwandiko rufunguye rwavugaga ruti: "Mu mahanga hari impuha, kandi na Geshemu aravuga yuko wowe n'Abayuda mushaka kugoma. Ngo ni cyo gituma mwubaka inkike; kandi ngo urashaka kuba umwami wabo . . . Ngo washyizeho n'abahanuzi bo kwamamaza ibyawe i Yerusalemu, ngo mu Bayuda harimo umwami. None ngwino tujye inama, kuko izo nkuru batazabura kuzibwira umwami." {AnA 610.2}

Iyo mu by'ukuri izo mpuha ziba zarakwirakwijwe; hari kuba hari impamvu yo kuzitaho; kuko bidatinze zari kugezwa ku mwami washoboraga kugira icyo yikanga umuntu gito cyane maze bikamutera kumufatira ingamba zikomeye cyane. Ariko Nehemiya yari azi neza ko urwo rwandiko ari urw'ibinyoma rwose, ko rwandikiwe kumutera ubwoba no kumugusha mu mutego. Uyu mwanzuro yagezeho washimangiwe n'uko urwo rwandiko rwoherejwe rufunguye, bigaragara nta gushidikanya ko abantu basomye ibirurimo, kandi ko rwabakuye umutima rukabatera n'ubwoba. {AnA 610.3}

Nehemiya yahise aboherereza igisubizo kivuga kiti: "Ibyo uvuze ibyo nta byabaye, ahubwo ni wowe wabyihimbiye mu mutima wawe." Nehemiya ntiyari ayobewe amayere ya Satani.

Yari azi ko ibyo abanzi be bageragezaga byakorwaga kugira ngo bice intege amaboko y'abubatsi bityo umwete wabo ugwabire. {AnA 611.1}

Satani yari yaragiye atsindwa incuro nyinshi; ariko noneho akoranye ubugome n'uburyarya bukomeye cyane, yateze umugaragu w'Imana indi mitego ihishwe kandi mibi cyane. Sanibalati na bagenzi bebaguriye abantu bavugaga ko ari incuti za Nehemiya kugira ngo bamugire inama mbi bitwaje ko ari ijambo ry'Uwiteka. Umukuru muri bo wagiye muri iki gikorwa kibi ni uwitwa Shemaya. Mbere y'icyo gihe, Nehemiya yari azi ko Shemaya ari umuntu w'imico myiza. Uyu mugabo yikingiranye mu cyumba hafi y'urusengero asa n'ufitiye ubwoba ubuzima bwe nk'aho buri mu kaga. Icyo gihe urusengero rwari rukingiwe n'inkike n'amarembo, ariko amarembo y'umurwa yari atarashingwa. Shemaya yagaragaje ko yitaye cyane ku mutekano wa Nehemiya maze amugira inama yo kwihisha mu rusengero. Yamugiriye inama ati: "Tubonanire ku nzu y'Imana imbere mu rusengero, dukinge inzugi z'urusengero kuko baza kukwica; ni koko iri joro baraza kuza kukwica." {AnA 611.2}

Iyo Nehemiya akurikiza iyi nama y'uburiganya, aba yaratatiye ukwizera Imana kwe, kandi mu maso ya rubanda aba yaragaragaye ko ari ikigwari n'imburamumaro. Urebye umurimo w'ingenzi yari yatangiye ndetse n'icyizere yavugaga ko afitiye imbaraga z'Imana, kwihisha nk'umuntu ufite ubwoba byari kuba uguhuzagurika. Impuruza yari kugera ku bantu bose maze buri wese agakiza amagara ye, bityo umurwa ugasigara utarinzwe, ukagwa mu maboko y'abanzi bawo. Icyo gikorwa kimwe kitarimo gushishoza Nehemiya yari kuba akoze cyari kuba ugutererana no kureka ibyo yari yaragezeho byose. {AnA 611.3}

Nehemiya ntiyatindaga gucengera intekerezo ngo amenye imiterere nyakuri n'umugambi by'uwamugiraga inama. Aravuga ati: "Mbyitegereje menya yuko atari Imana yamutumye, ahubwo yampanuriyeho ibyo kuko Tobiya na Sanibalati bari bamuguriye. Icyatumye agurirwa ni ukugira ngo ankangishe; maze ninkora ntyo, ngo bimbere icyaha, bahereko bamboneho impamvu yo kumvuga nabi, kugira ngo bantuke." {AnA 612.1}

Inama y'urukozasoni yatanzwe na Shemaya yashyigikiwe n'abagabo barenze umwe bari bazwiho ubupfura cyane. Nubwo bavugaga ko ari incuti za Nehemiya, bari bafitanye akagambane rwihishwa n'abanzi be. Nyamara imitego yabo barayiteze ariko ifata ubusa. Igisubizo Nehemiya yatanze ashize ubwoba ni iki ngo: "Ndi umugabo ungana atya nahunga? Mbese ni nde mu bo tungana wahungira mu rusengero akikiza? Sindi bujyeyo." {AnA 612.2}

Nubwo hariho imigambi mibisha y'abanzi, yaba iyo ku mugaragaro cyangwa ihishwe, umurimo wo kubaka wakomeje gukorwa neza, kandi mu gihe kitageze ku mezi abiri uhereye igihe Nehemiya yagereye muri Yerusalemu umurwa wari ukikijwe n'inkuta ziwukingiye

kandi abubatsi bashoboraga kugenda hejuru y'inkike maze bakareba ahasi bitegereza abanzi babo babaga batsinzwe kandi bumiwe. Nehemiya arandika ati: "Maze abanzi bacu babyumvise, abanyamahanga bose badukikije bakuka imitima, baca bugufi cyane barigaya, kuko babonye yuko Imana yacu ari yo ikoze uwo murimo." {AnA 612.3}

Nyamara n'iki gihamya cy'ukuboko kw'Imana kuyobora ibintu nticyari gihagije kugira ngo kibuze kutishimira icyo gikorwa, ubwigomeke n'uburiganya mu Bisirayeli. "Muri iyo minsi imfura zo mu Buyuda zoherereza Tobiya inzandiko nyinshi; kandi iza Tobiya zikabageraho. Mu Bayuda harimo benshi basezeranye na we, kuko yari muramu wa Shekaniya." Ahangaha tuhabona ingaruka mbi zo gushyingirana n'abasenga ibigirwamana. Umuryango w'Ubuyuda wari warifatanyije n'abanzi b'Imana, kandi iyo sano bagiranye yari yaragaragaye ko ari umutego. Hari abandi benshi bari barakoze bene ibyo. Abongabo, kimwe n'imbaga y'ikivange yari yaravanye n'Abisirayeli muri Egiputa, babaye intandaro y'ingorane zahoraga zibaho. Ntabwo imitima yabo bari bayirunduriye mu murimo we; kandi igihe umurimo w'Imana wasabaga kwitanga, babaga biteguye kwica indahiro ikomeye bari bararahiye yo gukorana n'abandi no kubashyigikira. {AnA 612.4}

Abantu bamwe baribaraje ku ruhembe rw'imbere mu gucirira Abayuda imigambi mibisha, noneho bagaragaje icyifuzo cyo kubabera incuti. Imfura zo mu Bayuda zari zaraguye mu mutego wo gushyingirana n'abasenga ibigirwamana, kandi zari zaragiranye umushyikirano w'ubugambanyi na Tobiya ndetse zikaba zari zararahiriye kumukorera, noneho zamuhagarariye zimwerekana ko ari umugabo ushoboye kandi ufite gushishoza, bityo gufatanya nawe bikaba byari kubera Abayuda inyungu ikomeye cyane. Muri icyo gihe kandi babwiye Tobiya imigambi ya Nehemiya n'ibyo akora. Uko ni ko umurimo w'ubwoko bw'Imana wakinguriwe ibitero by'abanzi babo, kandi hacirwa icyuho cyo kugoreka amagambo ya Nehemiya n'ibikorwa bye, ndetse no kubangamira umurimo we. {AnA 613.1}

Igihe abakene n'abakandamizwaga batakambiraga Nehemiya kugira ngo abarenganure, yari yarahagaze ashize amanga arabarengera kandi yari yaratumye abari barakoze nabi bakuraho ikinegu cyari kibariho. Nyamara ubutware yari yarakoresheje arengera bene wabo bari barakandamijwe noneho ntiyabukoresheje yirengera ubwe. Abantu bamwe bari baragaye umuhati yakoreshaga kandi bagaragaza uburiganya, nyamara ntiyakoresheje bwe ngo ahane abagambanyi. Yaratuje ndetse nta no kwikanyiza maze akomeza umurimo yakoreraga abantu, ntiyigera acogora mu muhati we cyangwa ngo yemere ko inyungu ze zigwabira. {AnA 613.2}

Ibitero bya Satani byagiye bigabwa ku bantu bagiye bashaka guteza imbere umurimo n'ubutumwa by'Imana. Nubwo akenshi ibitero bya Satani biburizwamo, akenshi agaba

ibitero bishya akoresheje imbaraga nshya, agakoresha n'inzira atari yagerageje gukoresha. Nyamara igikwiriye gutinywa cyane ni imikorere ihishwe ya Satani, aho akorera mu bavuga ko ari incuti z'umurimo w'Imana. Kurwanywa ku mugaragaro bishobora kuba bibi cyane ndetse bikababamo n'ubugome, ariko ni byo bizanira umurimo w'Imana akaga gake ubigereranyije n'urwango ruhishwe rw'abavuga ko bakorera Imana nyamara mu mitima yabo ari abagaragu ba Satani. Bene abo bafite mu bubasha bwabo imbaraga zo gushyira amahirwe yose mu biganza by'abazakoresha ubwenge bwabo kugira ngo babangamire umurimo w'Imana kandi bagirire nabi abagaragu bayo. {AnA 614.1}

Amayere yose umwami w'umwijima ashobora gutegura azakoreshwa kugira ngo atere abagaragu b'Imana kugirana ubufatanye n'abakozi ba Satani. Bazagerwaho no kwinginga kwinshi kubararikira kuva ku nshingano yabo; ariko nk'uko Nehemiya yabigenje, bakwiriye gusubiza bashize amanga bati: "Ndakora umurimo ukomeye, sinashobora kumanuka." Abakozi b'Imana bashobora gukomeza umurimo wabo mu mahoro, bakareka umuhati wabo ukamagana irego by'ibinyoma umugome ashobora kubahimbira ngo abagirire nabi. Nk'uko byagenze ku bubatsi b'inkike za Yerusalemu, bagomba kwanga guteshurwa ku murimo wabo n'ibikangisho no gukwenwa ndetse n'ibirego by'ibinyoma. Ntibakwiriye kudohora kuba maso kwabo n'akanya na gato, kuko abanzi bahora baboga runono. Bagomba guhora basenga Imana kandi "bagashyiraho n'abarinzi bo kubarinda ku manywa na nijoro." Nehemiya 4:9. {AnA 614.2}

Uko igihe cy'iherezo kigenda cyegereza, Satani azazana ibishuko bye ku bakozi b'Imana bifite imbaraga nyinshi. Azakoresha abantu kugira ngo bakwene kandi basebye "abubaka inkike." Nyamara abubatsi nibamanuka bakajya guhangana n'ibitero by'abanzi babo, ibyo nta kindi bizageraho uretse kudindiza umurimo. Bakwiriye gushishikazwa no gutsinda imigambi y'abanzi babo, ariko ntibakwiriye kwemerera ikintu icyo ari cyo cyose kubakura ku murimo wabo. Ukuri kurusha ikinyoma imbaraga, kandi icyiza kizatsinda ikibi. {AnA 615.1}

Ntibakwiriye kandi kwemerera abanzi babo kugirana ubucuti na bo no kubagaragariza impuhwe, ngo bityo babakure mu mwanya w'inshingano bahagazemo. Umuntu utuma umurimo w'Imana ugawa kubw'igikorwa cye icyo ari cyo cyose kitarangwa no kwirinda cyangwa uca intege abakozi bagenzi be, aba ashyize icyasha mu mico ye kitakurwaho mu buryo bworoshye, kandi ashyira inzitizi ikomeye mu nzira yo kuzaba ingirakamaro kwe mu gihe kiri imbere. {AnA 615.2}

"Abanga amategeko bashima abanyabyaha." Imigani 28:4. Igihe abifatanya n'ab'isi, (nyamara bakavuga ko bera rwose), basaba kugirana ubumwe n'abigeze kurwanya umurimo wo kwamamaza ukuri, dukwiriye kubatinya no kubirinda dukomeje nk'uko Nehemiya

yabigenje. Bene iyo nama iba iturutse ku mwanzi w'ibyiza byose. Iyo ni imvugo y'abakurikira inyungu zabo gusa mu gihe runaka nta kindi bitayeho, kandi muri iki gihe bakwiriye kurwanywa byimazeyo nk'uko byagenze mu gihe cya Nehemiya. Imbaraga iyo ari yo yose igambiriye gukura ukwizera k'ubwoko bw'Imana mu bushobozi bwayo buyobora, ikwiriye kurwanywa nta gukebakeba. {AnA 615.3}

Mu buryo Nehemiya yakomeje kwirundurira mu murimo w'Imana, ndetse n'uko yishingikirije ku Mana adacogora, byabaye intandaro yo gutsindwa kw'abanzi be bananiwe kumushyira munsi y'ububasha bwabo. Umuntu w'inkorabusa atsindwa n'ibishuko [bya Satani] mu buryo bworoshye; ariko mu buzima bw'umuntu bufite intego ikomeye n'umugambi, ntibyorohera ikibi kuhashinga ikirenge. Ukwizera k'umuntu uhora atera intambwe ajya mbere ntikwigera gucogora; kuko haba hejuru, hasi ndetse no hirya, uwo muntu ahabona Rukundo rutagerwa, ukora ibintu byose kugira ngo asohoze umugambi we mwiza. Umugaragu nyakuri w'Imana akorana ukwiyemeza kutazigera gutezuka bitewe n'uko intebe y'ubuntu ari yo bahora bishingikirijeho. {AnA 616.1}

Imana yagiye itanga ubufasha buvuye mu ijuru ku byihutirwa byose ubushobozi bwacu abantu butageraho. (to which our human resources are unequal). Itanga Mwuka Wera kugira ngo agoboke mu byihutirwa byose, ngo akomeze ibyiringiro byacu n'icyizere tugira, ngo amurikire intekerezo zacu kandi yeze imitima yacu. Imana itanga amahirwe kandi igakingura imiyoboro yo gukoreramo. Ubwoko bwayo nibuba maso bugakurikiza amabwiriza buhabwa n'ubuntu bwayo, kandi bukaba bwiteguye gukorana na Yo, buzabona umusaruro ukomeye. {AnA 616.2}

IGICE CYA 56 - BIGISHWA AMATEGEKO Y'IMANA

Byari igihe cy'iminsi mikuru yo kuvuza impanda. Abantu benshi bari bateraniye i Yerusalemu. Ibyabaye byaranzwe no kuboroga. Inkike za Yerusalemu zari zarasanwe ndetse n'amarembo yarubatswe, ariko umugabane munini w'umurwa wari ukiri amatongo. {AnA 617.1}

Ku ruhimbi rw'ibiti rwari rwubatswe kuri imwe mu nzira ngari, kandi ku mpande zose rwari rukikijwe n'ibimenyetso bibabaje byibutsaga ikuzo ry'Ubuyuda ryari ryaragiye. Kuri rwo ni ho Ezira, wari umusaza icyo gihe, yahagaze. Iburyo n'ibumoso bwe hari hateraniye abavandimwe be b'Abalewi. Urebye hasi uri kuri urwo ruhimbi, amaso yabonaga imitwe y'abantu benshi batabarika. Ubwoko bw'isezerano bwari bwateraniye aho buturutse mu bihugu byose bikikije Ubuyuda. "Ezira ashima Uwiteka Imana nkuru. Abantu bose barikiriza bati: 'Amen, Amen.' . . . . .; maze bubika imitwe baramya Uwiteka, bubitse amaso yabo hasi.'" {AnA 617.2}

Nyamara n'aho hari ikimenyetso cy'icyaha cya Isirayeli. Binyuze mu gushyingirana kw'Abayuda n'andi mahanga, ururimi rw'Igiheburayo rwari rwaragoretswe, bityo byasabaga abavugaga kwigengesera cyane kugira ngo basobanure amategeko mu rurimi rw'abantu bari aho, kugira ngo rwumvwe n'abantu bose. Bamwe mu batambyi n'Abalewi bafatanyije na Ezira gusobanura amahame yo mu mategeko. "Basoma mu gitabo amategeko y'Imana gusoma kumvikana, barasobanura kugira ngo abantu bamenye ibyasomwaga." {AnA 617.3}

"Bose bari bateze amatwi ngo bumve igitabo cy'amategeko." Bateze amatwi amagambo y'Isumbabyose babyitayeho kandi bubashye. Ubwo amategeko yasobanurwaga, bumvise batsinzwe kubw'icyaha cyabo, nuko barira bitewe n'ibicumuro byabo. Nyamara uwo munsi wari umunsii mukuru, umunsi wo kwishima, umunsi wo guterana kwera, umunsi Uwiteka yari yarategetse ubwoko bwe kwizihiza bwishimye bufite n'umunezero; bityo ubwo bariraga bategetswe guhagarika umubabaro wabo ahubwo bakishima kubw'imbabazi nyinshi cyane Imana yabagiriye. Nehemiya ayarvuze ati: "Uyu ni umunsi werejwe Uwuteka Imana yanyu; ntimubabare kandi ntimurire . . . . Nimugende, murye inyama z'ibinure, munywe ibiryohereye, mwoherereze amafunguro abadafite icyo bahishiwe, kuko uyu munsi ari umunsi werejwe Uwiteka wacu; kandi ntimugire agahinda; kuko kwishimana Uwiteka ari zo ntege zanyu." {AnA 617.4}

Umugabane ubanza w'uwo munsi wahariwe imihango y'idini, bityo abantu bakoresha igihe gisigaye cy'uwo munsi bavugana ibyishimo iby'imigisha y'Imana kandi banezererwa ibyiza byinshi yari yarabahaye. Nanone kandi abakene batari bafite ibyo bateguye boherrerejwe

amafunguro. Habayeho kwishima kwinshi bitewe n'uko amagambo y'amategeko yari yasomwe kandi yumvikanye. {AnA 618.1}

Ku munsi wakurikiyeho gusoma no gusobanura amategeko byarakomeje. Kandi igihe cyagenwe kigeze — ku munsi wa makumyabiri w'ukwezi kwa akrindwi — bakurikije itegeko ry'Imana, bakozwe imihango ikomeye y'Umunsi w'Impongano. {AnA 618.2}

Uhereye ku munsi wa cumi na gatanu ukageza ku wa makumyabiri na kabiri y'uko kwezi, rubanda n'abatware babo bongeye kwizihiza Iminsi mikuru y'Ingando. Inkuru yasakajwe "mu midugudu yabo yose n'I Yerusalemu bati: 'Nimusohoke mujye ku musozi muzane amashami y'imyerayo n'ay'iminzenze n'ay'imihadasi n'ay'imikindo n'ay'ibiti by'amashami atsikanye, muce ingando nk'uko byanditswe.' Nuko abantu barasohoka bazana amashami, bicira ingando, umuntu wese ayica hejuru y'inzu ye no mu bikari byabo no mu bikari by'inzu y'Imana no ku karubanda ku irembo ry'amazi no ku karubanda handi, . . . ubwo habaho umunezero mwinshi cyane. Kandi Ezira yahereye ku munsi wa mbere w'ibirori ageza ku munsi wa nyuma, asoma igitabo cy'amategeko y'Imana uko bukeye." {AnA 618.3}

Bitewe n'uko uko bwacyaga bukira bumvaga amagambo yo mu mategeko, abantu bari barastinzwe mu mitima bemera ibicumuro byabo, ndetse n'ibyaha by'ishyanga ryabo by'abo mu bisekuru byahise. Babonye ko gutandukana n'Imana ari byo byatumye uburinzi bwayo bubakurwaho kandi bigatuma urubyaro rwa Aburahamu rwari rwaratatanyirijwe mu bihugu by'amahanga, bityo biyemeza gushaka imbabazi zayo no kurahirira ubwabo kugendera mu mategeko yayo. Mbere yo kwinjira muri uyu muhango ukomeye wabaye ku munsi wa kabiri wakurikiye isozwa ry'Iminsi mikuru y'Ingando, bitandukanyije n'abapagani bari babarimo. {AnA 619.1}

Ubwo abantu bicishaga bugufi bakubika imitwe imbere y'Uwiteka, bakatura ibyaha byabo kandi bagasaba imbabazi, abayobozi babo babashishikarije kwizera ko Imana yumvise amasengesho yabo nk'uko yabisezeranye. Ntibagombaga kubabara no kurira no kwihana gusa, ahubwo bagombaga no kwizera ko Imana yababababariye. Bagombaga kugaragaza ukwizera kwabo basubiramo amagambo avuga iby'imbabazi zayo kandi bayisingiriza ineza yayo. Abo bigisha babo baravuze bati: "Nimuhaguruke muhimbaze Uwiteka Imana yanyu. Uhereye kera kose ukageza iteka ryose." {AnA 619.2}

Nuko ubwo bahagurukaga bakarambura amaboko bayatunze mu ijuru, muri ya mbaga y'abantu bari bateraniye aho humvikanye indirimbo bagira bati: {AnA 619.3}

"Ni wowe Uwiteka, ni wowe wenyine
Ni wowe waremye ijuru n'ijuru risumba ayandi

N’ingabo zaryo zose n’isi n’ibiyirimo byose,
N’inyanja n’ibiyirimo byose,
Kandi ni wowe ubeshaho byose,
N’ingabo zo mu ijuru zirakuramya.” {AnA 619.4}

Indirimbo yo guhimbaza yararangiye maze abayobozi b’iteraniro ryari aho barisubiriramo amateka ya Isirayeli, berekana uko ineza Imana yabagiriye yabaye nyinshi kuri bo, kandi berekana n’uko babaye indashima bikomeye. Nuko iteraniro ryose risezerana gukurikiza amategeko yose y’Imana. Bari barahaniwe ibyaha byabo; ariko noneho bari bazirikanye ubutabera Imana yabagiriye mu byo yabakoreye maze basezerana ubwabo kumvira amategeko yayo. Kandi kugira ngo iryo ribe “isezerano ridakuka,” kandi ribe ribitswe mu buryo buhoraho nk’urwibutso rw’ibyo biyemeje, ryaranditswe maze abatambyi, Abalewi n’abatware barishyiraho umukono. Ryagombaga kuba urwibutso rubibutsa inshingano yabo ndetse n’uruzitiro rubarinda ibishuko. Abantu barahiriye bakomeje ko “bazajya bagendera mu mategeko y’Imana yatanzwe na Mose umugaragu w’Imana, bakitondera gusohoza ibyo Uwiteka Umwami wacu yategetse byose no guca imanza kwe n’amateka ye.” Indahiro yarahiwe icyo gihe yari ikubiyemo isezerano ry’uko batazashyingirana n’ubwoko bwa bene icyo gihugu. {AnA 620.1}

Umunsi wo kwiyiriza ubusa utararangira, abantu bakomeje kugaragaza ko biyemeje kugarukira Uwiteka babinyujije mu kurahirira ubwabo kureka kuzirura Isabato. Ntabwo icyo gihe Nehemiya yakoresheje ubutware bwe nk’uko yari yarabikoze mbere yaho ngo abuze abacuruzi b’abapagani kuza muri Yerusalemu; ariko mu muhati we wo gukingira gushukwa, yabasezeranishije isezerano ridakuka ko batazica itegeko ry’Isabato bagura n’abo bacuruzi. Ibyo yabikoze yiringira ko bizaca intege abo bacuruzi kandi bikaba byahagarika ingendo [zinjira muri Yerusalemu ku Isabato.] (Nehemiya 10:32). {AnA 620.2}

Bashyizeho kandi uburyo bwo gushyigikira uburyo bwo kuramya Imana kw’ishyanga. Hejuru y’icyacumi, iteraniro ryarahiriye gutanga umubare runaka w’ubutunzi uko umwaka utashye kugira ngo bukoreshwe mu buturo bwera. Nehemiya arandika ati: “Twemera no kuzana mu nzu y’Uwiteka umuganura w’ubutaka bwacu n’umuganura w’imbuto zose ziribwa z’ibiti by’amoko yose, uko umwaka utashye; kandi no kuzana imfura z’abahungu n’uburiza bw’amatungo yacu, nk’uko byanditswe mu mategeko, uburiza bw’inka zacu n’ubw’intama zacu, ngo tubuzane mu nzu y’Imana yacu. ..” {AnA 620.3}

Kubwo gusubira inyuma, Isirayeli yari yaragarukiye Imana ibogoza amarira. Abisirayeli bari baratuye ibyaha byabo barira kandi baganya. Bari barazirikanye gukiranuka kwaranze ibyo Imana yabagiriye kandi bari barasezeranye kumvira amategeko yayo. Noneho

bagombaga kugaragaza ko bizeye amasezerano yayo. Imana yari yemeye kwihana kwabo; noneho bagombaga kwishimira ibyiringiro bafite byo kubabarirwa ibyaha kandi ko bakomorewe ubuntu bw'Imana. {AnA 621.1}

Umwete wa Nehemiya wo gusubizaho kuramya Imana nyakuri wageze ku ntego. Igihe cyose abantu batari gutatira indahiro barahiye, ndetse bakumvira ijambo ry'Imana, Uwiteka na we yari gusohoza isezerano rye akabasesekazaho imigisha myinshi. {AnA 621.2}

Ku bantu batsindwa n'icyaha kandi bakaba baremerewe no kumva ntacyo bamaze, aya mateka arimo ibyigisho byerekeye kwizera kandi bitera ubutwari. Bibiliya igaragaza neza ingaruka z'ubuhakanyi bwa Isirayeli; ariko na none ikerekana gukorwa n'isoni gukmeye no kwihana kwimbitse, kwitanga kudakebakeba no gutangana ubuntu byaranze igihe bagarukiraga Uwiteka. {AnA 621.3}

Kugarukira Uwiteka k'ukuri kose kuzana ibyishimo bitagerwa mu bugingo. Iyo umunyabyaha yiyeguriye imbaraga ya Mwuka Wera, umunyabyaha abona icyaha cye bwite no guhindana kwe biba bihabanye by'ihabya no kwera k'Urondora imitima ukomeye. Abona ko aciriweho iteka nk'uwishe amategeko y'Imana. Ariko kubw'ibyo, ntabwo agomba kwiheba; kuko aba yamaze kubabarirwa rwose. Ashobora kwishima kubwo kuzirikana ibyaha bye byababariwe, akishimira mu rukundo rwa Data wo mu ijuru wuje imbabazi. Ku bantu b'abanyabyaha kandi bihana, ubwiza bw'Imana bubagotera mu maboko y'urukundo rwayo kugira ngo bomorwe ibikomere byabo, bezweho icyaha, kandi bambikwe imyambaro y'agakiza. {AnA 621.4}

IGICE CYA 57 - UBUGOROZI/IVUGURURA (REFORMATION)

Abaturage b'Ubuyuda bari bararahiriye ku karubanda akandi bakomeje ko bazumvira amategeko y'Imana. Ariko igihe igitsure cya Ezira na Nehemiya cyari kidahari mu gihe runaka, habayeho benshi bitandukanyije n'Uwiteka. Icyo gihe Nehemiya yari yarasubiye mu Buperesi. Ubwo yari atari i Yerusalemu, hari ibibi byinshi byinjijwe ku buryo byari bigendereye guteshura ishyanga. Ntabwo abasenga ibigirwamana binjiye mu murwa wa Yerusalemu gusa, ahubwo kuhaba kwabo byahumanyije n'ibikari by'urusengero ubwabyo. Binyuze mu gushyingirana, Eliyashibu, umutambyi mukuru yari yaragiranye ubucuti na Tobiya w'Umwamoni, kandi uyu yari umwanzi gica w'Abisirayeli. Ingaruka y'uko kunga ubumwe kutejejwe yabaye iy'uko Eliyashibu yari yaremereye Tobiya kuba mu cyumba gifatanye n'urusengero. Kugeza icyo gihe icyo cyumba cyari ububiko bw'icyacumi n'amaturo abantu bazanaga. {AnA 623.1}

Bitewe n'ubugome n'uburiganya Abamoni n'Abamowabu bari baragiriye Abisirayeli, Imana yari yaravugiye mu knwa ka Mose ko badakwiriye na hato kwinjira mu iteraniro ry'ubwoko bwayo. Soma Gutegeka kwa kabiri 23:2-6. Mu rwego rwo gusuzugura iri jambo ry'Uwiteka, umutambyi mukuru yari yarasohoye amaturo yari abitswe mu cyumba cy'inzu y'Imana kugira ngo abone aho acumbikira uyu Tobiya wari uhagarariye ubwoko Uwiteka yabuzanyije [kwinjira mu iteraniro ry'ubwoko bwe]. Nta gusuzugurwa gukomeye gushobora kuba kwaragiriwe Imana kurenze uko guha amahirwe nk'ayo uyu mwanzi wayo n'ukuri kwayo. {AnA 623.2}

Ubwo yari agarutse avuye mu Buperesi, Nehemiya yamenye iby'uko guhumanya [inzu y'Imana] kwihandagaje maze afata ingamba zihuse zo kwirukana uwo mucengezi. Nehemiya aravuga ati: "Birambabaza cyane; ni cyo cyatumye ibintu bya Tobiya byose mbisahura mu nzu nkabijugunya hanze. Mperako ntegeka ko beza ibyumba; maze nsubizamo ibintu by'inzu y'Imana n'amaturo n'amafu n'icyome." {AnA 624.1}

Ntabwo urusengero rwari rwarahumanyijwe gusa, ahubwo n'amaturo yari yarakoreshejwe nabi. Ibi byari byaratumye umutima wo gutangana ubuntu w'ishyanga ucika intege. Abantu bari baratakaje ubwuzu n'umwete byabo, kandi icyacumi nacyo bagitangaga bagononwa. Ububiko bw'inzu y'Uwiteka bwazanwagamo ibintu bike cyane; benshi mu baririmbyi n'abandi bantu bakoraga mu buturo bwera bari bararetse umurimo w'Uwiteka bajya gukora ahandi bitewe no kudahabwa ibyo kubunganira bihagije. {AnA 624.2}

Nehemiya yiyemeje kugira icyo akora kugira ngo akureho icyo gisuzuguriro (He set to work to correct these abuses. p.670). Yateranyirije hamwe abari barataye umurimo w'inzu y'Uwiteka, maze "abasubiza ahabo." Ibi byatumye rubanda rugira ibyiringiro n'ubutwari

maze Abayuda bose “bazana kimwe mu icumi cy’imyaka y’impeke na vino n’amavuta, babishyira mu bubiko.” Abari abagabo b’abiringirwa bagizwe abacungamutungo b’ububiko, kandi “umurimo wabo wari uwo kugaburira bene wabo.” {AnA 624.3}

Indi ngaruka mbi yo gushyingirana n’abasenga ibigirwamana yabaye iyo kwirengagiza Isabato, ikimenyetso cyatandukanyaga Abisirayeli — nk’ishyanga ryasengaga Imana nyakuri - n’andi mahanga [yasengaga ibigirwamana]. Nehemiya yaje kubona ko abacuruzi b’abapagani baturutse mu bihugu bikikije Ubuyuda, bazaga i Yerusalemu, bari barateye benshi mu Bisirayeli kwishora mu bucuruzi ku munsi w’Isabato. Habayeho bamwe mu Bisirayeli batashoboraga kwemezwa gutatira ihame bemeraga, nyamara abandi bararyishe ndetse bifatanya n’abapagani mu muhati wabo wo gutsinda umubare muto w’abari bamaramaje. Benshi barihandagaje bica Isabato. Nehemiya arandika ati: “Muri iyo minsi mbona i Buyuda abantu bengera mu mivure ku isabato, n’abandi bazana imiba bakayikoreza indogobe zabo, mbona na vino n’inzabibu n’imbuto z’imitini n’imitwaro y’uburyo bwose bazanaga muri Yerusalemu ku isabato. . . . Kandi hariho abagabo b’i Tiro bazanaga amafi n’ibintu by’uburyo bwose, bakagura n’Abayuda ku isabato muri Yerusalemu.” {AnA 624.4}

Uku ibintu byari bihagaze kuba kwarakumiriwe mbere iyo abayobozi bakoresha ubutware bwabo; ariko umururumba wo kuteza imbere inyungu zabo bwite wari warabateye guha icyuho abatubaha Imana. Nehemiya yabacyashye ashize amanga kubwo kwirengagiza inshingano yabo kwabo. Yababajije akomeje ati: “Ni iki cyabateye gukora icyaha gisa gityo mugasuzuguza umunsi w’isabato? Eseba sokuruza banyu si uko babigenje bigatuma Imana yacu ituzanaho ibi byago no kuri uyu murwa? None namwe mugiye kongerera Abisirayeli uburakari, muzira gusuzuguza isabato.” Bityo izuba ritararenga ngo isabato itangire atanga itegeko rivuga ko “inzugi z’amarembo y’I Yerusalemu zikingwa, kandi ko zidakingurwa kugeza aho isabato ishirira,” kandi kubera ko yari yiringiye abagaragu be bwite kuruta abo abacamanza bo muri Yerusalemu bari gushyiraho, yashyize abo bagaragu ku marembo kugira ngo barebe ko amabwiriza yatanze yubahirizwa. {AnA 625.1}

Ubwo batemeraga kureka umugambi wabo, “abatunzi n’abagura ibintu by’uburyo bwose [baraye] inyuma y’i Yerusalemu rimwe cyangwa kabiri,” biringiye ko barabona uburyo bwo kugura no kugurisha haba ku baturage bmu muri Yeusalemu cyangwa abandi. Nehemiya yaburiye abo bacuruzi ko nibakomeza kugenza batyo azababahana. Yarababajije ati: “Ni iki gituma murara inyuma y’inkike? Nimwongera nzabafata.” “Maze uhereye uwo munsi, ntibongera kugaruka ku Isabato.” Nanone kandi yategetse Abalewi kurinda amarembo, kuko yari azi ko abantu bazabubaha kurusha abandi bantu basanzwe, kandi kubw’uko bari

bomatanye n’umurimo w’Imana, kwitega ko bazarushaho kugira umwete mu gushimangia kubaha amategeko yayo byarumvikanaga. {AnA 626.1}

Noneho ibyo birangiye Nehemiya yerekeje ibitekerezo bye ku ku kaga kari kugarije Isirayeli gaturutse ku gushyingirana no kunga ubumwe n’abasenga ibigirwamana. Nehemiya arandika ati: “Kandi muri iyo minsi mbona Abayuda abshyatse abagore b’Abanyashidodikazi n’Abamonikazi n’Abamowabukazi. Kandi abana babo bavugaga ururimi rwabo baruvanga n’urw’Abanyashidodi; ntibabashe kuvuga Uruyuda, ahubwo bakavuga ururimi rw’ishyanga ribonetse ryose.” {AnA 626.2}

Uko kwifatanya n’abanyamahanga kwateraga urujijo rukomeye muri Isirayeli; kuko bamwe mu bifatanyaga nabo bari abantu bo mu myanya yo hejuru, abayobozi rubanda rwashakiragaho inama ndetse rukabafataho icyitegererezo cyiza. Nehemiya abonye kure kurimbuka kwari gutegereje ishyanga mu gihe icyo kibi cyari kwemererwa gukomeza kubaho, yatonganyije cyane abakoze icyo kibi. Yaberetse ibyabaye kuri Salomo, maze abibutsa ko mu mahanga yose nta mwami umeze nka we wigeze kubaho Imana yari yarahaye ubwenge bwinshi nka we; nyamara abagore basengaga ibigirwamana bari barateshuye umutima we ku Mana, kandi urugero yatanze rwari rwaranduje Isirayeli. Nehemiya yababajije arakaye ati: “None namwe tubemerere se mukore iki cyaha gikomeye, ngo mucumure ku Mana yacu, murongore abakobwa b’abanyamahanga?” “Ntimugashyingirane na bo, kandi namwe ntimukabarongoremo.” {AnA 626.3}

Ubwo yabibutsaga amategeko y’Imana n’ibyo yavuze izabahanisha, ndetse akabibutsa ibihano biteye ubwoba Isirayeheli yahanishijwe mu bihe byashize kubera icyo cyaha, intekerezo zabo zarakangutse, bityo hatangira umurimo w’ubugorozi (ivugurura/reformation) waje guhagarika kugerwaho n’uburakari bw’Imana ahubwo ubazanira kwemerwa nayo ndetse n’imigisha yayo. {AnA 627.1}

Habayeho bamwe bari bari mu nshingano zera bingingiye abagore babo b’abapagani,bakavuga ko badashobora gutandukana nabo. Nyamara nta tandukaniro ryashyizweho; nta kwita ku rwego cyangwa umwanya w’ubuyobozi kwagaragajwe. Uwo ari we wese mu batambyi cyangwa abayobozi wanze kureka ubumwe yari afitanye n’abasenga ibigirwamana yahise akurwa mu murimo w’Uwiteka. Umwuzukuru w’umutambyi mukuru wari wararongoye umukobwa wa Sanibalati, ntiyakuwe ku murimo we gusa ahubwo yahise acibwa no muri Isirayeli. Nehemiya yarasenze ati: “Mana yanjye, ujye ubibuka, kuko bahumanijje ubutambyi n’isezerano ry’abatambyi n’iry’Abalewi.” {AnA 627.2}

Urubanza rwonyine ni rwo ruzagaragaza uburemere bw'umubabaro wo mu mutima uku kudakebakeba kwari gukenewe byatwaye uyu mugaragu w'Imana ukiranuka. Habayeho urugamba ruhoraho ahanganye n'ibyamurwanyaga, kandi habayeho kujya mbere kubwo kwiyiriza ubusa, kwicisha bugufi no gusenga. {AnA 627.3}

Benshi bari bararongoye abasenga ibigirwamana bahisemo kujyana nabo mu buhungiro, kandi aba hamwe n'abari baraciwe mu iteraniro ry'Abisirayeli bifatanyije n'Abasamariya. Ahangaha ni ho bamwe mu bari bafite imyanya yo hejuru y'ubuyobozi mu murimo w'Imana berekeje kandi nyuma y'igihe runaka bifatanya n'Abasamariya rwose. Mu rwego gusahaka gukomeza uwo mubano, Abasamariya basezeranye kuyoboka rwose ukwizera kwa Kiyahudi ndetse n'imigenzo y'Abayahudi, bityo abahakanyi nabo biyemeza kugirira neza birenze abahoze ari abavandimwe babo maze bubaka urusengero ku Musozi wa Gerizimu ruhanganye n'inzu y'Imana y'i Yerusalemu. Idini yabo yakomeje kuba uruvange rw'idini ya Kiyahudi n'iya gipagani, kandi uko ibihe byagiye biha ibindi, uko bavugaga ko ari ubwoko bw'Imana byabaye intandaro yo kutumvikana no kwitandukanya, kurushanwa ndetse n'urwango hagati y'ayo moko yombi (Abayuda n'Abasamariya). {AnA 627.4}

Mu murimo w'ubugorozi (ivugurura) ugomba gukorwa muri iki gihe, hakenewe abantu, nka Ezira na Nehemiya, batazigera boroshya uburemere bw'Icyaha cyangwa ngo bagitangire urwitwazo, cyangwa ngo batinye guhagarara no gukomera ku cyubahiro cy'Imana. Abafite umutwaro wo gukora uyu murimo ntibazagira amahoro igihe ikibi gikorwa, nta nubwo bazigera batwikiriza ikibi umwenda w'ubugwaneza bw'ikinyoma. Bazibuka ko Imana itita ku cyubahiro cy'abantu, kandi ko guhana abantubake wihanukiriye bishobora guhesha benshi imbabazi. Bazibuka kandi ko umwuka wa Kristo ukwiriye guhora ugaragarira mu muntu ucyaha ikibi. {AnA 628.1}

Mu murimo wabo, Ezira na Nehemiya bicishije bugufi imbere y'Imana, batura ibyaha byabo n'iby'ubwoko bwabo, kandi basaba imbabazi nk'aho bo ubwabo ari bo bakoze ibyaha. Barakoze, barasenga kandi barababara ariko bafite kwihangana. Icyatumye umurimo wabo urushaho gukomera ntabwo ari urugomo cyangwa kurwanywa n'abapagani ku mugaragaro, ahubwo icyatumye ukomera ni ukurwanywa rwihishwa n'abiyitaga incuti zabo bari bareguriye imbaraga zabo gukoreshwa ikibi bityo bagatuma umutwaro w'abagaragu b'Imana urushaho kuremera incuro cumi. Abo bagambanyi bahaye abanzi b'Uwiteka ibikoresho bifashisha mu kurwanya ubwoko bwe. Ibyifuzo byabo bibi no kwigomeka kwabo byahoraga amabwiriza yumvikana neza Imana yatanze. {AnA 628.2}

Insinzi imihati ya Nehemiya yagezeho igaragaza icyo isengesho, ukwizera ndetse no gukorana umwete bizasohoza. Nehemiya ntiyari umutambyi; ntiyari umuhanuzi; ndetse ntiyigeze ashaka no kugira umwanya wo hejuru. Yari umugorozi wahagurukijwe mu gihe

gikomeye. Umugambi we wari uwo kunga ab'ubwoko bwe n'Imana. Kubwo gusunikwa n'umugambi ukomeye yari afite, yakoresheje imbaraga ze zose kugira ngo asohoze uwo mugambi. Ubupfura butagerereranywa ni bwo bwaranze imihati ye. Ubwo yahanganaga n'ikibi no kurwanya icyiza (opposition to right, p.676), yahagaze ashikamye ku buryo abantu bakanguriwe gukorana ubwuzu n'umwete bishya. Bashoboraga kubona ubudahemuka bwe, gukunda igihugu kwe ndetse n'uko yakundaga Imana byimbitse; bityo babonye ibyo, biyemeza kumukurikiza bakajya aho abayoboye. {AnA 629.1}

Gukorana umwete inshingano Imana yahaye umuntu ni umugabane w'ingenzi w'iyobokamana cyangwa idini nyakuri. Abantu bakwiriye gufata ibibaho nk'ibikoresho Imana itanze kugira ngo ubushake bwayo busohozwe. Icyemezo cyihutiwe kandi kidakebakeba gifashwe mu gihe gikwiriye kizagera ku nsinzi zihebuje, mu gihe gutindiganya no kwirengagiza bibyara gutsindwa no gusuzuguza Imana. Iyo abayobozi mu murimo wo kwamamaza ukuri batagaragaje umwete n'ubwuzu, iyo batagira icyo bitaho ntibagire n'umugambi bakurikiye, itorero ntirizagira icyo ryitaho, rizaba inkorabusa kandi rikunde ibinezeza; ariko abayobozi nibaba buzuwe n'umugambi wera wo gukorera Imana yonyine, abarigize bazunga ubumwe, kandi bagire ibyiringiro n'ubwuzu. {AnA 629.2}

Ijambo ry'Imana ryuzuyemo ibintu bihabanye bikomeye. Icyaha n'ubutungane birabangikanye ku buryo tubyitegereje, dushobora kwirinda kimwe kandi tukemera ikindi. Impapuro zigaragaza urwango, ibinyoma n'uburiganya bya Sanibalati na Tobiya, zinavuga ubupfura, kwiyanga no kwitanga bya Ezira na Nehemiya. Dufite umudendezo wo kwigana bimwe uko twabyihitiramo. Ingaruka ziteye ubwoba zo kwica amategeko y'Imana zashyizwe aho ziteganye n'imigisha ikomoka ku kumvira. Twe ubwacu tugomba gufata icyemezo niba tuzababazwa n'ingaruka cyangwa niba tuzishimira imigisha. {AnA 630.1}

Umurimo w'ivugurura n'ubugorozi wakozwe n'abari bavuye mu bunyage bayobowe na Zerubabeli, Ezira na Nehemiya, ugaragaza isura y'umurimo w'ivugurura mu by'umwuka ugomba gukorwa mu minsi iheruka y'amateka y'iyi si. Abari barasigaye muri Isirayeli bari ubwoko bufite intege nke, bwiteguye kugerwaho n'isenya no kwangiza by'abanzi babo. Nyamara binyuze kuri abo basigaye Imana yagambiriye kurindira ku isi kuyimenya ndetse n'amategeko yayo. Bari abarinzi bo kuramya nyakuri, kandi bari babikijwe amagambo y'amateka yera. Ibyagiye bibabaho igihe basanaga urusengero n'inkike za Yerusalemu biratandukanye; kandi kurwanywa bagombaga guhangana na ko kwari gukomeye. Imitwaro abayobozi muri uyu murimo bikoreye wari uremereye cyane; ariko abo bagabo bateye intambwe bajya mbere bafite ibyiringiro bitanyeganyezwa, kwicisha bugufi mu mutima, kandi bishingikirije ku Mana ubutadohoka, bizeye ko izatuma ukuri kwayo gutsinda. Nk'uko umwami Hezekiya yabigenje, Nehemiya "yomatanye n'Uwiteka, [ntiyareka

kumukurikira], ahubwo [yitondera] amategeko ye . . . Uwiteka yabanaga na we.” 2Abami 18:6,7. {AnA 630.2}

Ivugurura mu by’umwuka ryabaye igishushanyo cy’umurimo wakozwe na Nehemiya, rivugwa mu magambo ya Yesaya agira ati: “Nuko bazubaka ahasenyutse, bazubura amatongo yabanje kubaho, kandi bazasana imidugudu yasenyutse yamaze ibihe byinshi ari imyirare.” “N’abazagukomokaho bazubaka mu matongo ya kera yasenyutse; uzongera gushinga imfatiro zariho ku ngoma nyinshi; kandi uzitwa Uwica icyuho, kandi Usibura inzira zijya mu ngo.” Yesaya 61:4; 58:12. {AnA 631.1}

Ahangaha umuhanuzi aravuga iby’ubwoko bushaka gusubizaho amahame agize urufatiro rw’ubwami bw’Imana mu gihe cyo gutandukira ukuri n’ubutungane byabaye rusange. Ni abica icyuho cyaciwe mu mategeko y’Imana ari yo rukuta bagoteshejwe kugira ngo rubarinde, kandi kumvira ayo mategeko y’ubutabera, ukuri n’ubutungane ni ukuyabera umurinzi iteka. {AnA 631.2}

Mu magambo afite ubusobanuro bwumvikana neza, umuhanuzi agaragaza umurimo wihariye ubu bwoko bwasigaye bwubaka inkike bufite. Aravuga ati: “Nuhindukira ntukandagire isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera, ahubwo ukita isabato umunezero, umunsi wera w’Uwiteka ukawita uw’icyubahiro, ukawubaha, ntube icyigenge, ntiwishakire ibyo kwinezeza, ntimivugire ibyo ushaka ku bwawe, nuko uzishimira Uwiteka; nanjye nzaguha kurambagira mu mpinga z’igihugu; kandi nzagutungisha gakondo ya sogokuruza Yakobo. Akanwa k’Uwiteka ni ko kabivuze.” Yesaya 58:13,14. {AnA 631.3}

Mu bihe biheruka, gahunda yose yashyizweho n’Imana igomba kuvugururwa. Icyuho cyaciwe mu mategeko y’Imana igihe umuntu yahinduraga Isabato kigomba gusibwa. Ubwoko bw’Imana bwasigaye, buhagaze ari abagorozi imbere y’abatuye isi, bugomba kugaragaza ko amategeko y’Imana ari yo rufatiro rw’ivugurura (cyangwa ubugorozi) ryose rihamye kandi ko Isabato ivugwa mu itegeko rya kane igomba guhagarara ari urwibutso rw’irema, ikaba ari ikimenyetso gihoraho cyibutsa ububasha bw’Imana. Mu magambo yumvikana neza kandi adakebakeba, bagomba kugaragaza ko kumvira amategeko yose yo mu Mategeko Cumi ari ngombwa. Kubwo guhatwa n’urukundo rwa Kristo, bagomba gukorana na We bubaka amatongo yasenyutse. Bagomba kuba abica icyuho n’abasibura inzira zijya mu ngo. Soma Yesaya 58:12. {AnA 631.4}

UMUGABANE WA VIII - UMUCYO MU GIHE CY'UMUGOROBA [W'ISI]

"Maze ubwami n'ubutware n'icyubahiro cy'ubwami bwose buri munsi y'ijuru buzahabwe ubwoko bw'abera b'Isumbabyose; ubwami bwayo ni ubwami buzahoraho iteka, kandi ubutware bwose buzajya buyikorera buyumvire."Daniyeli 7:27

IGICE CYA 58 - UKUZA K'UMUCUNGUZI (UMURENGEZI) DELIVERER

Mu myaka ibinyejana byinshi "y'amakuba n'umwijima" n' "umubabaro umeze nk'ubwire" (Yesaya 8:22) byaranze amateka y'ikiremwamuntu uhereye umunsi ababyeyi bacu ba mbere bahombaga urugo rwabo rwa Edeni ukageza igihe Umwana w'Imana yazaga ari Umukiza w'abanyabyaha, ibyiringiro by'ikiremwamuntu cyaguye byari bishingiye ku ku kuza k'Umucunguzi aje kurokora abagabo n'abagore mu bubata bw'icyaha n'urupfu. {AnA 634.1}

Itangazo rya mbere rivuga ibyo byiringiro ryatangarijwe Adamu na Eva mu rubanza inzoka yaciriwe muri Edeni igihe Uwiteka yabwiraga Satani bumva agira ati: "Nshize inzigo hagati yawe n'umugore, no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe. Ruzakujanjagura umutwe, nawe urukometse agatsinsino." Intangiriro 3:15 (BII). {AnA 634.2}

Ubwo uwo mugabo n'umugore bari bacumuye bumvaga ayo magambo, bagize ibyiringiro; kuko mu buhanuzi bwerekeye kumanagura ububasha bwa Satani bumvisemo isezerano rwo gucungurwa bagakurwa mu kurimbuka kwaje bitewe no gucumura. Nubwo bagombaga kubabazwa n'imbaraga z'umwanzi wabo bitewe n'uko bari batsinzwe n'ubushukanyi bwe bityo bajaba bari bahisemo kutumvira itegeko ry'Uwiteka ryumvikanaga neza, ntibyari ngombwa ko bahera mu kwiheba burundu. Umwana w'Imana yashakaga guhongerera igicumuro cyabo kubw'amaraso ye bwite. Bagombaga guhabwa igihe cyo kwakira imbabazi, aho muri cyo bagombaga kongera guhinduka abana b'Imana binyuze mu kwizera ububasha bwa Kristo bwo gukiza. {AnA 635.1}

Kubw'insinzi yari yagize ubwo yateshuraga umuntu mu nzira yo kumvira, Satani yahindutse "imana y'iyi si." 2Abakorinto 4:4. Ubwami bwahoze ari ubwa Adamu bwahindutse ubw'umunyazi. Ariko Umwana w'Imana yiyemeje kuza kuri iyi si kugira ngo yishyure igihano cy'icyaha, bityo ye gucungura umuntu gusa ahubwo anamugarurire ubwami yari yaranyazwe. Ni uku gukomorerwa Mika yari yarahanuye igihe yavugaga ati: "Nawe, munara w'umukumbi, umusizi w'umukobwa w'i Siyoni, ubutware bwa mbere buzakugarukira." Mika 4:8. Intumwa Pawulo nawe yabivuzeho ko ari ugucungurwa kw'abo Imana yaronse. (Abefeso 1:14). Kandi umuhimbyi wa Zaburi na we yari afite mu ntekerezo ze uko gukomererwa guheruka k'umurage wa mbere w'umuntu igihe yavugaga ati: "Abakiranutsi bazaragwa igihugu, bakibemo iteka." Zaburi 37:29. {AnA 635.2}

Ibi byiringiro byo gucungurwa binyuze mu kuza k'Umwana w'Imana, aje ari Umukiza n'Umwami, ntibyigeze bikendera mu mitima y'abantu. Uhereye kera kose hagiye habaho abantu bamwe bafite ukwizera kwasingiriye hakurwa y'ibitwikiriwe byo muri iki gihe bakagera ku kuri kw'ahazaza. Muri Adamu, Seti, Enoki, Metusela, Nowa, Shemu,

Aburahamu, Isaka na Yakobo - ndetse n'abandi b'ingirakamaro, Uwiteka yabagaragarijeho ihishurwa rikomeye ry'ubushake bwe. Kandi ni muri ubwo buryo abana ba Isirayeli, ari bo bwoko bwatoranyijwe abatuye isi bagombaga guhererwamo Mesiya wasezeranwe, Imana yamenyekanishije ibyo amategeko yayo asaba, ndetse n'iby'agakiza kagomba gusohozwa binyuze mu mpongano y'Umwana wayo ikunda. {AnA 636.1}

Ibyiringiro bya Isirayeli byari bikubiye mu isezerano ryatanzwe igihe Abaurahamu yahamagarwaga, kandi nyuma yahoo rigasubirirwamo urubyaro rwe kenshi ngo: "Kandi muri wowe ni mo imiryango yose yo mu isi izaherwa umugisha." Itangiriro 12:3. Ubwo umugambi w'Imana wo gucungura abantu wahishurirwaga Aburahamu, Zuba ryo Gukiranuka yamurikiye umutima we bityo umwijima wari umurimo uririrukanwa. Kandi amaherezo ubwo Umukiza ubwe yagendanaga n'abana b'abantu kandi akavugana na bo, yahamirije Abayuda iby'ibyiringiro bikomeye abakurambere bari bafite byerekeye gucungurwa binyuze mu kuza k'Umucunguzi. Kristo yaravuze ati: "Aburahamu sekuruza wanyu yifujije kureba umunsi wanjye, kandi awubonye aranezerwa." Yohana 8:56. {AnA 636.2}

Ibi byiringiro by'umugisha byagaragarijwe mu mugisha umukurambere Yakobo yahesheje umuhungu we Yuda agira ati: {AnA 636.3}

"Yuda, bene se bazagushima:
Ukuboko kwawe kuzaba ku ijosi ry'abanzi bawe;
Bene so bazakwikubita imbere . . . {AnA 636.4}

Inkoni y'ubwami ntizava kuri Yuda,
Inkoni y'ubutware ntizava hagati y'ibirenge bye,
Nyirayo ataraza;
Uwo ni we amahanga azumvira." {AnA 637.1}

Itangiriro 49:8-10.

Na none kandi ubwo bari bari ku mbibi z'Igihugu cy'Isezerano, ukuza k'Umucunguzi w'isi kongeye kuvugwa mu buhanuzi bwa Balamu: {AnA 637.2}

"Ndamureba, ariko si ubu;
Ndamwitegereza, ariko ntandi bugufi.
Inyenyeri izakomoka mu bwoko bwa Yakobo,
Inkoni y'ubwami izaboneka
Iturutse mu bwoko bwa Isirayeli,

Izagiriza inkiko z’i Mowabu,
Izatsinda hasi Abasheti bose.” {AnA 637.3}

Kubara 24:17.

Binyujijwe kuri Mose, Abisirayeli babwiwe iby’umugambi w’Imana wo kohereza Umwana wayo akaza kuba Umucunguzi w’inyokomuntu yacumuye. Igihe kimwe, mbere gato y’urupfu rwe, Mose yaravuze ati, “Uwiteka Imana yawe izaguhagurukiriza umuhanuzi umeze nkanjye, ukomotse hagati muri mwe, muri bene wanyu, azabe ari we mkwumvira.” Mose yari yarabwiwe mu buryo bwumvikana ibirebana na Isirayeli byerekeye umurimo Mesiya wajyaga kuza yari kuzakora. Ijambo Uwiteka yabwiye umugaragu we ni iri ngo: “Nzabahagurukiriza umuhanuzi umeze nkawe, ukomotse muri bene wabo; nzashyira amagambo yanjye mu kanwa ke, ajye ababwira ibyo mutegetse byose.” Gutegeka kwa kabiri 18:15,18. {AnA 637.4}

Mu bihe by’abakurambere ibitambo byajyaniranaga no kuramya Imana byari bigize urwibutso ruhoraho rwerekana ukuza k’Umukiza, kandi ni nako byari bimeze ku migenzo yose yo mu mihango yakorerwaga mu buturo bwera mu gihe cyose cy’amateka y’Abisirayeli. Mu mirimo yose yakorerwaga mu ihema ry’ibonaniro ndetse n’iyo mu rusengero rwaje gusimbura iryo hema nyuma yaho, hifashishijwe ibigereranyo, buri munsi abantu bigishwaga ukuri gukomeye gufitanye isano no kuza kwa Kristo ari Umucunguzi, Umutambyi n’Umwami; kandi incuro imwe buri mwaka intekerezo zabo zerekezwaga ku bizabaho biheruka mu ntambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani, ari byo kwezwa guheruka kw’isanzure n’isi bikezwaho icyaha n’abanyabyaha. Ibitambo n’amaturo byatangwaga mu mihango yashyizweho na Mose byahoraga bitunga agatoki umuhango uhebuje indi, ari wo wo mu ijuru. Ubuturo bwera bwo ku isi “bwashushanyaga iby’iki gihe cya none,” aho muri bwo hatangirwaga amaturo n’ibitambo; kandi ibyumba byabwo biriri by’ahera byari “ibishushanyo by’ibyo mu ijuru;” kuko ubu Kristo, Umutambyi wacu Mukuru ukomeye “akorera Ahera ho mu ihema ry’ukuri, iryo abantu batabambye, ahubwo ryabambwe n’umwami Imana.” Abaheburayo 9:9,23; 8:2. {AnA 637.5}

Uhereye umunsi Uwiteka yabwiriye inzoka muri Edeni ati: “Nzashyira urwango hagati yawe n’uyu mugore, no hagati y’urubyaro rwawe n’urwe” (Itangiriro 3:15), Satani yamenye ko adashobora na mba kwigarurira abatuye isi burundu. Igihe Adamu n’abana be batangiraga gutanga ibitambo byategetswe n’Imana kandi byashushanyaga Umucunguzi wajyaga kuzaza, Satani yabibonyemo ikimenyetso cyo gusabana kw’isi n’ijuru. Yakoze ubudahwema ashaka kugaragaza Imana uko itari no gusobanura nabi imihango yatungaga agatoki Umukiza, kandi yagiye agera ku ntego ye kuri mubare munini w’abagize umuryango w’abantu. {AnA 638.1}

Mu gihe Imana yo ifuzaga kwigisha abantu ko impano ibunga na Yo ikomoka mu rukundo rwayo, umwanzi gica w'inyokomuntu yagiye ashishikarira kugaragaza ko Imana yishimira kubarimbura. [Uko ni ko ibitambo n'amategeko byashyizweho n'ijuru ngo bihishure urukundo rw'Imana byasobanuwe nabi ngo byo ubwabyo n'impano n'imirimo myiza, bibe uburyo budahesha abanyabyaha ibyiringiro byo guhosha uburakari bw'Imana bacumuyeho [thus the sacrifices and the ordinances designed of Heaven to reveal divine love have been perverted to serve as means whereby sinners have vainly hoped to propitiate (pacify), with gifts and good works, the wrath of an offended God]pp.685,686.] Muri icyo gihe kandi Satani yashatse gukangura no gukomeza ibyifuzo bibi by'abantu kugira ngo binyuze mu guhora bacumura, imbaga nini ikomeze kujyanwa kure y'Imana, kandi iboheshwe ingoyi z'icyaha nta byiringiro ifite. {AnA 638.2}

Igihe ijambo ryanditswe ry'Imana ryatangwaga rinyujijwe mu abahanuzi b'Abaheburayo, Satani yiganye ubushishozi ubutumwa bwerekeye Mesiya. N'ubushishozi bwinshi, yarebye amagambo yasobanuraga mu buryo budashidikanywaho umurimo Kristo yagombaga gukorera mu bantu akababazwa nk'igitambo kandi kandi akaba umwami unesha. Yasomye mu bitabo by'imizingo by'Ibyanditswe Byera byo mu Isezerano Rishya ko uwari kuza yari "kujyanwa nk'umwana w'intama bajyana kubaga," "Kuko mu maso he hononekaye ntihase n'ah'umuntu, n'ishusho ye yononekaye ntise n'iy'abana b'abantu." Yesaya 53:7; 52:14. Umukiza w'inyokomuntu wasezeranywe yagombaga "gusuzugurwa akangwa n'abantu; yari umunyamibabaro wamenyereye intimba; [wasuzugurwaga] nk'umuntu abandi bima amaso, . . . " {AnA 639.1}